Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda

Umuryango w'Abibumbye

URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO I

Umwimerere: Icyongereza

Abacamanza: Erik Møse, Prezida w'Urugereko
Asoka de Zoysa Gunawardana
Mehmet Güney

Gerefiye: Adama Dieng

Itariki: 7 Kamena 2001

UNICTR
JUDICIAL RECORDS/ARCHIVES
RECEIVED
2014 FEB 25 A 9:52

POROKIRERI

aburana na

Ignace BAGILISHEMA

Urubanza N° ICTR-95-1A-T

INYANDIKO Y'URUBANZA

Ibiro bya Porokireri

Jane Anywar- Adong
Charles Adeogun- Phillips
Wallace Kapaya
Boi- Tia Stevens

Abavoka bunganira Uregwa

François Roux
Maroufa Diabira
Héleyn Unac
Wayne Jordash

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

AMASHAKIRO

I. INTANGIRIRO 1

1. Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda 1

2. Inyandiko y'ibirego 2

3. Ububasha bw'Urukiko 2

4. Uregwa 3

II. AMATEGEKO AKURIKIZWA 4

1. Imiburanishirize 4

2. Gusuzuma ibimenyetso 11

III. AMATEGEKO AKURIKIZWA 13

1. Uburyozwacyaha bw'umuntu nka gatozi (Ingingo ya 6 ya Sitati) 13

1.1 Uburyozwacyaha buteganywa n'Ingingo ya 6 1) ya Sitati 14

2.2 Uburyozwacyaha buteganywa n'Ingingo ya 6 (3) ya Sitati 18

1.2.1 Isano iri hagati y'umuntu ukuriye abandi n'abo akuriye 19

1.2.2 Kuba umuntu ukuriye abandi yari azi cyangwa yari afite impamvu zo kumenya [ko abantu akuriye bari bagiye gukora icyaha cyangwa ko bagikoze] 21

1.2.3 Kutaburizamo icyaha cyangwa kudahana abagikoze 23

2. Icyaha cya Jenoside (Ingingo ya 2 ya Sitati) 24

2.1 Jenoside 24

2.1.1 Ibikorwa biregerwa 26

2.1.2 Igitekerezo cyihariye cyo gukora icyaha 28

2.2 Kuba icyitso cy'abakoze jenoside 30

3. Ibyaha byibasiye inyokomuntu (Ingingo ya 3 ya Sitati) **..... 33**

3.1 Igitero rusange 34

3.1.1 Igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda 35

3.1.2 Ibyaha byibasiye abaturage b'abasiviri 36

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

3.1.3 Impamvu z'ivangura 36
3.2 Ibikorwa biregerwa 37
3.3 Igitekerezo cyihariye cyo gukora icyaha 41
4. Ibikorwa binyuranyije n'Amasezerano y'i Jeneve hamwe n'Inyongera yayo ya II (Ingingo ya 4 ya Sitati)....……..42
4.1 Amategeko akurikizwa 43
4.2 Ibikorwa bifatika bisabwa kugira ngo Ingingo ya 3 ihuriweho ikoreshwe..... 44
5. Impuririrane y'ibyaha 46
IV. IBIBAZO RUSANGE 48
1. Ibivugwa mu ikubitiro 48
2. Imyifatire y'Uregwa mbere y'ibyabaye muri 1994 48
3. Icyemezo Uregwa yafashe cyo kuguma ku mwanya we wa burugumesitiri 55
3.1 Intangiriro 55
3.2 Igisobanuro cy'icyemezo Uregwa yafashe 59
3.3 Umwanzuro w'Urugereko. 63
4. Abantu Uregwa ashobora kuba yari akuriwe 63
4.1 Intangiriro 63
4.2 Abakozi ba Komine 66
4.3 Abapolisi ba Komine 71
4.4 Jandarumori y'Igihugu..... 73
4.5 Abarezerivisiti..... 77
4.6 Interahamwe..... 78
4.7 Abakiga..... 83
5. Ingamba Uregwa yafashe ngo aburizemo ibyaha 94
5.1 Intangiriro 94
5.2 Ububasha n'uburyo Uregwa yari afite..... 95
5.3 Ingamba zafashwe n'Uregwa mu gukumira ibyaha..... 96
5.4 Amanama 110

6. Imibanire ya Célestin Semanza n'Uregwa 124
7. Ibaruwa yo ku itariki ya 24 Kamena 1994 132
8. Imyanzuro rusange 135
V. IMYANZURO YO MU RWEGO RW'AMATEGEKO N'URW'IBYABAYE 137
1. Intangiriro 137
2. Ibyabereye muri Mabanza guhera tariki ya 6 kugeza ku ya 12 Mata 1994 138
2.1 Ibitero byagabwe muri Komine ya Mabanza 138
2.2 Ibitero byagabwe ku gasozi ka Nyabubare 139
2.3 Amarondo 141
2.4 Inama y'umutekano yo ku itariki ya 9 Mata 1994 143
2.5 Impunzi zahungiye ku biro bya Komine ya Mabanza 146
2.6 Inama hagati y'Uregwa na Perefe ku itariki ya 12 Mata 1994 154
3. Ibintu byabereye ku Kibuye kuva ku itariki ya 13 kugera ku ya 19 Mata 1994 170
3.1 Kwimura impunzi ziva ku biro bya Komine ya Mabanza zikajya mu mugi wa Kibuye 170
3.2 Gufungwa no gufatwa nabi byakorewe impunzi kuri sitade Gatwaro, mu mugi wa Kibuye, hagati y'itariki ya 13 n'iya 17 Mata 1994 181
3.2.1 Intangiriro 181
3.2.2 Umugambi wacuzwe mbere 183
3.2.3 Imiterere ya Sitade Gatwaro 186
3.2.4 Uko ibintu byari byifashe kuri sitade – Isesengura 187
3.2.5 Uko ibintu byari byifashe kuri sitade – Imyanzuro rusange y'Urugereko 193
3.2.6 Ibivugwa ko Uregwa yari kuri sitade hagati y'itariki ya 13 na 17 Mata 1994-Isesengura 197
3.2.7 Imyanzuro y'Urugereko ku buryozwacyaha bw'Uregwa 210
3.3 Igitero cyagabwe ku mpunzi zari mu kigo cya Home Saint-Jean, mu mugi wa Kibuye, ku itariki ya 17 Mata 1994. 219

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

3.3.1 Intangiriro 219
3.3.2 Isesengura 221
3.3.3 Imyanzuro y'Urugereko 225
3.4 Igitero cyagabwe ku mpunzi kuri sitade Gatwaro, mu mugi wa Kibuye ku itariki ya 18 n'iya 19 Mata 1994……..226
3.4.1 Intangiriro 226
3.4.2 Isesengura 229
3.4.3 Imyanzuro ku buryozwacyaha bw'Uregwa 238
3.4.4 Imyanzuro rusange 258
4. Ibintu byabereye muri Komine ya Mabanza kuva ku itariki ya 13 Mata kugeza muri Nyakanga 1994……270
4.1 Iyicwa rya Karungu 270
4.2 Iyicwa rya Pasitoro Muganga 285
4.3 Iyicwa ry'impunzi ku biro bya Komine no guhamba imirambo mu cyobo rusange 299
4.4 Ibitero byo mu Bisesero 310
4.5 Iyicwa rya Kanyabugosi 319
4.6 Iyicwa ry'abahungu b'umutangabuhamya wiswe B 324
4.7 Iyicwa ry'Abatutsi bari bihishe kwa Habayo 331
4.8 Ifungwa rya Habayo n'ibyamubayeho nyuma 339
5. Amabariyeri yo muri Komine ya Mabanza 344
5.1 Intangiriro 344
5.2 Ibyavugwa muri rusange ku mabariyeri 346
5.2.1 Amabariyeri na gahunda yo kwirinda kw'abaturage 346
5.2.2 Bariyeri zagaragaye muri Komine ya Mabanza 349
5.3 Uburyozwacyaha bushingiye ku byaha byakorewe kuri za bariyeri 350
5.3.1 Uburyozwacyaha buteganywa n'Ingingo ya 6 1) n'iya 6 3) za Sitati 351

5.3.2 Itandukanyirizo hagati ya bariyeri zashyizweho n'ubutegetsi n'izitarashyizweho nabwo. 353
5.4 Bariyeri yo kuri Trafipro - Ishyirwaho rwayo n'icyari kigamijwe. 355
5.4.1 Ishyirwaho rya bariyeri yo kuri Trafipro n'ishyirwaho ry'abantu bo kuyigenzura. . 356
5.4.2 Icyo bariyeri yo kuri Trafipro yari igamije 364
5.5 Bariyeri yo kuri Trafipro - Kuba Uregwa yarabaye icyitso cy'abishe..... 369
5.6 Bariyeri yo kuri Trafipro - Kuba Uregwa yarabaye icyitso cy'abishe Judith. 374
5.7 Iyicwa rya Bigirimana na Judith – Uburyozwacyaha bw'Uregwa nk'umuntu wari ukuriye abandi. 380
5.8 Bariyeri yo ku Gitikinini 388
5.9 Bariyeri y'i Gacaca 393
5.10 Bariyeri muri rusange – Uburyozwacyaha bw'Uregwa bushingiye ku burangare. .. 394
5.11 Imyanzuro rusange y'Urugereko 403
VI. ICYEMEZO CY'URUKIKO 407
IGITEKEREZO CYIHARIYE CY'UMUCAMANZA ASOKA DE Z. GUNAWARDANA
IGITEKEREZO CY'UMUCAMANZA MEHMET GÜNEY CYIHARIYE KANDI GITANDUKANYE N'ICYA BAGENZI BE
UMUGEREKA A
UMUGEREKA B

I. INTANGIRIRO

1. Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda

1. Uru rubanza Porikireri aburana na Ignace Bagirishema ruciwe n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo, I, rw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda ("Urukiko"), rugizwe n'Abacamanza Erik Mose, Perezida w'Urugereko, Asoka de Z. Gunawardana na Mehmet Güney ("Urugereko").

2. Urukiko rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye mu Cyemezo cyayo 955 cyo ku itariki ya 8 Ugushyingo 1994[1]. Imaze gusuzuma raporo zinyuranye yagejejweho n'Umuryango w'Abibumbye[2] zagaragazaga ko ibikorwa bya jenoside n'ibindi byaha bikomeye binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara byakozwe mu buryo rusange kandi buri kuri gahunda, mu Rwanda mu mwaka wa 1994, Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi yasanze ko uko ibintu byari byifashe mu mwaka wa 1994, byari bibangamiye amahoro n'umutekano mpuzamahanga. Imaze kubona ko ikurikiranwa ry'abantu bakekwaho kuba baragize uruhare muri ibyo bikorwa no muri ibyo byaha, byagira uruhare mu bwiyunge bw'Abanyarwanda, bikagarura kandi bigakomeza amahoro mu Rwanda, Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi yashyizeho Urukiko ishingiye ku Mutwe wa VII w'Amategekoshingiro y'Umuryango w'Abibumbye.

3. Urukiko rugengwa na Sitati yarwo (" muri iyi nyandiko izajya yitwa Sitati"), yometse ku Cyemezo 955 cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi, kimwe n'Amategeko Agenga

---

[1] Inyandiko ya ONU: S/RES/955 yo ku itariki ya 8 Ugushyingo 1994. [Icyitonderwa cy'umusemuzi: ibisobanuro byo hasi ku rupapuro byose byakuwe mu Nyandiko y'urubanza iri mu gifaransa].

[2] Raporo y'ibanze ya Komisiyo y'Impuguke yashyizweho hakurikijwe Icyemezo 935 (1994) cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi (Inyandiko ya ONU: S/1994/1125). Raporo isoza ya Komisiyo y'Impuguke yashyizweho hakurikijwe Icyemezo 935 (1994) cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi [Inyandiko ya ONU: S/1994/1405) na Raporo z'Intumwa yihariye ku Rwanda ya Komisiyo y'Umuryango w'Abibumbye yita ku Burenganzira bw'Ikiremwamuntu (Inyandiko ya ONU S/1994/1157, imigereka I na II).

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ("muri iyi nyandiko azajya yitwa Amategeko") yemejwe n'Abacamanza ku itariki ya 5 Nyakanga 1995, akaza guhindurwa nyuma[3].

2. Inyandiko y'ibirego

4. Ku tariki ya 28 Ugushyingo 1995, Inyandiko y'ibirego ya mbere yakorewe Ignace Bagilishema n'abandi bantu barindwi yemejwe n'Umucamanza Navanethem Pillay[4]. Ku itariki ya 6 Gicurasi 1996, uwo Mucamanza yemeje Inyandiko y'ibirego ya mbere yahinduwe ku itariki ya 29 Mata 1996. Ku itariki ya 17 Nzeri 1999, Porokireri yashyikirije Urugereko Icyifuzo gishya asaba uburenganzira bwo kongera guhindura Inyandiko y'ibirego, maze rumwemerera kuyindura bwa kabiri[5] Iyo Nyandiko yakoporowe uko yakabaye mu Mugereka A w'iyi Nyandiko y'urubanza kandi ni yo ikubiyemo ibyaha Uregwa akurikiranyweho muri uru Rugereko ("muri iyi nyandiko izajya yitwa Inyandiko y'ibirego").

3. Ububasha bw'Urukiko

5. Hakurikijwe ibiteganywa na Sitati, Urukiko rufite ububasha bwo gucira imanza abantu bakekwaho kuba barakoreye mu Rwanda ibyaha bikomeye binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara. Sitati iha kandi Urukiko ububasha bwo gucira imanza Abanyarwanda bakekwaho kuba barakoreye ibyo byaha mu

---

[3] Amategeko yahinduwe ku matariki ya 12 Mutarama, 15 Gicurasi na 4 Nyakanga 1996, 5 Kamena 1997, 8 Kamena 1998, 4 Kamena 1999, 18 Gashyantare, 26 Kamena na 3 Ugushyingo 2000 na 31 Gicurasi 2001.
[4] Icyemezo gikurikira isuzumwa ry'Inyandiko y'Ibirego, urubanza rwa *Clément Kayishema na na mugenzi we*, Urubanza N°. TPIR-95-1-I, 28 Ugushyingo 1995.
[5] Icyemezo cyatanzwe mu magambo ku "Cyifuzo cya Porokireri gisaba uruhushya rwo guhindura Inyandiko y'ibirego".

bihugu bituranye n'u Rwanda. Nk'uko bivugwa mu Ngingo ya 7 ya Sitati, Urukiko rufite ububasha bwo gukurikirana gusa ibyaha byakozwe hagati y'itariki ya mbere Mutarama n'iya 31 Ukuboza 1994. Nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 6 ya Sitati, umuntu aryozwa icyaha ku giti cye hashingiwe ku byaha Urukiko rufitiye ububasha bwo gukurikirana, nk'uko birondorwa mu Ngingo ya 2, iya 3 n'iya 4 za Sitati. Izo ngingo zongera kuvugwa mu mutwe wa III w'iyi Nyandiko y'urubanza, wahariwe amategeko akurikizwa.

6. N'ubwo Urukiko Mpuzamahanga n'inkiko z'ibihugu bifite ububasha bwo gucira imanza abantu bakekwaho kuba barakoze ibyaha bikomeye binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara, Urukiko mpuzamahanga rufite ububasha busumbye ubw'inkiko z'ibihugu byose. Binyuze mu nzira zemewe, Urukiko rushobora rero gusaba inkiko z'ibyo bihugu kwikura urubanza uru n'uru, hakurikijwe Ingingo ya 8 ya Sitati.

4. Uregwa

7. Uregwa, ari we Ignace Bagilishema, yavukiye muri Segiteri ya Rubengera, Komine ya Mabanza, Perefegitura ya Kibuye (Rwanda), ku itariki ya 21 Gicurasi 1955. Mu gihe cy'imyaka ibiri gusa, yize mu ishuri rikuru rya gisirikare, mbere yo gukora muri Minisiteri y'Urubyiruko, kuva mu mwaka wa 1978 kugera mu wa 1980. Ku itariki ya 8 Gashyantare 1980, afite imyaka 25, yagizwe Burugumesitiri wa Komine ya Mabanza, maze akora ako kazi kugeza igihe ahungiye igihugu hagati muri Nyakanga 1994. Arubatse kandi afite abana batandatu.

II. AMATEGEKO AKURIKIZWA

1. Imiburanishirize

8. Ku itariki ya 9 Gashyantare 1999, Ignace Bagirishema yafatiwe muri Repubulika y'Afurika y'Epfo hashingiwe kuri manda yo kumufata yatanzwe n'Umucamanza Navanethem Pillay ku itariki ya 14 Ukuboza 1998. Yimuriwe muri gereza y'Urukiko ku itariki ya 20 Gashyantare 1999, maze yitaba Urukiko bwa mbere ku itariki ya 1 Mata 1999 mu Rugereko rwa Mbere rw'Iremezo II rugizwe n'Abacamanza William Sekule, Perezida w'Urugereko, Yakov Ostrovsky na Tafazzal Khan. Mu mihango y'iburanisha, yari ahagarariwe na avoka w'izamu kandi yahakanye ibyaha byose 13 yashinjwaga mu Nyandiko y'ibirego ya mbere yahinduwe ku itariki ya 29 Mata 1996[6].

9. Ku itariki ya 15 Nzeri 1999, Urugereko rwahaye Porokireri uruhushya rwo gutandukanya ibirego bishinjwa Uregwa n'ibindi biregwa abandi bantu bashinjwanaga mu Nyandiko y'ibirego ivugwa haruguru. Rwanategetse Gerefiye guha urubanza rw'uregwa iyindi nomero[7]. Uwo munsi, urwo rubanza rwahawe nomero ICTR-95-1A-I. Mu Cyemezo cyo ku itariki ya 17 Nzeri 1999, Urugereko rwahaye Porokireri uburenganzira bwo guhindura Inyandiko y'ibirego ya mbere, akarekeramo ibyaha byose bivugwamo uretse icyaha cy'ubwunvikane bugamije gukora jenoside. Bukeye, ku itariki ya 18 Nzeri 1999, Uregwa yahakanye ibyaha byose aregwa muri iyo Nyandiko y'ibirego. Hakurikijwe Ingingo ya 73 *bis* y'Amategeko, amanama mbanzirizarubanza yabaye ku itariki ya 18 Nzeri no ku ya 25 Ukwakira 1999. Noneho ku itariki ya 27 Ukwakira 1999, urubanza rutangirira ku mpinamyanzuro yo mu ikubitiro ya Porikireri.

---

[6] Reba icyiciro I.2 haruguru.
[7] Icyemezo cyatanzwe mu magambo ku itariki ya 15 Nzeri 1999 ku "Cyifuzo cya Porokireri gisaba gutandukanya imanza".

10. Kuva ku itariki ya 1 kugera ku ya 4 Ugushyingo 1999, Abacamanza batatu bagiye muri Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, gusura ahantu hakorewe ibikorwa bimwe by'ingenzi bivugwa muri uru rubanza. Bakoze urwo rugendo kugira ngo bazashobore gusuzuma neza kurushaho ibimenyetso byari gutangwa muri uru rubanza. Urwo rugendo rwasabwe na Avoka wunganira Uregwa kandi Porokireri ntiyabirwanyije. Ni rwo rugendo rwa mbere nk'urwo rwakozwe n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo mu rubanza.

11. Ku itariki ya 23 Ugushyingo 1999, Urugereko rwafashe Icyemezo mu magambo ku mubare w'abatangabuhamya Porokireri ashobora guhamagaza. Mu nama nteguranubanza yabaye ku itariki ya 13 Kanama 1999, Porokireri yari yavuze ko yateganyaga guhamagaza abatangabuhamya 16. Cyakora, mu myanzuro mbanzirizarubanza yo ku itariki ya 17 Nzeri 1999, uwo mubare wageze kuri 22 ndetse mu nama nteguranubanza yo ku itariki ya 25 Ukwakira 1999 atanga lisiti iriho abatangabuhamya 27. Urugereko rwasanze atari ngombwa ko Porokireri ahamagaza abatangabuhamya bose yateganyaga guhamagaza nk'uko yari yabivuze mu nama mbanzirizarubanza. Hakurikijwe Ingingo ya 73 *bis* y' Amategeko, ilisiti y'abatangabuhamya rusanga ari yo ya nyuma ni iyo ku itariki ya 17 Nzeri 1999 nk'uko yahinduwe ku itariki ya 25 Ukwakira 1999. Rusanga ariko hagomba guhamagazwa gusa abatangabuhamya bashinja bafitiwe ubuhamya bwanditse bwamenyeshejwe Ubwunganizi bitarenze ku itariki ya 27 Kanama 1999, ni ukuvuga hasigaye iminsi 60 ngo urubanza rutangire, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 66 A)ii) y'Amategeko. Iyo ngingo iteganya kandi ko abatangabuhamya binyongera bashobora guhamagazwa, Urugereko rubitangiye uburenganzira, Porokireri apfa gusa kwerekana ishingiro ry'icyifuzo cye[8]

12. Ni muri urwo rwego, mu Cyifuzo cye, Porokireri yasabye uburenganzira bwo gukoresha ubuhamya bwanditse bw'abagabo b'inyongera kimwe n'inyandiko byatanzwe nyuma yo ku itariki ya 27 Kanama 1999. Icyo Cyifuzo cyasuzumwe mu Rugereko ku itariki ya 30

[8] Icyemezo cyatanzwe mu magambo ku itariki ya 23 Ugushyingo 1999 ku "Cyifuzo gishingiye ku ngingo 73 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso cyatanzwe n'Ubwunganizi".

Ugushyingo 1999. Mu Cyemezo rwatanzwe mu magambo ku itariki ya 2 Ukuboza 1999, Urugereko rwasuzumye niba, hakurikijwe Ingingo ya 66 A ii) y'Amategeko, Porokireri yaragaragaje ishingiro ry'Icyifuzo cye kuri iyo nyandiko no kuri buri buhamya bwanditse. Urugereko rwagaragaje ko gukomoza gusa kuri anketi zarimo zikorwa bidahagije ngo hakirwe inyandiko z'ubuhamya bushya zatanzwe nyuma y'iminsi 60 iteganywa n'Ingingo ya 66 y'Amategeko. Urugereko rwemeye kwakira inyandiko z'ubuhamya bw'abagabo biswe AA, Y na Z zirimo, nk'uko Porokireri abivuga, amakuru yerekeye uruhare rw'umuntu ukuriye abandi ruvugwa mu Ngingo ya 6 3) ya Sitati. Hashingiwe ku cyemezo cyafashwe ku itariki ya 17 Nzeri 1999, mu Nyandiko y'ibirego yakozwe kuri iyo tariki hongewemo ibyaha Uregwa ashinjwa hakurikijwe ibiteganywa n'iyo Ngingo ya 6 3). Kubera ibyo byaha, byabaye ngombwa ko Porokireri akora anketi z'inyongera. Urugereko rwanze kwakira izindi nyandiko z'ubuhamya bw'abagabo zivugwa mu mugereka uri ku Cyifuzo cya Porokireri, uretse izatanzwe nk'ibimenyetso gihamya by'Ubwunganizi[9].

13. Kuva ku itariki ya 30 Ugushyingo 1999, nta mutangabuhamya ushinja wabonetse. Ku itariki ya 6 Ukuboza 1999, abisabwe n'Urugereko, Porokireri yatanze ilisiti yasubiwemo y'abatangabuhamya, irimo abatangabuhamya biswe T, U, X na W. Icyo gihe, Uwunganira Uregwa yatanze Icyifuzo gisaba Urugereko kutemera ko abo bagabo baza gutanga ubuhamya mu rubanza. N'ubwo yemera ko atubahirije igihe cy'iminsi 60 giteganywa n'Ingingo 66 A ii) ku byerekeranye no kumenyekanisha ubuhamya bwanditse bw'abagabo, Porokireri yasobanuye ko ibyo byonyine bidahagije kugira ngo Urugereko rwange ko abo bagabo b'inyongera baza gutanga ubuhamya. Iburanisha ryasubukuwe ku itariki ya 24 Mutarama 2000. Mu Cyemezo rwafashe bukeye mu magambo, Urugereko rwanze ko abagabo biswe T, U, X na W baza gutanga ubuhamya mu Rukiko.

[9] Icyemezo cyatanzwe mu magambo ku itariki ya 2 Ukuboza 1999 ku "Cyifuzo cya Porokireri gisaba uruhushya rwo kwifashisha ubuhamya bwanditse bw'abagabo bashinja b'inyongera bwamenyeshejwe Ubwunganizi nyuma y' itariki ya 27 Kanama 1999".

Rwagaragaje ko igihe cy'iminsi 60 giteganywa mu nteruro ya mbere y'Ingingo ya 66 A) ii) kigomba kubahirizwa. Urugereko ruvuga ko intego y'iyo ngingo ari ukugira ngo Ubwunganizi bumenyeshwe, mu gihe cyateganijwe, ibikorwa biregerwa, abagabo bashobora kuzatangaho ubuhamya, maze bubone igihe gihagije n'ibindi byangombwa byose bukeneye mu gutegura ukwiregura kwabwo. Cyakora, Urugereko rwibukije ko, iyo Porokireri amaze kwerekana ishingiro ry'ibyo asaba, interuro ya kabiri y'Ingingo ya 66 A) ii) iha urugereko ububasha kumutegeka kumenyesha Ubwunganizi ubuhamya bwanditse bw'abagabo b'inyongera butatanzwe mu mu gihe ntarengwa cy'iminsi 60 giteganywa n'Amategeko[10]

14. Ku itariki ya 17 Gashyantare 2000, Urugereko rwatanze Icyemezo mu magambo ku Cyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba guhabwa abakozi bashinzwe iperereza, abafasha babwo n'abavoka bangana nk'abo Ibiro bya Porokireri bifite. Cyakora, rumaze kuvuga ko kugira uburyo bungana ari ihame rigomba kubahirizwa kugira ngo urubanza rucibwe mu buryo buboneye nk'uko biteganywa n'amategeko menshi mpuzamahanga, Urugereko rusanga mu bukemuramanza buriho bwerekeranye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, atari ngombwa ko impande zombi, zihabwa uburyo bungana, cyane cyane ku birebana n'abavoka n'abapererezi. Urugereko rwanzura ruvuga ko nta mpamvu yo kumva iryo hame mu buryo bwaguye kurushaho mu rwego rwihariye rw'Ingingo ya 20 ya Sitati[11].

15. Porokireri yarangije gutanga ibimenyetso bye ku itariki ya 18 Gashyantare 2000, amaze guhamagaza abatangabuhamya 18, barimo abapererezi be babiri n'umutangabuhamya w'impuguke umwe. Ubwunganizi bwasabye ko iburanisha risubikwa kugira ngo bubone igihe gihagije cyo gutegura ukwiregura kwabwo. Muri urwo rwego, Ubwunganizi

---

[10] Icyemezo cyatanzwe mu magambo ku itariki ya 25 Mutarama 2000 ku "Cyifuzo gishingiye ku ngingo 73 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso" cyatanzwe n' Ubwunganizi.
[11] Icyemezo cyatanzwe mu magambo ku itariki ya 17 Gashyantare 2000 ku "Cyifuzo gishingiye ku ngingo 73 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso", ku byerekeye guhabwa uburyo bungana, cyatanzwe n'Ubwunganizi ku itariki ya 28 Mutarama 2000.

bwavuze ibyerekeye impanuka y'indege yakomerekeyemo umwe mu bakozi babwo bashinzwe ipererereza n'amadosiye yatakaye.

16. Ku itariki ya 30 Werurwe 2000 habaye inama ibanziririza itangwa ry'ibimenyetso bishinjura, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 73 *ter* y'Amategeko. Bisabwe n'Ubwunganizi, iburanishwa ryarasubitswe kuva ku itariki ya 4 kugera ku ya 22 Gicurasi 2000. Iburanisha risubukuwe, Ubwunganizi bwatangiye gutanga ibimenyetso bishinjura ku itariki ya 25 Mata 2000 burangiza ku ya 9 Kamena 2000 buhamagaje abatangabuhamya 15 barimo impuguke imwe n'Uregwa ubwe.

17. Mu Byifuzo byafatiwe ibyemezo mu itangwa ry'ibimenyetso bishinjura, harimo icyatanzwe n'Ubwunganizi busaba ko bwahabwa Inyandiko y'Umuryango w'Abibumbye yakozwe na Michael Hourigan wahoze ari umukozi ushinzwe ipererereza mu Biro bya Porokireri. Ubwunganizi bwavugaga ko iyo nyandiko yashoboraga kugaragaza ukuntu indege yari itwaye Perezida w'u Rwanda n'uw'u Burundi yahanuwe ku itariki ya 6 Mata 1994. Icyicaro gikuru cy'Umuryango w'Abibumbye i New York cyari cyahaye Urukiko iyo nyandiko kugira ngo Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo, rurebwa n'icyo kibazo, rushobore gusuzuma akamaro kayo ku byerekeranye n'imyiregurire y'uregwa runaka, ruramutse rushyikirijwe ikibazo nk'icyo. Amaze kubona iyo nyandiko no kumva icyo abandi Bacamanza babitekerezaho, Perezida w'Urukiko yategetse ko iyo nyandiko yabikwa mu ibanga mu biro bye. Yanavuze ko atayisomye kandi ko nta n'undi Mucamanza n'umwe wayisomye. Ku itariki ya 8 Kamena 2000, Urugereko rwafashe Icyemezo, ku bwiganze bw'amajwi, (Abacamanza Mose na Gunawardana) gitegeka Gerefiye gushyikiriza Ubwunganizi kopi y'iyo nyandiko, indi kopi igahabwa Porokireri. Impamvu yatanzwe ni uko iyo nyandiko yashoboraga kugirira akamaro Ubwunganizi kandi ko, hatitawe ku ngaruka iyo nyandiko ishobora kugira cyangwa kutagira ku mikirize y'urubanza, aho urubanza rugeze, kubuza Ubwunganizi guhabwa inyandiko iyi n'iyi ifitwe n'Urukiko bishobora kuvutsa Uregwa uburenganzira afite bwo gucibwa urubanza mu buryo buboneye. Umucamanza Guney we yatanze igitekerezo cyihariye

kandi kinyuranye n'icya bagenzi be, yemeza ko Ubwunganizi butagaragaje akamaro iyo nyandiko ifitiye uru rubanza[12] Kubera Icyemezo cyari kimaze gufatwa, Ubwunganizi bwatanze iyo nyandiko ho ikimenyetso gihamya.

18. Ku itariki ya 8 Kamena 2000, Urugereko rwanafashe Icyemezo ku Cyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba ko Porokireri yatanga inyandiko z'ubwirege bw'abagabo biswe Y, Z na AA. Abo bagabo bose ubu bakaba bafungiye mu Rwanda. Mu gisubizo cye, Porokoreri yavuze ko adafite izo nyandiko. N'ubwo rwanze kwakira icyo Cyifuzo cy'Ubwunganizi cyari gishingiye ku Ngingo ya 68 y'Amategeko, Urugereko rwasanze ibyo bimenyetso bishobora kugira akamaro mu gusuzuma ukwemerwa kw'abo bagabo bashinja. Kubera iyo mpamvu, rushingiye ku Ngingo ya 98 y'Amategeko, Urugereko rwategetse Porokireri gukora uko ashoboye kugira ngo izo nyandiko ziboneke[13]. Porokireri amaze kuzibona, Ubwunganizi bwazitanze nk'ibimenyetso gihamya.

19. Byongeye kandi, ku itariki ya 8 Kamena 2000, rushingiye ku Ngingo ya 54 y'Amategeko, Urugereko rwanze kwakira Icyifuzo cy'Ubwunganizi cyasabaga uburenganzira bwo guhamagaza abatangabuhamya batatu bakoreraga "*Mission des Nations Unies pour l'assistance au Rwanda* (MINUAR) ku Kibuye mu mwaka wa 1994. Cyakora, hakurikijwe Ingingo ya 98 y'Amategeko, Urugereko rwasabye Porokireri gukora uko ashoboye ngo abone inyandikomvugo y'inama y'umutekeno yabereye muri Perefegitura ya Kibuye ku itariki ya 9 Mata 1994[14]. Nyuma, Porokireri yamenyesheje Urugereko ko anketi zakozwe ntacyo zagezeho.

20. Ku itariki ya 11 Nyakanga 2000, Urugereko rwanze kwakira Icyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba Urugereko gutegeka Porokireri gukora iperereza k'ubuhamya bw'ikinyoma bwaba

---

[12] "Icyemezo cyo ku itariki ya 8 Kamena 2000 ku Cyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba guhabwa inyandiko y'Umuryango w'Abibumbye yateguwe na Michael Hourigan wahoze ari umupererezi wa TPIR".
[13] "Icyemezo cyo ku itariki ya 8 Kamena 2000 ku Cyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba Urugereko gutegeka Porokireri kurushyikiriza inyandiko z'ubwirege bw'abatangabuhamya biswe Y, Z na AA".
[14] Icyemezo cyo ku itariki ya 8 Kamena 2000 ku Cyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba guhamagaza abagabo hashingiwe ku Ngingo ya 73 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'ibimenyetso".

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

bwaratanzwe n'umwe mu bagabo bashinja. Urugereko rusanga ingingo zatanzwe n'Ubwunganizi zitagaragaza ko uwo mugabo yatanze ubuhamya bw'ikinyoma abizi kandi abishaka, nk'uko icyo gitekerezo kigaragara mu bukemuramanza bwashyizweho n'Urukiko hashingiwe ku Ngingo ya 91 B) y'Amategeko[15].

21. Kubera ko byari biteganijwe ko ababuranyi batanga imyanzuro yabo mu magambo kuva ku itariki ya 10 kugera ku ya 14 Nyakanga 2000, Porokireri yatanze imyanzuro nsozarubanza yanditse ku itariki ya 30 Kamena 2000. Cyakora, binyuranyije n'amabwiriza y'Urugereko, iyo myanzuro ya Porokireri yatanzwe mu rurimi rw'icyongereza gusa. Kubera ko guhindura iyo nyandiko mu gifaransa byasabaga igihe kinini kubera ubunini bwayo, byabaye ngombwa gusubika iburanisha maze ababuranyi bahabwa andi matariki mashya. Ubwunganizi bwatanze imyanzuro nsozarubanza yabwo yanditse ku itariki ya 4 Kamena 2000. Iyo myanzuro yari ikubiye mu nyandiko nini bwise "Imyanzuro y'Ubwunganizi" kandi iyo myanzuro nayo yagombaga guhindurwa mu rurimi rw'icyongereza. Imyanzuro mu magambo yatanzwe kuva ku itariki ya 4 kugera ku ya 7 Nzeri 2000. Ku itariki ya 7 Nzeri 2000, Urugereko rwafashe Icyemezo, ku bwiganze bw'amajwi, (umucamanaza Mose atanga igitekerezo gitandukanye n'icya bagenzi be), gitegeka Porokireri gusubiza, mu nyandiko, ibyavuzwe n'Ubwunganizi mu myanzuro yabwo, kandi akabikora bitarenze tariki ya 14 Nzeri 2000. Ubwunganizi bwategetswe ko, bumaze gushyikirizwa inyandiko yahinduwe mu rurimi rw'igifaransa, bwatanga igisubizo mu gihe kitarenze icyumweru. Urubanza rwamaze iminsi 60 y'iburanisha, hagati y'itariki ya 27 Ukwakira 1999 n'iya 19 Ukwakira 2000.

[15] "Icyemezo cyo ku itariki ya 11 Nyakanga 2000 ku Cyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo gutegeka Porokireri gukora ipereresa rigamije kugaragaza umugabo watanze ubuhamya bw'ikinyoma no kumurega".

2. Gusuzuma ibimenyetso

22. Mu bukemuramanza bw'Urukiko, hagaragaramo amwe mu mahame rusange agenga isuzumwa ry'ibimenyetso. Urubanza rw'Akayesu rukubiyemo ingingo z'ingenzi ku birebana cyane cyane n'agaciro ikimenyetso kigomba guhabwa, inyandiko z'abatangabuhamya, ingaruka z'ihahamuka ku buhamya bw'abagabo, isemura uva mu rurimi rw'ikinyarwanda ujya mu gifaransa no mu cyongereza, n'ibintu bijyanye n'umuco bigira ingaruka k'ubuhamya[16] Ibyemezo by'ingenzi byafashwe n'Urukiko, icya nyuma akaba ari icyafashwe mu rubanza rwa *Musema*[17], byashimangiye aya mahame Urugereko ruri bugarukeho bibaye ngombwa.

23. Kuri iki kibazo, Urugereko rwibukije ko, hakurikijwe Ingingo ya 89A) y'Amategeko, nta tegeko ry'igihugu iki n'iki rigenga itangwa ry'ibimenyetso rugomba, byanze bikunze, gukurikiza. Ni yo mpamvu, rushingiye ku Ngingo ya 89 y'Amategeko, Urugereko rwashyize mu bikorwa amategeko agenga itangwa ry'ibimenyetso rwasanze anogeye, kurusha andi, icibwa ry'urubanza ruboneye, mu buryo bujyanye n'umuco n'iyubahirizwa ry'amahame rusange y'amategeko.

24. Ku byerekeye, by'umwihariko, gusuzuma ubuhamya bw'umugabo, Urugereko rusanga, muri uru rubanza, inyandiko z'ubuhamya bwatanzwe na benshi mu bagabo zarashyizwe, uko zakabaye, muri dosiye nk'ibimenyetso gihamya. Hari aho ababuranyi ndetse n'Urugereko babonye ibintu bivuguruzanya hagati y'ubuhamya bwanditse n'ubwo abagabo batanze mu Rukiko. Mu isuzuma ry'ubuhamya bw'umugabo, Urugereko rugendera ahanini ku byo avugiye mu Rukiko. Bimwe mu bintu bivuguruzanya hagati

---

[16] Reba urubanza rwa *Jean-Paul Akayesu* mu rw'iremezo, urubanza N°. TPIR-96-4-T, 2 Nzeri 1998 (Urubanza rw'Akayesu), ibika 130-136.

[17] Reba "Urubanza rwa *Clément Kayishema na Obed Ruzindana* mu rw'iremezo, Urubanza N°. TPIR-95-I-T, 21 Gicurasi 1999 (Urubanza rwa *Kayishema na Ruzindana*), ibika 65-80; " urubanza n'igenagihano", urubanza rwa *Georges Anderson Nderubumwe Rutaganda*, urubanza N°. TPIR-96-3-T, 6 Ukuboza 1999 (Urubanza rwa *Rutaganda*), ibika 15-23; " Urubanza n'igenagihano", Urubanza rwa *Alpred Musema* mu rw'iremezo, Urubanza N°. TPIR-96-13-T, 27 Mutarama 2000 (Urubanza rwa *Musema*), ibika 31-105.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

y'ubuhamya bwanditse n'ubutangiwe mu Rukiko bishobora kumvikana kubera impamvu nyinshi, zirimo igihe gishize, ururimi rwakoreshejwe, ibibazo byabajijwe umugabo, uko isemura ryakozwe, uburyo ubuhamya bwanditswe ndetse n'ihahamuka ry'abatanga-buhamya. Cyakora, igihe Urugereko rusanze uko kwivuguruza kudashingiye ku mpamvu zimaze kuvugwa, rushobora gushidikanya ku ukwizerwa k'ubwo buhamya.

25. Mu gusoza kuri iyi ngingo, Urugereko rusanga ubuhamya bushingiye ku byo umugabo yumvise bushobora kwakirwa kabone n'iyo bwaba budashyigikiwe n'ikimenyetso kitaziguye. Cyakora, Urugereko rusuzumana ubushishozi bwinshi ubuhamya nk'ubwo nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 89 y'Amategeko. Igihe ababuranyi bashingiye ku buhamya bukomoka ku byo umugabo yumvise, Urugereko rusuzuma ubwo buhamya nk'ibindi bimenyetso byose byatanzwe, rukareba niba bufite akamaro, agaciro ndetse rukanareba niba bwakwemerwa.

III. AMATEGEKO AKURIKIZWA

1. Uburyozwacyaha bw'umuntu nka gatozi (Ingingo ya 6 ya Sitati)

26. Ingingo ya 6 ya Sitati igira iti:

1. Umuntu uwo ari we wese wacuze umugambi, uwawuhamagariye abandi, uwategetse gukora icyaha, uwagikoze cyangwa ku bundi buryo ubwo ari bwo bwose, agafasha kandi agashyigikira gucura umugambi, gutegura, cyangwa gutsotsoba icyaha icyo ari cyo cyose kivugwa mu Ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 z'iyi Sitati, akiryozwa nka gatozi.

2. Urwego rw'umurimo uregwa akora cyangwa yakoraga muri Leta, yaba Umukuru w'Igihugu cyangwa uwa Guverinoma, yaba umukozi wa Leta wo mu rwego rwo hejuru, ntirumubuza kuryozwa icyaha kandi ntirushobora kumubera impamvu yo kumugabanyiriza igihano.

3. Kuba igikorwa icyo ari cyo cyose kivugwa mu Ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 z'iyi Sitati cyarakozwe n'uyoborwa ntibibuza umukuriye kukiryozwa, iyo yari azi cyangwa yagombaga kuba yari azi ko uwo akuriye agiye gukora icyaha cyangwa ko yagikoze ariko uwo umukuriye ntafate ingamba za ngombwa kandi zishyize mu gaciro kugira ngo aburizemo ikorwa ry'icyo cyaha cyangwa ngo ahane abagikoze.

4. Kuba uregwa yarakoze icyaha ashyira mu bikorwa itegeko rya Guverinoma cyangwa ry'umukuriye ntibikuraho uburyozwacyaha bwe, uretse ko bishobora kuba impamvu yo kumugabanyiriza igihano iyo Urukiko Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda rubona ko ari byo binogeye ubutabera".

27. Ingingo ya 6 isobanura uburyo umuntu ashobora gukora icyaha butuma yaryozwa, nka gatozi, ibyaha biteganywa na Sitati[18].

28. Muri uru rubanza, buri kirego gikubiye mu Nyandiko y'ibirego kigaragaza uburyozwacyaha bw'Uregwa hakurikijwe Ingingo ya 6 1) na 6 3) ya Sitati. Uruhare Uregwa yagize rusobanuye mu magambo ahinnye akurikira :

1.1 Uburyozwacyaha buteganywa n'Ingingo ya 6 1) ya Sitati

Gukora icyaha

29. Gatozi ashobora kuryozwa icyaha kubera igikorwa yakoze cyangwa ibyo yirengagije gukora, mu buryo butemewe n'amategeko[19].

Gucura umugambi, guhamagarira abantu gukora icyaha, kubategeka kugikora

30. Umuntu wese wagize uruhare mu gucura umugambi wo gukora icyaha giteganywa muri Sitati, akiryozwa nka gatozi, n'iyo icyo cyaha cyaba cyarakozwe n'undi muntu. Uruhare yagize rugomba kuba rukomeye nko gucura umugambi mubisha cyangwa kwitabira

---

[18] Bityo rero yaba icyitso cyangwa gatozi w'icyaha, bombi barakiryozwa hakurikijwe Ingingo ya 6 ya Sitati. Iyi ngingo iburizamo ibisobanuro bimenyerewe byo gushaka kwivanaho icyaha: Uregwa ntashobora kugirwa umwere cyangwa ngo yizere kugabanirizwa igihano kubera gusa ko yari umukuru w'igihugu, umukuru wa Guverinoma cyangwa umukozi mukuru igihe ibyaha bivugwa byakorwaga. Ni kimwe n'uko mu bihe bimwe na bimwe, umuntu ukuriye abandi adashobora kugirwa umwere ngo ntiyagize uruhare mu byaha byakozwe n'abo akuriye, kandi ko Uregwa ntiyahanagurwaho icyaha kubera ko yagikoze abitegetswe n'umuntu umukuriye. Urugereko rwemera igitekerezo cyatanzwe n'Urugereko rw'Ubujurire rw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rw'igihugu cyahoze cyitwa Yugosolaviya (TPIY) mu rubanza rwa *Tadic.* Icyo gitekerezo kivuga ko uburyo bw'uburyozwacyaha budasobanuye ku buryo bweruye muri Sitati, butagomba byanze bikunze kwirengagizwa. Reba Urubanza rwa *Dusko Tadic* mu bujurire, urubanza N°. IT-94-I-A, 15 Nyakanga 1999 (Urubanza rwa *Tadic mu bujurire*), igika cya 190.

[19] Uburyozwacyaha bw'umuntu bugaragara mu gikorwa ategekwa gukorwa atakoze igihe yanze kugikora kandi abisabwa n'amategeko. Igihe, nk'uko Urukiko mpuzamahanga rwa gisirikare rwabitangaje (Urukiko rwa Nuremberg), amategeko mpuzamahanga aha ba gatozi inshingano n'imirimo bagomba gukora. (Imanza z'abagizi ba nabi bakomeye bakoze ibyaha by'intambara, imbere y'Urukiko mpuzamahanga rwa gisirikare, Nuremberg, 14 Ugushyingo 1945-1 Ukwakira 1946, inyandiko yemewe, igitabo cya I, urup. 234) iyo umuntu runaka atubahirije ibiteganywa n'izo nshingano ashobora ku biryozwa nka gatozi.

umugambi mubisha wateguwe n'undi muntu[20]. Umuntu wese uhamagarira abandi gukora icyaha abiryozwa nka gatozi. Mu guhamagarira abantu no kubashishikariza gukora icyaha, ubikora ashobora kugira uruhare runini mu ikorwa ry'icyo cyaha. Isano hagati y'igikorwa cyo guhamagarira abantu gukora icyaha n'igikorwa gifatika kigize icyaha igomba kugaragazwa. Ihame ry'uburyozwacyaha rikoreshwa kandi igihe umuntu yitwaje umwanya afite w'ubutegetsi maze agategeka ko icyo cyaha gikorwa, bityo akaba ahatiye umuntu akuriye kugikora[21].

31. Hagomba kugaragazwa ko umuntu uwo ari we wese wacuze umugambi, agahamagarira abantu gukora icyaha, cyangwa akabategeka kugikora, yari afite umugambi mubisha wa ngombwa, ni ukuvuga ko hagomba kugaragazwa ko yashakaga ko icyo cyaha gikorwa.

Gufasha no gushishikariza abantu gucura umugambi, gutegura cyangwa gutsotsoba icyaha

32. Icyitso kigomba kuba cyarafashije gatozi, kizi ibyo gikora. Ni ukuvuga ko kigomba kuba kizi ko uruhare rwacyo ruzatuma icyaha gikorwa[22]. Byongeye kandi, umuntu w'icyitso agomba kuba yari afite igitekerezo cyo gutera inkunga cyangwa nibura akaba yari azi ko iyo myitwarire ye ishobora gutera iyo nkunga[23].

33. Kugira ngo aryozwe icyaha giteganywa na Sitati, umuntu w'icyitso agomba kuba yarateye inkunga mu ikorwa ry'icyo cyaha kandi iyo nkunga igomba kugira uruhare rukomeye mu ikorwa ryacyo[24]. Cyakora, Urugereko rwemeranya n'igitekerezo

---

[20] Reba "Urubanza rwa *Zlatko Aleksovski* mu rw'iremezo, TPIY, urubanza N°. IT-95-14/I-T, 25 Kamena 1999 (Urubanza *rwa Aleksovski*), urup. 61.
[21] Reba Urubanza rwa *Rutaganda*, igika cya 39.
[22] Mu gusuzuma ishingiro ry'iryo hame mu muco, reba "Urubanza" rwa *Duskon Tadic* mu rw'iremezo, urubanza N°. IT-94-I-T, TPIY, 7 Gicurasi 1997 (Urubanza rwa *Tadic*), ibika 667-675 n'ibikurikira.
[23] Reba "Urubanza" rwa *Timohir Blaskic* mu rw'iremezo urubanza N°. IT-95-14-T, TPIY, 3 Werurwe 2000 (Urubanza rwa *Blaskic*), igika cya 286.
[24] Ku bukemuramanza bwashyizweho kuri iyi ngingo, reba Urubanza rwa *Anto Furundzija* mu rw'iremezo, urubanza N°. IT-95-17/ I-T, TPIY, 10 Ukuboza 1998 (Urubanza *Furundzija*), ibika 212-226.

cyatanzwe mu rubanza rwa *Furundzija* mu rw'iremezo kivuga ko inkunga y'icyitso itagomba, byanze bikunze, kuba impamvu simusiga yatumye gatozi akora icyaha[25]. Byongeye kandi, mu kugira uruhare mu ikorwa ry'icyaha si ngombwa ko umuntu aba ahibereye cyangwa ko atanga inkunga y'ibintu[26]. Iyo umuntu yashishikarije abandi bantu gukora icyaha cyangwa akabatera akanyabugabo, biba bihagije ngo abe yarabateye inkunga mu ikorwa ry'icyo cyaha[27]. Umuntu ashobora kuryozwa icyaha cyo kuba icyitso iyo bigaragaye ko yagize uruhare mu bwicanyi[28], kandi si ngombwa ko aba, byanze bikunze, yaratanze iyo nkunga mu gihe icyaha cyakorwaga.

34. Urugereko rwemeranya n'imyanzuro yafashwe mu rubanza rwa *Furundzija* n'urw'*Akayezu* ivuga ko igihe icyitso kihibereye, hakiyongeraho n'umwanya w'ubutegetsi gifite, bishobora kuba inkunga (igikorwa gifatika kigize icyaha) itewe abantu kuko kiba kibatera akanyabugabo. Mu rubanza rwa *Furundzija*, rukurikije ibyabereye mu rusengero, Urugereko rwavuze ko umuntu urebera ikorwa ry'icyaha, agishyigikiye kandi yubashywe n'abarimo kugikora, ndetse kuba ahari bikabatera imbaraga, ashobora kuryozwa icyaha cyibasiye inyokomuntu[29]. Cyakora, igihe bikozwe n'umuntu akuriye, gushyigikira icyaha mu buryo buteruye bishobora kutagaragaza igikorwa gifatika kigize icyaha[30].

---

[25] Ni kimwe no haruguru igika cya 209.

[26] Mu rubanza rwa *Tadic,* mu gika cya 687, Urugereko rusobanura iyi ngingo rushingiye ku rubanza rwakijijwe n'Urukiko rwa gisirikare rw'Ubufaransa. Muri urwo rubanza Umuyobozi w'ishyaka ry'Abanazi yahamijwe icyaha cyo kugira uruhare mu gufungisha no gucira ishyanga abasiviri kubera ko yateye ababikoze inkunga kandi akabashishikaza. Mu by'ukuri, Uregwa yari yakoze amalisiti, ayashyikiriza abategetsi bagize uruhare mu gufunga urubyiruko rw'Abafaransa rwari rwarwanyije ibyifuzo bye byo kubashyira mu ngabo z'Abadage. Urwo rubyiruko rwarafashwe, rurafungwa, rushyirwa mu ngabo ku ngufu, imiryango yabo ijyanwa mu Budage ku gahato. N'ubwo atari ahari igihe ibyo bintu byaha byakorwaga, Uregwa yitabiriye icyo gikorwa cyo gucira abantu ishyanga kandi abigiramo uruhare rukomeye. Ku byerekeye izindi manza umuntu yareberaho kuri iyi ngingo, reba Urubanza rwa *Tadic*, igika cya 678 n'ibigikurikira; Urubanza rwa *Aleksovski*, igika cya 62.

[27] Reba Urubanza rwa Furundzija, igika cya199 n'ibigikurikira.

[28] Reba Urubanza rwa *Tadic*, igika cya 691.

[29] Urubanza rwa *Furundzija*, igika cya 207.

[30] Ni kimwe no haruguru, igika 208. Urugero rwatanzwe ni urubanza rwiswe mu rurimi rw'Igifaransa" *Défilé du Chariot à cochon"*, rwakijijwe n'Urukiko rukuru rw'Ubudage mu karere kagenzurwaga n'Abongereza hakurikijwe itegeko N° 10 ry'Inama y'Ubugenzuzi. Uregwa yaryojwe kuba yaragiye kureba "akarasisi" nk'indorerezi, yambaye

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

35. Mu rubanza rw'Akayesu, Urugereko rwanzuye ruvuga ko Uregwa yateye inkunga, akanashishikariza abantu gukora ibikorwa by'urugomo rushingiye ku gitsina kubera ko yaretse bigakorerwa mu biro bya Komine cyangwa hafi yaho kandi ari ho hantu […], bigakorwa abireba […], akanagira uruhare mu kubikora kubera amagambo yo kubishishikariza abantu yavugaga igihe hakorwaga ibindi bikorwa by'urugomo rushingiye ku gitsina. Kubera ko yari umuyobozi, ayo magambo yagaragazaga, ntagushidikanya, ko ubutegetsi bwaretse ibyo bikorwa bigakorwa kuko iyo bitaba ibyo, ntibiba byarabaye[31].

36. Kugira ngo kuba umuntu urebera, ushyigikiye ibiba, ari aho hantu, bigire ingaruka kuri ba gatozi b'icyaha - gushishikaza, gutera akanyabugabo, gushyigikira biteruye-, ni ngombwa ko uwo muntu aba akuriye abandi. Igihe umuntu w'icyitso afite igitekerezo cyihariye gisabwa cyo gukora icyaha, bishaka kuvuga ko agomba, nk'urugero, kuba azi ko kuba ahari bizafatwa na ba gatozi nko kubahamagarira gukora icyaha cyangwa kubashyigikira, igikorwa cye cyose cyo guhamagarira abantu cyangwa kubashyigikira kizafatwa nk'inkunga itewe abantu no kubashishikaza mu ikorwa ry'icyo cyaha, kabone n'iyo icyo "gikorwa" cyaba kigizwe no kuba ahari gusa. Byongeye kandi, uruhare rw'umuntu urebera, ushyigikiye igikorwa atanga inkunga rugaragara gusa igihe koko yari aho hantu icyaha cyakorewe cyangwa nibura hafi yaho. Igitekerezo cyihariye yari afite cyo gukora icyaha gishobora guterwa n'uko ibintu bimeze, ndetse kikaba cyanaterwa n'imyitwarire ye ya mbere, igihe bifitanye isano. Nk'urugero, hagomba kurebwa niba yararetse ibyaha bigakorwa ntibihanirwe cyangwa niba yarashishikaje, mu magambo, ababikoze.

---

imyenda ya gisiviri, Muri ako karasisi, abagabo babiri batavugaga rumwe n'ubutegetsi bateshejwe agaciro mu ruhame.

[31] Reba Urubanza rw'*Akayesu*, igika cya 693.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

2.2 Uburyozwacyaha buteganywa n'Ingingo ya 6 (3) ya Sitati

37. Ingingo ya 6 3) ikubiyemo ihame ry'uruhare rw'umuntu ukuriye abandi mu mategeko ashingiye ku muco. Iryo hame rishingiye ku bubasha umuntu ukuriye abandi aba afite bwo kugenzura cyangwa kugira ijambo ku bikorwa by'abantu akuriye. Umukuru utabuza abantu akuriye gukora icyaha, udahagarika icyo gikorwa cyangwa udahana abagikoze, aba ateshutse ku nshingano ze zo kugira icyo akora, bityo akaba yaryozwa icyo cyaha[32].

38. Urugereko rugiye gusuzuma, ingingo ku yindi, ingingo eshatu za ngombwa kugira ngo uruhare rw'umuntu ukuriye abandi rugaragare. Izo ngingo ni:

i) kuba uregwa yari akuriye kandi agenzura koko gatozi.

ii) Kuba uregwa yari azi, cyangwa yari azi ku buryo buteruye, ko icyaha kizakorwa, kirimo gukorwa cyangwa cyarangije gukorwa;

iii) Kuba uregwa atarafashe ingamba za ngombwa kandi zishyize mu gaciro ngo aburizemo cyangwa ahagarike ikorwa ry'icyaha cyangwa ngo ahane uwagikoze[33]

---

[32] Reba urubanza rwa *Zejnil Delalic na bagenzi be*, urubanza N°. IT-96-21T, TPIY, 16 Ugushyingo 1998 " Urubanza rwa Celebici", ibika 333-343. Iryo hame rifite kandi ishingiro mu rubanza rwa *Yamashita*, ari rwo akanama ka gisirikare ka Leta Zunze Ubumwe z'Amerika kemeje ko, kubera ko atabujije ingabo yari ashinzwe gukora amarorerwa, Uregwa yateshutse ku nshingano ze z'umukuru wa gisirikare (*In re Yamashita, 327 U.S. I (1946*) *(" In re Yamashita*)), urup. 13 n'urwa 14). Urukiko rw'Ikirenga rwa Leta zunze ubumwe z'Amerika, mu cyemezo cyarwo cyo kutakira umuhango wa *habeas corpus* watangijwe na Yamashita, rwatangaje ko Amasezerano ya La Haye IV yo mu mwaka wa 1907 abajya agenderwaho kwemera ko umukuru wa gisirikare agomba kuba afite iyo nshingano (Ni kimwe no haruguru, imp. 15, 16). Mu gisobanuro rwatanze ku byerekeye ingingo n'agaciro uruhare rw'umuntu kuriye abandi rugomba gushingiraho, Urukiko rwagaragaje ko amategeko agenga intambara yashyiriweho kurinda abaturage b'abasiviri kimwe n'infungwa z'intambara ibikorwa by'urugomo bishopbora kubibasira, ntacyo yageraho igihe umuntu ukuriye abasirikare bateye ashobora, kandi nta nkurikizi yindi, kudafata ingamba za ngombwa kandi zishyize mu gaciro zo kurinda abantu bavugwa haruguru (Ni kimwe no haruguru urup. 15).

[33] Reba *Urubanza rwa Celebici*, igika cya 346; Urubanza rwa *Blaskic,* igika cya 294. Reba na none Urubanza rwa *Aleksovski*, igika cya 69 rwemejwe n'Urukiko rw'ubujurire (Urubanza rwa *Zlatko Aleksovski*, Urubanza N°. IT-95-14/I-A, TPIY, 24 Werurwe 2000 "Urubanza rwa *Aleksovsk*i" mu bujurire, igika cya 72). Biragaragara ko ingingo 3 shingiro zakomotse mu ngingo 86 2) y' *Amasezerano y'i Jeneve*, *Umugereka wayo wa I*, no mu ngingo ya 6 y' *Umushinga w'Amategeko agenga ibyaha byibasiye amahoro n'umutekano by'ikiremwamuntu* wa Komisiyo y'amategeko mpuzamahanga (Inyandiko y'Umuryango w'Abibumbye A/51/10 (1996), Umugereka N°. 10- " umushinga w'Amategeko wa CDI ; Zikubiye kandi mu ngingo ya 28 ya Sitati *y*'i *Roma y'Urukiko Mpananjabyaha Mpuzamahanga* (Sitati y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga).

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

1.2.1 Isano iri hagati y'umuntu ukuriye abandi n'abo akuriye

39. Nubwo umwanya w'ubutegetsi n'umuntu ukuriye abandi yari afite ari Ingingo ya ngombwa kugira ngo hagaragazwe uruhare rwe, ntabwo uwo mwanya ari wo washingirwaho gusa. Ni ngombwa kureba niba uwo muntu yarayoboraga koko abantu akuriye. Byongeye kandi, n'ubwo mu bihe bimwe na bimwe, umwanya umuntu ukuriye abandi ahabwa n'amategeko ushobora kuba uhagije mu kugaragaza uburyozwacyaha bwe, nk'uko biteganywa n'Ingingo 6 3) ya Sitati, ni ngombwa nyuma kureba niba koko uwo muntu yari afite ubutegetsi nyabwo (bushingiye ku mategeko cyangwa k'uko ibintu byari byifashe) kugira ngo hagaragazwe uruhare rwe[34]. Ingingo ya ngombwa mu kugaragaza uruhare rw'umuntu ukuriye abandi ikubiye mu bushobozi bwe, nk'uko bigaragazwa n'inshingano ze n'ububasha bwe, bwo kugenzura koko abo akuriye[35].

Uburyozwacyaha bw'abasiviri bakuriye abandi

40. N'ubwo ihame ry'uruhare rw'umuntu ukuriye abandi rifite inkomoko mu gisirikare, ntaho Ingingo ya 6 3) ya Sitati ivuga, ku buryo bweruye, ko iryo hame rikoreshwa gusa ku bategeka ingabo cyangwa ku bintu bitewe n'ukuntu abasirikare bagenda basumbana. Bamaze kubisuzumana ubushishozi bwinshi, Abacamanza bemeje ko iryo hame ryakoreshwa no ku basiviri. Nk'uko Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwabigaragaje mu Nyandiko y'urubanza rw'Akayesu, gukoresha, ku basiviri, ihame ry'uburyozwacyaha bw'umuntu nka gatozi nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 6 3), […] biracyakurura impaka[36].

---

[34] Reba Urubanza rwa *Celebici*, igika cya 370; Urubanza rwa *Blaskic*, igika cya 301.
[35] Reba Urubanza rwa *Aleksovski,* igika cya 76.
[36] Reba Urubanza rw'*Akayesu*, igika cya 491. Muri uru rubanza, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rutanga urugero rw'igitekerezo cy'umucamanza Roling gitandukanye n'icya bagenzi be mu rubanza rwa Hirota, rwaciwe n'Urukiko mpuzamahanga rwa gisirikare rwashyiriweho Aziya y'Uburasirazuba. Muri urwo rubanza uwo mucamanza yagaragaje ko ahangayikishijwe n'uko abasiviri, abakozi ba leta baryozwa imyifatire y'ingabo. Muri uru rubanza, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo ntirwasuzumye uruhare rw'umuntu ukuriye abandi, ari rwo Akayesu yagombaga

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

41. Icyemezo cya mbere gihamya icyaha cyafashwe n'urukiko mpuzamahanga hakurikijwe ihame ry'uburyozwacyaha bw'umuntu ukuriye abandi cyafashwe na TPIY mu rubanza rwa *Celebici*. Mucic, komanda w'umusiviri, wategekaga gereza, yaryojwe ibikorwa by'ubugizi bwa nabi abarinzi b'iyo gereza bakoreye imfungwa. Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rumaze kubona ko, n'ubwo Uregwa, atari yarashyizwe ku mwanya wa komanda w'ikigo ku buryo bw'amategeko, yakoresheje ububasha bwose kimwe n'inshingano zose byateganyirijwe uwo mwanya[37]. Kuva urwo rubanza rwa *Celebici* rwacibwa, TPIY yahamije icyaha undi musiviri umwe kubera uruhare yagize nk'umuntu ukuriye abandi kuko yari komanda w'ikigo cya gereza[38]. Naho Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda rwo rwasanze abasiviri babiri, umwe wari perefe, undi akaba diregiteri w'uruganda rw'icyayi, baragize uruhare mu marorerwa yabereye mu Rwanda, kubera umwanya w'ubutegetsi bari bafite[39].

42. N'ubwo bidashidikanywaho na busa ko ihame ry'uburyozwacyaha bw'umuntu ukuriye abandi ritareba gusa abayobozi b'ingabo, ko rinareba abategetsi b'abasiviri bakuriye abandi[40], Urugereko rwemeranya n'igitekerezo cyemejwe, kuri iyo ngingo, n'Akanama gashinzwe amategeko mpuzamahanga (ari ko CDI)[41]. Icyo gitekerezo ni nacyo giherutse kwemezwa mu rubanza rwa *Celibici*, kivuga ko ihame ry'uburyozwacyaha bw'abantu bakuriye abandi rireba n'abasiviri hakurikijwe ububasha bafite ku bantu bakuriye buteye kimwe n'ubw'abategeka ingabo[42].

---

kuryozwa ku birego bimwe, kubera ko isano Uregwa yari afitanye n'insoresore zitwaraga gisirikare z'ako karere itavugwa mu buryo bweruye mu Nyandiko y'ibirego, n'ubwo yatangiwe ibimenyetso mu rubanza.

[37] Reba Urubanza rwa *Celebici*, igika cya 750.

[38] Reba Urubanza rwa *Aleksovsk*i, igika cya 118.

[39] Reba Urubanza rwa *Kayishema na Ruzindana* n'urwa rwa *Musema*.

[40] Reba Urubanza rwa *Celibici*, ibika 357-363.

[41] Reba Umushinga w'Amategeko ya CDI, igika 4 cy'igisobanuro cy'Ingingo ya 6.

[42] Reba Urubanza rwa *Celebici*, igika cya 378.

43. Nk'uko bimeze mu rubanza rwa Celebici, kugira ngo umutegetsi wa gisiviri agire ububasha bwo kugenzura nk'ubufitwe n'abategetsi b'ingabo, ni ngombwa ko uwo muntu aba agenzura koko[43] abantu akuriye, kandi afite ubushobozi bufatika[44] bwo kubuza ikorwa ry'icyaha no guhana abagikoze. Byongeye kandi, mu gushyira mu bikorwa ubwo butegetsi bushingiye k'ukuntu ibintu bimeze, hagomba kwifashishwa ibimenyetso byose bigaragara by'ubutegetsi bushingiye ku mategeko[45]. Urugereko rushyigikiye iyi ngingo kandi rwemera ko muri ibyo bimenyetso bigaragara, habarirwamo ingingo zikurikira: kuba umuntu ukuriye abandi azi neza ko hariho ubusumbane bw'inzego z'ubuyobozi, kuba azi ko atanga amategeko ashyirwa mu bikorwa kandi ko uwanze kuyakurikiza afatirwa ibihano byo mu rwego rwa disipuline. Itandukanyirizo hagati y'umusiviri ukuriye abandi bantu n'undi muntu usanzwe uteza imvururu cyangwa ufite ijambo ku baturage, rishingira kuri izo ngingo.

1.2.2 Kuba umuntu ukuriye abandi yari azi cyangwa yari afite impamvu zo kumenya [ko abantu akuriye bari bagiye gukora icyaha cyangwa ko bagikoze]

44. Ku byerekeye igitekerezo cyo gukora icyaha (*mens rea*), ikigenderwaho cyakoreshejwe hakurikijwe ihame ry'uburyozwacyaha bw'umuntu kuriye abandi waba utarabujije abantu akuriye gukora icyaha cyangwa ngo abahane igihe bagikoze si kimwe gikomoka ku nshingano ahabwa n'itegeko. Mu rubanza rwa *High Command*, Urukiko rwa gisirikare rwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika rwavuze ibi bikurikira:

> "abantu bose bari mu nzego z'ubutegetsi ntibaryozwa icyaha kubera ko bari muri izo nzego. Kugira ngo umuntu uri muri urwo rwego aryozwe icyaha agomba kuba yaragize uburangare mu kukiburizamo. Ibi bibaho gusa igihe

[43] Ni kimwe no haruguru.
[44] Ni kimwe no haruguru.
[45] Ni kimwe no haruguru, igika cya 646.

> igikorwa gishobora kuryozwa uwo muntu mu buryo butaziguye cyangwa igihe ikosa rye ryo kutagenzura neza abantu akuriye riba ari uburangare bufatwa nk'icyaha"[46]

45. Ikibazo cya ngombwa rero si ukumenya niba umuntu ukuriye abandi yarategekaga akarere aka n'aka. Ahubwo ni ngombwa kureba niba yaragenzuraga koko abantu bakoze icyaha. Ni ngombwa kandi kureba niba yari azi cyangwa afite impamvu zo kumenya ko abo bantu barimo gukora icyo cyaha cyangwa ko bari bagikoze. N'ubwo umwanya w'ubutegetsi ushobora gufasha umuntu ukuriye abandi kumenya ibintu ibi n'ibi, ntabwo uwo mwanya ari wo wonyine washingirwaho mu kuvuga ko yaba yari abizi.

46. Urugereko rusanga umuntu ukuriye abandi aryozwa icyaha ari uko yari afite cyangwa akekwaho kuba yari afite igitekerezo cyo gukora icyo cyaha:

> Iyo, hashingiwe ku bimenyetso bitaziguye cyangwa biziguye, byagaragaye ko yari azi neza ko abantu yari akuriye bari hafi gukora cyangwa ko bakoze icyaha giteganywa na Sitati[47];
>
> cyangwa
>
> Iyo yari afite amakuru amumenyesha ko icyaha cyashoboraga gukorwa, bigaragara ko ari ngombwa ko hakorwa izindi anketi kugira ngo arebe ko abo bantu yari akuriye biteguraga gukora icyaha, ko barimo kugukora cyangwa ko bari bagikoze[48].
>
> Cyangwa Iyo kuba umuntu ukuriye abandi ntacyo yamenye kubera uburangare yagize mu kurangiza inshingano ze. Ni ukuvuga igihe atakoresheje uburyo bwose yari afite kugira ngo amenye ko icyaha cyakozwe kandi yaragombaga kubimenya[49].

---

[46] Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ziburana na Wilhelm von Leed na bagenzi be, *Trials of War Criminals Before the Nuremberg Military Tribunals Under Control Council Law No. 10, Nuremserg, October 1946-April 1949,* 1949-1953, Umutumba wa XI (Urubanza rw,Ubuyobozi bukuru), imp. 543-544 [inyandiko yahinduwe mu gifaransa y'urubanza rwa *Blaskic*, igika cya 321].
[47] Reba Urubanza rwa Celebici, ibika 384-386.
[48] Ni kimwe no haruguru , ibika 390-393.
[49] Reba Urubanza rwa *Blaski*c, ibika 314-332; reba Urubanza rwa *Aleksovski*, igika cya 80.

1.2.3 Kutaburizamo icyaha cyangwa kudahana abagikoze

47. Nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 6 3) ya Sitati, umuntu ukuriye abandi agomba gufata ingamba za ngombwa kandi zishyize mu gaciro zo kuburizamo cyangwa guhana ibyaha biteganywa na Sitati. Urugereko rwumva amagambo "ingamba za ngombwa" asobanura ingamba umuntu ukuriye abandi agomba gufata kugira ngo arangize inshingano ze zo kubuza ko icyaha gikorwa cyangwa guhana abagikoze hakurikijwe ukuntu ibintu bimeze. Amagambo "ingamba zishyize mu gaciro" ni ukuvuga ingamba umuntu ukuriye abandi afitiye ubushobozi bwo gufata akurikije ukuntu ibintu bimeze[50].

48. Cyakora, umuntu ukuriye abandi ntashobora kuryozwa icyaha kereka iyo atafashe ingamba yari afitiye ububasha bwo gufata[51]. Mu by'ukuri, ingano y'ubugenzuzi yari afite ku bantu yari akuriye - ubushobozi bufatika yari afite bwo kubagenzura - nibwo Urugereko rugenderaho mu kureba niba yarafashe ingamba zishyize mu gaciro kugira ngo aburizemo, ahagarike cyangwa ahane ibyaha by'abantu yari akuriye. Ubwo bushobozi nyabwo ntibugomba gusuzumwa mu cyuka. Bugomba gusuzumwa, hakurikijwe imiterere ya buri kintu kandi hazirikanwa ukuntu ibintu byose byifashe.

49. Kuri iki kibazo, Urugereko ruvuga ko kuba umuntu ukuriye abandi agomba kuburizamo ikorwa ry'icyaha cyangwa guhana abagikoze, bitamuha uburenganzira bwo guhitamo icyo adakora muri ibyo. Nk'urugero, umuntu ukuriye abandi wari uzi cyangwa wari ufite impamvu zo kumenya ko abantu akuriye bari bagiye gukora ibyaha, ariko ntababuze, ntashobora guhunga icyaha ahana abo bantu akuriye bamaze kugikora[52].

50. Urugereko rusanga umuntu ukuriye abandi udahana abantu akuriye, ashobora kubiryozwa kubera ko atabashyizemo umuco wa disipulini n'uwo kubaha amategeko. Nk'urugero,

---

[50] Reba Urubanza rwa *Blaskic*, igika cya 333.
[51] Reba Urubanza rwa *Celebici*, igika cya 395.
[52] Reba Urubanza rwa Blaskic, igika cya 336.

mu rubanza rwa Celebici, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwifashishije ibimenyetso byagaragazaga ko Mucic atahanaga abarinzi b'inkampi yategekaga, ko ni njoro yakundaga kuba atari mu nkampi kandi ntiyite no ku ukumenya niba amabwiriza yatanze yubahirijwe[53]. Mu rubanza rwa *Blaskic,* Uregwa yari yumvishije abantu yari akuriye ko imyifatire imwe n'imwe, inyuranyije n'amategeko, yari yemewe kandi itazahanirwa[54]. Ari Mucic cyangwa Blaskic, nta n'umwe wahanaga abantu yari akuriye igihe babaga batagize disipuline. Byongeye kandi abo bantu bari bakuriwe batekereje ko ibyaha binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara, bitazahanwa. Mu yandi magambo, kudahana bishobora gutuma umuntu ukuriye abandi aryozwa icyaha igihe imyifatire ye, muri rusange, ituma abantu akuriye bakora amarorerwa[55] .

2. Icyaha cya Jenoside (Ingingo ya 2 ya Sitati)

2.1 Jenoside

51. Ingingo ya 2 ya Sitati iteye itya:

1. Urukiko Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda rufite ububasha bwo gukurikirana abantu bakoze icyaha cya jenoside, nk'uko gisobanuwe mu gika cya 2 cy'iyi Ngingo, cyangwa bakoze kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya 3 cy'iyi Ngingo.

2. Icyaha cya jenoside ni kimwe mu bikorwa bikurikira cyakozwe kigamije kurimbura abantu bose cyangwa igice cyabo bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko cyangwa ku idini, bazira icyo bari cyo:

---

[53] Reba Urubanza rwa *Celebici*, igika cya 772 n'ibigikurikira.
[54] Reba Urubanza rwa Blaskic, ibika 487,494-495.
[55] Umuti kuri iki kibazo ntuva gusa mu bukemuramanza, ahubwo unakomoka ku ntego y'Ingingo ya 6 3) ya Sitati. Iyo ntego si uguhana ibyaha bikozwe n'abantu bakuriwe n'abandi, ahubwo ni ugukora ku buryo, abantu bakuriye abandi baburizamo ibyaha nk'ibyo. Reba na none *In re Yamashita*, imp.14-16; Urubanza rw'*Akayesu*, igika cya 691; Urubanza rwa *Celebici,* igika cya 772 n'ibigikurikira; Urubanza rwa *Blaskic*, igika cya 487 n'ibigikurikira.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

a) Kwica abo bantu;

b) Kubatera ububabare buzahaza umubiri cyangwa mu mutwe;

c) Gushyira ku bushake abo bantu mu nzitane z'ubuzima zigomba gutuma bose cyangwa igice cyabo barimbuka;

d) Gushyiraho ingamba zigamije kubabuza kubyara;

e) Kubanyaga urubyaro ukarushyira mu rindi tsinda.

3. Ibikorwa bikurikira birahanirwa:

a) Jenoside;

b) Ubwumvikane bugamije gukora jenoside;

c) Guhamagarira abantu mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora jenoside;

d) Ubwinjiracyaha bwa jenoside;

e) Kuba icyitso cy'abakoze jenoside.

52. Mu kirego cya mbere cyo mu Nyandiko y'ibirego, Uregwa ashinjwa icyaha hashingiwe ku Ngingo ya 6 (1) n'iya 6 (3) za Sitati kubera ubwicanyi n'ibikorwa byo guteza Abatutsi ububabare buzahaza umubiri cyangwa mu mutwe. Muri icyo kirego, ashinjwa kandi icyaha cya jenoside giteganywa n'Ingingo ya 2 3) a) ya Sitati.

53. Igisobanuro cy'icyaha cya jenoside kivugwa mu Ngingo ya 2 ya Sitati gisubiramo, ijambo ku rindi, ibivugwa mu Ngingo 2 n'iya 3 z'Amasezerano yerekeye gukumira no guhana icyaha cya jenoside ("Muri iyi nyandiko azajya yitwa amasezerano kuri jenoside")[56].

[56] Yemejwe n'Inteko rusange y'Umuryango w'Abibumbye, 9 Ukuboza 1948.

54. Amasezerano ku cyaha cya jenoside afatwa, nta gushidikanya, nk'aho agize amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco, nk'uko bigaragara mu Gitekerezo njyanama cyatanzwe mu mwaka wa 1951 n'Urukiko Mpuzamahanga rw'Ubutabera, hiseguriwe ko Amasezerano kuri jenoside yagira icyo abihinduraho[57]. Urugereko rusanga kandi, ku itariki ya 12 Gashyantare 1975, u Rwanda, mu itegeko-teka, rwarashyize umukono ku masezerano kuri jenoside kandi ko, kubera iyo mpamvu, icyo cyaha cyahanwaga mu Rwanda mu mwaka wa 1994.

55. Urugereko ruributsa ko icyaha cya jenoside cyahawe igisobanuro mu bukemuranza bwashyiweho n'Urukiko, nko mu manza za Akayesu, Kayishema na Ruzindana, Rutaganda na Musema. Urugereko na rwo rwemera igisobanuro cy'icyaha cya jenoside cyatanzwe muri izo manza. Niyo mpamvu, nk'uko rubibona, kugira ngo icyaha cya jenoside kigaragazwe ku buryo budashidikanywaho, ari ngombwa ko kimwe mu bikorwa bivugwa mu Ngingo ya 2 2) ya Sitati kiba cyarakozwe. Ni ngombwa kandi ko icyo gikorwa gikorerwa abantu bose, cyangwa igice cyabo, bahuriye ku bwenegihugu, ubwoko cyangwa idini, bazira icyo bari cyo, kigamije, ku buryo bwihariye, kubarimbura bose cyangwa igice cyabo. Jenoside igomba rero kwigwa mu bice bibiri: ibikorwa biregerwa n'igitekerezo cyihariye cyo gukora jenoside.

2.1.1 Ibikorwa biregerwa

56. Buri gikorwa kiregerwa kigizwe n'ibintu bibiri: igitekerezo cyo gukora icyaha n'igikorwa nyirizina. Ibyo byaha birasuzumwa mu bika bikurikira:

[57] Reba kandi Raporo y'Umunyamabanga Mukuru ku ishyirwaho ry'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho icyahoze ari Yugosalaviya (Inyandiko ya Loni S/25704 yo ku itariki ya 3 Gicurasi 1993).

i) *Ubwicanyi- Ingingo 2 2)a) ya Sitati*

57. Ingingo ya 2 2) a) ya Sitati, kimwe n'ingingo bijyanye z'Amasezerano kuri jenoside, ikoresha ijambo "*meurtre*" [ubwicanyi] mu gifaransa, mu cyongereza igakoresha "*killing"*[ubwicanyi]. Inshoza ikubiye mu ijambo *"killing"* (ubwicanyi) ni ukwica umuntu wabigambiriye cyangwa utabigambiriye. Naho "*meurtre*" bivuga kwica wabigambiriye. Iyo bigenze bityo, hakurikijwe amahame rusange y'amategeko ahana ibyaha, igisobanuro kirusha ikindi kurengera inyungu z'uregwa ni cyo gikoreshwa. Urugereko rusanga kandi Ingingo ya 2 a) ya Sitati igomba kumvikana hakurikijwe igisobanuro cy'ubwicanyi gitangwa mu Ngingo ya 311 y'Igitabo cy'amategeko ahana ibyaha gikoreshwa mu Rwanda, ari cyo "kwica umuntu ubishaka".

58. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanga ubwicanyi buvugwa mu Ngingo ya 2 (2) a) ya Sitati bugomba kumvikana ko ari ukwica umuntu ku bushake. Byongeye kandi, kugira ngo habeho jenoside, ni ngombwa ko ibikorwa byose byarondowe bikorwa hagamijwe kurimbura itsinda ryihariye ry'abantu bose cyangwa igice cyabo. Ni yo mpamvu rero, mu miterere yabyo, ibikorwa birondorwa ari ibikorwa byakozwe ku bushake, byagambiriwe kandi, muri rusange, bidatewe n'impanuka cyangwa uburangare busanzwe.

ii) Guteza abantu ububabare buzahaza umubiri cyangwa mu mutwe- Ingingo ya 2 2)b) ya Sitati

59. Mu gisobanuro cy'Ingingo ya 2 2)b) ya Sitati, Urugereko rwumva ko "ibikorwa bikomeye byo guteza abantu ububabare buzahaza umubiri cyangwa mu mutwe" bivuga ibintu bikurikira, ariko atari byo byonyine: ibikorwa byo kugaragura umuntu ku mubiri cyangwa mu mutwe, ibikorwa bitesha umuntu agaciro, bimukoza isoni, gusambanya ku gahato, ibikorwa by'urugomo rushingiye ku gitsina n'itoteza. Urugereko rwumva ko "guteza abantu ububabare" birenze gutera ubumuga bworoheje bwo mu mutwe cyangwa

ku mubiri bitabaye ngombwa ko ingaruka zabyo zihoraho cyangwa zidashobora kuvurwa.

2.1.2 Igitekerezo cyihariye cyo gukora icyaha

60. Igitekerezo cyihariye cyo gukora icyaha cya jenoside kigizwe n'igitekerezo cyo kurimbura abantu bose cyangwa igice cyabo bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko cyangwa ku idini, bazira icyo bari cyo".

61. Kugira ngo kimwe mu bikorwa biregerwa bivugwa haruguru kibe mu bigize icyaha cya jenoside, icyo gikorwa kigomba kuba cyarakorewe umuntu kubera ko ari umwe mubagize itsinda ryihariye ry'abantu aba n'aba kandi azira gusa ko ari muri iryo tsinda. Niyo mpamvu, umuntu ukora icyo gikorwa kiregerwa agikora agamije gusohoza umugambi we wo kurimbura abantu bose bagize iryo tsinda cyangwa igice cyabo. Umuntu ukorewe icyaha ntatoranywa kubera imimerere ye bwite ahubwo haba hashingiwe ku bwenegihugu, ubwoko cyangwa idini bye. Ni ukuvuga ko icyaha cya jenoside kidakorerwa umuntu ku giti cye ahubwo gikorerwa itsinda ryose arimo[58].

62. Ku kibazo cyo kumenya igitekerezo cyihariye cy'umuntu wakoze icyaha, Urugereko rukurikiza igisobanuro cyatanzwe mu rubanza rwa *Akayesu*:

> "…igitekerezo cyihariye cy'umuntu wakoze icyaha, kijyana n'imiterere ye bwite mu mutwe, bityo bikaba ndetse bitanashoboka ku kimenya. Ni yo mpamvu, iyo uregwa atemeye icyaha, igitekerezo cyo gukora icyaha gishobora kugaragarira mu bikorwa bye bimwe na bimwe. Urugero ni uko Urugereko rusanga bishoboka ko ibikorwa n'imvugo zose z'uregwa bishobora kugaragaza igitekerezo cyo gukora jenoside cyagaragariye mu gikorwa

[58] Reba Urubanza rw'Akayesu, ibika 521-522.

> runaka kiregerwa; Byongeye kandi, icyo gitekerezo gishobora kugaragarira mu mwuka wari ho igihe ibindi byaha byakorwaga kuri gahunda, byibasiye itsinda rimwe. Ibyo bikorwa bishobora kuba byarakozwe n'uregwa cyangwa n'abandi bantu. Hari n'izindi ngingo zishobora gutuma Urugereko rumenya imigambi yo gukora itsembabwoko; twavuga ingano y'ibikorwa bya kinyamaswa, uko byasakaye mu karere cyangwa mu gihugu cyangwa se guhitamo byagambiriwe kandi biri kuri gahunda abakorerwa icyaha kubera ko bari mu bagize itsinda runaka ry'abantu, havanywemo abantu bagize andi matsinda"[59].

63. Kubera izo mpamvu, kumenya uko ibintu byari byifashe igihe ibikorwa bivugwa byakorwaga, bishobora gufasha Urugereko kumenya igitekerezo cy'uregwa, cyane cyane igihe amagambo n'ibikorwa bye bitagaragaza icyo gitekerezo. Cyakora, Urugereko rusanga iyo umuntu agendeye ku kuntu ibintu byari byifashe mu kumenya igitekerezo cy'uregwa, ibyo bigomba gukorwa hazirikanwa imyifatire ye. Urugereko rwumva ko igitekerezo cy'uregwa kigomba kugaragarira mbere ya byose, mu magambo ye no mu bikorwa bye, kandi bikagaragarira neza mu myifatire ye.

64. Ku byerekeye amagambo "abantu bose, cyangwa igice cyabo", Urugereko rusanga nk'uko byagaragajwe na "CDI", igitekerezo kigomba kuba ari icyo kurimbura abantu bose, bazira icyo bari cyo. Ni ukuvuga itsinda ryihariye ritandukanye n'andi matsinda, aho gukorerwa gusa abantu bake bari muri iryo tsinda[60]. N'ubwo kurimbura abo bantu byaba bitavuze kurimbura, byanze bikunze, buri muntu wese ugize iryo tsinda ryibasiwe, Urugereko rusanga igitekerezo cyo kurimbura kireba nibura igice kitari gito cy'abo bantu[61].

---

[59] Ni kimwe no haruguru , igika cya 523.
[60] Umushinga w'Amategeko wa CDI, igika cya 7 y'ibisobanuro cy'Ingingo ya 17; Urubanza rwa *Akayesu*, ibika 496-499.
[61] Urugero: mu rubanza rwa *Kayishema na Ruzindana*, Urugereko rwa mbere rw'iremezo rwasanze Uregwa agomba kuba yari afite umugambi wo kurimbura igice kinini cy'itsinda ryibasiwe.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

65. Ku byerekeye inshoza z'ubwenegihugu, ubwoko n'idini, Urugereko rusanga nta gisobanuro bwite cyemewe muri rusange cyangwa mu rwego mpuzamahanga[62]. Buri nshoza muri izo zivuzwe haruguru igomba gusuzumwa hazirikanwa uko ibintu byifashe mu rwego uru n'uru rwa politiki, mbonezamubano, amateka n'umuco. N' ubwo abagize iryo tsinda bagomba kuba ari kimwe mu bintu biranga iryo tsinda, hari n'ibindi biriranga bishobora kutabonwa kimwe[63]. Birashoboka ko itsinda riba ridasobanutse neza, bityo bikaba byagorana kumenya, nta gushidikanya, ko uwakorewe icyaha yari agize cyangwa atari agize iryo tsinda ririnzwe. Ikindi kandi ni uko abakoze jenoside bashobora gusobanura itsinda rivugwa mu buryo budahuje neza n'uko abandi bantu babyumva muri rusange cyangwa uko ryumvwa n'andi matsinda agize umuryango. Ni yo mpamvu, Urugereko rusanga niba, nyuma yo kubona ibimenyetso, uwakorewe icyaha afatwa na gatozi w'icyo cyaha nk'aho agize itsinda ririnzwe, Urugereko na rwo rwagombye kumufata nk'aho agize iryo tsinda ririnzwe, ku byerekeye icyaha cya jenoside.

2.2 Kuba icyitso cy'abakoze jenoside

66. Mu kirego cya kabiri cy'Inyandiko y'ibirego, Uregwa ashinjwa, hakurikijwe Ingingo ya 6 (1) n'iya 6 (3) za Sitati, kuba icyitso mu bwicanyi bwakorewe Abatutsi no mu kubateza ububabare buzahaza umubiri cyangwa mu mutwe. Kubera iyo mpamvu, agomba no kuryozwa icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside giteganywa n'Ingingo ya 2 (3) ya Sitati.

---

[62] Nk'urugero, ayo magambo ane asobanurwa mu rubanza rwa rw'*Akayesu*, ibika. 512- 515.

[63] Kuri iki kibazo, Urugereko rwemeranywa n' igitekerezo cya Komisiyo y'impuguke ku Rwanda, kivuga ko: "kugira ngo hagaragazwe ko hari ivangura rishingiye ku moko cyangwa isanomuzi, si ngombwa kuzirikana cyangwa kugendera ku gitekerezo kivuga ko ubwoko cyangwa isanomuzi biriho nk'ikintu kizwi mu rwego rw'ubuhanga." (Morris na Scharf, *The International Criminal Tribunal for Rwanda*, 1998, igitabo cya I, urup. 176). Ikimenyetso cyihariye kiranga abantu aba n'aba ntikigomba, byanze bikunze, kuba kiboneye mu rwego rw'ubuhanga runaka.

67. Mu Nyandiko y'ibirego, Porokireri ashingira ku bikorwa bimwe mu gushinja Uregwa icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside, akanamushinja icyaha cya jenoside. Urugereko rusanga jenoside no kuba icyitso cy'abakoze jenoside ari uburyo bubiri butandukanye bwo gukora icyaha kimwe, bityo rukemeranya n'umwanzuro wafashwe mu Nyandiko y'urubanza rwa Akayesu uvuga ko: "Igikorwa kimwe uregwa ashinjwa kidashobora kuba icyaha cya jenoside ngo kinabe icyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside. Uko kutabangikiranwa ku icyaha cya jenoside n'icyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside bituma umuntu umwe adashobora guhamwa n'ibyo byaha byombi ku gikorwa kimwe"[64]. Urugereko rwanzuye ruvuga ko, ku bikorwa bimwe, uregwa adashobora guhamwa n'icyaha cya jenoside ngo anahamwe n'icyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside.

68. Urugereko rushyigikiye igisobanuro cy'ingingo zigize icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside cyatanzwe mu bukemuramanza bw'Urukiko, nko mu rubanza rwa Musema[65].

69. Ku byerekeye igikorwa gifatika cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside, Urugereko rusanga mu bihugu bigendera ku muco w'amategeko y'abongereza [*Common law]*, kuba icyitso bisobanurwa muri rusange mu magambo "*aiding and abetting, counselling and procuring"* [Gufasha no gushishikaza, kugira inama no gutanga [uburyo bwo gukora icyaha]. Naho mu bihugu bigendera ku mategeko akomoka ku y'Abaromani, hari ubwoko butatu bwemewe bwo kuba icyitso, ari bwo: kuba icyitso uhamagarira abantu gukora icyaha, utera inkunga kandi ufasha abagikora, ubaha uburyo bwo kugikora. Ingingo ya 91 yo mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda isobanura ubwo bwoko butatu bwo kuba icyitso:

---

[64] Urubanza rw'*Akayesu*, igika cya 532.
[65] Reba Urubanza rwa Musema, ibika 168-175.

(a) Kuba icyitso utanga uburyo nk'intwaro, ibikoresho cyangwa ubundi buryo bwose buzaba bwakoreshejwe jenoside, kandi uzi ko bizakoreshwa iyo jenoside;

(b) Kuba icyitso utanga inkunga cyangwa ufasha ubizi neza, ukora jenoside, mu byagiteguye cyangwa mu byorohereje imikorere yacyo.

(c) Kuba icyitso ushishikariza: arahamwa umuntu wese niyo yaba ataragize uruhare ruziguye muri jenoside, watanze amabwiriza yo gukora jenoside, akoresheje ibiguzi, amasezerano y'ibihembo, iterabwoba, agakabyo k'ubutegetsi cyangwa k'ububasha, utunama cyangwa andi mayeri by'ubugiranabi cyangwa amabwiriza agamije gukoresha jenocide."[66]

70. Kubera ko ibisobanuro byo kuba icyitso bikoreshwa mu bihugu bikurikiza amategeko agendera ku y'Abaromani n'ibigendera kuri *Common law* bisa cyane, Urugereko rurondora uburyo bunyuranye bwo kuba icyitso, mu gusobanura Ingingo ya 3 (2) (e) ya Sitati. Ruvuga ko kuba icyitso ari ugufasha umuntu gukora icyaha, kukimushishikariza, gutanga ibikoresho byo gukora icyaha cyangwa guhamagarira abantu kugikora, bityo bikaba bihuje n'igisobanuro gitangwa mu Gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda[67].

71. Igitekerezo cya ngombwa cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside ni uko gatozi aba azi neza ko akora icyaha cya jenoside[68]. Ni yo mpamvu, atari ngombwa ko umuntu wabaye icyitso cy'abakoze jenoside aba afite igitekerezo cyihariye cyo gukora jenoside. Ahubwo afasha undi muntu ukora jenoside, akamushishikariza gukora icyo cyaha, akamu-hamagarira kugikora cyangwa akamuha uburyo bwo kugikora kandi azi neza ko uwo

[66] Ni kimwe no haruguru, igika cya 179.
[67] Reba Urubanza rwa *Akayesu*, ibika 525-548.
[68] Reba n'imyanzuro yafashwe mu rubanza rw'*Akayesu*, igika cya 540 n'ibigikurikira.

muntu agamije kurimbura abantu bose, cyangwa igice cyabo, bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko cyangwa ku idini, bazira icyo bari cyo.

3. Ibyaha byibasiye inyokomuntu (Ingingo ya 3 ya Sitati)

72. Ingingo ya 3 ya Sitati iteye itya:

> "Urukiko Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda rufite ububasha bwo gucira imanza abantu bakekwaho kuba barakoze ibyaha bikurikira, mu gihe byakozwe mu rwego rw'ibitero rusange kandi biri kuri gahunda byibasiye abaturage b'abasiviri abo ari bo bose bazira ubwenegihugu bwabo, umutwe wa politiki barimo, ubwoko bwabo cyangwa idini ryabo:
>
> a) Ubuhotozi;
> b) Itsembatsemba;
> c) Gushyira mu bucakara;
> d) Gucira ishyanga;
> e) Gufunga;
> f) Ibikorwa by'urubozo;
> g) Gusambanya ku gahato;
> h) Gutoteza bishingiye ku mpamvu za politiki, iz'ubwoko n'iz'idini;
> i) Ibindi bikorwa bibi birenze kameremuntu".

73. Muri uru rubanza, Uregwa ashinjwa ibyaha bitatu byibasiye inyokomuntu, ari byo ubuhotozi, itsembatsemba n'ibindi bikorwa birenze kameremuntu, nk'uko bivugwa mu bika a), b) na i) by'Ingingo ya 3 ya Sitati. Uregwa aryozwa ibi birego bitatu biteganywa n'ingingo za 6 (1) na 6 (3) ya Sitati.

74. Ibikubiye mu Ngingo 3 ya Sitati bihera cyane cyane ku gisobanuro cy'ibanze cy'icyaha cyibasiye inyokomuntu kiri mu Ngingo ya 6 (c) ya Sitati y'Urukiko rwa Nuremberg

("Sitati y'Urukiko rwa Nuremberg")[69]. Mu mategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco, ibyaha byibasiye inyokomuntu bishobora gukorerwa abaturage b'abasiviri kandi birahanirwa, byaba byarakozwe cyangwa bitarakozwe mu ntambara yo mu rwego mpuzamahanga cyangwa ishyamiranije abenegihugu[70]. Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye yemeje igisobanuro kitaguye ku cyatanzwe mu mategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco. Iyo Nama ivuga ko ibyaha byibasiye inyokomuntu bivugwa muri Sitati y'Urukiko bigomba kuba byarakozwe mu rwego rw'igitero gishingiye ku ivangura.

75. Icyaha cyibasiye inyokomuntu ni igikorwa gihanirwa cyakozwe mu rwego rw'igitero rusange. Icyo cyaha kigomba rero kurangwa n'ibintu bitatu: igitero rusange, igikorwa kiregegwa n'igitekerezo cyo gukora icyaha.

3.1 Igitero rusange

76. Ibikorwa biregerwa bigomba kuba byarakozwe mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda, cyibasiye abaturage b'abasiviri kubera ko bahuriye ku bwenegihugu, ibitekerezo bya politiki, ubwoko cyangwa idini.

---

[69] Umugereka w'*Amasezerano hagati ya Guverinoma y'Agateganyo ya Repubulika y'Ubufaransa na za Guverinoma za Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, Ubwongereza na Irilande ya ruguru na Leta Zunze Ubumwe z'Abarusiya ku byerekeye gukurikirana no guhana abagizi ba nabi baruharwa bakoze ibyaha by'intambara b'ibihugu bikomeye by'i Buraya byari bigize " Axe",* Londre, 8 Kanama 1945 (" Amasezerano y'i Londre").

[70] Reba Urubanza rw'*Akayesu*, igika 565; " urubanza ku ubujurire bw' Ubwunganizi ku ngoboka mbanziriza-rubanza y'iburabubasha", *Porokirer iaburana na Dusko Tadic*, urubanza no. IT-94-I-T, TPIY, 2 Ukwakira 1995 (" Urubanza rwa *Tadic* mu bujurire"), igika 141.

3.1.1 Igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda

77. Igitero rusange ni igitero cya rutura cyibasira abantu benshi naho igitero kiri kuri gahunda cyo gishingiye kuri politiki cyangwa ku mugambi byateguwe mbere[71]. Kugira ngo cyemerwe, igitero kigomba kuba nibura ari rusange cyangwa kiri kuri gahunda, ariko si ngombwa ko kiba cyujuje ibyo bintu byombi. Cyakora, Urugereko rusanga ibigaragaza ibyo bintu byombi hari aho bihurira. Mu rubanza rwa *Blaskic*, handitse ibi bikurikira:

> "Cyakora urebye, biraruhije gutandukanya ibyo bintu byombi: igitero rusange cyibasira abantu benshi, ahanini kiba gishingiye ku mugambi uyu n'uyu cyangwa cyarateguwe. Mu by'ukuri, ntawashobora gusobanura neza "ubwinshi bw'abantu bibasiwe". Amategeko mpuzamahanga kimwe n'ubukemuramanza bw'inkiko mpuzamahanga cyangwa ubw'ibihugu ntibiga-ragaza umubare icyo cyaha cyibasira inyokomuntu gitangiriraho"[72].

78. Kubera iyo mpamvu, Urugereko ruvuga ko bihagije kugaragaza ko igitero ari rusange cyangwa kiri kuri gahunda inoze, kugira ngo ukuremo ibikorwa bitakozwe bishingiye kuri politiki cyangwa ku mugambi byo mu rwego runini. Byongeye kandi, igitero cyibasira abaturage b'abasiviri kigomba kuba cyarateguwe. Ukurikije uko giteye, kuvangura kwacyo kuba gushingiye, byanze bikunze, kuri politiki. Ukubaho kw'iyo politiki bishobora gufatwa nk'aho biri muri kamere y'icyo gitero, cyaba rusange cyangwa cyaba kiri kuri gahunda[73]. Na none, mu Ngingo ya 3 ya Sitati no mu bukemuramanza inkiko ziherutse gushyiraho[74], biragaragara ko iyo politiki ishobora guturuka cyangwa

---

[71] Urugero: mu gusobanura amagamo "kiri kuri gahunda, Umushinga w'Amategeko wa " CDI" uvuga ko ari ugushyira mu bikorwa umugambi cyangwa politiki byateguwe mbere; ishyirwa mu bikorwa byabyo rikagaragarira mu gukora kenshi cyangwa ubutitsa, ibikorwa birenze kameremuntu", igika cya 3 cy'igisobanuro cy'Ingingo ya 18.
[72] Urubanza rwa *Blaskic*, igika cya 207.
[73] Bityo rero, Urugereko rwemeranywa n'igitekerezo cyatanzwe mu rubanza rwa *Kupreskic na bagenzi be*, urubanza N°. IT-95-16-T, TPIY, 14 Mutarama 2000, igika cya 551), kivuga ko n'ubwo inshoza y'icyaha cyibasiye inyokomuntu ivuga ko hagomba, byanze bikunze, kubaho impamvu ya politiki, umuntu ashobora gushidikanya ko icyo cyaha ari ikintu cya ngombwa habe harabayeho habeho ibyaha byibasiye inyokomuntu".
[74] Reba nk'Urubanza rwa *Tadic,* igika cya 654.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

gutegekwa n'itsinda cyangwa umuryango uyu n'uyu, bitabaye ngombwa ko ishyirwaho na Guverinoma y'igihugu.

3.1.2 Ibyaha byibasiye abaturage b'abasiviri

79. Urugereko rwemeranya n'umwanzuro wafashwe mu rubanza rwa *Tadic*, uvuga ko abaturage bibasiwe bagomba kuba ahanini ari abasiviri. Cyakora, kuba hashobora kubonekamo abantu batari abasiviri, ntibihindura uko abo baturage bakwitwa[75]. Byongeye kandi, nk'uko bigaragara mu Nyandiko y'urubanza rwa *Blaskic,* mu kwerekana ko abo baturage ari abasiviri, ni ngombwa kuzirikana ukuntu abakorewe icyaha bari bamerewe igihe ibyo byaha byakorwaga, aho kureba urwego barimo[76].

80. Kuvuga ko ibikorwa bibujijwe bigomba kwibasira abaturage b'abasiviri, ntibisobanura ko abaturage b'igihugu cyangwa akarere runaka bagomba bose kwibasirwa n'ibyo bikorwa kugira ngo byitwe icyaha cyibasiye inyokomuntu. Kuvuga kwibasira "abaturage" bisobanura ibyaha bikorewe abantu benshi muri rusange. Ntibisobanura ibikorwa byakorewe umuntu umwe umwe ku giti cye, n'ubwo byashobora kuba ibyaha by'ubugome hakurikijwe amategeko ahana ibyaha y'ibihugu, uburemere bwabyo ntibungana n'ubw'ibyaha byibasiye inyokomuntu[77].

3.1.3 Impamvu z'ivangura

81. Sitati iteganya ko kugira ngo igitero kibe ari rusange kigomba kuba cyibasiye abaturage b'abasiviri bazira "ubwenegihugu, amashyaka ya politiki, cyangwa idini byabo"[78]. Urugereko rwemeje ko kugira ngo gisobanurwe, icyo gitekerezo kiri by'umwihariko muri

---

[75] Ni kimwe no haruguru, igika cya 638.
[76] Urubanza rwa *Blaskic*, igika cya 214.
[77] Reba Urubanza rwa *Tadic*, igika cya 644.
[78] Iyi ngingo ntiri muri Sitati za Nuremberg, TPIY na CPI.

Sitati y'uru Rukiko, kigomba gufatwa nk'aho cyerekana kamere y'igitero, aho kuba igitekerezo gatozi yari afite cyo gukora icyaha[79]. Uwakoze icyaha ashobora kuba yarakoze icyaha gikomeye kubera impamvu z'ivangura zisa n'izateye igitero rusange. Ariko ari impamvu yatanzwe hano, ari n'igitekerezo icyo ari cyo cyose cyo kuvangura, si ikintu cya ngombwa ngo icyo cyaha kibe cyarabayeho, igihe cyakozwe mu rwego rw'igitero rusange[80].

3.2 Ibikorwa biregerwa

82. Nk'uko bivugwa haruguru, ibikorwa biregerwa bigomba kuba byarakozwe mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda cyibasiye abaturage b'abasiviri kubera ko bahuriye ku bwenegihugu, ku bitekerezo bya politiki, ku bwoko cyangwa ku idini. Cyakora, icyo gikorwa ntikigomba, byanze bikunze, kuba gifite ibimenyetso by'igitero rusange. Urugero: icyaha gishobora gukorwa nta mpamvu z'ivangura, ndetse gishobora kuba atari rusange cyangwa kitari kuri gahunda, ariko kikitwa icyaha cyibasiye inyokomuntu, igihe ibindi bintu bigize icyaha cy'ibanze byujujwe. Bityo rero, igikorwa

---

[79] Iyo abanditse Sitati baba barashatse kugaragaza igitekerezo cya gatozi cyo kuvangura, baba baranditse amagambo abigenewe inyuma y'ijambo "yakoze". Byongeye kandi, baba barahinduye Ingingo ya 3 h) kugira ngo badasubiramo inyito. Nk'uko Urugereko rw'Ubujurire rwabigaragaje mu rubanza rwa Tadic (bityo rukagaruka ku cyemezo cyafashwe muri urwo rubanza n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo kivuga ko hagomba, mu buryo butaziguye, kuba harabayeho igitekerezo cy'ivangura mu byaha byose byibasiye inyokomuntu, hashingiwe ku Ngingo ya 5 ya Sitati ya TPIY. "Kumva neza Ingingo ya 5 bituma umuntu yanzura avuga ko, muri rusange, ibyaha byibasiye inyokomuntu bidasaba ko uwo mugambi ubaho. Bitabaye ibyo rero, umuntu yakwibaza impamvu Ingingo ya 5 h) yasobanura kurushaho ko Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha ibikorwa by'itoteza igihe bikozwe kubera impamvu za politiki, ubwoko cyangwa idini. Icyo gisobanuro cyaba rero kitari cyo kandi kitari ngombwa. Imwe mu ngingo z'ibanze zo gusobanura amategeko ishaka ko umuntu adasobanura itegeko cyangwa igice cyaryo ku buryo riba iry'umurimbo, bityo rikaba nta kamaro: umuntu ashyize mu gaciro ashobora kuvuga ko abashingamategeko batora amategeko yizwe neza, kandi n'ingingo zayo zose zikaba zifite icyo zishaka kuvuga. (Urubanza rwa *Tadic* mu bujurire, ibika 284-305; Urubanza rwa *Kupreskic*, igika cya 558; Urubanza rwa *Blaskic*, ibika 244-260.)

[80] Reba urubanza wa *Jean-Paul Akayesu* mu bujurire, urubanza N°. ICTR-96-4-A, 1 Kamena, 2001 (urubanza rwa Akayesu mu bujurire); Urubanza rwa *Kayishema na Ruzindana* mu rw'iremezo, ibika 133-134.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

kiri ukwacyo, cyakozwe na gatozi umwe gishobora kuba icyaha cyibasiye inyokomuntu[81].

83. Buri cyaha kivugwa gifite ibintu bibiri cyihariye, ari byo igitekerezo cyo kugikora n'igikorwa gifatika kigize icyo cyaha. Ibikorwa bitatu biregerwa mu Nyandiko y'ibirego bisobanuye mu mirongo ikurikira:

*Ubuhotoz*i

84. Mu Nyandiko y'urubanza rwa Kayishema na Ruzindana mu rw'iremezo, Urugereko rwanzuye rugira ruti:

> "…amagambo "*murder*" [mu cyongereza] na "*assassinat*" [mu gifaransa] agomba kugendana kugira ngo hagaragare ikigenderwaho cy'igitekerezo cyo gukora icyaha ari na cyo gisabwa na Sitati ya TPIR. Urugereko rusanze ko ijambo" *murder*" rishyizwe ku munzani hamwe n'ijambo "*assassinat*", ikigendewaho cy'igitekerezo cya ngombwa cyo gukora icyaha rwego ni kimwe n'igisabwa ku cyaha cy'ubuhotozi. Icyo cyaha kiba cyagambiriwe igihe ugikora aba afite umugambi wo kwica, kandi amaze igihe abitekerezaho mu mutuzo.
>
> Uregwa ahamwa n'icyaha cy'ubuhotozi igihe, mu myitwarire ye inyuranyije n'amategeko,
>
> 1. Yishe umuntu
> 2. Kubera icyo yakoze cyangwa yirengagije gukora yabigambiriye
> 3. Yari agamije kwica; cyangwa

[81] Reba "Isuzumwa ry'Inyandiko y'ibirego mu rwego rw'Ingingo ya 61" urubanza rwa *Mile Mirksic* na bagenzi be, urubanza N°. IT-95-13-R61, TPIY, 3 Mata 1996, igika cya 30; Urubanza rwa Kupreskic, igika cya 550.

4. Yari agamije guteza umuntu ububabare buzahaza umubiri"[82].

85. Urugereko rushyigikiye iki gisobanuro.

Itsembatsemba

86. Hari ubukemuramanza buke bwerekeranye n'ibintu bya ngombwa bigize icyaha cy'itsembatsemba. Mu rubanza rwa Akayesu, Urugereko rwavuze ko, nk'uko bisobanurwa, itsembatsemba ari icyaha cyibasira itsinda ry'abantu kandi iyo ngingo yo kurimbura abantu benshi itandukanya icyo cyaha n'icy'ubuhotozi busanzwe. Jean Paul Akayesu yahamwe n'icyaha cy'itsembatsemba kubera ko yategetse ko abantu cumi na batandatu bicwa[83].

87. Urugereko rwemera ko itsembatsemba ari ukwica abantu benshi mu buryo bunyuranyije n'amategeko. Imvugo "abantu benshi" ntisobanura ko hari umubare fatizo w'abishwe ugomba kugaragazwa, ahubwo uwo mubare umenyekana hakurikijwe uko ibintu byari byifashe , umuntu ashyize mu gaciro.

88. Cyakora, gatozi ashobora guhamwa n'icyaha cy'itsembatsemba iyo yishe umuntu umwe cyangwa akamushyira mu nzitane z'ubuzima zishobora kumuviramo gupfa, apfa gusa kuba azi ko ibikorwa bye cyangwa ibyo yirengagije gukora, biri mu rwego rw'ubwicanyi bwibasira imbaga, ni ukuvuga ubwicanyi bwakozwe mu gihe cyegeranye bukabera n'ahantu hegeranye ku buryo umuntu yabufata nk'aho ari igitero kimwe cyangwa igitero gikomeza.

---

[82] Urubanza rwa *Kayishema na Ruzindana* mu rw'iremezo, ibika 139-140.
[83] Reba Urubanza rw'*Akayesu* mu rw'iremezo, ibika 735-744.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

89. Niyo mpamvu, Urugereko rwemeje ingingo eshatu zigize icyaha cy'itsembatsemba zivugwa mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana[84]. Ni ngombwa ko uwakoze icyaha, kubera ibikorwa bye cyangwa ibyo yirengagije gukora, aba:

(i) yaragize uruhare mu bwicanyi rusange bwibasiye abantu cyangwa yarabashyize mu nzitane z'ubuzima zituma bapfa ari benshi;

(ii) yari agamije kwica cyangwa yaragaragaje uburangare bukabije, atibajije niba ibikorwa bye cyangwa ibyo yirengagije gukora, byatuma abo bantu bapfa cyangwa badapfa;

(iii) yari azi neza ko ibyo bikorwa bye cyangwa ibyo yirengagije gukora byari mu rwego rwo kwica imbaga y'abantu.

90. Gushyira abantu mu nzitane z'ubuzima zituma bapfa ari benshi ni nko gufunga abantu benshi kandi ukabima ibya ngombwa by'ubuzima maze bikabaviramo gupfa ari benshi. Bishobora kandi kuvuga gushyira mu baturage umugera ubica maze, ukababuza kwivuza, bityo nabo bagapfa ari benshi.

Ibindi bikorwa birenze kameremuntu

91. Kuva Sitati ya Nuremberg yemezwa, urwego rw'ibyaha byiswe "ibindi bikorwa birenze kameremuntu" rufatwa nk'aho ari urwego rw'ibikorwa bidasobanuye neza, ariko rukomeye kimwe nk'urw'ibindi bikorwa byavuzwe. Ingingo ya 7 (k) ya Sitati ya CPI isobanura ibyo bikorwa bindi birenze kameremuntu ibigereranya n'ibyaha bibibanziriza mu byavuzwe nk' ibikorwa bisa nabyo bitera, ku bushake, ububabare bukomeye cyangwa bitera ubumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe cyangwa bikibasira amagara". Mu gika cya 17 cy'ibisobanuro by'Ingingo ya 18 y'Umushinga w'Amategeko yayo, CDI igira iti:

---

[84] Reba Urubanza rwa Kayishema na Ruzindana mu rw'iremezo, igika cya 144.

> "…ku ruhande rumwe, iki cyiciro cy'ibikorwa kirimo gusa ibikorwa by'inyongera bihuje uburemere n'ibirondorwa mu bika bibanza. Ni ngombwa kandi ko igikorwa kivugwa cyibasira umuntu kimutera ubumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe, kibasira amagara ye cyangwa kimutesha agaciro".

92. Niyo mpamvu, Urugereko rusanga ibindi bikorwa birenze kameremuntu bikubiyemo ibikorwa biremereye kimwe n'ibyavuzwe, ari byo ubuhotozi, itsembatsemba, gushyira mu bucakara, kumenesha, gufunga, kwica urubozo, gusambanya ku gahato cyangwa gutoteza bishingiye ku mpamvu za politiki, ubwoko n'idini. Ni ibikorwa cyangwa ibyirengagijwe gukorwa bitera ku bushake ababare cyangwa ubumuga bw'umubiri cyangwa mu mutwe cyangwa bitesha agaciro ikiremwamuntu ku buryo bukomeye. Umuntu agomba gusuzuma, igikorwa ku kindi, niba bimwe muri ibyo bikorwa bishobora gufatwa nk'ibikorwa birenze kameremuntu.

3.3 Igitekerezo cyihariye cyo gukora icyaha

93. Ni ngombwa ko habaho igitekerezo cyihariye cyo gukora icyaha cyibasiye inyokomuntu, kugira ngo hagaragazwe aho igikorwa runaka kiregerwa gihuriye n'umwuka w'ubugome wariho. Ibyo bituma icyaha gisanzwe kigafatwa nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu.

94. Urugereko rushyigikiye igisobanuro cy'igitekerezo cyihariye gisabwa ku byaha byibasiye inyokomuntu cyatanzwe mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana (Urwo rubanza rwavuzwe n'Urukiko rwa TPIY rushyigikira icyo gitekerezo mu rubanza rwa Kupreskic[85] n'urwa Blaskic[86]). Icyo gisobanuro kivuga ko uregwa agomba kumva muri we, ko igikorwa cye kiri mu rwego rw'ibindi bikorwa biri mu mujyo umwe na cyo. Mu yandi magambo, uregwa agomba kumenya ko ibikorwa bye biri mu rwego rw'igitero kinini.

---

[85] Reba urubanza rwa *Kupreskic* mu rw'iremezo, igika cya 557.
[86] Reba urubanza rwa *Blaskic* mu rw'iremezo, igika cya 249.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Iyo ashyize igikorwa cye cy'ubugome mu rwego rw'igitero, ukora icyaha aba agize, byanze bikunze, uruhare muri icyo gitero kinini.

95. Ni byiza kuvuga ko atari ngombwa ko impamvu zituma uregwa akora icyaha (zitagomba kwitiranywa n'igitekerezo cyihariye) zitabwaho byanze bikunze[87]. Iyi ngingo yasobanuwe mu rubanza rwa Tadic mu bujurire. Urugereko rwasanze igikorwa cyakozwe n'umuntu ku mpamvu ze bwite cyitwa icyaha cyibasiye inyokomuntu igihe cyakozwe mu rwego rw'igitero rusange[88].

4. Ibikorwa binyuranyije n'Amasezerano y'i Jeneve hamwe n'Inyongera yayo ya II (Ingingo ya 4 ya Sitati)

96. Ingingo ya 4 ya Sitati iteye itya:

> "Urukiko Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda rufite ububasha bwo gucira imanza abantu bakoze cyangwa bategetse abandi gukora ibikorwa binyuranyije ku buryo bukomeye n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve yo ku wa 12 Kanama 1949 agamije kurengera abakorewe ibyaha mu gihe cy'intambara, n'Inyongera yayo ya 2 yo ku wa 8 Kamena 1977. Ibyo bikorwa, bitarondowe byose, ni ibi bikurikira:
>
> a) Ibikorwa byangiza ubuzima, amagara, n'ibihungabanya umuntu ku mubiri cyangwa mu mutwe, cyane cyane ubwicanyi n'ibikorwa by'ubugome nk'urubozo, guca ingingo z'umubiri, cyangwa ibindi bihano bibabaza umubiri;
>
> b) Ibihano rusange;

---

[87] Reba urubanza rwa *Kupreskic* mu rw'iremezo, igika cya 558.
[88] Reba urubanza rwa *Tadic* mu bujurire, ibika 271-272.

c) Gufata abantu ho ingwate;

d) Ibikorwa by'iterabwoba;

e) Guhungabanya agaciro k'umuntu, by'umwihariko kumukorera ibikorwa bimukoza isoni kandi bimutesha agaciro, gusambanya ku gahato, guhatira umuntu gukora uburaya, n'ibindi bikorwa by'iterasoni;

f) Ubusahuzi;

g) Gukatira umuntu no kurangiza urubanza bidakomotse ku cyemezo cyafashwe n'urukiko rwemewe n'amategeko, ku buryo bwubahirije uburenganzira bw'uregwa ibihugu byateye imbere mu isanzuramuco bifata nk'ubw'ibanze;

h) Gukangisha umuntu kumukorera ibivugwa muri iyi Ngingo".

97. Ku kirego cya 6 n'icya 7 byo mu Nyandiko y'ibirego, Uregwa aryozwa, hashingiwe ku ngingo za 6 (1) na 6 (3) za Sitati, ibyaha byo kunyuranya bikomeye n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve hamwe n'Inyongera yayo ya II, bivugwa mu Ngingo za 4 (a) na 4 (e) za Sitati.

4.1 Amategeko akurikizwa

98. Ubukemuramanza bw'uru Rukiko bugaragaza ko ibitegenywa mu Ngingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve no mu Nyongera yayo ya II byakurikizwaga mu Rwanda mu mwaka wa 1994 ku byerekeye amategeko ashingiye ku muco no ku mategeko asanzwe[89]. Ni yo mpamvu, mu gihe cy'ibyabaye bivugwa mu Nyandiko y'ibirego, abanyuranyije n'ayo mategeko bagombaga gukurikiranwa mu nkiko, bakabiryozwa ku giti cyabo.

[89] Reba Urubanza rw'*Akayesu*, ibika 608-610; Inyandiko y'urubanza rwa *Ruzindana na Kayishema*, igika cya 156; Inyandiko y'urubanza rwa *Musema*, ibika 970-971.

4.2 Ibikorwa bifatika bisabwa kugira ngo Ingingo ya 3 ihuriweho ikoreshwe

99. Mu bantu barindwa, mu buryo buteganywa n'Ingingo ya 3 y' Amasezerano y' i Jeneve n'Inyongera yayo ya II harimo abasiviri, abaturage batari mu mirwano cyangwa abantu batagishoboye kurwana, mu rwego rw'imirwano ishyamiranyije abenegihugu. Hari urwego fatizo iyo mirwano igomba kuba irimo kugira ngo ibe irebwa n'ayo mategeko. Urwego rwa hafi ni uruvugwa mu Ngingo ya 3 ihuriweho, ikoreshwa gusa ku mirwano itari mu rwego mpuzamahanga. Ibiteganywa n'iyi ngingo ntibikoreshwa ku bikorwa by'ubugizi bwa nabi no ku midugararo ibera imbere mu gihugu, ahubwo bireba imirwano ishyamiranya ingabo zifite imiterere umuntu abona ko ihamye. Kugira ngo iyo mirwano igengwe n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve, igomba kubera ku butaka bw'igihugu kimwe. Muri uru rubanza, iyo mirwano yabereye mu Rwanda.

100. Umugereka wa II w'Amasezerano y'i Jeneve usaba ibigenderwaho bihanitse kurushaho kubera ko ukoreshwa ku mirwano ibera ku butaka bw'igihugu cyashyize umukono kuri ayo Masezerano. Iyo mirwano iba ishyamiranyije ingabo z'icyo gihugu n'ingabo zigometse cyangwa indi mitwe ifite intwaro, igenzura igice kimwe cy'icyo gihugu ku buryo ishobora gukora ibikorwa bya gisirikare mu buryo burambye ndetse bwizwe, bityo bigatuma ibiteganywa n'ayo Masezerano bikoreshwa; izo ngabo zigometse cyangwa iyo mitwe bakaba bayobowe n'ubutegetsi bushinzwe kumenya no kubazwa iby'izo ngabo. Byongeye kandi, ibi biteganywa n'izi ngingo ntibikoreshwa ku bihe by'imidugararo n'ubushyamirane bibera imbera mu gihugu nk'imvururu, ibikorwa by'urugomo bitari rusange kandi bidakomeza, n'ibindi bikorwa bisa nabyo[90]. Kubera ko ayo Masezerano y'inyongera II asaba ibigenderwaho bihanitse kurushaho, birumvikana ko imirwano yujuje ibyangombwa bifatika bisabwa n'ayo Masezerano, iba inujuje ibiteganywa n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y' i Jeneve.

---

[90] Reba Umugereka wa II, Ingingo ya mbere; Urubanza rw'*Akayesu*, ibika 625-626.

101. Kugira ngo umuntu arebe niba imirwano yujuje ibyangombwa bifatika bisabwa n'amategeko avuzwe haruguru, hazasuzumwa, uko ikibazo kivutse kandi mu buryo butabogamye, ubukare bw'iyo mirwano n'imiterere y'ingabo zishyamiranye[91]. Igihe rero ibyangombwa bifatika bisabwa n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amazezerano y'i Jeneve cyangwa Inyongera yayo ya II bibonetse, ayo mategeko ahita akoreshwa, atari ku hantu habera imirwano gusa, ahubwo akoreshwa no ku butaka bwose bw'igihugu kiberamo iyo mirwano. Kubera iyo mpamvu, impande zishyamiranye mu mirwano zigomba kubahiriza ibiteganywa muri ayo mategeko ku hantu hose hamaze kuvugwa.

102. Kugira ngo icyaha kiregerwe hashingiwe ku Ngingo ya 4 ya Sitati, icyo cyaha kigomba kuba *kiremereye*. Kuri iyi ngingo, Urugereko rwemeye igisobanuro gikurikira cyatanzwe mu rubanza rwa Akayesu. Muri urwo rubanza, Urugereko rwavuze ko icyaha gikomeye "ari icyaha kinyuranyije n'itegeko rirengera agaciro gakomeye ka muntu kandi icyo cyaha kigatera ingaruka mbi ndetse zikabije ku muntu ukorewe icyo cyaha[92]. Ku byerekeye ingingo zigize ubwicanyi nk'uko zivugwa mu ngingo ya 4 a) ya Sitati, Urugereko ruvuga ko hakurikizwa igisobanuro cy'icyo cyaha rwatanze haruguru mu kiciro cya III.3.2 .

103. Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Inyongera yayo ya II bigamije kurinda, mbere na mbere, abakorewe ibyaha cyangwa abashobora kubikorerwa mu mirwano y'abantu bitwaje intwaro. Ingingo ya 3 ihuriweho n'ayo Masezerano ireba abantu badafite uruhare ruziguye mu mirwano[93]. Inyongera ya II yo irinda abantu bose batari mu mirwano ku buryo butaziguye cyangwa batakiyirimo[94]. Muri uru rubanza, biragaragara ko abakorewe icyaha mu byabaye bivugwa ari abagabo, abagore n'abana. Bose bakaba bari abasiviri kandi batitwaje intwaro.

---

[91] Reba Urubanza rw'*Akayesu*, igika cya 624.
[92] Ni kimwe no haruguru, igika cya 616.
[93] Reba agaka 1.
[94] Reba Ingingo ya 4.

104. Kugira uruhare mu mirwano ku buryo butaziguye cyangwa kuyitabirana umwete, ni ugukora ibikorwa bishobora, kubera kamere yabyo cyangwa icyo bigamije, kwibasira ingabo cyangwa ibikoresho byazo. Kugira ngo harebwe niba umuntu yafatwa cyangwa atafatwa nk'umusiviri, ni ngombwa kuzirikana intego igamije kurengera ikiremwamuntu iteganywa n'Amasezerano y'i Jeneve n'Inyongera zayo. Muri urwo rwego, birakwiye gufata nk'umusiviri umuntu wese utari "mu ngabo", cyangwa undi umuntu wese utagishoboye kurwana, nk'uko byavuzwe haruguru[95].

105. Kugira ngo umuntu yanzure avuga ko habayeho kunyuranya bikomeye n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Inyongera yayo ya II, ni ngombwa ko icyaha kiba gifitanye isano n'imirwano. Iyo sano iba ihari iyo icyaha gifitanye isano ya hafi n'imirwano cyangwa kikaba cyarakozwe mu rwego rw'imirwano. Mu rubanza rwa Tadic, Urugereko rw'Ubujurire rwasanze ko biba bihagije iyo ibyaha bivugwa bifitanye isano ya hafi n'imirwano ibera mu bindi bice by'uturere tugenzurwa n'impande zishyamiranye[96]. Ni yo mpamvu, kugira ngo Ingingo ya 4 ya Sitati ikurikizwe, si ngombwa ko imirwano iba yarabereye muri Komine ya Mabanza no muri Perefegitura ya Kibuye cyangwa ko iba yarabayeho muri icyo gihe ibikorwa by'ubugome bivugwa byabereyeho. Urugereko ni rwo rugomba kureba niba abantu barakorewe ibyaha bivugwa, kubera iyo imirwano.

106. Porokireri afite inshingano zo kugaragaza ko iyo sano iriho koko.

5. Impurirane y'ibyaha

107. Uregwa ashinjwa ibyaha birindwi kubera ibikorwa bivugwa kuva mu gika cya 4.10 kugera ku cya 4.31 mu Nyandiko y'ibirego (n'ubwo icyaha cy'ubwumvikane bugamije gukora jenoside gishingira gusa ku bivugwa kuva mu gika cya 4.14 kugera ku cya 4.25).

---

[95] Reba Umugereka wa I wo mu mwaka wa 1977, ingingo za 43 na 44 (ingingo zigaragaza sitati y'umurwanyi); Urubanza rwa *Rutaganda*, ibika 100-101.
[96] Urubanza rwa *Tadic* mu bujurire ku byerekeye ububasha, igika cya 70.

108. Ku byerekeye impurirane y'inyito z'ibyaha, Urugereko rw'Ubujurire rwa TPIY rwemeje ibi bikurikira mu rubanza rwa *Celebici*:

> "Impurirane y'ibyaha iremewe kubera ko, mbere yo gutanga ibimenyetso byose, umuntu adashobora kumenya neza icyaha kizagaragazwa mu byo uregwa ashinjwa. Igihe impande zombi zimaze gutanga ibimenyetso, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rushobora, niba ibyo bimenyetso bihagije, kureba ibyaha byakwemezwa. Na none, impurirane y'inyito z'ibyaha iramenyerewe muri uru Rukiko no muri TPIR."[97]

109. Urugereko rugendera ku mwanzuro w'Urugereko rw'Ubujurire rwa TPIY wemera ihame ry'impurirane y'inyito y'ibyaha. Muri uru rubanza, Urugereko ruzasuzuma rero ibirego byose Uregwa ashinjwa mu Nyandiko y'ibirego.

---

[97] *Porokireri aburana na Zejnil Delalic na bagenzi be* mu bujurire, urubanza N°. IT-96-21-A, 20 Gashyantare 2001 ("Urubanza rwa *Celebici*").

IV. IBIBAZO RUSANGE

1. Ibivugwa mu ikubitiro

110. Muri iki cyiciro, Urugereko rurasuzuma ibibazo rusange byabyukijwe n'impande zombi bigomba kuzirikanwa mu kureba niba, muri rusange, Uregwa yaremeye ko ubwicanyi bukorwa. Urugereko rurasuzuma ibimenyetso byerekeye imyifatire y'Uregwa mbere ya Mata 1994, icyemezo cye cyo kuguma ku mwanya wa burugumesitiri mu gihe cy'ibyabaye, imyitwarire y'abantu yari akuriye, imibanire ye na Celestin Semanza wari umufasha wa burugumesitiri, uruhare rw'Abakiga kimwe n'ibyemezo bishyize mu gaciro yaba yarafashe cyangwa atarafashe muri icyo gihe hagati ya Mata na Nyakanga 1994 mu kubungabunga umutekano muri Komine. Mu mutwe wa V, Urugereko rurasuzuma ibimenyetso byatanzwe ku buri kirego.

2. Imyifatire y'Uregwa mbere y'ibyabaye muri 1994

111. Porokireri ntahakana, ku buryo bweruye, ko mbere ya 1994, Uregwa yitwaraga neza cyangwa ko yari umuburugumesitiri ushoboye akazi. Ku byerekeye ingamba zihariye Uregwa yafashe mbere y'itariki ya 12 Mata 1994, Porokireri agira ati: "Si byo tuvuga. Turavuga ko kugera icyo gihe [12 Mata 1994], yabakoranyije nta mugambi mubi afite. Ntitubishidikanyaho. Turashaka kuvuga ko byagaragaraga rwose. Nta bimenyetso bibivuguruza bihari"[98].

[98] Inyandikomvugo y'iburanisha 18 Ukwakira 2000, urup. 71.

112. Porokireri avuga ko ikimenyetso cy'imyifatire myiza y'Uregwa nta kamaro gifite mu gusuzuma niba yarakoze cyangwa atarakoze ibyaha aregwa. Icyo kimenyetso cy'imyifatire myiza cyagombye ahubwo kuzirikanwa mu gihe cyo kumugenera igihano[99].

113. Ubwunganizi buvuga ko, mu gusuzuma ukwemerwa k'ubuhamya Uregwa yatanze mu Rukiko, Urugereko rugomba kuzirikana, nk'uko bikwiye, imico n'imyifatire myiza Uregwa yari afite mbere y'ibyabaye kuva muri Mata kugeza muri Nyakanga 1994. Bushimangira ko igihe cyose hagaragajwe imyifatire myiza y'uregwa, Urugereko rugomba kwemera ko uregwa ashobora rwose kudahamwa n'ibyaha ashinjwa, cyane cyane igihe ubwunganizi butatanze ibimenyetso bidakomoka ku bindi mu kuvuguruza ibyavuzwe na porokireri. Ubwunganizi buvuga ko kuba Uregwa yari umuntu wihanganira abandi, utaravanguraga amoko, ari ingingo ikomeye cyane mu kwemeza niba ahamwa cyangwa adahamwa n'ibyaha aregwa[100]. Ubwunganizi bwatanze inyandiko zigaragaza ko muri icyo gihe cy'umwuka mubi wagendaga wiyongera, ni ukuvuga kuva muri 1990, Uregwa yakoze imirimo ye nta kubogama na busa.

114. Urugereko rusanga Ingingo ya 93 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ari yo yonyine itegenya imyitwarire nkana y'umuntu. Ariko iyo ngingo icyo ireba cyane, si ikimenyetso cy'imyitwarire nkana gishobora kugirira akamaro uregwa, ahubwo ni ikigaragaza ko habayeho imyitwarire igambiriwe cyangwa iri kuri gahunda kugira ngo ikirego kibe gifite ishingiro, nko mu byaha byibasiye inyokomuntu[101].

115. Kubera ko Amategeko atagira icyo avuga kuri icyo kibazo, Urugereko rugomba gusuzuma uburemere rugomba guha ibimenyetso byatanzwe n'Ubwunganizi mu kuvuguruza imvugo ya Porokireri. Mu cyemezo cyarwo cyerekeye ibimenyetso birebana

---

[99] Reba Imyanzuro ya Porokireri ku Gisubizo cy'Ubwunganizi, urup. 11.
[100] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp.17 18, ibika 105-112.
[101] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Gashyantare 1999, *Porokireri aburana na Kupreskic na bagenzi be*, IT-95-16, TPIY, ibika 6537-6538.

n'imyifatire y'Uregwa n'uburyo bwo kwiregura bwa *Tu Quoque* cyafashwe ku itariki ya 17 Gashyantare 1999 mu rubanza rwa Kupreskic na bagenzi be , Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo, II, rwa TPIY rwafashe icyemezo gikurikira:

> "…i) muri rusange, ibimenyetso byerekeye imyifatire y'Uregwa mbere y'ibyabaye ashinjwa mu Rukiko Mpuzamahanga, nta kamaro bifite igihe a) kubera kamere yabyo, ibyaha by'ubugome byakozwe mu gihe cy'imvururu rusange kandi mu bihe bidasanzwe mu gihugu cyangwa biri mu rwego mpuzamahanga, ibyaha by'intambara n'ibyaha byibasiye inyokomuntu bishobora gukorwa n'abantu batigeze bagira icyo bakurikiranwaho n'inkiko kandi batigeze bagira imyifatire irangwa n'urugomo. Kubera iyo mpamvu, ahanini Urukiko Mpuzamahanga ntiruha agaciro ingingo zigaragaza imyifatire myiza cyangwa mibi y'uregwa mbere y'intambara kandi b) amategeko ahana ibyaha agendera ku ihame rusange ryo kutemera ibimenyetso byerekeye imyifatire y'uregwa kugira ngo hatangwe gihamya ko ameze nk'uwitwara atyo…"

116. Urugereko na rwo rwemeranya n'ibimaze kuvugwa haruguru ku byerekeye cyane cyane ibyaha byo kunyuranya bikomeye n'amategeko arengera abantu mu gihe cy'intambara. Ibyo bituma ikimenyetso cy'imyifatire myiza mbere y'ibikorwa bivugwa nta reme kigira cyangwa se rikaba ari nkaho ntaryo. Cyakora, buri gihe bigaragaye ko icyo kimenyetso gifite agaciro nyako ku buryo bwihariye ku byerekeye ibyaha biregerwa, Porokireri agomba gutanga ibimenyetso bigaragaraza, ku buryo budashidikanywaho, ibyo aregera.

117. Ibimenyetso Porokireri n'Ubwunganizi batanze mu Rugereko bigaragaza ko, mbere y'ibyabaye mu mwaka wa 1994, Uregwa yari umuburugumesitiri ukora akazi ke neza. Nta vanguramoko yakoreshaga, kandi abaturage ba Komine ya Mabanza baramwubahaga. Ariko kuva mu mwaka wa 1990, kubera ubushyamirane bwagendaga bukura hagati ya Guverinoma y'u Rwanda na FPR, urwikekwe n'umwiryane hagati y'amoko byariyongereye. Hatanzwe ibimenyetso byanditse bigaragaza ukuntu Uregwa yahanganye n'ibyo bibazo.

118. Mu Kwakira 1990, Uregwa yandikiye abategetsi ba Kibuye amabaruwa abiri avuga abantu bakekwaho gutunga imbunda mu buryo bunyuranyije n'amategeko cyangwa se kuba bashyigikiye Inkotanyi. Mu ibaruwa ya mbere yandikiye Perefe wa Kibuye, ku itariki ya 9 Ukwakira 1990, harimo ilisiti y'abantu 26, cyane cyane abarimu n'Abatutsi "bakekwagaho kuba batunze intwaro"[102]. Mu mwanzuro, Uregwa yanditse ibi bikurikira: "Twasatse hafi abantu bose ariko nta mbunda twabonye. Turacyakomeza gushakashaka ariko ntibyoroshye kuzibona. Abasiviri bemeza [ko abo bantu] bagomba kuba bafite intwaro". Uretse ubuhamya bw'umugabo wiswe G (reba akiciro V.3.4 hasi)[103], nta kimenyetso kindi kigaragaza ko hari n'umwe mu bakekwaga wafashwe.

119. Mu ibaruwa ya kabiri yo ku itariki ya 20 Ukwakira, Uregwa yohererejе Perezida w'Inama ishinzwe umutekano muri Perefegitura ya Kibuye ilisiti y'amazina y'abantu bakekwa n'abaturage kugira ngo asuzume imyifatire yabo ituma abaturage babishisha[104]. Muri iyo baruwa, harimo amazina y'abantu 12, bose b'abarimu kandi abenshi ari Abatutsi. Mu mwanzuro, Uregwa yanditse ko yohereje ayo mazina akurikije ibivugwa n'abaturage n'uko bafata abo bantu, ko ariko atakwemeza niba ibibavugwaho ari ukuri. Kubera iyo mpamvu, iyo baruwa yerekana ko Uregwa, nk'umuyobozi wa Komine, yagezaga ku bategetsi bo ku Kibuye amakuru yahabwaga n'abaturage ba Mabanza.

120. Mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa agira ati:

> "Byari mu nshingano zanjye nka Burugumesitiri gutanga raporo y'ibyabaye muri Komine, ibyo abaturage bavugaga, impuha zakwizakwizwaga. Nagombaga kumenyesha abategetsi bankuriye iby'umwuka wari muri Komine, nkurikije uko ibintu byari byifashe" [105].

---

[102] Ikimenyetso gihamya N° 91 cyatanzwe na Porokireri.
[103] Reba inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 26 Mutarama 2000, urup. 37; "Mvuze ko nyuma ya 1990, atongeye gukunda Abatutsi, yarabangaga, ntiyabarebaga neza. Yafataga abantu akabafunga abita ibyitso by'*Inkotan*yi."
[104] Ikimenyetso gihamya N° 90 cyatanzwe na Porokireri.
[105] Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, imp. 164,165.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

121. Ku kibazo cyo kumenya niba, ajya gusaka, yari yabanje kugenzura amakuru yari yahawe ngo amenye ukuri, Uregwa yashubije muri aya magambo:

> "Nababwiye ko hari urwikekwe hagati y'Abahutu n'Abatutsi, kandi Abahutu bavugaga ko Abatutsi bafite intwaro; ari byo byatumaga Abahutu bashaka gutera Abatutsi kugira ngo babambure izo ntwaro. Kugira ngo duhoshe ibyo bintu, twashyizeho akanama gashinzwe kugenzura kugira ngo gahumurize abantu; gahumurize Abahutu ko niba izo ntwaro zihari, tuzazibona, kandi ko niba zidahari, bizaba ari ibihuha bidafite ishingiro. Nibwo hakozwe amalisiti y'abantu bakekwaga muri icyo gihe, noneho barasakwa. Cyakora, nta ntwaro zabonetse maze ibintu birahosha muri Mabanza. Ibyo binyuranye n'ibyabaye muri Komine ya Rutsiro twahanaga imbibi"[106].

122. Muri uru rubanza, ntibyagaragajwe, nta gushidikanya, ko hari abantu bafashwe cyangwa bahohotewe i Mabanza mbere cyangwa nyuma y'aho Uregwa yoherereje ayo malisiti. Ntihanagaragajwe ko, mu bikorwa bye, Uregwa yaba yaratumye urwo rwikekwe hagati y'amoko rwiyongera. Urugereko rusanga izo raporo ebyiri zigomba gusuzumwa hakurikijwe uko ibintu byari byifashe . Ku itariki ya 1 Ukwakira 1990, FPR yateye u Rwanda iturutse muri Uganda. Mu bihe nk'ibyo, ntibyari binyuranyije n'amategeko ko abategetsi bashakisha ahantu hari intwaro mu bantu bakekwaho gushyigikira abateye. Ayo maraporo yombi akomoza ku mugambi wo gutera u Rwanda. Niba ibyemezo byafashwe n'Uregwa mu Kwakira 1990, byari bikwiriye cyangwa bidakwiriye si ikibazo cyafatirwa umwanzuro muri uru rubanza[107].

123. Mu mwaka wa 1992 n'uwa 1993, Uregwa yoherereje Perefe amalisiti ane y'abantu baba baragiye mu nkotanyi. Mu ibaruwa ye yo ku itariki ya 23 Ukwakira 1992, Uregwa agira ati:

---

[106] Ni kimwe no haruguru, imp. 164, 166.

[107] Byashimangiwe ko kuva mu Ukwakira 1990, mu Rwanda, Abatutsi bafashwe, bagafungwa ari benshi, hitwajwe ko ari ukubahiriza umutekano. Reba igitabo cya Des Forges, *Aucun témoin ne doit survivre-Le génocide au Rwanda*, 1999, urup. 64.

> "Nshingiye ku nkuru zikwirakwizwa hirya no hino muri iki gihe ko hari abasore bajya mu Nkotanyi, nejejwe no kubamenyesha ko nashinze abakonseye gukurikirana icyo kibazo kandi bakaba barangejejeho ilisiti iri mu mugereka […]. Muri Segiteri ya Mushubati, abantu bavuga ko batwarwa n'uwitwa Mathias Kubwimana […] Turasaba inkunga yanyu kuko, muri Serire ya Bandamiko, ababyeyi bamwe batishimiye abo bantu kandi bakaba bababajwe n'ibyo bintu".

124. Mu mugereka w'iyo baruwa, hari ilisiti y'abantu 26 kimwe n'amazina y'abandi bantu bakekwagaho kuba baragiye[108]. Mu yandi mabaruwa atatu yanditswe nyuma, akohererezwa Perefe, ni ukuvuga iyo ku itariki ya 30 Ukuboza 1992, iyo ku ya 14 Mutarama 1993 n'iyo ku ya 12 Werurwe 1993, Uregwa yatanze andi malisiti atatu y'abantu, barimo Abahutu babiri, bavugwaga ko bagiye mu Nkotanyi[109]. Mu ntangiriro ya buri baruwa, buri gihe Uregwa yandikaga ko ababajwe no kongera kohereza indi lisiti y'abasore bagiye mu nkotanyi. Ibimenyetso bigaragaza ko akoresha ijambo Inkotanyi, Uregwa yashakaga kuvuga FPR, kandi akaba yaratangaga amazina y'abantu bajyaga mu nkotanyi rwihishwa. Muri uru rubanza, ntibigaragara na busa ko Uregwa yanyuranyije n'amategeko ku byerekeye ayo malisiti.

125. Ibimenyetso by'inyandiko byatanzwe n'Ubwunganizi bigaragaza kandi ko mu ntangiriro ya 1993, Abahutu bateye Abatutsi n'ibintu byabo, ndetse ko Uregwa yagerageje kuburizamo ibyo bikorwa. Uregwa yabimenyesheje Perefe mu ibaruwa yamwandikiye ku itariki ya 7 Mutarama 1993, asobanura ukuntu, afashijwe n'abapolisi batatu n'umugenzacyaha, yaburijemo kimwe muri ibyo bitero. Cyakora, ku byerekeye ibindi bikorwa, Uregwa yemeye ko abashinzwe umutekano batashoboye gutabara kuko batamenye aho ibitero byagabwe kubera ko segiteri yari nini cyane. Iyo baruwa ivuga kandi ko Perefe yari yemeye kohereza abasirikare ariko ko batigeze bahagera. Mu

---

[108] Ikimenyetso gihamya N°. 80 cyatanzwe na Porokireri.
[109] Reba ibimenyetso gihamya N°. 81, 82 na 83 byatanzwe na Porokireri.

mwanzuro, Uregwa yasabye Perefe gukomeza kumufasha kugira ngo ashobore kugarura umutekano[110].

126. Nk'uko Uregwa abibona, muri Mata 1994, abantu bari bongeye kwizerana, n'ubwo byari mu gice kimwe gusa cya Komine ya Mabanza[111]. Umugabo ushinja agira ati:

> "Bagilishema, yari umuntu wari ukunzwe n'abaturage bose, Abahutu n'Abatutsi bose hamwe. Iyo babaga bafite ibibazo, bajyaga kumugisha inama kandi akazibaha. No mu ntambara, ubwo bari batangiye gusenya amazu, hari mu mwaka wa 1994, abantu bahungiye kuri Komine ari benshi. Ibyo biragaragaza ko bamukundaga cyane. Ntawabonaga ko yashoboraga kugira icyo aba ari imbere ye"[112].

127. Umugabo ushinjura wiswe KC avuga ko, kuva yagirwa Burugumesitiri, Uregwa yakundwaga n'abaturage n'abaturage bose[113]. Umugabo ushinjura wiswe TP na we avuga ko Uregwa yari umuntu witangaga cyane, wakoraga akazi ke ashishikaye kandi nta we arenganya. Byongeye kandi, Uregwa yari umuntu abandi bumvaga ndetse wavugwaga neza muri Komine ye[114]. Nk'uko umugabo ushinjura wiswe BE abivuga, mu myaka 14 yategetse Komine, Ignace Bagilishema, wizerwaga n'abaturage bose […] yari umuntu wegeraga abaturage cyane[115]. Umugabo ushinjura wiswe WE avuga ko, kuva agitangira kuyobora Komine,[…] Uregwa yubahwaga n'abaturage kandi nawe akabubaha[116].

128. Urugereko ruvuga ko ibimenyetso bimaze kuvugwa bitagaragaza ko, muri rusange, Uregwa yakoreshaga ivangura rishingiye ku moko, ryibasira Abatutsi, mbere ya Mata 1994. Amabaruwa yerekeye abantu bajyaga mu Nkotanyi kimwe n'abakekwaga

---

[110] Reba ikimenyetso gihamya N°. 90 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[111] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, urup. 166.
[112] Inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Ugushyingo 1999, imp.33-34.
[113] Inyandikomvugo y'iburanisha, 28 Mata 2000, urup. 12.
[114] Inyandikomvugo y'iburanisha, 27 Mata 2000, urup. 195.
[115] Ni kimwe no haruguru, imp.29, 30 na 38.
[116] Inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Gicurasi, urup. 82.

n'abaturage kuba bahishe intwaro cyangwa kuba ari ibyitso by'Inkotanyi ntagaragaza ko Uregwa yibasiraga Abatutsi, ko yabafungaga cyangwa ko, yabafataga nabi abarenganya. N'ubwo ayo mabaruwa ashobora gusobanurwa ukundi, Porokireri ntiyashyikirije Urugereko ibimenyetso bishobora kurwemeza ko ibikorwa by'Uregwa, muri icyo gihe cyo hagati ya 1990 na 1993, byari muri politiki yateguwe yo kuvangura Abatutsi bafatwa nk'ibyitso bya FPR. Ibaruwa ye yandikiye Perefe ku itariki ya 7 Mutarama 1993 igaragaza ko Uregwa yagerageje kubuza Abahutu kwibasira Abatutsi. Muri iyo baruwa kandi, Uregwa yasabye Perefe abasirikare bo kumufasha, ariko ntiyabahabwa. Urugereko rusanga ko, no mu gihe hari agahenge, Uregwa yabonaga uburyo yari afite budahagije.

3. Icyemezo Uregwa yafashe cyo kuguma ku mwanya we wa burugumesitiri

3.1 Intangiriro

129. Aha ni ngombwa kumenya niba kuba mu gihe cy'ubwicanyi Uregwa yaragumye ku mwanya ukomeye muri leta y'u Rwanda, yari yarahawe n'ubutegetsi bwite bwa Leta, byatuma aryozwa, nka gatozi, ibyaha byakorewe muri Komine ya Mabanza hagati ya Mata na Nyakanga 1994. N'ubwo iki kibazo kitarebana n'igice runaka cy'Inyandiko y'ibirego, Porokireri yakivuze mu rubanza maze Ubwunganizi burakirwanya.

130. Porokireri avuga ko imyiregurire y'ubwunganizi ishingiye ku gupfobya ububasha bw'Uregwa wari Burugumesitiri hagati ya Mata na Nyakanga 1994. Asobanura ko iyo myiregurire igamije kugabanya uruhare yagize mu marorerwa menshi yakozwe muri Perefegitura ya Kibuye, nk'uko avugwa mu Nyandiko y'ibirego[117]. Nk'uko Porokireri abibona, Uregwa yagumye, ku bushake bwe, ku mwanya we yari yarahawe na leta, yereka atyo Guverinoma y'u Rwanda ko yiteguye kuyikorera no gushyira mu bikorwa

[117] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, urup 39, igika 256.

imigambi yayo[118]. Igihe cyose yari kuri uwo mwanya, yari ashinzwe gushyira mu bikorwa politiki ya Guverinoma[119]. Abagumye muri Guverinoma babikoze kuko bari bashyigikiye ingengabitekerezo ya [*Hutu-power*] kandi bagombaga kubikora batyo[120].

131. Ubwunganizi buvuga ko Uregwa ateguye ku mirimo ye kubera ko yanze guhitamo ibimworoheye. Ahubwo "yiyemeje kuguma ku mwanya we kugira ngo abone uko arinda, uko abishoboye, abaturage yari amaze imyaka 14 akorera. Bityo akaba yarashoboye kurokora Abatutsi bagera kuri 200". Mu yandi magambo, mu mirimo ye ya burugumesitiri, Uregwa yakoresheje ububasha bwe bwose kugira ngo ibintu bitaba nabi kandi arokora umubare munini w'abantu akoresheje uburyo buke yari afite[121]. Ubwunganizi buvuga ko Porokireri ashinja Uregwa kuba atarakoze ibihagije igihe yari burugumesitiri kandi ko ataneguye ku mirimo ye[122].

132. Uregwa avuga ko, kuva amashyaka menshi yajyaho mu mwaka wa 1991, ababurugumesitiri bari bategetswe kutabogama muri politiki kabone n'iyo baba bafite amashyaka ya politiki barimo. Ni yo mpamvu Uregwa atari akitabira cyane ibikorwa by'ishyaka rya MRND"[123]. Avuga ko kuba yaragumye ku mwanya wa burugumesitiri nyuma y'ishyirwaho rya Guverinoma yiswe iy'inzibacyuho muri Mata 1994, atari uko yashakaga gukorera iyo Guverinoma ahubwo yagira ngo akorere abaturage[124]. Yagumye mu mwanya we kugira ngo arokore ubuzima bw'abantu[125]. N'ubwo yemera ko, nka Burugumesitiri, yagombaga kubahiriza amabwiriza amwe n'amwe ahawe na

[118] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 81.
[119] Reba imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 39, 40, igika 265.
[120] Inyandikomvugo y'iburanisha, 4 Nzeri 2000, urup. 42.
[121] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, ibika 302-315, imp. 114 -115.
[122] Reba Inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ukwakira 2000, urup. 175.
[123] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 81.
[124] Ni kimwe no haruguru.
[125] Inyandikomvugo z'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 82; 7 Nzeri 2000, imp. 135-137.

Guverinoma, Uregwa yahakanye ko yashyize mu bikorwa politiki inyuranyije n'umutimanama we[126].

133. Mu buhamya bwe, Uregwa yavuze inshuro ebyiri zose ko yagize igitekerezo cyo kwegura ku mwanya wa burugumesitiri. Mbere na mbere avuga ku byabaye hagati ya 1990 na 1994, "yise igihe cy'intambara". Agira ati:

> "…muri icyo gihe nyine, nari mfite ibibazo by'ubushyamirane bw'amoko, ariko cyane cyane ikibazo cyari hagati y'amashyaka. Amashyaka ataravugaga rumwe n'ubutegetsi yarwaniraga kugira abayoboke muri Komine ya Mabanza. Ku binyerekeyeho, mu mwaka wa 1993 nashatse kwegura. Nari ngiye gukorera umushinga w'Abaholandi wakoreraga muri Cyangugu."[127].

134. Uregwa yaciwe intege n'uko muri icyo gihe, gutegeka byari biruhije ndetse umuntu yavuga ko byari biruhije cyane[128]. Ikindi gihe yashatse kwegura nabwo hari havutse ikibazo cy'imitegekere. Nk'uko Uregwa abisobanura, mu ijoro ryo ku itariki ya 12 Mata 1994, amaze kugenzura amarondo ya ninjoro, yasubiye ku biro bya Komine mu masaa sita z'ijoro maze ahasanga bisi itwaye impunzi zigera ku ijana ndetse zirenga. Iyo bisi yari yoherejwe aho ngaho bitegetswe na Perefe kandi yari ivuye i Rutsiro (reba akiciro V.22.6 hasi). Izo mpunzi zahageze nyuma, zaje zisanga izindi nyinshi zari kuri biro bya Komine. Uregwa yatelefonye Perefe. Agira ati:

> "Namubajije impamvu atangishije inama kugira ngo mfate ingamba zo kwakira izo mpunzi, kuko nanjye ibibazo byari bimaze kundenga. Kwita ku mpunzi nari nsanganywe i Mabanza byari bimaze kunkomerera. Namubajije kandi impamvu ataje kureba uko ibintu byifashe, cyangwa ngo ampe abantu nari namusabye bo kumfasha, cyangwa ibiribwa by'izo mpunzi. Yanshubije

[126] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 82.
[127] Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, urup. 163.
[128] Ni kimwe no haruguru.

> ko nta kintu yabonye maze mubaza impamvu atangisha inama nkabona ibintu ari uko byarangije gukorwa" [129].

135. Uregwa yemeje ko mbere yari yaratumiye Perefe Kayishema inshuro nyinshi ngo aze muri Komine kwirebera uburyo yakoreragamo, ariko Perefe ntiyigera aza[130]. Aho kohereza inkunga n'ibiribwa, ahubwo yamwohererezaga izindi mpunzi nazo zikeneye kwitabwaho. Uregwa yamenyesheje Perefe ko atashoboraga kwita wenyine kuri izo mpunzi zose kandi ko, niba atabimufashije, ahisemo kwegura[131].

136. Ku itariki ya 13 Mata 1994 mu gitondo, ubwo, nk'uko abivuga, yiteguraga gushyikiriza Perefe ukwegura kwe (aha Perefe imfunguzo z'ibiro bya Komine)[132], Burugumesitiri wa Rutsiro yahamagaye Uregwa kuri telefoni amubwira ko abantu bari mu nzira bajya i Mabanza kugira ngo bamwicane n'impunzi yari acumbikiye ku biro bya Komine[133]. Akimara kumenya iyo nkuru, yahise yohereza izo mpunzi ku Kibuye, ariko ntiyaziherekeza (reba akiciro V.3.1 hasi):

> "Nagiye kureba abantu b'inshuti, ngisha inama abapasitoro bari hafi. Nabagejejeho igitekerezo nari mfite maze barambwira bati: "rwose si byiza kudutererana, ihangane". Banteye akanyabugabo, hanyuma mpitamo gukomeza kwihangana."[134].

137. Uregwa yagumye kuba Burugumesitiri wa Komine ya Mabanza kugera mu matariki ya 15 Nyakanga 1994 ubwo yahungiraga muri Zayire[135]. Uregwa agira ati: " Nakomeje rero kuba Burugumesitiri n'ubwo ntabishakaga, n'ubwo nari mu bihe bibi"[136].

---

[129] Inyandikomvugo y'iburanisha 8 Kamena 2000, urup. 206.
[130] Reba Inyandikomvugo y'iburanisha 5 Kamena 2000, urup. 32.
[131] Ni kimwe no haruguru, urup. 33.
[132] Ni kimwe no haruguru, urup. 34.
[133] Ni kimwe no haruguru, imp. 34-35.
[134] Ni kimwe no haruguru, imp. 91-92.
[135] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 23.
[136] Ni kimwe no haruguru, urup. 81.

138. Ayo magambo avugwa n'Uregwa ashyigikiye umwanzuro uvuga ko yagumye ku mwanya we ku bushake bwe. Ntiyahatiwe rero kuwugumaho. Ubuhamya bwe bugaragaza kandi ko muri izo ngero zombi, Uregwa yari hafi kwegura ku mirimo ye kubera uko ibintu byari byifashe , ntabwo ari ku bushake bwe bwite. Ntiyari abangamiwe na politiki ya Guverinoma, ahubwo yasangaga ibintu birenze ubushobozi bwe. Uko bisa nibigaragara, nyuma y'itariki ya 13 Mata 1994, Uregwa ntiyatekereje cyane kwegura.

3.2 Igisobanuro cy'icyemezo Uregwa yafashe

139. Porokireri ashimangira ko Uregwa yakoze akazi ka burugumesitiri wa Komine ya Mabanza igihe cy'imyaka hafi cumi n'ine n'igice[137]. Ku byerekeye igisobanuro umuntu yaha icyemezo Uregwa yafashe cyo kuguma ku mwanya we, Porokireri yahamagaje umutangabuhamya w'impuguke witwa André Guichaoua[138]. Uyu mugabo avuga ko umwanya wa burugumesitiri wari ukomeye mu nzego z'ubutegetsi…mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki ya Leta[139]. Yongeraho ko burugumesitiri afite ububasha yihariye ku giti cye, bushingiye ku mubano ashobora kugirana n'abategetsi bo mu rwego rw'igihugu[140]. Ku byerekeye Uregwa ku giti cye, umugabo w'impuguke Guichaoua agira ati:

> "Uko mbibona, abantu bose bari mu myanya ya politiki mu gihe cya jenoside ntibashobora guhakana uruhare bagize. Bagize imyaka ibiri yose kugira ngo barebe uko ibintu biteye iwabo n'aho politiki yerekeza. Ndatanga urugero …rwa Burugumesitiri wa Kivumu witwaga Juvenal Rwanzegushira[…] wahisemo kwegura ku mirimo ye mu mwaka wa 1993 kuko yasangaga ibikorwa bibi byakorwaga bimurenze. Ndabisubiramo, abategetsi bose

[137] Reba nk'urugero Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, urup. 46.
[138] Reba imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 40, 41, ibika 260-268.
[139] Inyandikomvugo y'iburanisha, 14 Gashyantare 2000, urup. 16.
[140] Ni kimwe no haruguru, urup. 26.

> babonye igihe cy'imyaka ibiri…kugira ngo bumve, bashungure ibintu. Uko mbibona rero, umuntu w'inararibonye wari umaze imyaka 14 ku kazi yagombaga kuba afite ubwo bushishozi."[141].

140. Agendeye ku gitekerezo cy'uyu mutangabuhamya w'impuguke yahamagaje, Porokireri avuga ko Uregwa yari nyamujya iyo bijya muri politiki, ubwo burambe ku kazi bugasobanurwa n'uko yumviraga abategetsi bari bamukuriye: "Yabaye burugumesitiri imyaka 14. Uzirikanye amateka y'u Rwanda, umuntu agomba kuba azi gucengera cyane kugira ngo agume ku mwanya wa burugumesitiri igihe kingana gityo"[142]. Ku byerekeye ibyabaye nyuma y'itariki ya 6 Mata 1994:

> "[Uregwa] ntiyari azi na busa isura byari gufata, ariko kubera ko yiyemeje kuguma ku mirimo ye, ndasanga, mu izina ry'ibiro bya Porokireri, yaragombaga kwemera ibyo bintu kandi agakora ibishoboka byose ngo abamukuriye bamugirire icyizere."[143].

141. Porokireri ntavuga na rimwe ko Uregwa yagize uruhare kubera ko, mu gihe cy'ibyabaye bivugwa mu Nyandiko y'ibirego, Guverinoma y'inzibacyuho yari ifite umugambi mubisha. Ahubwo asa n'uvuga ko kugira ngo agume ku mwanya wa burugumesitiri, Uregwa yagombaga kwerekana ko ashyigikiye, mu magambo no mu bikorwa, politiki n'imigambi bya Guverinoma y'inzibacyuho. Ariko icyo gitekerezo ntikivugwa mu buryo bweruye mu Nyandiko y'ibirego. Uburyozwacyaha bw'Uregwa bugomba gushingira gusa ku bikorwa bivugwa neza mu Nyandiko y'ibirego. Ibyo bikorwa bisobanuye mu mutwe wa V.

142. Hari ikibazo gifitanye isano n'ibimaze kuvugwa cyo kumenya niba kuguma ku mwanya wa burugumesitiri umuntu azi neza imigambi mibisha ya Guverinoma y'inzibacyuho

---

[141] Ni kimwe no haruguru, imp. 110 - 111.
[142] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, urup. 254.
[143] Inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ukwakira 2000, urup. 201.

bituma umuntu yaryozwa, nka gatozi, ibyaha byakozwe. Nta kintu gishya kiri muri iki kibazo. Ibyemezo byagiye bifatwa n'inkiko za gisirikare z'i Nuremberg byashyizeho ihame rivuga ko kugira ngo uburyozwacyaha bw'uregwa, nka gatozi, bugaragare, Porokireri agomba kugaragaza ko uregwa yakoze icyaha yabigambiriye cyangwa ko yateshutse, ku buryo bugaragara kandi nta mpamvu, ku nshingano ahabwa n'amategeko. Nk'uko byavuzwe n'Urukiko rwa gisirikare rwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (USA) mu rubanza rwa *High Command* [ubuyobozi bukuru], Porokireri yagombaga gutanga ibimenyetso bigaragaza uburangare bw'Uregwa. Ubwo burangare bufatwa nk'icyaha bugaragara gusa iyo umuntu ashobora kuryozwa mu buryo butaziguye icyo gikorwa cyangwa iyo kuba ataragenzuye neza abantu akuriye ari uburangare bufatwa nk'icyaha[144]. Urukiko rwongeyeho ko ikindi gisobanuro icyo ari cyo cyose cy'amategeko mpuzamahanga cyaba kirenze urwego rw'amahame shingiro y'amategeko mpanabyaha akoreshwa mu bihugu byateye imbere mu isanzuramuco[145].

143. Gukoresha iryo hame rusange ry'uburyozwacyaha bw'umuntu nka gatozi, ku bantu bashinjwa bari bazi ko ibikorwa binyuranyije n'amategeko bikorwa n'imiryango barimo, ariko badafite ububasha cyangwa ikindi babikoraho, byatumye abantu benshi bagirwa abere. Mu urubanza rwa *Otages,* Uregwa Förtsch, wari umukuru w'ingabo akuriye abajenerari benshi, yagizwe umwere n'ubwo yari yarategetse imitwe y'ingabo ze gufata ingwate no kugaba ibitero byo kwihimura mu turere twafashwe[146]. Urukiko rwa gisirikare rwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika rwanzuye muri aya magambo:

> "Ibimenyetso ntibituma umuntu ashobora kumenya ko icyaha cyakozwe biturutse ku gikorwa icyo ari cyo cyose cyakozwe nkana cyangwa kubera ukwifata k'Uregwa. Kuba gusa yari azi ko ibyaha byakozwe cyangwa

[144] Urubanza rwa High Command", imp. 543-544 [hasubirwamo ibivugwa mu rubanza rwa *Blaskic*, rwahinduwe mu gifaransa, igika cya 321].
[145] Ni kimwe no haruguru, urup. 489.
[146] Reba Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ziburana na Wilhelm List na bagenzi be*, Trials of War Criminals Before the Nuremberg Military Tribunals Under Control Council Law No. 10, Nuremberg, October 1946-April 1949*, 1943-1953, vol.XI, (hasi ruzajya rwitwa "urubanza rwa ba otages [abantu bagizwe ingwate]").

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

> byakorwaga ntibihagije kugira ngo ibisabwa n'amategeko nshinjabyaha bibe byuzuye. Kugira ngo rero aryozwe ibyo byaha, ni ngombwa ko aba ari we watanze amabwiriza, agashishikariza abandi kubikora cyangwa se nawe akemera kubikora. Ntidushobora kwemeza ko Uregwa yujuje izo ngingo zivuzwe haruguru ku byerekeye uruhare rwe. Ni yo mpamvu tugomba kwanzura tuvuga ko ibimenyetso bidashobora kugaragaza, nta gushidikanya, ko Uregwa ari we Fortsch ahamwa n'icyaha icyo ari cyo cyose mu byo ashinjwa"[147].

144. Kubera izo mpamvu, umuntu wagaragaweho ko yari mu muryango ufite umugambi mubisha kandi abizi neza, si ko buri gihe abiryozwa. Kugira ngo abiryozwe, agomba kuba yaragize uruhare, abishaka, mu byaha byakozwe n'ako gatsiko, abyitabira ku buryo bugaragara cyangwa agira uruhare ruziguye mu byabaye. Agomba kandi kuba ubwe yaragize uburangare. Ni yo mpamvu ari ngombwa gusuzuma ibyo umuntu yakoze ku giti cye.

145. Uwo mwanzuro wanakoreshwa ku byabaye mu Rwanda mu mwaka wa 1994. Urugereko rusanze Ubwunganizi bwaratanzeho ikimenyetso urubanza Porokireri yaburanye na Banyaga, rwaciwe ku itariki ya 26 Kamena 1999 n'urukiko rwa mbere rw'iremezo, Urugereko rwihariye ruburanishiriza ku Kibuye (Rwanda)[148]. Hagati ya Mata na Nyakanga 1994, Banyaga yari umunyamabanga wungirije w'abategetsi ba Perefegitura ya Kibuye. Muri Gicurasi 1994, yari ashinzwe umutekano ku murenge umwe wo ku Kibuye. Ruhanagura Banyaga ho icyaha cya jenoside, Urukiko rwazirikanye imyifatire ye, rubura ikimenyetso gihamya ko yakoze icyaha maze rumugira umwere. Uru Rugereko rwamenyeshejwe ko urwo rubanza rwajuririwe.

---

[147] Ni kimwe no haruguru, urup. 1286.
[148] Ikimenyetso gihamya N°. 104 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

3.3 Umwanzuro w'Urugereko.

146. Urugereko rusanze n'ubwo Uregwa yari afite icyo ahuriyeho na Guverinoma y'inzibacyuho kubera umwanya yari afite, Porokireri ataratanze ikimenyetso gishyigikira ibyo avuga ko Uregwa yumvikanye n'abandi bantu mu mugambi mubisha, abashyigikiye cyangwa adashaka kwitandukanya nabo.

4. Abantu Uregwa ashobora kuba yari akuriwe

4.1 Intangiriro

Ingingo z'ababuranyi.

147. Nk'uko bivugwa mu Nyandiko y'ibirego, Uregwa yayoboraga nibura abantu bashyirwa mu matsinda atanu: abakozi ba Komine ya Mabanza, abapolisi ba Komine, abagize jandarumori y'igihugu, Interahamwe zitwara gisirikare n'abasiviri bafite intwaro"[149]. Abantu batatu bakurikira bari mu itsinda rya mbere bavugwa amazina: Nzanana (wari umucungamari wa Komine), Semanza na Nsengimana (bari abafasha ba burugumesitiri).

148. Mu myanzuro nsozarubanza ye, Porokireri yongeye andi matsinda kuri iyo lisiti. Ayo matsinda ni: "abaturage ba Mabanza, Abakiga bagabaga ibitero"[150] n'abasiviri bategekwaga n'Uregwa wari Burugumesitiri[151]. Abavugwa mu mazina ni: Nkiriyumwami (wari konseye), Hakizimana (wari burigadiye)[152], Nshimiyimana (wari umushoferi wa

[149] Nk'urugero, reba ibika 3.2, 3.3, 4.16, 4.19, 4.24, na 4.26.
[150] Umwanzuro wa Porokireri, urup. 9, igika cya 52.
[151] Ni kimwe no haruguru, urup. 19, igika cya 108.
[152] *Ni* kimwe no haruguru, urup. 19, igika cya 106.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Komine)[153], Rwamakuba na Munyandamutsa (bari abapolisi ba Komine)[154] n'abatangabuhamya biswe Y na Z (bari bashinzwe kurinda amabariyeri)[155].

149. Muri myanzuro nsozarubanza yanditse, Porokireri agira ati:

> "Nk'uko bigaragara mu bimenyetso bya Porokireri, Uregwa yari akuriye, abantu bakurikira: abafasha ba burugumesitiri babiri, abandi bakozi ba Komine, abapolisi ba Komine, abajandarume bari muri Mabanza, abasiviri b'Abahutu, baba Abakiga cyangwa Interahamwe n'indi mitwe y'Abahutu bari barahawe imyitozo mu rwego rwa gahunda yo kwirengera kw'abaturage, kimwe n'abahoze ari abasirikare […] bitabajwe […] mu gihe cy'ibyabaye"[156].

150. Ubwunganizi buvuga ko Porokireri atatandukanije ibintu bibiri bikurikira: ububasha bw'Uregwa nk'umuyobozi n'ubwo ahabwa n'amategeko ku ruhande rumwe n'ububasha bw'umuntu ukuriye abandi cyangwa ububasha nyabwo yari afite ku matsinda y'abantu no ku bantu bavugwa haruguru[157]. Ubwo bubasha bwa nyuma ni bwo bwa ngombwa kugira ngo umuntu abe yaryozwa icyaha hashingiwe ku Ngingo ya 6 (3) ya Sitati. Amategeko agomba kuba amuha ububasha bwo gutanga amabwiriza no guhana abamusuzuguye[158]. Ubwunganizi bwanzuye buvuga ko, muri ubwo bubasha bwose Uregwa yahabwaga n'amategeko, ubwo yari afite ku bapolisi ba Komine ari bwo bwonyine bwatuma umuntu avuga ko abagize iryo tsinda ari bo, mu by'ukuri, yari akuriye[159].

---

[153] Ni kimwe no haruguru, urup. 19 , igika cya 108.
[154] Ni kimwe no haruguru, urup.19, igika cya 110.
[155] Ni kimwe no haruguru, urup. 43, ibika 267-269.
[156] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, imp. 20-21.
[157] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, urup. 97, igika cya 150.
[158] Ni kimwe no haruguru, urup. 96, igika cya 138; urup. 98, igika cya 158.
[159] Ni kimwe no haruguru, urup. 111, igika cya 280.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Isesengura n'imyanzuro y'Urugereko

151. Amategeko yerekeye Ingingo ya 6 (3) ya Sitati yasuzumwe mu mutwe wa III. Umutegetsi ukuriye abandi agomba kuba afite koko ijambo ku bantu akuriye. Mu yandi magambo, umutegetsi w'umusiviri aba afite ijambo nyaryo ku bantu akuriye iyo ashobora kubagenzura koko kandi akanitabaza ububasha bwose ahabwa n'amategeko umuntu yagereranya n'ubwo mu nzego za gisirikare.

152. Urugereko rugiye gusuzuma imiterere y'isano y'ububasha butangwa n'amategeko cyangwa busa n'ubutangwa n'amategeko hagati y'Uregwa n'amatsinda y'abantu baba barategekwaga nawe, mu bihe binyuranye, nk'uko Porokireri abivuga, hakurikijwe Ingingo ya 6 (3) ya Sitati. Kwerekana ibigize ububasha bushingiye ku mategeko ni intambwe ya mbere gusa mu kugaragaza ko yari akuriye abandi bantu ku mugaragaro. Koko rero, ububasha bw'umusiviri bushingiye ku mategeko (bwaba ari nyabwo cyangwa atari nyabwo) bugomba kugereranywa n'ubwo mu nzego za gisirikare. Iyo isano iri hagati y'Uregwa n'itsinda ry'abantu aba n'aba itarimo ingingo z'ububasha bushingiye ku mategeko, ndetse ntinabemo ibintu bigaragaza gutegeka, hakurikijwe icyo gisobanuro, muri iryo tsinda nta muntu n'umwe wafatwa nk'aho akuriwe n'uregwa. Ayo masano yaba anyuranye cyane n'ari hagati y'umuntu ukuriye abandi mu buryo bushingiye ku mategeko.

153. Mu gusesengura ibivugwa na Porokireri ku byabaye (reba umutwe wa V hasi), Urugereko rurasuzuma, uko ikibazo kizajya kigaruka kandi bibaye ngombwa, ikintu cya kabiri mu biranga ububasha bw'umuntu ukuriye abandi ni ukuvuga ugenzura nyabyo ibikorwa by'abantu akuriye. Urugereko rurifashisha ibikorwa bivugwa na Porokireri. Byongeye kandi, isano iri hagati y'Uregwa n'abantu bari bashinzwe kurinda amabariyeri irasuzumwa mu kiciro ka V.5 hasi.

4.2 Abakozi ba Komine

154. Mu gihe kivugwa mu Nyandiko y'ibirego, hakurikijwe amategeko yariho mu Rwanda, burugumesitiri ni we wari umuyobozi wa Komine ya Mbanza, mu buryo butaziguye[160]. Abakozi bo mu buyobozi bwa Komine bagengwaga n'amahame rusange ateganywa kuva ku Ngingo ya 92 kugera ku ya 94 z'itegeko rigenga imitegekere ya Komine:

> "92. Komine zishobora gushyiraho abakozi kugira ngo imirimo ya Komine ikorwe.
>
> Byongeye kandi bibaye ngombwa abakozi ba Leta bashobora kujya gukora muri Komine, ariko ibyo bigomba kuba bitanyuranyije n'amategeko abagenga.
>
> 93. Ububasha bwo kwinjiza, guhagarika abakozi cyangwa kubirukana bufitwe na burugumesitiri, inama ya Komine ibyemeye ikurikije ibyategetswe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu.
>
> 94. Ibyemezo byose byerekeranye no gutanga akazi, guhagarika abakozi cyangwa kubirukana bigomba kwemerwa na Perefe cyangwa umuhagarariye[161].

155. Hari inzego eshatu z'abakozi ba komine: abakozi bashinzwe imirimo y'ubutegetsi (ubunyamabanga n'ibaruramari), abakozi bashinzwe ibya tekiniki, n'abapolisi[162]. Abakozi bashinzwe ibya tekiniki bari bafite ubuhanga mu birebana n'ubuhinzi, ubukungu, imbonezamubano n'umuco[163].

---

[160] Imitegekere ya Komine, 23 Ugushyingo 1963. *Disposition organique* (Itegeko ryerekeye imitegekere ya Komine), Ingingo ya 60; itegeko ryandukuwe uko riri mu gitabo cya Reyntjens na Gorus, *Codes et lois du Rwanda*, 1995, igit. II, imp. 914- 920 ("Reyntjens et Gorus").
[161] Ni kimwe no haruguru.
[162] Ni kimwe no haruguru, Ingingo ya 3 n'iya 4.
[163] Ni kimwe no haruguru, icyiciro cya 5.

156. Byongeye kandi, muri Mata 1994, Uregwa yari afite abafasha ba burugumesitiri batatu. Abafasha ba burugumesitiri bashyirwagaho cyangwa bagakurwaho hakurikijwe uburyo bwihariye. Abafasha b'Uregwa bari barashyizweho mu mwaka wa 1988 na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu[164]. Uregwa avuga ko mu ishyirwaho ryabo, yagize gusa uruhare rwo gutanga inama, naho icyemezo cyo kubaha akazi cyangwa kubakuraho, ku rwego rwa nyuma, kikaba cyarafatwaga na Minisiteri[165]. Uregwa ntavuga niba, muri rusange, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yaritaga ku nama burugumesitiri ayihaye ku birebana no gushyiraho abo bakozi. Nyamara ariko, mu mwaka wa 1988, bigaragara ko abafasha ba burugumesitiri Minisiteri yashyizeho ari abari batanzwe na burugumesitiri[166]. Ku birebana n'uko yacungaga abo bakozi umunsi ku wundi, Uregwa agira ati:

> "Burugumesitiri ni we wagombaga kuyobora abo bantu bamwungirije, ariko igihe cyose habaga hari ikibazo, hagombaga gukurikizwa ubusumbane bw'inzego biciye kuri Perefe, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'iy'Abakozi ba Leta[167].

157. Cyakora, Urugereko rusanga Ingingo ya 58 y'Itegeko rigenga imitegekere ya Komine iteganya ko: "Burugumesitiri ashinzwe cyane cyane … 11) kugenzura, mu rwego rw'ubutegetsi, abakozi ba Leta bakorera muri komine".

158. Inama ya komine yari urwego rufatirwamo ibyemezo bya Komine[168]. Yari igizwe n'abajyanama b'amasegiteri batorwaga n'abaturage mu gihe cy'imyaka itanu[169]. Inama ya komine yayoborwaga na burugumesitiri kandi igaterana kabiri mu kwezi, mu ruhame. Ibyemezo byafatwaga ku bwiganze bw'amajwi, kandi mu ibanga igihe cyose itora ryabaga rigamije gushyiraho cyangwa gukuraho abakozi.

---

[164] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, urup. 75.
[165] Ni kimwe no haruguru, urup. 76.
[166] Ni kimwe no haruguru, urup. 77.
[167] Ni kimwe no haruguru, urup. 76.
[168] Itegeko ryerekeye imitegekere ya komine, Ingingo ya 3-37.
[169] Imitunganyirize y'amatora y'abakonseye b'amakomine, 13 Ugushyingo 1979, Itegeko-teka nº 36/79, Ingingo ya 8, mu gitabo cya Reyntjens na Gorus, imp. 921-927.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

159. Nyuma yo gusuzuma muri make bimwe mu biteganyijwe biranga ubutegetsi bwa komine, Urugereko rugiye noneho gusesengura imirimo y'abakozi bari bakuriwe na burugumesitiri kandi bashyizweho mu rwego rw'amategeko. Ingingo ya 57 y'Itegeko rigenga imitegekere ya Komine iteganya ko:

> "Burugumesitiri, ashinzwe, agenzurwa n'ubutegetsi bwo hejuru, kuzamura amajyambere ya komine mu bukungu, mu mubano w'abaturage no mum muco no kubahirisha amategeko n'amabwiriza."

160. Uretse ububasha burugumesitiri yari afite bwo gukora ku buryo amategeko yubahirizwa (ibi bikaba biri busuzumwe mu kiciro gakurikira kerekeye polisi ya Komine), Urugereko ntirushidikanya ko, byibura kugera muri Mata 1994, Komine ya Mabanza yakoraga neza kandi iyobowe hakurikijwe intego yahawe yo kuzamura ubukungu bwayo. Rushingiye ku bimenyetso byatanzwe, Urugereko ntirushobora kwemeza ko uburyo Uregwa yategekaga abakozi ba Komine ashingiye ku bubasha yahabwaga n'amategeko, bwari nk'ubwa gisirikare.

161. Guichaoua, umutangabuhamya w'impuguke wahamagajwe na Porokireri, yanditse ibi bikurikira ku birebana n'ubutegetsi bwo mu nzego zo hasi:

> "Mu mpera ya za mirongo irindwi, uruhare rw'amakomine nk'urwego rushinzwe iterambere rwongerewe ingufu, hashyirwaho n'inzego nshya zishinzwe kwita ku bukungu kurusha ku mitegekere. Ni muri urwo rwego, guhera icyo gihe komine yabaye urwego rwigenga (…). Imiterere y'inzego za komine yari ishingiye ku buryo bugaragara ku bikorwa by'amajyambere".[170]

162. François Clément, umutangabuhamya w'impuguke wahamagajwe n'Ubwunganizi, yakoze mu Rwanda kuva mu mwaka wa 1989 kugeza mu wa 1994 afasha amakomine,

---

[170] Ikimenyetso gihamya N° 71A cyatanzwe na Porokireri, imp. 2, 5 (byanditse mu rurimi rw'igifaransa kandi byakuwe mu nyandiko ya Guichaoua yitwa *L'administration territoriale rwandaise-Rapport d'expertise redigé à la demande du Tribunal pénal international des Nations Unies sur le Rwanda,* 1998, imp. 10, 13.

harimo n'iya Mabanza, ku birebana n'imigambi y'amajyambere. Mu buhamya bwe, avuga ku mirimo y'inama ishinzwe amajyambere n'iy'akanama k'impuguke bya Mabanza[171]. Ku byerekeranye n'Uregwa, agira ati :

> "Burugumesitiri wa Mabanza ni umwe mu baburugumesitiri b'amakomine icyenda wagize uruhare rukomeye mu ishyirwaho ry'imigambi y'amajyambere muri Komine ye kandi akabigeraho"[172].

163. Bityo rero, mu rwego rw'amategeko no mu mikorere, imibanire y'Uregwa yo mu kazi n'abakozi be bashinzwe ubutegetsi na tekiniki, byibura kugeza muri Mata 1994, yagereranywa n'iy'umuyobozi mukuru w'ikigo cya Leta gishinzwe cyane cyane amajyambere y'abaturage[173]. Ibi birerekana ko mu rwego rw'amategeko, ububasha Uregwa yari afite ku bakozi be butandukanye rwose n'ubw'umuyobozi w'ingabo ku bantu ategeka.

164. Birumvikana ko uyu mwanzuro utavuga byanze bikunze ko, mu ntangiriro ya 1994, Uregwa adashobora kuba yarafashe urwego rw'imirimo rw'abakozi ba Komine rwari rurihoriho, akaruhindura nk'urw'abantu bitwara gisirikare. Cyakora, ukurikije uko ibintu biteye muri uru rubanza, iryo koreshwa ry'urwo rwego cyangwa iyo mihindurire y'imirimo ntibishobora kuba byarabaye mu ibanga cyangwa bihutiweho. Kuba Porokireri yaremeye ko Uregwa yakoranye imirimo ye umutima mwiza kugeza ku itariki ya 12 Mata 1994, bituma umuntu atekereza ko indi mitunganyirize iyo ari yo yose y'imirimo yaba yarabaye nyuma y'iyo tariki.

165. Ibyo ari byo byose, rushingiye ku bimenyetso rwashyikirijwe, Urugereko ntirushobora kwanzura ruvuga ko imikoranire y'Uregwa n'abakozi ba Komine ya Mabanza mu rwego

---

[171] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 29 Gicurasi 2000, urup. 52 n'ibigikurikira.
[172] Ni kimwe no haruguru, urup. 62.
[173] Reba icyitonderwa gisa n'iki kivugwa mu gika cya 62 cy'urubanza rwa Akayesu, ku birebana n'imikoranire ya burugumesitiri n'abakozi ba komine: "Ni imikoranire y'umukoresha n'umukozi irebana gusa n'umurimo". Muri urwo rubanza, Urugereko rwahisemo kutaryoza Uregwa icyaha hasingiwe ku Ngingo ya 6(3).

rw'amategeko yari asanzweho cyangwa yishyiriyeho, yafatwa nk'iya gisirikare. Kubera ko Porokireri atabitangiye ibimenyetso bihagije, ibyo ntibijyanye n'ibyaha ashinja Uregwa bishingiye ku buryozwacyaha bw'umuntu ukuriye abandi. Urugereko rusanga rero nta mukozi n'umwe wa komine Uregwa yategekaga hashingiwe ku bisabwa mu Ngingo ya 6(3) ya Sitati.

166. Byongeye kandi, n'ubwo Porokireri we atari ko abibona, biragaragara ko abantu bari bagize inama ya Komine, urwego ngishwanama rwatowe kandi rwari rugizwe n'abahagarariye amasegiteri, batayoborwaga mu rwego rw'amategeko n'Uregwa hakurikijwe Ingingo ya 6(3) ya Sitati, kabone n'ubwo ari burugumesitiri wagenzuraga imirimo yabo, bakaba baramushyikirizaga raporo y'iyo mirimo buri gihembwe[174]. Na none, nk'uko biteganywa n'amategeko: "Muri rusange, Burugumesitiri ashinzwe kubahiriza ibyemezo by'inama ya Komine"[175].

167. Ikindi kibazo kidasa n'iki kimaze gusesengurwa ni ikirebana n'inshingano z'Uregwa zo gucunga imyifatire y'abakozi yari ashinzwe kugenzura. Nta gushidikanya ko amategeko y'u Rwanda ateganya inshingano nk'iyo. Inshingano rusange ya burugumesitiri yo gukora ku buryo amategeko yubahirizwa, yakomojweho haruguru. Byongeye kandi, uguteshuka k'umukozi wa komine ku nshingano ze ni ikosa ry'imyifatire burugumesitiri wenyine ashobora guhanira[176]. Agomba rero gutanga ibihano iyo bibaye ngombwa. Ku birebana n'abakozi ba komine, Uregwa yashoboraga guhanisha ikosa iryo ari ryo ryose ibihano bitanu (biri busuzumwe mu kiciro gakurikira) biteganywa n'amategeko. Iyo byabaga ari ibyaha bikomeye, yashoboraga gukoresha ububasha bwe busesuye bwo gufunga cyangwa akikura dosiye akayoherereza ubushinjacyaha.

---

[174] Nk'urugero, reba itegeko ryerekeye imitegekere ya komine, Ingingo ya 37.
[175] Ni kimwe no haruguru, Ingingo ya 58.
[176] Sitati y'abakozi ba komine, 25 Ugushyingo 1975. Iteka rya Perezida Nº 254/03 (ryitwa itegeko rirebana na Sitati y'abakozi ba komine), Ingingo ya 32 mu gitabo cya Reyntjens na Gorus, imp. 943-946.

168. Ibyo ari byo byose, mu rwego rw'amategeko, uguteshuka k'Uregwa ku nshingano ze zo kugenzura abakozi (cyangwa undi muntu uwo ari we wese) mu by'ukuri atategekaga, ntikugengwa n'Ingingo ya 6(3). Ahubwo hakoreshwa Ingingo ya 6(1), biramutse bigaragaye ko Uregwa atahannye abakozi be kubera ko atashakaga kubabuza gukora ibyaha kandi mu by'ukuri yarashoboraga kubahana, urebye uko ibintu byari byifashe muri icyo gihe.

4.3 Abapolisi ba Komine

169. Uregwa avuga ko muri Mata 1994, Komine ya Mabanza yari ifite abapolisi umunani harimo burigadiye n'umwungirije[177]. Icyo gihe, ku birebana n'akazi, imikoranire ya burugumesitiri n'abapolisi ba komine yari isobanuwe mu ngingo ya 1 n'iya 4 z'iteka rya Perezida ryo mu mwaka wa 1977 ku birebana n'imitunganyirize y'igipolisi cya komine[178]:

> 1. Abapolisi ba Komine, ku rwego rwa Komine, bategekwa na burugumesitiri ubakoresha mu nshingano ze zo kubungabunga no kugarura umutekano no mu iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza.
>
> 4. Burugumesitiri ashinzwe imitunganyirize, imikorere n'igenzura ry'abapolisi ba Komine. Abifashwamo na burigadiye.[179]

170. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, Uregwa avuga ko burigadiye ari we wari ushinzwe gucunga ku buryo butaziguye abapolisi ba komine[180]. Mu buryo bwumvikana, nk'uko

---

[177] Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, urup. 61.
[178] Imitunganyirize y'igipolisi cya komine, 4 Ukwakira 1977, Iteka rya Perezida nº 285/03 (ryitwa itegeko rirebana n'imitunganyirize y'igipolisi cya komine), mu gitabo cya Reyntjens na Gorus, imp. 946-949. Reba na none icyabivuzweho mu Rubanza rwa Akayesu, igika cya 65.
[179] Inshingano y'igipolisi cya komine zisobanuwe neza n'itegeko ryerekeye imitunganyirize ya komini, Ingingo ya 109.
[180] Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, urup. 58.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

amategeko abiteganya, Burigadiye ni we wabategekaga[181] ariko nawe akagenzurwa na burugumesitiri. Uregwa avuga ko inshingano ye yari ukureba ko burigadiye akora akazi ke neza ko guhuza ibikorwa bya polisi birebana n'umutekano rusange no kubahirisha amategeko[182].

171. Ayo mategeko agaragaza ko inzego n'imirimo by'abapolisi ba komine byendaga kumera nk'ibya gisirikare. Nk'urugero, aho byashobokaga hose, burigadiye yagombaga kuba umuntu wahoze ari umusirikare[183]. Yari ashinzwe gutanga amategeko ahawe na burugumesitiri, gufata neza intwaro, gukoresha imyitozo no kugenzura buri gihe abapolisi[184]. Byongeye kandi, buri gihembwe, uko burugumesitiri yateguraga raporo ashyikiriza pererefe ku mirimo y'abapolisi, yagombaga guha Jandarumori y'igihugu kopi y'iyo raporo[185].

172. Amategeko y'u Rwanda ateganya ko abari mu mutwe w'abapolisi ba komine bari abakozi ba komine, bafatwa, ku by'ingenzi, kimwe n'abandi bakozi ba komine[186]. Burugumesitiri yari afite ububasha bwo guhana abapolisi ba komine nk'ubwo yari afite ku bandi bakozi. Itegeko ryateganyaga ibyiciro bitanu by'ibihano, bivugwa hepfo. N'ubwo burugumesitiri ari we wenyine wari ufite ububasha bwo guhana abapolisi ba komine, yashoboraga gutanga ibihano byo mu kiciro cya kane n'icya gatanu, nyuma y'icyemezo cyafatiwe mu nama ya komine kandi perefe abanje kubimwemerera[187]:

1) kwihanangirizwa;

2) gukatwa kimwe cya kane cy'umushahara mu gihe cy'ukwezi kumwe gusa;

---

[181] Reba Itegeko ryerekeye imitegekere ya komine, Ingingo ya 108.
[182] Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, urup. 58.
[183] Reba itegeko ryerekeye imitunganyirize y'igipolisi cya komine, Ingingo ya 7.
[184] Kimwe n'ibyavuzwe, Ingingo ya 8, iya 12, iya 14 n'iya 15.
[185] Ni kimwe no haruguru, Ingingo ya 16.
[186] Ni kimwe no haruguru, Ingingo ya 2.
[187] Reba itegeko rirebana na Sitati y'abakozi ba komine, Ingingo ya 33.

3) guhagarikwa ku mirimo mu gihe kitarenze ukwezi kumwe; icyo gihano gituma uhanwa adashobora gukora akazi ako ari ko kose kandi kigatuma akatwa kimwe cya kabiri cy'umushahara;
4) guhagarikwa ku kazi mu gihe kitazwi; iki gihano gituma ugihabwa atakaza umushahara wose n'amafaranga yose y'inyongera;
5) kwirukanwa burundu[188].

173. Ibyo ni byo bihano biremereye burugumesitiri yashoboraga gutanga kugira ngo abapolisi ba komine bitware neza. N'ubwo ububasha bw'Uregwa bwo gutanga ibihano ku myitwarire mibi butashingirwaho bwonyine mu kugaragaza uburyozwacyaha bw'utegeka abandi, ni kimwe mu bisabwa mu rwego rw'amategeko kigaragara ahangaha.

174. Rushingiye ku bimaze kuvugwa, Urugereko rusanga, mu rwego rw'amategeko, Uregwa yari akuriye abapolisi ba Komine ya Mabanza, mu gihe cyose kivugwa. Ubwunganizi ntiburwanya uyu mwanzuro[189].

4.4 Jandarumori y'Igihugu

175. Uregwa avuga ko ku itariki ya 9 Mata 1994, mu nama y'umutekano yabereye ku Kibuye, yatanze igitekerezo cy'uko ibikorwa n'inkunga byerekeranye n'umutekano byakwibanda cyane cyane mu turere umutekano washoboraga guhungabanamo. Ku bwe utwo turere twarimo Komine ya Rutsiro n'iya Mabanza. Cyakora, kubera ko n'abandi baburugumesitiri basabaga abajandarume, igitekerezo cye nticyemewe, ahubwo hemejwe ko abajandarume bakwirakwizwa mu makomine yose. Uregwa avuga ko bamuhaye abajandarume batanu gusa. Kuri we, uwo mubare wari muto ugereranyije n'ibyo Komine yari ikeneye kandi yemeza ko kugeza ku itariki ya 12 Mata 1994, yakomeje gusaba

[188] Ni kimwe no haruguru, Ingingo ya 32.
[189] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, urup. 88, igika cya 71.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

perefe abandi bajandarume, ariko ntiyabahabwa[190]. Yacitse intege ubwo abajandarume batanu bari bamuhaye babamwambuye ahagana ku itariki ya 13 cyangwa ku ya 14 Mata. Agira ati: "Batubwiye ko bagombaga kujya ku rugamba i Kigali"[191]. Mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa asobanura ukuntu yakoresheje abantu yari afite kugira ngo bahangane n'ibibazo by'umutekano wari wahungabanye[192].

176. Porokireri avuga ko nta kimenyetso na kimwe gishyigikira ibyo Uregwa avuga ko yahawe abajandarume batanu gusa, ko atahwemye gusaba abandi Perefe cyangwa ko abo bari bamuhaye babamwambuye ku itariki ya 13 Mata 1994[193]. Ku birebana n'ingingo za Porokireri, Urugereko ruributsa ko Uregwa atari we ufite inshingano yo gutanga ibimenyetso bigaragaza ibyo avuga, ko ahubwo ari Porokireri ugomba kugaragaza ko ibyo Uregwa avuga nta shingiro bifite. Niba Porokireri abona ko ibyo Uregwa avuga atari ukuri, agomba kubyerekana. Ntashobora gupfa kuvuga gusa ko Uregwa adafite ibimenyetso bishyigikira imvugo ze kugira ngo zibe zitaye agaciro. Byongeye kandi, Urugereko rusanga, mu myanzuro nsozarubanza mu magambo, Porokireri adahakana ku buryo bweruye umubare w'abajandarume Uregwa yaba yari afite, ahubwo anenga uburyo n'icyo yabakoresheje[194]. Kubera izo mpamvu, ingingo za Porokireri ntizisenya ubuhamya bw'Uregwa ku birebana n'umubare w'abajandarume yahawe hagati y'itariki ya 9 n'iya 13 Mata 1994.

177. Igihe ibivugwa byabaga mu mwaka wa 1994, ahanini Jandarumori y'igihugu yari ishami ry'ingabo z'igihugu. Yagenzurwaga na Minisitiri w'ingabo kandi abajandarume bagombaga kubahiriza amateka n'amabwiriza ya disipuline; bagengwaga kandi n'inkiko

[190] Inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Kamena 2000, imp. 98-104.
[191] Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena, imp. 147-153.
[192] Inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Kamena 2000, imp. 90-99.
[193] Inyandikomvugo y'iburanisha, 4 Nzeri 2000, imp. 123-124.
[194] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, imp. 53-54.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

za gisirikare[195]. Bashoboraga, bibaye ngombwa, guhamagarirwa gufatanya n'izindi ngabo mu bikorwa bya gisirikare[196].

178. Itegeko ryerekeye imitegekere ya komine riteganya ishyirwa mu makomine rya bamwe mu bo bitaga, icyo gihe, abapolisi b'igihugu[197].

> "103. […] Byongeye kandi, perefe ashobora gutiza Komine abapolisi bamwe b'igihugu.
>
> 104. Burugumesitiri ni we gusa utegeka abapolisi ba Komine, ni we kandi utegeka mu mwanya wa perefe abapolisi b'igihugu batijwe Komine.
>
> 105. Perefe akomeza gutegeka abapolisi b'igihugu boherejwe kwa burugumesitiri ku birebana n'imicungire yabo n'ibikoresho."

179. Izo ngingo, zitavanyweho ku buryo bweruye mu gihe itegeko rirebana n'ishyirwaho rya jandarumori y'igihugu mu mwaka wa 1974 ryemezwaga, zigaragaza ko burugumesitiri yari afite ububasha bukomeye mu rwego rw'amategeko ku mutwe wa Jandarumori uwo ari wo wose woherejwe [muri Komine ye]. Cyakora nk'uko bigaragara, itegeko rya nyuma ryo mu mwaka wa 1974, risumba iryaribanjirije iryo ari ryo ryose rinyuranyije na ryo, ntiryemera igisobanuro nk'icyo. Mu ngingo yaryo ya 28, iryo tegeko riteganya muri rusange, ko: "Mu mirimo yabo, abagize Jandarumori y'igihugu bategekwa gusa n'ababakuriye"[198].

180. Muri Mata 1994, kubera ko burugumesitiri atari mu nzego za Jandarumori, ntiyashoboraga gutegeka umutwe w'abajandarume. Mu rwego rw'amategeko, imikoranire idahambaye hagati y'izi nzego zombi igaragarira muri iyi ngingo:

---

[195] Ishyirwaho rya Jandarumori, 23 Mutarama 1974, Itegeko-teka (ryitwa Itegeko rishyiraho Jandarumori y'Igihugu), Ingingo ya 2 yanditse mu gitabo cya Reyntjens na Gorus, imp. 735-739.
[196] Ni kimwe no haruguru, Ingingo ya 7 n'iya 45.
[197] Mu wa 1973, Polisi y'Igihugu yashyizwe mu Ngabo z'Igihugu. Reba ishyirwa rya Polisi mu Ngabo z'Igihugu, 26 Kamena 1973, Iteka rya Perezida nº 86/08 ; mu gitabo cya Reyntjens na Gorus, urup. 713.
[198] Itegeko rishyiraho Jandarumori y'Igihugu.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

> "Iyo ubutegetsi bwa Jandarumori bukora ibyo bwasabwe, bugomba gukomeza gukorana n'urwego rw'ubutegetsi rwabisabye kandi bugomba kurumenyesha, keretse habaye impamvu itunguranye ntarengwa, uburyo buteganya gukoresha. Urwo rwego rw'ubutegetsi na rwo rugomba kohererezа ubutegetsi bwa Jandarumori amakuru yatuma burangiza inshingano zabwo"[199].

181. Umutangabuhamya ushinja wiswe N yari umukozi wa Leta y'u Rwanda wari uzi neza imirimo ya burugumesitiri muri icyo gihe. Uyu mutangabuhamya avuga ko inshingano ya burugumesitiri yo kubahirirza amahoro n'umutekano itahindutse muri rusange[200]. Kuri we, burugumesitiri yagombaga kwitabaza abandi bategetsi iyo yabaga akeneye inkunga yo mu rwego rwa gisirikare. Aboherejwe gufasha burugumesitiri, tuvuge nk'abajandarume, bakora gusa icyo abasabye kugira ngo babungabunge umutekano. Ntibazanwa no gukora icyo bishakiye, bubahiriza amabwiriza ya burugumesitiri…Ariko, "burugumesitiri ntashobora kubuza, mu buryo butaziguye, umujandarume gukora ibintu bibi. Icyo gihe, burugumesitiri agomba kubimenyesha komanda w'uwo mutwe w'abajandarume kugira ngo abafatire ibyemezo byo mu rwego rwa disipuline"[201]. Mu rubanza rwa Akayesu, Urugereko rwagize ruti:

> "Perefe ni we wenyine ushobora kwitabaza Jandarumori. Burugumesitiri ntafite ubwo bubasha. Abajandarume batijwe komine bisabwe na perefe, bategekwa na burugumesitiri. Cyakora, nta wakwemeza ko mu bihe nka biriya Uregwa yategeka ingabo:[202].

182. Ubwunganizi buvuga ko niba burugumesitiri yarashoboraga gusaba perefe abajandarume kugira ngo ahangane n'ibibazo by'umutekano runaka, nta bubasha bundi yari afite uretse gukorana na komanda w'umutwe wabaga woherejwe muri Komine. Uregwa yagombaga

---

[199] Ni kimwe no haruguru, Ingingo ya 39.
[200] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Gashyantare 2000, urup. 18.
[201] Ni kimwe no haruguru, imp. 18-19; iburanisha mu muhezo, urup. 45.
[202] Urubanza rwa Akayesu, urup. 69.

kugeza ikibazo, icyo ari cyo cyose, kivutse kuri komanda wa Jandarumori mu mujyi wa Kibuye[203] kugira ngo agikemure. Urugereko rusanga ibi ari ukuri.

183. Kubera impamvu zivuzwe haruguru, Urugereko rusanga Uregwa atari afite ububasha akomora ku mategeko, ku bajandarume boherejwe muri Komine ya Mabanza mu mwaka wa 1994. Porokireri nta bimenyetso yatanze bigaragaza ko Uregwa yageragеje kubategeka mu rwego rusa n'urw'amategeko. Kubera rero atayoboraga abajandarume, Uregwa ntashobora kuryozwa ibikorwa byabo hakurikijwe Ingingo ya 6 (3).

4.5 Abarezerivisiti

184. Amategeko agenga ishyirwaho ry'ingabo z'u Rwanda yagennye inzego za gisirikare n'uko zisumbana, mu buryo busobanutse: "Imitunganyirize y'Ingabo ishingiye ku busumbane buteganya umwanya wa buri muntu[204]. Kuri buri rwego, ni ngombwa ko umuto yubaha umukuru kandi kwibwiriza gukora ikintu icyo ari cyo cyose kitari mu mategeko agomba gukurikizwa bikaba byahanirwa"[205]. Umutegetsi w'umusiviri nk'uyu Uregwa ntiyashoboraga kwivanga muri ubwo busumbane. Bityo rero, nta bubasha akomora ku mategeko yari afite ku basirikare.

185. Abarezerivisiti bo mu ngabo z'u Rwanda bashoboraga guhamagarirwa akazi kubera impamvu zivugwa mu ngingo ya 8 y'Itegeko rigenga imiyoborere y'abarezerivisiti bo mu ngabo z'u Rwanda[206]. Komanda w'akarere ka gisirikare ni we ugena aho bajya

---

[203] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, urup. 89, ibika 81-83.
[204] Amategeko agenga imyifatire y'ingabo z'igihugu, Ingingo ya 10.
[205] Ni kimwe no haruguru, Ingingo ya 15. Reba kandi Sitati y'abofisiye b'ingabo z'u Rwanda, 3 Mutarama 1977, Iteka rya Perezida Nº 01/02, kuva ku Ngingo ya 13 kugera ku ya 16, Sitati y'abasuzofisiye b'ingabo z'u Rwanda, 3 Mutarama 1977. Iteka rya Perezida Nº 02/02 kuva ku Ngingo ya 17 kugera ku ya 20; mu gitabo cya Reyntjens na Gorus, imp. 713-721 na 724-731.
[206] Imitunganyirize ya *reserve* y'ingabo z'u Rwanda, 2 Mutarama 1963, Iteka rya Minisitiri Nº 3/11, mu gitabo cya Reyntjens na Gorus, urup. 712.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

gukorera[207]. Bari barashubijwe mu ngabo: mu gihe abasirikare bongeye guhamagarwa mu kazi, bagombaga kubahiriza amategeko n'amabwiriza yose agenga ingabo z'u Rwanda[208].

186. Urugereko rusanga hashingiwe ku Ngingo ya 6 (3) ya Sitati, Uregwa, nka Burugumesitiri, atari afite ububasha bukomoka ku mategeko, ku barezerivisiti ba Komine ya Mabanza.

4.6 Interahamwe

187. Ijambo "Interahamwe", ubusanzwe rivuga umutwe w'urubyiruko rwa MRND[209]. Cyakora, muri uru rubanza, abatangabuhamya bamwe ntibatandukanyije Interahamwe, Abakiga n'abaturage ba Mabanza.

188. Umutangabuhamya ushinja wiswe AB avuga ko Interahamwe zari Abahutu bari mu ishyaka ryitwa "Pawa" n'iryitwaga MRND[210]. Avuga ko babaga bitwaje ibibando, imihoro n'ibisongo by'imigano. Naho ku birebana n'imyambaro yabo, agira ati: "Interahamwe zari zambaye amashara ku mutwe no mu mayunguyungu. Mu by'ukuri, ni cyo cyarangaga Interahamwe z'Abahutu"[211]. Interahamwe zari zigizwe n'abantu banyuranye: wasangagamo abagabo, abagore n'abana. Abatari barimo[212] ni abantu bashaje gusa: abasaza n'abakecuru. Uwari muto mu Nterahamwe yari afite nk'imyaka 12[213].

189. Umutangabuhamya ushinja wiswe AC avuga ko, kuri we, Interahamwe byasobanuraga abantu bicaga Abatutsi. Icyatandukanyaga Interahamwe n'Abahutu basanzwe ni uko

---

[207] Ni kimwe no haruguru, Ingingo ya 7.
[208] Ni kimwe no haruguru, Ingingo ya 14.
[209] Nk'urugero, reba Urubanza rwa *Rutaganda* mu rw'iremezo, urup. 378.
[210] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, urup. 71.
[211] Ni kimwe no haruguru, urup. 73; reba na none urup. 112.
[212] Ni kimwe no haruguru, imp. 73-74.
[213] Inyandikomvugo y'iburanisha, 16 Ugushyingo 1999, urup. 145.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Interahamwe zabaga zitwaje intwaro ziteguye kwica, naho abandi ntibazitwaze[214]. Cyakora, uyu mutangabuhamya yongeraho igisobanuro gisa n'igitandukanye n'icya mbere: "Mu rurimi rwanjye, Interahamwe bivuga abari bagize ishyaka rya MRND, batavugaga rumwe n'Abatutsi bari mu Ishyaka Riharanira Ukwishyira Ukizana kw'Abaturage (*Parti Libéral*)"[215]. Yongeraho ati: "Interahamwe zaraje, zitangira kuzenguruka sitade. Zimwe zaje mu modoka, izindi ku maguru. Zari zambaye ibyatsi ku mutwe kandi zitwaje intwaro zirimo amacumu, imihoro, ibibando, ibisongo n'amashoka"[216].

190. Urugereko rusanga ibisobanuro byatanzwe n'aba batangabuhamya bombi bigaragaza ko ijambo "Interahamwe" ryakumvikana ku buryo bwaguye cyangwa butaguye. Iryo jambo rishobora kuvuga umuntu wese wateraga Abatutsi cyangwa se umurwanashyaka w'ishyaka. Igisobanuro cya gatatu kikaba cyaratanzwe ubwo abatangabuhamya bavugaga ku bimenyetso byihariye bijyanye n'ibyo Abakiga bambaraga.

191. Umutangabuhamya ushinja wiswe I na we asa n'ukomoza ku Bakiga (bivugwa mu kiciro ka IV.4.7) aho avuga ko nyuma y'urupfu rwa Perezida Habyarimana, Interahamwe zo muri Perefegitura ya Gisenyi zahise zikurikirana Abatutsi bahungaga bagana mu majyepfo kugera i Mabanza[217]. Byongeye kandi, umutangabuhamya ushinja wiswe K avuga ko mu gitondo cyo ku itariki ya 13 Mata 1994, Uregwa yabwiye abantu bari bahungiye ku biro bya Komine ko "Interahamwe" zari zigiye kuza kandi ko zari kubica niba badahunze ngo bajye mu mujyi wa Kibuye[218]. Mu ibaza rinyomoza, yasobanuye neza ko ari ryo jambo Uregwa yakoresheje, ko atakoresheje ijambo "Abakiga"[219].

---

[214] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, imp. 55-56.
[215] Ni kimwe no haruguru.
[216] Ni kimwe no haruguru, imp. 57-58.
[217] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Ugushyingo 1999, urup. 25.
[218] Inyandikomvugo y'iburanisha, 25 Mutarama 2000, urup. 140.
[219] Ni kimwe no haruguru, urup. 147.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

(Nk'uko biri busobanurwe hasi, nta muntu uhakana ko ku itariki ya 13 Mata 1994 Abakiga bavuye mu majyaruguru bateye Komine ya Mabanza). Asabwe gusobanura icyo ijambo "Interahamwe" rivuga, umutangabuhamya wiswe I yagize ati: "Interahamwe ni urubyiruko rwari mu gihugu hose. Rwari rwarashyizweho n'ishyaka rya MRND kandi rwakoraga akazi iryo shyaka rirusabye. Ubwicanyi butangiye, abo basore batojwe kwica kandi koko barishe"[220]. Nyuma yaje gusobanura aho Abakiga (abaturage bo mu misozi) n'Interahamwe (itsinda ry'abasore n'inkumi)[221] bitandukaniye.

192. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo ushinjura wiswe WE ni we wenyine ukoresha amagambo "Abakiga n'Interahamwe" nk'aho avuga kimwe[222]. Hari ndetse ahantu habiri yayakoreshe ayafatanyije.

193. Bamubajije isano riri hagati ya MRND n'Interahamwe, umutangabuhamya ushinjura wiswe Z yashubije ko Interahamwe zari urubyiruko rw'ishyaka[223]. Nta muntu uhakana ko Uregwa yaba yarabaye umuyoboke wa MRND igihe kirekire. Igihe ibivugwa byabaga, yari mu bagize komite y'iryo shyaka muri ako karere[224]. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko mbere ya 1994, igihe urubyiruko rw'Abahutu rwatangiraga kwigishwa ibya gisirikare, babyitaga ukwirengera kw'abaturage[225].

194. Umutangabuhamya ushinja wiswe E yarokotse igitero cyagabwe kuri sitade yo ku Kibuye. Yagarutse kwihisha i Mabanza nko mu mpera za Mata mu mwaka wa 1994. Ari ahantu hitwa "Kunyenyeri" yashoboye kubona aho abantu bari mu gikorwa cy'ukwirengera kw'abaturega bakoreraga imyitozo. Uyu mutangabuhamya agira ati: "Nabonye Burugumesitiri Bagilishema aha imyitozo abasore b'Interahamwe. Nababonye

[220] Inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Ugushyingo 1999, imp. 26-27.
[221] Ni kimwe no haruguru, imp. 45-46.
[222] Inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Gicurasi 2000, imp. 13 na 115.
[223] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 102.
[224] Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, urup. 155.
[225] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 103.

nk'inshuro enye"[226]. Abahabwaga imyitozo bari bitwaje ibigirwambunda bikoze mu giti kandi bifite imigozi inyura ku ntugu ituma babyambara. Umutangabuhamya avuga ko umunsi umwe yabonye Uregwa arashisha imbunda, naho abasore bahagaze iruhande rwe bitegereza. Ubundi bakoraga imyitozo ngororamubiri (bakoraga gatebegatoki kandi bakibirindura hasi)[227].

195. Umutangabuhamya ushinja wiswe Q na we avuga ko yabonye Interahamwe zitoreza muri Komine ya Mabanza. Iyo myitozo yabaga ihuriwemo n'abantu bo mu masegiteri anyuranye bazaga kuri Komine bitwaje ibiti bimeze nk'imbunda. Ibyo byabaye mu ntangiriro za Kamena mu wa 1994[228]. Umutangabuhamya avuga ko imyitozo yakoreshwaga na Hakizimana, wari umunyamabanga wa Komine, hamwe na Apollinaire Nsengimana wari wungirije Burugumesitiri akaba n'umukuru w'Interahamwe[229].

196. Abandi batangabuhamya babiri bavuga ku mikoranire ya Nsengimana n'Interahamwe. Umutangabuhamya wiswe I avuga ko umufasha wa burugumesitiri yafashe umwanya w'ubuyobozi bwa MRND muri Mabanza, asimbuye uwari uwusanganywe wari ikimuga (ntavuga neza igihe ibyo byabereye), kandi yari n'"umukuru" w'Interahamwe[230]. Umutangabuhamya wiswe B avuga inama Uregwa yagiranye n'umufasha we witwaga Apollinaire Nsengimana, wari umukuru w'Interahamwe[231].

197. Hari kandi ibimenyetso byerekana ko ijambo "Interahamwe" ryavugaga abantu bagenzuraga bariyeri, baba cyangwa bataba Interahamwe mu buryo bumenyerewe. Umutangabuhamya ushinjura wiswe WE, wari uvuye i Kigali kandi wabonye bariyeri zaho hantu, agira ati: "I Kigali ni abaturage biyicaniraga. Ndetse, abenshi mu bitabiriye

[226] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, urup. 73.
[227] Ni kimwe no haruguru, urup. 74.
[228] Inyandikomvugo y'iburanisha, 25 Mutarama 2000, imp. 30-31.
[229] Ni kimwe no haruguru, urup. 31.
[230] Inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Ugushyingo 1999, imp. 35-36.
[231] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Mutarama 2000, imp. 64, 66 na 69.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

ibyo bikorwa bari bariyise “Interahamwe”[232]. Umutangabuhamya ushinjura wiswe RJ asobanura imiterere ya bariyeri yanyuzeho muri Mabanza avuye gusura Uregwa iwe mu rugo[233]. Iyo bariyeri yari ahantu hitwa mu Gashyushya, nko mu birometero bitatu uvuye ku biro bya Komine. Avuga ko iyo bariyeri yari irinzwe n’Interahamwe eshatu. Yongeraho ati: “Ni uko twitaga bene abo bantu”[234].

198. Mu kwanzura, umuntu yavuga ko n’ubwo abatangabuhamya benshi bavuga ko mu gihe cy’ibyabaye bivugwa ku byerekeye Interahamwe zari muri Mabanza, abantu benshi bakoreshaga iryo jambo ku buryo bwaguye bashaka kuvuga abantu bateraga Abatutsi. Uregwa ntashobora kuba yari afite ububasha nk’ubw’umuntu utegeka abandi ku itsinda ryari rigizwe n’uruvange rudasobanutse rw’abagabaga ibitero.

199. Naho ku byerekeranye n’Interahamwe nk’ishami ry’urubyiruko rwa MRND, cyangwa se muri rusange zafatwaga nk’ingabo z’abasiviri, abatangabuhamya batanu (Z, A, Q, I na B) bakomoje ku miterere izwi y’inzego z’Interahamwe muri Komine ya Mabanza. Hari umutangabuhamya uvuga ko uwo mutwe waba warategekwaga n’Uregwa ariko batatu bandi bakavuga ko uwo mutwe wagenzurwaga n’umwe mu bafasha ba burugumesitiri icyo gihe. Ibimenyetso ntibigaragaza ko, mu rwego rw’amategeko, Uregwa yari akuriye Interahamwe. Ku byerekeranye no kumenya niba, ukurikije uko ibintu byari byifashe , Uregwa yaragenzuraga kandi ategeka Interahamwe, icyo kibazo kigomba gusuzumwa ukukirije uko buri kintu kimeze (reba umutwe V hepfo).

---

[232] Inyandikomvugo y’iburanisha, 23 Gicurasi 2000, urup. 84.
[233] Ni kimwe no haruguru, iburanisha mu muhezo, urup. 36.
[234] Ni kimwe no haruguru, urup. 38.

4.7 Abakiga

200. Porokireri avuga ko Uregwa yashoboraga kugenzura ibikorwa by'Abakiga kandi ko yabikoraga iyo byabaga ari ngombwa[235]. Kubera iyo mpamvu, Abakiga bumviye amategeko yabahaye yo kureka guhohotera Abahutu bo muri Mabanza, ahubwo bagatera Abatutsi bari bateraniye muri Komine yahanaga imbibi n'iya Mabanza. Mu buhamya bwe mu Rukiko, umugabo wiswe N agira ati:

> "Ubusanzwe, iryo zina [Abakiga] ryari gusa iry'abaturage bo mu misozi miremire. Ndetse n'ubu ugiyeyo wahabasanga […] Ni abaturage nk'abandi. Burugumesitiri wabo abafata kimwe n'abandi baturage ba Komine ye […]. Burugumesitiri w'aho batuye yari abafiteho ububasha nk'abandi baturage bose. Kuva muri Mata kugeza muri Nyakanga 1994, burugumesitiri yashoboraga kubabuza kwitabira ibikorwa by'ubwicanyi, yashoboraga kubabuza kwishora mu bwicanyi"[236].

201. Porokireri avuga ko Abakiga bari abantu bagabaga ibitero muri Komine ya Mabanza[237]. Ku byerekeranye no kumenya aho Abakiga babaga baturutse muri icyo gihe mu mwaka wa 1994, umutangabuhamya wiswe N asubiza muri aya magambo: "Muri Komine yanjye ya Mabanza, iyo uvuze Abakiga uba ushaka kuvuga abaturage ba Komine duhana imbibi, ari yo ya Rutsiro"[238]. Rutsiro iri mu majyaruguru ya Mabanza.

202. Umwe mu batangabuhamya bashinja wiswe K ni we uvuga ko Abakiga bagabye ibitero muri Komine ya Mabanza, mu cyumweru cyakurikiye urupfu rwa Perezida, bari baturutse muri Rutsiro[239]. Umutangabuhamya wiswe AA na we avuga Rutsiro n'andi makomine yo mu majyaruguru, ariko akongeraho ko bamwe mu Bakiga bari abo muri

---

[235] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, urup. 227.
[236] Inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Gashyantare 2000, imp. 40-41.
[237] Reba imyanzuro nsozarubanza ya Porokireri, urup. 2, igika cya 9.
[238] Inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Gashyantare 2000, urup. 26.
[239] Inyandikomvugo y'iburanisha, 25 Mutarama 2000, imp. 136-137.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Mabanza[240]. Umutangabuhamya wiswe H avuga ko Abakiga bari Abahutu batuye mu misozi miremire y'amashyamba ya Komine ya Mabanza, ariko banaboneka no mu karere ka Rutsiro[241]. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko Abakiga bari abaturage bo mu majyaruguru, muri Perefegitura ya Gisenyi, ariko banaboneka no mu nkengero z'urubibi rwa Gisenyi na Kibuye[242]. Umutangabuhamya wiswe I avuga ko Abakiga bakomokaga muri Gisenyi no mu misozi miremire y'akarere k'Urukiga, kandi biganjemo Abahutu[243]. Babaga baherekejwe n'abagore n'abana babafashaga gutwara ibintu basahuye[244]. Umutangabuhamya wiswe AB avuga ko Urukiga ari akarere Abakiga bakomokamo akongeraho ko ako karere kageraga no muri Mabanza. Yongeraho ko utundi dutsiko tw'Abakiga twaturukaga muri Gisenyi n'ahandi mu majyaruguru ya Mabanza[245].

203. Umutangabuhamya ushinjura wiswe AS avuga ko Abakiga bakomokaga mu majyaruguru, ko batari bazwi muri ako karere ibivugwa byaberagamo[246]. Umutangabuhamya wiswe BE agira ati: "Mu karere k'iwacu, iyo bavugaga Abakiga, mu by'ukuri babaga bashaka kuvuga abantu batuye muri Komine ya Rutsiro [kugera] muri Kayove, Gisenyi, Ruhengeri ndetse na Byumba"[247]. Umutangabuhamya wiswe RA asobanura neza ko yari azi Abakiga mbere y'uko imvururu zitangira, ko bari abantu bavaga muri Rutsiro no mu tundi duce twa Mabanza baje kugurisha ibirayi[248]. Uregwa avuga ko Abakiga bambaraga amashara babaga mu misozi miremire yo muri Gisenyi, yo muri Rutsiro n'iyo muri Mabanza[249]. Bari bazwi nk'abaturage bo mu majyaruguru

---

[240] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp. 17-18.
[241] Inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ugushyingo 2000, urup. 21.
[242] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 22.
[243] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Ugushyingo 1999, imp. 39, 45 [mu nyandikomvugo y'iburanisha yanditse mu gifaransa, havugwamo akarere k'Urukiga.
[244] Ni kimwe no haruguru, urup. 39.
[245] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 2000, urup. 91.
[246] Reba inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 25 Mata 2000, imp. 189-190.
[247] Inyandikomvugo y'iburanisha, 27 Mata 2000, imp. 157-158.
[248] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Gicurasi 2000, urup. 145.
[249] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 127.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

y'igihugu[250]. Kimwe n'abandi batangabuhamya, RA avuga ko Abakiga bagabaga ibitero, hanyuma bakagenda[251].

204. Mu manza za mbere zaciwe n'uru Rukiko, Abakiga ntibavuzweho ku buryo bw'umwihariko. N'ubwo abatangabuhamya benshi babavuga muri uru rubanza, umwirondoro w'ukuri w'abo bantu bita abo mu majyaruguru, n'ubu nturamenyekana neza. Guichaoua, umutangabuhamya w'impuguke wahamagajwe na Porokireri, avuga ko kera ijambo "amajyaruguru" ryari rifite ibisobanuro byihariye mu Rwanda.

> "Ubusanzwe bavugaga ko [Abakiga] bari abantu bakomokaga mu majyaruguru, ariko mu majyaruguru hasaga nk'ahantu hatari iwabo, byashakaga kuvuga ko bavaga mu makomine yo muri Gisenyi cyangwa yo mu Ruhengeri […]. Muri za raporo nyinshi, havugwamo imidugararo iterwa n'amabandi yaturukaga mu zindi Komine. Ibyo rero ni byo bavugaga mu makomine, cyane cyane mu ya Mabanza. Mu makomine yo mu majyepfo, bavugaga ko abo bantu bavaga mu makomine ya Rutsiro, Mabanza, na Kivumu, ni ukuvuga amakomine yo mu majyaruguru. Rero buri muntu yari afite uburyo bwe bwo kubona amajyaruguru. Mu majyaruguru…. ahantu haturukaga abantu b'abagome"[252]

205. Abenshi mu batangabuhamya batekereza ko Abakiga nta cyo bari bahuriyeho n'abaturage nyabo ba Mabanza. Abenshi, niba atari bose, bavaga mu yandi makomine cyangwa mu yandi maperefegitura. Imyambarire yabo ntiyari isanzwe kandi bishishwaga ndetse bagatinywa na benshi mu baturage ba Mabanza, si Abatutsi gusa babatinyaga. Nta mutangabuhamya washoboye kuvuga izina ry'Umukiga n'umwe.

206. Igitera ahanini Urugereko kugira amakenga ku birebana n'Abakiga ni uko hari ibibazo bitabonewe ibisubizo birebana n'inzego zabo z'ubuyobozi, abayobozi babo n'ibyo bari

---

[250] Ni kimwe no haruguru, urup. 122.
[251] Reba nk'urugero inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, imp. 121, 126.
[252] Inyandikomvugo y'iburanisha, 14 Gashyantare 2000, imp. 137-138.

bagamije. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko byari bikomeye cyane kumenya umukuru muri bo kuko bambaraga kimwe kandi basa[253]. Uregwa avuga ko ku itariki ya 13 Mata 1994, Abakiga bageze ku 100 baje iwe bashaka kumenya ahantu yari yashyize impunzi zari ku biro bya Komine. Uregwa agira ati: "Sinashoboye kumenya umuyobozi wabo, ariko bose bavugiraga icya rimwe, hanyuma ngerageza kubabwira ngo bacishe make"[254]. Cyakora, umutangabuhamya wiswe I yemeza ko udutsiko tw'Abakiga twazaga i Mabanza twari dufite abayobozi badutegeka, "kandi uwari ubakuriye yavugaga ko afite ilisiti yanditseho amazina y'abantu bagombaga gusenyerwa n'iy'abagombaga kwicwa. Uwo mukuru wabo rero ni we watangaga gahunda yagombaga gukurikizwa, ni na yo mpamvu navuga ko bari bafite gahunda bagenderaho"[255]. Yongeraho ko Abakiga bageze i Mabanza bari bafite umugambi wo guhorera Perezida Habyarimana, wakomokaga mu karere kabo kandi bafataga nk'umuvandimwe[256].

207. Umutangabuhamya wiswe AA avuga ko Uregwa yari "yatumiye" Abakiga i Mabanza kuza kwica Abatutsi[257]. Umutangabuhamya wiswe Z we ntahagarariraho aho, kuko yemeza ko umuryango w'Uregwa wimutse uva mu karere k'Abakiga, ukaza gutura i Mabanza kandi ko Uregwa yari afite ububasha busesuye ku Bakiga. Mu kubitangira urugero, avuga ukuntu Abakiga bemeye ibyo Uregwa yabasabye byo kutagaba ibitero muri ako karere maze bagatera gusa Abatutsi babaga mu tundi turere[258]. Uyu mutangabuhamya avuga ko rimwe na rimwe bashoboraga guhendahendesha Abakiga amafaranga. Umutangabuhamya wiswe RA n'Uregwa batanga ingero zerekana uko bashoboye gukura Abakiga aho hantu babahaye amafaranga make[259]. Uregwa asobanura ko ku itariki ya 13 Mata 1994, Abakiga bageze ku 100 baje iwe bakamushyiraho

[253] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 26.
[254] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 124.
[255] Inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Ugushyingo 1999, urup. 40.
[256] Ni kimwe no haruguru, urup. 44.
[257] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 18.
[258] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, imp. 23-25.
[259] Ku byerekeye umutangabuhamya wiswe RA, reba inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 124.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

iterabwoba, bamwita Inyenzi n'Inkotanyi[260]. Avuga ko icyo gihe, umuryango we wari mu nzu maze Abakiga bakamubaza aho yahishe Abatutsi bari bavanywe ku biro bya Komine[261]. Uregwa agira ati: "Nabonye bafite ubukana bwinshi, mbaha amafaranga 10.000 kugira ngo bamvire mu rugo, maze baragenda"[262].

208. Umutangabuhamya ushinjura w'Umututsi wiswe RJ muri icyo gihe wari wihishe hamwe na mubyara we w'Umututsikazi witwa Chantal mu nzu z'abakozi mu rugo rw'Uregwa, avuga ko umunsi umwe (nta tariki avuga) Uregwa yaje kubareba kubera ko Abakiga bari bagiye kubagabaho igitero. Yashakaga kubaburira. Uyu mutangabuhamya agira ati :

> "Yatugiriye inama yo gufunga umuryango, turabikora. Twumvaga urusaku rwabo barimo bagaba ibitero, twumvaga n'amafirimbi bavuzaga, ntitwabiboneye n'amaso yacu" [263].

209. Uko wafata kose ibyo Uregwa avuga ko Abakiga bamushyizeho iterabwoba, nta gushidikanya ko abagabye igitero bagiranye amakimbirane n'abayobozi bo muri ako karere. Umutangabuhamya ushinjura wiswe ZJ avuga ukuntu muri Mata 1994 Abakiga bakozanyijeho n'abacuruzi bo mu isoko ry'i Kibirizi bari bafashijwe n'abapolisi ba Komine. Agira ati:

> "Icyo gihe, bashatse gusahura amangazini ariko abapolisi ba Komine barababuza. Hari abapolisi ba Komine babiri kandi barashe mu kirere. Abagabye ibitero ntibashoboye gusahura nk'uko babyifuzaga. Aba mbere bagiye berekeza mu masegiteri ya Kibirizi na Kigarama, bambuka Komine; nyuma haje abandi benshi. Ku birebana n'abo bantu bagabye ibitero, bari benshi cyane, abapolisi n'abacuruzi bagerageje kubakumira birabananira […].

---

[260] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 124.
[261] Ni kimwe no haruguru, urup. 124.
[262] Ni kimwe no haruguru, imp. 122-124.
[263] Inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Gicurasi 2000, urup. 20.

> Ndashaka kuvuga ko abapolisi n'abacuruzi bagerageje kubuza Abakiga gusahura. Ni icyo gihe abajandarume babiri bahageze baturutse mu muhanda wo ku Kibuye. Ibice byombi ntibyashoboye kumvikana. Ndetse bageze n'aho bashaka kurwana. Abapolisi bananiwe kubanesha, nuko Abakiga barasahura"[264].

210. Uregwa avuga ko ku itariki ya 18 Mata 1994, nka saa mbiri za mu gitondo, yahanganye n'Abakiga kuri Paruwasi ya Rubengera. Yari kumwe n'abapasitoro, Hubert Bigaruka, konseye wa Segiteri ya Gacaca n'uwa Rubengera n'abapolisi babiri. Hari nk'Abakiga 200. Uregwa avuga ko yabwiye Abakiga ko babarambiwe, maze abasaba kutazongera kugaruka i Mabanza. Umwe muri abo Bakiga yamushubije ko nta burenganzira afite bwo kubabuza kujya aho bashaka kandi ko bafite uburenganzira bwo gutembera mu gihugu cyose. Uregwa asobanura ko yababwiye ko nta muntu wabashakaga muri Mabanza, kandi ko niba "barimo guhiga umwanzi, nta banzi baba muri Mabanza." Uregwa avuga ko Abakiga bivumbuye bakamubwira ko adashobora kubabuza kugenda mu nzira nyabagendwa. Avuga ko Abakiga bamaze kugenda, yumvise ateshejwe agaciro imbere y'abaturage be kubera ko nta butegetsi yari agifite"[265].

211. Hari ibindi bimenyetso bishimangira ibyo Uregwa avuga ko mu gihe ibivugwa byabaga mu mwaka wa 1994, yasabye Abakiga bari muri Mabanza kuva muri iyo Komine. umutangabuhamya ushinja wiswe Z avuga ko umunsi umwe mu gitondo, mbere y'uko "abantu b'i Gatwaro bicwa (reba akiciro V.3 hepfo), Uregwa yakoresheje inama kuri Paruwasi ya Rubengera, akabwira Abakiga ko arambiwe ubwicanyi bwabo, ko bagomba kubuhagarika kandi ntibongere kunyura mu nzira ziri hagari y'amazu kuko byabangamiraga abahatuye." Umutangabuhamya akomeza avuga ko Abakiga batongeye na rimwe gutwara ihene z'abaturage, ko bacaga mu muhanda munini berekeza ku

---

[264] Inyandikomvugo y'iburanisha, 3 Gicurasi 2000, imp. 129-131.
[265] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, imp. 160-162.

Kibuye[266]. Urugereko rusanga ubuhamya bw'uyu mugabo butagaragaza niba yari ahari cyangwa atari ahari igihe iyo nama yabaga.

212. Umutangabuhamya ushinjura wiswe RA avuga ko mu gitondo cyo ku itariki ya 18 Mata 1994, Uregwa, Pasitoro Eliphas, umupolisi n'umuyobozi w'ishuri ryisumbuye, bagerageje kuvugana n'Abakiga. Nka saa yine, Pasitoro Eliphas yamusobanuriye ibyari byabaye.

> "Agarutse, yatubwiye ko babigenje nk'uko bari babivuze. Bagiye kugerageza kuvugana n'abo Bakiga, babasaba bakomeje kureka kuyogoza abaturage b'aho i Rubengera […]. Bemeye kutajya kwica abaturage b'ahongaho, ariko ntibyababujije kujya kubikora ahandi."[267]

213. Umutangabuhamya wiswe J na we avuga ko Abakiga n'Uregwa bakoreye inama mu masangano ry'imihanda harimo ujya ku Gisenyi ahiswe "ihuriro ry'Abahutu." Iyo nama yabaye abantu bamaze kuva i Gatwaro. Umutangabuhamya avuga ko "Abakiga bari bamaze gushidukira ubwicanyi ariko yari afite ubwoba ko bakwica na Nyirabukwe kuko yari Umututsikazi". Umutangabuhamya avuga ko Uregwa yabwiye Abakiga ngo: "Ubu Abatutsi basigaye tuzi aho bari, ikibazo cyabo turakirangiriza"[268].yakora, uyu mutangabuhamya wiswe J yemeza ko hakoreshwaga inama, rimwe na rimwe inshuro eshatu mu cyumweru, mu cyumba mberabyombi cy'ishuri ry'i Rubengera. Asobanura ko "ibitero byamaze amezi menshi, kandi buri gihe hakorwaga amanama iyo Interahamwe zagombaga guhabwa amabwiriza." Batumizaga inama zo guhamagarira Interahamwe kwica Abatutsi, kandi "bakanahamagarira abaturage kwica no kwivumbagatanya". Umutangabuhamya yongeraho ko imodoka ya Komine yahitaga iriho indangururamajwi, ihamagarira abantu kwitabira inama. Yemeza ko yabonye Uregwa muri izo nama kandi

---

[266] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 77.
[267] Inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 2 Gicurasi 2000, urup. 77.
[268] Inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 31 Mutarama 2000, urup. 22. Urugereko rusanga mu nyandikomvugo y'iburanisha yanditse mu gifaransa, nyirabukwe w'Uregwa ari Umututsikazi, ntihanditse ko Uregwa ari we Mututsi. Ibyo bitandukanye n'ibyanditse mu nyandikomvugo iri mu cyongereza.

ko “uko imodoka yazaga, babwiraga abaturage ko batumiwe mu nama, ko Burugumesitiri ashaka kubonana na bo. Ni Burugumesitiri rero wakoreshaga inama”. N’ubwo aho yari ari, uyu mutangabuhamya atashoboraga kubona icyumba cy’inama, yashoboraga gukurikira ibihavugirwa kubera ko bakoreshaga indangururamajwi. Ku byekeranye n’Abakiga, umutangabuhamya avuga ko na bo bitabiraga ayo manama “aho babwirwaga ibyo bagomba gukora”. Yongeraho ko Abakiga “bahamagariwe … kwica Abatutsi”.

214. Urugereko rusanga ubuhamya bw’uyu mugabo wiswe J bufite inenge. Nta kigaragaza ko uyu mutangabuhamya yabonye koko Uregwa muri izo nama, n’ubwo we yemeza ko yamubonye. Mu by’ukuri, nta nama n’imwe uyu mutangabuhamya yagiyemo; yashoboye gusa kumya ibyahavugirwaga kubera ko abafataga ijambo bavugiraga mu ndangururamajwi. Bamubajije niba Uregwa yari ahari, umutangabuhamya wiswe J yavuze ko kubera ko itangazo ryatumiraga abaturage ryatangwaga n’abantu bari mu modoka ya Komine bakoresha indangururamajwi ryavugaga ko ari inama z’Uregwa, birumvikana ko Uregwa ari we waziyoboraga. Nyamara, nta wundi mutangabuhamya n’umwe wigeze wumva amatangazo yatangirwaga mu modoka ya Komine, atumira abantu muri bene izo nama. Ibyo avuga bisa n’ibitangaje, cyane cyane ko bizwi ko izo nama zakorwaga inshuro zigera nko kuri eshatu mu cyumweru muri ako karere, kandi abandi batangabuhamya bavuga ko, muri icyo gihe, inama zaberaga mu mujyi i Mabanza. Byongeye kandi, byaba bidahwitse, umuntu yemeye ubuhamya bwose bw’umugabo wiswe J uvuga ko Uregwa yaba yarahamagariye Abakiga kwica abantu i Rubengera, maze agahindukira akanabasaba kuva muri Mabanza no guhagarika ubwicanyi, igihe yari ku “Ihuriro ry’Abahutu.

215. Umutangabuhamya wiswe H na we yatanze ubuhamya ku nama yabereye muri Segiteri ya Rubengera ku muhanda ujya ku Gisenyi, muri Mata. Muri iyo nama, Uregwa yabwiye Abakiga kujya mu Bisesero (reba akiciro V.4.4). Uyu mutangabuhamya avuga ko Uregwa yashakaga ko Abakiga bava muri Komine kuko bari batangiye kurya amatungo

y'Abahutu kandi ibyo bintu byari byateye ibibazo[269]. Umutangabuhamya yongeraho aya magambo:

> "Yababwiye kujya mu Bisesero noneho abaturage bakikorera akazi. Ni bwo batangiye gusaka kandi abantu bose bavumburwaga mu mirima y'amasaka, mu ntoki cyangwa mu mazu, baricwaga…"

216. Umutangabuhamya wiswe H avuga ko guhiga Abatutsi mu ngo, mu masaka no mu ntoki[270], byatangiye Abakiga bamaze kugenda. Uyu mutangabuhamya ni we wenyine uvuga ko nyuma y'inama Uregwa yagiranye n'Abakiga, abaturage b'ako karere batangiye guhiga no kwica Abatutsi. Byongeye kandi, nta kindi kimenyetso cyatuma umuntu atekereza ko nyuma yo guhangana n'Abakiga, Uregwa yashakaga ko abaturage batangira guhiga no kwica Abatutsi. Ibimenyetso byatanzwe ntibigaragaza neza ko abantu batangiye gusahura no kwica kubera amagambo Uregwa yabwiye Abakiga.

217. Ibimenyetso bigaragaza ko Célestin Semanza, wari umufasha wa burugumesitiri, hari ububasha yari afite ku Bakiga. Umutangabuhamya wiswe AA avuga ko ku itariki ya 17 Mata 1994, ni ukuvuga umunsi ubanziriza uwo igitero cyo kuri sitade ya Gatwaro cyagabiweho, (reba akiciro V.3.3), yagiye kwa Semanza ahasanga Abakiga[271] bagera kuri mirongo ine.

218. Umutangabuhamya ushinjura wiswe KA avuga ko, mu minsi ya mbere y'igice cya kabiri cya Mata, yari mu nama yabereye i Mabanza, inyuma y'inzu y'Urwunge rw'Amashuri rwa Rubengera. Asobanura ko ubwo yari agiye ku Gitikinini, yabonye abasore bari hagati ya 50 ni 100 bateraniye hanze mu kigo cy'ishuri. Yarahagumye kandi yumvise ibyavugwaga byose mu gihe cy'iminota igera kuri makumyabiri. Muri icyo kivunge cy'abantu, harimo Abakiga umutangabuhamya yashoboye kumenya kubera amashara

---

[269] Inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ugushyingo 1999, urup. 50.
[270] Ni kimwe no haruguru, urup. 56.
[271] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 17.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

bari bambaye. Bari bitwaje kandi imihoro n'ibisongo by'imigano[272]. Umutangabuhamya avuga ko atabonye Uregwa, ndetse ko atanabonye abakonseye ba segiteri, abapolisi ba komine cyangwa abakuru b'amaserire[273].

219. Umutangabuhamya wiswe AK avuga ko agera aho hantu inama yaberaga, yasanze Semanza yatangiye kuvuga ijambo. Asobanura ko barimo kubwira urubyiruko kujya gufasha Abakiga gukora ubwicanyi. Umutangabuhamya yibwiye ko Semanza yarimo kubwira ijambo urwo rubyiruko nk'umuyobozi mu rwego rwa politiki"[274]. Icyo gitekerezo cye gishingiye kuri izi ngingo: kuba inama itaramenyeshejwe abaturage baho; kuba Abakiga bavuye mu majyaruguru bari bayirimo; no kuba Semanza yari umurwanashyaka wa MDR. Umutangabuhamya agira ati: "Kubera ko Semanza ubwe yari Umukiga…akomoka muri ako karere k'Abakiga, ndetse abenshi muri abo bantu bitabiriye iyo nama bakaba nabo bari Abakiga, byatumye ntekereza ko yari afite inshingano yo mu rwego rwa politiki yo kubagezaho ijambo. Yongeraho amagambo akurikira: "Semanza atangiye kuvuga ibyo kwica Abatutsi, nararakaye cyane kubera ko mama yari Umututsikazi, maze mpita nigendera"[275]. N'ubwo ateruye ngo ahakane ko iyo nama yabayeho, Porokireri akemanga ibyo umutangabuhamya avuga ko yari inama yo mu rwego rwa politiki cyangwa ko yateguwe na Semanza[276].

Umwanzuro w'urugereko

220. Rushingiye ku bimenyetso byose byatanzwe, Urugereko rusanga Abakiga bari udutsiko tw'abantu ba rusahurira mu nduru bazereraga, muri rusange batazwi n'abo bahohoteraga,

---

[272] Inyandikomvugo y'iburanisha, 22 Gicurasi 2000, urup. 17.
[273] Ni kimwe no haruguru, urup. 57.
[274] Ni kimwe no haruguru, urup. 36.
[275] Ni kimwe no haruguru, imp. 44-45.
[276] Ni kimwe no haruguru, imp. 114-116.

kandi bakomokaga ahantu hanyuranye, hatazwi neza. Bari abantu badafite inzego z'ubuyobozi cyangwa ngo babe bibumbiye mu mutwe uzwi. Bari bashishikariye gukora ibyaha kubera ibintu bisa nk'akavuyo byariho icyo gihe, ariko badafite ubibayoboramo, kandi bari bagamije cyane cyane ibintu bibiri: kurimbura Abatutsi no gusahura muri rusange.

221. Ibimenyetso byatanzwe bigaragaza ko ku itariki ya 13 Mata 1994, Abakiga bageze muri Mabanza, bagatangira kwica no gusahura. N'ubwo hari ibimenyetso byerekana ko Komine ya Mabanza yatewe n'Abakiga kugeza ku itariki ya 24 Kamena 1994, ni ukuvuga hashize igihe kitari gito nyuma y'aho Abatutsi b'iyo Komine biciwe[277], ibimenyetso bigaragaza ko ibitero by'Abakiga byari byaracogoye cyane mu mpera za Mata 1994.

222. Nta kigaragaza ko Uregwa yari akuriye Abakiga byaba ku buryo bushingiye ku mategeko cyangwa k'ukuntu ibintu byari byifashe .

223. Ku birebana n'inshuro Uregwa yaba yarabwiye ijambo ku Bakiga, Urugereko rusanga hari ugushidikanya ku birebana no kuba Uregwa yaba yarayoboye amanama mu ishuri ry'i Rubengera, ngo ahamagarire Interahamwe n'Abakiga kwica Abatutsi. Cyakora, ibimenyetso bigaragaza ko Uregwa yahanganye n'Abakiga i Rubengera ku itariki ya 18 Mata 1994 cyangwa hafi y'iyo tariki.

224. Urugereko rusanga bishoboka ko Abakiga baba baranze kwemera ibyo Uregwa yabasabye byo kuva muri Komine yose, bavuga ko bafite uburenganzira bwo kujya aho bashaka. Cyakora, ubuhamya bw'umugabo wiswe RA bugaragaza ko Abakiga bemeye kudatera abihaye Imana[278]. Ibimenyetso byatanzwe ntibihagije mu kugaragaza niba, nyuma y'ihangana ryabaye rimwe cyangwa kenshi hagati y'Uregwa n'Abakiga, abo

[277] Reba ikimenyetso gihamya Nº 84 cya Porokireri.
[278] Inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 2 Gicurasi 2000, urup. 157.

Bakiga baravuye muri Komine ya Mabanza ndetse bakareka kugaba ibindi bitero nyuma y'itariki ya 18 Mata 1994.

5. Ingamba Uregwa yafashe ngo aburizemo ibyaha

5.1 Intangiriro

225. Porokireri avuga ko Uregwa yagenzuraga ibintu ku buryo busesuye muri Komine ya Mabanza mu mezi yose ya Mata, Gicurasi kugeza aho ahungiye muri Kamena[279]. Porokireri avuga ko Uregwa, nk'umuntu wari ukomeye kandi wubashywe uhagarariye ubutegetsi bw'akarere, kuba yari ahari byonyine byari bihagije ngo abantu bumve ko bashyigikiwe mu byaha bakoraga. Byongeye kandi, nka burugumesitiri, Uregwa yategekaga, akanagenzura abaturage ba Komine ya Mabanza. Porokireri yongeraho ko hagati ya Mata na Kamena 1994, aho kurinda abaturage b'abasiviri b'Abatutsi ba Komine ya Mabanza, Uregwa yashishikarije abandi baturage kubica. Avuga ko Uregwa yakoresheje ubwo butegetsi n'iryo genzura maze arengera gusa abantu bake yihitiyemo. Yongeraho ko Uregwa yashoboraga guhagarika ibitero iyo abishaka[280]. Porokireri agira ati:

> "Ubuhamya bw'abagabo benshi bashinja n'abashinjura bwerekana ko Uregwa yavanguraga mu miyoborere ye ya Komine ya Mabanza kandi iryo vangura yarikoresheje cyane mu kurinda gusa abantu bake yihitiyemo. By'umwihariko, abatangabuhamya biswe WE, RA, ZD na KC bashinjura bavuze ko Uregwa yashoboye kubaha, bo na bene wabo, indangamuntu z'impimbano"[281].

---

[279] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, imp. 276-278.
[280] Reba imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, urup. 5, ibika 33, 10, 74; imp. 13-14, ibika 91-100; imp. 15-16, ibika 107-113; imp. 66-68, ibika 369-381; imp. 15-16, ibika 102-110 na 112-114; imp. 22-23, ibika 147-148; urup. 29, igika 193; Igisubizo kinyomoza cya Porokireri, urup. 9, igika 31.
[281] Ni kimwe no haruguru, urup. 47, igika cya 293.

226. Ubwunganizi bwo buvuga ko ingamba zafashwe n'Uregwa zari mu rwego rusange. Buvuga ko Uregwa yafashe ingamba za ngombwa kandi zishyize mu gaciro kugira ngo abuze kandi ahane ibyaha, yifashishije uburyo yari afite. Ubwunganizi ntibwemera ko Uregwa yaba yaragize icyo avuga ngo ashishikarize Abahutu gutera Abatutsi cyangwa kwangiza ibintu byabo. Buvuga ko Uregwa yakoresheje gusa inama zari zigamije kugarura amahoro n'umutekano[282]. Ubwunganizi bugira buti:

> "Kubera ubushobozi buke yari afite, Bagilishema ntiyashoboye kugarura umutekano muri Komine ye igihe cyose Abakiga bari bayirimo, ni ukuvuga kugeza nko ku itariki ya 25 Mata 1994. Nyuma y'iyo tariki, muri Komine, ibintu byasubiye mu buryo gato kandi Bagilishema yakoze uko ashoboye kose ngo yongere akore imirimo ye ya burugumesitiri n'ubwo yari afite ingorane kandi agishirwaho iterabwoba"[283].

5.2 Ububasha n'uburyo Uregwa yari afite

227. Nka Burugumesitiri, Uregwa yari afite ububasha busesuye mu rwego rw'amategeko n'urw'uko ibintu byari byifashe kandi ni we wayoboraga Komine"[284]. Mu rubanza rwa Akayesu, burugumesitiri asobanurwa nk'umuntu uhagarariye, mu rwego rwa mbere, ubuyobozi bw'igihugu[285]. Umutangabuhamya w'impuguke wahamagawe mu rubanza rwa Akayesu avuga ko "ku muturage usanzwe wa komine, burugumesitiri yari umutegetsi urusha abandi gukomera, umuntu yagereranya n'umutware wo ku gihe cy'abakoloni[286].

228. Guichaoua, umutangabuhamya w'impuguke wahamagajwe na Porokireri, avuga ko Uregwa "yari umuntu ukomeye kandi ushyigikiwe, nta gushidikanya ko abaturage

---

[282] Reba imyanzuro y'Ubwunganizi, imp. 40-47, ibika 300-374.
[283] Imyanzuro y'Ubwunganizi, urup. 114, ibika 300-301.
[284] Reba Itegeko ryerekeye imitegekere ya komine, Ingingo ya 56: "Burugumesitiri ni we uhagarariye ubuyobozi bw'igihugu muri komine kandi akaba ari we uyitegeka."
[285] Reba urubanza rw'Akayesu, ibika 60-61.
[286] Ni kimwe no haruguru, igika 73.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

bashimaga umurava we ku birebana n'amajyambere"[287]. Kuri we, iyo umuntu abaye burugumesitiri imyaka 14, "ni uko aba yarashoboye gushyiraho ubutegetsi bukomeye muri komine ye".

229. Ibyerekeranye n'abakozi Uregwa yakoreshaga byavuzwe haruguru (IV.4). Ku birebana n'ibikoresho, ubuhamya bw'umugabo w'impuguke witwa François Clément wahamagajwe n'Ubwunganizi, bugaragaza ko Komine ya Mabanza yari ifite imodoka imwe cyangwa ebyiri kandi ko abapolisi batari bafite imodoka yabo bihariye[288]. Uregwa avuga ko Komine yari ifite imodoka y'ubururu yo mu bwoko bwa Toyota Hilux n'indi modoka imwe yatwaraga abarwayi, ariko ntiyakoraga igihe cyose[289].

5.3 Ingamba zafashwe n'Uregwa mu gukumira ibyaha

230. Urugereko rugiye gusuzuma ibimenyetso byatanzwe ku birebana n'ingamba zafashwe n'Uregwa mu gukumira ikorwa ry'ibyaha kuva muri Mata kugera muri Nyakanga 1994.

Umutangabuhamya wiswe Q

231. Umutangabuhamya ushinja wiswe Q avuga ko Abahutu batangiye kwica Abatutsi Perezida akimara gupfa. Kubera iyo midugararo, Abatutsi bataye ingo zabo, bahungira mu turere tunyuranye twa Komine. Uyu mutangabuhamya w'Umututsikazi, abana be n'umugabo we w'Umuhutu bagiye kwa sebukwe kandi avuga ko yahamaze nk'ibyumweru bitatu kugera mu mpera za Mata[290].

---

[287] Inyandikomvugo y'iburanisha, 14 Gashyantare 2000, imp. 51 na 53-54.
[288] Inyandikomvugo y'iburanisha, 29 Gicurasi 2000, imp. 23-24.
[289] Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, urup. 159.
[290] Inyandikomvugo y'iburanisha, 25 Mutarama 2000, imp. 14-18 na 37-38.

232. Umutangabuhamya wiswe Q avuga ko yarokotse ibitero kubera ko yari yasabye Uregwa kumufasha. Asobanura ko "abantu bicwaga rwose kandi ko bari hafi gutsembatsembwa bose. Abicanyi bari batangiye kwibasira n'abagore bari barashatswe n'Abahutu […] nuko abagabo babo batangira kubirwanya, maze bituma Abahutu batabyumvikanaho." Umutangabuhamya avuga ko ari yo mpamvu Uregwa yakoresheje inama ku biro bya Komine. Urugereko rusanga, ukurikije uko uyu mutangabuhamya abivuga, ibyo bintu byaba byarabaye nko mu mpera za Mata. Igice kimwe cy'abaturage cyavugaga ko n'Abatutsikazi bashatswe n'Abahutu bagombaga kwicwa ariko abandi barabyanga, bavuga ko "bitari byiza kubera ko abagabo babo bajyaga kurakarira abandi Bahutu, bigatuma noneho Abahutu bicana." Muri iyo nama, hemejwe ko abagore b'Abatutsikazi bashatswe n'Abahutu, batagomba kwicwa[291].

233. Umutangabuhamya wiswe Q asobanura ko, ku gicamunsi, ari mu nzu kwa sebukwe, abagabaga ibitero bamaze kuruha gusahura no kwica, bamwibwiriye ubwe n'umuryango we ko bari kugaruka bukeye mu gitondo, bazanye n'abandi bo kubafasha. Umutangabuhamya avuga ko hagati ya saa munani na saa cyenda, "ba konseye ba segiteri bamaze kumenya ko abantu bari baje kunyica, baraje batubwira icyemezo cyafatiwe mu nama." We n'umugabo we basubiye iwabo kuri uwo mugoroba[292].

234. Bucyeye mu gitondo cya kare, umugabo we yagiye kureba Uregwa, amusaba inyandiko yerekana ko hafashwe icyemezo cyo kutica Abatutsikazi bashatswe n'Abahutu. Umutangabuhamya avuga ko Uregwa yahaye umugabo amabaruwa abiri. Konseye yagombaga gusomera ibaruwa ya mbere abagabaga ibitero bari biyemeje gutera urugo rwe; iya kabiri ikaba yari igenewe abaturage bo muri ako karere barangiraga [abicanyi] aho Abatutsi baherereye. Umutangabuhamya agira ati:

---

[291] Ni kimwe no haruguru, imp. 18-20.
[292] Ni kimwe no haruguru, imp. 20-23 na 36-37.

> "Konseye yasomeye iyo baruwa imbere y'abantu bose. Hari ku isoko. Mu by'ukuri, iyo baruwa yasomewe abari baraye bagabye igitero. Babasobanuriye ko iyo baruwa yoherejwe na Burugumesitiri Bagilishema kandi ko bagombaga kureka ubwicanyi. Hari na none ibaruwa ya kabiri yavugaga ko gushakisha Abatutsi bo kwica bigomba guhagarara n'iyo baba bagihari, kandi ko abari kubica bari kubihanirwa. Cyakora muri icyo gihe, ubirebye, usanga Abatutsi hafi ya bose bari barashize"[293].

235. Umutangabuhamya wiswe Q avuga ko yihishe kugeza aho "abantu bose bahungiye." Yongeraho ko indangamuntu ye yari yanditsemo ko ari Umuhutu kubera ko sekuru we yari yarahinduje ubwoko bw'umuryango we, bityo bikabafasha kwiga no kubona akazi. Nyamara, uyu mutangabuhamya avuga ko ibyo bitababuzaga gutukwa kubera ko "rimwe na rimwe abantu, abaturanyi bacu batumenyeraga ku isura yacu"[294].

Umutangabuhamya wiswe J

236. Umutangabuhamya ushinja wiswe J avuga ko ku itariki ya 13 Mata 1994, Interahamwe zamuteye zikanamusahura. Asobanura ko Uregwa, Umumajoro witwa Jabo wari komanda wa Jandarumori yo ku Kibuye n'abapolisi babiri, baje bagasanga Interahamwe zamaze gusohora ibintu bye mu nzu. Majoro Jabo yavuze ko nta kintu cyagombaga kuba ku mutangabuhamya kubera ko umugabo we yari Umuhutu. Cyakora, Uregwa yavuze ko "yari ahagarariye Perefe, wari wavuze ko ak'Abatutsi kashobotse." Umutangabuhamya avuga ko Uregwa yongeyeho ko uwo mutungo "wari uw'Umuhutu, bityo ukaba waragombaga kuguma aho, ko Abatutsi ari bo gusa bari batanzwe ngo bapfe. Nuko Burugumesitiri yohereza imwe mu Nterahamwe zari iwe, kujya gushaka umugabo wanjye kugira ngo aze arinde inzu ye, kubera ko jyewe nagombaga gupfa". Yongeraho ko Uregwa, Majoro Jabo, abapolisi n'abajandarume bavuye aho hantu. Umugabo w'uwo

[293] Ni kimwe no haruguru, imp. 22-23.
[294] Ni kimwe no haruguru, 26-27.

mutangabuhamya agarutse imuhira, yahaye amafaranga zimwe mu Nterahamwe izindi zihitamo gutwara bimwe mu bintu bye[295].

237. Undi mugabo wiswe AS na we atanga ubuhamya kuri ibyo bintu. Avuga ko yumvise umutangabuhamya wiswe J ahuruza maze akiruka ajya mu rugo rw'uwo mutangabuhamya. Ubwo yacaga mu ruzitiro, yabonye agatsiko k'abagabaga ibitero kagenda, aza no kubona babiri muri bo "bafite ibikomere mu biganza". Umutangabuhamya wiswe AS avuga ko yasanze umutangabuhamya wiswe J yakomeretse "ahagaze mu muryango w'inzu ye, arimo gusobanurira abantu bari baje kumutabara uko byagenze." AS avuga ko abagabye ibitero batari Abakiga ndetse ko batari bambaye nkabo. Ahubwo ngo bari "ingegera, ibirara, byateraga abantu mu ngo zabo"

238. AS akomeza avuga ko ageze kwa J, yahasanze Uregwa ariko hari ikibazo cyo kumenya aho umugabo wa J ari, maze Uregwa agategeka "ko bajya kumushaka." Umutangabuhamya ntazi uwagiye gushaka uwo mugabo kubera ko Uregwa yabitegetse muri rusange abantu bose bari aho. Uregwa yashyize umupolisi imbere y'inzu kugira ngo ategereze ko J agaruka mu rugo. Umutangabuhamya avuga ko mbere yo kugenda, Uregwa yasabye abandi bantu bose kuhava. Umutangabuhamya ntiyibuka ko yabonye komanda wa Jandarumori[296]. Ubuhamya bw'Uregwa buhuje kuri iyi ngingo n'ubw'umutangabuhamya wiswe AS (reba akiciro V.3.2.6 hepfo).

239. Urugereko rusanga hari utuntu tumwe na tumwe tudahuye mu buhamya bw'abo bagabo bombi. Umutangabuhamya wiswe J avuga ko Interahamwe zamuteye zagumye iwe, ziri kumwe n'Uregwa. Nyamara umutangabuhamya wiswe AS we ahagera yasanze abagabye igitero bahavuye kandi ko batasigaranye n'Uregwa. Umutangabuhamya wiswe J avuga ko Uregwa yari yagiye, ariko ko Interahamwe zo zahavuye ari uko umugabo we amaze

[295] Inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 31 Mutarama 2000, imp. 17-19.
[296] Inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 26 Mata 2000, imp. 60-65, 138, 139, 143 na 144.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

kugaruka akaziha amafaranga. Cyakora, ukurikije ibyo AS avuga ko mbere yo kugenda, Uregwa yasabye abantu bose kuhava; umupolisi yashinzwe kuguma aho ngo ategereze ko umugabo wa J agaruka. AS ntiyabonye komanda wa Jandarumori ariko J we yaramubonye.

240. N'ubwo AS atari ahari igihe ibyo bintu byose byabaga, ukunyuranya kumaze kuvugwa hagati y'ubuhamya bwe n'ubwa J gutuma ibintu bidasobanuka neza, bityo bigatera gushidikanya ku byerekeranye n'ibyabaye koko mu gitero cyagabwe mu rugo kwa J. Porokireri ntiyatanze ibimenyetso bikuraho uko gushidikanya. Byongeye kandi, kubera izo mvugo zitajyanye, ndetse n'umutangabuhamya wiswe J akaba ari we wenyine watanze ubuhamya nk'ubwo, Urugereko rushidikanya ko Uregwa yaba yaravuze ko "ak'Abatutsi kashobotse", kandi ko Abatutsi bagombaga kwicwa bavanwa aho hantu. Urugereko rusanga icyo umuntu yakwemeza ari uko muri icyo gitondo cyo ku itariki ya 13 Mata 1994, urugo rw'umutangabuhamya wiswe J rwatewe kandi ko Uregwa yahagobotse.

Umutangabuhamya wiswe KC

241. Umutangabuhamya ushinjura wiswe KC wari uzi Uregwa nk'umuyobozi, asobanura ko yahunze ava i Kigali ku itariki ya 6 Mata 1994, agasanga umuryango we i Gitarama. Ku itariki ya 23 Gicurasi, bagiye i Mabanza, bakodesha aho bacumbika mu nzu yo ku Gitikinini i Rubengera, aho bahuriye n'abandi bantu barimo Burugumesitiri wa Tambwe, umugore we, nyirabukwe, n'umuforomo na we wakomokaga i Tambwe. Umutangabuhamya avuga ko igihe yari aho hantu bari bacumbitse, agatsiko k'Abakiga kaje gushaka Abatutsi "kugira ngo babatware". Uyu mutangabuhamya n'abandi bantu barahagobotse kugira ngo abagabye igitero badatwara abo bahigaga, maze baha Abakiga amafaranga 10. 000.

242. Kubera ko Burugumesitiri wa Tambwe yifuzaga kujya i Cyangugu n'umuryango we kandi bikaba byari biruhije gukora urugendo nta nzandiko z'inzira, KC, babimusabye, yagiye gusaba Uregwa inzandiko za ngombwa z'inzira. KC yemeza ko Uregwa yari azi ko abo bagore babiri bari Abatutsikazi kubera ko yagombye kumwereka indangamuntu zabo mu biro bya Komine. Umutangabuhamya yasobanuriye Uregwa ko abaturage bakorewe iterabwoba n'abagabye ibitero kandi ko bari bakeneye inzandiko z'inzira kugira ngo bakomeze guhunga. Uregwa yanditse inzandiko z'inzira noneho Burugumesitiri wa Tambwe, umugore we, nyirabukwe hamwe n'umuforomo bava i Mabanza[297].

Umutangabuhamya wiswe RJ

243. Umutangabuhamya ushinjura wiswe RJ w'Umututsikazi wabanaga n'umugabo we i Kigali ariko akaba yari muri Komine ya Mabanza muri Werurwe 1994, avuga ko ku itariki ya 8 Mata 1994, igihe bamwe mu bagize umuryango we bari bagiye ku biro bya Komine, we n'abana be babiri bahungiye mu rugo rw'Uregwa[298]. Umugore w'Uregwa yari inshuti y'umutangabuhamya[299] kuva mu bwana. Bihishe mu mazu y'abakozi ari mu rugo. Hashize iminsi ibiri, mubyara wa RJ witwaga Chantal arahabasanga kandi yari atwite[300]. Bamaze ukwezi kumwe bihishe mu rugo rw'Uregwa[301]. Mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa yemeza ko yahishe abo bantu[302].

---

[297] Inyandikomvugo y'iburanisha, 28 Mata 2000, imp. 11, 20-22 na 55-56.
[298] Reba inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 23 Gicurasi 2000, imp. 10-14 na 15-17.
[299] Ni kimwe no haruguru, imp. 26-27.
[300] Ni kimwe no haruguru, urup. 22.
[301] Ni kimwe no haruguru, urup. 19.
[302] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, imp. 19-25.

Umutangabuhamya wiswe AS

245. Umutangabuhamya ushinjura wiswe AS avuga ko mu gihe cy'ubwicanyi, Uregwa yatabaye abantu. Muri abo bantu harimo umutangabuhamya wiswe RJ, Chantal, umwana w'imfubyi w'umuyisilamu umwe hamwe n'umugore wa Pasitoro Albert Muganga n'abana babo[303].

Umutangabuhamya wiswe WE

246. Umutangabuhamya ushinjura wiswe WE avuga ko mu ntambara, yagiye muri Perefegitura avukamo ya Kibuye, inshuro ebyiri. Ubwa mbere yagiye i Mabanza ku itariki ya 11 Mata 1994. Ava i Kigali, umwe mu baturanyi be, Umuhutu warongoye Umututsikazi, yamusabye kumufasha kuko umugore we yari afite ikibazo cy'indangamuntu kandi bari bafite ubwoba ko Interahamwe zamwica. Umugabo yahaye umutangabuhamya ibaruwa yari yandikiye Uregwa.

247. Umutangabuhamya avuga ko yavuganye n'umukozi wa Komine akanamubwira ko yifuza kubonana n'Uregwa. Umukozi wa Komine yamujyanye mu biro by'Uregwa, umutangabuhamya amuha ibaruwa hanyuma ategereza nk'iminota 40 icyangombwa yasabye. Umutangabuhamya yongeraho ko Uregwa agarutse:

> "…yampaye indangamuntu y'umugore nababwiye mbere. Kandi hanyuma… Ariko tubonana, namubwiye ko hari ibibazo byinshi i Kigali kandi ko hari abantu bashoboraga kuba bafite ibibazo nk'iby'uwo mugore wamuntumyeho. Mubaza rero niba bishoboka ko yampa izindi ndangamuntu ngo nzihe uwo mugore na we azihe abandi bantu yari azi bashoboraga kuba bari mu ngorane nk'ize […] Amaze kumpa indangamuntu y'uwo mugore, yampaye izindi

[303] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mata 2000, imp. 26-32; reba kandi akiciro V.42 ku birebana n'iyicwa rya Pasitoro Muganga.

> yasinye, ariko zashoboraga kuzuzwa n'abantu bari kuzihabwa […]. Burugumesitiri yambwiye ko umuntu wese ukeneye gufashwa muri ubwo buryo agomba kureba uwo mudamu, kandi […] ashobora kuzuza indangamuntu agashyiraho ifoto noneho akayohereza ku biro bya Komine kugira ngo iterweho kashe ya Komine. Mu bindi byifuzo, yansabye kutamena iryo banga, kubera ko Interahamwe cyangwa Abakiga babonye izo ndangamuntu, we na njye dushobora kubizira. Mbonana na Burugumesiriri, yambwiye ko ngomba kubwira uwo mudamu akitonda kandi agaha gusa izo ndangamuntu abantu bakomoka muri Komine ya Mabanza bafite ingorane nk'ize".

248. WE yashoboye gusubira i Kigali, maze aha uwo mugore indangamuntu[304]. Umutangabuhamya yemeza ko nta cyo apfana n'Uregwa kandi ko yagiye kumureba kubera ko yari umutegetsi muri Mabanza[305].

Umutangabuhamya wiswe RA

249. Umutangabuhamya ushinjura wiswe RA avuga ko ababikira b'Abatutsikazi bo mu muryango w'abihaye Imana bari biyemeje guhungira ku Kibuye kuko batashakaga ko umuryango wabo wose wicwa kubera bo. Ku itariki ya 17 Mata 1994, umutangabuhamya yajyanye na Pasitoro Eliphas n'ababikira batanu kureba Uregwa kugira ngo barebere hamwe uko ibintu byifashe. Bageze mu biro bye, yabagiriye inama yo kutajya ku Kibuye kubera za bariyeri zari mu muhanda, ndetse abaha icyumba cyo kwihishamo. Biriwe aho maze bwije bajyana na Pasitoro Eliphas. Umwe muri abo bihaye Imana yabajije Uregwa

[304] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Gicurasi 2000, imp. 58-79.
[305] Ni kimwe no haruguru, urup. 109.

niba bishoboka ko yamuhindurira indangamuntu. Yarabimwemereye kandi arabikora. Yagiye ku munsi wakurikiyeho[306].

Umutangabuhamya wiswe ZD

250. Umutangabuhamya ushinjura wiswe ZD avuga ko hagati muri Gicurasi, umuryango we wamusanze aho akomoka muri Mabanza. Kubera ko bahageze batinze mu ijoro ribanza, baraye mu rugo rw'Uregwa. Bucyeye mu gitondo, Uregwa n'umugore we barabaherekeje babageza ku mutangabuhamya. Umutangabuhamya avuga ko umugore we yamubwiye ko mu rugo rw'Uregwa hari hihishe Abatutsi.

> "Yambwiye abagore. Na njye mubwira ko bidatangaje, ibyo numvaga bivugwa, ibyo nari naramenye, ibyo bamuvugagaho […]. Icyo gihe bavugaga ko yahaga Abatutsi indangamuntu z'impimbano zanditseho ko ari Abahutu kugira ngo bashobore kugenda, guca kuri za bariyeri maze bahunge"[307].

251. Umutangabuhamya atanga urugero rw'umuntu ukomoka ku Kibuye wari wagiye i Mabanza gusaba Ignace Bagilishema indangamuntu y'impimbano yanditseho ubwoko bw'Abahutu ngo ayihe nyirabukwe w'Umututsikazi[308].

252. ZD avuga ko mbere yo ku itariki ya 17 Mata 1994, yiyumviye ubwe Radiyo Muhabura, ya FPR, ishimira Burugumesitiri wa Komine ya Mabanza kubera imyifatire ye mu guhosha imvururu no kurinda abaturage […]. Iyo radiyo yahamagariraga abandi ba burugumesitiri n'abandi bayobozi gukora nka we[309].

---

[306] Reba inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 2 Gicurasi 2000, urup. 58.
[307] Inyandikomvugo y'iburanisha, 3 Gicurasi 2000, imp. 26-27.
[308] Ni kimwe no haruguru, urup. 28.
[309] Kimwe n'ibyavuzwe, imp. 27-28.

Umutangabuhamya wiswe ZJ

253. Umutangabuhamya ushinjura wiswe ZJ avuga ko muramu we wabaga i Kigali kandi wari wararongoye Umututsikazi atari azi ukuntu yavana umugore we i Kigali ngo amujyane ku Kibuye kubera amabariyeri. Avuga ko uwo muramu we yageze i Mabanza mu minsi ya nyuma ya Gicurasi, kandi ngo Uregwa yamuhaye indangamuntu yanditsemo ko ari Umuhutukazi. Umutangabuhamya yongeraho ko we ubwe yiboneye iyo ndangamuntu[310].

Umutangabuhamya wiswe BE

254. Umutangabuhamya ushinjura wiswe BE avuga ko hashize icyumweru kimwe Perezida apfuye, Radiyo ya FPR, yitwa Muhabura, yashimiye Uregwa. Umutangabuhamya avuga ko iyo Radiyo yavugaga ko Uregwa atandukanye n'undi muburugumesitiri wicishaga bamwe mu baturage. Umutangabuhamya yongeraho ko yumvise aho [iyo Radiyo] yavugaga ko ababurugumesitiri bose bagombye gukurikiza urugero rwa Burugumesitiri wa Mabanza[311].

Uregwa

255. Uregwa avuga ko mu gihe cy'ubwicanyi yahaye inzandiko z'inzira abantu bagera ku ijana badatuye muri Komine ya Mabanza, akanaha indangamuntu abaturage bo muri Komine. Agira ati "Nari nzi neza ko binyuranije n'amategeko, ariko nari niteguye kubeshya kugira ngo nkize abantu". Atanga ibisobanuro bikurikira:

> "Abaturage benshi bansabaga indangamuntu kubera ko babaga bazitaye cyangwa Abakiga baziciye, urumva rero ko byari ngombwa kubaha izindi.

[310] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 3 Gicurasi 2000, urup. 140.
[311] Inyandikomvugo y'iburanisha, 27 Mata 2000, imp. 31-37.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

> Ariko kandi, hari abantu bari mu mazi abira bashakaga gutoroka, guhungira ahandi nari nzi neza ko ari Abatutsi, ariko nkabafasha nandika ku ndangamuntu zabo ko ari Abahutu".

256. Uregwa avuga kandi ko yahaye umutangabuhamya wiswe WE indangamuntu nyinshi zitanditseho ariko zashyizweho umukono, kugira ngo afashe abaturage ba Mabanza babaga i Kigali[312].

257. Uregwa anavuga ko yahinduye ibyari byanditse mu gitabo kirimo amazina y'abaturage ba Komine[313]. Abantu bari banditse mu gitabo bahabwaga icyemezo cyo gutura cyo kwereka abayobozi igihe babatse indangamuntu. Uregwa yatanze urugero rw'umuntu wari uwa 75 mu gitabo cyanditsemo amazina y'abaturage ba Komine, wanditswe ko ari Umuhutu ariko mu by'ukuri ari Umututsi. Yongeraho ko we atari ari azi uwo muntu. Avuga ko yatangiye guhindura ibyanditse muri icyo gitabo kuva intambara itangiye, mu mwaka wa 1990, kandi ko 60% by'abantu bacyanditsemo mu by'ukuri bari Abatutsi. Uregwa yongeraho ko yafashije gusa abantu baje kumureba ngo abafashe[314]. Porokireri we asanga kuba Uregwa yarahinduye ibyanditse mu gitabo cy'ibarura ry'abaturage, bishimangira ibyo avuga ko Uregwa yakoreshaga ubutegetsi n'ubugenzuzi bye mu buryo buvangura[315].

258. Ubwunganizi bwiyambaje igitabo cya Komine cy'amaburwa yoherejwe bushaka kwerekana ko kuva ku itariki ya 27 Mata, aho Uregwa asubiranye igice cy'ubutegetsi muri Komine, yafashe ingamba zo guhana ibyaha byakozwe[316]. Avuga kandi ko hagati y'itariki ya 13 n'iya 25 Mata ibintu byari byifashe nabi muri Komine kubera ko abagabaga ibitero benshi bakomokaga mu majyaruguru, batashoboraga kumenyekana[317].

---

[312] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, imp. 44-68.
[313] Reba ikimenyetso gihamya Nº 93 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[314] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, imp. 67-106.
[315] Reba umwanzuro, urup. 47, igika cya 292.
[316] Reba ikimenyetso gihamya Nº 18 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[317] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, imp. 120, 133 na 134.

259. Ku itariki ya 27 Mata 1994, Uregwa yandikiye Porokireri wa Repubulika ku Kibuye ku birebana n'iyimurwa ry'abantu bari bishe Biziyaremye na Bamporineza. Urugereko rusanga nta kintu na kimwe cyerekana ubwoko bw'abagiriwe nabi[318]. Ku itariki ya 2 Gicurasi 1994, Uregwa yahagaritse ku kazi umushoferi wa Komine witwaga Eprem Nshimiyimana, n'umupolisi wa Komine witwaga Munyandamutsa kubera ko bari bibye moteri y'imodoka yari yasigaye ku biro bya Komine[319]. Amabaruwa yandikiye uwo mushoferi n'uwo mupolisi yashyizwe muri dosiye[320]. Ku itariki ya 3 Gicurasi 1994, Uregwa yandikiye Porokireri wa Repubulika ku Kibuye ku byerekeranye n'iyimurwa ry'abantu batanu bashinjwaga kuba barahotoye uwitwa Kangabe. Uregwa avuga ko uwo nyakwigendera yazize iby'amoko[321]. Ku itariki ya 5 Gicurasi 1994, Uregwa yohereje ibaruwa yerekeranye n'ipererereza ry'iyibwa ry'inka z'Umututsi witwa Karekezi[322]. Kuri uwo munsi, yandikiye Konseye wa Mushubati n'uwitwa Nyakabande abasaba kurinda bikomeye umuryango wari wahishe Abatutsi. Uregwa avuga ko abo Batutsi bari bakiri muri uwo muryango[323]. Ku itariki ya 9 Gicurasi 1994, yandikiye Konseye wa Buhinga ibaruwa nk'iyo yerekeranye no kurinda umutekano w'umugore wari utuye muri iyo Segiteri. Uregwa asobanura ko uwo mugore yari Umututsikazi washatswe n'Umuhutu, kandi ko yagerwaga amajanja[324]. Hashize iminsi ibiri, Uregwa yandikiye Burugumesitiri wa Gitesi amumenyesha ubwicanyi bwakozwe n'umusirikare. Uregwa avuga ko uwo musirikare yari yishe umuntu muri Mabanza nyuma agahungira muri Komine ya Gitesi[325]. Ku itariki ya 19 Gicurasi 1994, Uregwa yandikiye ibaruwa Konseye wa Segiteri ya

---

[318] Reba ikimenyetso gihamya Nº 18 kiri kuri Nº 0279 [mu gitabo cy'amaburuwa].
[319] Ni kimwe no haruguru, kuri Nº 0280 na Nº 0281 [mu gitabo cy'amabaruwa].
[320] Reba ibimenyetso gihamya Nº 94 na 95 byatanzwe n'Ubwunganizi.
[321] Reba ikimenyetso gihamya Nº 18 cyatanzwe n'Ubwunganizi kiri kuri Nº 0286 [mu gitabo cy'amabaruwa]; inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, urup. 133.
[322] Reba ikimenyetso gihamya Nº 18 cy'Ubwunganizi, kiri kuri nº 0289 [mu gitabo cy'amabaruwa].
[323] Reba ikimenyetso gihamya Nº 18 cyatanzwe n'Ubwunganizi, kiri kuri Nº 0291 [mu gitabo cy'amabaruwa]; inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, imp. 15-16.
[324] Reba ikimenyetso gihamya Nº 18 cyatanzwe n'Ubwunganizi, kiri kuri Nº 0294 [mu gitabo cy'amabaruwa]; inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, urup. 18.
[325] Reba ikimenyetso gihamya Nº18 cyatanzwe n'Ubwunganizi, kiri kuri Nº 0297 [mu gitabo cy'amabaruwa]; inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, imp. 19-21.

Gihara amusaba kurinda ibintu byasizwe n'Abatutsi[326]. Bucyeye bwaho, Uregwa yandikiye komanda wa Jandarumori muri ako karere amusaba guhana abajandarume bari bakomerekeje Perezida wa CDR, mu gihe yageragezaga kubabuza kwangiza ibintu muri Mabanza[327].

260. Ku itariki ya 20 Gicurasi 1994, Uregwa yandikiye komisiyo ishinzwe kwita ku bintu byasizwe n'abavuye mu byabo[328]. Uregwa avuga ko iyo komisiyo yagombaga gukora uko ishoboye kose ibyo bintu bikabikwa n'ubuyobozi bwa Komine kugira ngo abantu batabitwara. Avuga ko ibyo bintu byari bitangiye gutera amakimbirane mu baturage kuko babirwaniraga[329]. Ku itariki ya 24 Gicurasi 1994, Uregwa yandikiye Konseye wa Rubengera ngo yihanangirize bamwe mu bagize komite yo kugarura amahoro i Kabatare, i Kibimbanda n'i Kigabiro bari bagabye ibitero ku bitaro by'i Rubengera. Uregwa avuga ko bamwe mu bagize komite yashyizweho mu ntangiriro za Gicurasi 1994 batakoraga akazi kabo neza kandi ko bari bagabye ibitero ku kigo nderabuzima cy'i Rubengera. Uregwa yasabaga rero konseye gucyaha iyo komite[330].

261. Urugereko rusanga igitabo cyanditsemo amabaruwa yoherejwe cyerekana ko Uregwa yakomeje gufata ingamba zo kugarura umutekano muri Komine ya Mabanza kugeza ku itariki ya 14 Nyakanga 1994. Urugereko rusanga nko ku itariki ya 24 no ku ya 27 Gicurasi 1994, ku ya 6, ku ya 13, ku ya 14, ku ya 21, ku ya 28 Kamena 1994, no ku ya 12 Nyakanga 1994, Uregwa yarandikiye amabaruwa Porokireri wa Repubulika ku Kibuye

---

[326] Reba ikimenyetso gihamya Nº 18 cyatanzwe n'Ubwunganizi, kiri kuri nº 0308.
[327] Reba ikimenyetso gihamya Nº 18 cyatanzwe n'Ubwunganizi, kiri kuri Nº 0309 [mu gitabo cy'amabaruwa]; inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, imp. 26-28.
[328] Reba ikimenyetso gihamya Nº 18 cyatanzwe'Ubwunganizi, kiri kuri nº 0311[mu gitabo cy'amabaruwa].
[329] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, imp. 32-33.
[330] Reba ikimenyetso gihamya Nº 18 cy'Ubwunganizi, kiri kuri Nº 0313 [mu gitabo cy'amabaruwa]; inyandiko-mvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, imp. 34-36.

ku birebana no kwimura abantu benshi bashinjwaga ibyaha birimo ubwicanyi n'ubushimusi bw'inka[331].

262. Mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa avuga ko yafatwaga nk'icyitso cya FPR, kubera ko, nk'urugero, Radiyo Muhabura yari yatangaje ko ari umuburugumesitiri mwiza, kandi ko yarindaga Abatutsi[332].

Imyanzuro y'Urugereko

263. Urugereko rusanga ubuhamya buvugwa haruguru bushyigikira ibyo Porokireri avuga ko Uregwa yaba yaravanguye akarengera abantu bamwe na bamwe yihitiyemo. Ubuhamya bw'umugabo ushinja wiswe Q ubwabwo butuma umuntu agira amakenga ku byo Porokireri avuga. N'ubwo nta kintu na kimwe gishyigikira ibyo Uregwa avuga ko yatanze nibura indangamuntu n'inzandiko z'inzira 100 kugira ngo afashe abantu, nta kimenyetso kibinyomoza cyatanzwe.

264. Ibimenyetso byatanzwe kandi bigaragaza ko Uregwa yashimwe na Radiyo Muhabura ya FPR, n'ubwo bwose hari mbere yo ku itariki ya 17 Mata 1994, igihe impunzi zicirwaga kuri Sitade Gatwaro ku Kibuye (reba akiciro V.4.3). Urugereko rusanga Porokireri nta cyo avuga ku kibazo cyo kumenya niba koko ibyo bintu byaravuzwe kuri radiyo[333]. Byongeye kandi, ku birebana n'igitabo kirimo amazina y'abantu batuye muri Komine, Urugereko rusanga bishoboka ko Uregwa yaba yarahinduye ibyanditse muri icyo gitabo agamije kurengera Abatutsi.

---

[331] Reba ikimenyetso gihamya Nº 18 cy'Ubwunganizi, kiri kuri Nº 0315, 0320, 0332, 0340, 0341, 0353, 0367, 0368 no kuri nº 0377 [mu gitabo cy'amabaruwa].
[332] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, imp. 117-118.
[333] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, urup. 245.

265. Ku byerekeranye n'imyifatire y'Uregwa nyuma y'itariki ya 27 Mata 1994, nk'uko bigaragara mu gitabo cy'amabaruwa yoherejwe na Komine, biragaragara ko Uregwa yafashe ingamba zo kugarura umutekano muri Komine ya Mabanza. Porokireri ntagaragaza ko mu gukora ibyo, Uregwa yabangamiye Abatutsi. Cyakora, Urugereko rusanga ibyaha byinshi Uregwa aryozwa mu Nyandiko y'ibirego byarakozwe mbere y'itariki ya 27 Mata. Byongeye kandi, ni ukuri ko kuri iyo tariki Abatutsi benshi bari barahunze bakava muri Komine. Uburyozwacyaha bwe ku birebana n'ibyaha yakoze burasuzumwa mu mutwe wa gatanu.

5.4 Amanama

266. Porokireri avuga ko Uregwa yakoresheje inama nyinshi yashishikarijemo abaturage bo muri ako karere kwica Abatutsi. Ku byerekeye inama zo gutanga ihumure, Porokireri ntahakana ko zabaye, ahubwo avuga ko Uregwa atigeze abwira abantu ko abazanyuranya n'amabwiriza ye bari kubihanirwa[334]. Ubwunganizi bwo buvuga ko Uregwa yakoresheje inama nyinshi z'umutekano kugira ngo muri Mabanza hongere kugaruka ituze n'ubwumvikane mu moko anyuranye yari ahatuye.

Umutangabuhamya wiswe J

267. Umutangabuhamya wiswe J avuga ko hari inama yabereye kuri CERAI. Abaturage batumiwe muri iyo nama kubera ko abantu bari baratatanye bashakisha abo bica. Uyu mutangabuhamya asobanura ko abaturage bari bahamagariwe gusohoka mu mago yabo bakajya kwica, kandi ko bakoreshaga amayeri, nko kuvuga ko amahoro yagarutse, maze

[334] Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 66-69, ibika 369-381.

abantu bari bihishe mu masaka bakayasohokamo n'abari mu bisenge by'amazu bakabimanukamo, maze bakicwa. Umutangabuhamya avuga ko atari muri iyo nama[335].

268. Umutangabuhamya wiswe J avuga iyo nama mu magambo avunaguye kandi muri rusange. Bitewe n'uko atari ayirimo, ibyo atangaho ubuhamya ni ibyo yumvanye abandi, kandi ubuhamya bwe bwose ntibufite ubundi bubushyigikira. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanga nta cyemeza ko Uregwa yakoresheje inama kuri CERAI maze agahamagarira abantu, barimo n'Abakiga, kwica Abatutsi.

Umutangabuhamya wiswe H

269. Umutangabuhamya ushinja wiswe H avuga ko Uregwa yakoresheje inama muri Komine ya Gacaca [sic]. Avuga ko Uregwa yavuze ko amatongo y'amazu yose y'Abatutsi yari yashenywe kandi yari hafi y'umuhanda yagombaga kuvanwaho ntihagire ikintu kiranga ko higeze amazu kubera ko ngo hari komisiyo y'abazungu yagombaga kuza kubaza amakuru yerekeye ba nyiri ayo mazu. Umutangabuhamya avuga ko ayo mabwiriza yakurikijwe[336].

270. Urugereko rusanga ubuhamya bwa H budasobanutse kandi budafite ubundi bubushyigikira. Nta wamenya niba uyu mutangabuhamya yari mu nama cyangwa se niba ubuhamya bwe bushingiye ku nkuru mbarirano. Urugereko rusanga rero nta muntu wamenya neza niba Uregwa yarakoresheje koko inama i Gacaca ndetse ngo amenye n'ibyaba byarayivugiwemo.

[335] Reba inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 31 Mutarama 2000, imp. 28-30 na 22-24.
[336] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ugushyingo 1999, imp. 77-78.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Umutangabuhamya wiswe KA

271. Umutangabuhamya ushinjura wiswe KA avuga ko muri Segiteri ya Gihara, habaye inama mu mpera za Gicurasi cyangwa mu ntangiriro za Kamena, ubwicanyi bucogoye[337]. Iyo nama yayijyanyemo na nyina na nyirarumwe maze ayibonamo Konseye wa Gihara, bamwe mu bayobozi b'amasegiteri n'abapolisi ba Komine. Umutangabuhamya avuga ko nyina na nyirarume ari Abatutsi kandi ko muri abo bantu benshi harimo abana b'imfubyi b'Abatutsi n'Abatwa. Konseye wa Gihara yatangije inama maze yereka abari muri iyo nama Uregwa. Umutangabuhamya avuga ko Uregwa:

> "…yasabye akomeje abaturage b'amasegiteri ya Kigeyu na Gihara gukora uko bashoboye kose ngo babuze abo Bakiga kwica no kwiba kubera ko ari ho bacaga bajya gukora ibikorwa by'ubugizi bwa nabi. Yababwiye ko na bo ubwabo bagomba kwirindira umutekano wabo kandi ntibahe inzira abo Bakiga baba bazanywe no kwica no gusahura[338].

272. Umutangabuhamya wiswe KA yongeraho ko Uregwa yasabye abantu bari babishoboye gutwara umwana umwe cyangwa babiri b'imfubyi z'Abatutsi, bakabatunga bakanabarera nk'abana babo bwite n'uko we [KA] na nyina bagatwara abana babiri. Uregwa yanasobanuriye abaturage bari bateraniye aho uko bagombaga kubungabunga umutekano wabo mu tugari no mu midugudu batuyemo[339]. Urugereko rusanga Porokireri ataranyomoje mu buryo bweruye uyu mutangabuhamya ku birebana n'iyo nama.

Umutangabuhamya wiswe WE

273. Umutangabuhamya ushinjura wiswe WE wari wahunze avuye i Kigali avuga ko yari mu nama yakoreshejwe n'Uregwa i Mabanza mu mpera za Mata. Asobanura ko yagiye

---

[337] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 22 Gicurasi 2000, imp. 47-49.
[338] Kimwe no haruguru, imp. 67-68.
[339] Kimwe no haruguru, imp. 69-72.

kureba inshuti ye yari yihishe i Kibirizi maze yava kuvugana nayo agasanga abantu nk'ijana ku isoko ry'i Kibirizi, bamwe bahagaze, abandi bicaye. Yumvise umuntu abwira ijambo iyo mbaga y'abantu, maze ahegereye abona Uregwa arimo avuga[340]. Umutangabuhamya agira ati:

> "Yabwiraga abaturage mu ijwi riranguruye, abasaba gutandukanya umwanzi w'igihugu n'Umututsi muri rusange. Yavugaga ko umwanzi w'igihugu yari FPR yateye u Rwanda naho ko Umututsi usanzwe ari umuturanyi, ko ari umuturage nk'abandi, kandi ko bagombaga gufatanya mu gukemura ibibazo byabo bya buri munsi, batagombaga gutega amatwi abantu baturutse hanze, ni ukuvuga Abakiga n'Interahamwe bari baje gusahura no kwica"[341].

274. Byongeye kandi, WE avuga ko yabonye abapolisi babiri aho hantu. Yahamaze iminota nka 15 ariko ntiyumvise Uregwa avuga ko azahana umuntu uwo ari we wese uzafatirwa mu bwicanyi[342].

275. Nta kintu kigaragaza ko habayeho gutumira abaturage muri iyo nama cyangwa ko abandi bayobozi bari bayirimo. Ubuhamya bwa WE mu Rukiko buhuye n'ubwanditse yatanze mbere ku itariki ya 13 Ukuboza 1999[343] n'ubwo nta bundi bwatanzwe bubushyigikira. Byongeye kandi, mu ibaza rinyomoza, Porokireri ntiyanyomoje, ku buryo bwihariye, ibyo umutangabuhamya avuga kuri iyo nama.

---

[340] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Gicurasi 2000, imp. 88-89.
[341] Ni kimwe no haruguru, imp. 89-90.
[342] Ni kimwe no haruguru, imp. 110-117.
[343] Reba ikimenyetso gihamya N° 78 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Umutangabuhamya wiswe KC

276. Umutangabuhamya ushinjura wiswe KC avuga ko yagiye mu nama ebyiri. Iya mbere yabereye hafi y'ahitwa "*Camp Islam*" mu ntangiriro za Kamena. Avuga ko hari abantu bagera nko ku 150, bagizwe n'abagabo, abagore n'urubyiruko, bamwe bicaye abandi bahagaze. Yari kumwe n'inshuti ze enye. Yongeraho ko atumvise bahamagarira abantu kuza muri iyo nama. Umutangabuhamya yaba yarabonye Uregwa, umufasha wa burugumesitiri witwaga Antère, n'abapolisi ba Komine. Avuga ko nta Mututsi n'umwe yabonye muri iyo nama.

277. KC yemeza ko Uregwa yavugaga adakoresheje indangururamajwi[344]. Uyu mutangabuhamya agira ati:

> "Ndibuka ko yabwiraga abaturage ko batagomba kumva ibyo abantu bavuye mu majyaruguru nakomojeho bababwira, ni ukuvuga abo twita Abakiga, barimo bagerageza kubiba amacakubiri mu baturage. Yabasabye gukomeza kubana neza mu mahoro. Yavuze ko umwanzi ari umwe, FPR, kandi ingabo z'u Rwanda akaba ari zo zishinzwe guhangana na we, ko bagomba gukomeza kunga ubumwe"[345].

278. Umutangabuhamya avuga ko Uregwa asubiza ibibazo, yabwiye abari mu nama kudafata amasambu y'Abatutsi bahunze no kutayangiza kubera ko umunsi umwe bashobora kuzagaruka[346]. KC akomeza avuga ko "nta muntu wavuze ko afite ibibazo kubera ko abantu bari babifite bari bakihishe[347]".

279. KC akomeza avuga ko hashize umunsi umwe cyangwa ibiri, yagiye mu yindi nama yabereye ku isoko ry'i Kibirizi aho yari yagiye kugura inzoga. Asobanura ko Uregwa

---

[344] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 28 Mata 2000, imp. 22-27 na 35.
[345] Ni kimwe no haruguru, urup. 27.
[346] Ni kimwe no haruguru, urup. 28.
[347] Ni kimwe no haruguru, urup. 37.

n'uwari umufasha we bari muri iyo nama kandi ko yitabiriwe n'abantu bagera kuri 200. Umutangabuhamya avuga ko Uregwa atakoresheje indangururamajwi ndetse ko yavuze amagambo asa n'ayo yavuze mu nama ya mbere. Umutangabuhamya yahavuye inama itararangira.

Umutangabuhamya wiswe K

280. Umutangabuhamya ushinja wiswe K, icyo gihe wari wihishe mu rugo rw'Abayisilamu, avuga ko yari mu nama Uregwa yafashemo ijambo ku ivuriro. Asobanura ko yari yambaye nk'Umuyisilamu, bakamubwira kujyana n'imbaga y'abantu, kandi ko iyo nama yashoboraga gutangaza ko ihumure rigarutse. Ntazi ukwezi iyo nama yabayemo cyangwa ngo amenye niba abandi bayobozi cyangwa abandi Batutsi barayitabiriye. Urugereko rusanga rukurikije ibyo umutangabuhamya yavuze ku itariki ya 10 Nyakanga 1999 mu buhamya bwe bwanditse, iyo nama yarabaye mu ntangiriro za Kamena 1994[348].

281. N'ubwo atashoboraga kumva ibyavugwaga byose, umutangabuhamya yumvise bimwe mu byavuzwe n'Uregwa. Mu ibaza rinyomoza yemeje ko muri iyo nama Uregwa yakoresheje indangururamajwi[349]. Umutangabuhamya agira: "Numvise abwira abaturage gusenya amazu yose bakayashyira hasi". Ku bw'uyu mutangabuhamya, amazu yavugwaga ni ay'Abatutsi. Yakomeje avuga ko Uregwa yasobanuye ko abazungu bashoboraga kuza, bakabaza ba nyiri ayo mazu abo ari bo. Byari ngombwa rero kuyasenya kugira ngo hatazabazwa ibibazo nk'ibyo[350].

282. Umutangabuhamya wiswe K avuga ko abantu bari muri iyo nama babajije ibibazo. Umuntu wareraga abana babiri b'Abatutsi bari barapfushije nyina yasabye Uregwa kumufasha kubarera no kubitaho. Uyu mutangabuhamya avuga ko Uregwa yaba

[348] Reba ikimenyetso gihamya Nº 14 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[349] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 25 Mutarama 2000, imp. 99-103 na 163.
[350] Ni kimwe no haruguru, imp. 99-102.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

yaramushubije ko we atari umuryango utabara imbabare wagombaga kubarera, kandi ko niba adashoboye kubarera yagombaga kubajyana i Kinihira. Uyu mutangabuhamya avuga ko Kinihira byavugaga ibyobo binini bajugunyagamo imirambo y'Abatutsi bishwe[351].

283. K avuga ko umwe mu bantu benshi bari bateraniye aho yabajije Uregwa uko abantu bari bihishe mu mirima y'amasaka bari kumera bitewe n'uko igihe cy'isarura cyari cyegereje. Uregwa "yaramusetse maze aramubwira ngo abajyane i Kinihira". Umutangabuhamya yagize ubwoba maze ajya kwihisha[352].

Umutangabuhamya wiswe ZD

284. Umutangabuhamya ushinjura wiswe ZD avuga ko yagiye mu nama ebyiri hagati ya Gicurasi na Kamena 1994. Iya mbere yabereye mu Ryanyirakabano muri Segiteri ya Rubengera. Asobanura ko rimwe nyuma ya saa sita, ubwo yari avuye gusura mubyara we ku Gitikinini, Uregwa yamutwaye mu modoka ye, icyo gihe bakaba barajyaga mu cyerekezo kimwe. Yagiye muri iyo nama hamwe n'Uregwa. Avuga ko hari abagabo, abagore, n'abana bagera ku ijana. Uregwa yashakaga gusaba abantu kureka guhiga Abatutsi. Yongeraho ko we "yumvise ko, mu by'ukuri yashakaga guha ubutumwa abaturage na bo bakabugeza ku bagabaga ibitero, bashakaga noneho gutera mu ngo bakekaga ko zihishemo Abatutsi. Jye numva ubwo butumwa bwarumvikanye neza kandi abarokotse bashobora kubyemeza"[353].

285. ZD avuga ko Uregwa atifashishije indangururamajwi muri iyo nama. Mu bantu bari bahari, twavuga nk'umupolisi wari urinze Uregwa, Konseye wa Segiteri ya Rubengera n'abagize komite z'amaserire[354].

---

[351] Ni kimwe no haruguru, urup. 103.
[352] Ni kimwe no haruguru, urup. 105
[353] Inyandikomvugo y'iburanisha, 3 Gicurasi 2000, urup.43.
[354] Ni kimwe no haruguru, urup. p. 43.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

286. Ku byerekeranye n'inama ya kabiri, umutangabuhamya avuga ko abakonseye n'abakuru b'amaserire bamenyesheje abaturage ko Uregwa yagombaga gukoresha inama i Mushubati igamije kugarura amahoro. Avuga ko Uregwa yasabye "ba Nyumbakumi na ba resiponsabule b'amaserire kubarura iyo mitungo kugira ngo ikodeshwe ku mafaranga makeya yakwinjira mu isanduku ya Komine ya Mabanza, maze abantu bareke kurwanira iyo mitungo"[355].

287. Abari mu nama bari Abahutu. Koko rero, "icyo gihe Abatutsi bamwe bari barishwe, abandi barahunze naho abasigaye bihishe". Umutangabuhamya yemera ko ingamba zari zafashwe n'Uregwa zajyaga guhesha Abahutu amasambu yari asanzwe ari ay'Abatutsi. Cyakora, yongeraho ko "icyari kigamijwe […] cyari ukurangiza impaka zari hagati y'Abahutu bari bigaruriye imitungo y'Abatutsi batari bagihari, kubera ko bari barapfuye cyangwa barahunze"[356] . Umutangabuhamya yongeraho ati:

> "Mu by'ukuri muri iyo nama yashakaga kureba uko yaha ububasha abandi bantu ngo bakemura ibyo bibazo byariho mu rwego rwo gucunga iyo mitungo, asaba abakonseye, ba Nyumbakumi kugabanya abaturage iyo mitungo kuko nk'urugero, bitashobokaga ko buri wese ashobora kwiharira kimwe cya kabiri cy'umusozi. […] yashakaga guha abantu uburenganzira bwo gukemura ku bwabo ikibazo kirebana n'igabana ry'iyo mitungo bitabaye ngombwa ko abitangamo amategeko abibahatira we nk'umutegetsi. Yashakaga kubasaba kubarura iyo mitungo hanyuma hagakurikiraho kuyikodesha… ntibizongere gutangwa ku buntu, bigakodeshwa…Haboneka amafaranga, agashyirwa muri Komine. Mu by'ukuri, yahaga…yashakaga guha abayobozi begereye abaturage ububasha bwo kwihitiramo uko bakemura icyo kibazo"[357].

---

[355] Ni kimwe no haruguru, imp. 45-46. Ijambo *nyumbakumi* risobanura ahantu hagizwe n'ingo icumi.
[356] Ni kimwe no haruguru, urup. p. 49.
[357] Ni kimwe no haruguru, imp. 53-54.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

288. Umutangabuhamya avuga ko iyo mitungo yari yaramaze kwigabizwa n'Abahutu, bityo bikaba bitari ukuyibaha ahubwo kwari ukuyibagabanya mu buryo bwiza kurushaho[358]. ZD nta nama azi yigeze iremeshwa mu ishuri ry'i Rubengera.

Umutangabuhamya wiswe ZJ

289. Umutangabuhamya ushinjura wiswe ZJ avuga ko we nk'umurwanashyaka w'ishyaka rya politiki, yagiye mu nama yabereye mu cyumba cy'inama ku biro bya Komine mu ntangiriro za Gicurasi. Muri iyo nama yari yatumijwe n'Uregwa, hari abagize za komite z'amashyaka yose ya politiki muri Komine, arimo MDR, ishyaka riharanira imibereho myiza na demokarasi (PSD), MRND na CDR. Umutangabuhamya ntiyibuka niba ishyaka rya PL ryari rifite urihagarariye muri iyo nama. Uyu mugatangabuhamya agira ati:

> "Burugumesitiri yasobanuye uko ibintu bimeze muri Komine, maze avuga ko nk'uko buri wese yari abizi kandi yari yabibonye, umutekano wari wahungabanijwe n'abantu baturutse hanze ya Komine, hanyuma ashimangira ko abantu bagomba kwishyira hamwe, batagomba kongera gusubiranamo, ko bagomba kwishyira hamwe […] kugira ngo bagarure umutekano. Yasabye ko abantu batari bicwa bakihishe bagomba kurindwa neza, bagafatwa neza, bakavurwa, … yavuze ko… yongeyeho ko adashaka kongera kumva ibintu by'ubwicanyi hanyuma ababwira iby'umushinga werekeranye no gushyiraho za komite mu maselire n'amasegiteri zishinzwe kurinda imitungo y'abo bantu."[359]

Umutangabuhamya avuga ko abari muri iyo nama bose bemeye igitekerezo bagejejweho n'Uregwa[360].

---

[358] Ni kimwe no haruguru, urup. 54.
[359] Ni kimwe no haruguru, imp. 137-138.
[360] Ni kimwe no haruguru, urup. 138.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Uregwa

290. Uregwa avuga ibintu bikurikira:

> "Hariho intagondwa z'Abatutsi n'iz'Abahutu. Nagombaga rero gucungana nuko ibintu bimeze muri rusange ngahora nitwara ku buryo ntaho mbogamira, ngerageza kutagira aho mbogamira, singire uruhande mbogamiramo, ariko ku mpande zombie hari intagondwa, mu Bahutu no mu Batutsi […] Muri icyo gihe, hari ibihuha bivuga ko FPR yari gufata igihugu cyose mu minsi itarenze itatu. Mu Batutsi, hari abigambaga ko FPR yari gutsinda mu minsi itatu gusa. Namwe rero mwumve ingorane nari ndimo…nari mfite nibura 70% by'Abahutu naho 30% ari Abatutsi. Nagombaga kugusha neza Abahutu, cyane cyane mbumvisha ko umwanzi atari umuturanyi wabo, ko ahubwo umwanzi ari uturuka hanze; ariko no ku rundi ruhande na ho nagombaga…nagombaga gufata…abantu…Abatutsi bahembera urwango mu bandi, batuma abaturage bahaguruka bakivumbagatanya[361].

291. Uregwa avuga ko ku itariki ya 4 Gicurasi 1994 yandikiye ibaruwa amashyaka ya politiki, abanyamadini, abakonseye, abakuru b'imirimo n'aba komite z'amaserire, abatumira mu nama yo ku itariki ya 6 Gicurasi 1994. Iyo baruwa ifite nomero 0287 mu gitabo cy'amabaruwa cya Komine[362]. Uregwa asobanura ko iyo nama yari igamije kugerageza "guhagarika imvururu muri Komine". Avuga ko "mu rwego urwo ari rwo rwose rw'ubuyobozi bwa Komine bashakaga kuvuga rumwe no gutanga ubutumwa bumwe, kugira ngo babashe guhagarika ubwicanyi bwari bwaratangiye muri Mata". Mu gutegura inama yo ku itariki ya 6 Gicurasi 1994, Uregwa yandikiye abahagarariye amashyaka ya politiki abatumira mu nama yo ku itariki ya 5 Gicurasi 1994[363]. Uregwa asobanura ko yashakaga ko we n'abo bantu bahagarariye amashyaka babasha "kuvuga rumwe imbere

[361] Inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, imp. 21- 23.
[362] Ikimenyetso gihamya N° 18 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[363] Ni kimwe no haruguru, kiri kuri nomero ya 0288 [mu gitabo cy'amabaruwa].

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

y'abantu bari kwitabira inama yari kuba bukeye". Avuga ko mu nama yo ku itariki ya 5 Gicursi 1994, habayeho "kutumvikana ku bibazo ndetse abantu bagashinja abandi". Yongeraho amagambo akurikira:

> "Nk'urugero, abo muri MRND bavugaga ko abo muri MDR bashakaga kubica; abo muri CDR na bo bati birazwi neza ko urundi ruhande rufite amalisiti y'abantu batavuga rumwe na rwo bagomba kwicwa. Twasuzumye icyo kibazo iyo nama iraye iri bube dusanga nyine ari ibihuha bigamije guca abaturage mo ibice. Tumaze kuvumbura icyo kibazo, twakoranye inama ku itariki 6 noneho n'abandi bose, ariko tuzi aho ikibazo nyakuri kiducamo ibice gihereye".

292. Uregwa avuga ko iyo nama yarangiye "abayitabiriye bose bafashe umugambi umwe wo guhagarika ubwicanyi muri Komine ya Mabanza yose"[364].

293. N'ubwo adatanga itariki nyayo y'iyo nama, ZJ avuga ko iyo nama yabaye mu ntangiriro za Gicurasi. Ubuhamya bwe buhura, kuri byinshi, n'ubw'Uregwa ku byerekeranye n'inama yo ku itariki ya 5 Gicurasi 1994, cyane cyane ku mwirondoro w'abayijemo ari bo abahagarariye amashyaka ya politiki, no ntego yayo ari yo guhagarika ubwicanyi n'imvururu.

294. Nta kimenyetso na kimwe cyatanzwe n'umuntu utagikomoye ku bandi cyemeza ibyavugiwe mu nama yo ku itariki ya 6 Gicurasi 1994 yabereye ku biro bya Komine. Cyakora, Urugereko rusanga urebye ibimenyetso byerekeye inama ya mbere, cyane cyane ubuhamya ZJ yatanze mu Rugereko, imvugo y'Uregwa yemeza ko inama ya kabiri na yo yari igamije impamvu zumvikana z'umutekano, nta wayihakana avuga ko atari ukuri. Urugereko rusanga ibimenyetso kuri izo nama zombi bidashyigikira ibivugwa ko

[364] Reba Inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, imp. 135-138; inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, urup. 73.

Uregwa yashishikarije abantu gushakisha no kwica Abatutsi. Porokireri ntahakana ku buryo bweruye ko izo nama zabayeho[365].

295. Mu ibaruwa yo ku itariki ya 1 Kamena 1994 yohererejwe Abakonseye ba Kibilizi, Rubengera na Gacaca, Uregwa yatumije "inama y'abaturage bari gukorana Burugumesitiri"[366]. Uregwa avuga ko iyo nama yari imwe "mu nama zo kugarura amahoro". Abisobanura muri aya magambo:

> "Nyine izo ni za nama nayoboye mu rwego rwa segiteri kugira ngo jyewe ubwanjye menye ibibazo abaturage bafite, nganire na bo, nkemure ibibazo kandi cyane cyane mbahe amabwiriza bakurikiza muri icyo gihe"[367]

296. Inama yabereye ahitwa Kunyenyeri muri Segiteri ya Gacaca. Hari abakonseye b'amasegiteri, abagize za komite z'amaserire muri ayo masegiteri n'abaturage b'ayo masegiteri uko ari atatu, harimo n'Abatutsi bake bari basigaye muri Komine. Uregwa avuga ko bitewe n'umubare munini w'abantu bari mu nama, yafashe ijambo imbere y'iyo mbaga y'abantu akoresheje indangururamajwi. Abivuga muri aya magambo:

> "Uwo munsi rero wari uwo kugarura umutekano mu baturage. Nabasabaga kutitiranya umwanzi n'abaturanyi babo. Navugaga ko umwanzi yari FPR yateye igihugu iturutse hanze. Bityo, nabasabye kudatera abaturanyi babo…kubera ko icyo gihe Umututsi wese yafatwaga nk'ukorera FPR. Muri rusange, iyo ngingo ni yo yaganiriweho, ariko abaturage na bo babajije ibibazo bitari bike"[368]

297. Abantu babajije ibibazo byerekeranye n'imitungo yasizwe n'impunzi n'umutekano muke wariho muri rusange. Uregwa avuga ko abaturage binubiye "abantu bo mu majyaruguru" banamusaba gukora ku buryo batazongera kugaruka "guteza akaduruvayo". Uregwa

---

[365] Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp.66 na 67, igika cya 373.
[366] Ikimenyetso gihamya N° 18 cyatanzwe n'Ubwunganizi, kiri kuri N° 0324 [mu gitabo cy'amabaruwa].
[367] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, urup.55.
[368] Ni kimwe no haruguru, urup.57.

avuga ko abaturage "bashakaga kwerekana abakora ibikorwa bibi n'amabandi twari tuzi muri Mabanza kandi twashoboraga gufatira ingamba". Nta Mututsi n'umwe mu bari bahari wabajije Uregwa impamvu yananiwe kubarindira umutekano[369].

298. Uregwa avuga ko yanakoresheje inama muri segiteri ya Mukura n'iya Kigeyo. Asobanura ko yasabye Abahutu "kutita abantu ibyitso kugira ngo babone uko babica" kubera ko "ibyo byatumaga bica abavandimwe babo"[370].

299. Byongeye kandi, Uregwa avuga ko ku wa gatanu tariki ya 10 Kamena 1994, yakoranye inama "n'abaturage" i Kabuga muri Segiteri ya Gihara. Iyo nama yayitumije akoresheje ibaruwa yoherereje Abakonseye ba Segiteri za Kigayu na Gihara ku itariki ya 7 Kamena 1994[371]. Muri iyo nama, hari abakonseye b'amasegiteri, umwe mu bagize komite ya serire n'abaturage benshi bavuye mu masegiteri. Uregwa avuga ko muri iyo nama yavuze bimwe n'ibyo yavugiye mu zayibanjirije. Asobanura ko abaturage babajije ibibazo ku mutekano, ku mitungo abantu bigaruriye, ku bantu babeshyerwaga ko ari icyitso no ku manza abaturage bo muri segiteri bari bafitanye[372].

300. Mu buhamya bwe, Uregwa avuga ko ku itariki ya 30 Kamena 1994 yakoresheje inama ebyiri, imwe mu gitondo indi nyuma ya saa sita. Ibaruwa itumira izo nama yari yarohererejwe abakonseye ba Kibingo, Rukaragata, Nyagatovu, Buhinga na Mushubati[373] ku itariki ya 28 Kamena 1994. Umutwe w'iyo baruwa wari "Kugarura umutekano mu baturage". Naho ku bibazo byabajijwe n'abaturage, Uregwa agira ati:

> "Urugero ni nk'uko muri Segiteri ya Kibingo, ni hafi cyane ya Komine ya Kayove, nababwiye nyine ibyo kugarura amahoro no kubaha abaturanyi, hanyuma bakambaza ngo kuki mbabwira ibyo mu gihe mu yandi makomine

[369] Ni kimwe no haruguru, urup. p. 61.
[370] Ni kimwe no haruguru, urup. 67.
[371] Ikimenyetso gihamya n° 18 cy'Ubwunganizi, ibaruwa N° 0335.
[372] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, imp. 82-85.
[373] Ikimenyetso gihamya N° 18 cyatanzwe n'Ubwunganizi kuri N° 0369 mu gitabo cy'amabaruwa.

> batabivuga batyo? Nagerageje rero kubigisha, mbasobanurira uko tugomba kwifata muri izo mvururu. Cyakora, byari bikomeye kuko aho hantu hahana imbibi n'amakomine navuze, ari yo Kayove na Rutsiro"[374]

301. Mu ibazwa rinyomoza, Uregwa yemeje ko yakoresheje inama muri karitsiye y'Abayisilamu. N'ubwo atibuka niba iyo nama yarabaye mbere cyangwa nyuma y'ikibazo cya Habayo (reba akiciro V.4.6 kari buvugwe), yibuka ko yayikoresheje "kubera ibibazo byari hagati y'Abayisilamu n'abaturage bari batuye mu gace kegeranye naho abo Bayisilamu bari batuye". Uregwa abisobanura muri aya magambo:

> "Muri icyo gihe, hari abantu benshi bakuwe mu byabo n'intambara baje bahunga imirwano baturuka za Kigali, Gitarama no mu tundi duce tw'igihugu. Bityo, hakaba hari imodoka nyinshi zari zihahagaze, n'abaturage benshi bahateraniye. Nk'uko nabibabwiye, hari ibirara byashakaga nyine kwambura abantu maze bigakwiza impuha bivuga ngo Abayisilamu bahishe imbunda n' intwaro ngo ndetse bafite na za radiyo bavuganiraho na FPR. Byabaye rero ngombwa ko nkoresha inama aho hantu, kugira ngo mvuge ko izo mpuha zitari ukuri, ko abantu twakiriye iwacu ari abakuwe mu byabo n'intambara, ko bafite ibibazo, ko ahubwo ari ngombwa kubafasha kuko ari abantu bari mu byago"[375].

Umwanzuro w'Urugereko

302. Urugereko rusanga uretse ubuhamya bwatanzwe n'umugabo wiswe K, ubundi bumaze kuvugwa ku byerekeye inama "zo kugarura umutekano" mu mezi ya Gicurasi na Kamena, hari aho bushyigikira ibyo Uregwa avuga ko yagize ibyo akora kugira ngo abuze abantu kwica Abatutsi, anagarure umutekano mu baturage. Kugabanya Abahutu

---

[374] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, imp. 141, 142.
[375] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 75-77.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

imitungo yari yasizwe na bene yo bisa nk'aho byabaye uburyo bwo guhosha imvururu mu baturage b'Abahutu zishingiye kuri iyo mitungo yigaruriwe.

303. Umutangabuhamya wiswe K ni we wenyine wibuka izo nama mu buryo butandukanye n'ubw'abandi. Ubuhamya bwe ni bugufi kandi nta wundi bahuza. Ntiyibuka ukwezi inama yagiyemo yabereyemo n'ubwo mu buhamya bwanditse avuga ko yabaye muri Kamena. Ntazi niba, uretse Uregwa, hari abandi bategetsi bari muri iyo nama. Rushingiye kuri izo mpamvu, ziyongeraho ko ubuhamya bwe kuri iyo nama bunyuranye cyane n'ubundi umuntu yagirira icyizere bwatanzwe n'abagabo biswe KA, KC, na RA ku zindi nama zose, Urugereko ntirushobora guha agaciro kanini ubuhamya bwa K bwerekeranye n'inama yabereye muri karitsiye y'Abayisilamu.

6. Imibanire ya Célestin Semanza n'Uregwa

304. Porokireri avuga ko Uregwa na Célestin Semanza wari umufasha wa burugumesitiri bagize uruhare mu marorerwa anyuranye yakorewe muri Komine ya Mabanza na Perefegitura ya Kibuye hagati ya Mata na Kamena 1994. Cyakora, Ubwunganizi bwo buvuga ko kuva aho amashyaka menshi aziye mu mwaka wa 1992, imibanire y'Uregwa na Célestin Semanza yaranzwe n'umwuka mubi, ku buryo ndetse uyu yasaga n'uwamwigometseho. Ibyo byarakomeje kugeza igihe Uregwa agendeye muri Nyakanga 1994. Ubwunganizi buvuga ko mu by'ukuri, bigaragara ko Uregwa atari akigenzura na gato Semanza cyangwa ngo amugireho ububasha na buke[376].

305. Uregwa asobanura ko, uruhando rw'amashyaka menshi rutangiye, buri shyaka ryabaga rishaka gushinga imizi mu karere runaka. Babiri mu bafasha be batatu bari abayoboke b'ishyaka rya MDR, naho Appolinaire Nsengimana akaba muri MRND kimwe

[376] Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 43–45, ibika 277-285; Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp. 102- 06, ibika 190– 228.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

n'Uregwa. Avuga ko bitewe n'uko abantu bakoranaga bari mu mashyaka ya politiki atandukanye n'irye, "nta disipulini bari bakigira mu kazi kabo, ntibari bagishaka kunyumvira, kandi nahoraga mfitanye nabo ibibazo, ku buryo byageze aho […] ngashaka kubasubiza […] Minisiteri". Ku byerekeye Semanza, Uregwa yongeraho ngo "yagendaga ahinduka indakoreka, byari bingoye kumuyobora, nuko nsaba ko yasubizwa Minisiteri y'abakozi ba Leta, ariko Perefe […] arabyanga. Yanze gushyigikira icyifuzo nari natanze"[377].

306. Uregwa yemeza ko Célestin Semanza yakoraga uko ashoboye kugira ngo abangamire akazi ke [Uregwa]. Asobanura ko ku itariki ya 1 Nzeri 1992, Semanza wari umunyamabanga wa MDR muri Mabanza, Etienne Munyandora wari Perezida w'iryo shyaka muri Mabanza na Habiyaremye wari umubitsi w'iryo shyaka muri iyo Komine, banditse bavuguruza raporo y'ibanga [Uregwa] yari yoherereje Perefe wa Kibuye. Uregwa avuga ko yari yanditse iyo raporo amaze gusaba ko Semanza yirukanwa ku mwanya w'umufasha wa burugumesitiri. Niyo mpamvu, "Semanza yashakaga kwihorera byanze bikunze"[378]. Muri iyo baruwa inyomoza iye, abayisinye bagira bati:

> "Tuboneyeho, Bwana Perefe, umwanya wo kubamenyesha ko iyo raporo ishingiye ku binyoma kandi ko Burugumesitiri ashaka kwisobanura k'ukuba atarashoboye kohereza raporo nyakuri mu bihe byateganyijwe. […] Bwana Perefe, turabasaba ko mwebwe ubwanyu mwakwikorera ipereresa kugira ngo mumenye ibyabaye muri Komine munasuzume ukuri kw'ibyo Burugumesitiri yemeza, hagamijwe kwerekana ukuri nyako. Koko rero, raporo z'impitagihe abagezaho ntizirimo ukuri kandi zigamije gusebya MDR, bityo agatuma ukeka ko iryo shyaka ari ryo rikurura imyivumbagatanyo muri Komine, nyamara mu by'ukuri Burugumesitiri ari we ubwe wateye icyo kibazo, kuko

[377] Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, imp. 78–80.
[378] Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, urup. 102.

> atabonanye n'abaturage kugira ngo yumve ibitekerezo byabo anashakire hamwe na bo umuti w'ibibazo bafite"[379]

307. Ubwunganizi buvuga ko imibanire mibi ya Semanza n'Uregwa igaragarira mu mabaruwa yerekeranye n'inyereza ry'umutungo wa Komine ryakozwe na Semanza ndetse n'isiba rye ku kazi. Mu ibaruwa yo ku itariki ya 3 Kamena 1992 yohererejwe Perefe Kayishema, Uregwa abwira Perefe gusaba inkunga ya Minisiteri y'Abakozi ba Leta kugira ngo igaruze amafaranga 133.400 yanyerejwe na Semanza igihe umubaruramari wa Komine yari muri konji[380]. Kubera iyo baruwa, Pierre Kayondo, wari Perefe wa Kibuye icyo gihe, yandikiye ibaruwa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komine ku itariki ya 10 Kamena 1992, anaha kopi Uregwa. Muri iyo baruwa, yasabaga Minisitiri gutegeka ko "ayo mafaranga amaze kuvugwa akurwa ku mushahara w'umukozi Célestin Semanza kugira ngo Komine isubizwe umutungo wayo"[381].

308. Ku itariki ya 9 Ugushyingo 1992, Semanza yoherereje Uregwa ibaruwa amusobanurira impamvu zatumye haboneka icyuho mu isanduku ya Komine. Yongeyeho ko yari yatangiye kwishyura ayo mafaranga, kandi ko yateganyaga kujya agira icyo yishyura buri kwezi[382]. Cyakora, mu ibaruwa yo ku itariki ya 14 Ugushyingo 1992, Uregwa yoherereje Semanza, yamubwiraga ko ibyo [Semanza] yakoze yari yabigambiye. Yanamwibutsaga ko n'ubwo yari yaremeye kujya agira ayo yishyura buri gihe, nta faranga na rimwe yari yakwishyura[383]. Uwo munsi, Uregwa yoherereje ibaruwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komine i Kigali, yongera gusaba ko amufasha kugaruza amafaranga Semanza agomba isanduku ya Komine no kumuhanisha kumuca amafaranga.

---

[379] Ikimenyetso gihamya N° 57 cyatanzwe n'Ubwunganizi (Byahinduwe bivanywe mu cyongereza n'umuntu utabiherewe ububasha n'Urukiko).
[380] Ikimenyetso gihamya N° 31 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[381] Ikimenyetso gihamya N° 30 cyatanzwe n'Ubwunganizi (Byahinduwe bivanywe mu cyongereza n'umuntu utabiherewe ububasha n'Urukiko).
[382] Ikimenyetso gihamya N° 29 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[383] Ikimenyetso gihamya N° 20 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Muri iyo baruwa, Uregwa anavugamo ko yifuza kumurega mu nkiko niba adafatiwe ibyemezo mu rwego rw'ubutegetsi igihe kitararenga[384].

309. Uregwa avuga ko Semanza yageze aho akemera kuriha umwenda yarimo. Habayeho amasezerano yo kwishyura hagati ya Komine na Semanza aho yiyemezaga kujya yishyura buhoro buhoro amafaranga yagombaga Komine[385].

310. "Urupapuro rwemeza imikorere y'umukozi guhera ku itariki ya 1 Mata 1993 kugeza ku ya 31 Werurwe 1994" rwakorewe Semanza kandi rwasinyweho n'Uregwa ku itariki ya 6 Ugushyingo 1992 rurimo iby'inyerezwa ry'amafaranga ryavuzwe[386]. Uregwa avugamo ngo "Biraruhije guca iyi mico mibi ishobora kwiganwa n'abakozi bo mu bucungamari bw'iyi Komine". Porokireri amubajije impamvu yari yasabye ko uwakoze icyaha yazamurwa mu ntera, Uregwa yashubije muri aya magambo: "Mu by'ukuri, navuze ngo "ntarageza igihe [cyo kuzamurwa mu ntera]"; ariko nyuma, ndabona byarasibwe ayo magambo barayasibye bayasimbuza "arabikwiye"; Sinzi impamvu bayasibye." Uregwa ntiyashoboye kwibuka neza itariki yujurijeho urwo rupapuro cyangwa kwibuka niba yarigeze ahindura ibyo byahindutse uretse ko yemeza ko ushingiye ku manota yatanzwe kuri urwo rupapuro w'imikorere y'umukozi, igihe cyari kitaragera ngo Semanza azamurwe mu ntera[387]. Cyakora, Urugereko rusanga kuri urwo rupapuro hariho "ni byiza cyane" eshatu, "ni byiza" eshanu, muri rusange bikaba "arakora".

311. Nk'ibindi bimenyetso bigaragaza ko imibanire ye na Semanza itari myiza, Uregwa yerekanye amabaruwa avuga ko Semanza yasibye akazi ku itariki ya 15 Ukuboza 1992. Mu ibaruwa yo ku itariki ya 16 ukuboza 1992 yoherereje Semanza, Uregwa amusaba guhita yisobanura ku mpamvu zatumye asiba akazi[388]. Mu gisubizo cye cyo ku itariki ya

[384] Ikimenyetso gihamya N° 27 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[385] Ibimenyetso bihamya N° 25 na 26 byatanzwe n'Ubwunganizi.
[386] Ikimenyetso gihamya N° 20 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[387] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 122-126.
[388] Ikimenyetso gihamya N° 24 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

17 Ukuboza 1992, Semanza asobanura ko Uregwa yari yamuhaye uruhushya mu magambo rwo kujya mu mihango yabereye ku Kibuye. Semanza yongeraho ati "…keretse niba ari umutego wari wanteze, naho ubundi ntibyashoboka ko uhakana ko wowe ubwawe wampaye uruhushya"[389]. Mu ibaruwa yo ku itariki ya 19 Ukuboza 1992 yohererejwe Semanza, Uregwa arasubiza ati: "…Mbabajwe no kukumenyesha ko atari byiza kubeshya, cyane iyo ubeshya ugira ngo ushinje ugukuriye mu kazi. […] Kubera ko buri gihe wagiye ushaka kwerekana ko uzi ubwenge kurusha umuyobozi wawe no gukwepa inshingano z'akazi, iyo mikorere yawe itumye ngusubiza minisiteri zigushinzwe zaguhaye akazi"[390].

312. Uregwa avuga ko yohereje iyo baruwa muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'igihugu kugira ngo yirukanishe Semanza ariko ko nta gisubizo yabonye. Uregwa yongeraho ko bitewe n'uko abamukuriye mu kazi batemeye icyifuzo cye, byatumye Semanza yiyumvamo ko ari "indakoreka maze akajya yikorera icyo yishakiye"[391]. Ahangaha, Urugereko rusanga umutangabuhamya w'impuguke witwa Guichaoua watanzwe na Porokireri avuga ko ububasha bw'umuburugumesitiri bwaterwaga n'imibanire ye n'abayobozi mu rwego rw'igihugu[392].

313. Ubwunganizi bubona ko umwuka mubi wari hagati ya Semanza n'Uregwa wari ushingiye ku bitekerezo byabo bya politiki bitandukanye byavutse mu gihe cy'amashyaka menshi. Uregwa, wari umuyoboke wa MRND, avuga ko Semanza yari umunyamabanga wa MDR muri Mabanza. Yongeraho ko buri shyaka rya politiki ryashakaga urihagarariye muri Komine, kandi ko "mu mikorere yabo, bageragezaga mbere na mbere gukuraho [abahagarariye andi mashyaka] kugira ngo babasimbuze abayoboke b'amashyaka

[389] Ikimenyetso gihamya N° 23 cyatanzwe n'Ubwunganizi (Byahinduwe bivanywe mu cyongereza n'umuntu utabiherewe ububasha n'Urukiko).
[390] Ikimenyetso gihamya N° 22 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[391] Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, urup. 93.
[392] Inyandikomvugo y'iburanisha, 14 Gashyantare 2000, urup.26.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

yabo"[393]. Uregwa avuga ko "buri shyaka ryashakaga gukuraho ibiriho byose muri Komine cyangwa kuyigarurira […] MDR yashakaga kwigarurira Komine, PSD ikabishaka kimwe na MRND. Ibyo ni byo byateraga ubushyamirane hagati y'amashyaka"[394].

314. Umutangabuhamya wiswe ZD wari umwe mu bayobozi bakuru b'ishyaka ritavugaga rumwe n'ubutegetsi kuva mu mwaka wa 1992 kugeza igihe cy'ibyabaye, avuga ko umugambi w'amashyaka ataravugaga rumwe n'ubutegetsi wari uwo gusimbuza Uregwa umukandida wa MDR, ari we Semanza wari ushyigikiwe na benshi mu bayobozi ba MDR. ZD abisobanura muri aya magambo: "Ndababwiye, … iyo umuntu ashaka kujya ku butegetsi, ntabwo aba akivuga ngo uyu n'uyu ni inshuti ye. Twebwe, twashakaga ubutegetsi bityo tugashaka gushinga imizi mu rwego rwa Komine"[395]. Hanyuma yongeraho ati:

> "Nababwiye ko twashakaga gukura [Uregwa] kuri uwo mwanya. Mumbabarire kuba mbivuze. Amahirwe twagize ni uko umuntu twashakaga gutanga yitwaraga nabi, cyane cyane mu mwaka wa 1994. Twarabibonye. Wenda yumvise dushaka kumutangaho umukandida ngo asimbure burugumesitiri maze bituma yumva ko akomeye. [Uwo ni] Semanza, wari ushyigikiwe n'umuyobozi mukuru, ndashaka kuvuga, w'ishyaka ryacu"[396]

315. ZD avuga ko mu mwaka wa 1994 abenshi mu baturage ba Mabanza bari abayoboke ba MDR[397].

316. Umutangabuhamya ushinjura wiswe KA yemeza ko amashyaka menshi aje "wabonaga abaturage bishimiye ishyaka rya MDR". Asobanura ibikurikira yemeza ko mu gihe

---

[393] Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, urup.79.
[394] Ni kimwe no haruguru, urup.156.
[395] Inyandikomvungo y'iburanisha mu muhezo, 3 Gicurasi 2000, urup.94.
[396] Ni kimwe no haruguru, urup. 100.
[397] Ni kimwe no haruguru, urup. 90.

cy'ubwicanyi, MRND nta bubasha yari igifite: "Urugero natanga ni urw'icyo gihe cyo muri Mata mu bwicanyi ubwo Semanza yakoreshaga inama. Ibyo byerekana ko yari afite ububasha kuko Burugumesitiri atigeze akoresha inama muri icyo gihe". Umutangabuhamya yongeraho ko Uregwa atigeze atumiza inama mu gihe Abakiga bari muri Komine[398].

317. KA avuga ko hagati muri Mata, "MDR yari ifite ingufu kurusha mbere kuko abenshi mu baturage bo muri Komine bari abayoboke bayo. […] Semanza ni we rero wari ukunzwe n'abaturage, niba nabivuga ntyo, kandi yifuzaga umwanya wa Burugumesitiri". Uwo mutangabuhamya akomeza avuga ko muri mitingi za MDR, abayoboke baririmbaga bavuga ngo "Burugumesitiri yagombye kwegura"[399].

318. Clément, Umutangabuhamya w'impuguke watanzwe n'Ubwunganizi, ufite impamya-bushobozi y'ikirenga mu bumenyi mbonezamubano (*sociologie*) kandi wakoze mu Rwanda, by'umwihariko muri Mabanza hagati ya 1989 na 1994, yemeza ko umwuka mubi wari waraje mu mibanire ya Semanza n'Uregwa waterwaga no kuba bombi bari abayoboke b'amashyaka ya politiki atandukanye[400]. Asobanura ko, mu manama, Semanza atemeraga ibyo Uregwa yavugaga, maze akongeraho ati "uko kumuvuguruza kwe nabonaga kudafite ishingiro kandi gukabije, bityo bigatuma nibwira ko abo bagabo bombi batumvikanaga". Umutangabuhamya asanga " ibibazo bya politiki ari byo byari nyirabayazana y'uko kutumvikana"[401].

319. Jean-François Roux, umutangabuhamya w'impuguke watanzwe n'Ubwunganizi, yayoboraga umushinga w'amajyambere muri Perefegitura ya Kibuye kugeza muri Mata 1994, kandi yakoranye na Semanza ku bibazo birebana n'igenamigambi. Uyu mutangabuhamya yemeza ko hari ukutumvikana gushingiye kuri politiki hagati

[398] Inyandikomvungo y'iburanisha, 22 Gicurasi 2000, imp. 47 na 48.
[399] Ni kimwe no haruguru, imp. 121-123.
[400] Inyandikomvugo y'iburanisha, 29 Gicurasi 2000, urup. 113.
[401] Ni kimwe no haruguru, urup. 117.

y'Uregwa na Semanza kubera ko bari mu mashyaka ya politiki ahanganye. Yongeraho ko we ubwe yabonye ibaruwa ya Semanza yerekeranye n'umushinga aho Semanza yakemangaga imyitwarire y'Uregwa[402].

320. Uregwa avuga ko iyo mibanire ye na Semanza irimo igihu yagejeje muri Nyakanga 1994. Mu ibaruwa yandikiye Perefe Kayishema ku itariki ya 24 Kamena 1994, Uregwa avugamo muri aya magambo ibibazo atumvikanaho n'abo ahanganye na bo muri politiki: "Ndabamenyesha ko izo mpuha zikwizwa n'abo tutavuga rumwe muri politiki bifuza kunsimbura"[403]. Mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa avuga ko umwe mu bantu yashakaga kuvuga muri iyo baruwa ari Semanza. Mu rubanza, Urugereko rwabajije Uregwa niba acyemeza ko Semanza yashakaga kumusimbura, maze asubiza ko akibihamya[404].

321. Ibaruwa yo ku itariki ya 27 Mata 1994 yoherejwe abaperefe bose na Minisitiri w'Intebe yasobanuraga ko amashyaka yose ya politiki ahagarariwe muri Guverinoma yari yateranye akaganira ku buryo yavana igihugu mu gihirahiro cyatewe n'urupfu rw'abayobozi bakuru b'igihugu. Perefe yohererejе iyo baruwa ababurugumesitiri bose b'amakomine[405]. Uregwa asobanura ko n'ubwo amashyaka ya politiki yakoraga inama zo kungurana ibitekerezo mu rwego rw'igihugu kugira ngo agene uburyo bwiza kurushaho bwo kuyobora igihugu, "amashyaka ataravugaga rumwe n'ubutegetsi yashakaga byanze bikunze gutsinda amatora ngo afate umwanya wa Perezida "[406]. Kubyerekeranye no kumenya niba hari ingaruka byagize, agira ati:

---

[402] Inyandikomvugo y'iburanisha, 4 Gicurasi 2000, imp. 20-23.
[403] Ikimenyetso gihamya N° 84 cyatanzwe na Porokireri (Icyiciro cya IV.7 cyavuzwe).
[404] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, imp. 123 na 124.
[405] Ikimenyetso gihamya N° 77 B) cyatanzwe na Porokireri.
[406] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 96.

> "Mbese nta cyo byahinduye ku mibanire yanjye. […] na Semanza, ariko twageragezaga kurenga ubwo bwumvikane buke bwari hagati yacu kugira ngo tugerageze guhagarika imvururu, ariko twakomeje kutumvikana. […] Intego yari buri gihe yari ugufata ubutegetsi, bityo rero nta muntu n'umwe wari wishimiye gusangira ubutegetsi n'abandi. Buri shyaka ryashakaga rwose gutsinda hanyuma rikikubira ubutegetsi bwose bwa politiki."[407]

Umwanzuro w'Urugereko

322. Urugereko rusanga haragaragajwe ko Uregwa atumvikanaga na Célestin Semanza, kenshi bigatuma Semanza yigomeka. Biragarara ko, nk'umuyoboke wa MDR, Semanza yari afite intego ze bwite mu rwego rwa politiki kandi akaba yari afite abandi bantu babimushyigikiyemo. Ntihatanzwe ibimenyetso bihagije bigaragaza ko Uregwa yari afite icyo apfa na Semanza mu buryo butaziguye, cyangwa ko Semanza yahagaritse imirimo ye nk'umufasha wa Burugumesitiri, cyangwa ko yari "indakoreka". Byongeye kandi, ibimenyetso byatanzwe ntibishyigikira ibivugwa na Porokireri ko, mu iburanisha, Uregwa "yaranzwe cyane » no gushaka kwitandukanya n'ibikorwa bya Semanza[408]. Ikibazo cyerekeranye no kumenya niba Uregwa yaryozwa ibikorwa by'ubugizi bwa nabi byakozwe n'umufasha we mu kazi kuva muri Mata kugera muri Kamena 1994 kiraza gusesengurwa mu mutwe wa V.

7. Ibaruwa yo ku itariki ya 24 Kamena 1994

323. Mu rubanza, Ubwunganizi ndetse na Porokireri bose bavuze ku ibaruwa Uregwa yandikiye Perefe wa Kibuye ku itariki ya 24 Kamena 1994, agaha kopi Burugumesitiri

[407] Ni kimwe no haruguru, urup. 98.
[408] Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, urup. 43, igika cya 277.

wa Rutsiro n'uwa Kayove[409]. Urugereko rusanga ari ngombwa kwandukura iyo baruwa yose uko yakabaye.

Bwana Prefe wa Prefegitura
KIBUYE

Bwana Prefe,

Dukurikije inkuru zitugeraho ngo haba hari ibitero biteguriwa muri ZONE MURUNDA na ZONE RUTSIRO (RUTSIRO ya RUGURU) zo muri Komini RUTSIRO, byo gutera Komini MABANZA hagati y'itariki ya Mbere ni ya Gatanu Nyakanga 1994, bitwaje ko hari ibyitso bigihishe i Mabanza ntibatinye no kunshyiramo nanjye ubwanjye ngo mfite umugore w'umututsikazi;

Mbabajwe no kubamenyesha ko nta byitso bikiri i Mabanza kandi ko niyo byahaba abaturage ba Komini MABANZA bihagije. Ntabwo dukeneye kuba ingaruzwa muheto ngo abaturage ba Komini KAYOVE na RUTSIRO bajye baza gusahura uko bashaka n'igihe bashakiye. Niyo mpamvu mbasaba Nyakubahwa Bwana Prefe kutwiyamira abaturage ba Komini KAYOVE na RUTSIRO kongera gutera Komini MABANZA kuko ifite abantu bihagije mu kugenzura ibyitso byaba bibihishemo.

Ku kibazo cyanjye bwite cy'uko umugore wanjye yaba ari umututsikazi bityo ngo nkaba ndi ikitso nashyigikira abahutu babafite n'abatutsi, ndabamenyesha ko ibyo bikwirakwizwa n'abo duhanganye muri politiki bashaka kunsimbura kuko umugore wanjye ari umuhutukazi wo mu BAGIGA, umuryango ukomeye w'abahutu batuye i RUBENGERA muri Komini MABANZA.

[409] Ikimenyetsi gihamya N° 84 cyatanzwe na Porokireri.

Kubitwaza ko mabukwe yaba ari umututsikazi, nta shingiro bifite kuko n'iyo yaba we, umwana ni uw'umugabo si uw'umugore. Kandi n'abavuga ko mabukwe ari umututsikazi baribeshya kuko mabukwe akomoka muri Segiteri RURAGWE, Komini GITESI mu muryango w'abarenga, abahutu nabo bazwi nkuko Bourgmestre wa Komini GITESI yabisobanuye mu ibaruwa ye no D 249/04/04.05/3 yo ku wa 06/06/1994, yandikiye Konseye wa Segiteri RURAGWE akabagenera kopi.

kubera izo mpamvu, nkaba mbasaba, Nyakubahwa Bwana Prefe, gukoresha uko mubishoboye kose mugahagarika ibyo bitero kuko abaturage ba Komini MABANZA bashobora kwirwanaho, ugasanga abahutu bamarana mu gihe dukeneye ubumwe bwo guhangana n'inyenzi-inkotanyi. Ntabwo twagira inyenzi-Nkotanyi zitwugarije ziturutse muri Prefegitura GITARAMA ngo tugire n'ibitero by'abahutu baturutse i KAYOVE na RUTSIRO ngo tubishobore. Niyo mpamvu inkunga yanyu ikenewe byihutirwa.

Mbaye mbashimiye[410]

324. Urugereko rusanga ibaruwa y'Uregwa ishobora kumvikana mu buryo bwinshi. Ubwa mbere, n'ubwo iyi baruwa ihamya imvugo y'Uregwa ko bamushinjaga kuba icyitso cy'Abatutsi, iranagaragaza ubukana bw'Uregwa mu kunyomoza ibyo birego. Byongeye kandi, ukurikije uko ibintu byari byifashe mu mwaka wa 1994, birakomeye kwemeza ko kuba yaranyomoje icyo kirego byafatwa nk'ingingo ihamya burundu Uregwa ibyo ashinjwa. Ubwa kabiri, Uregwa yandika avuga ko nta byitso byari bisigaye muri Komine ya Mabanza muri Kamena 1994 kandi ko Komine ye yari ishoboye kwikemurira icyo kibazo. N'ubwo ayo magambo asa n'ashyigikira ikirego cya Porokireri, ashobora no kumvikana nk'uburyo bwo kurinda Komine ibindi bitero. Ubwa gatatu, Uregwa ashimangira ibyo avuga mu buhamya bwe mu Rukiko iyo yandika ko abataravugaga

[410] Iyi baruwa yahinduwe mu gifaransa n'umusemuzi w'Urukiko.

rumwe na we muri politiki bifuzaga umwanya we wa burugumesitiri (reba Semanza, icyiciro cya IV.6). Ubwa kane, mu ibaruwa ye umuntu yakeka ko imwe mu mpungenge zikomeye Uregwa yari afite kwari kubuza ko Abahutu basubiranamo ubwabo, ibyo akabigirira ngo babashe guhangana n'Inyenzi-Nkotanyi bashyize hamwe. Iyo ngingo isuzumwe yonyine ukwayo, ayo magambo ashobora gutuma umuntu yibwira ko Uregwa yarwanyaga Abatutsi bose, ariko uyasuzumye muri rusange, usanga yerekana ko Uregwa yarwanyaga gusa abateraga baturutse mu yindi Perefegitura aho kurwanya Abatutsi bo muri Komine ye.

325. Kuri iyi ngingo, nta bimenyetso Porokireri yatanze ku buryo bwo gukoresha amagambo afite "inyito ebyiri" bukoreshwa mu Rwanda. Ariko nyuma yo kuzirikana ko ibyo bishoboka, mu isesengura ryarwo, Urugereko rusanga ibaruwa yo ku ya 24 Kamena 1994 idashyigikira, ku buryo bugaragara, ibyo Porokireri avuga.

8. Imyanzuro rusange y'Urugereko

326. Ibimanze kuvugwa biragaragaza ko Uregwa yari afite abakozi bake n'ibikoresho bike hagati ya Mata na Nyakanga 1994. Muri rusange, yari afite imodoka imwe n'abapolisi ba Komine umunani. Abajandarume yari yahawe n'abategetsi bo ku Kibuye ku itariki ya 9 Mata 1994 babatwaye mu gihe umutekano wari ukiri muke, maze bigabanya ubushobozi yari afite bwo gufata ingamba yari ategerejweho gufata muri ibyo bihe. Byongeye kandi, ibimenyetso byatanzwe bigaragaza ko hari ububasha Célestin Semanza yari afite ku Bakiga.

327. Hari ibimenyetso bituma umuntu yemeza ko mu gihe ubwicanyi bwari bukaze cyane, Uregwa yafashije abantu batari bake, barimo Abatutsi. Ibyo bimenyetso ntibituma Urugereko rubasha kwemeza niba Uregwa yaravanguraga, agafasha abantu bamwe maze akanga gufasha Abatutsi. Nyuma y'itariki ya 27 Mata 1994, Uregwa yafashe ingamba

zimwe na zimwe zo kugarura umutekano, amahoro n'ubuzima busanzwe muri Komine, no kubahirisha amategeko.

328. Ibimenyetso byasuzumwe muri uyu mutwe ntibituma umuntu yemeza ko mu myitwarire ye muri rusange, Uregwa yavanguraga Abatutsi ku mugaragaro cyangwa ko muri rusange yashishikarije abantu kubica haba mbere cyangwa nyuma ya Mata 1994. Nta bimenyetso bihagije bihari bigaragaza ko muri rusange Uregwa yirengagije ubwicanyi bwakorewe Abatutsi, bityo akaba yaremeye ko bukorwa.

329. Porokireri yatanze ibimenyetso bishinja Uregwa ibintu byabaye byihariye byibasiye Abatutsi. Urugereko rurasuzuma ibyo bikorwa mu Mutwe wa V ukurikira.

V. IMYANZURO YO MU RWEGO RW'AMATEGEKO N'URW'IBYABAYE

IBYABAYE BYIHARIYE

1. Intangiriro

330. Muri uyu mutwe, Urugereko rurasuzuma ibimenyetso byatanzwe muri uru rubanza rugerageza gukurikiza uko ibyabaye byihariye byagiye bikurikirana mu bihe:

- Icyiciro cya V.2 kivugwamo ibintu byabereye muri Komine ya Mabanza nyuma y'urupfu rwa Habyarimana, wari Perezida w'u Rwanda, ku itariki ya 6 Mata 1994. Haribandwa by'umwihariko ku byabaye kuva ku itariki ya 6 kugera ku ya 12 Mata 1994 (Reba V.2);
- Icyiciro cya V.3 cyerekeye ibyabereye mu mugi wa Kibuye kuva ku itariki ya 13 kugera ku ya 19 Mata 1994, harimo n'iyimurwa ry'"impunzi"[411] ziva ku biryo bya Komine ya Mabanza, n'ibitero byagabwe ku kigo cya *Home Saint-Jean* no kuri Sitade ya Kibuye;
- Icyiciro cya V.4 kivugwamo ibyabaye kuva hagati muri Mata 1994 kugera muri Nyakanga 1994 kandi cyerekeranye n'ibintu bidasanzwe bivugwa ko byabereye muri Komine ya Mabanza maze abantu bakicwa;
- Mu cyiciro cya V.5 dusangamo ibibazo birebana cyane n'ishyirwaho n'icungwa rya za bariyeri muri Komine ya Mabanza.

[411] Muri uru rubanza, ijambo "impunzi" risobanura "umuntu ushaka ubuhungiro" aho kuvuga "umuntu byabaye ngombwa ko ahunga igihugu cye". Iyi nyito tuyisanga mu nkoranyamagambo y'igifaransa (*Le Nouveau Petit Robert, Dictionnaire alphabétique et analogique de la langue française,* Dictionnaires Le Robert, Paris). Iyo nyito yihariye yashyizwe mu Nyandiko y'ibirego inakomeza gukoreshwa ityo n'ababuranyi mu gihe cyose urubanza rwaburanishwaga.

2. Ibyabereye muri Mabanza guhera tariki ya 6 kugeza ku ya 12 Mata 1994

2.1 Ibitero byagabwe muri Komine ya Mabanza

Inyandiko y'ibirego

331. Ibitero bya mbere byabereye muri Komine ya Mabanza bivugwa mu gika cya 4.7 cy'Inyandiko y'ibirego muri aya magambo:

> "Tariki ya 6 Mata 1994, indege yari itwaye Perezida w'u Rwanda ari we Juvénal Habyarimana yarahanutse mu gihe yari igiye kugwa ku kibuga cy'indege cy'i Kigali mu Rwanda. Nyuma yaho, ibitero n'ubwicanyi byibasiye abasiviri byahise bitangira mu Rwanda hose".

332. Porokireri avuga ko abatangabuhamya benshi barimo abiswe A, AA, AB, AC, G, H, I, J, K na O bemeza ko nyuma y'iryo hanuka ry'indege ryabaye ku ya 6 Mata 1994, abasiviri b'Abatutsi bagabweho ibitero n'imitungo yabo ikangizwa. Ubwunganizi ntibuhakana ko mu minsi yakurikiye itariki 6 Mata 1994, Abatutsi bo muri Komine ya Mabanza batewe. Cyakora, bwongeraho ko hari n'Abahutu n'Abatwa na bo batewe.

333. Urugereko rusanga ibikorwa bivugwa mu gika cya 4.7 mu Nyandiko y'Ibirego byaratangiwe ibimenyetso bibigaragaza. Nta hantu Porokireri avuga ko Uregwa yagize uruhare muri ibyo bitero bya mbere mu buryo butaziguye, kandi n'Urugereko rusanga nta bimenyetso bigaragaza ko yabigizemo uruhare.

2.2 Ibitero byagabwe ku gasozi ka Nyabubare

Inyandiko y'ibirego

334. Porokireri avuga ko ahagana ku itariki ya 8 Mata 1994, ibitero byagabwe ku Batutsi ku gasozi ka Nyububare, muri Segiteri ya Buhinga ya Komine ya Mabanza[412]. Ibyo bivugwa mu gika cya 4.10 cy'Inyandiko y'ibirego muri aya magambo:

> "Muri Komine ya Mabanza, Abatutsi bashakishaga ubuhungiro ahantu hanyuranye mu masegiteri 13 agize iyo Komine bagiye bagabwaho ibitero guhera ku itariki ya 9 Mata 1994 kugera ku ya 30 Kamena 1994. Abari mu muri ibyo bitero, barimo abajandarume, abapolisi ba Komine n'abasiviri b'Interahamwe bitwaye gisirikare bakoresheje imbunda, amagerenade, imihoro, amacumu, imipanga, ibibando n'izindi ntwaro mu kwica Abatutsi bo muri Komine ya Mabanza".

Ingingo z'ababuranyi

335. Porokireri ashingira ku buhamya bw'umugabo wiswe AC, wajyanye n'abantu bo mu muryango we, bagahungira ku gasozi ka Nyububare aho yasanze Abatutsi babarirwa mu magana barimo abagabo, abagore n'abana bose bahungaga ibitero. Ubwo zari kuri ako gasozi ka Nyububare, impunzi zagabweho ibitero n'abasiviri b'Abahutu n'abapolisi babiri ba Komine. Abahutu bari mu gitero bakoreshaga intwaro gakondo naho abapolisi, bakorera ku itegeko ry'Uregwa kandi bagenzurwa na we, bo bagakoresha imbunda. Impunzi nyinshi zirimo AC n'umuryango we zavuye kuri ako gasozi zihungira ku biro bya Komine ya Mabanza[413]. Porokireri ashinja Uregwa ibyaha bya jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu ashingiye kuri ibyo bikorwa.

---

[412] "Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri", Urubanza rwa *Ignace Bagilishema,* Urubanza N° ICTR-1A-T, 30 Kamena 2000 (turajya tuvuga "Imyanzuro nsozarubanza yanditse"), urup.9, igika cya 69.

[413] Amagambo "ibiro bya komine", muri rusange asobanura ikigo kigizwe n'ibiro n'izindi nyubako zikorerwamo n'ubutegetsi bwa Komine ya Mabanza, zirimo n'inzu y'ibiro bya Komine yarimo ibiro by'Uregwa.

336. Ubwunganizi buvuga ko nta wakwemera ubuhamya bwa AC ku birebana n'ibikorwa bya bariya bapolisi ba Komine bombi. Niba, nk'uko umutangabuhamya abivuga, abantu barenze 300 barahungiye ku gasozi ka Nyububare, abapolisi babiri ntibari gushobora "kubagota". Ubwunganizi bunerekana ko icyo uwo mutangabuhamya avuga cyakozwe n'abo bapolisi ari ukurasa mu kirere gusa. Byongeye kandi, kuba impunzi zarerekeje ku biro bya Komine, zimaze kubona hagabwe ibitero, bigaragaza ko zari zifitiye icyizere abayobozi ba Komine n'abapolisi, bityo ayo masasu yarashwe akaba ahubwo yari ayo gutuma abari bagabye ibitero bahunga[414].

Isesengura

337. Urugereko rusanga AC avuga ko yageze ku gasozi ka Nyububare ari hamwe n'umuryango we ku itariki ya 8 Mata 1994. Yahasanze izindi mpunzi ziri hagati ya 300 na 400 kandi bagabweho ibitero n'Abahutu bo muri ako karere. Ibyo bitero byarakomeje bukeye bwaho akaba ari kuri uwo munsi wa kabiri abapolisi ba Komine bahageze. Umutangabuhamya asobanura ko abo bapolisi ari Rwamakuba na Munyandamutsa maze agakomeza agira ati "bari baje kugota ako gasozi twariho kandi bashaka no kuturasaho, ariko ntibabikoze. Ahubwo barashe mu kirere…"[415]

338. Umutangabuhamya ntavuga ko hari abantu bakomeretse cyangwa bishwe muri izo mpunzi nyuma y'iyo minsi ibiri. Ntavuga ko Uregwa yagize uruhare mu bitero mu buryo butaziguye cyangwa ko yategetse ko bigabwa cyangwa ngo abishyigikire mu buryo ubwo ari bwo bwose.

339. Urugereko rusanga mu buhamya bwe bwanditse yahaye abapererezi ku itariki ya 21 Kamena 1999, AC avuga ko "burugumesitiri yari yohereje abapolisi"[416]. Cyakora,

[414] Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp. 31, 32, ibika 209-213.
[415] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, urup.21.
[416] Ikimenyetso gihamya N° 8 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

ntasobanura uko yamenye ayo makuru ndetse yirinze kongera kuyasubiramo mu buhamya yatanze mu Rukiko. Nta makuru yihariye yatuma umuntu avuga ko abapolisi ba Komine – ibikorwa byabo byashobora kuryozwa Uregwa – bakoreye impunzi ibyaha by'ubwicanyi. Byongeye kandi, ntihagaragajwe ko abo bapolisi bakoreraga ku itegeko cyangwa bagenzurwaga n'Uregwa muri icyo gitero. Urugereko rusanga kandi mu myanzuro ye, Porokireri adahakana ko Uregwa yakoraga agamije icyiza mbere y'itariki ya 12 Mata 1994 (reba icyiciro cya IV.2 haruguru n'igika 354 hasi).

Umwanzuro w'Urugereko

340. AC ntavuga icyaha na kimwe cyaba cyarakorewe ku gasozi ka Nyububare. Yamenye abapolisi ba Komine, ariko avuga ko icyo bakoze ari ukurasa mu kirere gusa. Avuga, muri rusange, iby'Abahutu bagabaga ibitero, adasobanura neza abo ari bo cyangwa icyo bakoze. Ibimenyetso byatanzwe muri uru rubanza ntibigaragaza icyaha na kimwe cyakorewe ku gasozi ka Nyububare cyakwitirirwa Uregwa. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga Uregwa ataryozwa ibyaha bya jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu ashinjwa kubera ibitero byaba byaragabwe ku gasozi ka Nyububare.

2.3 Amarondo

341. Porokireri avuga ko, nyuma y'ihanuka ry'indege ya Perezida ku itariki ya 6 Mata 1994, Uregwa yahaye amabwiriza abakonseye ba Komine ya Mabanza gukoresha amarondo muri za segiteri bayobora. Hagati y'itariki ya 7 n'iya 11 Mata 1994, Abatutsi n'Abahutu bakoreraga amarondo hamwe. Nyuma yaho, Abahutu batangiye kugaba ibitero ku Batutsi

bo muri Komine bituma Abatutsi bahungira ku biro bya Komine. Nta kintu cyihariye Porokireri ashinja Uregwa ku birebana n'ayo marondo[417].

342. Mu buhamya bwe mu Rukiko, umugabo ushinja wiswe Z avuga iby'inama yabaye ku itariki ya 7 Mata 1994 nimugoroba itumijwe n'Uregwa. Mu bantu bayitabiriye harimo bamwe mu baturanyi b'umutangabuhamya, Daniel Nkiriyumwami wari konseye, Daniel Sebuhoro wari resiponsabule wa serire n'abakuru b'ingo icumi (nyumbakumi). Umutangabuhamya avuga ukuntu iyo nama yari "yatumijwe igitaraganya" bisabwe n'Uregwa, wari uhari nk'umuturanyi no kugira ngo agire abandi inama[418]. Uregwa yasabye abari mu nama kwitwara neza no gukora amarondo kugira ngo barinde umutekano wa segiteri n'uw'abayituye. Umutangabuhamya yongeraho ko Abatutsi bakoranye amarondo n'Abahutu kugeza ku itariki ya 11 Mata 1994, nyuma bakaza kuyavaho kubera ko bashobora kuba baragize ubwoba bitewe n'ibitero byagabwe i Kayove na Gisenyi byibasiye Abatutsi[419].

343. Mu buhamya bwe mu Rukiko, umugabo ushinjura wiswe BE na we avuga ko ku itariki ya 7 Mata 1994, umwe mu baturanyi be yatumije inama y'umutekano yari yateraniyemo abaturage nka 12 barimo Abahutu n'Abatutsi. Uregwa yaje kuhanyura nuko abari mu nama bamusaba kuyizamo. Yarahagaze, afata ijambo babwira ijambo maze abasobanurira ko umwanzi ashaka kubiba urwangano hagati y'Abahutu n'Abatutsi, nuko abasaba kwirinda ivanguramoko. Yashishikarije buri muntu kurinda umutekano wa mugenzi we kubera ko we nta buryo budasanzwe yari afite bwo kubikora kandi abahamagarira kumugezaho ikibazo cyose bahura na cyo kugira ngo ageragezе kugikemura. Uyu mutangabuhamya avuga ko Uregwa yongeyeho ko izo nama yari

[417] Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, urup. 8, igika cya 55.
[418] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Gashyantare 2000, urup.52.
[419] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, imp. 11, 12.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

yanazigiriye abaturage b'i Mushubati. Inama irangiye, abaturage bo muri ako gace batangiye gukora amarondo[420].

344. Nk'uko BE akomeza abivuga, amarondo yahagaze guhera mu ijoro ryo ku itariki ya 12 Mata 1994 kuko Abakiga bo mu Rutsiro bari bavuze ko bashaka kwica impunzi zari ku biro bya Komine ya Mabanza kimwe n'Umuhutu wese utari kwifatanya na bo. Uwo munsi, uyu mutangabuhamya yatashye iwe hakiri kare kubera ubwoba[421].

345. Mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa avuga ko abaturage ba Mabanza bashyizeho amarondo kugira ngo babuze abagabaga ibitero kwinjira muri Komine[422]. Ntasobanura igihe ayo marondo yamaze, ariko avuga ko yayagiyemo mu ijoro ryo ku itariki ya 12 rishyira iya 13 Mata 1994[423].

Umwanzuro w'Urugereko

346. Urugereko rusanga ubuhamya bwa Z na BE bwerekana ko Uregwa yashyigikiye ishyirwaho ry'amarondo agizwe n'Abahutu n'Abatutsi muri Komine ya Mabanza kuva ku itariki ya 7 kugera ku ya 11 Mata 1994. Ayo marondo yashyiriweho kurinda abaturage ba Komine, nta kuvangura amoko.

2.4 Inama y'umutekano yo ku itariki ya 9 Mata 1994

347. Igika cya 4.8 cy' Inyandiko y'ibirego kigira kiti:

---

[420] Inyandikomvugo y'iburanisha, 27 Mata 2000, imp. 47-56.
[421] Ni kimwe no haruguru, imp.56-58.
[422] Inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Kamena 2000, urup. 60.
[423] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup.31.

> "Nyuma y'inkuru y'urupfu rwa Perezida Habyarimana, Ignace Bagilishema, hagati y'amatariki ya 9 n'iya 13 Mata 1994, yagiye mu nama nyinshi ari kumwe na Perefe wa Kibuye, Clément Kayishema, n'abandi bayobozi bo muri ako karere, barimo Komanda wa Jandarumori y'igihugu wakoreraga muri Perefegitura ya Kibuye".

348. Mu rubanza, hatanzwe ibimenyetso byerekeranye n'inama y'umutekano yabaye ku itariki ya 9 Mata 1994. Mu Gisubizo cye ku Myanzuro isubiza y'Ubwunganizi, Porokireri avuga "ko mu gihe nta nyandikomvugo y'iyo nama ihari, kuvuga ko iyo nama itari igamije kwiga uko jenoside yakorwa nta shingiro bifite"[424]. Kuri iyi ngingo, Porokireri arashaka kumvikanisha ko Uregwa yaba yaragize uruhare mu gucura umugambi wa jenoside guhera ku itariki ya 9 Mata 1994. Mu myanzuro nsozarubanza mu magambo, Porokireri ashimangira ko umugambi wo kwica Abatutsi bari kuri sitade no mu kigo wafashwe igihe Uregwa yabonanaga na Perefe ku itariki ya 12 Mata 1994.

349. Uregwa yemera ko ku itariki ya 9 Mata 1994 yagiye mu nama yabereye ku Kibuye. Asobanura ko icyo gihe yari yasabye ko mu kubungabunga umutekano hakwitabwaho ahantu hameze nabi kurusha ahandi, ku bwe hakaba harimo Komine ya Rutsiro n'iya Mabanza. Cyakora, kubera ko hari abandi ba burugumesitiri bari batanze icyifuzo kimeze nk'icyo, icye cyaranzwe, maze hafatwa umwanzuro wo gusaranganya abajandarume mu makomine yose. Kubera iyo mpamvu, Uregwa yahawe abajandarume batanu gusa, ariko yasangaga uwo mubare udahagije kugira ngo abashe guhangana n'ibibazo Komine ye yari ifite. Nk'uko abyivugira mu buhamya yatanze mu rukiko, yasabye inshuro nyinshi ko uwo mubare wakongerwa maze kuri itariki ya 12 Mata 1994, abyisabira ubwe Perefe ariko ntiyabahabwa.

---

[424] "Igisubizo cya Porokireri ku Myanzuro y'Ubwunganizi (cyatanzwe hakurikijwe Icyemezo cy'Urugereko cyo ku itariki ya 7 Nzeri 2000)", *Urubanza Porokireri aburanamo na Ignace Bagilishema,* Urubanza N° ICTR-1A-T, 14 Nzeri 2000 (turajya tuvuga "Igisubizo cya Porokireri"), urup. 4, igika cya 14.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

350. Mu gushyikigira ingingo yabwo ivuga ko iyo nama yaba yarize gusa ibibazo bisanzwe by'umutekano, Ubwunganizi bwatangiye mu Rukiko ibaruwa na raporo bivugwamo iby'umutekano muri Perefegitura ya Kibuye. Iyo baruwa n'iyo raporo ni ibyo ku itariki ya 10 Mata 1994, Perefe yoherereje Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komine[425]. Iyo raporo ikubiyemo incamake y'inama yakozwe n'akanama k'umutekano ka Perefegitura kataguye yabaye tariki ya 8 Mata 1994 saa yine za mu gitondo. Mu mpera z'iyo ncamake, havugwamo inama ya "komite ishinzwe umutekano" yari iteganyijwe bukeye bwaho ku itariki ya 9 Mata 1994. Mu bantu bagomba kuyitabira harimo abagize akanama k'umutekano ka perefegitura kataguye, ba burugumesitiri n'abahagarariye MINUAR bari ku Kibuye. Uregwa asobanura ko muri iyo nama MINUAR yari ihagarariwe n'abantu batatu.

Imyanzuro y'Urugereko

351. Urugereko rusanze haragaragajwe ko ku itariki ya 9 Mata 1994 Uregwa yakoranye inama na Perefe n'abandi bantu.

352. Cyakora, Porokireri ntiyatanze ikimenyetso na kimwe kigaragaza ko inama yo ku itariki ya 9 Mata 1994 yabaye kugira ngo icurirwemo umugambi wo kwica Abatutsi. Ubwunganizi buvuga ko kuba MINUAR yari ihagarariwe n'abantu batatu bituma nta muntu ushobora gutekereza ko iyo nama yateguraga jenoside. Urugereko rusanga kuba MINUAR yaratumiwe muri iyo nama bituma umuntu yatekereza ko yari inama y'umutekano gusa. Byongeye kandi, nta cyatuma umuntu ashidikanya ku buhamya bw'Uregwa iyo avuga ko abahagarariye MINUAR bari koko muri iyo nama.

[425] Ikimenyetso gihamya N° 76 cyatanzwe na Porokireri.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

2.5 Impunzi zahungiye ku biro bya Komine ya Mabanza

Inyandiko y'ibirego

353. Ibika 4.18 na 4.19 by'Inyandiko y'ibirego bigira biti :

> 4. 18. Guhera ku itariki ya 9 Mata 1994, Ignace Bagilishema yashishikarije ibihumbi by'abagabo, abagore n'abana b'Abatutsi bahungaga ibitero byagabwaga muri komine, guhungira mu kigo cy'ibiro bya Komine ya Mabanza. Abandi bantu benshi bari bahungiye mu misozi bajyanywe ku biro bya Komine bitegetswe na Ignace Bagilishema batwawe n'imodoka za Komine, bafungirwa muri gereza ya Komine ku itegeko rya Ignace Bagilishema.
>
> 4.19. Tariki ya 11 Mata 1994, Ignace Bagilishema yari yashyize abapolisi ba Komine hanze y'ibiro bya komine, yanabahaye amabwiriza yo kubuza impunzi ziteraniye ahongaho kuhava. Na none, babitegetswe na Ignace Bagilishema, abapolisi bagombaga kureka abantu baje bahungira ku biro bya komine bakinjira.

Ingingo z'ababuranyi

354. Mu ntangiriro y'urubanza, Porokireri yemeje ko ashishikariza Abatutsi guhungira ku biro bya Komine, Uregwa yari azi cyangwa yari afite impamvu zo kumenya urwari rubategereje, ni ukuvuga ko yari azi ko bari koherezwa ku Kibuye kwicirwayo[426]. Cyakora, mu myanzuro nsozarubanza mu magambo, Porokireri yemera ko nta bimenyetso bihagije bihari bishyigikira ibivugwa mu gika cya 4.18 cy'Inyandiko y'ibirego:

---

[426] Inyandikomvugo y'iburanisha, 27 Ukwakira 1999, urup.31.

> "Mugenzi wanjye arasa n'uwumva ko tuvuga ko abatangabuhamya bari bateranijwe ku biro bya Komine ya Mabanza byagambiriwe kugira ngo bicwe. Sibyo dushaka kuvuga. Icyo tuvuga ni uko, kugeza icyo gihe, Uregwa yabikoraga nta kibi agambiriye, aho ntitubishidikanyaho. Aho byumvikane ko bisobanutse. Nta kigaragaza ko atari byo, nta kimenyetso kigaragaza ko, kugeza icyo gihe, yari yabateranyirije aho hantu kugira ngo batsembwe. Sibyo twemeza na gato. Icyo tuvuga ni uko nyuma y'inama ari ho ibintu byahindutse. Kandi ibyakurikiyeho nyuma bifitanye isano yumvikana. Aho rero turatandukanya ibintu ku buryo bwumvikana. Bityo nta gaciro kanini mpa ibyo kuvuga ngo yari umuntu mwiza, ufite imyitwarire myiza."[427]

355. Nyuma yaho, Porokireri agira ati: "ibimenyetso byatanzwe mu Rukiko, kandi Porokireri adashobora kwihimbira, ntibishyigikira, ku buryo bwuzuye, ibikubiye mu gika cya 4.18"[428].

356. Ubwunganizi buvuga ko Abatutsi bagiye ku biro bya Komine atari uko Uregwa abibashishikarije, ahubwo ari ku bwende bwabo, kandi bari bizeye ko abategetsi bari kubarindira umutekano. Buvuga ko nta cyemeza ko impunzi zagiye zijyanwa ku biro bya Komine mu mamodoka ya komine, hanyuma zigafungirwa muri gereza ya Komine bitegetswe n'Uregwa. Uretse n'ibyo, ubuhamya bwa bamwe mu bagabo bashinja bugaragaza ko impunzi zari ku biro bya Komine zagendaga zikanagaruka nta nkomyi[429].

Isesengura

357. Urugereko rurabanza, mbere na mbere, gutanga incamake z'ubuhamya bwatanzwe kuri iki kibazo.

---

[427] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, imp.70, 71.
[428] Ni kimwe no haruguru, imp. 80, 81.
[429] Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, urup. 60, ibika 497-505.

Umutangabuhamya wiswe AC

358. Ku itariki ya 10 Mata 1994, nyuma yo guhunga ava ku gasozi ka Nyububare, umutangabuhamya ushinja wiswe AC yahungiye ku biro bya Komine ahasanga abandi Batutsi n'amatungo yabo. Avuga ko yasanze "ubuzima bwaho bumeze nabi kubera ko nta kintu cyo kurya twari dufite". Impunzi zari zagabanyijwemo ibice bibiri: igice kimwe cyari imbere y'ibiro bya Komine, ikindi kiri hafi y'inzu ya IGA. Ku itariki ya 12 Mata 1994, impunzi zagaburiwe umuceri utamirika, unuka amavuta ya vidanje bitewe n'icyo bari bawutetsemo. Uwo ni wo muceri wonyine watanzwe n'abategetsi ba Komine. Abapolisi batatu bari barinze ibiro bya Komine babuzaga impunzi n'amatungo yazo gusohoka, kabone n'iyo zabaga zishaka kujya kugura ibiribwa. N'ubwo nta bariyeri igaragara yari ikikije impunzi, abo bapolisi batatu "bari nk'uruzitiro kuko bazibuzaga kurenga imbibi z'ibiro bya Komine". Ikigaragara ni uko bamwe mu Bahutu bagabaga ibitero, babashije kwiba inka z'izo mpunzi[430].

Umutangabuhamya wiswe AB

359. Umutangabuhamya ushinja wiswe AB, Umututsikazi wavutse mu mwaka wa 1964, avuga ko yahungiye ku biro bya Komine ku itariki ya 9 Mata 1994, ari kumwe n'abantu bo mu muryango we bagera kuri 20, barimo n'ababyeyi be. Umugabo we n'abana baje kuhamusanga ku munsi wakurikiyeho.

360. Mu buhamya we mu Rukiko, AB avuga ukuntu ku itariki ya 10 Mata 1994, we n'izindi babonanye n'Uregwa kugira ngo bamusobanurire ko bari baje gushakira ubuhungiro mu butegetsi, kubera ko amazu yabo yari yasenywe n'amatungo akibwa. Uregwa yababwiye kutagira ubwoba kuko nta kindi kibazo bari kugira bitewe n'uko bari barinzwe n'ubutegetsi. Impunzi zimubwiye ko hari Abatutsi bari bakiri mu ngo zabo, Uregwa

[430] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, imp.25, 109.

yatanze itegeko ko impunzi zose zari zisigaye zagombaga kuza ku biro bya Komine kugira ngo ziharindirwe umutekano. Nyuma yaho kuri uwo munsi, umutangabuhamya yabonye imodoka za Komine zo mu bwoko bwa Hilux na Daihatsu zizana impunzi ku biro bya Komine. Asobanura ko imwe muri izo mpunzi, yitwa Michel yari muri iyo modoka, yamubwiye ko we n'abandi bantu bahungiye kuri Komine nyuma yo kurokoka igico bari batezwe. Bamwe mu bantu bari kumwe biciwe muri icyo gico ariko Michel ashobora kugera kuri iyo modoka imugeza ku biro bya Komine[431].

361. Mu buhamya bwe mu Rukiko, AB avuga ko guhera ku itariki ya 11 Mata 1994 impunzi zitari zicyemerewe kuva ku biro bya Komine, bakaba ngo bari bazibwiye ko zigomba kuhaguma kugira ngo zirindwe, bityo ze kwicwa. Umutangabuhamya ubwe yiyumviye Uregwa ategeka abapolisi kutagira uwo bemerera gusohoka, ariko bakareka impunzi zibishaka kuhaza. Avuga ko abo bapolisi babiri bari ku biro bya Komine ari Rwamakuba na Munyandamutsa. N'ubwo mu buhamya bwe mu Rukiko AB avuga ko yavuye ku biro bya Komine ku itariki ya 13 Mata 1994[432], Urugereko rusanga mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 1 Gashyantare 1996 agira ati "Kuwa kabiri tariki ya 12, ubwo najyaga kuri santeri y'ubucuruzi ya Rubengera, nabonye abajandarume bagera kuri Komine ya Mabanza saa saba bari muri Toyota itukura"[433] Ayo magambo asa n'avuguruza ubuhamya yatanze mu Rukiko aho avuga ko impunzi zitari zemerewe kuva ku biro bya Komine. Mu ibaza rinyomoza, AB ntiyashoboye gutanga ibisobanuro binyuze kuri uko kwivuguruza[434]. Mu buhamya bwanditse bwa kabiri yatanze ku itariki ya 22 Kamena 1999[435], ni bwo bwa mbere AB avuga ibyerekeranye no kubuza impunzi kujya aho zishaka.

---

[431] Inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, imp. 40, 41.
[432] Ni kimwe no haruguru, urup. 47.
[433] Ikimenyetso gihamya N° 2 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[434] Inyandikomvugo y'iburanisha, 16 Ugushyingo 1999, imp. 38-47.
[435] Ikimenyetso gihamya N° 3 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

362. Mu buhamya bwe mu Rukiko, AB avuga ko, ku itariki ya 11 Mata 1994, impunzi nyinshi zasabye Uregwa ibyo kurya kubera ko abana bari aho ku biro bya Komine bari bashonje. Uregwa yategetse ko abo bana bahabwa umuceri. Cyakora, umutangabuhamya avuga ko uwo muceri utari utetse kandi ko ingunguru zatanzwe zo kuwutekamo zarimo ibisigazwa bya mazutu[436].

Abandi batangabuhamya

363. Umutangabuhamya ushinja wiswe O yahungiye ku biro bya Komine ku itariki ya 9 Mata 1994 ari kumwe n'abantu bo mu muryango we barimo abana be babiri maze arahaguma kugeza ku itariki ya 13 Mata 1994. Avuga ko icyo gihe, abantu bagera ku 1500 bari bateraniye aho ku biro bya Komine. Impunzi zashoboraga kwahura inka zazo ahantu hitwa Nyenyeri, hafi y'ibiro bya Komine. Abafite inka bazijyanaga kurisha bakurikije amabwiriza y'abapolisi ba komine[437].

364. Umutangabuhamya ushinjura wiswe BE avuga ko yagiye ku biro bya Komine, nibura inshuro ebyiri, kureba ko hari umuntu yahabona azi. Yashoboye kumvisha zimwe muri izo mpunzi zari ku biro bya Komine ko zajya kwihisha iwe, maze aha inzindi mpunzi ibiryo. Asobanura ko n'ubwo impunzi zageze ku biro bya Komine bwa mbere zitari zibayeho nabi cyane, ubuzima bwaje kuba bubi hamaze kugera umubare munini w'impunzi n'amatungu yazo[438].

365. Abatangabuhamya bashinjura biswe BE na ZJ bombi bavuga iby'itangazo ry'Uregwa ryasomewe muri za kiriziya n'insengero zitari nke risaba ko abaturage bagoboka impunzi[439].

---

[436] Inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, urup. 48.
[437] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Ugushyingo 1999, imp.86, 87.
[438] Inyandikomvugo y'iburanisha, 27 Mata 2000, urup. 62.
[439] Ni kimwe no haruguru, urup. 64; n'inyandikomvugo y'iburanisha, 3 Gicurasi 2000, urup.116.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Abo batangabuhamya bombi basobanura ko impunzi, ahanini zari zigizwe n'Abatutsi, zitari zibujijwe kurenga aho ibiro bya Komine biri ndetse ko amatungo yazo yarishaga hanze y'uruzitiro rw'ibiro bya Komine. Ayo matungo yabanje kurisha mu nkengero z'ibiro nuko impunzi zimaze kuba nyinshi cyane ajya kurisha ku gasozi kitwa "Kunyenyeri". ZJ avuga ko yagiye ku biro bya Komine ku tariki ya 10 Mata 1994 akaganira n'impunzi yari azi. Zamubwiye ko zari zagiye ku isoko zikabasha kuhagura inzoga[440].

366. Umutangabuhamya ushinjura wiswe RA avuga ko yagiye ku biro bya komine ku itariki ya 11 Mata 1994 cyangwa ahagana kuri iyo tariki maze agasanga ibintu bimeze nabi. Avuga ko agereranyije, yaganiriye n'Uregwa mu gihe kingana n'igice cy'isaha[441]. Uregwa yari yasabye abaturage bo muri ako karere gutanga imfashanyo kandi umutangabuhamya abona Uregwa yarakoraga uko ashoboye kose ngo ahangane n'ibibazo byariho icyo gihe. Yageragezaga kubungabunga umutekano akoresheje abapolisi bake yari afite. RA avuga ukuntu, bamaze kuvugana, Uregwa yabwiye umupolisi guherekeza umwe mu bapasitoro wari ugiye kugura umuceri n'ibishyimbo ku isoko. Icyo gihe, Uregwa yavuze ko yari gukora ibishoboka byose ngo inkwi zo gucana ziboneke. Umutangabuhamya avuga kandi ko yari azi ko bamwe mu mpunzi bashoboraga gusohoka mu rupangu rw'ibiro bya Komine[442].

367. Umutangabuhamya ushinja wiswe H avuga ko impunzi zatangiye kugera ku biro bya Komine n'amatungo yazo ari kuwa kane maze zikahaguma kugeza kuwa kabiri ubwo zajyaga ku Kibuye. Umutangabuhamya avuga ko hari iminsi abantu bazaniye impunzi ibyo kurya[443].

---

[440] Inyandikomvugo y'iburanisha, 3 Gicurasi 2000, imp.116, 117.
[441] Inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 2 Gicurasi 2000, urup.22.
[442] Ni kimwe no haruguru, urup. 24.
[443] Inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ugushyingo 1999, imp. 15, 16, 98.

Uregwa

368. Mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa avuga ko impunzi ziturutse Kayove, Gisenyi, Kibingo, Nyagatovu na Kibishito zatangiye kugera ku biro bya Komine guhera ku itariki ya 8 Mata 1994[444]. Ku mugoroba wo ku itariki ya 12 Mata 1994, hari hamaze kugera impunzi zibarirwa hagati ya 1000 na 1500. Ikibazo cy'isuku cyari ingorabahizi kubera ko ku biro bya Komine hari imisarane itandatu cyangwa irindwi gusa. Ku byerekeranye n'ibiribwa, Uregwa asobanura ko yashoboye kugira ibyo abona kuri Paruwasi ya Mushubati yari igifite ibyo yari yarahaweho impano n'umuryango wa Caritas. Byongeye kandi, abayobozi ba Komine baguze ibiribwa kuri santeri y'ubucuruzi ya Kibilizi banabona imfashanyo itanzwe n'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi[445].

369. Muri ubwo buhamya bwe, Uregwa yemeza ko yashyize impunzi mu matsinda akurikije amaserire zikomokamo. Igihe cyose yashakaga kugira icyo azibwira, yahamagazaga abazihagarariye akajya inama na bo bakareba icyashobora gukorwa. Iyo habonekaga ibiribwa byo kubagabanya, yarabiberekaga kandi akavugana na bo uburyo babigabanya impunzi. Bitewe n'uko nta bikoresho byo guteka byari ku biro bya Komine, yasabye abaturage bo muri ako karere gukusanya udusafuriya duto bakaduha impunzi zikitekera ibiribwa zikoresheje inkwi zabaga zazanywe ku biro bya Komine[446].

370. Uregwa avuga ko ku manywa amatungo y'impunzi yarishaga ku Nyenyeri, ninjoro akararirwa hafi y'ibiro bya Komine. Impunzi zatemberaga uko zibishaka kandi nta ruzitiro rwari rukikije ibiro bya Komine. Na none, iyo habagaho agahenge, abenshi muri izo mpunzi birirwaga mu ngo zabo ninjoro bakagaruka ku biro bya Komine kugira ngo batagabwaho ibitero[447].

---

[444] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, imp. 119, 120.
[445] Inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Kamena 2000, urup. 108.
[446] Ni kimwe no haruguru, imp. 109, 110.
[447] Ni kimwe no haruguru, urup. 111.

Imyanzuro y'Urugereko

371. Urugereko rusanga, uretse AB na AC, abandi bagabo bose bamaze kuvugwa bavuga bimwe ku buryo impunzi zari zifashwe ku biro bya Komine. Bavuga ko ku itariki ya 8 n'iya 9 Mata 1994, abantu batangiye guhungira ku biro bya Komine ku bushake bwabo, bafite amatungo n'ibintu byabo. Aba batangabuhamya basobanura ko abo bantu babanje kuza ari bake hanyuma bagatangira kwisuka babarirwa mu magana kubera umutekano wagendaga urushaho kuba muke muri ako karere, ku buryo mu ijoro ryo ku itariki ya 12 Mata 1994, hari abantu babarirwa hagati ya 1000 na 1500. Kubera izo mpamvu, ku biro bya Komine hatangiye kuboneka ikibazo cy'isuku n'icy'ibiribwa. Uregwa abonye adashoboye guhangana n'ibyo bibazo, ngo yaba yariyemeje gusaba inkunga y'abaturage bo muri ako karere. Abatangabuhamya bavuga ko yoherereje itangazo amatorero anyuranye asaba imfashanyo. Abaturage bo muri iyo Komine bazaniye impunzi ibiribwa n'ibikoresho byo mu gikoni, cyane cyane udusafuriya (AC we avuga ko abategetsi ba Komine bahaye impunzi ibiribwa inshuro imwe, ku itariki ya 12 Mata 1994, ariko nta bundi buhamya bushyigikira iyo mvugo). Byongeye kandi, ubuhamya bwatanzwe bwerekana ko impunzi zatemberaga uko zishaka n'amatungo yazo agashobora kurisha mu nkengero z'ibiro bya Komine n'ahantu bita "Nyenyeri" cyangwa "Kunyenyeri".

372. Ku byerekeranye n'ubuhamya bw'abagabo biswe AB na AC buvuga ko impunzi zitashoboraga kuva ku biro bya Komine, Urugereko rusanga mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 1 Gashyantare 1996, AB asobanura neza ko yashoboye kujya kuri santeri y'ubucuruzi ku itariki ya 12 Mata 1994, n'ubwo bwose yari yari yarahungiye ku biro bya komine. Naho AC we avuga ko impunzi zitashoboraga kuva kuri komine kubera abapolisi batatu "bari bameze nkaho bahazitiye", ibyo bikaba binyuranye cyane n'ubuhamya bw'abandi bagabo.

373. Uretse ubuhamya bwa AB mu Rukiko, ntihatanzwe ikindi kimenyetso kigaragaza ko Uregwa, nk'uko bivugwa mu Nyandiko y'ibirego, "yashishikarije" ibihumbi by'abagabo, abagore n'abana b'Abatutsi guhungira ku biro bya Komine.

374. Byongeye kandi, AB ni we mutangabuhamya wenyine uvuga ko Uregwa yategetse ko Abatutsi bajyanwa ku biro bya Komine, ndetse ni nawe wenyine uvuga ko imodoka za Komine zajyanye Abatutsi ku biro bya Komine. Kubera ko ubuhamya bwe kuri iyo ngingo budahagije, ntawabushingiraho ngo yemeze ko Uregwa yategetse ko abantu bari bahungiye mu misozi "bajyanwa" ku biro bya komine. Nta n'ikimenyetso cyatanzwe gishyigikira ibivugwa ko abo bantu "bajyanywe" muri ubwo buryo, nyuma baje gufungirwa muri gereza ya Komine. Urugereko rusanga ubuhamya bwa AB mu Rukiko buvuguruza, ku ngingo nyinshi, n'ubw'abandi bagabo. Byongeye kandi, ku ngingo imwe umutangabuhamya avuguruza ibyo yavuze mu buhamya bwanditse.

375. Rushingiye ku ngingo zimaze kuvugwa, Urugereko rusanga ibyo Uregwa ashinjwa mu bika 4.18 na 4.19 mu Nyandiko y'ibirego bitaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho.

2.6 Inama hagati y'Uregwa na Perefe ku itariki ya 12 Mata 1994

Inyandiko y'ibirego

376. Igika cya 4.20 cy'Inyandiko y'ibirego kigira kit:

> "Tariki ya 12 Mata 1994, Ignace Bagilishema yabonanye na Perefe Clément Kayishema maze Perefe amubwira ko Mabanza yari yo Komine yonyine ya Perefegitura ya Kibuye ikirimo "udusimba n'umwanda". Bitegetswe na Ignace Bagilishema, abantu bari bahungiye ku biro bya Komine ya Mabanza bashyizwe mu matsinda abiri. Itsinda rya mbere rigizwe n'abanyabwenge ryapakiwe mu ikamyo ya gisirikare ryerekezwa iya Kibuye. Abo bantu nta wongeye kubaca iryera. Impunzi zo mu itsinda rya kabiri, rigizwe ahanini

n'abaturage basanzwe, zafungiwe ku biro bya Komine ya Mabanza hanyuma ziza kwimurirwa kuri sitade ya Gatwaro ku Kibuye aho ziciwe".

377. Interuro ya mbere y'iki gika ni yo yonyine ikomoza ku nama ivugwa ko yabaye ku itariki ya 12 Mata 1994. Igice gisigaye cy'icyo gika kiraza gusesengurwa mu kiciro ka V.3.1.

Ingingo z'ababuranyi

378. Porokireri yemeza ko inama yabaye hagati y'Uregwa na Perefe Kayishema ku itariki ya 12 Mata 1994 ari ingingo y'ingenzi mu kugaragaza igitekerezo Uregwa yagize cyo gukora jenoside. Iyo nama no kwimura impunzi zikava ku biro bya Komine ya Mabanza zijyanwa ku Kibuye byaba bigaragaza ko Uregwa yari mu mugambi wo gutsemba Abatutsi.

379. Ubwunganizi buvuga ko Kayishema atagiye ku biro bya Komine ku tariki ya 12 Mata 1994, bityo akaba atarabonanye n'Uregwa uwo munsi[448].

Isesengura

380. Abagabo biswe O, AB, Z n'Uregwa batanze ubuhamya kuri iki kibazo tumaze kuvuga.

Umutangabuhamya wiswe O

381. Umutangabuhamya ushinja wiswe O, Umututsikazi wavutse mu mwaka wa 1967, yabwiye Urugereko ko, kubera ibitero byagabwe ku ngo z'Abatutsi, ku itariki ya 9 Mata 1994 yahungiye ku biro bya Komine ari kumwe n'abavandimwe be babiri b'igitsina gore,

[448] Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp. 63-65, ibika 526-545.

barimo umwe wari utwite, ndetse n'abana babo. Bose bagumye aho ngaho hamwe n'izindi mpunzi nyinshi kugeza ku itariki ya 13 Mata 1994[449].

382. Uyu mutangabuhamya avuga ko, nyuma y'iminsi itatu ahageze, mu masaa kumi n'ebyiri z'umugoroba, ubwo yari hafi y'ibiro bya Komine, yabonye Uregwa na Kayishema bagera aho baherekejwe n'abajandarume kandi bari baturutse mu cyerekezo cyo mu Rutsiro. Asobanura ko Uregwa, Kayishema, umujandarume n'umushoferi bari muri kamyoneti ya *double cabine*. Bari bakurikiwe n'abajandarume batatu n'umushoferi (Nshimiyimana) bari mu yindi modoka y'ubururu ya Komine, yo mu bwoko bwa Hilux. Abajandarume bari bafite intwaro bambaye imyenda ya kaki n'ingofero zitukura. Basohotse mu modoka. Impunzi zavugaga ko Perefe Kayishema yaje. N'ubwo atari yarigeze abona Kayishema, umutangabuhamya wiswe O yari amuzi ku izina nka Perefe wa Kibuye[450].

383. Uyu mutangabuhamya akomeza avuga ko abo bantu baje mu modoka bamaze kugera ku nzu ya IGA, ahari igice kinini cy'impunzi, Kayishema yavuze ngo "mukureho umwanda", maze akongeraho ngo aho hantu hari inyenzi ziruta izo mu Rutsiro[451]. Mu buhamya bwe mu Rukiko, umutangabuhamya yongeraho ko Kayishema yakoresheje amagambo "umwanda" n'"udusimba"[452]. Bamaze gusohoka mu modoka, yarabakurikiye n'amaguru. Mu ibazwa rinyomoza, yemeje ko yari wenyine ubwo yagendaga yerekeza ku nzu ya IGA. Kayishema, Uregwa hamwe n'undi muntu binjiye mu cyumba cy'iyo nzu naho umutangabuhamwa ahagarara inyuma y'idirishya kugira ngo yumve ibyavugirwagamo imbere. Mukuru we, wari hafi kubyara, na we yari hafi aho[453].

384. Umutangabuhamya wiswe O avuga ko yari ahagaze wenyine inyuma y'idirishya ry'icyumba cy'inzu ya IGA aho inama yaberaga. Amarido yari afunze ariko mu cyumba

---

[449] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Ugushyingo 1999, imp. 14-16.
[450] Ni kimwe no haruguru, urup. 17.
[451] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Ugushyingo 1999, imp. 17 na 18: "Kayishema yabanje kuvuga ati: 'Mukureho umwanda; hano hari inyenzi ziruta izo mu Rutsiro'…"
[452] Ni kimwe no haruguru, urup. 20: "… yakomoje ku magambo 'umwanda n'udusimba'…"
[453] Ni kimwe no haruguru, urup. 18.

harakaga kandi hari akenge gahagije katumaga ashobora kurebamo imbere. Mu ibazwa rinyomoza, umutangabuhamya yasobanuye ko hari umujandarume wari muri icyo cyumba hamwe na Kayishema n'Uregwa, aba bombi bakaba bari bicaye. Abazwa na Porokireri, umutangabuhamya yasubiyemo aya magambo akurikira yavuzwe n'Uregwa mu rurimi rw'ikinyarwanda:

> "Bwana Perefe, aha hantu ni hato cyane. Nituhicira aba bantu kandi ari benshi cyane, komine izasenyuka, ntekereza ko mwabajyana ku Kibuye, kuko ari ho hanini"[454].

385. Umutangabuhamya yumva ayo magambo yarasubizaga ibyo Perefe yavuze akihagera ko hari Inyenzi nyinshi cyane. Umutangabuhamya akomeza avuga ko nta wundi muntu wafashe ijambo nyuma y'Uregwa, kandi ko Kayishema "yemeye ibyo yari amaze kuvuga"[455]. Iyo nama yamaze iminota iri hagati y'ibiri n'itatu gusa ariko umutangabuhamya yagize ubwoba ava aho hantu mbere y'uko abo bagabo basohoka muri icyo cyumba. Yamenyesheje abantu bo mu muryango we bari aho kimwe n'izindi mpunzi zari hafi aho ko Uregwa yashakaga kubohereza ku Kibuye kugira ngo bahicirwe. Abo na bo nta cyo babikozeho n'umutangabuhamya avuga ko atashoboye kugeza iyo nkuru ku mpunzi zose[456]. Iryo joro, yagumye ku biro bya komine. Mukuru we yabyaye mu masaa cyenda y'ijoro.

386. Umutangabuhamya wiswe O asobanura ko izindi mpunzi zagiye bukeye mu gitondo ubwo Uregwa yabasabaga kujya ku Kibuye. Cyakora, we yarasigaye: "…kuko ntashoboraga gusiga mukuru wanjye kandi ntiyashoboraga kugera ku Kibuye"[457]. Mu

---

[454] Ni kimwe no haruguru, urup. 30 (uko aya magambo yasemuwe mu cyongereza, nk'uko tubisanga ku rupapuro rwa 29 n'urwa 30 z'inyandikomvugo y'iburanisha iri mu cyongereza, 24 Ugushyingo 1999, ntasobanutse neza).
[455] Ni kimwe no haruguru, urup. 28.
[456] Ni kimwe no haruguru, urup. 110.
[457] Ni kimwe no haruguru, urup. 33.

mpunzi zavuye ku biro bya Komine harimo abantu benshi bo mu muryango we: abana be bwite, abuzukuru be bane, abana batatu n'umugabo ba mukuru we[458].

387. Kubera agaciro kanini Porokireri aha ubuhamya umugabo wiswe O yatanze mu Rukiko, Urugereko rugiye noneho kugereranya ubwo buhamya n'ubwanditse yahaye abapererezi bo mu Biro bya Prokireri, bwatanzwe uko bwakabaye muri uru rubanza nk'ibimenyetso gihamya. Mu buhamya bwanditse bwa mbere yatanze ku itariki ya 17 Ukwakira 1995, umugabo wiswe O avuga ko, ku itariki ya 11 Mata 1994, ubwo yari ahagararanye na mukuru we imbere y'ibiro bya Komine, yabonye Perefe Kayishema ahagera ku mugoroba aherekejwe n'abajandarume batatu mu modoka. Hafi y'iyo modoka hari indi irimo abandi bajandarume. Muri ubwo buhamya bwanditse, umugabo avuga ko yari hanze y'ibiro bya Komine hamwe na mukuru we, ko atari wenyine kandi ko Kayishema yahageze ku itariki ya 11 aho kuba iya 12 Mata 1994. Ibyo binyuranye n'ibyo avuga mu buhamya yatanze mu Rukiko[459].

388. Mu buhamya bwanditse yongeye guha abapererezi ku itariki ya 23 n'iya 24 Gashyantare 1998, umutangabuhamya wiswe O yongera kuvuga ko Kayishema yaje ku itariki ya 11 Mata 1994 aho kuba ku ya 12. Avuga ko Kayishema n'Uregwa bazanye ku biro bya Komine bavuye mu Rutsiro, baherekejwe n'umujandarume kandi bari mu modoka adasobanura neza. Yongeraho ko abajandarume batatu bari babakurikiye mu modoka ya Hilux y'ubururu ya Komine ya Mabanza. Iyi mvugo ihuza n'ubuhamya yatanze mu Rukiko ariko ikanyuranya n'ubuhamya bwanditse bwa mbere yatanze hashize amezi 18 ibyo avuga bibaye[460].

389. Mu buhamya bwanditse yatanze mu mwaka wa 1995, umutangabuhamya wiswe O nta kintu kibi avuga Kayishema yaba yaravuze. Avuga ko inama hagati ya Kayishema n'

---

[458] Ni kimwe no haruguru, urup. 15.
[459] Ikimenyetso gihamya N° 11 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[460] Ikimenyetso gihamya N° 62 cyatanzwe na Porokireri.

Uregwa yabereye mu biro by'Uregwa aho kuba muri IGA, akongeraho ko hari abajandarume batatu aho kuba umwe. Byongeye kandi, uyu mutangabuhamya avuga ko yumvise Kayishema abwira Uregwa ko we n'abajandarume bazanywe no kwica impunzi. Iyi mvugo ntiri mu buhamya yatanze mu Rukiko. Na none muri ubwo buhamya bwanditse bwo mu mwaka wa 1995, avuga ko Uregwa yashubije ko mu mazu ya Komine hatari umwanya uhagije kuri izo mpunzi, ko bibaye ngombwa ko zicirwa aho hantu amazu yakwangirika. Uregwa ngo yaba yaratanze igitekerezo avuga ko impunzi zajyanwa ku Kibuye, maze Kayishema akamubwira kuzoherezayo bukeye mu gitondo. Cyakora, mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo wiswe O ntavuga kuri ayo mabwiriza ya nyuma Perefe yaba yaratanze.

390. Mu buhamya bwanditse bwo muri Gashyantare 1998, bwatanzwe hashize hafi imyaka ibiri n'igice nyuma y'ubwa mbere, ni ho honyine umugabo wiswe O avuga ko yumvise Kayishema avuga aya magambo mbere yo kwinjira mu nzu ya IGA: "Mukureho umwanda; hano hari Inyenzi ziruta izo mu Rutsiro". O anavuga ko yibuka amagambo y'Uregwa wavuze ko ku biro bya Komine ya Mabanza nta mwanya uhagije wari uhari kugira ngo impunzi zihicirwe. Cyakora, muri ubwo buhamya bwanditse yatanze mu mwaka wa 1998, ntagira icyo avuga ku gisubizo cy'Uregwa cyangwa ku mategeko yaba yaratanzwe na Kayishema.

391. Ababuranyi bombi bavuga ku buhamya O yatanze mu Rukiko mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana (icyo gihe yari yariswe WW). Ubwo buhamya yabutanze mu Rukiko ku itariki ya 19 Gashyantare 1998, ni ukuvuga hasigaye iminsi mike ngo atange ubuhamya bwanditse twavuze bwo ku matariki ya 23 na 24 Gashyantare 1998. N'ubwo ubwo buhamya bwanditse buhuje muri rusange n'ubwo yatanze mu Rukiko mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, hari ingingo zimwe zikomeye butandukaniraho.

392. Urugereko rusanga mu Nyandiko y'urubanza rwa Kayishema na Ruzindana hatavugwa ibyerekeranye n'uko impunzi zateraniye ku biro bya Komine ya Mabanza. Rusanga hatanavugwamo na Ignace Bagilishema cyangwa inama iyo ari yo yose yaba yaragiranye

na Kayishema[461]. Byongeye kandi, ntihanavugwa n'ubuhamya bwa WW. Ibyo ari byo byose, Urugereko rwagereranyije ubuhamya uwo mugabo yatanze mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana n'ubwo yatanze muri uru rubanza maze rubona ibintu bikurikira ubwo buhamya butandukaniyeho. Ku byerekeranye no kuza kwa Kayishema n'Uregwa baturutse mu Rutsiro, ubwo yatangaga ubuhamya mu Rukiko mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, uyu mugabo ntasobanura uko izo modoka zombi zari zimeze. Avuga ko Kayishema n'Uregwa baje mu modoka y'"umweru ariko itari umweru cyane". Asabwe gusobanura uko imodoka yarimo abajandarume yari imeze, yagize ati: "Twari dufite ubwoba cyane, ntitwari dufite umwanya wo kwitegereza imodoka. […] Sinibuka ibara ry'iyo modoka"[462]. Ibyo binyuranye n'ibyo avuga mu buhamya yatanze mu Rukiko muri uru rubanza kimwe n'ubuhamya bwanditse yatanze muri Gashyantare 1998 aho avuga ko imodoka ya kabiri yari Hilux y'ubururu ya Komine ya Mabanza.

393. Byongeye kandi, ubwo yasobanuraga iby'inama yahuje Perefe n'Uregwa mu buhamya yatanze mu Rukiko mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, umutangabuhamya wiswe O yabanje kuvuga ko nta rido zari mu idirishya ry'icyumba cy'inzu ya IGA, hanyuma mu ibazwa rinyomoza yemeza ko rido zari zihari ariko zitari zifunze neza kandi ko idirishya ryari rifunguyeho gato. Na none muri ubwo buhamya yatanze mu Rukiko mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, avuga ko agereranyije ikiganiro hagati ya Kayishema n'Uregwa cyamaze hagati y'iminota 10 na 15, mu gihe mu buhamya yatanze mu Rukiko muri uru rubanza avuga ko "icyo kiganiro" cyamaze hagati y'iminota ibiri n'itatu gusa[463].

---

[461] Urubanza rwa *Kayishema na Ruzindana*, by'umwihariko ibika 296, 304-306 na 322.
[462] Ikimenyetso gihamya N° 12 cyatanzwe n'Ubwunganizi: ubuhamya umugabo wiswe WW yatanze mu rukiko mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Gashyantare 1998, imp. 39, 44, 45.
[463] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Ugushyingo 1999, urup. 28.

Umutangabuhamya wiswe AB

394. Umutangabuhamya wiswe AB avuga ko tariki ya 12 Mata 1994, hagati ya saa kumi na saa kumi n'imwe z'umugoroba, Perefe Kayishema yageze ku biro bya Komine ari kumwe n'abajandarume bambaye iniforume ya kaki n'ingofero zitukura. Uregwa yari mu cyumba cy'ibiro bya Komine naho umutangabuhamya yari imbere y'ibiro hafi y'ibiti by'avoka[464]. Umutangabuhamya yabonye Kayishema yarakaye anamwumva avuga amagambo akurikira: "Uwo mwanda urakora iki aha muri Komine ya Mabanza? Twamaze gukuraho umwanda muri Komine ya Rutsiro"[465] Umutangabuhamya yumvise ko umwanda byavugaga "Abatutsi". Impunzi ngo zaba zaragize ziti: "Ibyacu byarangiye, twatanzwe, ntituri buve hano, baratwica"[466]

395. AB avuga ko Kayishema amaze kuvuga ayo magambo yinjiye mu biro bya Komine ari kumwe n'abajandarume. Umutangabuhamya nta cyo yashoboye kumva kuko hari abantu benshi cyane. Hashize akanya, Kayishema n'abajandarume basohotse mu biro bya Komine maze Uregwa ava aho hantu mu modoka. Kayishema na we yaragiye. Akimara kuhava, hageze Interahamwe zitwaje amahiri maze zirara mu mpunzi zitera amabuye, zinagerageza kwigarurira amatungo y'izo mpunzi. Zimwe mu mpunzi zabashije guhunga zijya kwihisha mu bihuru[467].

396. Urugereko rwasanze (reba akiciro V.2.5) AB anyuranya n'abandi batangabuhamya ku byerekeye uko ubuzima bwari bumeze ku biro bya Komine. Byongeye kandi, mu ibazwa rinyomoza, ubwo bamusabaga gutanga ibisobanuro ku ukunyuranya kuboneka hagati y'ubuhamya yatanze mu rukiko n'ubuhamya bwanditse yatanze mbere ku itariki ya 1

[464] Mu nyandikomvugo y'iburanisha iri mu cyongereza, 16 Ugushyingo, baribeshye ku rupapuro rwa 53 bavuga ko ari ibiti bya puwariye [*poirier*].
[465] Inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, urup. 57.
[466] Ni kimwe no haruguru, urup. 59.
[467] Ni kimwe no haruguru, imp. 61, 62.

Gashyantare 1996, uyu mugabo ntiyashoboye kubisobanura[468]. Urugereko rusanga kandi hari n'indi ngingo ubwo buhamya bwanditse bunyuranyaho n'ubwo yatanze mu Rukiko: muri ubwo buhamya bwanditse yatanze mu mwaka wa 1996, AB avuga ko Kayishema yavuganye n'Uregwa inshuro ebyiri, aho kuba imwe, mu biro by'Uregwa kandi ngo yafashe ijambo imbere y'impunzi amaze kuzikoranyiriza hamwe[469].

397. Mu buhamya bwanditse bwa kabiri yatanze ku itariki ya 22 Kamena 1999, ni bwo bwa mbere AB avuga ko ku itariki ya 12 Mata 1994, Interahamwe zaje ku biro bya Komine. Asobanura ko izo Nterahamwe zabwiye impunzi ko zinuka zongeraho ko zari kugaruka gukuraho utwo dusimba ku biro bya Komine. Uwo munsi nyine, nko mu masaa kumi, Perefe Kayishema, Uregwa n'abajandarume baje ku biro bya Komine. Arimo avugana n'Uregwa, impunzi na zo zihari, Perefe yavuze ko Mabanza ari yo Komine yonyine yari isigaye itarakizwa udusimba[470]. Arangije kuvuga ayo magambo, Kayishema yagiye mu biro by'Uregwa, nyuma yaho asubira ku Kibuye.

398. Bityo rero, umuntu akurikije ubwo buhamya bwanditse bwa kabiri, Uregwa yaba yarageze ku biro bya Komine ari kumwe na Kayishema aho kugira ngo Kayishema abe yarahamusanze. Ibyo binyuranye n'ibyo uyu mugabo avuga mu buhamya bwanditse yatanze mu mwaka wa 1996 no mu bwo yatanze mu Rukiko.

Umutangabuhamya wiswe Z

399. Ubwo yatangaga ubuhamya mu Rukiko, umugabo ushinja wiswe Z w'Umuhutu yari afungiye mu Rwanda nyuma yo kwirega ko yishe abantu batatu i Mabanza mu mwaka wa 1994.

---

[468] Inyandikomvugo y'iburanisha, 16 Ugushyingo 1999, imp. 44-46.
[469] Ikimenyetso gihamya N° 2 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[470] Ni kimwe no haruguru.

400. Avuga ko ku mugoroba wo ku itariki ya 12 Mata 1994, Perefe Kayishema yageze ku biro bya Komine ari mu modoka ye. Icyo gihe, uyu mutangabuhamya yari ahantu hitwa "Gitikinini" (muri metero zirenga 150 uvuye ku biro bya Komine), maze ajya ku biro bya Komine kureba niba Kayishema hari icyo abwira impunzi. Ahageze yasanze Uregwa na Perefe bamaze gusohoka mu biro bya Burugumesitiri, bahagaze mu mbuga y'ibiro bya Komine. Icyo gihe, Uregwa yasabye impunzi kumwegera maze aravuga ati:

> "Perefe amaze kuvuga ko kubera impamvu z'umutekano wanyu, mwese mugomba kujya ku Kibuye kuko hano nta bantu bahagije bahari bo kubarindira umutekano. Naho ku Kibuye hazaba hari abantu bahagije bo kubarinda. Mugomba rero kuba mwese mwahageze ejo mu gitondo, kuri sitade ya Kibuye"[471].

401. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko Kayishema nta jambo yafashe imbere y'impunzi. Asobanura ko, uretse Uregwa na Kayishema, hari n'abafasha ba Burugumesitiri babiri ndetse n'umukonseye wa komine. Uregwa amaze kuvuga, Kayishema yaragiye ari mu modoka hamwe n'abajandarume.

402. Ku itariki ya 18 Nzeri 1999, umugabo wiswe Z ukemangwa mu bindi bice by'iyi Nyandiko y'urubanza (reba cyane cyane utwiciro V.4.2, V.5.5 na V.5.6), yatanze ubuhamya bwanditse[472] buvuguruzanya n'ubwo yatanze mu Rukiko kandi hari hashize igihe kitageze ku mezi atanu atanze ubwo buhamya bwanditse. Muri ubwo buhamya bwanditse, Z avuga ko amaze kumenya ko Perefe Kayishema yari ku biro bya Komine ya Mabanza, yigiriyeyo ubwe "kimwe n'abandi bantu benshi kugira ngo yumve ijambo rya Perefe". Akomeza agira ati:

> "Yabwiye impunzi mpibereye ko agiye kwigana na Burugumesitiri ikibazo cyazo. Yinjiranye na Burugumesitiri mu biro bye. Basohotse, Burugumesitiri

[471] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Gashyantare 2000, urup. 62.
[472] Ikimenyetso gihamya N° 65 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

> yabwiye umupolisi kuvuza ifirimbi kugira ngo abari aho bamutege amatwi. Yabwiye impunzi ko iryo joro zirara ahongaho ariko bwacya mu gitondo zikajya kuri sitade ku Kibuye aho zari kurindirwa umutekano"[473].

403. Bityo rero, nk'uko Z abivuga mu buhamya bwe bwanditse, Kayishema ni we wafashe ijambo imbere y'impunzi mbere y'uko yinjira mu biro by'Uregwa. Ku rundi ruhande, ukurikije ubuhamya yatanze mu rukiko, uyu mutangabuhamya yaba yarageze ku biro bya Komine ubwo Uregwa na Kayishema barimo basohoka mu nzu, kandi ngo Uregwa ni we wafashe ijambo imbere y'iyo mbaga y'abantu. (Mu buhamya bwe bwanditse bwo mu mwaka wa 1999, avuga na none ko umupolisi yavugije ifirimbi kugira ngo akoranye impunzi, ibi ariko akaba atabivuga mu buhamya yatanze mu rukiko.)

Abandi batangabuhamya

404. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo ushinja wiswe A, wabaye hamwe n'izindi mpunzi ku biro bya Komine iminsi itatu mbere y'uko ajyana n'abandi ku Kibuye mu gitondo cyo ku itariki ya 13 Mata 1994, avuga ko atabonye Kayishema ku biro bya komine muri icyo gihe cyose[474]. Muri ubwo buhamya, AC, wari mu mpunzi ku biro bya Komine kuva ku itariki ya 10 kugeza ku ya 13 Mata 1994, ntaho avuga ko Perefe yahaje. Abatangabuhamya benshi bashinjura bari muri Komine ya Mabanza muri icyo gihe, barimo abiswe RA, BE, KA, na AS, ntibavuga ko bamenye ko Perefe Kayishema yaje aho hantu.

405. Mu gihe abatangabuhamya biswe O, AB na Z bavuga ko Perefe yabonanye n'Uregwa, mu buhamya bwe mu Rukiko umugabo wiswe G we avuga ko abo bagabo bombi bavuganiye kuri telefone[475]. Uyu mutangabuhamya wari umwe mu mpunzi zari ku biro

---

[473] Ni kimwe no haruguru.
[474] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, imp. 99, 100.
[475] Inyandikomvugo y'iburanisha ryabereye mu muhezo, 26 Mutarama 2000, imp. 56, 57.

bya Komine muri icyo gihe, yemeza ibyo yavuze kuri iki kibazo mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 19 Kamena 1999 aho agira ati:

> "Mbere yuko baza [ni ukuvuga abagabye ibitero bo mu makomine ya Rutsiro na Kivumu] Burugumesitiri Bagilishema yatelefonnye Perefe Kayishema amusaba abasirikare b'inyongera bo kuza gufasha kurinda impunzi zari ku biro bya komine. Perefe yamushubije ko ari we wenyine wari usigaranye imyanda; ko agomba kumwohereza iyo myanda igakuburwa. Ayo magambo yabwiwe Pasitoro Siméon Nzabahimana […] Na we aza kubitekereza abantu yari ahishe iwe…"[476].

Uregwa

406. Mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa avuga ko ku itariki ya 12 Mata 1994 yarimo kugenzura uko amarondo akorwa. Agarutse ku biro bya Komine, yatangajwe no gusanga Perefegitura yazanye, muri bisi, impunzi zirenga ijana zivuye mu Rutsiro. N'ubwo hari mu ma saa sita z'ijoro, Uregwa yahamagaye Perefe kuri telefone kugira ngo amubaze ibyo ari byo[477].

407. Uregwa yongeraho ko inshuro nyinshi mbere y'uko ahamagara Perefe kuri telefone, yari yamusabye kumwohereza abaza kumufasha kubungabunga umutekano ariko ntiyabahabwa. Yari yaranasabye ko imiryango y'abagiraneza yabimenyeshwa kugira ngo ibashe kugeza imfashanyo ku mpunzi ariko aho kugira ngo bikorwe, impunzi zakomeje koherezwa kuri komine[478].

408. Uregwa yabwiye Perefe kuri terefone ko adashoboye gukora muri ubwo buryo, igihe adafite abantu bo kumufasha, cyane cyane mu gihe havugwaga ko hari igitero cyenda

---

[476] Ikimenyetso gihamya N° 65 cyatanzwe na Porokireri.
[477] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, imp. 31, 32.
[478] Ni kimwe no haruguru, urup. 31.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

kugabwa muri Mabanza. Yabwiye rero Perefe ko yahitamo kwegura ku mirimo niba ari we wenyine ugomba kwita ku baturage. Yasabye Perefe kuza akirebera ubwe uko ibintu bimeze[479]. Mu ibazwa rinyomoza, Uregwa yagize ati "Narabivuze, ndetse nanamubwiye ko nari kumushyira imfunguzo z'ibiro bya komine bukeye mu gitondo, ku itariki ya 13, kuko nari naniwe gukorera muri ubwo buryo"[480].

409. Uregwa yemeza ko atabonye Perefe Kayishema ku itariki ya 12 Mata 1994, ariko ko yamenye ko kuri uwo munsi yari yaciye imbere y'ibiro bya komine yerekeza muri Rutsiro ariko akaba "atarigeze anashaka kureba ku biro bya Komine"[481].

Imyanzuro y'Urugereko

410. Nk'uko bivugwa haruguru, hari ukunyuranya kwinshi mu buhamya abagabo biswe O, AB na Z batanze mu Rukiko. Uretse uko kunyuranya mu buhamya batanze mu Rukiko, hari n'ibintu bidahuye hagati y'ubuhamya bwabo bwanditse n'ubwo batanze mu Rukiko.

411. Urugereko ruhera ku buhamya umugabo yatanze mu Rukiko kugira ngo rusuzume ibyo avuga. Ni ngombwa kwibutsa ko hari ibintu byinshi bishobora gutuma habaho ukunyuranya hagati y'ubuhamya bwanditse abagabo baba barahaye abapererezi n'ubwo batangira mu rukiko nyuma. Muri ibyo bintu, umuntu yavuga nk'ururimi rwakoreshejwe, ibibazo bibazwa umutangabuhamya, uburyo bwo gusemura, uburyo inyandikomvugo y'ubuhamya ikorwa, tutanibagiwe n'ihahamuka ry'abatangabuhamya (Muri rusange, reba akiciro ka II.2). Cyakora, hari ukwivuguruza kudashobora kubonerwa igisobanuro.

412. Umutangabuhamya wiswe O, Porokireri ashingiraho kurusha abandi, arivuguruza mu buhamya bwe. Ukurikije ubuhamya bwe mu Rukiko kimwe n'ubwanditse yatanze mu

[479] Ni kimwe no haruguru, urup. 34.
[480] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 207.
[481] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 41.

mwaka wa 1998, Uregwa yavuye mu Rutsiro ajya i Mabanza ari kumwe na Kayishema n'abajandarume bari mu modoka ebyri zirimo iya Hilux y'ubururu ya Komine. Azibona zigera aho hantu, umutangabuhamya yari wenyine kandi yiyumviye Kayishema akoresha amagambo "umwanda" n'"udusimba". Inama Uregwa yagiranye na Perefe yabereye mu nzu ya IGA iri nko muri metero biri hagati ya 150 na 200 uvuye ku biro by'Uregwa.

413. Cyakora mu buhamya bwe bwanditse yatanze mu mwaka wa 1995, uwo mutangabuhamya avuga ko yari kumwe na mukuru we ubwo yabonaga Kayishema ahagera. Nta cyo avuga na gato ku magambo mabi yaba yaravuzwe na Perefe, kandi mu buhamya bwe bigaragara ko Perefe atari aherekejwe n'Uregwa. Muri ubwo buhamya ntanavugamo imodoka ya Komine. Ukurikije ubwo buhamya, inama yahuje Uregwa na Kayishema yabereye mu biro by'Uregwa (aho kuba mu nzu ya IGA), kandi ngo Perefe yabwiye Uregwa ko yazanye n'abajandarume kwica impunzi. Mu buhamya yatanze mu Rukiko mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana, hasigaye iminsi ine ngo ahe abapererezi ubuhamya bwanditse bwa kabiri bwerekeranye n'uru rubanza, uyu mutangabuhamya yabajijwe ibyerekeye imodoka ebyiri zaje kuri Komine. Yashubije ko yari afite ubwoba cyane ku buryo atashoboye kwitegereza izo modoka, akaba rero atarashoboye kumenya ibara ry'imodoka ya kabiri. Mu buhamya bwe bwanditse bwa kabiri kimwe no mu bwo yatanze mu Rukiko muri uru rubanza, avuga ko iyo modoka yari Hilux y'ubururu.

414. Umutangabuhamya wiswe O ntiyivuguruza mu buhamya bwe bwanditse kimwe no mu bwo yatanze mu Rukiko aho avuga ko Uregwa yavuze ko batagomba kwicira impunzi ku biro bya Komine, ko ahubwo zigomba koherezwa ku Kibuye. Cyakora, mu buhamya bwe bwanditse bwo mu mwaka wa 1995 ni ho honyine avuga ko yumvise Kayishema ategeka Uregwa kohereza impunzi ku Kibuye bukeye bwaho mu gitondo.

415. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, AB we yemeza ko Kayishema yaje i Mabanza atari kumwe n'Uregwa. Perefe yari arakaye maze avuga amagambo mabi ku Batutsi abita "umwanda", mbere y'uko abonana n'Uregwa mu biro bye. Umutangabuhamya

ntiyakurikiranye ibyavugiwe muri iyo nama. Cyakora, mu buhamya bwe bwanditse yatanze mu mwaka wa 1996, avuga ko Kayishema, waje ari wenyine, yaba yarabonanye bwa mbere n'Uregwa hanze y'ibiro bya Komine abanje gukoranya impunzi mbere y'uko yinjira mu biro by'Uregwa. Naho mu buhamya bwanditse yatanze mu mwaka wa 1999, umugabo avuga ko Uregwa yahageze avuye mu Rutsiro ari kumwe na Kayishema, kandi ko abo bagabo bombi bavuganiye imbere y'impunzi, bavuga ko ari ngombwa gukuraho umwanda, nyuma bakorera inama mu biro by'Uregwa. Aha naho Urugereko ruhasanga imvugo nyinshi zidahuje.

416. Mu buhamya bwe yatanze mu Rukiko ku itariki ya 8 Gashyantare 2000, Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko yari ku Gitikinini ubwo yabonaga imodoka ya Kayishema. Hanyuma aza kujya ku biro bya Komine ahageze bihurirana n'uko Uregwa asohotse mu biro ari kumwe na Perefe. Muri ubwo buhamya, Z yemeza ko Uregwa na Kayishema bakoranyije impunzi bakazibwira ko zigomba kujya ku Kibuye bukeye mu gitondo. Kuri iyi ngingo, ibyo uyu mutangabuhamya avuga bitandukanye n'ibivugwa n'abagabo biswe O na AB. Cyakora, mu buhamya bwanditse yatanze mu mwaka wa 1996, Z avuga ko nta modoka ya Kayishema yabonye ko ahubwo bamubwiye ko Perefe yaje kuri Komine. Byongeye kandi, mu buhamya bwanditse avuga ko Kayishema yaba yarafashe ijambo imbere y'impunzi mbere yo kwinjira mu biro by'Uregwa aho kuba nyuma y'uko akorana inama n'Uregwa. Ibyo binyuranye n'ibyo uyu mugabo avuga mu buhamya yatanze mu Rukiko. Mu buhamya bwanditse avuga ko umupolisi yavugije ifirimbi kugira ngo akoranyirize impunzi hamwe ariko ibyo ntabivuga mu buhamya yatanze mu Rukiko.

417. Haba mu buhamya bwe bwanditse cyangwa mu bwo yatanze mu Rukiko, umutangabuhamya wiswe Z ntaho avuga ko Kayishema yavuze amagambo mabi, ariko abatangabuhamya biswe AB na O bo barabivuga. Cyakora, mu buhamya bwanditse bwo mu mwaka wa 1999, asobanura ko Perefe yafashe ijambo imbere y'impunzi akazibwira

ko we n'Uregwa bagiye kwiga ibibazo byazo. Nta wundi mutangabuhamya uvuga ibyo bintu.

418. Urugereko rusanga O, AB na Z bavuga ko Kayishema yabonanye n'Uregwa ku itariki ya 12 Mata 1994. Nk'uko twamaze kubibona, ukwizerwa kwa AB na Z kurakemangwa ku byerekeranye n'ibindi bintu byabaye. Byongeye kandi, ubuhamya abo bagabo batatu batanze mu Rukiko buravuguruzanya ndetse usanga hari ibitandukanye mu buhamya buri wese yatanze mu bihe bitandukanye. N'ubwo umuntu ashobora kumva ko kuba ubuhamya bwabo budahura neza bishobora kuba biterwa n'igihe gishize ibintu bibaye, ubuhahamuke bw'abatangabuhamya n'uburyo ibibazo byagiye bibazwa, Urugereko rusanga, ku byerekeye inama yaba yarahuje Kayishema n'Uregwa, hari ukuvuguruzanya kwinshi ku buryo bituma umuntu akemanga ukuri kwa buri buhamya bwatanzwe. Niba iyo nama yarabaye koko, umutangabuhamya wiswe O ni we wenyine waba warumvise ibyayivugiwemo. Kuri iyo ngingo, uretse n'uko agenda yivuguruza ku byerekeranye n'ahantu ino nama yabereye, muri uru rubanza ni na we wenyine wemeza ko abo bagabo bombi bateraniye mu nzu ya IGA kandi ko bageze ku biro bya Komine bari kumwe.

419. Abatangabuhamya bashinja babiri biswe A na AC nabo bari ku biro bya Komine muri icyo gihe kivugwa, ariko ntibibuka ko Kayishema yaba yaraje aho hantu. Kuba batarabonye Kayishema ku biro bya Komine ntibivuga ko yaba atarahaje. Cyakora, umuntu ntiyabura gutekereza ko impunzi zari ku biro bya Komine zari kumenya inama yaba yarahuje abategetsi bakuru ba Perefegitura na Komine mu bihe nka biriya bikomeye. Ubuhamya bw'umugabo wiswe G buvuga ko abo bagabo batabonanye, ko ahubwo bavuganiye kuri telefone akaba ari ho Perefe yaba yaragaye Uregwa kuko ngo ari we wenyine wari usigaranye "umwanda" iwe, butuma umuntu arushaho gushidikanya ku buhamya bwatanzwe kuri iyo nama.

420. Hari kandi n'ubuhamya umugabo wiswe O yatanze mu Rukiko avuga ko yaba yarumvise ikiganiro Perefe yagiranye n'Uregwa bavuga ko impunzi zagombaga kujyanwa ku Kibuye zikahicirwa. Ayo ni amakuru akomeye yerekeye ubuzima nyirizina bw'impunzi.

Umutangabuhamya wiswe O avuga ko yabimenyesheje abantu bo mu muryango we n'impunzi zari hafi aho. Cyakora, Urugereko rusanga nta cyo rwashingiraho rwemeza ko izo mpunzi nkeya zaba zaramenye ayo makuru zayaganiriyeho hagati yazo. Nta cyemeza kandi ko zaba zarayagejeje ku zindi mpunzi cyangwa ko zanze kuva ku biro bya Komine ngo zijye ku Kibuye. Bamubajije impamvu atavuye i Mabanza mu gitondo cy'umunsi wakurikiyeho nk'uko izindi mpunzi zabikoze, umutangabuhamya yashubije ko byabaye ngombwa ko asigara kugira ngo yite kuri mukuru we wari umaze kubyara. Cyakora, Urugereko rusanga icyo gisubizo kidahwitse. Abandi bantu bo mu muryango we bari bagiye ku Kibuye.

Umwanzuro w'Urugereko

421. Rushingiye ku bimaze kuvugwa byose haruguru, Urugereko rusanga hataragaragajwe, ku buryo budashidikanywaho, ko ku itariki ya 12 Mata 1994 Uregwa yagiranye inama na Perefe Kayishema ku biro bya Komine ya Mabanza bakaganira ku buryo Abatutsi bari bateraniye aho hantu bakwicwa. Kubera iyo mpamvu, Porokireri ntiyagaragaje ibyo avuga mu nteruro ya mbere y'igika cya 4.20 cy'Inyandiko y'ibirego. Igice gisigaye cy'igika cya 4.20 cyerekeranye no gushyira impunzi mu matsinda no kuzohereza ku Kibuye kirasuzumwa mu bikurikira.

3. Ibintu byabereye ku Kibuye kuva ku itariki ya 13 kugera ku ya 19 Mata 1994

3.1 Kwimura impunzi ziva ku biro bya Komine ya Mabanza zikajya mu mugi wa Kibuye

Inyandiko y'ibirego

422. Ibyo bintu bivugwa kuva ku gika cya 4.20 kugeza ku cya 4.22 mu Nyandiko y'ibirego:

4.20 […] Hakurikijwe amabwiriza ya Ignace Bagilishema, abantu bari bahungiye ku biro bya Komine ya Mabanza bashyizwe mu matsinda abiri. Irya mbere rigizwe n'abanyabwenge ryatwawe mu ikamyo ya gisirikare yerekeza ku Kibuye. Nta wongeye kubona abo bantu. Itsinda rya kabiri rigizwe ahanini n'abaturage basanzwe bafungiwe ku biro bya Komine ya Mabanza nyuma baza kwimurirwa kuri sitade Gatwaro mu mugi wa Kibuye aho biciwe.

4.21. Tariki ya 13 Mata 1994 cyangwa hafi yayo, Ignace Bagilishema yategetse Abatutsi yari yasabye guteranira ku biro bya komine kugira ngo baharindirwe umutekano, kujya kuri sitade Gatwaro ku Kibuye muri Komine ya Gitesi.

4.22. Ageze ku Kibuye muri Komine ya Gitesi, tariki ya 13 Mata 1994, Ignace Bagilishema, afatanyije n'abandi barimo Clément Kayishema, Célestin Semanza, Apollinaire Nsengimana, Emile Nzanana na Munyampundu, yagabanyije impunzi mo ibice biri. Ignace Bagilishema yategetse igice cya mbere guhungira ku kiliziya y'abagatolika no kuri *Home Saint-Jean* (turajya tuhita "ikigo"), naho ikindi gice agitegeka kujya kuri sitade Gatwaro (turajya tuhita "sitade"), aho hombi hakaba ari ku Kibuye muri Komine ya Gitesi."

Ingingo z'ababuranyi

423. Porokireri avuga ko ku itariki ya 13 Mata 1994, Uregwa yategetse impunzi zari ziteraniye ku biro bya Komine kujya kuri sitade ya Kibuye. Uregwa yaba yarazikurikiye ari mu modoka ya Komine naho abapolisi bakajya bazibuza kuva muhanda munini. Impunzi zigeze mu mugi, Uregwa, yazigabanyijemo ibice bibiri afatanije n'abandi bantu. Igice kimwe cyaba cyarerekejwe ku kigo naho ikindi kikoherezwa kuri sitade. Porokireri avuga ko Uregwa yitwaye atyo akurikije umugambi wari wemejwe ku itariki ya 12 Mata 1994

ubwo yabonanaga na Perefe Kayishema kandi ko yari azi cyangwa yari afite impamvu zo kumenya icyari kuba kuri izo mpunzi zigeze ku Kibuye[482].

> "Ntekereza ko niba umugambi wa jenoside waracuzwe ku itariki ya 12 Mata, […] kuba yarabakurikiye cyangwa atarabakurikiye nta cyo bivuze, nta cyo bivuze kubaherekeza ari mu modoka cyangwa kutabaherekeza. Ibyo byose biri mu rwego rw'umugambi wari wafashwe. Ese kumenya ko Uregwa yari ahagaze kuri rompuwe yereka impunzi aho zijya bifite ireme muri uru rubanza? Ese ibyo hari akamaro bifite? Oya, nta cyo bimaze"[483].

424. Mu myanzuro nsozarubanza mu magambo, Porokireri ashimangira ko "ibyo byakozwe hakurikijwe umugambi Uregwa yitabiriye amaze kubyemeranyaho na Perefe. Uwo mugambi wari ugamije guteranyiriza izo mpunzi zose kuri sitade ya Kibuye"[484]. Porokireri ntatsimbarara cyane ku bivugwa ko Uregwa ubwe yaherekeje impunzi.

425. Ubwunganizi buvuga ko ku itariki ya 13 Mata 1994 mu gitondo, amaze kuvugana na Burugumesitiri wa Rutsiro wari umuhamagaye kuri terefone, Uregwa yiyemeje kugira impunzi inama yo kujya ku Kibuye ngo hato zidaterwa n'Abakiga baturutse mu majyaruguru. Uregwa ntiyategetse impunzi ko zigomba, byanze bikunze, kujya kuri sitade ya Kibuye kandi ntiyaziherekeje. Ubwunganizi bwemeza ko iyo aramuka atohereje impunzi ku Kibuye, biragaragara ko izo mpunzi ziba zariciwe aho n'Abakiga bagabye igitero muri Komine ya Mabanza ku itariki ya 13 Mata n'iminsi yakurikiyeho. Bityo rero, Uregwa yakoze uko ashoboye ngo arwane ku mpunzi. Ubwunganizi bwemera ko Uregwa yasabye abapolisi babiri guherekeza impunzi kugera ku rugabano rwa Komine ya Mabanza n'iya Gitesi. Uregwa yamenyesheje Kayishema kuri telefone ko impunzi zije

---

[482] Reba by'umwihariko Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 25, 26, ibika 166-173; imp. 56-58, ibika 330-339; imp. 59, 60, igika cya 345.
[483] Ni kimwe no haruguru, urup. 58.
[484] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, urup. 55.

kugira ngo arebe ko Perefe atanga abantu bo kuziherekeza kuva aho Komine ya Gitesi itangirira[485].

Isesengura

Abatangabuhamya

426. Abatangabuhamya bashinja biswe A, AB, AC, G, K na O bose bahungiye ku biro bya Komine ya Mabanza mu gihe cy'ibyabaye bivugwa.

427. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko, mu gitondo cyo ku itariki ya 13 Mata 1994, Uregwa yafashe ijambo imbere y'impunzi akazibwira ko zajya ku Kibuye aho zari kugirira umutekano[486]. Impunzi zanyuze mu muhanda munini. Uyu mutangabuhamya avuga ko Uregwa yazikurikiye ari mu modoka[487] kandi ni we wenyine uvuga ibyo bintu. Ubuhamya bwe buraza gusuzumwa ingingo ku yindi (reba akiciro V.3.2). Uyu mutangabuhamya avuga ko, kuri rompuwe ya Kibuye, abajandarume berekeje impunzi kuri *Home Saint-Jean*. Umuhanda werekeza kuri sitade waje gufungurwa, maze abajandarume barasa mu kirere, kugira ngo impunzi zige kuri sitade[488].

428. AC avuga ko, ku wa gatatu tariki ya 13 Mata 1994 saa mbiri n'igice za mu gitondo, Uregwa, ari kumwe n'umupolisi wa komine, yazamuye ibendera, avuza ifirimbi maze akoranya impunzi[489]. Uregwa yazibwiye ko zigomba kunyura mu muhanda zikajya ku Kibuye aho "ubutegetsi bufite ubushobozi bwo gucunga umutekano wazo kandi ko […] umutekano wazo wari kurindwa n'abasirikare bo ku Kibuye[490]. Impunzi ntizagombaga

---

[485] Reba by'umwihariko Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp. 65-67, ibika 547-566; imp. 72, 73, ibika 613-620.
[486] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, urup. 10.
[487] Ni kimwe no haruguru, urup. 13.
[488] Ni kimwe no haruguru, urup. 19, 20.
[489] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, urup. 36.
[490] Ni kimwe no haruguru, urup. 125.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

guca mu tuyira tunyura mu misozi[491]. Umutangabuhamya n'umuryango we bakoze urwo rugendo bari kumwe n'izindi mpunzi. Avuga ko hari "umurongo muremure w'amatungo n'abantu; uwashoboraga kugenda yakomezaga inzira, abantu ntibagendaga bakurikije gahunda runaka yihariye"[492]. Impunzi zigeze mu mugi kuri rompuwe, abajandarume bazerekeje kuri sitade.

429. Umutangabuhamya wiswe O avuga ko ku itariki ya 13 Mata 1994, ahagana saa kumi n'ebyiri za mu gitondo, Uregwa yakoresheje inama imbere y'inzu ya IGA[493], maze avuga ko impunzi "zagombaga kujya ku Kibuye" aho zari kurindirwa umutekano zigahabwa n'imfashanyo. Yongeyeho ko ku biro bya Komine nta mwanya uhagije wari uhari, ko hari hamaze kugaragara isuku nke n'abantu batangiye kurwara[494]. Hashize akanya gato, impunzi zaragiye. Uyu mutangabuhamya yagumye kuri Komine ya Mabanza kugira ngo yite kuri mukuru we wari waraye abyaye nijoro. Ntazi niba Uregwa cyangwa abajandarume baraherekeje impunzi[495].

430. Ku byerekeye ijoro ryo ku itariki ya 12 Mata 1994, umutangabuhamya wiswe AB avuga ko Interahamwe zitwaje ibihiri zaje ku biro bya komine, zigatera amabuye ku mpunzi zikanageregeza kwiba inka zazo[496]. Nta wundi mutangabuhamya uvuga iby'icyo gitero. AB avuga ko yumvise ifirimbi ivuga saa kumi n'ebyiri mu gitondo cy'umunsi ukurikiyeho. Uregwa ngo yakoranyije impunzi azisaba kujya ku Kibuye kuko nta biribwa nta n'umwanya uhagije byari ku biro bya Komine, ndetse nta n'umuntu wo kuzirindira umutekano wari uhari[497]. Impunzi zamushubije ko zifite ubwoba bwo kwicirwa mu nzira kuko zari zaragabweho ibitero ku biro bya Komine. Uregwa yavuze ko impunzi

---

[491] Ni kimwe no haruguru, urup. 36.
[492] Ni kimwe no haruguru, urup. 37.
[493] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Ugushyingo 1999, imp. 32, 101-102.
[494] Ni kimwe no haruguru, urup. 32.
[495] Ni kimwe no haruguru. p. 32-33.
[496] Inyandikomuvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, urup. 52-53.
[497] Ni kimwe no haruguru, imp. 53-54.

zihagumye, abagaba ibitero bari kuzaza kuziciraho aho[498]. Uyu mutangabuhamya avuga ko Uregwa yongeyeho ko impunzi nta cyo zari kuba kuko yari kuziha abajandarume baziherekeza. Uregwa yanavuze ko bagomba kugarura impunzi zaba zitakurikiye umuhanda wose bakazibwira gusanga izindi[499]. Impunzi zavuye ku biro bya Komine zigenda n'amaguru. Abajandarume bagendanye n'izo mpunzi ku gice kimwe cy'urwo rugendo[500].

431. AB ntiyagiye ku Kibuye. Mu by'ukuri, ageze i Kayenzi yuriye bisi yari ijyanye abasirikare i Kigali. Bamaze kumenya ko yari agiye ku Kibuye, abo basirikare bamugiriye inama yo kutajyayo kubera umutekano muke wari uhari. Umutangabuhamya yaviriyemo ku Gitikinini (muri Komine ya Mabanza) hanyuma yihisha mu masaka[501].

432. Umutangabuhamya wiswe K avuga ko, mu gitondo cya kare ku itariki ya 13 Mata 1994, Uregwa yabwiye impunzi ko niziguma ku biro bya Komine Interahamwe zari kuhazicira kuko nta basirikare bahagije bari bahari bo kuzirinda. Uregwa yazibwiye kujya ku Kibuye kuko hari abasirikare bahagije bo kuzirindira umutekano[502]. Impunzi zahise zigenda ariko umutangabuhamya wiswe K ntiyajyana na zo. Yagiye gushaka nyina n'abana be bane bari bihishe ahandi hantu. Babonye igihiriri cy'abagabaga ibitero kije kibasanga, na bo bahise berekeza iyo ku Kibuye[503].

433. Bageze muri Segiteri ya Kibilizi, mu masaa yine z'amanywa, umutangabuhamya wiswe K n'umuryango we bahuye n'Uregwa n'abandi bantu bari mu modoka. "Nabasabye kunjyana ku Kibuye bansubiza ko atari ho bagiye"[504]. Cyakora, Uregwa yatwaye

[498] Ni kimwe no haruguru. urup. 54.
[499] Inyandikomvugo y'iburanisha, 16 Ugushyingo 1999, urup. 66.
[500] Inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, urup. 65.
[501] Ni kimwe no haruguru, imp. 67-72.
[502] Inyandikomvugo y'iburanisha, 25 Mutarama 2000, urup. 88.
[503] Ni kimwe no haruguru, urup. 93.
[504] Ni kimwe no haruguru, urup. 94.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

umutangabuhamya n'umuryango we ahantu hato cyane hanyuma bahungira ku Kibuye banyuze mu misozi. Mbere yo kugera mu mugi basubiye inyuma bihisha mu rutoki[505].

434. Umutangabuhamya wiswe G avuga ko, tariki ya 11 Mata 1994 ahagana saa mbiri za mu Gitondo, Uregwa yafashe ijambo imbere y'impunzi mu mbuga y'ibiro bya Komine. Yazibwiye kujya ku Kibuye aho zari kurindirwa umutekano kurushaho[506]. G yari mu mpunzi zagendaga imbere kandi ntiyabonye Uregwa muri urwo rugendo. Bageze kuri rompuwe yabonye abajandarume. Avuga ko nta cyo azi ku mpunzi zerekejwe kuri *Home Saint-Jean*. Yakomeje uwo muhanda ujya kuri sitade[507].

435. Umutangabuhamya ushinja wiswe AA, akaba Umuhutu wari utuye muri Komine ya Mabanza, avuga ko impunzi zagiye ku Kibuye n'amaguru zijyanye amatungo yazo kandi ziherekejwe n'abasirikare n'abajandarume[508]. Uyu mutangabuhamya avuga ko "hari abajandarume n'abasirikare bake bashakaga kwicira [impunzi] ku biro bya Komine, ariko Bagilishema akavuga ko azatwohereza ku Kibuye, Perefe agakemura ikibazo cyacu"[509]. Nta wundi mutangabuhamya ushyigikira ibi bintu AA avuga. Ubuhamya AA yatanze mu Rukiko burakemangwa hasi (reba akiciro V.3.4).

436. Umwe mu Bahutu bari batuye muri Komine ya Mabanza, ari we mutangabuhamya ushinja wiswe Z, avuga ko ku itariki ya 13 Mata 1994, ubwicanyi bwari bwamaze gutangira, by'umwihariko mu nkengero zo ku Gitikinini. Abateraga baturukaga i Gihara n'i Mushubati. Bari abakiga bahigaga kandi bakica Umututsi wese bahuye na we mu nzira[510]. Umutangabuhamya ushinja wiswe I na we avuga ko yabonye abagabaga ibitero ariko ntasobanura itariki yababoneyeho[511].

---

[505] Ni kimwe no haruguru, imp. 95, 96.
[506] Inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mutarama 2000, urup. 32.
[507] Ni kimwe no haruguru, imp. 74, 75.
[508] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, imp. 12-16.
[509] Ni kimwe no haruguru, urup. 13.
[510] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, imp. 21, 22.
[511] Inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Ugushyingo 1999, imp. 38, 39.

437. Abatangabuhamya bashinjura benshi bavuga ku bitero byinshi byagabwe muri Komine ya Mabanza nyuma y'uko impunzi zijya ku Kibuye mu mugi.

438. Umutangabuhamya wiswe RA avuga ko Abakiga bageze muri Komine ku itariki ya 13 Mata 1994 cyangwa nyuma yayo[512]. Mu masaa moya za mu gitondo (itariki ntisabonurwa), impunzi ebyiri zabwiye umutangabuhamya wiswe ZJ ko abantu bari bateraniye ku biro bya Komine bagiye muri icyo gitondo. Izo mpunzi zombi zari zasigaye kugira ngo zishyire hamwe ibintu byazo. Zasobanuriye ZJ ko na zo zari bukurikire izindi mpunzi kuko nta mutekano wari muri Komine. Impunzi ziturutse mu Rutsiro n'i Mushubati zari zavuze ko zabonye abantu baje bazikurikiye kandi ko abo bantu baramutse bageze muri Komine ya Mabanza, nta mutekano waba ugihari. Kubera iyo mpamvu, izo mpunzi zombi zafashe icyemezo cyo kujya kuri Perefegitura aho zari kurindwa neza kurushaho[513].

439. Umutangabuhamya wiswe TP avuga ko, umunsi umwe hafi y'itariki ya 13 Mata 1994, hagati ya saa tatu na saa yine za mu gitondo, yabonye abantu benshi bagenda n'amaguru berekeza ku Kibuye n'amatungo yabo. Bamwe bari bitwaje inkoni abandi bafite imipanga. Avuga ko abo bantu bagiye ku bwende bwabo. Impunzi ntizari zishorewe n'abapolisi cyangwa abajandarume, kandi nta wazigabyeho igitero[514]. Umutangabuhamya avuga ko nta modoka ya Komine cyangwa Uregwa yabonye muri iyo nzira[515]. Nyuma yaho, amaze kugaruka iwe, Abatutsi babiri yari azi baje kumureba bamubwira ko barimo guhunga Abakiga kubera umutekano muke wari mu Rutsiro. Izo mpunzi zumvaga nta mutekano uhagije zifite muri Mabanza kuko abagabaga ibitero bihutaga cyane. Zashakaga rero nazo guhungira kuri Perefegitura[516].

---

[512] Inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Gicurasi 2000, urup. 47.
[513] Inyandikomvugo y'iburanisha, 3 Gicurasi 2000, imp. 120-122.
[514] Inyandikomvugo y'iburanisha, 27 Mata 2000, imp. 199-201.
[515] Ni kimwe no haruguru, urup. 146.
[516] Ni kimwe no haruguru, urup. 140.

440. Umutangabuhamya ushinjura wiswe BE avuga ko impunzi zatangiye kuva ku biro bya Komine ya Mabanza ku itariki ya 13 Mata 1994 mbere ya saa sita. N'ubwo avuga ko atari azi impamvu yatumaga zigenda cyangwa icyatumaga zijya ku Kibuye mu mugi, yamenye ko abashinzwe umutekano ba Mabanza batari bashoboye kurinda impunzi bazikingira ibitero abantu bagabaga kuri Komine[517]. Umutangabuhamya avuga ko Abakiga bahageze mu masaa tatu za mu gitondo, hashize isaha impunzi za nyuma zigiye. Yababonye basaka, basahura banasenya amazu. N'ubwo we yari Umuhutu, uyu mutangabuhamya avuga ko yabihishe ngo batamubona kuko bari bavuze ko Abahutu batari gufatanya nabo bari kugira ibibazo[518].

Uregwa

441. Uregwa avuga ko mu gitondo cya kare cyo ku itariki ya 13 Mata 1994, Burugumesitiri wa Rutsiro yamuhamagaye kuri telefone akamumenyesha ko abantu bagabye igitero bari hafi kugera i Mabanza baturutse mu majyaruguru[519]. Uregwa yahise abwira umupolisi kuvuza ifirimbi kugira ngo akoranye impunzi. Yahagaze ku kirundo cy'ibiti abwira impunzi ko ziri mu makuba kuko igitero kirimo abantu benshi kije kuzica[520]. Yazigiriye rero inama yo kwerekeza mu majyepfo, by'umwihariko mu mugi wa Kibuye aho abategetsi bashobora kuzirindira umutekano kurushaho. Uregwa yategetse abapolisi babiri kuziherekeza kugera muri kimwe cya kabiri cy'urugendo bakazigeza aho Komine ya Gitesi itangirira, ni ukuvuga nko mu birometero bigeze ku icumi uvuye kuri Komine ya Mabanza. Uregwa yagumye ku biro bya Komine ari kumwe n'umupolisi umwe. Ntiyabonye uko avugana n'abajandarume bari bakambitse i Mushubati[521].

---

[517] Ni kimwe no haruguru, urup. 58.
[518] Ni kimwe no haruguru, imp. 59-64.
[519] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 34.
[520] Ni kimwe no haruguru, imp. 37, 38.
[521] Ni kimwe no haruguru, imp. 42, 43.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

442. Uregwa asobanura ko yibwiraga ko impunzi zari kurindwa kurushaho ku Kibuye kuko hari ikompanyi ya jandarumori. Yatekereje ko icyemezo yafashe ari cyo cyari cyiza ukurikije uko ibintu byari byifashe kandi impunzi zikaba zari gutsembwa iyo ziguma ku biro bya Komine ya Mabanza. Amaze gufata ijambo imbere y'impunzi, Uregwa yavuze ko yahamagaye Perefe Kayishema kuri telefone ahagana saa kumi n'ebyiri n'igice za mu gitondo kugira ngo amumenyeshe ko impunzi zirimo ziza ku Kibuye kubera ubwoba zitewe n'igitero cy'abantu bavuye muri Komine ya Rutsiro. Avuga ko yasabye Perefe Kayishema kubungabunga umutekano w'impunzi zari mu nzira zerekeza ku Kibuye[522].

Imyanzuro y'urugereko

443. Ubuhamya bwatanzwe bugaragaza ko, mu gitondo cya kare cyo ku itariki ya 13 Mata 1994, Uregwa yafashe ijambo imbere y'impunzi akazibwira ko zigomba kujya ku Kibuye aho abategetsi bari kuzirindira umutekano. Impunzi zagiye ku Kibuye n'amaguru zijyanye amatungo yazo kandi ziherekezwa n'abapolisi ba komine babiri. Urugereko rusanga umutangabuhamya wiswe O avuga ko, by'umwihariko, Uregwa yategetse impunzi kujya kuri sitade yo ku Kibuye. Ukwizerwa k'ubuhamya bwe mu Rukiko kurakemangwa haruguru (reba akiciro V.2.6). Byongeye kandi, ntihatanzwe ubundi buhamya bushyigikira ibyo avuga kuri iyo ngingo. Kubera izo mpamvu, Porokireri ntiyashoboye kugaragaza ko Uregwa yategetse impunzi kujya kuri sitade nk'uko bivugwa mu gika cya 4.21 cy'Inyandiko y'ibirego.

444. Porokireri yemeza ko Uregwa yakoraga akurikiza umugambi ugamije kwica impunzi, bityo akaba yari azi cyangwa yari afite impamvu zo kumenya ibintu byari kuba ku mpunzi kuri sitade yo ku Kibuye. Cyakora, Urugereko rusanga nta bimenyetso bigaragaza, ku buryo budashidikanywaho, ko Kayishema yagiranye inama n'Uregwa ngo bacure umugambi (reba akiciro V.2.6). Uregwa asobanura ko ibyo yakoze yabitewe no

[522] Ni kimwe no haruguru, imp. 39, 40, 44.

guhangayikishwa n'umutekano w'impunzi zari ziteraniye ku biro bya Komine, amaze kumenyeshwa na Burugumesitiri wa Rutsiro ko hari ibitero bigiye kugabwa. Abatangabuhamya benshi bemeza ko mu gitondo cyo ku itariki ya 13 Mata 1994, Uregwa yavuze ibyerekeranye n'abantu bari gutera. Koko rero muri icyo gitondo, abatangabuhamya biswe K, Z na BE bo biboneye abantu baje mu bitero, cyangwa Abakiga, muri Komine ya Mabanza. Umugabo wiswe ZJ yatanze ubuhamya nk'ubwo ashingiye ku byo yaganiriye n'impunzi ebyiri. Hari abandi bagabo batanze ubuhamya busa n'ubwo, ariko ntibasobanura itariki ibyo bavuga byabereyeho. Byongeye kandi, impunzi zasigaye ku biro bya Komine zishwe n'abagabye ibitero ku itariki ya 13 na 14 Mata (reba akiciro V.4.3). Kubera izo mpamvu, ntawavuga ko ibisobanuro by'Uregwa bidafite ishingiro n'ubwo abatangabuhamya batavuga ko Uregwa yari yasobanuye neza ko ari Abakiga bari gutera, igihe yabwiraga impunzi kujya ku Kibuye.

445. Porokireri ntiyagaragaje ibyo avuga ko yohereza impunzi ku Kibuye, Uregwa yabikoze mu rwego rw'umugambi yari yumvikanyeho na Kayishema. Byongeye kandi, ibimenyetso byasuzumwe ntibigaragaza ko Uregwa yagombaga kuba azi icyari kuba kuri izo mpunzi zigeze ku Kibuye.

446. Urugereko rusanga hataratanzwe ibimenyetso bishyigikira ibikubiye mu gika cya 4.20 cy'Inyandiko y'ibirego ahavugwa ko, bitegetswe n'Uregwa, impunzi zari ku biro bya Komine zashizwe mu matsinda, rimwe rigizwe n'abanyabwenge n'irindi rigizwe n'abaturage basanzwe.

447. Uregwa ahakana ko yajyanye n'impunzi ku Kibuye. Umutangabuhamya wiswe A ni we wenyine uvuga ko Uregwa yajyanye n'impunzi. Nk'uko bisobanurwa mu kiciro gakurikira (reba akiciro V.3.2), nta wahakana ko Uregwa yaherekeje impunzi ku gice kimwe cy'urugendo bakoze, ariko ibimenyetso byatanzwe ntibihagije kugira ngo umuntu yemeze icyo kintu.

448. Mu gusoza kuri iyi ngingo, Urugereko rusanga hataratanzwe ibimenyetso byerekana ko Uregwa yashyize impunzi mu matsinda abiri kuri rompuwe yo ku Kibuye. Kubera izo mpamvu, ibivugwa mu gika cya 4.22 cy'Inyandiko y'ibirego ntibyagaragajwe.

3.2 Gufungwa no gufatwa nabi byakorewe impunzi kuri sitade Gatwaro, mu mugi wa Kibuye, hagati y'itariki ya 13 n'iya 17 Mata 1994

3.2.1 Intangiriro

Inyandiko y'ibirego

449. Mu bika 4.23, 4.24 na 4.31 by'Inyandiko y'ibirego Porokireri ashinja Uregwa ibikorwa birenze kameremuntu byakorewe impunzi z'Abatutsi kuri sitade ya Gatwaro, aho agira ati:

> "4.23. Ahagana ku itariki ya 17 Mata 1994, ibihumbi by'abagabo, abagore n'abana, baturutse ahantu hanyuranye bahungiye kuri kiliziya gatolika no kuri Home Saint-Jean (Ikigo) ndetse no kuri sitade Gatwaro, mu mugi wa Kibuye. Abo bagabo, abagore n'abana ntibari bafite intwaro kandi abenshi bari Abatutsi. Bari bahungiye ku kigo kugira ngo bikinge ibitero byibasiraga Abatutsi byagabwaga hose muri Perefegitura ya Kibuye.
>
> 4.24. Abo bantu bamaze guteranira ku kigo no kuri sitade, bitegetswe na Ignace Bagilishema aho hantu hagoswe n'abantu barimo barimo abajandarume n'abapolisi ba Komine. Abo bantu babujije abo bagabo, abagore n'abana barimo imbere gusohoka, bityo bababuza kubona ibiribwa n'amazi mu gihe cy'iminsi myinshi.
>
> […]

> 4.31. Muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, mu Makomine ya Mabanza, Gitesi na Gisovu, muri Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, Ignace Bagilishema yakoze ibindi bikorwa birenze kameremuntu. Muri ibyo bikorwa harimo guhiga Abatutsi aho bari hose, kubatandukanya n'andi moko, kubakubita, kubohereza ku bwende ahantu bari bwicirwe, kubafungira ku buryo bunyuranyije n'amategeko ku biro bya Komine no kuri sitade Gatwaro, nta mazi, nta biribwa, nta bya ngombwa by'isuku, bityo bikaba ngombwa ko barya ibyatsi."

Ingingo z'ababuranyi

450. Porokireri avuga ko nyuma y'uko impunzi zoherejwe kuri sitade, mu mugi wa Kibuye, zivuye i Mabanza, abantu bagenzurwaga n'Uregwa, barimo abajandarume n'abapolisi ba Komine, bazihafungiye bakanazima ibyangombwa bikenerwa mu buzima bwa buri munsi mu gihe cy'iminsi myinshi[523]. Porokireri avuga ko gufungira abasiviri b'Abatutsi muri sitade nta mategeko akurikijwe, badafite amazi, nta misarane, nta biribwa, bikabaviramo ububabare bukomeye, ari icyaha kibasiye inyokomuntu (ibikorwa birenze kameremuntu) Uregwa agomba kuryozwa[524].

451. Ubwunganizi ntibuhakana ibivugwa mu gika cya 4.23 cy'Inyandiko y'ibirego[525]. Cyakora, buvuga ko Uregwa atagiye ku Kibuye muri kiriya gihe cyo guhera ku itariki ya 13 kugera kuri 19 Mata 1994[526]. Ubwunganizi buvuga ko Porokireri atagaragaza, ku buryo budashidikanywaho, ko abantu Uregwa yari akuriye bafungiye impunzi muri sitade[527]. Buhakana ko impunzi zabujijwe kuva muri sitade cyangwa ko zicwaga

---

[523] Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 29, 30, ibika 193-198; imp. 31, 32, ibika 206-209.
[524] Reba n'ikirego cya 5 mu Nyandiko y'ibirego.
[525] Imyanzuro y'Ubwunganizi, urup. 67, igika cya 566.
[526] Nk'urugero, reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, urup. 67, igika cya 564; urup. 69, igika 584; urup. 72, igika 612; Ibivugwa n'Ubwunganizi ku Gisubizo cya Porokireri ku Myanzuro yabwo isubiza, igika cya 249.
[527] Imyanzuro nsozarubanza y'Ubwunganizi, urup. 68, igika cya 574.

n'inzara. Bwemeza kandi ko kugeza ku itariki ya 18 Mata 1994, abajandarume babiri bonyine ari bo bari barinze sitade[528]. Buvuga ko, ibyo ari byo byose, Uregwa adashobora kuryozwa ibyabereye kuri sitade mu gihe nta butegetsi akomora ku mategeko cyangwa ahandi yari afite ku bantu bari muri Komine ya Gitesi aho umugi wa Kibuye na sitade bihereye[529].

Isesengura

3.2.2 Umugambi wacuzwe mbere

452. Porokireri yemeza ko ibyaha byakorewe kuri sitade biri mu mugambi wari warateguwe mbere kandi Uregwa akaba yari awuzi. Mu gushyigikira iyo ngingo, Porokireri avuga mbere na mbere ko icyemezo cyo kwica Abatutsi cyafatiwe mu nama y'umutekano yabereye ku Kibuye ku itariki ya 9 Mata 1994 kandi Uregwa akaba yari ayirimo. Urugereko ntirwemera iyo ngingo kuko rusanga idafite ishingiro (reba akiciro ka V.2.4).

453. Porokireri avuga kandi ko ku mugoroba wo ku itariki ya 12 Mata 1994 Kayishema n'Uregwa bagiranye inama ku biro bya Komine ya Mabanza. Porokireri ashimangira iyo ngingo by'umwihariko mu myanzuro nsozarubanza yatanze mu magambo[530]. Porokireri asanga muri iyo nama yahuje Kayishema n'Uregwa ari ho hafatiwe icyemezo cyo kohereza impunzi ku Kibuye aho zaje kwicirwa. Porokireri avuga ko muri iyo nama Uregwa ariho yafatiye umugambi wo gukora jenoside. Urugereko rusanga Porokireri atagaragaza ko iyo nama yabayeho koko (reba akiciro ka V.2.6 haruguru).

454. Byongeye kandi, Porokireri avuga ko tariki ya 13 Mata 1994, Uregwa yagiye mu nama y'umutekano yabereye ku Kibuye itumijwe na Perefe Kayishema, ikaba yaritabiriwe

---

[528] Ni kimwe no haruguru, urup. 68, ibika 577-580.
[529] Ni kimwe no haruguru, ibika 573-575.
[530] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, imp. 7-12.

n'ababurugumesitiri b'amakomine icyenda yari agize Perefegitura ya Kibuye harimo n'Uregwa, Jabo wari Komanda wa Jandarumori na Porokireri wa [Parike] ku Kibuye. Muri iyo nama ngo haba harafashwe icyemezo cyo kwica Abatutsi bari bateraniye kuri *Home Saint-Jean* no kuri sitade. Porokireri ashingira ku buhamya Kayishema yatanze mu rukiko mu rubanza rwe aho avuga ko inama y'umutekano yateraniye ku Kibuye ku itariki ya 13 Mata 1994. Porokireri anavuga ko iyo nama yo ku itariki ya 13 Mata 1994 ari yo yanditse mu gitabo cy'amabaruwa yoherejwe na Komine ya Mabanza, bityo bikagaragaraza ko ku itariki ya 12 Mata 1994, Uregwa yandikiye abakonseye n'abakuru b'amashyaka ya politike yo muri Komine ya Mabanza abamenyesha ko hari inama y'umutekano yari iteganijwe[531].

455. Mu gusubiza, Ubwunganizi buvuga ko n'ubwo mu nyandikomvugo y'ibazwa ry'ibanze rya Kayishema havugwamo ko "inama y'umutekano yabaye" ku itariki ya 13 Mata 1994, iyo nama itari yaguye, bityo bikaba bivuga ko ba burugumesitiri batari bayitumiwemo[532]. Naho ku byerekeye igitabo cy'amabaruwa yoherezwa na komine, Uregwa avuga ko kubera ko abakozi ba Komine batari baje gukora ku itariki ya 12 Mata 1994, yabandikiye ibaruwa uwo munsi abasaba "kuza ku kazi vuba na bwangu bukeye bwaho ku itariki ya 13 Mata 1994"[533]. Uwo munsi [tariki ya 12 Mata 1994] yananditse ibaruwa ya kabiri itumira abakonseye n'abakuru b'amashyaka ya politiki mu nama y'umutekano yari kuba ku itariki ya 13 Mata 1994[534]. Iyi nama rero ntaho ihuriye n'iy'umutekano itaguye yabereye ku Kibuye[535].

456. Urugereko rusanze Porokireri ataragarutse kuri iki kibazo mu myanzuro nsozarubanza yatanze mu magambo ku itariki ya 18 Ukwakira 2000. Ibaruwa N° 0278 ivugwa mu gitabo cy'amabaruwa yoherezwaga hanze ntivugwamo iby'inama y'umutekano Perefe

---

[531] Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 62, 63, ibika 346-347.
[532] Inyandikomvugo z'iburanisha, 4 Nzeri 2000, urup. 159; 5 Nzeri 2000, urup. 153.
[533] Ikimenyetso gihamya N° 18 cy'Ubwunganizi, ibaruwa N° 0277.
[534] Ni kimwe no haruguru, kuri N° 02780 mu gitabo cy'amabaruwa.
[535] Inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, imp. 112-114.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

yaba yarakoranye na baburugumesitiri mu mugi wa Kibuye, ahubwo yerekeranye gusa n'inama y'umutekano y'abakonseye n'abakuru b'amashyaka ya politiki bo muri Komine ya Mabanza. Igitabo cy'amabaruwa yakiriwe ntikigaragaza ibaruwa n'imwe itumira Uregwa mu nama y'umutekano yo ku itariki ya 13 Mata 1994[536]. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga Porokireri atagaragaza ko Uregwa yagiye mu nama y'umutekano yateraniye ku Kibuye uwo munsi.

457. Nta kindi kimenyetso kigaragaza ko Uregwa yari mu mugambi, cyangwa ko yari azi iby'umugambi wateguwe mbere ugamije gutsemba impunzi z'Abatutsi kuri sitade, cyangwa ahandi hantu, aho ari ho hose, mu mugi wa Kibuye, muri Mata 1994. Porokireri avuga ko Uregwa atari kohereza ku Kibuye umubare munini kuriya w'impunzi z'Abatutsi atabyumvikanyeho n'abandi, kandi ko ubwicanyi bwakurikiyeho bwerekana ko hariho umugambi nk'uwo[537]. Uregwa we avuga ko ku itariki ya 13 Mata 1994 mu gitondo, mugenzi we wa Rutsiro yamuhamagaye kuri telefone amumenyesha ko Abakiga barimo berekeza muri Komine ya Mabanza. Ibyo nibyo byatumye Uregwa agira impunzi inama yo kujya mu mugi wa Kibuye. Anavuga ko impunzi zimaze kuva ku biro bya Komine, yabimenyesheje Perefe. Urugereko rusanga hari umubare utari muto w'Abatutsi basigaye ku biro bya Komine bishwe n'Abakiga ku itariki ya 13 Mata 1994. Bityo rero, ibimenyetso byatanzwe bishyigikira imvugo y'Uregwa.

458. Kubera izo mpamvu, Urugereko ntirushobora kwemeza ko ku i tariki ya 13 Mata 1994 Uregwa yari azi iby'umugambi wo gutsemba impunzi. Uburyozwacyaha bwe, niba buriho koko, bugomba gushakirwa mu byabaye nyuma y'iyo tariki.

---

[536] Ikimenyetso gihamya N° 19 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[537] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, urup. 55.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

3.2.3 Imiterere ya Sitade Gatwaro

459. Mu buryo bw'ikubitiro, Urugereko rurasobanura muri make imiterere ya sitade Gatwaro mu mugi wa Kibuye. Mu kubikora, Urugereko rurashingira ku bimenyetso byatanzwe mu Rukiko, birimo n'amafoto yatanzwe mu rubanza nk'ikimenyetso gihamya, ndetse no ku ruzinduko Urugereko rwagiriye muri Perefegitura ya Kibuye (reba akiciro ka II.1 haruguru). Kuri sitade ni ahantu hafunze hafite ishusho y'urukiramende, impande z'iburengerazuba n'iburasirazuba zifite uburebure bufite nka metero ijana naho mu majyaruguru n'amajyepfo, impande zaho zifite nk'uburebure bwa metero mirongo inani. Mu majyaruguru sitade yegamiye agasozi gahanamye kitwa Gatwaro, kanamanuka cyane mu gice cy'aho gatangirira. Izindi mpande za sitade zizungurutswe n'urukuta rw'amatafari rutareshya hose, rwa metero 2 kugera kuri 3 muri rusange.

460. Hari tiribine [aho abantu bicara] ebyiri ziteganye zitandukanijwe n'ikibuga. Tiribine nto yegamiye urukuta rw'iburengerazuba isa n'igisharagati kirekire. Ni inyubako ngufi ishakaje amabati kandi ifite inkingi nyinshi. Ku ruhande rw'inyuma ifunzwe n'urukuta ruzungurutse ikibuga, naho ku zindi mpande zisigaye hararangaye. Igisenge cy'iyo tiribine ni mugongo wa tembo. Uruhande rw'iburengerazuba rwerekeza mu kibuga hagati rufite uburebure bwa metero esheshatu hakiyongeraho metero ebyiri z'akandi gace gatwikiriye uturutse aho igisenge cyakarangiriye.

461. Tiribine nini yo ifatanye n'urukuta rw'iburengerazuba. Yubatse kijyambere, ifite amadarajya n'igisenge kinini kigenda kizamuka uko wegera ikibuga. Aho iyo tiribine itandukaniye n'intoya ni uko inkingi zayo ari nkeya kandi ntoya, bityo umuntu akaba areba neza ku kibuga akabasha no kurebera mu mpande za tiribine. Ni yo yegereye kurushaho umuryango munini wa sitade uri muri metero nkeya mu burasirazuba bw'inguni y'iburengerazuba bw'amajyepfo ya sitade yose.

462. Indi miryango ibiri iri mpande zombi za tiribine ntoya ntiyakoreshejwe mu gihe ibivugwa byabaga kuko yari yarafunzwe burundu. Hafi gato mu burengerazuba bwa sitade hari ibitaro. Umuhanda ugenda ukurikiye urukuta rw'amajyepfo ya sitade, ukazamuka werekeza iburasirazuba, ugera kuri rompuwe ya Kibuye iri nko muri metero 700 uvuye kuri sitade[538].

3.2.4 Uko ibintu byari byifashe kuri sitade – Isesengura

463. Urugereko rurabanza gusuzuma ibimenyetso byatanzwe rubone kwemeza niba impunzi zari zifungiye kuri sitade, niba zarakorewe ibikorwa birenze kameremuntu, kandi rurebe niba zaragiriwe nabi mu buryo ubwo ari bwo bwose, ku buryo byakwitwa "ibikorwa birenze kameremuntu". Kuri iyi ngingo, ubuhamya bw'abatangabuhamya bashinja biswe A, AC, na G n'ubw'ushinjura wiswe CP bufite akamaro kuri ibi bibazo. Nirurangiza, Urugereko ruzasuzuma niba Uregwa ashobora kuryozwa ibyo bikorwa.

Umutangabuhamya wiswe A

464. Umutangabuhamya ushinjura wiswe A, wari ufite imyaka 16 muri 94, yari mu mbaga y'impunzi zagiye ku Kibuye zivuye ku biro bya Komine ya Mabanza ku itariki ya 13 Mata 1994. Bahaguruka, yari mu gice cy'inyuma cy'abo bantu: "Tuvuye kuri komine nari ndi inyuma, ariko mu rugendo narihutaga, ngaca kuri bamwe"[539]. Umutangabuhamya avuga ko bari bakurikiwe n'imodoka ya Komine yarimo Uregwa, umupolisi, abajandarume babiri n'umushoferi wa Komine, witwa Nshimiyimana. Uwo mupolisi n'abajandarume bari bafite intwaro[540]. Bagera ku Kibuye, umutangabuhamya

[538] Inyandikomvugo y'iburanisha, 27 Ukwakira 1999, urup. 153.
[539] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, urup. 18.
[540] Ni kimwe no haruguru, imp. 15, 103, 104.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

yari “hagati muri iyo mbaga y’impunzi”[541]. (Ikibazo cyerekeranye n’uko Uregwa yaba yari kuri sitade kirasuzumwa hasi).

465. Umutangabuhamya wiswe A ntiyibuka igihe urugendo rujya ku Kibuye rwamaze, “ariko [hari] intera ndende”[542]. Avuga ko mu gihe we na bagenzi be b’impunzi bari bageze mu mugi, umuhanda werekeza ku kigo [*Home Saint-Jean*] wari wafunzwe maze abajandarume babategeka kwerekeza kuri sitade[543]. Umutangabuhamya ageze kuri sitade, yasanze inzugi zayo zifunze. Avuga ko hari nko mu masaa munani z’amanywa ariko akomeza agira ati “Nta saha nari mfite. Igihe ntanga ni ikigereranyo”[544] Abajandarume bafite intwaro bakinguye imiryango. Mbere yo kureka impunzi ngo zinjire, babanje kuzambura intwaro gakondo zari zifite. Impunzi ziturutse i Mabanza nizo za mbere zageze kuri sitade[545].

466. Uyu mutangabuhamya avuga ko ku muryango munini hari abajandarume baharinze kandi icyo bemereraga impunzi ni ukwinjiramo gusa. Asobanura ko atavuye muri sitade[546], ariko ko bamwe mu mpunzi bashoboye gusohoka bakajya kuvoma amazi ku bitaro biri hafi aho, banyuze mu kayira kari inyuma ya sitade. Abajijwe niba we ubwe yari afite amazi, umutagangabuhamya yashubije ko “abari bayafite ari abasore bashoboraga kujya kuyashaka ku bitaro”[547]. Bamwe mu bantu bagerageje kujya kuvoma amazi muri ubwo buryo, bakubiswe ibihiri cyangwa bicishwa intwaro zifite ubugi n’abagabaga ibitero babaga babirunkanaga[548]. Umutangabuhamya ntasobanura abo bantu bagabaga ibitero abo ari bo. Avuga ko byabaye ngombwa ko abantu bamwe mu mpunzi barya inka zabo.

---

[541] Ni kimwe no haruguru, urup. 106.
[542] Ni kimwe no haruguru, urup. 16.
[543] Ni kimwe no haruguru, imp. 19, 20. Umutangabuhamya avuga ko abajandarume barashe amasasu kugira ngo berekeze impunzi kuri sitade.
[544] Ni kimwe no haruguru, urup. 106.
[545] Ni kimwe no haruguru, urup. 22.
[546] Ni kimwe no haruguru, urup. 28.
[547] Ni kimwe no haruguru, urup. 30.
[548] Ni kimwe no haruguru, urup. 31.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Izo nka zabazwe hakoreshejwe intwaro impunzi zari zashoboye kwinjiza muri sitade[549]. Inyama ntizari zihiye neza kubera ko nta nkwi zo guteka zari zihari. Bacanye amababi y'ibiti[550].

467. Bamubajije niba hari ingamba abategetsi bafashe kugira ngo babuze ko impunzi zakorerwa ibikorwa by'urugomo kuri sitade, umutangabuhamya yashubije muri aya magambo: "Oya, sinigeze mbona umutegetsi n'umwe cyangwa umuyobozi wagize igitekerezo cyo kubungabunga umutekano w'impunzi. Ahubwo, n'Interahamwe twari twifatiye, zararekuwe"[551]. Umutangabuhamya ntiyasabwe gusobanura iyo ngingo kurushaho.

Umutangabuhamya wiswe AC

468. Umutangabuhamya ushinja wiswe AC avuga ko, kuwa gatatu tariki ya 13 Mata 1994, ahagana saa mbiri n'igice za mu gitondo, impunzi zavuye ku biro bya Komine ya Mabanza zerekeza ku Kibuye[552]. Kubera ko yagendaga hagati muri iyo mbaga, ntiyashoboraga kubona ibyaberaga inyuma ye[553]. Umutangabuhamya agira ati "Twabonaga Abahutu ku muhanda". Bageragezaga kwiba amatungo y'impunzi. Avuga ko impunzi enye zishwe ubwo zageragezaga kugaruza amatungo yazo. Muri abo bishwe harimo uwitwa Kalinda wo muri Segiteri ya Buhinga kandi uyu mutangabuhamya yari azi amuzi[554]. Anavuga ko bahuye n'imodoka itwaye abajandarume igana mu cyerekezo baturukagamo[555].

---

[549] Ni kimwe no haruguru, imp. 84-86.
[550] Ni kimwe no haruguru, urup. 29.
[551] Ni kimwe no haruguru, imp. 86, 87.
[552] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, urup. 117.
[553] Ni kimwe no haruguru, imp. 38, 39.
[554] Ni kimwe no haruguru, urup. 39.
[555] Ni kimwe no haruguru, imp. 37, 38.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

469. Bageze mu mugi, AC n'izindi mpunzi bategetswe n'abajandarume kujya kuri sitade[556]. Bageze ku muryango wa sitade mu masaa cyenda z'amanywa. (Ariko mu ibazwa rinyomoza, umutangabuhamya avuga ko bahageze saa tanu z'amanywa[557].) Abari bafite inkoni cyangwa imihoro bategetswe kuyisiga ku muryango[558]. Uwo munsi nyuma ya saa sita, zimwe mu mpunzi zakubiswe n'abajandarume ubwo zageragezaga gukurikira Uregwa igihe yari avuye kuri sitade (kuba Uregwa yaba yari ahari birasuzumwa nyuma)[559]. Uregwa amaze kugenda, abajandarume bari bahagaze ku mpande zombi z'umuryango bavuze ko nta mpunzi igomba gusohoka muri sitade. Icyo bemereraga abantu ni ukwinjira gusa. Kuwa kane, abasirikare baje kwifatanya n'abo bajandarume, naho kuwa gatanu abasiviri n'abapolisi baza kwiyongera ku bari bahasanzwe.

470. AC avuga ko igihe bari muri sitade, we n'izindi mpunzi "babagaho nk'inyamaswa"[560]. Batungwaga n'ibyatsi. "Twahiraga ibyatsi, tukabikacanga hanyuma tukamira amazi yabyo"[561]. Nta misarane yari ihari: "Hari ahantu bari batweretse ho kwituma. Nta mwobo bari bahacukuye […] abantu babaga barikumwe nawe bakureba urimo wituma"[562]. Kandi impunzi ntizari zemerewe gusohoka kugira ngo zijye kuvoma amazi yo kunywa[563].

471. AC avuga ko kuwa gatanu ku itariki ya 15 Mata 1994, Abahutu baje kwiba inka z'impunzi. Kuwa gatandatu mu gitondo, abantu bamwe bari batangiye gusonza cyane. Uyu mutangabuhamya n'izindi mpunzi babaze inka bakoresheje imihoro bari bashoboye kwinjiza muri sitade maze barya inyama zokeje[564]. Batangiye kubaga inka zabo buri imwe imwe. Abatarabashije kubona inyama bakomeje kurya ibyatsi[565].

---

[556] Ni kimwe no haruguru, imp. 40, 41.
[557] Ni kimwe no haruguru, urup. 117.
[558] Ni kimwe no haruguru, urup. 41.
[559] Ni kimwe no haruguru, urup. 84.
[560] Ni kimwe no haruguru, urup. 48.
[561] Ni kimwe no haruguru.
[562] Ni kimwe no haruguru, imp. 48, 49.
[563] Ni kimwe no haruguru, imp. 49, 50.
[564] Ni kimwe no haruguru, imp. 53, 54.
[565] Ni kimwe no haruguru.

Umutangabuhamya avuga ko yongeye kurya ibyatsi ku cyumweru (tariki ya 17 Mata 1994)[566].

472. Naho ku kibazo cyo kumenya niba hari ingamba abashinzwe umutekano cyangwa undi mutegetsi wundi, harimo n'Uregwa, bafashe ngo baburizemo ibikorwa by'ubugome banabungabunge umutekano w'impunzi muri sitade, AC asubiza muri aya magambo: "Nta we nabonye abikora"[567].

Umutangabuhamya wiswe G

473. Umutangabuhamya ushinja wiswe G avuga ko we n'izindi mpunzi zivuye i Mabanza bageze kuri sitade ku itariki ya 11 Mata 1994. Avuga ko ari yo tariki impunzi zaviriye ku biro bya Komine ya Mabanza zikajya ku Kibuye aho zagumye kugera ku itariki ya 18 Mata 1994[568]. Impunzi zasanze abajandarume kuri rompuwe yo ku Kibuye[569]. maze zigeze kuri sitade, abasirikare barazinjije.

474. Kuri sitade, impunzi "zabayeho ubuzima bubi"[570]. Abasirikare bazikoreye urugomo ubwo zinjiraga muri sitade kuko bazikubitaga ibibuno by'imbunda. Hari n'igihe bakandagiraga ibirenge by'impunzi zari zicaye hasi. Umutangabuhamya avuga ko kuri sitade hari Abatutsi bagera ku bihumbi makumyabiri bagizwe n'abagabo, abagore n'abana[571]. Impunzi ntizari zemerewe gusohoka muri sitade[572]. Zimwe mu mpunzi zari zashoboye kwinjiza inka, matola cyangwa ibindi bintu. Umutangabuhamya avuga ko yabonye abantu bicwa n'inzara[573].

---

[566] Ni kimwe no haruguru, urup. 58.
[567] Ni kimwe no haruguru, urup. 124.
[568] Inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mutarama 2000, urup. 36.
[569] Ni kimwe no haruguru, urup. 75.
[570] Ni kimwe no haruguru, urup. 34.
[571] Ni kimwe no haruguru, urup. 35.
[572] Ni kimwe no haruguru, urup. 43.
[573] Ni kimwe no haruguru, urup. 36.

Umutangabuhamya wiswe CP

475. Umutangabuhamya ushinjura wiswe CP yari umukozi wa Leta wabaga mu mugi wa Kibuye[574]. Avuga ko, ku itariki ya 17 Mata 1994, mu masaa yine z'amanywa, yagiye kuri rompuwe yo mu mugi. Ni ahantu ubusanzwe abaturage baho bakundaga guhurira[575]. Hashize akanya gato, yabonye ikivunge cy'abantu ku muhanda uva i Mabanza ujya mu mugi ku Kibuye. Yabonaga ari abagabo bafite imyambarire idasanzwe babarirwa nko hagati ya 500 na 600: bari bitwikiriye amashami y'ibiti n'amashara kandi buri wese yari afite umugozi uzengurutse ku mutwe we. Bari bitwaje intwaro gakondo kandi baririmba ngo "tubatsembatsembe"[576]. Nyuma umutangabuhamya yaje kuvuga ko abo bantu bari Abakiga[577].

476. Abakiga bagerageje kumvisha abandi bantu bari aho kuri rompuwe ko bagomba kubafasha. Umutangabuhamya ntiyabonye Uregwa muri icyo kivunge cy'abantu. Nta mutegetsi yabonye agerageza gukoma imbere ibyo bikorwa[578]. Umutangabuhamya yahise ava aho hantu. Kubera ko bose atari ko bitabiriye gufasha abo Bakiga, bamwe mu bari aho (umutangabuhamya yita "amabandi") bahatiwe n'abo Bakiga kwifatanya na bo[579]. Umutangabuhamya yagiye ku biro bya Komine ya Gitesi ahamara igihe kiri hagati y'amasaha abiri n'atatu.

477. Ku itariki ya 18 Mata 1994 niho CP yashoboye kujya kuri sitade[580]. Anyuze imbere ya sitade, yabonye inzugi zifunguye kandi hari abajandarume babiri barinze umuryango

---

[574] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Gicurasi 2000, urup. 7. Mu buhamya bwe bwanditse bwo ku itariki ya 27 Gashyantare 2000 (ikimenyetso gihamya N° 79 cyatanzwe n'Ubwunganizi), umutangabuhamya wiswe CP avuga ko yari umwarimu muri Mata 1994.
[575] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Gicurasi 2000, urup. 9.
[576] Ni kimwe no haruguru, imp. 10-12.
[577] Ni kimwe no haruguru, imp. 86-93.
[578] Ni kimwe no haruguru, urup. 23, na 105-108.
[579] Ni kimwe no haruguru, imp. 16-27.
[580] Ni kimwe no haruguru, urup. 40.

abantu binjiriramo[581]. Nta modoka n'imwe yari hafi aho[582]. Yabonye muri sitade hari amatungo n'impunzi[583]. Imwe mu mpunzi zari imbere muri sitade yaramuhamagaye kandi bari bariganye. Uwo muntu yasabye umujandarume uruhushya rwo kuvugisha uyu mutangabuhamya, maze amaze kuruhabwa arasohoka[584]. Umutangabuhamya agira ati:

> "Nkurikije ibyo nzi, nzi abandi bantu bashoboraga kwinjira bakanasohoka nta kibazo. Sinzi niba abo bantu barabanzaga kubona uruhushya mbere yo gusohoka ariko icyo nzi ni uko aho twari dutuye, twabonaga abantu baza kutureba bakongera bagasubirayo nta kibazo."[585]

478. Uyu mutangabuhamya yongeraho ko impunzi zashoboraga kuva kuri sitade zikajya iwabo hanyuma zikagaruka kuri sitade (ariko ntatanga urugero rw'umuntu wabikoze). Yemeza ko bamwe mu mpunzi baje mu rugo iwe[586]. Ariko yemera ko impunzi zitari zifite uburenganzira busesuye bwo kugenda uko zibishaka "kuko ntekereza ko iyo baza kugira uburenganzira busesuye bwo kugenda, bashoboraga kuba baragiye ahandi hantu. […] sinzi uko ibyo byose byakorwaga"[587].

3.2.5 Uko ibintu byari byifashe kuri sitade – Imyanzuro rusange y'Urugereko

479. Urugereko rugiye noneho gusuzuma bya bibazo bitatu bivugwa mu ntangiriro y'iki cyiciro (reba igika cya 463).

---

[581] Ni kimwe no haruguru, imp. 35-43.
[582] Ni kimwe no haruguru, urup. 42.
[583] Ni kimwe no haruguru, imp. 53, 54, 64, 87. Mu buhamya bwe bwanditse bwo ku itariki ya 27 Gashyantare 2000 (ikimenyetso gihamya N° 79 cyatanzwe n'Ubwunganizi), CP avuga uburyo impunzi zatandukanijwe kuri rompuwe y'umugi muri aya magambo: "Bageze ku Kibuye, cyane cyane abari bafite amatungo manini n'amagufi berekeje iyo kuri sitade. Hari umwanya uhagije w'amatungo. Abandi bagiye kuri Kiriziya no kuri *Home St. Jean*".
[584] Ni kimwe no haruguru, imp. 43, 44.
[585] Ni kimwe no haruguru, imp. 36, 37.
[586] Ni kimwe no haruguru, urup. 81.
[587] Ni kimwe no haruguru, imp. 78, 79.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

(i) Ese impunzi zari zifungiye muri sitade?

480. Nk'uko bigaragara, impunzi zari kuri biro bya Komine ya Mabanza zagiye kuri sitade ari uko zihoherejwe. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko ageze hafi y'umugi wa Kibuye, we n'izindi mpunzi boherejwe kuri Sitade. Ibyo byakozwe n'abajandarume bari bafunze imihanda maze bagahatira iyo mbaga y'abantu kujya kuri sitade. Kuba impunzi zarahise zigenzurwa rugikubita byemezwa kandi n'abatangabuhamya biswe AC na G.

481. Imiryango yinjira n'isohoka muri Sitade yari irinzwe cyane. Abatangabuhamya biswe A na AC bavuga ko, ku muryango winjira muri sitade, abajandarume basakaga impunzi bakazambura intwaro. Abo bajandarume bagumye aho kuri iyo miryango. Kugira ngo zibashe kubona amazi, impunzi zagombaga kugenda zihishe. Uwafatwaga wese yarakubitwaga cyangwa akicwa. Impunzi ntizari zemerewe gusohoka ngo zijye gushaka ibiribwa, ubwo rero nta kundi zari kubigenza uretse kurya inka zazo cyangwa ibyatsi. AC avuga ko zimwe mu mpunzi zashatse gukurikira Uregwa hanze ya sitade zasubijwe inyuma ku gahato ari nako zikubitwa n'abo bajandarume bari barinze iyo miryango.

482. Umutangabuhamya wiswe CP, wari utuye mu mugi wa Kibuye, avuga ko impunzi zashoboraga gusohoka muri sitade uko zibyifuza ariko ntatanga urugero na rumwe rw'umuntu waba warasohotse muri ubwo buryo. Yemera ko wenda bagomba kubanza guhabwa uruhushya. Ibi bigaragarira ku rugero rumwe rukumbi uyu mutangabuhamya atanga aho avuga ko yabonanye n'impunzi imwe bari bariganye yari kuri sitade, maze iyo mpunzi ikagomba kwaka umujandarume uruhushya kugira ngo bashobore kuvugana.

483. Abajandarume bitwaje intwaro bagumye ku muryango wa sitade kugera ku munsi igitero cyagabiweho (umutangabuhamya wiswe CP). Bukeye bwaho, abasirikare barahabasanze, maze ku munsi wa gatatu, abapolisi n'abasiviri nabo baraza. (umutangabuhamya wiswe AC). Ku munsi w'igitero, sitade yaragoswe (reba akiciro ka V.3.4.).

484. Urugereko rusanga impunzi zarafungiwe kuri sitade kuva umunsi zihagera ku itariki ya 13 Mata 1994, kugeza ku itariki ya 18 Mata 1994, ubwo igitero cyagabwaga aho hantu.

(ii) Ubugizibwanabi bwakorewe impunzi

485. Abatangabuhamya bashinja batatu bari mu mpunzi zo kuri sitade, bavuga ku mibereho mibi yazo. Basobanura ko impunzi zibarirwa mu bihumbi zazanywe kuri sitade ku itariki ya 13 Mata 1994 no ku minsi yakurikiyeho. Muri icyo gihe, ibyo kurya no kunywa, imisarane n'ibindi bikenewe ku isuku, ntibyari bihagije cyangwa nta byari bihari rwose.

486. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko hari impunzi zagerageje kujya kuvoma amazi ku bitaro byari bihegereye ariko zikirukankanwa, ndetse zimwe zigakubitwa cyangwa zikicwa. Abatangabuhamya biswe AC na G bavuga ibikorwa by'urugomo byakozwe n'abantu bari baharinze. A na AC bavuga ko nta ngamba nimwe yigeze ifatwa n'abategetsi kugira ngo bahagarike bene ibyo bikorwa cyangwa barinde umutekano w'impunzi.

487. Abantu bari bategetse ko izo mpunzi zifungwa nta biryo cyangwa amazi, bazihaye. A, AC na G bavuga ko impunzi zimwe zariye inyama z'amatungo yazo zari zazanye. Cyakora, abasigaye bagumye aho batarya kandi batanywa mu minsi itanu yose yabanjirije igitero. AC yemeza ko hari impumzi zaryaga ibyatsi cyangwa zikabikanjakanja maze zikamira utuzi twabyo. Nta misarane n'ibindi bikenewe ku isuku byari kuri sitade.

488. Urugereko rusanga haratanzwe ibimenyetso bihagije bigaragaza ko impunzi zari zifungiwe kuri sitade mu buryo budashobora kwihanganirwa.

(iii) Ese ubugizibwanabi bwokorewe impunzi ni "ibikorwa birenze kameremuntu"?

489. Igisobanuro cy'Urugereko ku "*bikorwa birenze kameremuntu"* kiri haruguru (reba akiciro III.3.3):

> "ibindi bikorwa birenze kameremuntu bikubiyemo ibikorwa biremereye kimwe n'ibyavuzwe, ari byo ubuhotozi, itsembatsemba, gushyira mu bucakara, kumenesha, gufunga, kwica urubozo, gusambanya ku gahato cyangwa gutoteza bishingiye ku mpamvu za politiki, ubwoko n'idini. Ni ibikorwa cyangwa ibyirengagijwe gukorwa bitera ku bushake ububabare cyangwa ubumuga bw'umubiri cyangwa mu mutwe cyangwa bitesha agaciro ikiremwamuntu ku buryo bukomeye. Umuntu agomba gusuzuma, igikorwa ku kindi, niba bimwe muri ibyo bikorwa bishobora gufatwa nk'ibikorwa birenze kameremuntu".

490. Gufungira umubare munini w'abantu ahantu badashobora kwikinga ihindagurika ry'ikirere, nta mazi, nta biryo, nta misarane n'ibindi bikenerwa mu isuku, bishobora kuba igikorwa kirenze kameremuntu iyo bikozwe byagambiriwe kandi bigatera ababikorewe ububabare buzahaza umubiri cyangwa mu mutwe cyangwa bikabatesha agaciro ku buryo bukomeye. "Uburemere buvugwa hano ni uburanga ibyaha bivugwa mu ngingo ya 3 ya Sitati.

491. Muri uru rubanza, impunzi zafungiwe aho hantu nibura iminsi itanu. Mu gihe kireshya gityo, umuntu ashobora kwicwa n'inyota cyangwa akicwa cyane n'inzara. Ntihagaragajwe ko hari umuntu wapfuye azize inyota cyangwa inzara, n'ubwo umutangabuhamya wiswe A avuga ko hari abantu bishwe bagerageza kujya kuvoma amazi. Cyakora, ibimenyetso byatanzwe byerekana ko, ku munsi wa gatanu, impunzi hafi ya zose zari zimaze kugira ububabare bw'umubiri burenze kamere.

492. Byongeye kandi, gufunga abantu benshi mu buryo buvugwa haruguru ni ukwibasira mu buryo bukomeye agaciro ka muntu.

493. Nta gushidikanya ko abafungiye impunzi z'i Mabanza kuri sitade babikoze babigambiriye. Nta kigaragaza ko izo mpunzi zigeze zitabwaho. Ahubwo ibimenyetso byatanzwe bigaragaza ko ubwenge bwazo, umubiri wazo ndetse n'agaciro ka muntu kazo, byahungabanyijwe mu buryo bwagendaga burushaho gukomera, kugeza aho bagabiweho igitero rusange ku itariki ya 18 Mata 1994.

494. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanze ubugizibwanabi bwakorewe impunzi zari kuri sitade kuva ku itariki ya 13 kugeza ku ya 18 Mata 1994, umunsi igitero kigabwa, ari bimwe mu bikorwa birenze kameremuntu bivugwa mu ngingo ya 3 (i) ya Sitati.

3.2.6 Ibivugwa ko Uregwa yari kuri sitade hagati y'itariki ya 13 na 17 Mata 1994- Isesengura

495. Nyuma y'umwanzuro rumaze gufata mu gika kibanza, Urugereko rugiye noneho gusuzuma niba Uregwa yari ari kuri sitade hagati y'itariki ya 13 n'iya 17 Mata 1994. Rurasuzuma kandi niba Uregwa yaragize uruhare mu gufata nabi impunzi cyangwa niba yarabyemeye mu buryo ubwo ari bwo bwose. Mbere na mbere, Urugereko rusanga abatangabuhamya biswe G na CP, babiri mu bagabo batanu batanze ubuhamya bwerekeranye n'icyo gihe, batarabonye Uregwa aho hantu. Ikibazo cy'uburyozwacyaha bw'Uregwa kubera imyitwarire y'abandi bantu, kirasuzumwa nyuma. Urugereko rugiye noneho gusuzuma ibimenyetso byerekeranye n'ahantu Uregwa yari ari n'icyo yakoraga hagati y'itariki ya 13 n'iya 17 Mata 1994.

Kuwa gatatu tariki ya 13 Mata 1994

496. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko Uregwa yakurikiye impunzi ari mu modoka, ubwo zavaga ku biro bya Komine ya Mabanza zijya mu mujyi wa Kibuye. Umutangabuhamya

ngo yahuriye mu nzira na bisi ebyiri zitwaye abajandarume. Uregwa ngo yarahageze avugana nabo bajandarume[588] . Uyu mutangabuhamya yemeza ko ibyo yabihagazeho[589] (umugabo wiswe AB, na we wari mpunzi, avuga ko yahuye na bisi itwaye "abasirikare" ituruka mu cyerekezo cy'umujyi wa Kibuye[590]). Birasa nk'aho ari bwo bwanyuma A yabonye Uregwa, mbere yo kugera yo kugera kuri sitade[591]. Yongeye kubona Uregwa mu masaa munani z'amanwa, ubwo yari ategereje ko umuryango wa sitade ufungurwa[592].

497. Muri ubwo buhamya bwe mu Rukiko, uyu mugabo ashimangira ko nta kuntu yari kuyoberwa Uregwa:

> **"Ikibazo**: Mutangabuhamya, ni iki gituma wemeza udashidikanya ko umuntu wabonye izo nshurozose ari Bagilishema koko? Ni iki gituma ubyemeza udashidikanya?
>
> **Igisubizo**: Nari nsanzwe muzi
>
> **Ikibazo**: Watubwira ukuntu wari usanzwe umuzi neza?
>
> **Igisubizo**: Nta kuntu nashoboraga kutamenya burugumesitiri wacu. Ubundi kandi nari hafi cyane y'abo bantu ku buryo nashoboraga kumenya isura yabo."[593]

498. Mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 1 Gashyantare 1996 n'iya 29 Kamena 1999, umugabo wiswe A nta na hamwe yemeza ko Uregwa yakurikiye impunzi zajyaga kuri

---

[588] Reba inyandikomvugo y'iburanisha yo ku ya 17 Ugushyingo 1999, urup. 38.
[589] Ni kimwe no haruguru, urup.105
[590] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, urup. 68.
[591] Inyandikomvugo y'iburanisha yo ku itariki ya 17 Ugushyingo 1999, urup. 38."Ikibazo: Ese ku itariki ya 13, Bagilishema yarabakurikiye inzira yose kuva i Mabanza kugera ku Kibuye? Igisubizo: Yego. Yatugejeje ku Kibuye. Ariko tugeze mu nzira, twahuye na bisi ebyiri zitwaye abajandarume. Yarahagaze baravugana. Yadusanze ku Kibuye. Ariko ubwo umuryango wa sitade wari utarafungurwa."
[592] Ni kimwe no haruguru .
[593] Ni kimwe no haruguru, urup. 75. Byongeye kandi, mu buhamya bwe bwanditse bwo ku itariki ya 29 Kamena 1999 uyu mutangabuhamya avuga ko Uregwa "yari inshuti y'umuryango we" (Gihamya N° 7 cyatanzwe n'Ubwunganizi).

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

sitade[594]. Nta n'ubwo avuga ko yigeze abona Uregwa kuri sitade ku itariki ya 13 Mata 1994.

499. Umugabo wiswe AC avuga ko uwo munsi mu masaa cyenda yari hafi y'umuryango wa sitade, maze akabona Uregwa, wari wambaye imyenda ya gisiviri, azanye na Semanza mu modoka ya Komine. Uregwa ntiyari yitwaje intwaro. Umutangabuhamya yongeraho ko Uregwa "yateye udutambwe duke, asa n'ushaka kwinjira muri sitade, ariko aho kwinjira abaza abajandarume bari barinze sitade ngo 'mbese abantu nohereje baje?' "[595]

500. Ku ifoto, uyu mutangabuhamya yerekanye ahantu yari ahagaze ubwo yabonaga Uregwa[596]. Yagize ati "Yaraje, arinjira, atera intambwe, agana muri sitade"[597] Yerekanye n'aho imodoka y'Uregwa yari ihagaze, inyuma y'urukuta ruzengurutse sitade. Asobanura ko "urukuta rwa sitade atari rurerure cyane, cyakora ko umuntu uri imbere adashobora kubona uri hanze"[598]. Abajijwe ukuntu yashoboye kubona imodaka ihagaze ku muhanda inyuma ya sitade, uyu mutangabuhamya yavuze ko Uregwa yinjiye, nyuma agasohoka. Asohotse, umutangabuhamya n'izindi mpunzi bagerageje kumukurikira, ariko abajandarume barabakubita. Ari ku muryango, ngo ni bwo yabonye Uregwa yinjira mu modoka[599]. "Amaze kugenda, abajandarume bavuze ko nta muntu wari kongera gusohoka muri sitade"[600]. Uretse abajandarume bari barinze umuryango, uyu mutangabuhamya avuga ko nta wundi muntu ushinzwe umutekano yahabonye uwo munsi.

501. Umugabo wiswe G avuga ko impunzi zijya ku Kibuye atabonye Uregwa. Yongeraho, asa n'uwijujuta, ati: "Twamusize ku biro bya Komine. Nonese ko yari amaze kutubwira ngo

---

[594] Reba ibimenyetso bihamya by'Ubwunganizi N° 6 na 7).
[595] Inyandikomvugo y'iburanisha 18 Ugushyingo 1999, urup. 43.
[596] Ni kimwe no haruguru, urup. 78; Ikimenyetso gihamya N° 60 cyatanzwe na Porokireri (Urugereko rufite kopi y'iyo foto yahawe iyo nomero).
[597] Ni kimwe no haruguru,urup. 83.
[598] Ni kimwe no haruguru,urup. 82.
[599] Ni kimwe no haruguru, urup. 84: "Burugumesitiri Bagilishema yaraje, arinjira, avuga ya magambo navuze… nababwiye, hanyuma arasohoka".
[600] Ni kimwe no haruguru,urup. 44.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

tuhave tujye ku Kibuye, nari kumubona gute mu muhanda?"[601].

502. Abandi batangabuhamya bashinja batagiye ku Kibuye ku itariki ya 13 Mata 1994, bavuga ko Uregwa yari muri Komine ya Mabanza mu bihe bitandukanye, uwo munsi. N'ubwo atavuga isaha, umugabo wiswe AB asobanura ko, ubwo yareberaga ahantu yari yihishe ku Gitikinini, yabonye Uregwa ategeka abantu gutera Karungu[602].Umutangabuhamya wiswe H yemeza ko mu masaa mbiri za mu gitondo, ku itariki ya 13 Mata 1994, yabonye Uregwa n'Interahamwe mu modoka ya Komine, bagana ku rugo rwa Karungu (reba akiciro ka V.4.1)[603].

503. Umutangabuhamya wiswe K avuga ko we n'umuryango we bari bakiri muri Komine ya Mabanza ku itariki ya 13 Mata 1994. Uwo munsi mu masaa yine, izindi mpunzi zimaze "umwanya munini" zigiye ku Kibuye, bahuye n'Uregwa atwaye imodoka yuzuye abantu benshi, barimo Semanza na Nsengimana bari abafasha ba burugumesitiri[604]. Icyo gihe, uyu mutangabuhamya ngo yaketse ko Uregwa agiye ku Kibuye, amusaba ko na we yamutwara kuko ngo abagabaga ibitero bari hafi[605] . Cyakora yongeraho ati "bambwiye ko atariho agiye"[606]. Nyamara uyu mutangabuhamya ngo yapfuye kujya mu modoka, bamugeza imbere gato, hafi ya kiliziya ya Kibilizi, maze Uregwa amubwira « kuvamo »"[607].

504. Umutangabuhamya ushinja wiswe J avuga ko Interahamwe, ziturutse hafi aho ku Gitikinini, zaje mu rugo rwe i Rubengera, zikamukubita, zikanasahura n'inzu ye[608]. Ibyo birangiye, inzu ye Interahamwe zimaze kuyeza, uwo mutangabuhamya ngo yabonye

---

[601] Inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mutarama 2000, urup.75.
[602] Reba Inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, urup.83.
[603] Reba inyandikomvugo z'amaburanisha, 19 Ugushyingo 1999, imp.36, 37 na 43 46; 22 Ugushyingo 1999, urup. 9.
[604] Reba Inyandikomvugo y'iburanisha, 25 Mutarama 2000, imp. 141, 142.
[605] Ni kimwe no haruguru, urup. 94.
[606] Ni kimwe no haruguru.
[607] Ni kimwe no haruguru, urup. 144.
[608] Inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 31 Mutarama 2000, urup. 18.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Uregwa aza n'amaguru, ari kumwe na Komanda Jabo hamwe n'abapolisi babiri[609]. Ngo yabonye ahantu imodoka ya Komine yari, kure gato. Avuga ko hari nka saa yine[610] za mu gitondo.

> "Uyu mugabo avuga ati: "Uwo munsi abantu bari bagiye kuri sitade. Bari [Uregwa nawe arimo] baherekeje abantu, babageza kuri sitade. Baje iwanjye, bamaze guherekeza abantu kuri sitade."[611].

505. Uyu mutangabuhamya avuga ko Uregwa yaje iwe Interahamwe zigihari zifite ibyo bintu zishaka gutwara. Yongeraho ngo "Burugumesitiri yavuze ko ibintu by'Abatutsi bigomba kuguma aho naho Abatutsi bagombaga kwicwa bakavanwa aho hantu"[612]. Uregwa yohereje imwe mu Nterahamwe kujya kuzana umugabo w'uyu mutangabuhamya, maze Uregwa na Jabo bahita bagenda[613].

506. Mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 8 Nyakanga 1999, bukaba muri rusange buhuye n'ubwo yatanze mu Rukiko, umutangabuhamya wiswe J avuga ibintu bimwe n'ibyo ariko adatanga isaha byabereyeho (cyakora, urebye uko ibintu byagenze usanga byarabaye mbere ya saa munani z'amanywa)[614].

507. Uregwa avuga ko ku itariki ya 13 Mata 1994, yabyutse yiyemeje kwegura ku mirimo ye[615]. Sa kumi n'ebyiri za mu gitondo, Burugumesitiri wa Komine ya Rutsiro ihana imbibi n'iye yaramuterefonnye, amumenyesha ko Abakiga bari mu nzira baza i Mabanza. Yamubwiye ko bazanywe no kwica Abatutsi bari bahungiye ku biro bya Komine kandi ko nawe batari kumusiga kubera ko yahishaga Abatutsi[616]. Uregwa yagiye ku biro bya

---

[609] Ni kimwe no haruguru, imp. 18 40.
[610] Ni kimwe no haruguru, urup. 40.
[611] Ni kimwe no haruguru, urup. 41.
[612] Ni kimwe no haruguru, imp. 18 19.
[613] Ni kimwe no haruguru, imp. 19, 20.
[614] Reba ikimenyetso gihamya N° 63 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[615] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 34.
[616] Ni kimwe no haruguru, urup. 34.

Komine kuburira impunzi ko zari zigiye guterwa[617]. Yarazikoranyije, maze azisaba guhunga zigana mu majyepfo, mu mugi wa Kibuye[618]. Yategetse abapolisi babiri kuziherekeza, bakazigeza mu nzira, maze we asigarana n'umupolisi umwe kuri Komine (Reba akiciro ka V.4.3.1)[619].

508. Uregwa avuga ko impunzi zimaze kugenda, mu masaa kumi n'ebyiri za mu gitondo, yaterefonnye perefe. Ngo avuye ku biro bya Komine, yagiye kwa Pasitoro Cyuma kumugisha inama. Cyakora hagati aho, Komine ya Mabanza ngo yari yamaze gusesekarwamo n'igitero cy'abantu batagira ingano, bavuye muri Komine ya Rutsiro[620].

509. Uregwa avuga ko, aho yari kwa Pasitoro, yabonye ikivunge cy'abantu bitwaje intwaro gakondo, berekeza ku biro bya komine. Yahise ajya iwe kureba umuryango we[621]. Ubwo bari mu nzira bajya ku biro bya Komine, Abakiga babonye abantu bihishe. Abo bantu bahise bahunga berekeza ku biro bya Komine ariko barindwi cyangwa umunani muri bo bahita bicirwa aho hantu[622]. Basanze nta muntu uri ku biro bya Komine, Abakiga bigabinyijemo amatsinda, bamwe bajya gushaka Karungu (reba hepfo akiciro ka V.4.1), naho abandi bajya ku rugo rw'Uregwa[623].

510. Uregwa avuga ko imbere y'iwe hari Abakiga bagera ku ijana. Agira ati: "Banshyizeho iterabwoba, bambwira ngo ndi Inyenzi, Inkotanyi[624]. Avuga ko icyo gihe, abantu bo mu muryango we bari mu nzu. Abakiga bamubajije aho yahishe Abatutsi bari ku biro bya komine[625]. Mu buhamya bwe mu Rukiko Uregwa agira at: "Mbonye bariye karungu,

---

[617] Ni kimwe no haruguru, urup. 35.
[618] Ni kimwe no haruguru, urup. 38.
[619] Ni kimwe no haruguru, urup. 43.
[620] Ni kimwe no haruguru, urup. 14.
[621] Reba inyandikomvugo z'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 51; 8 Kamena 2000, urup. 215.
[622] Reba inyandikomvugo z'amaburanisha, 5 Kamena 2000, imp.125,126; 8 Kamena 2000, urup.126.
[623] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup.123; 8 Kamena 2000, urup.229.
[624] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 122.
[625] Ni kimwe no haruguru, urup. 124.

nabahaye amafaranga ibihumbi icumi ngo bamvire mu rugo, nuko baragenda"[626].

511. Urugereko rwumvise kandi ubuhamya bw'umugabo ushinjura wiswe RJ. Uyu mutangabuhamya ni Umututsikazi, icyo gihe wabanaga n'umugabo we i Kigali ariko akaba yari yaragarutse muri Komine ya Mabanza muri Werurwe 1994. Avuga ko ubwo bamwe mu bantu bo mu muryango we bajyaga ku biro bya Komine ku itariki ya 8 Mata 1994, we n'abana be babiri bahungiye mu rugo rw'Uregwa[627]. Umugore w'Uregwa yari inshuti y'uwo mutangabuhamya kuva mu bwana[628]. Bihishe mu mazu y'abakozi bo mu rugo yari mu gikari cy'inzu nini. Hashize iminsi ibiri, mubyara we nawe w'Umututsikazi witwa Chantal, yaje kwihishana nabo[629] kandi yari atwite. Bamaze ukwezi bihishe mu rugo rw'Uregwa[630]. Umutangabuhamya wiswe RJ avuga ko umunsi umwe (atavuga itariki) Uregwa yaje kubareba kubera ko Abakiga bari baje gutera, bityo akaba yarashakaga kubaburira. Agira ati:

> "Yatugiriye inama yo gufunga umuryango maze turabikora. Twumvaga bavuza induru muri ibyo bitero ndetse tukumva n'amafirimbi bavuzaga. Cyakora ntitwababonye n'amaso yacu"[631].

512. Uregwa avuga ko Abakiga bateje "akaduruvayo kanini" muri Mabanza"[632]. Bamaze kuva muri Komine, ibirara n'abajura batangiye gusahura ahantu hose. Uregwa avuga ko yagendaga mu duce twose ngo agerageze kubafata[633]. Yongeraho ko Umutangabuhamya wiswe J amaze guterwa, yahuriye nawe ku kigo cy'ishuri: Agira ati "Ayo mabandi yarambonye, arahunga"[634]. Hari nka saa tanu cyangwa saa sita z'amanywa[635]. Uregwa

---

[626] Ni kimwe no haruguru, urup. 122.
[627] Inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Gicurasi 2000, imp.14,16.
[628] Ni kimwe no haruguru, urup. 16.
[629] Ni kimwe no haruguru, imp. 18, 19.
[630] Ni kimwe no haruguru, urup. 19.
[631] Ni kimwe no haruguru, urup. 20. Reba na none haruguru, akiciro ka IV.4.7.
[632] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 244.
[633] Ni kimwe no haruguru, urup. 218.
[634] Ni kimwe no haruguru.
[635] Ni kimwe no haruguru, urup. 219.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

yasigiye J umupolisi wo kumurinda, kugira ngo hatagira abongera kumutera, noneho ajya kubiro bya Komine, yizeye ko ahasanga abandi bapolisi ngo bamufashe muri ibyo bibazo[636]. Ageze ku biro bya Komine, yahahuriye na Majoro Jabo wari Komanda wa Jandarumori mu mugi wa Kibuye. Jabo yamubwiye ko "byari ngombwa ko impunzi zijya ku Kibuye akaba yari yaje kureba uko umutekano wifashe muri Mabanza[637]" (Uregwa aranyomoza umutangabuhamya wiswe J uvuga ko mbere yaho uwo munsi, Uregwa yaje iwe ari kumwe na Jabo)[638].

513. Uregwa avuga ko yajyanye na Jabo kuri santeri y'ubucuruzi ya Kibilizi i Rubengera, nyuma ya saa sita bakajya i Mushubati kureba "amarorerwa Abakiga bari bahakoreye"[639]. Bageze i Mushubati, mu masaa saba cyangwa saa munani z'amanywa, Jabo yahavanye abajandarume bahakoreraga abasubiza ku Kibuye, maze abwira Uregwa ko hari indi mirimo bagomba gukora[640].

514. Nyuma yaho, Uregwa yahaye umushoferi wa Komine ubutumwa ashyira Abashinwa bwo gutira tingatinga yo guhamba impunzi zari zishwe mu gitero cya mu gitondo. Agira ati: "Twacukuye icyobo imbere y'ibiro bya Komine, tuhahamba iyo mirambo uko ari umunani"[641] (Reba na none akiciro ka V.4.3). Mu masaha asigaye ya nyuma ya saa sita kugeza nimugoroba, Uregwa yagumye ku biro bya Komine yumva "ibibazo"by'abantu batakaje indangamuntu. Nyuma yaho, yaratashye, arafungura maze araruhuka[642].

Ku wa kane, tariki 14 Mata 1994.

515. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko kuwa kane tariki 14 Mata ari ku ngazi zo hejuru

---

[636] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup.132. Reba na none haruguru, akiciro ka IV.5.3.
[637] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, imp. 132 60.
[638] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, imp. 221 222.
[639] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, imp. 133, 52, 53.
[640] Reba inyandikomvugo z'amaburanisha, 1 Kamena 2000, urup. 153; 5 Kamena 2000, urup. 136.
[641] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 152.
[642] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 224.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

za tiribine nini ya Sitade, yabonye imodoka ya Komine ya Mabanza izanye izindi mpunzi. Avuga ko uwo munsi, yabonye inshuro ebyiri iyo modoka ya Komine izana impunzi[643]. Cyakora, uyu mutangabuhamya ntavuga isaha cyangwa igice iki n'iki cy'umunsi yaboneyeho iyo modoka.

516. Byageze aho umutangabuhamya abona Uregwa, Semanza na Dogiteri Léonard baza kuri sitade. Impunzi zari muri sitade zatangiye kuvuza induru ngo: "Baje kutwica!"[644]. Uregwa n'abo bantu basohotse mu modoka ya Komine, bajya ku muryango wa sitade, maze bavugana n'abajandarume bari bahari. Cyakora, umutangabuhamya avuga ko atashoboye kumva icyo bavuganye[645]. Barangije kuvugana n'abajandarume, bagiye ahantu hitaruye ku buryo bashoboraga kubona impunzi zari muri sitade[646].

517. Umutangabuhamya wiswe AC yemeza ko uwo munsi, abajandarume bakomeje kwemerera impunzi kwinjira muri sitade, ariko bakabuza abarimo gusohoka[647]. Nyuma yaho, abasirikare baje gusanga abo bajandarume[648]. Uyu mutangabuhamya avuga ko saa tatu za mu gitondo yari hafi y'umuryango ubwo yabonaga Uregwa, Semanza, umushoferi wa Komine n'abapolisi babiri baza "mu modoka ya Bagirishema", bagahagarara, maze bakavugana n'abajandarume[649]. Umutangabuhamya yari yabanje kuvuga ko abo bantu bahaje kuwa gatanu, nyuma aza guhindura avuga ko hari kuwa kane[650].

518. Umutangabuhamya wiswe AC avuga ko Uregwa yari yambaye imyenda ya gisiviri kandi ko nta ntwaro yari afite[651]. Cyakora, abapolisi bo bari bafite intwaro. Avuga ko atashoboye kumva ibyo bavuganye[652]. Uyu mutangabuhamya avuga ko aho yari

---

[643] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, urup. 24.
[644] Ni kimwe no haruguru, urup. 32.
[645] Ni kimwe no haruguru, imp.24, 25; 31 33; 62 (aho imodoka yari ihagaze).
[646] Ni kimwe no haruguru, urup. 35.
[647] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, urup. 47.
[648] Ni kimwe no haruguru, urup. 50.
[649] Ni kimwe no haruguru.
[650] Ni kimwe no haruguru, urup. 85.
[651] Ni kimwe no haruguru, urup. 119.
[652] Ni kimwe no haruguru, urup. 50.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

yashoboraga kubona imodoka ya Komine n'abantu bayijemo. Ku ifoto, AC yerekanye ko iyo modoka yari iparitse iruhande rw'urukuta rwa sitade, kure y'umuryango kurusha aho yari yahagaze umunsi ubanziriza uwo (reba haruguru)[653].

519. Hari n'abandi batangabuhamya bavuga ko Uregwa yari muri Komine ya Mabanza mu bihe bitandukanye kuwa kane tariki ya 14 Mata 1994. Umutangabuhamye wiswe AB avuga ko uwo munsi igitero cyagabwe kwa Karungu cyakomeje. Ngo cyayobowe n'Uregwa kandi cyamaze umunsi wose, kuva saa tatu za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba (reba hepfo akiciro V.4.1.)[654] . Naho umutangabuhamya wiswe H we yemeza ko ku itariki ya 14 Mata 1994, Uregwa yakurikiye abari bagabye igitero bagana kwa Karungu[655]. Umutangabuhamya wiswe Z we avuga ko mu gitondo cy'uwo munsi, umupolisi yazanye ubutumwa bwoherejwe n'Uregwa buvuga ko Pasitoro Muganga agomba kwicwa (reba hepfo akiciro ka V.4.2.)[656] .

520. Uregwa yavuga ko, ku itariki ya 14 Mata 1999, mu masaa mbiri za mu gitondo Abakiga bagarutse ku biro bya Komine ya Mabanza ari benshi kurusha abari baje ku munsi ubanziriza uwo[657]. Uregwa ngo yari mu rugo iwe[658]. Bamwe mu bapolisi bari ku biro bya Komine ngo bagerageje kubasubiza inyuma barasa mu kirere. Ariko abo bapolisi birabananira basubira inyuma, maze Abakiga basubira kwa Karungu[659].

521. Muri ayo masaha [saa mbiri za mu gitondo], "abaturage" bari bavuye mu bwihisho bwabo kugira ngo basubire ku biro bya Komine batunguwe n'Abakiga. Ubwo bageragezaga guhunga berekeza ku isoko ry'i Kibilizi, ikindi gitero cyaje kugwamo abantu barindwi cyangwa umunani muri bo barimo Pasitoro Muganga, nk'uko Ushinjwa

---

[653] Ni kimwe no haruguru, urup.85; Ikimenyetso gihamya N° 60 cyatanzwe na Porokireri (Urugereko rufite ifoto yashyizweho iyo nomero).
[654] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, urup. 96.
[655] Reba Inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ugushyingo 1999, urup. 37.
[656] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Gashyantare 1999, urup. 125.
[657] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup.130 139.
[658] Ni kimwe no haruguru, urup. 140.
[659] Ni kimwe no haruguru.

abivuga, cyabagabweho giturutse ku kibuga cy'umupira w'amaguru (Reba hasi, akiciro V.4.2)[660]. Nyuma yaho, Abakiga bavuye muri Komine, bamaze gusahura no gutera abantu bose nta kurobanura. Abo Bakiga banasahuye urugo rw'ababyeyi b'Uregwa batwara amafoteyi, intebe zisanzwe, ibiribwa n'ibindi bikoresho[661].

522. Mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa avuga ko yasabye abapolisi n'abagize komite ya Serire ya Kamuvunyi kwitabaza abaturage ngo babafashe gushyingura abantu bari bishwe mu gitero cyari cyagabwe mu gitondo. Hari abantu basabye gutwara umurambo wa Pasitoro Muganga n'uwundi muntu [ngo bajye kuyihambira]. Imirambo itari yabonye abantu bayisaba yahambwe hafi y'ikibuga cy'umupira w'amaguru[662].

523. Uregwa avuga kandi ko kuri uwo munsi, Umututsikazi witwa Chantal Mukasano n'undi Mututsi (utavugwa izina) wari umukozi wa Komine baje gusaba ubuhungiro iwe[663]. Mukasano yagumye mu rugo rw'Uregwa kugeza ubwo hafashwe ingamba zo kumujyana i Gitarama ngo ahagirire umutekano. (Nk'uko bivugwa haruguru, umutangabuhamya wiswe RJ avuga ko mubyara we Chantal yari yahungiye mu rugo rw'Uregwa, hashize iminsi nyuma y'uko na we ahihisha ku itariki ya 8 Mata 1994.)

Kuwa gatanu, tariki ya 15 Mata 1994

524. Nta mutangabuhamya n'umwe uvuga ko uwo munsi yabonye Uregwa, abayobozi ba Komine ya Mbanza cyangwa imodoka y'iyo Komine kuri sitade. Umutangabuhamya wiswe AB ni we wenyine uvuga ko yabonye Uregwa ku biro bya Komine ya Mabanza ku itariki ya 15 Mata 1994 (reba hasi akiciro ka V.4.2).

---

[660] Reba Inyandikomvugo z'amaburanisha, 5 Kamena 2000, urup.145 149; 8 Kamena 2000, urup. 216.
[661] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 144.
[662] Ni kimwe no haruguru, urup. 154.
[663] Reba Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 19.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

525. Ushinjwa ntavuga ibyo yakoze uwo munsi cyangwa bukeye bwaho. Ahandi hantu hakurwa amakuru kuri icyo kibazo, nka ajenda y'Uregwa (avugaho)[664] cyangwa ibitabo bya Komine by'amabaruwa yakiriwe cyangwa yoherejwe[665], naho ntihabonekamo ayo makuru.

Kuwa gatandatu, tariki ya 16 Mata 1994

526. Umutangabuhamya wiswe AC avuga ko uwo munsi nyuma ya saa sita, imodoka ya Komine ya Mabanza yageze kuri sitade irimo abapolisi batatu n'"Abahutu bitwaje intwaro baje kwica"[666]. Muri bo harimo nk'Interahamwe eshanu cyangwa esheshatu zagendaga zikaraga imihoro n'amacumu zari zitwaje. Ntibahatinze kuko mu ma saa kumi n'imwe "basubiye mu cyerekezo bari baturutsemo, ni ukuvuga i Mabanza"[667]. Hashize igihe gito bamaze kugenda, umutangabuhamya yumvise urusaku rw'amasasu ruturuka kuri "Kiliziya Gatolika". Hanyuma ni mugoroba, inkomere zaje zituruka ku Kiliziya zivuga ko hari abandi bantu bahiciwe[668].

---

[664] Gihamya nº85 ya Porokireri igizwe na fotokopi za ajenda Uregwa yari afite mu wa 1994. Muby'ukuri iyo ajenda yandikiwe mu icapiro ni iy'umwaka wa 1991, Ushinjwa yayikoresheje muwa 1994 yandikishamo intoki amatariki y'ibyo yandikagamo – cyangwa se nibura bimwe muri byo (reba Inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, urup.31. Ajenda isa n'itarimo inyandiko n'imwe irebana n'igihe kivugwa. Urupapuro rwanditseho 107 (ni nomero y'idosiye), irimo ibivugwa byo ku matariki ya 8, 10 na 9 Mata 1994, akurikirana kuri ubwo buryo. Ibikurikiyeho bifite itariki biri ku rupapuro 108 – bikaba birebana n'itariki ya 20 Mata 1994.

[665] Mu ibazwa ry'ingenzi ry'Ushinjwa, havugiwe amagambo akurira "Ikibazo: Usobanura ute igihe kiri hagati y'itariki ya 12 Mata 1884 n'iya 27 Mata 1994? Igisubizo: Hagati y'itariki ya 12 n'iya 27 Mata 1994, icyo gihe kigaragaza nyine akaduruvayo kari muri komini. Mbese muri komini ntacyakorwaga. Ntawakoraga, haba ubunyamabanga cyangwa … inzego z'imirimo za komini zari zarahagaze. Ni yo mpamvu hagati y'itariki ya 12 n'iya 27 nta barwa n'imwe yigeze isohoka muri komini. " Inyandikomvugo y'iburanisha ryo ku ya 6 Kamena 2000, urup.113; reba na none Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup.284 18 Ugushyingo 1999, urup.55.

[666] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, urup. 55.

[667] Ni kimwe no haruguru, urup. 57.

[668] Ni kimwe no haruguru.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Ku cyumweru, tariki ya 17 Mata 1994

527. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko yashinzwe kurinda bariyeri yo kuri Trafipro i Mabanza kuva yahashyirwa, kandi ko yayivuyeho ari uko ishenywe n'Abafaransa muri Nyakanga (reba hasi, akiciro V.5.4)[669]. Avuga ko Uregwa yahagararaga kenshi kuri iyo bariyeri agasuhuza abayirinze. Buri gihe ubwo yajyaga ku Kibuye, Uregwa yasabaga abantu bari kuri Trafipro kubwira umuntu wese umushaka aho yabaga yagiye[670]. Ibyo ni nako byagenze umunsi hagabwa igitero ku Kigo [*Home Saint-Jean*] cyangwa, kubera ko umutangabuhamya atabyibuka neza, umunsi igitero kigabwa kuri sitade. Uwo munsi (uwo ari wo wose), Uregwa yari mu modoka ya Komine ari kumwe na Semanza n'Abakiga. Yari afite intwaro kandi n'umwe mu Bakiga yari yitwaje imbunda[671]. Muri rusange, ubuhamya bwa Z mu Rukiko buhura n'ubwanditse yatanze mbere ku itariki ya 18 Nzeri 1999[672].

528. Umutangabuhamya wiswe AA avuga ko yageze kuri rompuwe yo mu mugi wa Kibuye ari kumwe n'Uregwa nyuma ya saa sita cyangwa ku mugoroba ku itariki ya 17 Mata 1994. Uyu mutangabuhamya ntavuga ko Uregwa yageze kuri sitade uwo munsi (reba hasi akiciro ka V.3.3.2).

529. Mu buhamya bwe, Uregwa avuga ko mu gitondo kare ku itariki ya 17 Mata 1994, Pasitoro Eliphas n'ababikira b'Abatutsikazi baje kugira ngo abarindire umutekano. Asobanura ko yabahishe mu cyumba cy'ibiro bya Komine, maze mu masaa tatu z'ijoro, bagasubira kuri paruwasi[673].

---

[669] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 56.
[670] Ni kimwe no haruguru, urup. 58.
[671] Ni kimwe no haruguru, urup. 60.
[672] Reba ikimenyetso gihamya Nº 65 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[673] Inyadikomvugo z'amaburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 157; 8 Kamena 2000, urup. 271.

530. Kuri iyi ngingo, umutangabuhamya ushinjura wiswe RA avuga ko, mu gitondo cya kare ku itariki ya 17 Mata 1994, nyuma y'uko Abakiga bavuze ko bari kwica ababikira b'Abatutsikazi nibagaruka bakabasanga aho, yagiye ku biro bya Komine ari kumwe n'ababikira batanu b'Abatutsikazi na Pasitoro Eliphas. Uregwa yabagiriye inama yo kutajya ku Kibuye kubera bariyeri zari ku muhanda, maze abaha icyumba mu nzu ya IGA bihishamo umunsi wose. Byongeye kandi, yahinduye indangamuntu y'umwe muri abo babikira. Ni njoro, izo mpunzi z'ababikira zagire kwa Pasitoro Eliphas, maze zihavuye zisubira kwihisha[674].

3.2.7 Imyanzuro y'Urugereko ku buryozwacyaha bw'Uregwa

(i) Imyanzuro muri rusange

531. Ikibazo cyo kumenya niba Uregwa yari cyangwa atari kuri sitade gifite akamaro cyane mu gusuzuma ibirego byose birebana n'igihe kiva ku itariki ya 13 kugeza ku ya 18 Mata 1994. Ubukemuramanza buteganya ko kuba gusa umuntu yari ari ahantu icyaha cyakorewe ubwabyo bitavuga ko yagize uruhare mu ikorwa ryacyo (reba haruguru akiciro ka III.1). Ibyo bisobanurwa cyane n'uko umuntu ashobora kuba yari aho hantu kugira ngo abuze ikorwa ry'icyaha. Cyakora, Porokireri ashoboye kugaragaza ko Uregwa yari kuri sitade muri icyo gihe kivugwa, ibindi bintu bigize ubufatanyacyaha bishobora gufatwa nk'ibiriho cyangwa bikamubarwaho. Umuntu, nk'Uregwa, ufite umwanya w'ubutegetsi, ashobora gufatwa kimwe na ba gatozi b'ibyaha, keretse bigaragaye ko yarwanyije ibyo byaha ashishikaye kandi ku mugaragaro. Niyo mpamvu Porokireri agomba gutanga ibimenyetso bihagije kugira ngo agaragarize Urugereko ko hari ubwo Uregwa yari kuri sitade mu gihe kivugwa.

---

[674] Inyadikomvugo z'amaburanisha, 2 Gicurasi 2000, imp. 57-60.

532. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rugomba gusuzumana ubushishozi ibivugwa ko byose ko Uregwa yari aho hantu. Mu yandi magambo, ni ukuvuga ko hatabonetse ibisobanuro byatuma habaho gushidikanya ku bivugwa Urugereko rugomba gusuzuma ubuhamya abandi bagabo batanze mu Rukiko cyangwa rugasuzuma ubuhamya bwandise bwatanzwe mbere kugira ngo rusobanure neza cyangwa ruhe agaciro ibivugwa n'umutangabuhamya runaka. Ibyo bintu bivugwa biramutse bidafite ubundi buhamya bubishyigikira, Urugereko rwakomeza gushidikanya bityo Porokireri akaba ataragaragaje ko Uregwa yari aho hantu. Porokireri agomba gutanga ibimenyetso bihagije bigaragariza Urugereko ko Uregwa yari aho hantu kandi, icyo gihe, akanagaragaza uruhare yagize mu byabaye.

(ii) Kuba Ushinjwa yari aho hantu kuwa gatatu, tariki ya 13 Mata 1994

533. Mu buhamya bwabo mu Rukiko, abagabo babiri bashinja biswe A na AC bavuga ko Uregwa yari kuri sitade ku itariki ya 13 Mata 1994 mu masaa munani na saa cyenda z'amanywa. Abandi batangabuhamya bavuga ko uwo munsi bamubonye i Mabanza kandi n'Uregwa avuga ko yagumye i Mabanza umunsi wose. Mbere na mbere, Urugereko rurasuzuma niba kuba Uregwa yari muri Komine ya Mabanza bivuga ko atashoboraga kugera kuri sitade. Muri ibi bivugwa, Urugereko rwemera ko ibiro bya Komine biri nko ku birometero 16 gusa uvuye mu mugi wa Kibuye. Nyuma yaho, Urugereko rurasuzuma ubuhamya bw'abagabo babiri bavuga ko babonye Uregwa kuri sitade.

534. Uregwa avuga ko ku itariki ya 13 Mata 1994 nyuma ya saa sita yari mu bibazo by'ingaruka z'igitero cy'Abakiga. Asobanura ko mu masaa saba cyangwa saa munani z'amanywa yari i Mushubati kandi ko ikindi gihe gisigaye nyuma y'ayo masaha yakimaze ku biro bya Komine.

535. Kubyerekeye ibyo Uregwa yakoze mu gitondo, umutangabuhamya ushinja wiswe J avuga ko Uregwa na Jabo wari Komanda [w'abajandarume] bageze iwe mu masaa yine za mu

gitondo nyuma y'uko asahurwa n'Interahamwe[675]. Uregwa avuga ko yagiye mu rugo rw'uyu mutangabuhamya uwo munsi hagati ya saa tanu na saa sita z'amanywa. Undi mutangabuhamya ushinja wiswe K avuga ko yahuye n'Uregwa muri Komine ya Mabanza mu masaa yine za mu gitondo, naho abatangabuhamya biswe AB na H bakavuga ko Uregwa yari mu gitero cyagabwe kuri Karungu. AB ntasobanura neza isaha byabereyeho mu gihe H we avuga ko byari mu masaa mbiri za mu gitondo. Ibyo aribyo byose, Urugereko rusanga nta cyemeza ko abantu babonye Uregwa muri Komine ya Mabanza nyuma ya saa sita.

536. Mu batangabuhamya babiri bavuga ko babonye Uregwa kuri sitade, umutangabuhamya wiswe A yemeza ko yamubonye mu masaa munani z'amanywa ubwo impunzi zari zitegereje ko inzugi zifungurwa. Uyu mutangabuhamya avuga ko Uregwa yakurikiye impunzi ubwo zavaga ku biro bya Komine ya Mabanza. Nta wundi mutangabuhamya uvuga ko yabonye Uregwa ku muhanda ujya ku Kibuye (reba haruguru akiciro ka V.3.1). Urugereko rusanga ibyo ntacyo bisobanura. Umutangabuhamya yagendaga mu gice cy'inyuma cy'impunzi ubwo zavaga ku biro bya Komine. Niba Uregwa yarakurikiye iyo mbaga y'abantu, birumvikana ko umutangabuhamya wiswe G wari imbere atamubonye. Byongeye kandi, umutangabuhamya wiswe A avuga ko mu nzira impunzi zahuye na bisi ebyiri zitwaye abajandarume maze Uregwa agahagarara ngo avugane nabo[676]. Birashoboka ko Uregwa yaba yarabanje gukurikira impunzi nyuma akaza gusubira inyuma, maze akaza kongera kuzisanga ubwo zari imbere ya sitade.

537. Urugereko rusanga umutangabuhamya wiswe A avuga ko yabonye Uregwa, ariko ntatanga ibisobanuro. A ntasobanura icyo Uregwa yakoraga, ntavuga ko yari kumwe n'abandi bantu cyangwa ko yari wenyine, yewe nta navuga niba Uregwa yari ahagaze cyangwa yicaye mu modoka, niba yari yitwaje intwaro cyangwa atayitwaje. Mu by'ukuri,

---

[675] Inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 31 Mutarama 2000, imp.17, 18, 40.
[676] Mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 1 Gashyantare 1996, umugabo yemeza kandi ko impunzi zahuye na "bisi ebyiri zari zitwaye abasirikare" (Ikimenyetso gihamya Nº6 cyatanzwe n'Ubwunganizi).

nta bisobanuro Porokireri atanga usibye kuvuga gusa ko umutangabuhmya wiswe A yabonye Uregwa hafi y'imiryango ya sitade.

538. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanga mu buhamya bwanditse bubiri yahaye abapererezi nta na hamwe uyu mugabo avuga ko yabonye Uregwa ku itariki ya 14 Mata 1994. Ubuhamya bwanditse bwa kabiri yatanze ku itariki ya 29 Kamena 1999 bwerekeranye, by'umwihariko, n'Uregwa. Muri ubwo buhamya, uyu mugabo wiswe A agira ati "Twagiye kuri sitade n'amaguru maze bukeye bwaho kuwa kane, [Uregwa] arahadusanga"[677]. Bityo rero, mu buhamya bwanditse yatanze hasigaye amezi atageze kuri atanu ngo atange ubuhamya mu Rukiko, umugabo wiswe A avuga ko Uregwa atazanye n'impunzi kuri sitade kuwa gatatu, ko ahubwo yahaje kuwa kane baraye bahageze. Ibyo bihura n'ibyo avuga mu bundi buhamya bwe bwandite aho avuga ko ku itariki ya 14 Mata 1994 yabonye Uregwa, Semanza na Dogiteri Léonard bagera kuri sitade (reba hasi). Byongeye kandi, mu buhamya bwanditse bwa mbere yatanze ku itariki ya 1 Gashyantare 1996, uyu mugabo avuga ko "ahagana ku itariki ya 16 Mata" yabonye Uregwa, Semanza, Dogiteri Léonard Hitimana n'abandi bantu mu modoka yo mu bwoko bwa Toyota Hilux mu nkengero za sitade[678]. Mu buhamya yatanze mu Rukiko niho honyine avuga ko yabonye Uregwa ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata . Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga hari ugushidikanya ko umutangabuhamya yibuka neza ibintu iyo avuga [mu Rukiko] ko yabonye Uregwa ku itariki ya 13 Mata 1994.

539. Byongeye kandi, umutangabuhamya wiswe AC avuga ko yabonye Uregwa kuri sitade ku itariki ya 13 Mata 1994 mu masaa cyenda z'amanywa. Urugereko ntirutinda cyane ku by'uko umutangabuhamya wiswe A avuga ko yabonye Uregwa saa munani z'amanywa naho uwiswe AC we akavuga ko yamubonye saa cyenda z'amanywa. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko isaha ari ikigereranyo kuko nta saha yari afite. Uretse ibyo kandi, byakumvikana rwose aba batangabuhamya bombi baramutse bagize ingorane zo kwibuka

[677] Ikimenyetso gihamya Nº 7 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[678] Reba ikimenyetso gihamya Nº 6 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

isaha nyakuri baboneyeho Uregwa kuko hashize imyaka igeze kuri itandatu ibintu bibaye. Cyakora, umutangabuhamya wiswe A avuga ko Uregwa yasanze impunzi ("yadusanze") mu masaa munani z'amanywa mbere y'uko imiryango ya sitade ifungurwa, naho uwiswe AC we akavuga ko yamubonye ahagera mu masaa cyenda z'amanywa impunzi zamaze kwinjira muri sitade. Na none, iyo Uregwa aza kuba ahari igihe impunzi zaturutse i Mabanza zari zigiye kwinjira kuri sitade, ntibyakumvikana ukuntu yari kugaruka nyuma kubaza niba impunzi yari yohereje zageze aho hantu, nk'uko bivugwa n'umutangabuhamya wiswe AC.

540. Umutangabuhamya wiswe AC asa n'utanga ibindi bisobanuro ku byo avuga ko yabonye Uregwa ku itariki ya 13 Mata 1994. Cyakora, usanga ibyo bisobanuro bivuguruzanya iyo ufashe ubuhamya yatanze mu Rukiko ukabugereranya n'ubwanditse yatanze mbere ku itariki ya a 21 Kamena aho agira ati :

> "Mu masaa cyenda z'amanywa, Burugumesitiri Bagilishema n'umwungirije ari we Semanza baje kuri sitade bari mu modoka ya Komine. Binjiye muri sitade bagaragara muri metero nke uvuye ku muryango. Yabwiye abajandarume ngo "twabohereereje abantu mwasabye". Amaze kubwira abajandarume ayo magambo yaragiye kandi namwumvise ayavuga"[679]

541. Mu buhamya bwe mu Rukiko, AC abanza kuvuga ko Uregwa yari yashatse kwinjira muri sitade ariko akisubiraho. Nyuma yaje kuvuga ko Uregwa yinjiye muri sitade, muri "metero nke" uvuye ku muryango. (No mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 21 Kamena 1999 avuga ko Uregwa yinjiye muri sitade). Byongeye kandi, mu buhamya bwe bwanditse, uyu mugabo avuga ko yumvise Uregwa abwira abajandarume ngo: "Twabohereereje abantu mwadusabye." Cyakora mu buhamya yatanze mu Rukiko, uyu mugabo avuga ko ahubwo Uregwa yabajije niba "abantu yari yohereje bari bahageze". Mu Rukiko, AC avuga ko ubwo Uregwa yarimo gusohoka muri sitade we n'izindi

[679] Ikimenyetso gihamya Nº 8 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

mpunzi bagerageje kumukurikira ariko abajandarume bakabakubita. Cyakora, uyu mutangabuhamya ntavuga niba Uregwa yarabonye bagerageza kumukurikira cyangwa bakubitwa. Ikimenyetso cyatanzwe na Porokireri cyerekeranye n'uko Uregwa yagiye kuri sitade ni igishushanyo gisanzwe. Icyo gishushanyo hari byinshi gihuriyeho n'icyatanzwe n'umutangabuhamya wiswe AC cyerekeranye n'ibyo avuga ko Uregwa yaje kuri sitade ku itariki ya 14 Mata 1994 (reba hasi). Kuba nta bisobanuro bihari, uguhura kw'ibyo bimenyetso guteye amakenga kubera ko gutuma umuntu atekereza ko umutangabuhamya yibuka, yibeshya, ko Uregwa yahaje kabiri kandi ari rimwe.

542. Kuba umutangabuhamya wiswe G atavuga ko yabonye Uregwa kuri sitade mbere y'itariki ya 18 Mata 1994 ntibituma imvugo z'abatangabuhamya biswe A na AC zikemangwa. Bitewe n'aho umuntu yari ari muri sitade, n'imbaga y'abantu yari ihari, birashoboka ko Uregwa yaba yaraje kuri sitade ariko abantu ntibamubone.

543. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga hatagaragajwe, nta gushidikanya, ko Uregwa yari kuri sitade ya Kibuye ku itariki ya 13 Mata 1994. Niyo umuntu yavuga ko yari ahari, ubuhamya bw'abagabo ntibugaragaza na busa impamvu zatumye aza aho hantu. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo wiswe A asa n'ushaka kuvuga ko Uregwa yaje kuri sitade azanywe gusa no kureba ko niba impunzi zahageze. Cyakora, ntihatanzwe ibimenyetso bigaragaza ko yari afite umugambi mubisha. Ntihagaragajwe rero ko hari icyaha na kimwe giteganywa na Sitati Uregwa yakoreye kuri sitade. Kubera izo mpamvu, ntaburyozwacyaha bushobora kubaho kuri ibyo bintu.

(iii) Kuba Ushinjwa yari kuri sitade kuwa kane, tariki ya 14 Mata 1994

544. Abatangabuhamya biswe A na AC bavuga ko babonye Uregwa kuri sitade ku italiki ya 14 Mata 1994. AC avuga ko yamubonye ahagera saa tatu za mu gitondo ari kumwe na Semanza mu modoka ya Komine. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko yabonye

Uregwa na Semanza bahagera bari kumwe na Dogiteri Léonard, ariko ntasobanura isaha bahagereye.

545. Abatangabuhamya bashinja babiri bavuga ko uwo munsi Uregwa yari muri Komine ya Mabanza. Umutangabuhamya wiswe AB avuga ko igitero cyagiye kwa Karungu cyagabwe n'Uregwa mu masaa tatu za mu gitondo. Umutangabuhamya wiswe H we avuga ko Uregwa yakurikiye abagabye ibitero kwa Karungu mu gitondo cyo ku itariki ya 14 Mata 1994.

546. Uregwa ntasobanura aho yagiye ku itariki ya 14 Mata 1994. Avuga gusa ko saa mbiri za mu gitondo yari iwe mu rugo kandi ko nyuma yaho, ku isaha idasobanurwa, yagiye guhambisha abantu bari bishwe n'Abakiga.

547. Uburyo umutangabuhamya wiswe A yabonyemo Uregwa uwo munsi ntibusobanutse. Avuga ko yabonye inshuro ebyiri imodoka ya Komine itwaye impunzi. Imvugo z'uyu mutangabuhamya ntizigaragaza niba Uregwa yari muri iyo modoka inshuro imwe muri izo nshuro ebyiri, cyangwa niba yari ayirimo muri izo nshuro ebyiri zose, cyangwa se ko yaba yaraje ikindi gihe. Ubwo yabonaga Uregwa, umutangabuhamya yari muri tiribine nini (iteganye n'umuryango mukuru wa sitade). Ntihagaragajwe ahantu nyaho uyu mutangabuhamya yari ahagaze muri tiribine, cyangwa, ku buryo bw'umwihariko, ngo hagaragazwe niba yari yegereye cyane umuryango cyangwa ari ku ruhande rwegereye agasozi.

548. Kubyerekeye imyitwarire y'Uregwa n'ibindi bisobanuro byerekeranye no kuba yaragiye kuri sitade, umutangabuhamya wiswe yatanze amakuru magufi cyane. Uregwa yavuye mu modoka ya Komine ajya ku muryango mukuru wa sitade maze avugisha abajandarume. Icyo gihe, impunzi zarasakuje ngo : "Baje kutwica!". Uregwa yavuye ku muryango ajya (ahandi hantu hadasobanurwa) kugira ngo ashobore kubona impunzi. Nta bindi bisobanuro byatanzwe.

549. Kubera ko nta bindi bisobanuro byatanzwe, Urugereko rwasuzumye ubuhamya bwanditse bunyuranye umugabo wiswe A yatanze mbere. Uko Uregwa yagiye ajya aho hantu nk'uko bisobanurwa na A mu buhamya bwe mu Rukiko, ntibihura n'uko abivuga mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 29 Kamena 1999. Muri ubwo buhamya bwanditse, umugabo wiswe A avuga ko Uregwa yaje kuri sitade kuwa kane ku itariki ya 14 Mata 1994. Aha asa n'ushaka kumvikanisha ko aribwo bwa mbere Uregwa yari ahageze kuva impunzi zava muri Komine ya Mabanza.

> "Twagiye kuri sitade n'amaguru [Uregwa] ahadusanga bukeye kuwa kane. Yari kumwe n'umufasha we SEMANZA na Dogiteri Léonard […] Bahagaze ku muryango wa sitade. Impunzi zisakuje zivuga ngo "baje kutwica", abo bagabo batatu baragiye. Bukeye bwaho, Burugumesitiri noneho yagarukanye n'umufasha we gusa, basubirayo batinjiye kuri sitade."[680].

550. Ubu buhamya bwa A mu Rukiko bugaragaza ko Urugendo rwa kabiri Uregwa yaba yaragiriye kuri sitade rusa n'urwa mbere nk'uko bivugwa mu buhamya bwanditse (muri ubwo buhamya bwombi havugwamo Dogiteri Léonard n'urusaku rwavugijwe n'impunzi). Mu buhamya bwanditse bwa mbere yatanze ku itariki ya 1 Gashyantare 1996, umugabo wiswe A avuga, asa nukomoza ku rugendo Uregwa yagiriye kuri sitade, ko rwabaye "ahagana ku itariki ya 16 Mata". Avuga ko mu bantu bahaje harimo "Interahamwe nke" kandi ko impunzi zabateye amabuye[681].

551. Umutangabuhamya wiswe AC avuga ko Uregwa, Semanza, umushoferi wa Komine n'abapolisi babiri ba Komine bageze ku muryango munini wa sitade bari mu modoka, maze bagahagarara bakavugisha abajandarume. Icyo gihe, Uregwa yari yambaye imyenda ya gisiviri kandi nta ntwaro yitwaje. Umutangabuhamya yarebaga ibyo bintu ahagaze ku kibuga, hafi y'imiryango. Urugereko ntirwumva neza ukuntu yashoboye kubona Uregwa anyujije amaso mu nzugi, cyangwa ukuntu yabonye imodoka yari

[680] Ikimenyetso gihamya Nº7 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[681] Ikimenyetso gihamya Nº6 cyatanzwe n'Ubwunganizi

ihagaze ku rundi ruhande rw'urukuta rwa sitade. Ubuhamya bwa AC mu Rukiko ntibushyigikira ku buryo buhamye ubwa A. Uretse Semanza, abantu bavugwa ko bazanye kuri sitade n'Uregwa baratandukanye mu buhamya bwombi. Byongeye kandi, AC nta makuru atanga agaragara kandi afite akamaro ku byerekeranye n'ibyo A avuga ko impunzi zasakuje zivuga ko abantu baje aho bari bazanywe no kuzica.

552. Umutangabuhamya wiswe AC abanza kuvuga ko urwo rugendo rwabaye ari kuwa gatanu, ni ukuvuga ku itariki ya 15 Mata 1994. Nyuma arahindura akavuga ko rwabaye ari kuwa kane. Isuzumwa ry'ubuhamya bwanditse AC yatanze ku itariki ya 21 Kamena 1999 ntirivanaho ugushidikanya k'Urugereko. Umutangabuhamya avuga ko ari Perefe (aho kuba Uregwa) waje kuri sitade ku itariki ya 14 Mata ari kumwe n'abasirikare n'abajandarume maze bakagota aho hantu. Mu yandi magambo, mu buhamya bwanditse yatanze by'umwihariko ku Uregwa hasigaye amezi atanu ngo atange ubuhamya mu Rukiko, uyu mugabo ntavuga ko Uregwa yari aho hantu uwo munsi. Muri ubwo buhamya bwanditse avuga ko urugendo rwa kabiri Uregwa yagiriye kuri sitade nyuma y'itariki ya 13 Mata, rutabaye mbere y'"itariki ya 16 Mata"[682]. Cyakora, iyo tariki itera nayo gushidikanya kubera ko umutangabuhamya avuga ko uwo munsi ari bwo igitero cyagabwe ku Kigo [*Home Saint-Jean*] kandi bigaragara ko icyo gitero cyagabwe ku itariki ya 17 Mata 1994.

553. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga hataragaragajwe nta gushidikanya ko Uregwa yari kuri sitade ku itariki ya 14 Mata 1994. Porokireri yatanze utumenyetso duke tudafatika (harimo n'uburyo umuntu ashobora kureba muri sitade irimo abantu benshi cyane) aduhawe n'abatangabuhamya biswe A na AC hagamijwe kugaragaza ko Uregwa yari kuri sitade. Kubera ko ubuhamya bwa A na AC budashyigikirana, bombi bakaba bahuzagurika ku matariki bavuga ko baboneyeho Uregwa, ndetse abandi bagabo babiri

[682] Ikimenyetso gihamya Nº8 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

bashinja bakaba bavuga ko uwo munsi saa tatu n'igice za mu gitondo Uregwa yari muri Komine ya Mabanza, biragaragara ko ibimenyetso byatanzwe na Porokireri mu kugaragaza ko Uregwa yari kuri sitade ku itariki ya 14 Mata 1994 bidakurikije ibigenderwaho mu itangwa ry'ibimenyetso.

554. Mu bagabo batanze ubuhamya mu Rukiko nta n'umwe uvuga ko yabonye Uregwa kuri sitade hagati y'itariki ya 15 n'iya 17 Mata 1994. Ibyo bituma Urugereko rwanzura ruvuga ko hatagaragajwe, nta gushidikanya, ko Uregwa yagiye kuri sitade hagati y'itariki ya 15 n'iya 17 Mata 1994.

(iv) Umwanzuro w'Urugereko

555. Kuba Porokireri atarashoboye kugaragaza ko Uregwa yari kuri sitade umunsi uwo ari wo wose hagati y'itariki ya 13 n'iya 17 Mata 1994 bisobanura ko Uregwa adashobora kuryozwa nka gatozi ifungwa ry'impunzi cyangwa uburyo zafunzwemo. Mu kiciro ka V.3.4.4.iii kari hasi, Urugereko rurasuzuma ubundi buryozwacyaha bw'Uregwa ku bintu byabereye mu mugi wa Kibuye.

3.3 Igitero cyagabwe ku mpunzi zari mu kigo cya Home Saint-Jean, mu mugi wa Kibuye, ku itariki ya 17 Mata 1994.

3.3.1 Intangiriro

Inyandiko y'ibirego

556. Igika cya 4.25 n'icya 4.28 by'Inyandiko y'ibirego bigira biti:

> 4.25 "Ku itariki ya 17 Mata 1994, abantu Ignace Bagilishema yari yategetse guhungira ku Kigo batewe n'abajandarume, abapolisi ba

Komine, Interahamwe n'abasiviri bitwaje intwaro. Abagabye ibitero bakoresheje imbunda, za gerenade, imihoro, amacumu, ibibando n'izindi ntwaro kugira ngo bice abantu bari mu Kigo.

[…]

4.28 Ategeka abagabo, abagore n'abana b'Abatutsi guhungira mu Kigo no kuri sitade, Igance Bagilishema yari azi cyangwa yari afite impamvu zo kumenya ko aho hantu hari hagiye kugabwa igitero".

Ingingo z'ababuranyi

557. Porokireri avuga ko ku itariki ya 17 Mata 1994, impunzi z'i Mabanza zari zategetswe kujya ku Kigo zatewe maze zikicwa n'abantu barimo abajandarume, abapolisi ba Komine, Interahamwe n'abasiviri bitwaje intwaro[683]. Nk'uko bigaragara mu gika cya 4.25 n'icya 4.28 by'Inyandiko y'ibirego no mu ngingo yatanze mu magambo, Porokireri asa n'utavuga ko Uregwa yagize uruhare mu bwicanyi bwakorewe ku Kigo : "Uregwa yakoze ku buryo impunzi zijya ku Kibuye muri sitade, ndetse anitabira ibitero byagabwe ku Batutsi bari bahungiye muri sitade yo ku Kibuye…"[684]. Cyakora, Porokireri asa n'uvuga ko bishoboka ko Uregwa yagiye kuri icyo Kigo ku itariki ya 17 Mata 1994 nyuma y'igitero[685]. Muri icyo kirego, Porokireri ashinja Uregwa icyaha cya jenoside[686].

558. Ubwunganizi buvuga ko Porokireri atatatanze ibimenyetso bigaragaza ko Uregwa yategetse impunzi kujya mu Kigo[687]. Uregwa ntiyigeze na rimwe agira uruhare mu gitero

---

[683] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, urup.30, ibika 200-203, imp. 30, 31.
[684] Inyandikomvugo y'iburanisha, 4 Nzeri 2000, urup.78. Inyandikomvugo iri mu cyongereza ari yo y'umwimerere iruzuye kurushaho: "Porokireri ni we ugomba kugaragaza ko Uregwa atashatse gusa kumenya ko Abatutsi bageze kuri sitade ya Kibuye no kuri Home Saint-Jean, ahubwo ko yanagiye mu gitero cyagabwe ku Batutsi kuri sitade ya Kibuye".
[685] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, urup. 64.
[686] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp.12, 13, ibika 69, 71.
[687] Reba imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, urup. 69, igika cya 582.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

cyagabwe ku Kigo. Ku itariki ya 17 Mata 1994 yari muri Komine ya Mabanza ari nabwo yahishaga Pasitoro n'ababikira batanu b'Abatutsi bahigwaga n'Abakiga[688].

3.3.2 Isesengura

559. Mu batangabuhamya bashinja bose, AA ni we wenyine uvuga ko Uregwa yari yamenyeshejwe iby'ubwicanyi bwakorewe ku Kigo ku munsi bwabereyeho, ni ukuvuga nyuma ya saa sita ku munsi ubanziriza uwo sitade yagabiweho igitero.

Umutangabuhamya AA

560. Umutangabuhamya wiswe AA avuga ko yifatanyije n'Abakiga kugira ngo bice impunzi zari ziteraniye mu mugi wa Kibuye. Avuga ko ku munsi ubanziriza uwo sitade yatereweho, avuye ku kazi mu masaa munani z'amanywa, yagiye kwa Semanza wari umufasha wa Burugumesitiri maze akahasanga Abakiga bagera kuri 40[689] bitwaje amagerenade, ibihiri n'inkoni[690]. Bose bavuye kwa Semanza, bajya ku biro bya Komine kandi icyo gihe umutangabuhamya yari yitwaje igihiri. Avuga ko Uregwa yahaye "abasirikare" imbunda zari zivuye muzo uwitwa Munyampundu yari yazaniye Komine[691]. Mu ibazwa rinyomoza, umutangabuhamya yavuze ko, mu by'ukuri, atabonye iryo tangwa ry'intwaro kuko atari ku biro bya Komine[692].

---

[688] Ni kimwe no haruguru, ibika 583, 584.
[689] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 26. Umutangabuhamya avuga "itariki ya 18 Mata". Nyuma yaho mu ibazwa ry'ibanze, byagaragaye ko umutangabuhamya yavugaga umunsi ubanziriza uw'igitero cyagabweho kuri sitade. Nk'uko ingengabihe ya Porokireri ibigaragaza, icyo gitero cyabaye ku itariki ya 18 Mata 1994. Nyuma yaho umutangabuhamya yemeje ko igitero cyagabwe kuri sitade cyabaye ku itariki ya 18 Mata, umunsi ukurikira uwo yari yatangiriyeho gufatanya n'Abakiga ugomba kuba ari ku itariki ya 17 Mata 1994 (urup. 52).
[690] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 17.
[691] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp. 22, 23; 11 Gashyantare 2000, imp. 21- 24.
[692] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 11Gashyantare 2000, urup.21.

561. Umutangabuhamya wiswe AA na bagenzi be barimo Uregwa na Semanza baba baravuye i Mabanza bakajya ku Kibuye bari mu modoka ebyiri. Uyu mutangabuhamya yari mu modoka ya Komine y'ibara ry'ubururu itwawe na Nshimiyimana; Uregwa yari mu modoka ya kabilri y'icyatsi kibisi yo mu bwoko bwa Daihatsu. Avuga ko abandi bantu bagabye igitero bageraga ku 10.000 bagiye n'amaguru[693]. Nyuma umutangabuhamya asobanura ko yajyanye n'Uregwa mu modoka ya Komine naho Semanza akagenda mu yindi modoka[694]. Umutangabuhamya ntiyibuka isaha bagendeyeho[695].

562. Bageze kuri rompuwe yo mu mugi wa Kibuye, umutangabuhamya wiswe AA na bagenzi be babonye imirambo myinshi ku muhanda : "Umuhanda wose ugana kuri *Home Saint-Jean* wari wuzuye imirambo y'abantu[696]. Imodoka yagombye guhagarara kugira ngo, idakandagira iyo mirambo. Umutangabuhamya avuga ko yasohotse mu modoka maze Uregwa we agakomeza mu mudoka "yerekeza kuri sitade […] ubanza yari agiye kuri perefegitura"[697]. Umutangabuhamya n'abandi bantu bagiye ku Kigo [*Home Saint-Jean*] n'amaguru. Bahageze, babonye indi mirambo n'inkomere byinshi. Imbere muri kiriziya, umutangabuhamya yahabonye bamwe mu bicanyi batetse umuceri n'ibishyimbo. Umutangabuhamya yamanutse agana ku kiyaga cya Kivu naho ahabona indi mirambo. Avuga ko yahavuye akazamuka yerekeza kuri rompuwe[698].

563. Umutangabuhamya avuga ko icyo gihe atabonye Uregwa ku Kigo[699]. Yaraye mu nzu y'Urukiko hafi ya sitade. "Abategetsi" bamutegetse we n'abandi bantu kuhaguma[700].

---

[693] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp. 19, 30, 31.
[694] Reba inyandikomvugo z'amaburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp.32, 33; 11 Gashyantare 2000, urup. 32.
[695] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 34.
[696] Ni kimwe no haruguru, urup. 36.
[697] Inyandikomvugo z'amaburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 37; 11 Gashyantare 2000, urup. 36.
[698] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp. 36, 37.
[699] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 11 Gashyantare 2000, imp. 35, 36.
[700] Reba inyandikomvugo z'amaburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 40; 11 Gashyantare 2000, imp. 37, 38.

Umushoferi wa Komine yamubwiye ko Uregwa yari kurara muri hoteli Betaniya, mu mugi wa Kibuye[701].

Umutangabuhamya wiswe A

564. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko mu ijoro ryo ku cyumweru tariki ya 17 Mata 1994, ubwo yari kuri sitade, yumvise urusaku rw'amasasu n'ibindi byaturikaga ndetse anabona ku muhanda imodoka zari zitwaye abajandarume, abapolisi n'abandi bantu bitwaje ibihiri n'inkoni. Avuga ko abantu babiri bavuye ku kigo cya *Home Saint-Jean* baza kuri sitade banyuze mu bihuru maze bababwira ko ari bo bonyine barokotse igitero cyagabwe kuri icyo Kigo – ko abandi bose bicishijwe amasasu[702].

Umutangabuhamya wiswe AC

565. Umutangabuhamya wiswe AC agira ati: "kuri uwo wa gatandatu […] mu masaa kumi n'imwe z'umugoroba, twumvise urusaku rw'amasasu maze abantu twari kumwe bavuga ko urwo rusaku rwaturukaga ku kiriziya"[703]. Mu ijoro, abantu bakomeretse baje kuri sitade, batubwira ko baturutse kuri Kiriziya Gatolika kandi ko abantu benshi bahiciwe[704]. Umutangabuhamya yemeza ko impunzi zageze aho hantu zari nyinshi cyane ariko ntiyashoboye kugereranya ngo avuge umubare wazo[705]. Ntavuga ko yabonye Uregwa umunsi yumvise amasasu avugira ku kiriziya.

---

[701] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp.41, 42.
[702] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, imp. 35, 36.
[703] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, imp.54, 56, 57. Ku wa gatandatu hari ku itariki ya 16 Mata 1994, umunsi ubanziriza uwo igitero cyagabweho ku Kigo nk'uko ingengabihe ya Porokireri ibigaragaza.
[704] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, imp. 62, 63.
[705] Ni kimwe no haruguru, imp. 125-126.

Umutangabuhamya wiswe CP

566. Amaze kuva kuri rompuwe yo ku Kibuye ku itariki ya 17 Mata 1994 (reba haruguru akiciro V.3.2), umutangabuhamya yagiye kwihisha ku biro bya Komine ya Gitesi aho yashoboraga kubona ahantu hayikikije harimo na rompuwe[706]. Icyo gihe, byari hagati ya saa yine na saa tanu z'amanywa. Yahamaze igihe kiri hagati y'amasaha abiri n'atatu[707], ashobora kubona Abakiga kuri rompuwe bigabanyamo amatsinda abiri. Itsinda rya mbere ryerekeje kuri perefegitura, irya kabiri ryerekeza ku kiyaga cya Kivu. Umutangabuhamya wiswe CP avuga ko icyo gihe atigeze abona Uregwa, imodoka ya Komine ya Mabanza cyangwa indi imodoka ku muhanda[708]. Ntiyanabonye Perefe[709]. Ari aho hantu, umutangabuhamya yashoboraga rero kubona igice cy'ikibuga cya Kiriziya kuri *Home Saint-Jean*. Yari azi ko abantu bahahungiye kubera ko yari atuye hafi yaho, kandi akaba yari yarigeze gusura bamwe mu bantu bari baziranye bari barahahungiye[710]. Cyakora, nta mujandarume n'umwe yabonye kuri icyo Kigo[711].

567. Ari ku mbuga y'ibiro bya Komine ya Gitesi, umutangabuhamya wiswe CP yumvise urusaku rwa gerenade zaturikiraga ku Kigo[712]. Yabonye abantu baturuka ku Kiriziya bamanuka umusozi biruka berekeza ku kiyaga cya Kivu aho bari bategerejwe n'abagabaga ibitero[713]. Umutangabuhamya yongeraho ngo "…twabonaga abantu barwana ariko ntitwabonaga neza ibyaberaga kuri *Home Saint-Jean* kubera ahantu icyo kigo kiri. Cyakora, twabonaga abantu batera amabuye mu kiyaga cya Kivu. Nta washidikanya rero ko abantu bishwe"[714].

---

[706] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Gicurasi 2000, urup. 24.
[707] Ni kimwe no haruguru, imp. 29, 30.
[708] Ni kimwe no haruguru, imp. 24-26 na 85- 87.
[709] Ni kimwe no haruguru, urup. 95.
[710] Ni kimwe no haruguru, imp..37, 38, 75.
[711] Ni kimwe no haruguru, urup. 35.
[712] Ni kimwe no haruguru, urup. 37.
[713] Ni kimwe no haruguru, imp.31, 39.
[714] Ni kimwe no haruguru, urup. 32.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

568. Imvugo y'Uregwa ku hantu yari ku itariki ya 17 Mata 1994 zasuzumwe haruguru mu kiciro V.3.2.6. (mu gitondo kare yari ku biro bya Komine ya Mabanza ubwo yazaniwe ababikira batanu b'Abatutsikazi kugira ngo abahishe. Ibyo bihura n'ibivugwa n'umutangabuhamya wiswe RA).

3.3.3 Imyanzuro y'Urugereko

569. Ababuranyi bemera ko impunzi zari ku Kigo zagabweho igitero ku itariki ya 17 Mata 1994. Ibimenyetso byatanzwe ntibigaragaza neza igihe icyo gitero cyabereye. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko cyatangiye "mu ijoro", naho uwiswe AC akavuga ko cyatangiye mu masaa kumi n'imwe z'umugoroba. Umutangabuhamya wiswe CP yabonye uko igitero cyagenze ubwo yari mu biro bya Komine ya Gitesi, akaba yarahagumye kugeza saa munani z'amanywa. Mu buhamya bwe, umugabo wiswe AA ntavuga isaha yaba yaragereye ku Kibuye ku itariki ya 17 Mata 1994. Cyakora, mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 22 n'iya 23 Nzeri 1999, avuga ko byari mu masaa cyenda z'amanywa. Agera ku Kigo, AA yasanze igitero cyarangiye.

570. Porokireri ntiyagaragaje, nta gushidikanya, ko Uregwa yategetse impunzi zari ku biro bya Komine ya Mabanza guteranira mu Kigo, mu mugi wa Kibuye (reba akiciro ka V. 3.1. haruguru). Nta n'ibimenyetso umuntu yashingiraho yemeza ko Uregwa yari azi ko hari igitero cyari kigiye kugabwa kuri icyo Kigo (reba akiciro ka V. 3.2 haruguru)

571. Nta mutangabuhamya n'umwe uvuga ko Ikigo cyatewe bitegetswe cyangwa bigizwemo uruhare n'Uregwa. Umutangabuhamya wiswe CP yabonye uko igitero cyagenze ariko yari kure y'aho cyagabwe. Mu buhamya bwe ntashinja na rimwe Uregwa. AA ntiyari ahari igitero kigabwa yabonye gusa ingaruka zacyo. Mu buhamya bwe mu Rukiko, AA avuga ko igitero kigabwa ku Kigo ashobora kuba yari muri Komine ya Mabanza cyangwa mu nzira ava i Mabanza ajya ku Kibuye ari kumwe n'Uregwa.

572. Byongeye kandi, umutangabuhamya wiswe AA avuga ko Uregwa atari ku Kigo. Mu bagabo batanze ubuhamya mu Rukiko, nta n'umwe muri bo uvuga ko Uregwa yari ku Kigo igihe icyari cyo cyose hagati y'itariki ya 13 n'iya 17 Mata 1994. Ntihanatanzwe ikindi kimenyetso kigaragaza ko abantu bari bakuriwe n'Uregwa bagiye mu gitero cyagabwe ku Kigo.

573. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanze Porokireri atagaragaza, ku buryo budashidikanywaho, ko Uregwa yaryozwa kuba impunzi zarateraniye ku Kigo n'igitero cyazigabweho. Mu kiciro ka V.3.4 hasi, Urugereko niho rusuzuma ibyo AA avuga ko Uregwa yari ku Kibuye ku itariki ya 17 Mata 1994.

3.4 Igitero cyagabwe ku mpunzi kuri sitade Gatwaro, mu mugi wa Kibuye ku itariki ya 18 n'iya 19 Mata 1994

3.4.1 I*ntangiriro*

Inyandiko y'ibirego

574. Igika 4.26 n'icya 4.27 by'inyandiko y'ibirego bigira biti :

> "4.26 Ku itariki ya 18 Mata 1994, Ignace Bagilishema, abyumvikanyeho n'abandi, nka Clément Kayishema, Célestin Semanza, Apolinaire Nsengimana, Emile Nzanana na Munyampundu, bazanye kuri sitade abajandarume, abapolisi ba Komine, Interahamwe n'abasiviri bitwaje intwaro babategeka kugaba igitero ku bantu bari bahahungiye.
>
> 4.27 Byongeye kandi, ku itariki ya 18 n'iya 19 Mata 1994, Ignace Bagilishema ubwe yagabye igitero yica abantu bari bahungiye kuri sitade Gatwaro, mu mugi wa Kibuye. Ibitero byagabwe ku bantu bari bahungiye kuri sitade Gatwaro byarakomeje ku itariki ya 19 Mata 1994."

Ingingo z'ababuranyi

575. Nk'uko Porokireri abivuga, Uregwa yari kuri sitade kuwa mbere tariki ya 18 Mata 1994, ari na wo munsi wa mbere impunzi zari zihafungiye zatereweho. Abyumvikanyeho n'abandi bantu, Uregwa yitabiriye icyo gitero cyakomeje no ku itariki ya 19 Mata 1994[715] n'ubwo cyari cyagabanyije umurego. Porokireri avuga ko Uregwa yavuganye n'abajandarume n'abandi bantu bagabye igitero, ababwira aho bagomba guhagarara muri icyo gitero[716]. Icyo gitero cyahitanye ibihumbi n'ibihumbi by'abantu. Kubera iyo mpamvu, Porokireri ashinja Uregwa icyaha cya jenoside n'ibyaha byibasiye inyoko-muntu[717].

576. Mu myanzuro nsozarubanza mu magambo, Porokireri agira ati " kubera ko [Uregwa] yari aho hantu, turavuga ko yari azi cyangwa yagombaga kumenya ko kuri sitade hari hagiye kugabwa igitero nyuma gato ya saa munani n'igice[718], kandi ko byonyine « kuba Uregwa yari ahari mbere… n'igihe igitero cyatangiraga, Uregwa yashyigikiye icyo gitero abizi kandi abishaka"[719]. Cyakora, uretse kuvuga ko Uregwa yari azi ibyarimo kuba anabishyigikiye kubera ko yari ahari, Porokireri avuga ubundi buryo bukomeye bw'uburyozwacyaha mu buryo bujyanye n'ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego:

> « None se ni iki Bagilishema yakoraga aho hantu? Biragaragara ko yari ayoboye ibitero. Ntiyari indorerezi ihise ahongaho, ku buryo bumugwiririye, ngo abone ibyarimo kuba. Niyo mpamvu tuvuga ko uzirikanye ko yari kuri sitade ya Kibuye ku itariki ya 18, maze ukabihuza n'ibyo navuze ku byerekeranye n'itariki ya 12 Mata, urasanga bishyigikira ibyo tuvuga ko yari yaritswemo n'umugambi wo gukora jenoside. Ni ibintu byumvikanyweho,

[715] Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 31-34, ibika 206, 227.
[716] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, urup. 33, ibika 216-219.
[717] Reba imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 9-10, ibika 69-76; imp. 31-32, ibika 210-212.
[718] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, urup. 90.
[719] Inyandikomvugo y'iburanisha, 4 Nzeri 2000, urup. 79.

bukeye bikorwa hakurikije ubwo bwumvikane maze nyuma y'iminsi itatu bagaruka kureba niba ibyo bumvikanyeho byakozwe koko »[720].

577. Ubwunganizi buvuga ko Uregwa atari mu mugi wa Kibuye mu gihe cy'ibyabaye bivugwa[721] Mu by'ukuri, Ubwunganizi buvuga ko Uregwa atigeze agera mu mugi wa Kibuye hagati y'itariki ya 9 n'iya 25 Mata 1994[722].

578. Byongeye kandi, Ubwunganizi buvuga ko Porokireri atagaragaza ko Uregwa yafatanije n'abandi bantu mu bitero. Nta mutangabuhamya n'umwe uvuga ko yabonye Uregwa aha amabwiriza abateye impunzi kuri sitade[723]. Ubwunganizi bwongeraho ko mu buhamya bwanditse bw'abagabo bashinja nta na hamwe havugwa, ku buryo bugaragara, ko Uregwa yitabiriye icyo gitero[724]. Mu buhamya bwabo, bamwe mu bagabo bashinja batakwizerwa, bavuga ko Uregwa yari kuri sitade ariko ntacyo akora[725]. Ibi ntibigaragaza ko hari ukuntu Uregwa yagenzuraga abagabye ibitero. Niyo hagaragazwa ko yari hari, ibyo ntibyerekerana ko Uregwa atigeze mu by'ukuri agerageza kubuza abandi kugaba igitero[726]. Ubwunganizi buvuga kandi ko ibimenyetso bitagaragaza ko Semanza yitabiriye icyo gitero cyangwa ko abapolisi ba Komine cyangwa abajandarume bakoreraga muri Komine ya Mabanza bari aho hantu [kuri sitade] ubwo icyo gitero cyagabwaga[727].

---

[720] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, urup. 92.
[721] Reba imyanzuro nsozarubanza y'ubwunganizi, imp. 69,70, ibika 585, 588; ibivugwa n'Ubwunganizi ku Gisubizo cya Porokireri ku Myanzuro yabwo, igika cya 249.
[722] Reba inyandiko y'iburanisha, 6 Kamena 2000, urup. 114.
[723] Reba imyanzuro y'ubwunganizi, urup. 69, igika cya 585.
[724] Ni kimwe no haruguru, imp.70, 71, ibika 589-604.
[725] Reba inyandiko y'iburanisha, 19 Ukwakira 200, imp.122, 123, igika.76.
[726] Reba imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp.122,123, igika76.
[727] Ni kimwe no haruguru.

3.4.2 Isesengura

579. Urugereko rurasuzuma ibimenyetso rwashyikirijwe byerekeranye n'ubwicanyi bwaba bwaribasiye abantu bahungiye kuri sitade ku itariki ya 18 n'iya 19 Mata 1994. Rurasuzuma kandi ibimenyetso byerekeranye n'ahantu Uregwa yari n'ibyo yakoze muri iyo minsi.

Umutangabuhamya wiswe AA

580. Umutangabuhamya ushinja wiswe AA avuga ko icyemezo cyo gutera impunzi zari kuri sitade cyafashwe ku itariki ya 18 Mata 1994. Avuga ko abasirikare, abajandarume, abacungagereza n'abapolisi, bose biyemeje kwica Abatutsi. Ku bwe, asanga "iyo gahunda yari yashyizweho n'umuyobozi w' uwo mugi[728]".

581. Umutangabuhamya avuga ko igitero cyagabwe kuri sitade cyatangiye mu masaa saba z'amanywa[729]. Mu bagabye icyo gitero harimo abategetsi, abasirikare, abajandarume, abapolisi ba Komine n'Abakiga[730] kandi bamwe muri bo baturutse i Mabanza[731]. Umusirikare witwa Muzehe wari uhagaze imbere y'umutangabuhamya ni we warashe isasu rya mbere[732]. Nk'uko uyu mutangabuhamya abivuga, muri sitade hari impunzi zigeze ku bihumbi bibiri kandi zatangiye kwirwanaho zitera amabuye[733]. Abagabye ibitero babonye impunzi zirwanyeho, bahinduye uburyo bwo gutera. Bamwe muri bo bagiye ku mpinga y'agasozi kegereye sitade, bakomeza kurasa ku mpunzi no kuziteramo amagerenade n'ibyuka bihuma amaso[734]. Umutangabuhamya yari mu muryango wa

[728] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 39.
[729] Ni kimwe no haruguru, imp. 44 na 46.
[730] Ni kimwe no haruguru, imp. 44-51.
[731] Ni kimwe no haruguru, urup. 51.
[732] Inyandikomvugo z'amaburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp. 44-45; 11 Gashyantare 2000, imp. 45-46.
[733] Inyandikomvugo z'amaburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 45; 11 Gashyantare 2000, urup. 45.
[734] Inyandikomvugo z'amaburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 45; 11 Gashyantare 2000, urup. 43.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

sitade, ari kumwe na Semanza na bamwe mu Bakiga[735]. Abakiga basakuzaga bavuga ngo "mwice buri mpunzi." Umutangabuhamya avuga ko yicishije igihiri umuntu wageragezaga guhunga[736]. Benshi mu mpunzi bamaze kwicwa, Abakiga n'abasirikare ndetse n'abasiviri binjiye muri sitade guhorahoza izari zikirimo akuka[737]. Abicanyi b'Abahutu bari bambaye imigozi ku majosi kugira ngo bashobore kumenyana hagati yabo[738].

582. AA avuga ko Uregwa yari kuri sitade, igitero kimaze gutangira. Umutangabuhamya yari ahagaze ku muryango wa sitade ku mugunguzi[739]. Yabonye Uregwa anyura imbere ye, yerekeza ku rukiko[740]. Yemeza ko icyo gihe, Uregwa yari yambaye agakoti ka gisirikare ariko ko atamubonanye intwaro. Uregwa yahagaze hafi y'urukiko[741] maze we n'abandi bantu bari bagabye ibitero barimo Kayishema na bamwe mu basirikare bakorana akanama. Uyu mutangabuhamya avuga ko n'ubwo atari yarigeze abona Kayishema mbere y'icyo gihe, yashoboye kumumenya kuko yumvise abandi bantu bamuvuga[742]. Umutangabuhamya ntiyashoboye kubona ahantu nyirizina abo bategetsi bakoreye akanama[743]. Yemeza ko nyuma y'ako kanama, uburyo bwo gutera bwahindutse maze abagabye ibitero bongera gukwirakwira ku gasuzi gasa n'akari hejuru sitade[744]. Umutangabuhamya yatanze igisobanuro gikurikira:

> "Ndumva ubwo buryo bushya bwarashyizweho mu kanama abategetsi ba Kibuye bagiranye. Sinari mbazi…ariko nabonye abasirikare bakuru bari kumwe n'abantu basa n'abanyacyubahiro kandi nababonye bavugana hagati

---

[735] Inyandikomvugo y'iburanisha, 11 Gashyantare 2000, urup. 41.
[736] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp. 59-61; 11 Gashyantare 2000, urup. 46.
[737] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp. 48, 63-64.
[738] Ni kimwe no haruguru, urup. 66.
[739] Inyandikomvugo y'iburanisha, 11 Gashyantare 2000, imp. 46, 49.
[740] Ni kimwe no haruguru, urup. 48.
[741] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp. 53-54.
[742] Inyandikomvugo z'amaburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp. 52-53; 11 Gashyantare 2000, urup. 41.
[743] Inyandikomvugo y'iburanisha, 11 Gashyantare 2000, urup. 55.
[744] Inyandikomvugo y'iburanisha, 11 Gashyantare 2000, imp. 52, 53 na 55-57.

yabo. Nduma rero ubwo buryo bushya bwo gutera bwaremejwe bamaze kubyumvikanaho […] Uregwa yari muri abo Bantu"[745].

583. Umutangabuhamya avuga ko igitero kirangiye yavuye kuri sitade, agataha iwe. Yongeraho ko yatahanye n'abandi bantu benshi maze akagera i Mabanza mu masaa kumi n'ebyiri z'umugoroba[746]. Avuga ko yongeye kubona Uregwa iwe kandi ko icyo gihe Uregwa yabwiraga Semanza gufata imitungo y'Abatutsi no gutanga imirima yabo ngo ikodeshwe[747].

584. Mu buhamya bwe bwanditse, AA ntavuga Kayishema. Ntanavuga ko uburyo bwo gutera bwahindutse nyuma y'akanama Uregwa yaba yari arimo. Amategeko asa n'aho yatanzwe n'abasirikare na Semanza[748].

Umutangabuhamya wiswe A

585. Umutangabuhamya ushinjura wiswe A avuga ko ku itariki ya 18 Mata 1994, hagati ya saa saba na saa munani z'amanywa, abantu baje gutwara intwaro gakondo impunzi zari zasize hanze ya sitade. Abateye bari bagose sitade ku ruhande rwegereye ingo no ku gasozi kariho ishyamba[749]. Umutangabuhamya avuga ko yabonye abagabye igitero bambaye amashara, barasa n'imbunda, batera za gerenade n'ibyuka bihuma amaso, basakuza ari na ko bashaka kwinjira muri sitade[750]. Mu bateye, harimo abajandarume, abacungagereza, abapolisi n'abasiviri bitwaje intwaro[751].

---

[745] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp. 57-58.
[746] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 66; 11 Gashyantare 2000, urup. 60.
[747] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 66.
[748] Reba ikimenyetso gihamya Nº 66 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[749] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, urup. 40.
[750] Ni kimwe no haruguru, urup. 41.
[751] Ni kimwe no haruguru, urup. 45.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

586. Umutangabuhamya yavuye muri tiribine nini, aho yari yaboneye ibyabaga, maze asanga umuryango we. Bigitangira, impunzi zibwiye ko abateye baje kwiba inka zabo maze zitangira kwirwanaho, zibatera amabuye. Barashe amasasu ku mpunzi no ku nka. Umutangabuhamya avuga ko zimwe mu mpunzi zaribaswe n'inka zari zahiye ubwoba. Igitero cyarangiye ijoro riguye, maze abateye barataha. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko, amaze gusobanurira nyina impamvu yashakaga guhunga, nyina yamuhaye amafaranga make maze ahunga yerekeza ku gasozi ka Gatwaro[752].

587. Uyu mutangabuhamya wiswe A yemeza ko yabonye Uregwa ari hamwe na Semanza n'abapolisi mu modoka, mu gitondo cyo ku itariki ya 18 Mata 1994, mbere y'uko igitero cyigabwa kuri sitade. Imodoka yahagaze hanze ya sitade maze umutangabuhamya n'abandi bantu birukankira ku gice cyo hejuru cya tiribine nini kugira ngo barebe ibyabaga. Umutangabuhamya asobanura ko Uregwa yumvise abantu basakuza maze akagenda[753]. Umutangabuhamya avuga ko atabonye Uregwa igihe icyo gitero cyarimo kuba[754]. Yongeraho ko atanabonye Perefe cyangwa undi mutegetsi, kubera ko yarimo ashakisha uko yakwihisha[755].

Umutangabuhamya wiswe G

588. Umutangabuhamya ushinja wiswe G avuga ko abantu bari bahungiye muri sitade batewe ku tariki ya 18 Mata 1994[756]. Abagabye ibitero bari bafite imihoro, amacumu n'imbunda kandi bahageze hagati ya saa tatu na saa munani z'amanywa. Mu ibaza ry'ibanze, umutangabuhamya yavuze ko mbere ya saa sita nta muntu n'umwe yari yabonye atera[757].

---

[752] Ni kimwe no haruguru, imp. 43-44.
[753] Ni kimwe no haruguru, urup. 46.
[754] Ni kimwe no haruguru, urup. 68.
[755] Ni kimwe no haruguru, imp. 120-121.
[756] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mutarama 2000 urup. 36.
[757] Ni kimwe no haruguru.

Uyu mutangabuhamya avuga ko abagabye igitero babarirwaga mu bihumbi[758] kandi ko bagose sitade. Igitero cyatangiye mu masaa munani z'amanywa kirakomeza kugeza bwije, umuntu adashobora kumenya cyangwa kubona ngo abe yamenya umuntu wapfuye cyangwa ukiri muzima[759]. Abagabye igitero ntibinjiye muri sitade ahubwo mu kwica, bakoresheje imbunda, gerenade n'ibyuka bihuma amaso. Abageragezaga guhunga bava muri sitade, bicwaga hakoreshejwe intwaro gakondo[760].

589. Umutangabuhamya wiswe G avuga ko ku mpunzi 20.000 zari muri sitade, bitatu bya kane muri zo byishwe[761] kandi ko kuba yararokotse ari amahirwe adasanzwe[762]. Mu ijoro ryo ku itariki ya 18 Mata 1994, G yarahunze, ava muri sitade maze yihisha ku gasozi ka Gatwaro. Yajyanye n'abantu bageze kuri 50 ariko baje gutatana ubwo abagabye igitero babakurikiye, bababiga[763]. Avuga ko bucyeye mu gitondo yabonye imodoka nini y'umuhondo ije gutwara imirambo[764].

590. Uyu mutangabuhamya G avuga ko yabonye Kayishema n'Uregwa, mu bagabye igitero bari ku gasozi ka Gatwaro. Bari kumwe n'abo bantu mbere y'uko igitero gitangira. Umutangabuhamya avuga ko yari hafi yabo kandi ko yabonye Uregwa igitero gitangiye. "Icyo gihe Uregwa yari ahagaze"[765], ariko nta ntwaro G yamubonanye[766]. Umutangabuhamya avuga ko Perefe yatangije igitero maze "abandi bagakurikiraho bakora icyari cyabazanye. Bararashe n'imbunda"[767]. Umutangabuhamya yerekanye ku ifoto ahantu yari ari n'aho Uregwa na Kayishema bari bari ku gasozi ka Gatwaro[768]. Bisa

[758] Ni kimwe no haruguru, urup. 42.
[759] Ni kimwe no haruguru, urup. 39.
[760] Ni kimwe no haruguru, imp. 45-48.
[761] Ni kimwe no haruguru, urup. 39.
[762] Ni kimwe no haruguru, urup. 41.
[763] Ni kimwe no haruguru, urup. 43.
[764] Ni kimwe no haruguru, urup. 45.
[765] Ni kimwe no haruguru, urup. 38.
[766] Ni kimwe no haruguru, urup. 39.
[767] Ni kimwe no haruguru, urup. 37.
[768] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mutarama 2000, urup. 54; Ikimenyetso gihamya Nº 65 cyatanzwe na Porokireri (Urugereko rufite ifoto yahawe iyo nomero).

n'ibigaragara ko yari ku murongo w'idarajya rya mbere muri tiribine, iburasirazuba bw'ikibuga.

Umutangabuhamya wiswe AC

591. Umutangabuhamya ushinja wiswe AC ntiyabonye Uregwa ku munsi w'igitero. Avuga ko ku itariki ya 17 Mata 1994 (ashobora kuba yarashakaga kuvuga ku itariki ya 18) mu masaa yine za mu gitondo, Interahamwe zifite intwaro zagose sitade[769]. Zimwe muri izo Nterahamwe zaje mu ma modoka izindi ziza n'amaguru. Mu masaa cyenda z'amanywa, abasirikare baje kwifatanya n'Interahamwe[770]. Bari bafite imbunda naho abandi bantu bagabye igitero bafite gerenade, imbunda, intwaro z'ubugi n'inkoni[771]. Ifirimbi imaze kuvuga, abasirikare batangiye gutera, barasa ndetse banatera za gerenade muri sitade. Umutangabuhamya avuga ko Interahamwe zicaga abantu basohokaga muri sitade, zikoresheje intwaro z'ubugi[772]. Abateye bararirimbaga ngo: "Tubatsembatsembe." Abantu barishwe. Umutangabuhamya avuga ko yihishe munsi y'umurambo w'umuntu wari wishwe na gerenade. Na we kandi ibimanyu bya gerenade byari byamukomerekeje ku kaguru.

592. AC avuga ko, mbere y'igitero, yabonye Semanza ari mu modoka ya Komine ya Mabanza, yari itwaye Interahamwe ziturutse i Mabanza. Iyo modoka yahagaze hafi y'umuryango wa sitade[773].

---

[769] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, imp. 58-59.
[770] Ni kimwe no haruguru, urup. 59.
[771] Ni kimwe no haruguru, urup. 60.
[772] Ni kimwe no haruguru, urup. 59.
[773] Ni kimwe no haruguru, imp. 59-60.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

593. Igitero kirangiye mu masaa mbiri z'ijoro, AC yashoboye kuva muri sitade hatabona[774]. (Mu ibazwa rinyomoza, umutangabuhamya yavuze ko yavuye muri sitade mu masaa yine z'ijoro[775]).

Umutangabuhamya wiswe CP

594. Nk'uko bivugwa hejuru (akiciro ka V.3.2.4 ku tariki ya 18 Mata 1994, mu masaa saba z'amanywa umutangabuhamya ushinjura wiswe CP yavuye iwe maze ahagarara hanze y'umuryango wa sitade ngo aganira n'umwe mu bantu bari baziranye[776]. Muri ako kanya, ikiganiro cyabo cyabaye nk'igihagarikwa n'uko Abakiga baje ari benshi baturutse kuri rompuwe. Abo Bakiga ni bo umutangabuhamya yari yaraye abonye mu gitero cyagabwe ku Kigo[777]. Umutangabuhamya avuga ko Uregwa atari abarimo[778].

595. Umutangabuhamya yaratashye maze inshuti ye isubira muri sitade. Ageze mu ibanga ry'umusozi, nko mu birometero 100 uvuye ku muhanda unyura imbere ya sitade, yumvise urusaku rw'amasasu ruturuka ku gasozi ka Gatwaro, ku rundi ruhande rwa sitade. Urwo rusaku rw'amasasu rwaba rwaramutangaje kubera ko abantu yari yabonye bagana kuri sitade, batari bafite imbunda[779]. Yanumvise gerenade ziturika[780]. Abantu benshi bagabye igitero bari bagose sitade[781]. Ntiyashoboye kumenya abarasaga. Nta n'umuntu yashoboye kumenya mu bari imbere ya sitade kuko yari kure yabo cyane ku buryo atashoboraga kubona amasura yabo[782]. Aho yari ahagaze yabonaga muri sitade abantu bakwiriye imishwaro, biruka ngo bihishe. Ibyo byabaye nyuma ya saa sita hagati

[774] Ni kimwe no haruguru, urup. 62.
[775] Ni kimwe no haruguru, urup. 121.
[776] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Gicurasi 2000, urup. 44.
[777] Ni kimwe no haruguru, urup. 45.
[778] Ni kimwe no haruguru, urup. 48.
[779] Ni kimwe no haruguru, imp. 48 na 49.
[780] Ni kimwe no haruguru, urup. 53.
[781] Ni kimwe no haruguru, urup. 58.
[782] Ni kimwe no haruguru, imp. 58, 62.

ya saa cyenda na saa kumi z'umugoroba[783]. Umutangabuhamya avuga ko igitero cyatangiye hagati ya saa munani na saa cyenda z'amanywa[784].

596. CP avuga ko, uretse abajandarume babiri bari ku burinzi imbere ya sitade, nta mutegetsi n'umwe yahabonye[785]. Igihe sitade yaterwaga, ntiyigeze abona Uregwa, imodoka ya Komine ya Mabanza cyangwa indi modoka, hafi ya sitade[786]. Ibyo avuga mu Rukiko bihuye n'ibyo avuga mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 27 Gashyantare 2000[787]. Ku itariki ya 19 Mata 1994, umutangabuhamya yasubiye kuri sitade maze ahabona abakozi b'Umuryango Utabara Imbabare bagerageza gusohora muri sitade abantu bari barokotse, bakabashyira mu mamodoka[788]. Abonye imirambo yari inyanyagiye hose ku muhanda, umutangabuhamya yagize ubwoba, maze arataha[789].

Ibyo Uregwa avuga ku hantu yari ku itariki ya 18 n'iya 19 Mata 1994

597. Uregwa ntahakana ibivugwa ko impunzi zavuye muri Komine ya Mabanza ziciwe ku Kigo no kuri sitade[790]. Yemeza ko mu gitondo cyo ku itariki ya 19 Mata 1994 bamubwiye ko mu mugi wa Kibuye hari habereye ubwicanyi. Cyakora ngo ayo makuru ntiyari yerekereye by'umwihariko ibintu byabereye ku Kigo cyangwa kuri sitade[791].

598. Uregwa avuga ko ku itariki ya 18 Mata 1994 saa mbiri za mu gitondo, we n'abapolisi babiri, Pasitoro Eliphaz wa Paruwasi ya Rubengera n'abakonseye babiri, bagiye kubwira Abakiga ngo bave muri Komine ya Mabanza[792]. Uregwa n'abantu bari bamuherekeje

---

[783] Ni kimwe no haruguru, imp. 54, 56.
[784] Ni kimwe no haruguru, urup. 57.
[785] Ni kimwe no haruguru, urup. 59.
[786] Ni kimwe no haruguru, imp. 45-48, 62, 70-71 na 101-104.
[787] Reba ikimenyetso gihamya Nº 79 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[788] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Gicurasi 2000, urup. 65.
[789] Ni kimwe no haruguru, imp. 63-64.
[790] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 277.
[791] Inyandikomvugo z' amaburanisha, 8 Kamena 2000, imp. 57, 61-62; 8 Kamena 2000, urup. 274.
[792] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, imp. 156-159.

basanze Abakiga bageze kuri 200 i Rubengera. Uregwa avuga ko yababujije kongera kugaruka i Mabanza muri aya magambo: “Murimo gushaka umwanzi, kandi nta mwanzi uri i Mabanza”[793]. Asobanura ko Abakiga banze kugenda ahubwo bakigaragambya. Bamubwiye ko atari afite uburenganzira bwo kubabuza kunyura mu muhanda[794]. Yongeraho ko icyo gihe yumvise ataye icyubahiro, nta bubasha afite kandi nta cyo ari cyo imbere y’abaturage [be][795]. Abakiga bakomeje urugendo rwabo berekeza mu mugi wa Kibuye[796].

599. Kuri iyi ngingo, Urugereko ruributsa ubuhamya bwatanzwe n’umugabo ushinjura wiswe RA, uvuga ko ku itariki ya 18 Mata 1994 mu masaa yine z’amanywa, Pasitoro Eliphaz yaje kumubwira ko Uregwa yari yagerageje guhagarika Abakiga. Pasitoro wari uhari igihe Uregwa yahanganaga n’Abakiga mu gitondo[797], yabwiye umutangabuhamya ko Uregwa n’abantu bari kumwe bageragejе kumvisha Abakiga ko bagomba kurekera aho gukora amarorerwa muri Komine ya Mabanza. Abakiga babaye nk’ababyemeye ariko “ntibyababujije kujya ahandi”[798]. Umutangabuhamya ushinjura wiswe AS avuga ibintu bisa nk’ibyo byabaye hagati y’Uregwa n’Abakiga ariko ntavuga itariki nyayo byabereyeho[799] (Reba hejuru umutwe wa IV).

600. Uregwa avuga ko yagumye mu biro bya Komine kugeza saa sita z’amanywa. Abantu bazaga kumureba, bakamugezaho ibibazo byabo cyane cyane bakamusaba kubaha indangamuntu nshya[800]. Nyuma ya saa sita yaratashye ariko yakomeje kwakira abantu

[793] Ni kimwe no haruguru, imp. 160-161.
[794] Ni kimwe no haruguru, imp. 160-162.
[795] Ni kimwe no haruguru, imp. 162-163.
[796] Ni kimwe no haruguru, imp. 163-164.
[797] Inyandikomvugo y’iburanisha, 2 Gicurasi 2000, imp. 75-79.
[798] Ni kimwe no haruguru, urup. 77.
[799] Inyandikomvugo y’iburanisha mu muhezo, 25 Mata 2000, imp. 191-195, n’inyandikomvugo y’iburanisha, 26 Mata 2000, imp. 5-11.
[800] Reba inyandikomvugo y’iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 164.

bamugezagaho ibibazo byabo bwite (ntasobanura imiterere y'ibyo bibazo). Yandikiye kandi abakonseye n'abagize komite z'amaserire, abasaba gukomeza gushyira hamwe[801].

3.4.3 Imyanzuro ku buryozwacyaha bw'Uregwa

(i) Ibivugwa muri rusange

601. Urugereko rurafata imyanzuro rushingiye ku bimenyetso nk'uko bivugwa hejuru muri make. Nta gushidikanya ko ku itariki ya 18 Mata 1994, nyuma ya saa sita, igitero cya karundura cyagabwe ku bantu bari bahungiye muri sitade. Muri rusange, abatangabuhamya biswe A, AC, G, AA na CP bahuriza ku isaha icyo gitero cyatangiriyeho. Ni ukuvuga hagati ya saa saba na saa cyenda z'amanywa. Abo batangabuhamya bavuga bose ko imbunda na gerenade zakoreshejwe mu kwica impunzi. Cyakora, ntibavuga rumwe ku bindi byabaye.

602. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko mu bagabye icyo gitero harimo abajandarume, abapolisi, abacungagereza n'abasiviri. Kuri abo bantu, AA yongeraho abasirikare n'Abakiga. AC avuga ko Interahamwe zagose sitade, maze hashira igihe gito, abasirikare bakaza kuzifasha. G we avuga ko abateye bari benshi kandi ko bari bagose sitade ariko ntavuga abo ari bo. CP avuga ko Abakiga n'abantu batazwi bari mu ibanga ry'agasozi ka Gatwaro bafite imbunda ari bo ahanini bagabye ibitero. Yongeraho ko atigeze ahabona umuntu n'umwe mu bashinzwe umutekano, ni ukuvuga abasirikare, abapolisi cyangwa abajandarume, uretse abajandarume babiri bari barinze imiryango ya sitade[802]. A na CP bavuga ko abateye baje baturutse kuri rompuwe ya Kibuye.

---

[801] Ni kimwe no haruguru, urup. 165.
[802] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Gicurasi 2000, urup. 35.

603. Ku byerekeranye n'uburyo bwakoreshejwe mu gitero, abateye baba ngo bararasaga bari ku ibanga ry'agasozi ka Gatwaro. Biragaragara ko bahisemo aho hantu kubera impamvu z'umutekano wabo kuko impunzi zari ziyemeje kwirwanaho zitera amabuye. Abateye, bari bafite gusa intwaro gakondo, bagose sitade, bica umuntu wese wageragezaga guhunga. Igitero cyagabwe uwo munsi wa mbere cyarangiye ijoro riguye.

604. Abagabo babiri (G na CP) ni bo bonyine bavuga ku byabaye muri sitade ku tariki ya 19 Mata 1994. G yabonye ikamyo ijyanye imirambo, abantu bari bakirimo akuka bamaze guhorahozwa. CP avuga ko yabonye abakozi b'Umuryango Utabara Imbabare bajyana abarokotse kandi ko ahantu hose hari imirambo. Mu buhamya bwatanzwe mu Rukiko, nta mutangabuhamya n'umwe uvuga ko igitero cyo ku itariki ya 18 Mata 1994 cyakomeje bucyeye bwaho. Kubera ibyo, Urugereko rusanga abenshi mu mpunzi zari kuri sitade, ni ukuvuga amagana y'abantu, barishwe ku itariki ya 18 Mata 1994 nyuma ya saa sita. Ibyo bikaba ari icyaha nk'uko Sitati y'Urukiko ibiteganya.

(ii) Kuba Uregwa yari kuri sitade ku itariki ya 18 Mata 1994

605. Kumenya niba Uregwa yaryozwa icyaha byaterwa ahanini n'uko yaba yari kuri sitade cyangwa atari ahari mu gihe cy'ibitero. (Ubundi buryo bw'uburyozwacyaha burasuzumwa nyuma).

606. Urugereko ruributsa ko abatangabuhamya batatu, ari bo A, G na AA bavuga ko, ku itariki ya 18 Mata 1994, babonye Uregwa kuri sitade.

607. Umutangabuhamya wiswe AA afungiye mu Rwanda kuva mu mwaka wa 1996, kubera ko ashinjwa jenoside[803]. Rukurikije uko ibintu byakurikiranye Urugereko, rurasuzuma ubuhamya bwe n'ibindi bibazo byose bijyanye n'ukwizerwa kwe muri rusange.

[803] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 12.

Nirurangiza, Urugereko rurasuzuma ubuhamya bwe bwanditse buvuga ko Uregwa yari kuri sitade ku itariki ya 18 Mata 1994.

608. Ku byerekeranye n'ibintu byabanje kuba bivugwa mu Nyandiko y'ibirego, AA avuga ko igihe impunzi zazaga bwa mbere ku biro bya Komine ya Mabanza, abajandarume n'abapolisi bari bahari, bashatse kuzica "ariko Bagilishema akavuga ko: "ngiye kubohereza ku Kibuye ni ho Perefe azakemurira ikibazo cyanyu"[804]. Cyakora, nta wundi mutangabuhamya uvuga ko yabonye abajandarume cyangwa abasirikare ku biro bya Komine. Nta n'undi mutangabuhamya uvuga ko abo bajandarume n'abo basirikare bashatse kwicira impunzi aho hantu (reba akiciro ka V.3.1 hejuru).

609. AA ni we wenyine uvuga ko Semanza yajyanye impunzi ku Kibuye n'amaguru[805]. Mu buhamya bwe mu Rukiko, umutangabuhamya agira ati: "Bagiye n'amaguru. Bagilishema yavuganye na Semanza; Semanza ajya imbere y'abo bantu maze baragenda[806]. Yongeraho ngo: "Semanza yagiye imbere y'izo mpunzi naho Bagilishema asigara ku biro bya Komine ariko sinzi niba nyuma yarabakurikiye"[807]. Bityo rero, nk'uko bivugwa hejuru, (reba akiciro ka V.3.2.4) uretse umutangabuhamya wiswe AA, abiswe A, AC, na G bo bajyanye koko n'impunzi ku Kibuye ariko ntibavuga ko Semanza yari mu bantu bari bahari kandi bose bari bamuzi ndetse umutangabuhamya G yari imbere y'iyo mbaga y'abantu[808].

610. Urugereko rusanga AA avuga ibintu bikomeye cyane, ariko biteye amakenga, aho avuga ko Uregwa yaba yarahaye intwaro abantu bari bateraniye ku biro bya Komine ya Mabanza mu rwego rwo gutegura igitero cyo kuri sitade. Umutangabuhamya agira ati:

---

[804] Ni kimwe no haruguru, urup. 13 kuri iyo ngingo, mu buhamya bwanditse yatanze mbere ku ya 22 na 23 Nzeri 1999, umugabo avuga gusa abajandarume, ntavuga abasirikare (Reba ikimenyetso gihamya Nº 66 cyatanzwe n'Ubwunganizi).
[805] Mu buhamya bwanditse yatanze mbere, umugabo avuga ko Uregwa yategetse Semanza n'abajandarume guherekaza impunzi ku Kibuye (Ni kimwe no haruguru.)
[806] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 14.
[807] Ni kimwe no haruguru, urup. 16.
[808] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mutarama 2000, urup. 74.

> **Igisubizo**: Tugeze ku biro bya komine, mbere yo kujya ku Kibuye, Bagilishema yahaye intwaro abantu batari bazifite. Izo ntwaro zari imbunda. Izo mbunda zari zikuwe mu zari zazanywe n'uwitwa Munyampundu […] Ubwo rero Bagilishema yatangaga intwaro zari zisigaye, aziha abantu batari bazifite.
>
> **Ikibazo**: Bagirishema ni we ubwe witangiye izo ntwaro?
>
> **Igisubizo**: Mu by'ukuri mu bantu bari bahari harimo n'abasirikare bake…. Bamusabye intwaro maze ajya kuzizanira ubwe arazibaha[809].

611. Uyu mutangabuhamya wiswe AA asa n'uvuga ko yabonye Uregwa yihera ubwe intwaro abantu bari kugaba ibitero. Cyakora, mu ibazwa rinyomoza byagaragaye ko ibyo atari byo:

> … nabonye abantu basohoka mu biro bya Komine bafite intwaro. Sinzi aho izo ntwaro zari zaturutse. Nabonye gusa abantu bazisohokana mu biro bya Komine. Sinzi n'icyumba izo ntwaro zari zibitsemo.[810]

612. Mu buhamya bwanditswe yahaye abapererezi ku itariki ya 22 n'iya 23 Nzeri 1999, AA ntavuga ko yabonye Uregwa atanga intwaro. Agira ati :

> "Twagiye ku biro bya Komine, baduha imodoka ebyiri zo kutujyana ku Kibuye. Yari amakamyoneti yo mu bwoko bwa Toyota. Imwe muri zo y'ubururu yari iya Komine ya Mabanza. Mbere yo kujya ku Kibuye, Bagilishema yagize ati : "ubu tugiye ku Kibuye." Ntiyavuze impamvu ariko twari tuzi icyo ashaka kuvuga […] Twajyanye na Bagilishema. Yagiye mu ikamyoneti y'ubururu maze tuva i Mabanza tujya ku Kibuye aho twageze mu masaa cyenda z'amanywa."[811]

---

[809] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp. 23-24.
[810] Inyandikomvugo y'iburanisha, 11 Gashyantare 2000, imp. 20-21.
[811] Ikimenyetso gihamya Nº66 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

613. Mu ibazwa ry'ibanze, bamubajije impamvu mu buhamya bwe bwanditse atavuga iby'itangwa ry'intwaro, maze AA asubiza muri aya magambo:

> "Nibutse ko nabivuze. Sinzi niba barabyanditse. Ibyo ari byo byose, abapererezi batwijejeko bari kugaruka. Bagarutse, badusinyishije ubuhamya bwacu. Sinzi niba bari babyanditse cyangwa batabyanditse".[812]

614. Abajijwe kuri iyo ngingo mu ibazwa rinyomoza, umutangabuhamya yashubije muri aya magambo: "Nta buhamya natanze bwerekeranye no gusambanya ku gahato abagore cyangwa abakobwa, cyangwa guha abakobwa intwaro. Ariko navuze neza ko nzi iby'intwaro zatangiwe ku biro bya Komine[813].

615. Urugereko rusanga ibyo bisubizo bitanyuze. Mu buhamya bwanditse, AA avuga mu magambo yeruye ibyerekeranye n'Uregwa. Mu nteruro ye ya nyuma, agira ati "Nta kintu nzi ku myitozo, ku itangwa ry'intwaro no ku bantu basambanijwe ku gahato"[814]. Byose biremeza ko mu buhamya bwanditse yahaye abapererezi, iyo umutangabuhamya aza kuvuga ko Uregwa yatanze intwaro, baba barabyanditse kuko ari ikintu gikomeye cyane.

616. Iyo urebye usanga mu itangwa ry'ubwo buhamya, harakoreshejwe Icyongereza n'Ikinyarwanda. Ubwo buhamya bwanditswe mu Cyongereza noneho busemurirwa umugabo mu Kinyarwanda. Uyu mutangabuhamya yemeye ko ibyanditse bihuye n'ibyo yavuze maze atera igikumwe ku nyandiko y'ubuhamya kuko atazi gusoma no kwandika[815].

617. Umutangabuhamya wiswe AA yabanje kwibagirwa itariki intwaro zaba zaratangiweho. Porokireri yavuze ko intwaro zaba zaratanzwe umunsi umutangabuhamya ajya ku Kibuye, maze uyu mutangabuhamya arabyemera. Nyuma bamubajije niba yibuka itariki

---

[812] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp. 29-30.
[813] Inyandikomvugo y'iburanisha, 11 Gashyantare 2000, urup. 29.
[814] Ikimenyetso gihamya Nº 66 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[815] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 6.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

yagereyeho ku Kibuye, umutangabuhamya yashubije ko bagezeyo ku itariki ya 18 Mata 1994[816]. Ibibazo bikurikira byabajijwe na Porokireri byatumye umutangabuhamya akosora igisubizo cye:

> **Ikibazo:** Mutangabuhamya, uribuka itariki igitero cyo kuri sitade ya Kibuye cyabereyeho?
>
> **Igisubizo**: Ni ku itariki ya 18 Mata.
> **Ikibazo**: Mu kanya, nakubajije itariki waviriyeho i Mabanza uransubiza ngo niba wibuka neza hari ku itariki ya 18, umunsi ubanziriza uw'igitero cyabereyeho. Ese urimo kwitiranya itariki ya 18 n'indi tariki?
>
> **Igisubizo**: Oya, sindimo kwitiranya amatariki. Twavuye ku biro bya Komine ku itariki ya 17, igitero kigabwa ku itariki ya 18[817].

618. Urugereko rusanga koko AA yitiranya amatariki kandi yanga kwemera ko yibeshye. Ibyo ariko ntacyo byari kuba bitwaye iyo mu buhamya yahaye abategetsi b'u Rwanda ku itariki ya 11 Ugushyingo 1999 atavuga ko yagiye ku Kibuye umunsi igitero kigabwa kuri sitade (ni ukuvuga ku itariki ya 18 Mata 1994), aho kuba ku munsi ubanziriza uwo igitero cyabereyeho[818].

619. Kugeza ubu, ubuhamya bwa AA buragaragaza ko bugomba gusuzumanwa ubushishozi kandi Urugereko rukeneye kureba niba bufite ubundi bubushyigikira. Ibyo umutangabuhamya avuga ko ku itariki ya 17 Mata 1994, yajyanye n'Uregwa ku Kibuye bari kumwe n'abari kugaba igitero bwemezwa gusa, ku buryo budashimangiye, n'ubuhamya umugabo wiswe Z yatanze mu Rukiko ku byo yumvanye abandi. Muri ubwo buhamya, umugabo wiswe Z agira ati:

---

[816] Ni kimwe no haruguru, urup. 26.
[817] Ni kimwe no haruguru, urup. 62.
[818] Reba ikimenyetso gihamya N° 114 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

> « Sinibuka neza ariko nzi ko yanyuze kuri bariyeri ari mu modoka y'ikamyoneti yo mu bwoko bwa Hilux ya Komine amaze atubwira ko agiye ku Kibuye. Ndibuka ko yari kumwe na Semanza wari umufasha wa Burugumesitiri. Icyo gihe, hari Abakiga bari bacumbikiwe kwa Semanza kandi icyo gihe bari hamwe mu modoka. Barajyanye."[819]

620. Urugereko rusanga AA avuga ko Uregwa na Semanza bagiye mu modoka zitandukanye mu gihe Z we avuga ko yababonye bombi bari mu modoka imwe, ariko ntavuge itariki yababoneyeho.

621. Mu buhamya bwe mu Rukiko, AA avuga ko mu ijoro ryo ku itariki ya 17 rishyira iya 18 Mata 1994, yaraye mu mugi wa Kibuye, ku Rukiko rwa mbere rw'iremezo (hasi bizajya byitwa inzu y'urukiko). Avuga ko umushoferi w'Uregwa yamubwiye ko Uregwa yaba yaraye muri hoteli Betaniya[820]. Ibyo bintu bishingiye ku mabwire ni ukubyitondera kuko nta bundi buhamya bubishyigikira. Na none, ntibijyana n'ibyo Uregwa avuga ko yahuye n'Abakiga ku itariki ya 18 Mata 1994 mu gitondo cya kare kandi ibyo avuga byemezwa n'abandi batangabuhamya (reba hejuru ku byo Uregwa avuga ku ngendo ze hagati y'itariki ya 18 n'iya 19 Mata 1994).

622. Inzu y'urukiko yari hafi cyane ya sitade kandi umutangabuhamya wiswe AA yabajijwe ikibazo gikurikira:

> **Ikibazo**: Igihe wajyaga kuri rompuwe (uva ku nzu y'urukiko), wari uzi ko kuri sitade hari abantu?
>
> **Igisubizo**: Icyo gihe, sinari nzi neza cyane ko kuri sitade hari abantu[821].
>
> Cyakora, mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 22 n'iya 23 Nzeri 1999, agira ati:

---

[819] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 60.
[820] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 41.
[821] Ni kimwe no haruguru, imp.43-44. Ibyo yemeza bivuguruzanya n'ibivugwa mu buhamya bw'abagabo biswe A, AC na G.

> Twongeye kunyura kuri rompuwe tujya ku rukiko. Twanyuze iruhande rwa sitade Gatwaro, kandi yari yuzuyemo impunzi z'Abatutsi. Sitade yari igoswe n'abasirikare n'abajandarume bafite imbunda[822].

623. Ukurikije ibivugwa, ubuhamya AA yatanze mu Rukiko buvuguruzanya n'ubwanditse yatanze mbere.

624. Urugereko rugiye noneho gusuzuma ibyo umutangabuhamya avuga ku byerekeranye n'uko igitero cyatangiye. Mu gika cy'ingenzi gikurikira, biragaragara ko abagabye igitero bahinduye, vuba na bwangu, uburyo bwo gutera kandi uyu mutangabuhamya ni we wenyine ubivuga :

> "Dore uko ibintu byari byifashe: igitero kijya gutangira, abantu bose barateranye. Umusirikare yarashe isasu maze abandi na bo batangira kurasa. Cyakora, abantu bari muri sitade batangiye kwirwanaho batera amabuye. Abagabye igitero bashubijwe inyuma n'amabuye, babonye ko impunzi zashoboraga kubacika. Ni yo mpamvu biyemeje kujya ku gasozi maze aba ari ho batangira kurasira amasasu kuri sitade, bateramo na za gerenade n'ibyuka bihuma amaso[823].

625. Muri macye, AA avuga ko abari mu bitero boherejwe mu bindi birindiro bamaze kumvikana ku buryo bari bukoreshe batera. Uregwa yari muri ako kanama, ibyo bikaba byakwerekana ko yitabiriye itegura n'igaba ry'igitero. Dore ibisubizo by'umutanga-buhamya ku bibazo yabajijwe:

> **Ikibazo**: Tubwire neza icyo wabonye Bagilishema akora ?
>
> **Igisubizo**: Namubonye igihe yazamukanaga n'abasirikare ngo bajye inama kubera ko mbere yaho, abari mu bitero bari imbere y'umuryango wa

[822] Ikimenyetso gihamya Nº 66 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[823] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, imp. 44-45.

sitade. Bahinduye uburyo bwo gutera, bamwe bagumye imbere y'umuryango wa sitade, abandi bajya ku rundi ruhande kurasa muri sitade[824].

……..

Igisubizo: Ntekereza ko ubwo buryo bushya bwemejwe mu kanama abategetsi ba Kibuye bakoze. Jyewe ubwanjye sinari mbazi. Nabonaga gusa abasirikare bakuru bari kumwe n'abantu basaga nk'aho ari abanyacyubahiro kandi nababonaga bari mu kanama. Ndakeka ubwo buryo bwo gutera bwaremerejwe muri ako kanama.

Ikibazo: Nari nakubajije niba Bagilishema yari muri abo bantu bakoraga akanama.

Igisubizo: Yari abarimo[825].

626. Ubuhamya bw'abandi bagabo[826] butuma umuntu ashidikanya ku byo AA avuga ko itsinda rimwe ry'abateye bari ku muhanda w'imbere ya sitade ryoherejwe ku gasozi ka Gatwaro kugira ngo bahashinge ibirindiro bishyashya bari butereremo. Umutanga-buhamya wiswe A, kimwe n'uwiswe AA, avuga ko impunzi zirwanyeho zitera amabuye ku bagabye igitero. Cyakora, uyu mutangabuhamya wiswe A avuga ko, kuva bigitangira, abagabye igitero bari bashinze ibirindiro ku gasozi ka Gatwaro[827]. Mu buhamya bwe mu Rukiko, umugabo ushinjura wiswe CP avuga ko igitero cyatangiye barasira amasasu ku

[824] Ni kimwe no haruguru, urup. 55.
[825] Ni kimwe no haruguru, imp. 57-58.
[826] Mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 22 n'iya 23 Nzeri 1999, umugabo wiswe AA ntavuga ubwo buryo bushya bwo gutera (Reba ikimenyetso gihamya Nº 66 cyatanzwe n'Ubwunganizi).
[827] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, imp. 39-40.

gasozi ka Gatwaro[828]. Naho umutangabuhamya ushinja wiswe G, we avuga ko igitero kimaze gutangira ndetse na mbere yaho, Uregwa na Kayishema bari mu bagabye igitero, bari ku gasozi ka Gatwaro[829]. Agira ati:

> "Bagumye [abateye] ku gasozi maze aba ariho bagabira igitero. Abagabye igitero ntibamanutse ako gasozi ahubwo bicaga abantu bashaka gusohoka muri sitade"[830].

627. Ukuvuguruzanya hagati y'ubuhamya bwa AA n'ubwa G bigaragarira kandi mu magambo akurikira ya AA:

> **Ikibazo**: Igitero gitangira, abateye bari he ?
>
> **Igisubizo**: Abateye bari imbere y'umuryango wa sitade.[831]
>
> **Ikibazo**: Mu gitero, ni ryari wabonye Bagilishema ?
>
> **Igisubizo**: Namubonye ubwo batangiraga kurasa n'imbunda. Kubera ko abandi birwanyeho, habaye ikintu gisa n'imirwano maze abategetsi bose biruka bajya kugira inama abarasaga ngo bajye ku gasozi gasa n'aho kari hejuru ya sitade. Icyo gihe, ni bwo namubonye.[832]

628. Ibindi bintu bidafite gishyigikira biri mu buhamya bwa AA ni aho avuga ko abagabye igitero bari bagiye kuneshwa n'impunzi:

> **Ikibazo**: Umaze kuvuga ko byose byakozwe mu buryo bwari bwateguwe. Ni nde wari wateguye ubwo buryo uvuga?

---

[828] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Gicurasi 2000, imp. 49-50.
[829] Inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mutarama 2000, urup. 37.
[830] Ni kimwe no haruguru, urup. 47.
[831] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 47.
[832] Ni kimwe no haruguru, imp. 54-55.

Igisubizo: Bwateguwe n'abasirikare na Perefe. Abantu bose bavugaga ko bagiye kureba Perefe kubera ko bari hafi kuneshwa n'impunzi n'ubwo Abakiga bari bateye ibirindiro, bagose sitade yose[833].

629. Nta wundi mutangabuhamya uvuga ko kuri sitade impunzi zari zanesheje abagabye igitero.

630. Ikintu gikomeye mu buhamya AA yatanze mu Rukiko ni aho avuga ko Uregwa yari kumwe na Kayishema kuri sitade. Dore icyo abivugaho:

Ikibazo: Bagilishema na we yari kumwe namwe?

Igisubizo: Yari ahari kuko kugira ngo bahindure uburyo bwo gutera, kugira ngo bajye ku gasozi gasa n'aho kari hejuru ya sitade, bagombaga kubijyaho inama. Bagilishema yagombye kubivuganaho na Kayishema n'abandi bantu. Nababonye berekeza kuri sitade barimo kuvugana ngo bemeze uburyo bwakoreshwa mu gutera.

Ikibazo: Uravuga ko wabonye Bagilishema ari kumwe na Kayishema. Nagira ngo ntiwari uzi Kayishema.

Igisubizo: Abasirikare bavuze ko bakeneye kubijyaho inama. Berekeje ku nzu y'urukiko kugira ngo babonane na Perefe. Ni uko nabisobanuye.

Ikibazo: Wiboneye Bagilishema n'amaso yawe?

Igisubizo: Naramubonye ahubwo uwo ntabonye ni Perefe.[834]

---

[833] Ni kimwe no haruguru, urup. 56.
[834] Ni kimwe no haruguru, imp. 52-53. Mbere umutangabuhamya yari yabwiye Urugereko ko atazi Kayishema (urup. 41).

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

631. AA amaze kuvuga ko mu by'ukuri atari yabonye Kayishema (kubera ko atari amuzi), bamusabye kuvuga igituma yemeza ko Kayishema yari mu nama yo gutegura igitero, yabereye hafi ya sitade, hafi y'inzu y'urukiko. Yashubije muri aya magambo:

> **Ikibazo**: Uzi ute ko Kayishema yari ahari kandi mu mwanya, wavuze ko utari umuzi?
>
> **Igisubizo**: Aho nari ndi numvaga bavuga ko Perefe ari we wagombaga gutanga itegeko ryo kurasa, ryo gutera. Abasirikare si bo bibwirije gutera. Ubwo rero, nk'uko yari yabivuze, niba barateye, ni uko Perefe yari ahari kandi yari yabahaye amategeko […] iyo wumvise abantu bavuga ngo: "Mujye kureba Perefe", ukabona bagaruka; ukumva abantu bavuga ngo: "Perefe ari hano hafi". Muratekereza se ko hagati y'aho hantu hombi hari ibirometero byinshi? Hari hafi cyane[835].

632. Umutangabuhamya ntavuga neza ahantu abategetsi baba barakoreye ako kanama.

> "Nabibasobanuriye. Babwiye abategetsi bose kujya mu cyumba cy'urukiko kwiga uburyo bwakoreshwa kugira ngo batsinde abantu bari muri sitade, hakoreshejwe imbunda. Sinzi niba byarabereye mu cyumba cy'urukiko cyangwa ahandi. Icyo nzi ni uko abantu bagiye kugira ngo bakore akanama."[836]

633. Rushingiye ku bivugwa mu buhamya bwa AA, Urugereko rugomba kwanzura ko, mu by'ukuri, uyu mutangabuhamya atigeze abona Kayishema ari kumwe n'Uregwa kubera ko atari azi Perefe. Byongeye kandi, umutangabuhamya ntiyigeze abona akanama k'abayobozi bakuru, nta n'ubwo yumvise ibyakavugiwemo.

---

[835] Inyandikomvugo y'iburanisha, 11 Gashyantare 2000, imp. 51-52.
[836] Inyandikomvugo y'iburanisha, 11 Gashyantare 2000, urup. 55.

634. Kuri ibyo, Urugereko rusanga mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 22 no ku ya 23 Nzeri bwerekeranye by'umwihariko n'Uregwa, AA atavuga kuri Kayishema cyangwa ngo avuge iby'umubonano Uregwa yagiranye na Perefe. Muri ubwo buhamya, ntanavuga iby'inama cyangwa ibyo guhindura uburyo bwo gutera. Ahantu hamwe avuga Uregwa ni aho agira ati "Bagilishema yigeze kunyura hafi ya sitade igihe barasaga maze abona ubwicanyi bukorwa"[837]. Muri ubu buhamya bwanditse, AA avuga Uregwa nk'umuntu w'indorerezi, utarateguye igitero kandi ibyo bitandukanye n'ibyo avuga mu buhamya yatanze mu Rukiko.

635. Byongeye kandi, ubuhamya uyu mugabo yahaye abategetsi b'u Rwanda ubwo yiregaga ku itariki ya 11 Ugushyingo 1999, bushimangira ubwo yatanze ku itariki ya 22 n'iya 23 Nzeri 1999 ku byerekeranye n'uko Uregwa yari nk'indorerezi[838]. Muri ubwo buhamya ntavugamo Kayishema, cyangwa ngo avuge akanama kaba karahuje Kayishema n'Uregwa:

> "Mu masaa cyenda z'amanywa, abasirikare n'Interahamwe barashe amasasu ku mpunzi. Twe twarareberaga gusa kubera ko twahasanze abandi bari bavanywe i Butare-Cyangugu no mu tundi turere. Batubwiye guhagarara imbere y'umuryango wa sitade no kwica umuntu wese usohokamo. Bagilishema yabonye ibyarimo kuba. […] Ijoro riguye, bafunze sitade. Bagilishema yaraye kuri Betaniya naho twe turara ku rukiko rwa mbere rw'iremezo. Bukeye mu gitondo, ubwicanyi bwarakomeje, batubwira […] kuba maso, no kutava aho hantu. Bigeze mu masaa mbiri z'ijoro, twasubiye i Rubengera n'amaguru, turi benshi"[839].

636. Kubera ibibazo byinshi binyuranye biri mu buhamya bwa AA mu Rukiko, Urugereko ntirushobora kugira ingingo n'imwe yabwo rwemera kereka hari ubundi buhamya

---

[837] Ikimenyetso gihamya Nº 66 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[838] Reba ikimenyetso gihamya Nº 114 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[839] Ni kimwe no haruguru.

buyishyigikira. Byongeye kandi, nta wundi mutangabuhamya uvuga ko igitero gitangiye, yabonye Kayishema ajya inama n'Uregwa hafi ya sitade. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko yabonye Uregwa kuri sitade mbere y'uko igitero gitangira, naho G akavuga ko yabonye Uregwa ari kumwe na Kayishema, bahagaze ku gasozi ka Gatwaro mbere y'uko igitero gitangira. Ubwo buhamya ntibuhura n'ubwa AA.

637. Kubera izo mpamvu, rushingiye ku buhamya bwa AA, Urugereko ntirushobora kwanzura ruvuga ko Uregwa yari ku Kibuye ku tariki ya 17 Mata 1994 no kuri sitade ku itariki ya 18 Mata 1994.

Umutangabuhamya wiswe A

638. Mu buhamya bwe mu Rukiko, umugabo wiswe A avuga ko mu gitondo cyo ku itariki ya 18 Mata 1994, mbere y'igitero cyo kuri sitade, yabonye Uregwa, Semanza n'abapolisi, bari mu modoka. Asobanura ko Uregwa yumvise impunzi zivuza induru maze akagenda, bityo uyu mutangabuhamya ntiyongere kumubona ubwo igitero cyarimo kuba. Kubera iyo mpamvu, Urugereko ntirushobora kwanzura ruvuga ko Uregwa yari aho hantu igihe impunzi zaterwaga.

639. Ku byerekeranye n'ibivugwa ko Uregwa yari aho hantu mbere y'igitero, Urugereko rusanga mu buhamya yatanze mu Rukiko uyu mutangabuhamya wiswe A avuga ibintu mu magambo make cyane. Mu by'ukuri, avuga gusa ko we n'abandi bantu birutse bagana mu gice cyo hejuru cya tiribine nini ngo barebe ibyarimo kuba kandi ko Uregwa yagiye amaze kumva impunzi zivuza induru. Nta kindi avuga cyerekeranye no kuba Uregwa yarahaje, akahamara akanya gato. Byongeye kandi, ubwo yasaga n'uvuga ku Uregwa, Dogiteri Léonard na Semanza, umutangabuhamya agira agira ati "Hagati y'itariki ya 13 n'iya 18 Mata 1994, baragarutse, batubwira ko dushobora gutaha kubera ko amahoro yari

yagarutse"[840]. Mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 29 Kamena 1999, abisobanura neza muri aya magambo:

> "Ku itariki ya 18 Mata, Bagilishema yaragarutse ari kumwe na muganga [Dogiteri Léonidas] ndetse n' umwungirije, baratubwira ngo dutahe iwacu, ngo kuko amahoro yagarutse. Twanze kuhava maze hashize akanya gato, turaterwa kandi abo bategetsi bari bagihari. Igitero cyatangiye mu masaa munani z'amanywa kirangira mu masaa moya n'igice z'ijoro. Nk'uko byagendekeye abantu benshi, abantu bose bo mu muryango wanjye barishwe, ni jye warokotse njyenyine. Nasohotse muri sitade ni njoro, barekeye aho gutera. Nihishe mu ishyamba mpamara icyummweru. Naboneraga kure imodoka ya Komine igenda ariko sinashoboraga kumenya abari bicaye imbere"[841].

640. Biraruhije kumva aya makuru atangwa n'umutangabuhamya wiswe A. N'ubwo kuba Uregwa yarahamagariye impunzi gutaha byerekana impungenge yari afite, bityo umuntu akaba atavuga ko kuba yari ari kuri sitade, nk'uko bivugwa, byerekana ko yari afite umugambi mubisha, nta wakwirengagiza ko impunzi zisa n'aho zanze kumvira Uregwa, maze zikanga gutaha. Byongeye kandi, ayo magambo bitirira Uregwa ntajyana na gato n' ibyo Uregwa yivugira ubwe ko, mbere y' itariki ya 25 Mata 1994, i Mabanza nta gahenge kari gahari[842]. Ikindi kirushijeho gutera urujijo ni uko, nk'uko AB na J babivuga, kuvuga ngo amahoro yagarutse bwari uburyo bwakoreshwaga icyo gihe kugira ngo Abatutsi basohoke aho bihishe maze bicwe[843]. Ubwo buryo na bwo butuma ibintu birushaho gutera urujijo ariko ntibureba ibyabaye kuri sitade: Mu by'ukuri, ntibyumvikana ukuntu abayobozi ba Komine ya Mabanza bakoresha ubwo buryo ku mpunzi zifunze kandi zigiye kwicwa mu gitero simusiga. Bityo rero, ayo magambo yitirirwa Uregwa, hatitawe

---

[840] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, urup. 27.
[841] Ikimenyetso gihamya Nº 7 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[842] Inyandikomvugo z'amaburanisha, 6 Kamena 2000, urup. 108; 6 Nzeri 2000, imp. 13-14.
[843] Inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, urup. 129 (ubuhamya bw'umugabo wiswe AB). Inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 31 Mutarama 2000, urup. 25 (ubuhamya bw'umugabo wiswe J)

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

ku itariki yaba yarayabwiriyeho impunzi, atuma Urugereko rutapfa kwizera ibyo Porokireri avuga ko Uregwa yabaye icyitso mu byaha byakorewe impunzi kuri sitade.

641. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga ibyo A avuga ko Uregwa yari kuri sitade mbere y'igitero, bidasobanutse.

Umutangabuhamya wiswe G

642. Igice cy'ingenzi mu buhamya bw'umugabo wiswe G mu Rukiko kigira kiti :

Ikibazo: Ushobora kutubwira mu magambo make iby'igitero cyo ku itariki ya 18?

Igisubizo: Yego. Tariki ya 18 Mata…mu masaa munani z'amanywa, haje igitero kinini kigizwe n'abantu bitwaje intwaro z'amoko yose zirimo imbunda, imihoro, inkota n'izindi ntwaro nyinshi. Ubwo rero baraje bagota sitade. Bari ku muryango wa sitade ndetse n'ahagana ku gasozi ka Gatwaro kari nko hejuru ya sitade, bari benshi. Bari hamwe n'umutware wabo Kayishema, wari Perefe wa Kibuye ndetse n'umukuru wacu Bagilishema yari hamwe na bo. Bahageze, buri wese yagiye mu mwanya we, maze Perefe atangiza igitero. Abandi bakurikiyeho, bakora umurimo wabo, bakora umurimo wari wabazanye. Bararashe.

Ikibazo: Madamu mutangabuhamya, Bagilishema yari he mbere y'uko igitero gitangira?

Igisubizo: Yari hamwe na Perefe.

Ikibazo: Madamu mutangabuhamya watubwira niba bari imbere muri sitade, cyangwa hanze?

Igisubizo: Bari ku gasozi ka Gatwaro.

Ikibazo: Madamu mutangabuhamya, ugereranyije watubwira intera yari hagati yawe na Bagilishema mbere y'uko igitero gitangira?

Igisubizo: Sinashobora kubabwira neza metero zari zihari ariko ntihari intera ndende.

Ikibazo: Madamu mutangabuhamya, watubwira niba Bagilishema yari agihari igitero gitangira?

Igisubizo: Nibyo, yari agihari.

Ikibazo: Madamu mutangabuhamya, igihe barimo gutera, wabonye hari icyo Bagilishema akora igihe barimo gutera?

Igisubizo: Yari ahagaze[844].

643. Uyu mutangabuhamya avuga ko Uregwa yari kumwe na Kayishema mbere na nyuma y'igitero. Agira ati "Yari iruhande rwa Kayishema, hafi cyane ya Kayishema"[845]. Nta wundi mutangabuhamya uvuga ko yabonye Uregwa na Perefe ku gasozi ka Gatwaro mbere cyangwa mu gitero[846].

644. Urugereko rurabanza gusuzuma bimwe mu byerekeranye n'ukwizerwa k'ubuhamya bwa G. Uyu mugabo yaribeshye avuga ko impunzi zagiye ku Kibuye ku itariki ya 11 aho kuba ku itariki ya 13 Mata 1994[847]. N'ubwo kwimurira impunzi kuri sitade ari ikintu gikomeye, bityo kikaba cyagombaga kwibukwa, ntibivuga ko nyuma y'imyaka irenga itandatu,

---

[844] Inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mutarama 2000, imp. 36-38.
[845] Inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 26 Mutarama 2000, urup. 34.
[846] Mu buhamya bwanditse yatanze mbere ku itariki ya 19 Kamena 1999, umugabo yemeza rwose ibikurikira: "Ndashimangira ko mu gitero cyo ku itariki ya 18 Mata, Burugumesitiri Bagilishema yari kumwe na Perefe Kayishema ku gasozi ka Gatwaro".
[847] Inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mutarama 2000, urup. 31.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

umuntu yaba yibuka neza itariki byabereyeho. Kubera izo mpamvu, Urugereko ntirwita kuri uko kwibeshya.

645. Mu buhamya bwe mu Rukiko, G avuga ko imyitwarire y'Uregwa ku Batutsi yahindutse intambara yo mu Ukwakira 1990, itangiye.

> "Ndavuga ko nyuma ya 1990, atongeye gukunda Abatutsi. Yarabangaga. Ntiyari akibareba neza. Yafataga abantu, akabafunga abita "ibyitso by'Inkotanyi"[848].

646. Asabwe gusobanura imvugo ye, G yavuze ko intambara igitangira mu mwaka wa 1990, Uregwa ari kumwe n'abapolisi ba Komine cyangwa abafasha be, basatse mu mazu bashakamo intwaro. Avuga ko ibyo byabaye mu gitondo cya kare (mu masaa kumi n'ebyiri) ariko ntavuga umunsi byabereyeho. Asobanura ko bafataga abantu kabone n'iyo babaga batabasanganye intwaro. Umutangabuhamya avuga ko Uregwa yibasiraga cyane "abanyabwenge." Avuga ko bafunze nyirarume (cyangwa se wabo) ndetse bakanasaka n'inzu ye[849]. Hari inyandiko zemeza ibyo G avuga mu buhamya bwe ku isakwa ryari rigamije gushaka intwaro ariko izo nyandiko ntizigaragaza iby'ifatwa n'ifungwa (reba akiciro ka IV.2 hejuru). Urugereko rusanga ibyemezo byafashwe mu mwaka wa 1990 byaragize ingaruka no kuri babiri muri benewabo ba hafi b'uyu mutangabuhamya[850].

647. Mu ibaza rinyomoza, Ubwunganizi bwagerageje kwerekana ko ubuhamya bwa G butera gushidakanya. Bwabajije uyu mutangabuhamya ku bintu bimwe avuga mu buhamya bwe bwanditse (ashingiye ku byo yumvise) no ku byo avuga ko yaba yarabonye Uregwa ku biro bya Komine afite intwaro[851].

---

[848] Inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 26 Mutarama 2000, urup. 42.
[849] Ni kimwe no haruguru, imp. 44-45.
[850] Reba ibimenyetso gihamya Nº 90 na 91 byatanzwe na Porokireri.
[851] Inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mutarama 2000, urup. 72.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Urugereko rusanga nta mpamvu yo gutinda kuri izo ngingo ahubwo ruribanda ku byo umutangabuhamya yabonye kuri sitade ku itariki ya 18 Mata 1994.

648. Ku ifoto, umutangabuhamya wiswe G yerekanye ahantu yari ari muri sitade mbere y'igitero. Yerekanye kandi n'aho Kayishema n'Uregwa bari bari ku ibanga ry'agasozi ka Gatwaro[852]. Uyu mutangabuhamya avuga ko yari ahagaze ku ngazi ya mbere ya tiribine nto. Nk'uko bisobanurwa hejuru (reba akiciro ka V.3.2.3) iyi tiribine iri iburasirazuba bw'ikibuga, kandi ni inzu igizwe n'inkingi n'igisenge giciye bugufi. Igice kireba imbere y'icyo gisenge gifite metero esheshatu z'uburebure, muri zo ebyiri ni ibaraza rigana ku kibuga. Igice cy'inyuma cy'igisenge kinini kiracuramye kandi kireba mu kibuga ; icy'imbere na cyo gicuramye nk'icyo ngicyo. N'ubwo atari cyo yagenewe, tiribine nto isa n'ikibandahori cya metero 25 kuri 4. N'ubwo abantu bashobora kuyikingamo, ntituma bashobora kubona ibiyikikije. Umutangabuhamya wiswe G avuga ko yari munsi y'igisenge kinini hafi y'inguni ihuza igice cy'inyuma cy'icyo gisenge n'igice cyo hepfo cy'ibaraza (ni ukuvuga ihuriro ry'ibisenge byombi riri kure y'agasozi ka Gatwaro).

649. Igihe yarebaga ahagana ku gasozi ka Gatwaro, aho Uregwa na Kayishema bavugwa ko bari bari, G agomba kuba yarareberaga hejuru gato mu gisenge giciye bugufi anyujije amaso mu nkingi z'igisenge. Ntagushidikanya ko icyo gice cyarimo abantu benshi, ndetse no hejuru mu metero 50 uvuye ku kibuga na ho huzuye abandi bantu, mbere yo kubona ibanga ry'agasozi ka Gatwaro rihanamye kandi ririho ibyatsi n'ibiti (ubwo rero hari hijimye), nko muri metero 55 kugeza muri 56, ahaba harateraniye abantu babarirwa mu magana bari mu gitero. N'ubwo ahantu haba hatameze neza, umuntu ashobora kumenya bimworoheye umuntu yari asanzwe azi ariko adashobora kumubona isura neza, Urugereko ruribaza ukuntu umutangabuhamya wari kure, yashoboye kumenya neza Uregwa na Kayishema mu bantu bagabye igitero.

---

[852] Reba ikimenyetso gihamya N° 65 cyatanzwe na Porokireri.

650. G avuga ko mbere y'ibyabaye yari azi Uregwa[853]. Urugereko ruremera ko yari amuzi neza cyane, cyakora ntirwemera ko yari azi Kayishema. Porokireri ntiyatanze ibimenyetso byerekana ko mbere y'ibyabaye, umutangabuhamya yari azi Kayishema.

651. Ku byerekeranye n'uburyo yababonyemo, G avuga ko igitero cyatangiye mu masaa munani z'amanywa. Kuri iyo saha, umuntu ashobora kubona neza. Umutangabuhamya avuga ko hagati ye n'abantu bavugwa ahangaha "hatari intera ndende." Ibyo kandi ni ukuri. Impunzi zari ahantu hagaragara aho amasasu na gerenade by'abagabye igitero bari ku ibanga ry'agasozi, byashoboraga kugera kuri G, n'ubwo yari ahantu hatwikiriye rero, agomba kuba yarumvaga ari mu kaga gakomeye.

652. Porokireri ntiyigeze atanga ibindi bimenyetso byerekeranye n'uko aho hantu hagaragaraga muri icyo gihe kivugwa. Kubera uko ibyo bintu bidasanzwe byari byifashe muri icyo gihe, hari ingingo zimwe z'ingenzi zigomba gusuzumwa. Byari ngombwa kumenya niba hagati ya G n'abantu yarebaga, hari abandi bantu cyangwa igice cya tiribine. Na none bari ngombwa kumenya niba Uregwa yararebanaga na G cyangwa niba yararebaga mu kindi cyerekezo; byari ngombwa kumenya niba impunzi ibihumbi n'ibihumbi zahiye ubwoba, zaramukingirizaga. Hari kandi n'ibibazo byerekeranye n'igihe yamaze amubona n'inshuro bahujije amaso; ibyo bibazo byose ntibyabajijwe. Porokireri yagombaga gukora ku buryo, ku byerekeye imirebere, hatabaho ugushidikanya gutewe n'intera yari hagati y'uwarebaga n'abantu yarebaga. Porokireri yagombaga kandi gukora ku buryo nta washidikanya ku ukuntu G yashoboraga kumenya Kayishema. Nta gushidikanya ko umutangabuhamya yashoboye kumenya Uregwa bitewe n'imyifatire ye cyangwa imyambarire ye yari isanzwe izwi, ariko Porokireri ntiyigeze asuzuma ibyo bibazo. Kuvuga ngo "yari ahagaze" si ikintu kiri mu myitwarire y'Uregwa cyatuma umuntu ashobora kumumenya.

---

[853] Impamvu itangwa mu Kimenyetso gihamya Nº 65 cyatanzwe na Porokireri.

653. Nta wundi mutangabuhamya uvuga ko yabonye Uregwa ari wenyine cyangwa ari hamwe na Perefe ku gasozi ka Gatwaro, haba mbere cyangwa mu gitero. Ubwo rero nta bundi buhamya bushyigikira ibivugwa na G. Uyu mugabo yareberaga ibintu kure ku buryo atashoboye kuvuga neza uko byari bimeze. Kubera iyo mpamvu, Urugereko ntirushobora, rushingiye ku buhamya bwe, kwemeza, nta gushidikanya, ko ku itariki ya 18 Mata 1994, Uregwa yari hamwe na Kayishema ku gasozi ka Gatwaro mu masaha igitero cyo kuri sitade cyagabiweho.

(iii) Umwanzuro

654. Rumaze gusuzuma ubuhamya bw'abagabo biswe A, AA na G, Urugereko rusanga rudashobora kwanzura ruvuga, nta gushidikanya, ko Uregwa yari kuri sitade ku itariki ya 18 Mata 1994.

3.4.4 Imyanzuro rusange

(i) Ingaruka zikomatanyije z'ibimenyetso

655. Ku kiciro ka V.3.2.4 hejuru, Urugereko rwasanze hari na none ugushidikanya ko ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994, Uregwa yagiye kuri sitade. Urugereko ntirwafashe uyu mwanzuro kubera ko rwasanze Uregwa yari ahandi hantu igihe ibyo bintu byabaga, ahubwo rwawufashe kubera ko Porokireri yatanze ibimenyetso bidafite ireme byerekeranye na buri nshuro Uregwa yaba yarabonyweho kuri sitade.

656. Cyakora, imvugo ebyiri zivunaguye zishobora kugira agaciro iyo zishyigikirana. Urugereko rwasuzumye ibyo bintu kuri izo nshuro zombi Uregwa yaba yarabonywe ku matariki ya 13, 14 na 18 Mata 1994. Igisigaye ni ukumenya niba ibivugwa, bitanyuze, bihuriza gusa ku kuvuga ko Uregwa yari kuri sitade kandi ko yaba yarabonywe kenshi

mu minsi itandukanye, bishobora gutuma umuntu yakwemeza ko muri icyo gihe kivugwa, Uregwa yari kuri sitade.

657. Urugereko rusanga ntawabyemeza. Ubusanzwe, imvugo itakwizerwa cyane ntishobora gushimangirwa n'indi na yo itakwizerwa cyane kereka gusa iyo imwe ishyigikira indi. Kwemeza ko Uregwa agomba kuba yari ari kuri sitade "mu gihe runaka", bisobanura byanze bikunze ko yari ahari rimwe cyangwa kenshi nk'uko bivugwa n' abatangabuhamya. Mu byo avuga, Porokireri ntiyerekana ikindi gihe Uregwa yari ahari. Urugereko rwagaragaje ko ufashe ubuhamya bwa buri mugabo buvuga ko Uregwa yabonywe kuri sitade, wasanga ubwo buhamya bwose butanyuze kandi budashyigikirana. Kubera iyo mpamvu, ubwo buhamya bwose iyo ubusuzumiye hamwe usanga nta gaciro bufite. Bityo rero, n'iyo bisuzumiwe hamwe, usanga ibimenyetso byatanzwe na Porokireri bidatuma umuntu yakwemeza ko Uregwa yari kuri sitade hagati y'itariki ya 13 na 18 Mata 1994.

(ii) Incamake y'imyanzuro ku bivugwa kuva ku gika cya 4.21 kugeza ku cya 4.28 mu Nyandiko y'ibirego

658. Mu myanzuro yarwo ya nyuma ku bivugwa mu kiciro ka V.3.2, Urugereko rubanza gusuzuma ibivugwa na Porokireri mu Nyandiko y'ibirego byerekeranye n'ibitero byagabwe ku Batutsi bari bafungiye mu mugi wa Kibuye hagati y'itariki ya 13 n'iya 19 Mata 1994.

659. Porokireri ntagaragaza ko Uregwa yasabye Abatutsi bo muri Komine ya Mabanza guteranira ku biro by'iyo Komine nyuma akabategeka kujya kuri sitade Gatwaro (reba igika cya 4.21 cy'Inyandiko y'ibirego). Ntihagaragazwa ko izo mpunzi zigeze mu mugi wa Kibuye, Uregwa afatanyije n'abandi bantu, yazishyize mu matsinda abiri, rimwe akaryohereza ku Kigo, irindi akaryohereza kuri sitade (reba igika cya 4.22 cy'Inyandiko y'ibirego). Ntihagaragazwa ko "abantu yari akuriye" bagose aho hantu hombi, bigatuma

izo mpunzi zihafungiranwa kandi bikazitera ububabare (Reba igika cya 4.24 cy'Inyandiko y'ibirego). Porokireri ntanagaragaza ko Uregwa, afatanyije n'abandi bantu, yazanye kuri sitade abantu bafite intwaro, "akabategeka" gutera impunzi (reba igika cya 4.26 cy'Inyandiko y'ibirego). Byongeye kandi, Porokiteri ntagaragaza ko Uregwa ubwe yateye akica" impunzi zari kuri sitade (reba igika cya 4.27 cy'Inyandiko y'ibirego.

660. Muri iki cyiciro, hasigaye gusa ibivugwa ko "ategeka" impunzi kujya ku Kigo no kuri sitade, Uregwa yari azi cyangwa afite impamvu zo kumenya ko aho hantu hari hagiye guterwa (reba igika cya 4.28 cy'Inyandiko y'ibirego). Ibi nabyo ntibigomba kwakirwa kuko bitatangiwe ibimenyetso.

(iii) Izindi mpamvu z'uburyozwacyaha

Kuba hari abandi bategetsi ba Komine ya Mabanza bari kuri sitade

661. Hari ibintu bibiri bivugwa n'umutangabuhamya wiswe AC bidashinja Uregwa ku buryo butaziguye, n'ubwo bishobora kurengurira ku buryozwacyaha bw'Uregwa, hakurikijwe Ingingo ya 6 (1) cyangwa 6 (3) za Sitati. Icya mbere, AC avuga ko kuwa "gatandatu" (itariki ya 16 Mata 1994) yabonye imodoka ya Komine ya Mabanza (akiciro ka V.3.2.4) igera kuri sitade itwaye abapolisi batatu n'abasiviri b'Abahutu bitwaje intwaro, harimo n'Interahamwe eshanu cyangwa esheshatu[854], ariko ntabitindaho. Porokireri ntiyasabye uyu mutangabuhamya gutanga ibisobanuro birambuye kuri iyo nkuru. Nta n'ubwo yamubajije niba yarabashije kumenya abo bapolisi. Uyu mutangabuhamya yongeraho ko abo bantu baje kuhava nyuma yaho gato "bagana iya Mabanza"[855].

662. Umwirondoro w'abo bantu bari mu modoka ntugaragara neza mu buhamya bwa AC. Ntihagaragazwa ko abo bapolisi bari aba Komine ya Mabanza cyangwa ko bategekwaga

[854] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, imp. 54-55.
[855] Ni kimwe no haruguru, urup. 57.

cyangwa ngo bayoborwe n'Uregwa. Nta muntu n'umwe muri abo basiviri b'Abahutu n'Interahamwe wigeze amenyekana ndetse nta n'ikimenyetso na kimwe cyatanzwe cyerekana isano iyo ari yo yose ibahuza n'Uregwa. Byongeye kandi, ntihagaragazwa ko Uregwa yari azi cyangwa ko yagombaga kumenya iby'ingendo z'imodoka ya Komine, cyangwa imikoreshereze yayo, cyangwa ngo hagaragazwe niba nyuma yaho yaramenye ko imodoka ya Komine yakoreshejwe muri ubwo buryo. Bityo rero, ntihatanzwe ibimenyetso bihagije kugira ngo umuntu abe yavuga ko hari aho Uregwa ahuriye n'ibyo bintu.

663. Icya kabiri AC avuga kirebana n'umunsi igitero cyo kuri sitade cyagabiweho. Avuga ko hari ku cyumweru[856], kandi ko yabonye Semanza mu modoka ya Komine atwaye Interahamwe zari zivuye muri Mabanza[857]. Cyakora na none, ntihagaragazwa ko Uregwa yari azi cyangwa ko yagombaga kumenya ko Semanza ari kuri sitade nk'uko bivugwa. Ntihanagaragajwe ko yabimenyeshejwe nyuma yaho. Bityo rero, Uregwa ntiyaryozwa icyaha hashingiye kuri ibi bintu bivugwa na AC.

664. Ku byerekeranye n'ibimenyetso by'uko abandi bantu bari bakuriwe cyangwa bakoranaga n'Uregwa baba bari kuri sitade, Urugereko ruributsa ko abakozi ba Komine badashobora gufatwa nk'abakuriwe n'Uregwa hashingiwe ku Ngingo ya 6 (3) ya Sitati. Naho ku byerekeye Ingingo ya 6 (1), Urugereko rwarangije gusobanura impamvu rusanga ibimenyetso byatanzwe mu gushyigikira ibyo birego bidahagije mu kugaragaza uburyozwacyaha bw'Uregwa.

---

[856] Ni kimwe no haruguru.
[857] Ni kimwe no haruguru, urup. 59 ('yari muri iyo modoka').

Ese Uregwa yashoboraga gukora ibirenze ibyo yakoze?

665. Haracyari ibibazo birebana n'imyifatire y'Uregwa ku bijyanye n'ibikorwa birenze kameremuntu n'ubwicanyi byabereye kuri sitade yo ku Kibuye. Kuba Porokireri atagaragaza uruhare rutaziguye rw'Uregwa mu byaha byakorewe ku kigo no kuri sitade ntibivuga ko imyifatire y'Uregwa muri kiriya gihe kivugwa itaba yarashishikarije abantu gukora ibyo byaha cyangwa ngo itume afatwa nk'icyitso cy'ababikoze. Icya mbere, umuntu yavuga ko Uregwa yari ashinzwe umutekano n'imibereho myiza y'impunzi zo muri Mabanza yohereje ku Kibuye, kandi ko, kubera ko zabanje kugaragurwa mbere yo kwicwa, yateshutse ku nshingano yari azifiteho. Icya kabiri, umuntu ashobora kuvuga ko kuba atarafashe ibyemezo bya ngombwa birimo gukora iperereza ku bwicanyi bwabereye kuri sitade akimara kumenya ko bwakozwe, no guhana ababukoze, Uregwa yateshutse ku nshingano ze nk'umuntu wari uhagarariye ubutegetsi muri ako karere.

666. Mu Nyandiko y'ibirego nta kirego cyihariye cyerekeranye no kuba Uregwa yaba yarateshutse ku nshingano ze mu gihe cy'ibyabaye. Cyakora, Uregwa ashobora kuryozwa icyaha hashingiwe ku gika cya 4.13 cy'Inyandiko y'ibirego, kivuga ibintu muri rusange. Icyo gika kivuga ko muri Mata, Gicurasi na Kamena, Uregwa "yashishikarije abandi bantu gufata, gukorera ibikorwa by'urugaraguro no kwica abagabo, abagore n'abana b'Abatutsi bageragezaga guhunga ibitero mu karere ka… Perefegitura ya Kibuye." Gushishikariza abantu gukora icyaha bishobora kuba kwirengagiza kugira icyo ukora, ukabikora nkana kandi ku mugaragaro, mu gihe amategeko agusaba kugira icyo ukora. Iyo ibindi bisabwa mu rwego rw'amategeko byuzuye, uko gushishikariza abantu gukora icyaha bishobora gufatwa nko kubatera inkunga yo kugikora. Haba mu iburanisha cyangwa mu myanzuro nsozarubanza mu magambo, Porokireri ntiyigeze abyutsa icyo kibazo mu buryo bweruye. Muri iyo myanzuro ye, Porokireri avuga gusa ko Uregwa yakoze ku buryo "abantu bakoranyirizwa kuri sitade yo ku Kibuye no kuri *Home Saint-*

Jean nyuma yo ku itariki ya 12 Mata, maze abo bantu bakaza kwicwa. Ubwo bwicanyi ni bwo bugize icyaha cya jenoside[858]".

667. Umuntu ashobora kuvuga ko Uregwa yagaragaje uburangare bukabije, bivuga ko yabaye nyirantibindeba, yohereza impunzi ku Kibuye ariko ntakurikirane ngo amenye imibereho yazo. Mu rubanza, Urugereko rwagiye rubaza ibibazo ku myifatire y'Uregwa kuri icyo kibazo. Urugereko rusanga n'iyo bwaba bwarabayeho, ubwo burangare budahagije ngo hemezwe ko haba harabayeho igitekerezo cyo gukora icyaha (*mens rea*) gisabwa mu rwego rw'amategeko ku buryo Uregwa yaryozwa, nka gatozi, icyaha cya jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu. Ahubwo ubwo burangare bwafasha mu kugaragaza ko hashingiwe ku Ngingo ya 6 (1) ya Sitati, Uregwa yagize uruhare nk'icyitso, mu bikorwa birenze kameremuntu n'ubwicanyi byabereye kuri sitade.

- Inshingano zo kwita ku mpunzi

668. Kubera ko Porokireri atagaragaza ko Uregwa yari mu kigo cyangwa kuri sitade igihe ibitero byagabwaga, Urugereko rusanga atari ngombwa gusuzuma niba Uregwa yaragombaga guhagarika ibyo bitero. Byongeye kandi, ntihagaragazwa ko Uregwa yagombaga kumenya ko impunzi yohereje ku Kibuye zabanje gukorerwa ibikorwa by'urugaraguro mbere yo kwicwa. Nta n'ubwo Porokireri agaragaza ko Uregwa yigeze amenyeshwa ko ibitero byari bigiye kuba, ko iyo abihagurukira, yari gushobora kubiburizamo. Ikibazo rero ni ukumenya niba Uregwa yari ashinzwe imibereho myiza y'impunzi mu gihe zari zimaze kuva muri Mabanza. Ubwunganizi ntibuvuga by'umwihariko kuri icyo kibazo. Buvuga gusa, muri rusange, ko mu gihe cy'ibyabaye, Uregwa yakoze ibishoboka byose ngo aburizemo ubwicanyi.

[858] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, urup. 47.

669. Hagaragajwe ko impunzi ziri hagati ya 1.000 na 1.500 zagiye ku biro bya Komine ya Mabanza ku bushake bwazo, hagati y'itariki ya 8 n'iya 12 Mata 1994. Kubera ubwinshi bwazo, ibijyanye n'isuku n'ibiryo byagiye birushaho kuba bibi. Uregwa avuga ko yagerageje guhangana n'ibyo bibazo ndetse agasaba n'inkunga abaturage bo muri ako karere. Mu gitondo cyo ku itariki ya 13 Mata 1994, Uregwa, nka Burugumesitiri, yategetse impunzi kujya ku Kibuye, aziha n'abapolisi babiri bo kuziherekeza, ariko bagarukira mu nzira.

670. Birumvikana ko Uregwa yari ashinzwe impunzi igihe cyose zari zikiri ku biro bya Komine. Kuba yarazihaye abapolisi babiri bo kuziherekeza kugera hagati mu nzira, birashimangira ko yari afite inshingano zo kuzitaho muri icyo gice cy'urugendo rwazo. Hasigaye kumenya niba Uregwa yari agishinzwe impunzi ubwo zari zimaze kuva muri Komine ya Mabanza zigeze mu ya Gitesi, cyane cyane ku Kibuye mu mujyi. Ubuhamya Uregwa yatanze mu Rukiko bugaragaza ko yabonaga ko yaherererekanyije na Perefe inshingano zo kubungabunga umutekano w'impunzi. Mu ibaza rinyomoza, Uregwa yabajijwe niba abategetsi ba Komine ya Gitesi ari bo bari bafite inshingano yo kubungabunga umutekano w'impunzi nyuma y'uko abapolisi ba Mabanza bazigejeje muri Gitesi bakagaruka. Dore ibibazo byabajijwe n'ibisubizo byatanzwe:

> **Igisubizo**: Mu by'ukuri nasabaga Perefe kwita ku mutekano w'izo mpunzi.
>
> **Ikibazo**: Ese wigeze ukurikirana, ni ukuvuga wifashishije abo wari washinze uwo murimo, … ngo umenye niba umutekano wazo guhera aho babagejeje, wari witaweho byibuze n'abayobozi ba Gitesi, cyangwa abo ku Kibuye?

> **Igisubizo**: Yego, nari … Nasobanuye ko, nyuma ya saa sita, umuyobozi wa Jandarumori yaje i Mabanza, anyemerera ko abo bantu bageze ku Kibuye[859].

671. Bityo rero, nk'uko abyivugira, n'ubwo yahuye na Majoro Jabo ku bw'amahirwe, Jabo yijeje Uregwa ko impunzi zageze aho zagombaga kujya nta nkomyi. Umuntu ashobora kuvuga ko Uregwa yagombaga kugenzura ubwe, maze akamenya niba koko Perefe yari yafashe ingamba zo kurinda umutekano w'izo mpunzi. Cyakora, Porokireri yatanze ibimenyetso bidahagije kuri iyo ngingo. Ibyo bimenyetso ntibinavuguruza ubuhamya Uregwa yatanze mu Rukiko avuga ko Perefe wari umukuriye mu buryo butaziguye, yari kwita ku mpunzi, cyangwa ngo bigaragaze ko Uregwa yari gukeka ko Perefe atari kubikora. Urugereko rusanga na none Uregwa nta bubasha na buto bushingiye ku mategeko yari afite hanze y'imbibi za Komine ya Mabanza. Muri Komine ya Gitesi, ubwo bubasha bwari bufitwe na Burugumesitiri wa Gitesi ndetse na Perefe wa Kibuye. Kubera izo mpamvu, Urugereko ntirushobora kwemeza ko Uregwa yari ashinzwe impunzi, ubwo zari zimaze kugera muri Komine ya Gitesi, by'umwihariko ku Kibuye mu mujyi.

672. Byongeye kandi, hari uwavuga ko Uregwa yari kujya ku Kibuye gusura impunzi, bitewe n'uko nyinshi muri zo zari izo muri Komine ya Mabanza. Mu rubanza, ubwo bamubazaga ikibazo cyo kumenya impamvu, nk'uko yari yabivuze, atigeze ajya ku Kibuye hagati y'itariki ya 13 n'iya 17 Mata 1994 kugira ngo arebe icyashoboraga gukorwa ku mutekano w'abasiviri bari bahunze bava muri Komine ye, Uregwa yashubije muri aya magambo:

> "Muri icyo gihe, nari mpanganye n'ibitero by'Abakiga byabaga byugarije Komine buri munsi, bigasahura, bikanatera kuri za paruwasi no ku mashuri. Muri icyo gihe, nibanze ku baturage bari basigaye i Mabanza, naho ku

[859] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, imp. 34-35.

> Kibuye, nari nizeye ko Perefe n'abandi bategetsi ba Perefegitura, abagize akanama k'umutekano bose muri rusange na Burugumesitiri wa Gitesi, bashoboraga kwita kuri abo Bantu"[860].

673. Uregwa avuga ko buri munsi, muri icyo gihe, Komine yaterwaga n'Abakiga. N'ubwo adasobanura ko Abakiga bateye Komine ya Mabanza ku itariki ya 15, 16 cyangwa iya 17 Mata 1994, ibimenyetso byatanzwe bituma umuntu abona ko ibitero byakomeje muri icyo gihe cyose. Umutangabuhamya wiswe AS agira ati:

> **Ikibazo:** Ugereranyije watubwira igihe n'iminsi ibyo bitero byamaze?
>
> **Igisubizo:** Biragoye kubibara, kuvuga umubare w'iminsi. Ariko ndibuka ko ibyo bitero byamaze igihe kitari gito.
>
> **Ikibazo:** Bwana mutangabuhamya watubwira niba wowe ubwawe warigeze e uterwa?
>
> **Igisubizo:** Natewe kenshi.
>
> **Ikibazo:** Iyo uvuga kenshi, ni ukuvuga iminsi minshi?
>
> **Igisubizo:** Yego, ni byo, natewe iminsi myinshi[861].

674. Porokireri ntavuguruza ibyo Uregwa avuga ko kuva ku itariki ya 13 kugera ku ya 18 Mata 1994, yari ahangayikishijwe n'Abakiga ndetse n'ibindi bibazo byihutirwa muri Komine, bityo ntabashe kugira ikintu, icyo ari cyo cyose, amarira impunzi zari mu mujyi wa Kibuye. Porokireri ntagaragaza kandi ko Uregwa yamenyeshejwe imibereho mibi irenze kameremuntu abantu barimo kuri sitade, iby'igitero cyagabwe kuri *Home Saint-Jean*, cyangwa iby'igitero cyari kigiye kugabwa kuri sitade, cyangwa ngo agaragaze ko yagombaga kubimenya. Kubera izo mpamvu, Urugereko ntirwakwanga igisobanuro cy'Uregwa ngo ruvuge ko ibyo avuga bidashoboka.

---

[860] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, imp. 45-46.
[861] Inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mata 2000, imp. 11-12.

- Ibyo Uregwa yagombaga gukora amaze kumenya iby'ubwicanyi

675. Ikindi kibazo ni icyo kumenya niba kuba Uregwa, nka Burugumesitiri, atarafashe ingamba za ngombwa zo gukurikirana ibyabaye, ibyo bikaba byavuga ko yashyigikiye bucece ubwicanyi. Hakurikijwe Ingingo ya 6 (1), umukozi wese wa Leta wo mu rwego rwo hejuru yaryozwa icyaha, aramutse ashyigikiye, ku buryo buteruye, ibyaha afitiye inshingano yo guhana, kuko bishobora gufatwa nko gufasha no gushishikaza abantu babitsotsobye, iyo ibyangombwa bisabwa byuzuye: ni ukuvuga igikorwa cyo gutanga inkunga ifatika mu ikorwa ry'icyaha n'igitekerezo cyo gutera inkunga ubizi neza abatsotsobye icyaha n'iyo cyaba cyararangije gukorwa. Igikorwa kigize icyaha gishobora kuba ikintu runaka cyakozwe cyangwa ikintu runaka kirengagijwe gukorwa, nk'urugero: kwiyemeza nkana kudakora ibyo amategeko agusaba.

676. Ubwo yabazwaga ku gitero cyagabwe kuri sitade, Uregwa yasubije ko yasanze "bitangaje" ko, uretse Abakiga, ahubwo n'abajandarume bateye impunzi. Bamubajije niba yarigeze ashaka kumenya impamvu yabiteye kuko benshi mu batewe bakanicwa bari abaturage yari afiteho inshingano yo kubungabungira umutekano[862], Uregwa yashubije muri aya magambo:

> "Nasanze abategetsi bakuru barabimenyeshejwe. Ndetse baje no gusura Perefegitura ya Kibuye. Njye numvaga ku rwego rwabo bazafata ingamba zikwiye. Uko ni ko njye nabibonaga. […] Nibwiraga ko abategetsi bakuru ari bo bari gufata iya mbere mu gukurikirana ibyabaye muri Perefegitura ya Kibuye. Ntabwo bwari ubwa mbere hakorwa amarorerwa nk'ayo, n'ubwo aya mbere atari agejeje kuri iyo ntera. Buri gihe hakorwaga iperereza, abantu bakajya aho ibintu byabereye kugira ngo babikurikirane, bagakora iperereza risesuye. Nibwiraga ko rero ari ko byagombaga kugenda kandi na njye nari

[862] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, imp. 64-65.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

> niteguye kubitangaho ubuhamya kuko nari nzi…nari mfite amakuru amwe n'amwe ku byabaye"[863].

677. Uregwa yongeraho ati "Namaganye ibyabaye, mu nama zakurikiyeho"[864]. Avuga ko ku itariki ya 25 Mata 1994, yagiye mu nama kuri Perefegitura ya Kibuye[865] maze agasobanura ko hari hashize ibyumweru bibiri avuye kuri Perefegitura[866]. Ku kibazo cyo kumenya niba ubwicanyi bwo kuri sitade bwarigeze buvugwaho muri iyo nama yo kuri Perefegitura, yashubije muri aya magambo: "Muri iyo nama, twamaganye ibyabaye, dufata imyanzuro y'uko bamenyesha abategetsi bakuru, bagakora ku buryo ibintu nk'ibyo bitongera kuba"[867].

678. Uregwa yabajijwe niba Perefe yarasobanuye impamvu abajandarume bitabiriye igitero cyo kuri sitade[868] maze asubiza ko inama yabaye ngufi (ntiyamaze n'isaha), kuko hari umwuka mubi hagati ya Perefe na Burugumesitiri wa Gitesi. Buri muburugumesitiri yagejeje ku nama uko umutekano wifashe muri Komine ye. Hanyuma, ababurugumesitiri babajije uko byagenze ku Kibuye ku itariki ya 19 Mata 1994, Perefe ababwira ko ibitero byagabwe kuri sitade byakozwe n'abajandarume, Abakiga n'ibirara byo ku Kibuye:

> "Perefe yadusobanuriye ko komanda w'akarere yari yagiye ku rugamba ku itariki ya 15 Mata, maze amaze kugenda haba inama yahuje abayobozi b'abajandarume. Yavuze ko na we ubwe yari yugarijwe[869].'

679. Uregwa yongeyeho ko 'nta bubasha na mba yari afite ku bantu bo ku Kibuye. Nta bubasha nari mfite kuri […] Burugumesitiri wa Gitesi.' Icyo nakoze gusa ni 'ukwamagana ibyahaberaga[870].' Ku kibazo cyo kumenya niba yarigeze abaza umubare

---

[863] Ni kimwe no haruguru, imp. 65-67.
[864] Ni kimwe no haruguru, urup. 69.
[865] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, imp. 113-114.
[866] Ni kimwe no haruguru, urup. 114.
[867] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 75.
[868] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, imp. 115-116.
[869] Inyandikomvugo z'amaburanisha, Kamena 6 Kamena 2000, imp. 117-118; 8 Kamena 2000, urup. 278.
[870] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 276.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

w'abantu bishwe, Uregwa yarashubije ati, 'Ntitwigeze rwose tubaza umubare nyawo. […] Twumvaga gusa ko yari amahano, nta muntu wigeze avuga umubare[871].' Ku byerekeranye na Kayishema, Uregwa yagize ati:

> "Twamubwiraga nyine ko azabazwa ibyabereye muri Perefegitura ye. Ni yo mpamvu yari afitanye ibibazo na Burugumesitiri wa Gitesi, wamubaza gusobanura uko ibintu byagenze. Byaramugoraga kubisobanura"[872].

680. Ku itariki ya 3 Gicurasi 1994, Uregwa yagiye ku Kibuye mu nama ya Jean Kambanda wari Minisitiri w'Intebe wa Guverinoma y'agateganyo y'u Rwanda[873]. Uregwa avuga ko, muri iyo nama, yavuganye icyo kibazo na Minisitiri w'Intebe:

> "Jyewe nabajije icyo twagombaga gukora, mbese gukorera abaturage ba Kibuye bakorewe ayo marorerwa yabereye mu karere […] Minisitiri w'Intebe yadusezeranyije ko agiye gukora ibishoboka byose kugira ngo abateje izo mvururu bahanwe, kandi na zo zihagarare guhera uwo munsi"[874].

681. Uregwa avuga ko 'yari yiteze' ko abari bamukuriye bafata ingamba zo gukurikirana ibyabaye. Hari uwavuga ko mu by'ukuri avugana na Minisitiri w'Intebe, Uregwa atari gutekereza ko yari ashoje inshingano ye yo gusaba ko byibuze hakorwa iperereza ku byaha byari byakorewe abari abaturage ba Komine ya Mabanza.

682. Porokireri ntiyanenze iyo myiregurire y'Uregwa. N'ubwo iyo myiregurire isa n'ishobora kunengwa, Porokireri ntiyigeze ayihinyuza. Byongeye kandi, Porokireri ntiyigeze atanga ingingo zigaragaza izindi ngamba Uregwa yari gufata mu bihe nk'ibyo kugira ngo arangize inshingano ze. Ubuhamya bw'Uregwa ku nama yabaye ku itariki ya 25 Mata no ku ya 3 Gicurasi 1994, ubwabwo butuma umuntu akemanga ibivugwa ko nta cyo Uregwa

---

[871] Ni kimwe no haruguru, urup. 280.
[872] Inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, urup. 118.
[873] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 64-65.
[874] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, imp. 72-73.

yakoze kigaragara nyuma y'ubwicanyi. By'umwihariko, Porokireri ntagaragaza niba kuba Uregwa nta cyo yakoze ku buryo byafatwa nko gushyigikira icyaha ku buryo buteruye, byaragize uruhare rukomeye mu ikorwa rya biriya byaha cyangwa mu byaha byakurikiyeho. Bityo rero, Urugereko rusanga hataragaragajwe ko Uregwa yari yaritswemo n'igitekerezo cyo gukora icyaha, kiranga umuntu utera inkunga kandi agashishikaza ba gatozi b'icyaha.

683. Bityo rero, kuva ibyo bibazo bitarigeze bigira icyo bivugwaho n'impande zombi, Urugereko ntirushobora gufata umwanzuro ubangamiye Uregwa ngo ni uko atafashe ingamba zihagije mu rwego rwo guhana ibyaha byakorewe impunzi mu mugi wa Kibuye hagati y'itariki ya 13 n'iya 19 Mata 1994.

4. Ibintu byabereye muri Komine ya Mabanza kuva ku itariki ya 13 Mata kugeza muri Nyakanga 1994

4.1 Iyicwa rya Karungu

Inyandiko y'ibirego

684. Umututsi witwa Karungu yaba yariciwe muri Komine ya Mabanza ahagana hagati muri Mata 1994[875]. Ibyo bivugwa na Porokireri kuva ku gika cya 4.12 kugera ku cya 4.13 mu Nyandiko y'ibirego, ku buryo bukirikira:

> "4.12. Byongeye kandi, Ignace Bagilishema ubwe yateye kandi yica abantu bari batuye cyangwa bari bahungiye muri Komine ya Mabanza.

[875] Urugereko ntirwamenyeshejwe izina ry'idini ry'uwo muntu bavuga wahohotewe.

> 4.13. Muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, Ignace Bagilishema abyumvikanyeho n'abandi bantu, yakoze ubwicanyi kandi ashishikariza abandi bantu gufata no kwica urubozo abagabo, abagore n'abana, bose bo mu bwoko bw'Abatutsi, bahungaga ibitero byagabwaga muri Komine ya Mabanza, iya Gitesi, iya Gishyita n'iya Gisovu, muri Perefegitura ya Kibuye."

Ingingo z'ababuranyi

685. Porokireri avuga ko, mu gihe cy'iminsi ibiri, Uregwa yagize uruhare mu gitero cyagabwe kwa Karungu. Muri icyo gitero harimo na none Nsengimana (wari umufasha wa burugumesitiri), Nzanana (wari umucungamari wa Komine), Nshimiyimana (wari umushoferi wa Komine), umupolisi wa Komine umwe, Interahamwe, Abakiga n'abandi Bantu. Karungu yishwe muri icyo gitero maze inzu ye irasenywa. Porokireri avuga ko Uregwa yari mu bantu bakigabye kandi ko yari afite intwaro.

686. Mu kunyomoza ibyo bintu Uregwa avuga ko, muri iyo minsi ibiri, yari afite ibindi bibazo akemura. Porokireri asobanura ko, niba ibyo Uregwa avuga ari byo koko, Uregwa yamenye byibuze iby'igitero cyagabwe ku itariki ya 13 Mata 1994 nyamara ntiyafata ingamba n'imwe yo kurinda Karungu bucyeye bwaho.

687. Porokireri avuga ko abantu bose bari muri icyo gitero bamwe bari abasiviri Uregwa yari afiteho ububasha nka Burugumesitiri, abandi ari abantu yari akuriye mu rwego rw'umurimo. Porokireri ashingira kuri icyo gikorwa maze agashinja Uregwa icyaha cya jenoside, icyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside, n'ibyaha byibasiye inyokomuntu[876].

[876] Imyanzuro nsozarubanza ya Porokireri, urup. 10, igika cya 75; urup.12, ibika 88-89; urup. 51, igika cya 310; imp. 61-62, ibika 351-353; urup. 11, igika cya 59; imp. 15-16, igika cya 86; urup. 28, igika cya 150; urup. 34, igikacya 195; imp. 41-42, igika cya 259; urup. 45, igika cya 278.

688. Ubwunganizi busanga ubuhamya bw'abagabo bashinja biswe AB, H na O butakwizerwa, kubera ko ngo atari ukuri kandi bukaba buvuguruzanya. Nk'urugero, Ubwunganizi buvuga ko abo batangabuhamya bavuga, mu buryo butandukanye, uko Uregwa yajyanye n'abagabye ibitero kwa Karungu. Byongeye kandi, nta n'umwe muri abo batanga-buhamya mu by'ukuri wiboneye icyo gitero.

689. Naho ku byerekeye ibindi bivugwa ko Uregwa yananiwe kurinda nyakwigendera, Ubwunganizi busubiza ko Porokireri atatanze ikimenyetso na kimwe cyerekana, mbere na mbere, ko Uregwa yari azi ko Karungu akeneye gutabarwa umunsi wa mbere, cyangwa ko abagabye ibitero bari kugaruka bucyeye. Icya kabiri, Ubwunganizi buvuga ko hatatanzwe ikimenyetso na kimwe cyerekana ko Uregwa yari afite ubushobozi bwa ngombwa n'uburyo nyabwo byo kurinda Karungu; cyangwa ko, n'iyo yaba yarabifite, yaba yarananiwe cyangwa yaranze kurengera nyakwigendera[877].

Isesengura

690. Urugereko rurabanza gusuzuma ubuhamya bw'abagabo biswe AB, H na O mbere yo gusuzuma ubuhamya bw'Uregwa.

Umutangabuhamya wiswe AB

691. Mu ibaza ry'ibanze, AB yavuze ko, ku itariki ya 13 Mata 1994, ari ahantu yari yihishe ku Gitikinini, yabonye Uregwa mu modoka ya Komine ari kumwe n'Interahamwe n'abapolisi, ashishikariza abaturage gutera Karungu. Imodoka ya Komine, yari itwawe n'umushoferi wa Komine witwa Nshimiyimana, yaciye hafi y'aho yari [AB] yihishe ku muhanda ugana ku rugo rwa Karungu. Umupolisi witwa Munyandamutsa yari afite

[877] Nk'urugero, reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp. 33-37, ibika 223-226.

indangururamajwi mu ntoki, agenda avuga ko Karungu ari Inkotanyi ikomeye cyane, AB akaba avuga ko ibyo byasobanuraga ko Karungu yari Umututsi w'icyago[878].

692. AB avuga ko, bitewe n'iryo shishikaza, Interahamwe zateye urugo rwa Karungu. N'ubwo ahantu yari yihishe hatari hafi y'urwo rugo, AB yashoboraga kubona abantu bose bajyagayo[879] kubera ko yari ahantu hirengeye mu murima w'amasaka. Uwo munsi abagabye ibitero ntibabashije kwica Karungu. Ari muri ubwo bwihisho, umutangabuhamya yumvise Interahamwe zari zivuye kwa Karungu ziganira, zivuga ko abaturanyi ba Karungu bazibujije kumwica.

693. Mu buhamya bwe mu Rukiko, AB avuga ko ku itariki ya 14 Mata 1994, yari akihishe. Asobanura ko icyo gihe bwo yari yihishe iruhande rw'umuhanda ugana ku Gisenyi, ahantu hitwa "Ku ibagiro"[880]. Uyu mutangabuhamya avuga ko ninjoro havuze ingoma zihamagara abaturage. Abantu bose, barimo n'abana, bahise berekeza ku rugo kwa Karungu. Umutangabuhamya agira ati: "... nabonye igitero cyagabwe kwa Karungu"[881]. Yongeraho ko Uregwa ari we "wahuruje kugira ngo abo bantu bose baze"; ni we "wagabye igitero"; kandi akigiramo uruhare"[882]. Cyakora nyuma mu ibaza ry'ibanze, uyu mutangabuhamya yageze aho avuga ko atabonye Uregwa muri icyo gitero. Yagize ati: "... namubonye gusa mu modoka yari itwaye Interahamwe"[883]. Uregwa yaba yaraganiriye n'Abakiga, akabasaba kumufasha, ibi umutangabuhamya akaba ngo yarabyumvise ari ahantu yari yihishe.

694. AB avuga uko igitero cyo ku itariki ya 14 Mata 1994 cyagenze. Icyo gitero cyamaze « umunsi wose » kuva saa tatu za mu gitondo kugera saa kumi n'imwe z'umugoroba[884].

---

[878] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ukuboza 1999, urup. 87.
[879] Ni kimwe no haruguru, urup. 88.
[880] Ni kimwe no haruguru, imp. 94, 95.
[881] Ni kimwe no haruguru, urup. 91.
[882] Ni kimwe no haruguru, urup. 92.
[883] Ni kimwe no haruguru, urup.93.
[884] Ni kimwe no haruguru, urup.96.

Icyo gitero cyari cyitabiriwe n'abantu benshi, bitwaje intwaro zinyuranye, barimo abambaye amashara. Muri icyo gitero kandi bavuzaga amafirimbi n'ingoma. Umutangabuhamya ntiyiboneye ubwe icyo gitero cyangwa iyicwa rya Karungu, ariko na none yashoboye kumva bamwe mu bagabye igitero bari mu mudoka, bavuye kwa Karungu, bigamba ibyo bari bamaze gukora. Umutangabuhamya avuga ko inzu ya Karungu bayishenye ndetse ko, nyuma yaho, Abakiga, mu nzira bataha, bagiye basenya andi mazu ari nako bica abantu bose bari hafi y'aho banyuze. AB yemera ko hagati yaho yari yihishe n'ahagabwe icyo gitero hari intera ndende, ariko akemeza ko nyuma y'igitero yabonye urugo rwa Karungu rwabaye itongo[885].

695. Uyu mutangabuhamya avuga ko Interahamwe zishe Karungu, zimutwikiye mu nzu ye kandi ko umuryango we [Karungu] n'Abahutu babiri barwanyije icyo gitero na bo bishwe. Kuri uwo mugoroba, Perefe Kayishema yahaye abantu bari bagiye muri icyo gitero imodoka zari zakuwe mu isosiyeti y'Abashinwa yubakaga imihanda. Abagabye igitero bavuye aho hantu muri ayo modoka bishimye kandi baririmba[886].

696. Mu ibaza rinyomoza, AB yavuze ko ahantu yari yihishe ku itariki ya 13 Mata 1994 atashoboraga kubona inzu ya Karungu. Bamubajije ukuntu yamenye ko abo bantu banyuraga aho, bari bagiye kwa Karungu, yashubije ko abo bantu ari bo babyivugiye. Yongeyeho ko, ku itariki ya 14 Mata 1994, yagiye kwihisha ahandi hantu hirengeye kurusha aho yari ari hitwa "Ku ibagiro". Aho na ho ariko ntiyashoboraga kubona inzu ya Karungu[887]. Bamubajije niba yarabonye Uregwa igihe igitero cyagabwaga, umutangabuhamya yabanje gushidikanya maze agezaho yemera ko atabonye icyo gitero[888]. Yanavuze ko atabonye Kayishema mu rugo rwa Karungu, ko ariko yamubonye

[885] Ni kimwe no haruguru, urup. 97.
[886] Ni kimwe no haruguru, urup. 102.
[887] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 16 Ugushyingo 1999, urup. 79.
[888] Ni kimwe no haruguru, urup 82.

anyuze aho yari yihishe, ari mu modoka. Icyo gihe Interahamwe zarimo kumushima ko yazihaye imodoka yo kuzicyura[889].

697. Urugereko rwavuze ko rusanga rutakwizera ubuhamya bwa AB[890]. Ibyo avuga ku iyicwa rya Karungu bituma rurushaho kutamwizera. Icya mbere, AB yarivuguruje ubwo yavugaga uko ibintu byagenze. Koko rero yabanje kuvuga ko yiboneye ibyo bitero byagabwe kwa Karungu ariko mu ibaza rinyomoza, aza kuvuga ko atabibonye. Icya kabiri, aho hantu hombi yihishe, ntiyashoboraga kubona urugo rwa Karungu. Icya gatatu, yabanje kuvuga ko Uregwa ari we ubwe watangije igitero ariko nyuma aza kuvuga ko yamubonye gusa ari mu mudoka ku muhanda ujya kwa Karungu. Byongeye kandi, ubwo yasobanuraga uko igitero cyo ku itariki ya 14 Mata 1994 cyagenze, ntiyigeze avuga na rimwe Uregwa.

698. Urugereko ntirwirengagiza ko bishoboka ko, mu kuvuga kuri icyo gitero, hari ibintu AB ashobora kuba asubiramo kugira ngo abihuze cyangwa bisobanuke kurushaho. Cyakora, ubuhamya bwe burasa n'ubugaragaza ko yashakaga kuvuga ibintu byinshi biruta ibyo yabonye. Nk'urugero, Urugereko rushidikanya ko uyu mutangabuhamya yashoboye kumenya amakuru menshi kuri icyo gitero ayakuye gusa ku byo yumvanye abahitaga hafi y'ahantu yari yihishe. Umuntu ntiyavuga ko yari ahantu yashoboraga kumva neza ibyavugirwaga kure ye mu gihe hari urusaku kubera abantu benshi bari bagabye igitero. Cyakora, AB avuga ko yashoboye kubona amakuru inshuro eshanu zitandukanye, mu buryo nk'ubwo bumaze kuvugwa.

699. Kubera ko rushidikanya ku buhamya bwa AB, Urugereko rwagereranije ubuhamya yatanze mu Rukiko n'ubwanditse yatanze mbere abuha abapererezi bo mu Biro bya Porokireri. Mu buhamya bwanditse bwa mbere yatanze ku itariki ya 1 Gashyantare 1996,

---

[889] Ni kimwe no haruguru, urup. 89.
[890] Reba utwiciro IV.2.5 na IV.2.6 haruguru. Reba na none akiciro IV.3.1 haruguru, aho, ku kintu kimwe, ibyo AB avuga bitandukanye n'ibivugwa n'abandi batangabuhamya bose.

AB avuga amazina y'abantu 16 bishwe n'ahantu biciwe[891] ariko ntavugamo Karungu. Avuga Uregwa mu bintu bibiri gusa byabaye ari byo: kubonana na Kayishema ku itariki ya 12 Mata 1994 no kuba impunzi zaragiye ku Kibuye (Reba utwiciro V.2.6 na V.3.1). Mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 22 Kamena 1999 AB yibanze ku byo Uregwa yakoze, kandi avuga mu magambo arambuye ku gitero cyagabwe kwa Karungu[892]. Muri rusange, ubuhamya atanga kuri icyo gitero buhuye n'ubwo yatanze mu Rukiko, n'ubwo yemeza ko Uregwa na Perefe Kayishema "bari bahari igihe Karungu yaterwaga maze akicwa".

700. Urugereko ruzirikana ko AB atiboneye ibitero byagabwe kwa Karungu. Avuga muri rusange ko Uregwa "yagize uruhare" mu gitero cyagabwe kwa Karungu kandi "akanagitangiza". Mu buhamya yatanze mu Rukiko arivuguruza, akemeza ibintu asa n'ushakisha, cyangwa ashingiye ku nkuru mbarirano. Ibyo bituma umuntu yashidikanya ku ukwizerwa kwe nk'umugabo wiboneye ibyabaye bivugwa. Nta wavuga ko AB yashoboraga kubona ibintu neza ari ahantu yari yihishe mu murima kandi afite ubwoba ko abantu yarebaga nabo bamubona. Urugereko rugomba kuzirikana icyo kintu mu gusuzuma ubushobozi umutangabuhamya yari afite bwo kubona no kumenya abahitaga.

Umutangabuhamya wiswe H

701. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo wiswe H avuga ko ku itariki ya 13 Mata 1994, impunzi zikimara kugenda, Abakiga bageze muri Komine ya Mabanza maze bakajya kwa Karungu. Umutangabuhamya avuga ko yari ahagaze ku gasozi, ko "atabonye ibintu byinshi ", ko "yabonye gusa [...] abantu"[893]. Avuga ko umunsi wa mbere abagabye igitero batabonye Karungu, ariko ko ku munsi wa kabiri, bamubonye,

[891] Reba ikimenyetso gihamya N° 2 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[892] Reba ikimenyetso gihamya N° 3 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[893] Inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ugushyingo 1999, urup. 22.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

bagatwika inzu ye maze Karungu agahiramo. H yumvaga abagabye igitero bavuza induru kandi baririmba ngo "tubatsembatsembe"[894].

702. Agejeje aha muri ubwo buhamya, haje urujijo ku birebana n'itariki H avuga ko ibitero byagabiweho kwa Karungu. Porokireri yibukije H ubuhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 14 Nyakanga 1999[895], aho yemeza ko impunzi zavuye ku biro bya Komine ya Mabanza ku itariki ya 13 Mata 1994. Muri ubwo buhamya uyu mugabo agira ati :

> "Impunzi zimaze kugenda, ni bwo haje abicanyi bitwa Abakiga baturutse mu Rutsiro no muri Gisenyi. [...] Uwo munsi, nabonye Bagilishema inshuro ebyiri ajya kwa Karungu mu modoka. Abakiga bashoboye kubona no kwica Karungu hashize icyumweru[896]. Abahutu babiri [...] bari bamuhishe na bo barishwe baregwa gukorana n'umwanzi."

703. Asabwe gutanga ibisobanuro birambuye ku itariki ubwo bwicanyi bwabereyeho, H yemeje ko Karungu yafashwe kandi akicwa hashize icyumweru impunzi zigiye. Bongeye kumusaba kwisobanura kuri ibyo bintu, yasubiyemo icyo gisubizo. Nyuma y'ibibazo bine ni bwo yagezaho asobanura ko yashakaga kuvuga ko igitero cyagabwe kwa Karungu cyabaye umunsi impunzi zijya ku Kibuye. Yagezaho avuga ko Karungu yishwe ari kuwa kane nimugoroba impunzi zaraye zigiye[897]. Urugereko rusanga mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 14 Nyakanga 1999, uyu mugabo yemeza, nta kujijinganya, ko abicanyi basanze Karungu mu rugo rw'Umuhutu hashize *icyumweru kimwe* abonye Uregwa ku muhanda ujya kwa Karungu, ni ukuvuga hashize icyumweru impunzi zigiye.

704. H yemeza ko yabonye Uregwa umunsi wa mbere w'igitero[898]. Avuga ko Uregwa yari akurikiye Abakiga, ari mu modoka ya Komine itwawe n'umushoferi wa Komine witwa

---

[894] Ni kimwe no haruguru, urup. 24.
[895] Reba ikimenyetso gihamya N°10 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[896] Mu buhamya bwanditse mu cyongereza bakoresheje amagambo "*one week later*" [nyuma y'icyumweru kimwe].
[897] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ugushyingo 1999, imp. 35- 41 na 48.
[898] Ni kimwe no haruguru, urup. 43.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Nshimiyimana kandi ari kumwe n'umupolisi wa Komine n'Interahamwe zirenga 10. Mu ibaza rinyomoza, H yavuze ko yabonye Abakiga bahita mu masaa kumi n'ebyiri za mu gitondo, naho Uregwa, wari "ubakurikiye," akahanyura nyuma gato ya saa mbiri za mu gitondo[899]. Yemeza ko ku munsi wa kabiri w'igitero yongeye kubona Uregwa yerekeza kwa Karungu, ari muri ya modoka, kandi na none ari kumwe na ba bantu[900]. Nta bindi bisobanuro birambuye atanga ku birebana n'uwo munsi wa kabiri w'igitero.

705. H avuga ko ari aho hantu atashoboraga kubona inzu ya Karungu, ko ariko yari azi ahantu yashoboraga kujya akabona kwa Karungu. Ari aho hantu, ni bwo yashoboye kubona igitero cyagabwe ku munsi wa mbere. Amaze kubona Abakiga bahita imbere y'inzu ye yari iruhande rw'umuhanda, yagiye aho hantu, kugira ngo ashobore kureba ibyaberaga kwa Karungu.

706. Ku munsi wa kabiri, ari iwe, yabonye na none ibisa n'ibyo yabonye ubwa mbere: yabonye Abakiga benshi banyura imbere y'inzu ye, berekeza kwa Karungu, bari kumwe n'Abahutu bo muri ako gace. Bagendaga baririmba kandi bari bakurikiwe n'imodoka ya Komine itwawe na Nshimyimana[901].

707. Byagaragajwe ko H ataboneye hafi ibitero byagabwe kwa Karungu. Mu buhamya bwe mu Rukiko, nta bisobanuro birambuye atanga kuri ibyo bitero, uretse kuvuga ko inzu yatwitswe. N'iyo rwakwemera ko ari ahantu hirengeye ku gasozi, H yashoboye kubona ibyabaga, Urugereko rusanga uyu muntangabuhamya atarashoboye kwemeza ko Uregwa yari kwa Karungu ubwo hagabwaga ibitero. Ku byerekeye igitero cya mbere, H yemeza ko Uregwa yanyuze imbere y'iwe hashize amasaha abiri Abakiga bahanyuze. Cyakora, kuba yarabonye "abantu benshi" aho hantu ariko ntahabone Uregwa, bituma umuntu ashidikanya ko Uregwa yagiye koko kwa Karungu akurikiye Abakiga. Ku byerekeye

---

[899] Inyandikomvugo y'iburanisha, 22 Ugushyingo 1999, imp. 9,10.
[900] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ugushyingo 1999, imp. 50, 108.
[901] Ni kimwe no haruguru, urup. 108.

igitero cya kabiri, umutangabuhamya yabonye gusa Uregwa agana mu cyerekezo cyo kwa Karungu kandi ibyo ntawabishingiraho ngo agire icyo yemeza.

Umutangabuhamya wiswe O

708. Umutangabuhamya wiswe O avuga ko umunsi umwe, hagati y'itariki ya 15 n'iya 18 Mata 1994, saa yine za mu gitondo, ku Gitikinini hateguriwe igitero cyo kwica Umututsi witwaga Karungu. Uyu mutangabuhamya, wari wihishe mu murima w'amasaka, avuga ko yabonye Uregwa mu mbaga y'abantu bagiye muri Segiteri ya Nyarugenge, baririmba ngo "tubatsembatsembe". Abafasha ba Burugumesitiri ari bo Semanza na Nsengimana, n'umucungamari wa Komine witwa Nzanana, bari kumwe n'Uregwa wari ufite imbunda[902]. Mu ibaza rinyomoza, O yavuze ko iyo mbaga yari igizwe n'abantu bagera ku ijana. Uregwa yabakurikiye n'amaguru. Umutangabuhamya ntasobanura uko yamenye ko abo bantu bari bagiye kwica Karungu[903].

709. Urugereko rwasanze hari impamvu ituma rutakwizera ubuhamya O yatanze mu Rukiko ku birebana no kuba Uregwa yaba yarabonanye na Kayishema ku itariki ya 12 Mata 1994 (Reba akiciro ka V.2.6). Kuri iki kibazo, Urugereko rusanga mu buhamya bwanditse yatanze mbere ku itariki ya 17 Ukwakira 1995, umugabo atavuga Karungu ku buryo bweruye[904]. Muri ubwo buhamya, yemeza ko Uregwa, yari yitwaje imbunda ari kumwe n'abafasha be batatu, bafite impiri, ari bo Nzanana, Nsengimana n'uwitwa Anteri, "bahiga abantu".

---

[902] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Ugushyingo 1999, imp. 45-48.
[903] Ni kimwe no haruguru, imp. 124-126.
[904] Reba ikimenyetso gihamya N° 11 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

710. Mu buhamya bwa kabiri yahaye abapererezi bo mu biro bya Porokireri ku itariki ya 23 n'iya 24 Gashyantare 1998[905], ni ho O avuga iyicwa rya Karungu (ibyo avuga muri ubwo buhamya bisa n'ibyo avuga mu buhamya bwa mbere, ibindi bigahura n'ibyo avuga mu buhamya yatanze mu Rukiko.) Muri ubwo buhamya bwa kabiri, O yemeza ko umunsi umwe, hagati y'itariki ya 15 n'iya 18 Mata 1994, ubwo yari yihishe mu murima w'amasaka, yabonye Uregwa mu mbaga y'abantu bagabye igitero, babarirwaga hagati ya 50 n'i 100, baturutse ku Gitikinini. Avuga ko nta bapolisi ba Komine yabonye. Yongeraho ko Uregwa na Semanza bari bitwaje imbunda naho Nsengimana afite ubuhiri, ariko ntavuga Nzanana cyangwa Anteri. Avuga ko abo bantu (ubuhamya bwe bwanditse ntibugaragaza niba Uregwa yari abarimo) bagarutse baririmba ko Karungu yishwe[906].

Uregwa

711. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, Uregwa avuga ko ku itariki ya 13 Mata 1994, amaze kugenzura ibirebana n'uko impunzi ziva ku biro bya Komine, yahugiye ku kibazo cy'igitero Abakiga bari bagiye kugaba. Uregwa yemeza ko avuye kugisha inama Pasitoro Cyuma, yabonye imbaga y'abantu bitwaje intwaro gakondo[907]. Abagabye igitero basanze nta muntu uri ku biro bya Komine maze baratatana. Bamwe bagiye gushaka Karungu naho abandi bajya mu rugo rw'Uregwa. Uregwa avuga ko igihe Abakiga bariho bashaka kumugirira nabi, yumvise ibintu biturikira mu cyerekezo cyo kwa Karungu. Nyuma

[905] Reba ikimenyetso gihamya N° 62 cyatanzwe na Porokireri.
[906] Mu buhamya bwanditse umugabo wiswe O yatanze muri Gashyantare 1998, umuntu asanga avuga ibikurikira: "Undi muntu ushobora gutanga ubuhamya ku bikorwa bya Bagilishema muri icyo gihe yitwa [umutangabuhamya wiswe AB]. […] Ntitwari kumwe mu byabaye ariko ndumva yiteguye gutanga ubuhamya." Nk'uko bivugwa haruguru, muri icyo gihe (1998), umutangabuhamya wiswe AB yari yaratanze ubuhamya bwanditse avuga ibintu muri rusange (Gashyantare 1996). Muri ubwo buhamya ntavuga na rimwe ibintu byerekeye Karungu. AB avuga bwa mbere izina rya Karungu mu buhamya yatanze muri Kamena 1999, ni ukuvuga nyuma y'ubuhamya bwa kabiri bw'umugabo wiswe O. Urugereko ruzirikana ko abatangabuhamya bashobora kuba baragambanye.
[907] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 51.

konseye wa segiteri Karungu yari atuyemo yamubwiye ko Karungu yirwanyeho cyane ndetse akanakoresha gerenade[908].

712. Abagabye igitero bamaze kugenda, Uregwa yasubiye ku biro bya Komine kureba ibyahabaye. Yagerageje kuvugana n'abantu b'i Mushubati ngo amenye uko bamerewe. Uregwa avuga ko atasuye Karungu n'ubwo nyuma yaho uwo munsi yamenye ko yatewe. Abivuga muri aya magambo : "... ahubwo najyaga kureba abantu bashoboraga kugirirwa nabi. Sinagiye kwa Karungu. […] Nerekeje mu majyaruguru, Abakiga bamaze kugenda. Nagiye mu cyerekezo kigana iwabo"[909]. Uregwa avuga ko Karungu yari azwi n'Abakiga bamwitaga icyitso cy'Inkotanyi"[910].

713. Uregwa yongeraho ko atari yiteze ko Abakiga bagaruka kwa Karungu bucyeye bwaho ku ya 14 Mata 1994. Bari bamubwiye ko ubwo Abakiga bahageraga ku munsi wa kabiri, Karungu atari iwe mu rugo kuko yari yagiye kwihisha. Banamubwiye ko Karungu, amaze kubona ko Abakiga basakaga ingo zo muri Segiteri ya Kabuga, we yahise yiruka agaruka iwe, avuga ko igihe cye cyageze. Uregwa avuga ko yamenye ko Karungu yiyahuye, atwitse inzu ye, kandi ko nyuma yaho Abakiga bateye abaturanyi ba Karungu[911].

714. Mu ibazwa rinyomoza, asabwe kuvuga ku ngamba yafashe kugira ngo Karungu ye kongera guterwa, Uregwa yashubije ko atari azi ko Abakiga bari kugaruka bucyeye bwaho kandi ko, kuba Karungu yari yabashije kwirwanaho bihagije, atigeze yumva ko ari ngombwa kumusura. Yongeraho ko muri Komine hari ibibazo byihutirwaga kurushaho yagombaga kurangiza[912]. Porokireri yanasabye Uregwa gusobanura impamvu ku itariki ya 14 Mata 1994, yategetse abapolisi kurinda umutangabuhamya wiswe RA na Pasitoro

---

[908] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, imp. 52, 53 na 129; inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 238.
[909] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 53.
[910] Ni kimwe no haruguru, urup. 141.
[911] Ni kimwe no haruguru, urup. 142.
[912] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000,imp. 238-244.

Eliphaz, nyamara ntabikorere Karungu kandi ari we watewe. Kuri icyo kibazo, Uregwa nta gisubizo kitaziguye yatanze[913].

Imyanzuro y'Urugereko

715. Mu mpinamagambo imaze gutangwa biragaragara ko nta n'umwe muri bariya batangabuhamya uko ari batatu wabonye Uregwa mu bitero byagabwe kwa Karungu. Buri wese muri abo batangabuhamya avuga ko yabonye Uregwa mu nzira igana kuri urwo rugo, ariko nta n'umwe muri bo uvuga ko yamubonye avayo (mu Rukiko, AB yemeje ko yabonye Kayishema agaruka). Kuba ibyo bitaravuzwe bifite akamaro ku birebana n'iki kibazo kubera ko abatangabuhamya bari ahantu bashoboraga kubona ibintu neza mu nzira igana aho ibitero byaberaga n'ubwo batari bahibereye ubwabo.

716. Urugereko rufite kandi amakenga ku buhamya AB na O batanze mu Rukiko. Ayo makenga ashingiye ku mpamvu zasobanuwe haruguru ndetse no mu twiciro V.2.5 na 2.6. Kubera ayo makenga no kuba nta bimenyetso bihari bishyigikira ibivugwa, Urugereko nta buryo rwakwemera ibyagiye bivugwa na buri wese muri abo batangabuhamya. Bityo rero, Urugereko rusanga ubuhamya bwa AB n'ubwa O budashyigikirana cyane ndetse bukaba bwombi bunyuranye cyane n'ubwa H.

717. Hatanzwe ubuhamya buke ku birebana n'uruhare rw'abantu bakoranaga n'Uregwa cyangwa se urw'abo yari akuriye. Abatangabuhamya ntibahuza ku bari bagize itsinda ry'abantu bagiye gushaka Karungu. AB na H bavuga umushoferi wa Komine n'abapolisi ba Komine, naho O akavuga ko yabonye Uregwa agendana n'abafasha ba burugumesitiri babiri n'umucungamari wa Komine, maze aza kwemeza mu buryo bweruye mu buhamya bwanditse bwa kabiri yatanze, ko nta mupolisi n'umwe wa Komine yigeze abona. Bityo rero, umwirondoro w'abantu bari bakuriwe n'Uregwa bagiye mu bitero byagabwe kwa

[913] Ni kimwe no haruguru, imp. 244-248.

Karungu urashidikanywaho. Ubuhamya buvuga ku ruhare abo bantu bagize mbere y'igabwa ry'ibitero ni bucye cyane ugereranyije n'ubuhamya bwatanzwe burebana n'Uregwa. Byongeye kandi, nta n'umwe mu batangabuhamya wabonye abo bantu ubwabo batera Karungu, bavuga ko babonye gusa abo bantu berekeza aho ibitero byabereye.

718. Byongeye kandi, nk'uko byasobanuwe mu twiciro IV.4.6 na IV.4.7, uretse aho ibimenyetso byatanzwe byaba bibigaragaza ukundi, Urugereko ntirushobora kwemeza ko abantu bavugwa ko ari Abakiga cyangwa Interahamwe bari bakuriwe n'Uregwa. Ibimenyetso rwashyikirijwe ntibihagije ku buryo rwabyumva ukundi kandi ntibishimangira ibivugwa ko Interahamwe cyangwa Abakiga bateye Karungu bakoranaga n'Uregwa.

719. Bityo rero, Urugereko ntirushobora gushingira ku buhamya bwa AB, H na O ngo rwemeze, nta gushidikanya, ko Uregwa yateguye cyangwa akayobora ibitero byatumye Karungu yicwa. Ntirushobora kwemeza ko yabigiyemo cyangwa ko, mu buryo ubwo ari bwo bwose, yabiryozwa.

720. Mu myanzuro nsozarubanza ye, Porokireri yashatse kwerekana ko Uregwa ashobora kuryozwa icyaha mu buryo bubiri. Ku buryo bwa mbere, nk'uko byasesenguwe haruguru, Porokireri avuga ko Uregwa yagiye ubwe mu bitero byagabwe kwa Karungu[914]. Ku buryo bwa kabiri, avuga ko Uregwa yari azi cyangwa yagombaga kumenya ko hari igitero kindi cyari kugabwa kwa Karungu ku itariki ya 14 Mata 1994, ariko aho gufata ingamba n'imwe yo kumurinda akarenga agategeka abapolisi kurinda Eliphaz na RA. Porokireri avuga ko mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa atabashije gusobanura impamvu z'ibyo bintu[915].

---

[914] Nk'urugero, reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, urup. 11, ibika 58-59; urup. 19, igika cya 108.
[915] Ni kimwe no haruguru, imp. 61-62, ibika 351-353.

721. Muri make, muri ubwo buryo bwa kabiri, Porokireri agamije kwerekana ko Uregwa yituramiye gusa, kandi yaragombaga kugira icyo akora ngo arangize inshingano ye yo kurinda umutekano w'abaturage b'abasiviri ba Komine ya Mabanza. Ibi bishatse kuvuga ko, kuba ataragize icyo akora ngo atabare Karungu cyangwa kuba amikoro make yari afite yo kurengera abantu yarayakoresheje ku batari bayakeneye kurusha Karungu, mu by'ukuri yafashije abantu bateye Karungu. Iyo ngingo inyuranye cyane n'iya mbere ivuga ko Uregwa yari umwe muri ba gatozi b'icyaha, ko yari ahibereye kandi agakora ibikorwa muri icyo gitero cyahitanye Karungu. Ibimenyetso byatanzwe na Porokireri ashingiye ku buhamya bw'abagabo bashinja birebana n'iyo ngingo ya mbere. Nyamara Ingingo ya kabiri yo ishingiye ku byo Uregwa yiyemereye ubwe ko yamenyeshejwe iby'igitero cyo ku itariki ya 13 Mata 1994 ariko ntagire ingamba n'imwe afata kugira ngo arinde Karungu igitero cyagabwe bucyeye bwaho.

722. N'ubwo hakwirengagizwa ko bigoye guhuza izo ngingo zombi, biragaragara ko kuri iki kibazo, nta kimenyetso na kimwe cyerekana ko ku itariki ya 14 Mata 1994, Uregwa yari yamenyeshejwe koko ko hari igitero cya kabiri cyari kugabwa kwa Karungu. Ikibazo rero ni ukumenya niba igitero cyo ku itariki ya 13 Mata 1994 cyari gutuma Uregwa abona ko hari ikindi gishobora kugabwa bucyeye bwaho. Ibyo bibaye ari byo, haba noneho hari ikibazo cyo kumenya niba Uregwa yarananiwe gufata ingamba za ngombwa kandi zishyize mu gaciro kugira ngo aburizemo igitero cyangwa ngo arinde Karungu mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose.

723. Uburyozwacyaha bw'Uregwa bugomba gusuzumwa hazirikanwa ibihe bidasanzwe Komine ya Mabanza yari irimo muri Mata 1994 ubwo Abatutsi benshi bari bugarijwe cyangwa bicwaga. Urugereko ruzirikana ko, nyuma y'ibyabaye, byoroshye kwihutira gushinja Uregwa ko asa n'uwirengagije kurinda Karungu, kandi, mu mikoro make Uregwa yari afite, yaragombaga kurinda umubare munini w'abantu.

724. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, Uregwa asobanura ko, bitewe n'uko Karungu yashoboye kwirwanaho nk'uko bikwiye, yatekereje ko Abakiga batari kugaruka, kandi ko

uko biri kose, we, nka Burugumesitiri, yagombaga kwita ku mirimo yihutirwaga kurusha iyindi muri komine. Iki gisobanuro ubwacyo kirashoboka. N'iyo Uregwa aza kuba yaramenyeshejwe ko igitero cya kabiri cyari kuba, Porokireri ni we ugomba kugaragaza ko Uregwa yakoresheje ku bwende bwe amikoro yari afite ku itariki ya 14 Mata 1994 mu buryo bwatumye ashyira Karungu mu mazi abira cyangwa ko yanze kumurinda ashaka ko yicwa. Mu by'ukuri, hari ibimenyetso bishimangira imvugo ya Porokireri ko ku itariki ya 14 Mata 1994, Uregwa yashinze umupolisi kurinda RA na Pasitoro Eliphaz. RA avuga ko ibyo byatewe n'uko Abakiga bashakaga kwica itsinda ry'abantu bari bagizwe n'Abahutu n'Abatutsi bageraga kuri mirongo ine[916]. Nta kimenyetso Urugereko rufite cyatuma rwemeza ko icyemezo Uregwa yafashe cyari kigamije kurindira umutekano abantu bamwe yihitiyemo.

Umwanzuro w'Urugereko

725. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanze ingingo ya mbere n'iya kabiri za Porokireri zirebana n'iyicwa rya Karungu zitaratangiwe ibimenyetso ku buryo budashidikanywaho.

4.2 Iyicwa rya Pasitoro Muganga

Inyandiko y'ibirego

726. Porokireri ashinja Uregwa kuba yaragize uruhare mu rupfu rwa Pasitoro Muganga, uvugwa ko yiciwe ku kibuga cy'umupira kiri hafi y'ibiro bya Komine, ku itariki ya 14 cyangwa 15 Mata 1994[917]. Igika cya 4.15 cy'Inyandiko y'ibirego giteye gitya:

[916] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Gicurasi 2000, urup. 255.
[917] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 20-22, ibika 134-142.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

> "Hagati y'itariki ya 9 Mata n'iya 30 Kamena 1994, Ignace Bagilishema yafungiye muri kasho ya Komine ya Mabanza impunzi z'Abatutsi zirenga 100. Ku itariki ya 15 Mata 1994 cyangwa ahagana kuri iyo tariki, Ignace Bagilishema yemereye Interahamwe zitwaraga gisirikare kwinjira muri kasho, hanyuma zica urubozo impunzi nyinshi z'Abatutsi zimaze kuzikorera ibikorwa by'urushinyaguro."

Ingingo z'ababuranyi

727. Porokireri yifashishije ubuhamya bw'abagabo biswe AB, O na Z. AB avuga ko Uregwa yavanye muri kasho ya Komine abantu batatu barimo Pasitoro Muganga maze bajyanwa kwicwa. O avuga ko Uregwa yategetse umupolisi wa Komine gucunga Muganga, maze we yerekeza kuri bariyeri yari kuri Trafipro, agarukana n'Interahamwe esheshatu. Uyu mutangabuhamya yemeza ko yabonye Interahamwe zijyana Muganga ku kibuga cy'umupira naho Uregwa akabakurikira ari mu modoka. Z we avuga ko Uregwa yatanze itegeko ryo kwica Muganga. Uyu mutangabuhamya na bagenzi be bari bagiye kuri kasho ya Komine aho umupolisi yabashyikirije Pasitoro Muganga, bakamujyana ku kibuga cy'umupira, ari na ho bamwiciye.

728. Ubwunganizi bwifashishije ubuhamya bw'abagabo biswe AS na RB bavuga ko Uregwa yari afitanye umubano mwiza na Pasitoro Muganga n'umugore we. Umunsi umwe nijoro, nyuma y'urupfu rwa Perezida Habyarimana, umugore n'abana ba Muganga bahungiye mu rugo rw'Uregwa. Ku itariki ya 14 Mata 1994, yabafashije kuva muri Komine ya Mabanza. Ubwunganizi buvuga ko bigoye kwemera ko Uregwa yaba yaratabaye umugore n'abana ba Muganga, nyuma akarenga akicisha uwo mupasitoro. Ubwunganizi busanga ubuhamya bw'abagabo bashinja buvuguruzanya, kandi budasobanutse neza ku birebana n'uruhare rw'Uregwa mu cyaha cyakorewe Muganga[918].

[918] Nk'urugero, reba imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp. 57-58, ibika 471-483.

Isesengura

Umutangabuhamya wiswe AB

729. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo ushinja wiswe AB avuga ko ku itariki ya 15 Mata 1994 yiboneye igitero cyagabwe ku Batutsi bari bafungiye ku biro bya Komine. Abo bantu bari bafungiye mu nzu ya IGA no mu bindi byumba by'ibiro bya Komine. Igitero cyagabwe n'Uregwa, abapolisi ba Komine n'Abakiga basohoye Pasitoro Muganga, Hitimana n'undi muntu wa gatatu (umukobwa) mu cyumba kimwe cya IGA cyari gifite urugi rutukura rw'icyuma. Umutangabuhamya avuga ko Uregwa yatumye bariya bantu uko ari batatu basohorwa[919]. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya avuga ko yabonye koko Uregwa afungura urugi rw'aho bari bafungiye[920]. Imfungwa zaje kujyanwa hafi y'ikibuga cy'umupira w'amaguru cya Komine ya Mabanza aba ari ho zicirwa. AB ntasobanura uwazijyanye. Yakurikiranye ibyabaye yihishe mu masaka hafi aho. Ntiyabonye izo mfungwa zicwa[921].

730. Urugereko rwasanze muri rusange ubuhamya bw'umugabo wiswe AB butakwizwerwa[922]. Ku byerekeranye n'iki kibazo, mu buhamya bwanditse bwa mbere yahaye abapererezi ku itariki ya 1 Gashyantare 1996, uyu mugabo asobanura, ku buryo burambuye, ibintu byaba byarabaye muri Mata 1994. N'ubwo avuga izina ry'Uregwa ku birebana na bimwe muri ibyo bintu, uyu mutangabuhamya ntakomoza ku iyicwa rya Pasitoro Muganga[923].

---

[919] Reba inyandikomvugo z'amaburanisha, 15 Ugushyingo 1999, imp. 104-106; 16 Ugushyingo 1999, urup. 100.
[920] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 16 Ugushyingo 1999, urup.108.
[921] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, urup. 88.
[922] Reba utwiciro IV.2.5, IV.2.6, IV.3.1 na IV.4.1.
[923] Reba ikimenyetso gihamya N° 2 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

731. Mu buhamya bwe bwanditse bwa kabiri bwo ku itariki ya 22 Kamena 1999, bwerekeye by'umwihariko Uregwa, uyu mutangabuhamya avugamo ibirebana na Muganga. Avuga gusa ko umushoferi wa Komine ari we wamubwiye ko Uregwa yafunguye kasho akagabiza imfungwa Interahamwe. Ubu buhamya bwe bwanditse ntibuhuje n'ubuhamya yatanze mu Rugereko aho yemeza ko yiboneye ubwe Uregwa asohora Muganga aho yari afungiye. Byongeye kandi, muri ubu buhamya bwa kabiri bwanditse, ntaho avuga abapolisi ba komine cyangwa Abakiga[924].

Umutangabuhamya wiswe Z

732. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo ushinja wiswe Z avuga ko mu gitondo cyo ku itariki ya 14 Mata 1994, umupolisi wa Komine yashyikirije Semanza ubutumwa bw'Uregwa bumumenyesha ko nagaruka "atifuza kubona" Muganga ku biro[925]. Nyuma, Semanza yaje, bimutunguye, gusanga umutangabuhamya wiswe Z n'abandi bantu hafi yo ku Gitikinini. Yabasubiriyemo amabwiriza yahawe n'Uregwa, abasaba gufata intwaro zabo no kumukurikira. Bageze kuri Komine, bahasanze umupolisi maze Semanza amusaba gukingura urugi rwa kasho n'uko basohora Muganga n'izindi mfungwa (reba akiciro ka V.4.3). Semanza yashyikirije imfungwa abo bantu ngo "babakore"[926]. Ako gatsiko kajyanye Muganga ku kibuga cy'umupira w'amaguru ahari imirambo igeze kuri makumyabiri. Umwe muri abo bantu yamuteye inkota. Umutangabuhamya wiswe Z agira ati "…natwe twakurikije urwo rugero maze tumukubita ubuhiri nyuma tumusiga aho, yapfuye"[927].

---

[924] Reba ikimenyetso gihamya N° 3 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[925] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 48.
[926] Ni kimwe no haruguru, urup. 51.
[927] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 53 Umutangabuhamya avuga ko ako gatsiko kari kagizwe na Samuel Ntirugiribambe, Ezékiel Kubwimana, Amza Gatsatsi na Hamada Mkobori.

733. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya wiswe Z yemeza ko Muganga yagiye mu rugo rw'Uregwa gusaba ko yamurinda, maze bamukura aho hantu bamujyana ku biro bya Komine aho yafungiwe. Uyu mutangabuhamya avuga ko ibyo atabihagazeho ubwe, ko atari ahari ubwo Uregwa yahaga ubutumwa umupolisi, ko ahubwo yari ahari igihe umupolisi yahaga Semanza ubutumwa bw'Uregwa. Ibi yemeza bwa nyuma bitandukanye n'ibyo yavugiye mu Rukiko mu ibazwa ry'ibanze aho avuga ko Semanza yamusanze ku Gitikinini akamubwira ibyerekeranye n'ubwo butumwa[928].

734. Umutangabuhamya wiswe Z yongeraho ko n'ubwo Pasitoro Muganga nta nkweto yari yambaye ubwo bamusohoraga mu nzu y'ibiro bya Komine, batari bamwambuye imyenda, akaba yari acyambaye ipantaro, ishati n'ikoti bye. Umutangabuhamya wiswe Z abivuga muri aya magambo: "Tumaze kwica Albert Muganga, si twe twamwambuye imyenda ahubwo byakozwe n'Abakiga […] Mu itsinda ryacu ry'abantu bari baturutse ku Gitikinini, nta muntu n'umwe wagize uruhare mu kwambura Muganga imyenda[929]." (Agaciro k'aya magambo karibugaragare neza hepfo mu isuzumwa ry'ubuhamya bw'abagabo biswe O na B).

735. Urugereko rusanga uruhare rwa Semanza rugaragarira mu buhamya umugabo wiswe Z yahaye abapererezi ku itariki ya 18 Nzeri 1999. Avuga ko "Bagilishema yasabye umufasha we Semanza gusuzuma ikibazo cya Albert Muganga. Semanza yaje ku Gitikinini adusaba, jyewe n'abantu batatu navuze haruguru, kumuherekeza tukajya.... kuri Komine aho Muganga yari ari"[930].

---

[928] Reba inyandikomvugo z'amaburanisha, 9 Gashyantare 2000, imp.119 na 120, 8 Gashyantare 200, urup.48.
[929] Inyandikomvugo y'iburanisha , 9 Gashyantare 2000, imp.146, 147.
[930] Ikimenyetso gihamya N° 65 cyatanzwe n'Ubwunganizi. Muri iyo nyandikomvugo ntihavugwamo umuhuza (ni ukuvuga umupolisi).

Umutangabuhamya wiswe O

736. Impunzi zimaze kujya ku Kibuye, ku itariki ya 13 Mata 1994, umutangabuhamya ushinja wiswe O yihishe mu mirima. Avuga ko yasubiye ku biro bya komine "hashize… nk'ibyumweru bibiri" nyuma akabona Pasitoro Muganga yicwa[931]. (Abatangabuhamya bavuzwe mbere bo bavuga ko ibyo byabaye mbere : ku itariki ya 14 cyangwa iya 15 Mata 1994).

737. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo wiswe O avuga ko yasubiye ku biro bya Komine ari kumwe na mwene wabo w'igitsinagabo, akabanza kwihisha mu murima w'amasaka wari hafi aho. Uwo mwene wabo yasabye umupolisi kubakingurira kimwe mu byumba by'ibiro bya Komine nuko umupolisi aremera. Aho ni ho babaye bihishe. Bukeye mu gitondo, umutangabuhamya wiswe O yarahavuye, ariko mwene wabo we arahaguma[932].

738. Uyu mutangabuhamya ari ahantu yari yihishe mu murima w'amasaka, yongeye kubona mwene wabo ari muri kasho ya Komine. Uwo munsi, umutangabuhamya yabonye Uregwa ku muryango wa kasho ari kumwe n'umupolisi. Mwene wabo hamwe na Pasitoro Muganga barasohotse, banyuze muri uwo muryango. Umutangabuhamya avuga ko mwene wabo yari yambaye ikoti yari asanzwe azi, naho Pasitoro yambaye ikoti ry'umukara. Muri ako kanya, Uregwa yavuye ku biro bya Komine agana kuri bariyeri yari kuri Trafipro, izo mfungwa zombi zisigara zirinzwe n'umupolisi. Icyo gihe, umutangabuhamya yabonye Uregwa avugana n'abantu bari kuri bariyeri. Uregwa yasubiye ku biro bya Komine ari kumwe n'Interahamwe zifite intwaro, izo Nterahamwe zijyana mwene wabo w'umutangabuhamya hamwe na Muganga, berekeza ku kibuga cy'umupira w'amaguru. Uregwa yarabakurikiye ari mu modoka ya Komine. Umutangabuhamya ntiyashoboye kubona ibyabereye ku kibuga cy'umupira w'amaguru.

---

[931] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Ugushyingo 1999, urup. 36.
[932] Ni kimwe no haruguru, imp. 36, 38

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Interahamwe zaje kugaruka kuri bariyeri mu modoka, noneho umutangabuhamya wiswe O abona ebyiri muri zo zambaye amakoti, imwe yambaye irya mwene wabo, indi yambaye irya Muganga[933].

739. Mu buhamya yahaye abapererezi ku itariki ya 23 no ku ya 24 Gashyantare 1998, umutangabuhamya wiswe O yemeza ko aho Interahamwe zimariye kujyana izo mfungwa, Uregwa "yasubiye mu biro bye". Akomeza agira ati: "…nabonye za Nterahamwe zigaruka ziva ku kibuga cy'umupira. […] Nyuma naje kubona Bagilishema atwaye izo Nterahamwe muri Hilux y'ubururu ya Komine azigeza kuri bariyeri"[934]. Uyu mutangabuhamya ntavuga ibyerekeranye n'urupfu rwa Muganga mu buhamya bwanditse yari yaratanze mbere ku itariki ya 17 Ukwakira 1995.

Abandi batangabuhamya bashinja

740. Kugira ngo rugaragaze ibyavuzwe byose, Urugereko ruragira icyo ruvuga no ku bundi buhamya bw'abagabo bashinja bavuga ku rupfu rwa Muganga, n'ubwo Porokireri atakoresheje ubuhamya bwabo mu myanzuro nsozarubanza ye mu magambo.

741. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya wiswe B yemeje ko yabonye Pasitoro Muganga yambaye ikariso gusa, hamwe n'umukobwa witwa Espérance, bava kuri bariyeri yo ku Gitikinini bashorewe (reba akiciro ka V.5.8). Uyu mutangabuhamya avuga ko: "… bari bamwambuye imyenda, bamujyana kuri komine, nyuma baza kujya kumwicira ku kibuga cy'umupira"[935].

---

[933] Ni kimwe no haruguru, urup. 41. Umutangabuhamya avuga ko ako gatsiko kari kagizwe n'abantu bakurikira: Intare, Gilbert, Rishimba, Rikanasi, Sanani na "Finish".
[934] Ikimenyetso gihamya N° 62 cyatanzwe na Porokireri.
[935] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Mutarama 2000, urup. 99.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

742. Byongeye kandi, mu ibaza rinyomoza, asabwe kuvuga niba koko yari ahibereye igihe, nk'uko bigaragara mu buhamya bwe bwanditse bwo ku itariki ya 8 Nyakanga 1999[936], Uregwa yajyanaga Muganga ku biro bya Komine byitwa ko ari ukumurindira umutekano, nyamara akareka abapolisi ba Komine bakamushyikiriza abagombaga kumwica, umutangabuhamya wiswe J yasubije ati: "N'ubwo ntari mpibereye, ibyabaye byaje kumenyekana nyuma". Ibi rero bikaba bigaragaza ko ubuhamya bwe bushingiye ku nkuru mbarirano. Ku byerekeye urupfu rwa Muganga, uyu mutangabuhamya agira ati "Yavuye aho yari yihishe, nuko Semanza wari wungirije burugumesitiri amwirukaho. Abamwirukagaho, ari zo Nterahamwe zari kumwe na Semanza, bamushyiriye Burugumesitiri"[937]

743. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo wiswe A avuga ko yabonye umurambo wa Pasitoro Muganga ku kibuga cy'umupira w'amaguru cya Komine ya Mabanza. Yari yavuye kuri Komine mu ruvunge rw'impunzi ku itariki ya 13 Mata 1994, aza kuhagaruka hashize nk'icyumweru nyuma y'uko arokoka igitero cyagabwe kuri Sitade Gatwaro ku itariki ya 18 Mata 1994. Yemeza ko yabonye umurambo wa Muganga "akiva ku Kibuye", akavuga ko hari ahagana ku itariki 24 cyangwa iya 25 Mata 1994[938].

Abatangabuhamya bashinjura

744. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umutangabuhamya wiswe AS avuga ukuntu Uregwa yafashije umugore wa Pasitoro Muganga. Asobanura ko abana ba Muganga bari bihishe iwe igihe gito naho umugore wa Muganga akaba yari yihishe mu nzu yegeranye n'iya Pasitoro Eliphas. Icyo gihe, umutangabuhamya ntiyari azi aho Muganga aherereye. Nyuma y'ibitero byinshi byagabwe iwe no ku baturanyi, yagiye mu rugo rw'Uregwa kumusaba ko yarwana ku muryango wa Muganga. Uregwa yagiye gusura umugore

[936] Reba ikimenyetso gihamya N° 63 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[937] Inyandikomvugo y'iburanisha , 31 Mutarama 2000, imp. 38, 40, 41.
[938] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, urup.151.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

n'abana ba Pasitoro, aza kubashakira imodoka irabahungisha. Umutangabuhamya wiswe AS yibutse ko yabonye iyo modoka, ariko ntiyashoboye kumenya umushoferi wari uyitwaye no gutanga ibindi bimenyetso biyiranga. Yemeza ko yongeye kubona umugore wa Muganga hashize imyaka ibiri[939].

745. Umutangabuhamya wiswe RB ntiyatanze ubuhamya mu Rukiko ariko Urugereko rwakiriye nk'ikimenyetso, ubuhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 26 Werurwe 2000[940]. Muri ubwo buhamya bwanditse, uyu mugabo yemeza ko Muganga yabanaga neza n'Uregwa n'umugore we[941]. Avuga ko rimwe muri Mata 1994 nijoro, hashize igihe gitoya Habyarimana apfuye, umugore wa Muganga n'abana be bahungiye mu rugo rw'Uregwa, irindi joro bakihisha kwa Pasitoro Eliphas. Bukeye impunzi zaraye zigiye ku Kibuye, umugore wa Muganga yahuye n'Uregwa ari mu modoka hamwe n'abasirikare babiri. RB avuga ko abasirikare bajyanye umugore wa Muganga n'abana babo muri imwe mu makomine ya Gitarama, ariko mu nzira babacuza ibintu bari bafite maze babata ku muhanda. Umuryango wa Pasitoro uvuye aho, washoboye kugera mu nkambi y'impunzi y'i Kabgayi.

Uregwa

746. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, Uregwa avuga ko Pasitoro Muganga yari inshuti ye, kandi ko n'umugore wa Pasitoro yigishaga umuhungu we. Hagati y'itariki ya 7 n'iya 13 Mata 1994, umugore wa Muganga yahungiye mu rugo rw'Uregwa. Icyo gihe, Uregwa ntiyari azi aho Pasitoro aherereye. Avuga ko ku itariki ya 14 cyangwa iya 15 Mata 1994

---

[939] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mata 2000, urup. 31- 35.
[940] Icyemezo mu magambo, 8 Kamena 2000 (reba inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, imp. 147-151) Urugereko rwavuze ko hakurikijwe Ingingo ya 89 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso, ikimenyetso cyose gifite agaciro gishobora kwakirwa nk'uko bigomba hagenderewe ko urubanza rucibwa mu buryo buboneye. Ikimenyetso gishingiye ku nkuru mbarirano, nka buriya buhamya, ubwacyo ntabwo bibujijwe ko cyakwakirwa, ariko kigomba gusuzumanwa ubushishozi.
[941] Reba ikimenyetso gihamya N° 109 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

ari ho yamenye ko yapfuye. Akomeza agira ati "Birababaje cyane kuko yari inshuti yanjye! Kandi nagombaga kumukiza iyo mubona, ariko sinamubonye"[942]. Uregwa avuga ko Muganga n'abandi bantu barindwi bavumbuwe aho bari bihishe n'Abakiga bagarutse muri Mabanza ku itariki ya 14 Mata 1994. Bajyanywe ku kibuga cy'umupira w'amaguru baricwa[943].

Imyanzuro y'Urugereko

747. N'ubwo Urugereko rwemera ko Pasitoro Muganga yavanywe ku biro bya Komine akajyanwa ku kibuga cy'umupira w'amaguru aho yiciwe, ibyabanjirije iryo yicwa ntibisobanutse. Umutangabuhamya umwe rukumbi uvugwa ko yari ahari Muganga yicwa ni uwiswe Z. Cyakora, Urugereko rwasanze rutakwizera ubuhamya yatanze mu Rukiko ashinja Uregwa (Reba by'umwihariko, utwiciro V. 5.5 na V. 5.6).

748. Umutangabuhamya wiswe Z yiyemerera ko yishe Muganga kandi Urugereko ntirubona impamvu rwashidikanya ko ibyo ari ukuri. Cyakora, hari ibintu bimwe bikubiye mu buhamya bwe bitagaragara nk'ukuri. Ubwo uyu mutangabuhamya yemeraga icyaha imbere y'abategetsi bo mu Rwanda, yavuze ko Muganga yahungiye mu rugo rw'Uregwa[944]. Hanyuma Abakiga, boherejwe na Semanza, bagiye mu rugo rw'Uregwa. Uregwa yokejwe igitutu, maze agira ubwoba ajyana Muganga muri kasho ya Komine. Ibi bisa nk'aho bigaragaza ko Muganga yafataga Uregwa nk'umuntu wamurengera. Nyamara mu buhamya yatanze mu Rukiko, uyu mugabo ntavuga ko Muganga yahungiye mu rugo rw'Uregwa. Yemeza gusa ko Uregwa "atifuzaga kubona" Muganga ku biro bye agarutse. (Kubera ko Urugereko rwabonye inyandiko y'ubwemeracyaha bw'uyu mugabo

[942] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 17.
[943] Ni kimwe no haruguru, imp. 144-145.
[944] Reba ikimenyetso gihamya N° 112 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

wiswe wiswe Z nyuma y'uko aza gutanga ubuhamya mu Rukiko, ntibyashobotse kumubaza ibibazo kuri ibi bintu.)

749. Byongeye kandi, mu buhamya uyu mugabo wiswe Z yatanze mu Rukiko yemeza ko Uregwa yategetse Semanza kwica Muganga. N'ubwo atari ahari igihe Uregwa yatangaga iryo tegeko avuga, uyu mutangabuhamya asobanura, mu buryo bubiri butandukanye, uko yaba yaramenye iby'iryo tegeko. Ubwa mbere avuga ko Semanza yaje ku Gitikinini, aho na we yari ari, maze agasubira mu itegeko ryatanzwe n'Uregwa. Ubwa kabiri avuga ko yari kumwe na Semanza igihe uyu yashyikirizwaga n'umupolisi itegeko Uregwa yatanze. Kuba igisubizo yatanze mu ibazwa ry'ibanze gitandukanye n'icyo yatanze mu ibaza rinyomoza byatuma umuntu atekereza ko uyu mutangabuhamya yashakaga kwerekana ko azi neza, ku buryo butaziguye, ibyerekeranye n'iryo tegeko avuga ko ryatanzwe n'Uregwa, kurusha uko ibintu byagenze mu by'ukuri. Ibyo bishobora kuba byaratewe n'uko yifuzaga gushinja Uregwa cyane, n'ubwo bigaragara ko ubwo buryo bwombi avugamo ibintu bushingiye ku nkuru mbarirano. Nta bundi buhamya bwemeza ibyo uyu mutangabuhamya avuga kuri iki kibazo, kandi ubu buhamya ntibwakwemerwa mu gihe hatari ubundi bubushyigikira. Bityo rero, Urugereko rusanga ubu ubuhamya butagaragaza ko uyu mutangabuhamya yishe Muganga bitegetswe n'Uregwa.

750. Nk'uko byagaragajwe haruguru, n'ubwo muri rusange ubuhamya bwatanzwe mu Rukiko na AB na O busa, ubwo buhamya butandukaniye ku bintu bimwe na bimwe byihariye. Urugereko rwasanze ukwizerwa kw'abo batangabuhamya bombi gukemangwa[945]. Nta n'umwe muri bo wabonye Muganga yicwa. Mu buhamya bwabo mu Rukiko, ntibahuriza ku nzu Muganga yavanywemo ku biro bya Komine. Bemeza ko Uregwa yari ku biro bya Komine kandi ko yatanze Muganga akamuha abamwishe. Aha banyuranije n'umutanga-buhamya wiswe Z uvuga, nta gushidikanya, ko Uregwa atari ku biro bya Komine.

[945] Reba na none utwiciro V.2.5, V2.6, V.3.1 na V.4.1.

Byongeye kandi, Urugereko rusanga amazina y'abantu bari mu gatsiko k'abishe Muganga atangwa na Z atandukanye n'avugwa na O, n'ubwo bishoboka ko Z yari mu bari bagize agatsiko kavugwa na O.

751. Ubuhamya bw'abagabo bashinja biswe B, J na A ntibwuzuye. B na J bavuga ko babonye bimwe mu byabaye mbere y'iyicwa rya Muganga, ariko ibyo bavuga biratandukanye cyane. Umutangabuhamya wiswe A yabonye umurambo wa Pasitoro ku kibuga cy'umupira w'amaguru, ariko itariki avuga ko yawuboneyeho ya 24 cyangwa 25 Mata, iri nyuma cyane rwose y'itariki ivugwa na AB na Z. N'iyo umutangabuhamya wiswe A yaba yarabonye umurambo ariko akibeshya ku matariki, ubuhamya yatanze mu Rukiko ntibushinja Uregwa ku byerekeranye n' icyo gikorwa.

752. Uburyo ubuhamya abagabo bashinja batanze mu Rukiko buvuguruzanya, bitandukanye n'uburyo ibimenyetso byatanzwe n'Ubwunganizi usanga bihura. Urugereko rusanga ibyo umutangabuhamya wiswe AS yemeza ku byerekeranye n'uburyo Uregwa yafashije umuryango wa Muganga bishimangirwa n'ubuhamya bwanditse bw'umugabo wiswe RB, washyikiranaga na Pasitoro cyane[946]. Uyu mutangabuhamya avuga ko Muganga n'umugore we bari bafitanye "umubano mwiza" n'Uregwa n'umugore we. Igihe gito nyuma y'uko Abatutsi batangira guterwa, mu ntangiriro za Mata 1994, umugore wa Muganga n'abana be bihishe mu rugo rw'Uregwa. N'ubwo mu gihe cy'ibyabaye mu mwaka wa 1994, hari Abatutsi bamwe na bamwe batishwe, ntibyumvikana neza ukuntu Uregwa yaba yarategetse ko Muganga yicwa maze akanakora uko ashoboye ngo akize umuryango we.

753. Mu kirego kitari icy'ingenzi, Porokireri avuga ko Uregwa nta cyo yakoze ngo abuze abantu gukora ibikorwa binyuranije n'amategeko, nko kwica Muganga, cyangwa ngo ahane ababikoze[947]. Ibyo bishatse kuvuga ko Pasitoro Muganga yaba yarishwe n'umuntu

---

[946] Reba ikimenyetso gihamya N° 109 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[947] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri urup. 21, igika cya 101 (jenoside); urup. 43, igika cya 270 (ibyaha byibasiye inyokomuntu).

Uregwa yari akuriye, ku buryo Uregwa yaryozwa icyo cyaha nk'umuntu ukuriye undi nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 6 (3) ya Sitati. Ukurikije uko ibintu biteye, abantu Uregwa yaba yari akuriye bari mu byiciro bitatu: umutangabuhamya wiswe Z, Semanza wari wungirije Burugumesitiri n'umupolisi wa Komine utaramenyekanye izina (nk'uko bivugwa n'abatangabuhamya biswe Z na O) cyangwa abapolisi ba Komine (uko bivugwa n'umutangabuhamya biswe AB).

754. Urugereko ruremera ko umutangabuhamya wiswe Z yari akuriwe n'Uregwa igihe yari umwe mu barinze bariyeri yo kuri Trafipro (reba akiciro ka V. 5.4). Nk'uko bigaragara mu bikurikira, itariki iyo bariyeri yashyiriweho ntivugwaho rumwe. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko Uregwa yamutegetse gushyiraho iyo bariyeri ku itariki ya 14 Mata 1994 kandi ko yayigumyeho kuva kuri iyo tariki[948]. Urugereko rwasanze ibi bitaragaragajwe (reba akiciro ka V. 5.4). Ibyo ari byo byose, nk'uko umugabo wiswe Z abyivugira ubwe mu buhamya yatanze mu Rukiko, we n'abantu bafatanije gukora icyaha ntabwo Semanza yagiye kubashaka kuri bariyeri yo kuri Trafipro yari yegereye ibiro bya Komine, ahubwo yagiye kubakura ku Gitikinini. Porokireri ntiyatanze ikindi kimenyetso cyahamya ko uyu mutangabuhamya wiswe Z yategekwaga n'Uregwa mbere y'uko bariyeri yo kuri Trafipro ishyirwaho.

755. Ku byerekeye Semanza, Urugereko ruributsa isesengura rwakoze, mu kiciro ka IV. 4.2, ryerekana ko kuba yari umukozi mu butegetsi bwa komine iyoborwa n'Uregwa bidahagije kugira ngo hemezwe ko Uregwa yari amukuriye. Hari ibindi bya ngombwa bisabwa kugira ngo ibiteganywa n'Ingingo ya 6 (3) bibe byuzuye. Byongeye kandi, hari ibimenyetso bimwe na bimwe bigaragaza ko muri icyo gihe, aba bagabo bombi batumvikanaga (reba akiciro ka IV. 6), ibi bikaba bituma habaho gushidikanya ko Uregwa na Semanza bari babiziranyeho ku buryo baryozwa icyaha hamwe hashingiwe ku Ngingo ya 6 (1).

---

[948] Reba inyandikomvugo y'iburansiha, 8 Gashyantare 2000, imp. 40, 41.

756. Ibyo ari byo byose, kugira ngo Uregwa abe yaryozwa ibyakozwe na Semanza hashingiwe ku Ngingo ya 6 (3), byasaba ko yaba yaramenye uruhare rukomeye Semanza yagize mu iyicwa rya Muganga (nk'uko bivugwa mu buhamya Z yatangiye mu Rukiko, budafite ubundi bubushyigikira). Nta kintu kigaragaza ko Semanza ubwe yabyibwiriye Uregwa. Umuntu ashobora kuvuga ko mu bihe bisanzwe, Uregwa yagombaga kumenya ko umwungirije yasohoye Muganga muri kasho ya Komine, maze akajyanwa kwicwa. Cyakora, ibyo bihe ntibyari bisanzwe na gato. Ku itariki ya 14 Mata 1994 (itariki umutangabuhamya wiswe Z avuga ko ibyo byabereyeho), Abakiga bagabye ibitero hafi y'ibiro bya Komine (reba akiciro ka V. 4.3). Hari ibimenyetso bigaragaza ko zimwe mu mpunzi zari ku biro bya Komine no hafi yaho zavumbuwe kandi zikicwa n'Abakiga. Uregwa avuga ko yatekereje ko Muganga yari mu bantu bishwe icyo gihe. Ibyo avuga bishobora kuba ari ukuri kandi Porokireri ntabinyomoza.

757. Byongeye kandi, Urugereko ntirubona impamvu rwakwemeza ko hari uruhare Semanza yaba yaragize mu iyicwa rya Muganga. Ibyo umutangabuhamya wiswe Z avuga kuri iki kibazo nta bundi buhamya bwatanzwe bubishyigikira kandi binyomozwa n'ibivugwa na AB na O, kuko bo bavuga ko Semanza atari ari ku biro bya Komine ubwo Muganga yashyikirizwaga abamwishe.

758. Icya nyuma, abatangabuhamya biswe AB, Z na O bavuga ko umupolisi umwe cyangwa benshi bagize uruhare mu bintu byabanjirije urupfu rwa Muganga. Nta washidikanya ko Uregwa yari akuriye abapolisi ba Komine (reba akiciro ka IV.4.3).

759. Urugereko rusanga nta mutangabuhamya n'umwe uvuga ko hari umupolisi wari mu bantu bajyanye Muganga ku kibuga cy'umupira w'amaguru, cyangwa ko hari umupolisi wishe uwo mupasitoro. Ahubwo umuntu ashobora gutekereza ko icyaha Uregwa yaryozwa, nk'umuntu wari ukuriye abandi, hashingiwe ku Ngingo ya 6 3), ari uko umupolisi yagize uruhare mu iyicwa rya Muganga, kuko yemeye kumurekura kandi azi ko agiye kwicwa. Ikibazo kivuka ahangaha ni uko Porokireri yemeza ko umupolisi yafashe Muganga akamushyikiriza Uregwa cyangwa Semanza. Uregwa yaryozwa icyaha

nk'umuntu ukuriye abandi biramutse bigaragaye ko uwo mupolisi yashyikirije Semanza uwo nyakwigendera. Aramutse yaramushyikirije Uregwa, icyo gihe Uregwa yaryozwa icyaha nka gatozi hakurikijwe Ingingo ya 6 (1). Ibyo ari byo byose, kubera impamvu zavuzwe haruguru, Urugereko ntirwemera ko Semanza yagize uruhare muri iki gikorwa nk'uko abishinjwa n'umutangabuhamya wiswe Z.

760. Mu kwanzura, Urugereko rusanga ari ngombwa gushimangira ko ku byerekeranye n'iyicwa rya Muganga, ikintu Porokireri yashoboye kugaragaza ari uko hagati muri Mata 1994, Muganga, wari umaze igihe gito mu mazu y'ibiro bya Komine, yajyanywe kandi akicwa n'agatsiko k'abantu bashobora kuba barimo umutangabuhamya wiswe Z, maze umurambo we bakawusiga ku kibuga cy'umupira. Ubuhamya abagabo bashinja batanze mu Rukiko buratandukanye cyane. Urugereko rumaze kubisuzuma neza, rusanga hari inkuru nyinshi zitandukanye zivuga uko byagenze, rukaba rutarahawe ibimenyetso bihagije byatuma rwemeza ko Uregwa agomba kuryozwa iyicwa rya Pasitoro Muganga.

761. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanze icyaha cya jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu Porokireri ashinja Uregwa ashingiye kuri iki gikorwa nta shingiro bifite.

4.3 Iyicwa ry'impunzi ku biro bya Komine no guhamba imirambo mu cyobo rusange

Inyandiko y'ibirego

762. Igika cya 4.15 cy'Inyandiko y'ibirego kivuga ku bikorwa byaba byarabereye ku biro bya Komine ya Mabanza cyangwa hafi yaho, nyuma y'uko abantu benshi mu mpunzi bajya mu mujyi wa Kibuye, ku itariki ya 13 Mata 1994. Byanditse mu magambo akurikira:

> 4.15 Hagati y'itariki ya 9 Mata n'iya 30 Kamena 1994, Ignace Bagilishema yafungiye muri kasho ya Komine ya Mabanza impunzi z'Abatutsi zirenga 100. Ku itariki ya 15 Mata 1994 cyangwa hafi y'iyo tariki, Ignace

> Bagilishema yemereye Interahamwe zitwaraga gisirikare kwinjira muri kasho, hanyuma zica urubozo impunzi nyinshi z'Abatutsi zimaze kuzikorera ibikorwa by'urushinyaguro.

763. Mu gika cya 4.16 n'icya 4.17 by'Inyandiko y'ibirego, Porokireri yemeza ko Uregwa yahagarikiye abantu bacukuye icyobo rusange mu mbuga y'ibiro bya Komine nuko ahambishamo imirambo y'impunzi z'Abatutsi bari bishwe mu bitero. Byanditse mu magambo akurikira:

> 4.16 Hagati y'itariki ya 9 Mata n'iya 30 Kamena 1994, Ignace Bagilishema yategetse Interahamwe zitwaraga gisirikare gucukura icyobo rusange hafi y'ibiro bya Komine ya Mabanza.
>
> 4.17 Imirambo y'impunzi nyinshi z'Abatutsi bishwe mu bitero byagabwe ku biro bya Komine n'ahandi muri Komine ya Mabanza, yahambwe mu cyobo rusange hafi y'ibiro bya Komine ya Mabanza hagati y'itariki ya 9 Mata n'iya 30 Kamena 1994, Ignace Bagilishema abizi kandi yabyemeye.

Ingingo z'ababuranyi

764. Porokireri avuga ko abandi Batutsi bageze ku biro bya Komine nyuma y'uko impunzi zijya mu mugi wa Kibuye ku itariki ya 13 Mata 1994. Izo mpunzi zafungiwe mu nzu ya IGA no mu bindi byumba. Porokireri avuga ko Uregwa agomba kuryozwa iyicwa ry'izo mpunzi kandi ko yahagarikiye abantu bacukuye icyobo rusange imbere y'ibiro bya Komine cyahambwemo benshi mu bantu bishwe. Ashingiye kuri ibyo bikorwa, Porokireri ashinja Uregwa icyaha cya jenoside, icyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu[949].

---

[949] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, urup. 21, ibika 138-141; imp. 22, 23, ibika 144-149; urup. 8, ibika 60, 61; urup. 14, igika cya 97; urup. 16, igika cya 109; urup. 17, igika cya 116; urup. 28, igika cya 168;

765. Ubwunganizi buvuga ko impunzi zacumbikiwe mu mazu atandukanye y'ibiro bya Komine, ko nta na rimwe zigeze zifungirwa muri kasho. Buvuga ko, ibyo ari byo byose, Uregwa atigeze na rimwe yemerera Interahamwe kwinjira muri kasho nk'uko bivugwa na Porokireri. Ku byerekeranye n'icyobo rusange, Ubwunganizi bwemeza ko kuri iyo ngingo nta cyaha Uregwa yaryozwa kuko mu guhamba abantu bishwe n'Abakiga, Uregwa yakoze ibyo yagombaga gukora[950].

Isesengura

Umutangabuhamya wiswe AB

766. Umutangabuhamya ushinja wiswe AB avuga ko nyuma y'aho impunzi nyinshi zigiriye ku Kibuye, abandi bantu baje guhungira ku biro bya Komine, batemerewe kuguma mu mbuga y'ibiro bya Komine, ko ahubwo bafungiwe mu mazu atandukanye, harimo n'iya IGA. AB avuga ibintu byabaye kuri izo mpunzi zari zafunzwe. Ikintu cya mbere cyabaye ku itariki ya 15 Mata 1994, cyamaze gusesengurwa haruguru (reba akiciro ka V.4.2). AB yemeza ko yabonye abapolisi bitwaje intwaro, Uregwa n'Abakiga basohora Pasitoro Muganga, Hitimana n'umukobwa umwe bakabajyana. Bajyanywe ku kibuga cy'umupira w'amaguru baricwa[951].

urup. 30, igika cya 198; urup. 40, igika cya 260; Igisubizo cya Porokireri ku myanzuro isubiza y'Ubwunganizi, ibika 50, 54.

[950] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp. 56, 57, ibika 463-470; imp. 30 na 31, ibika 200-208; imp. 58, 59, ibika 484-493; Ibivugwa n'Ubwunganizi ku Gisubizo cya Porokireri ku Myanzuro isubiza, ibika 223-227.

[951] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, urup. 103-105.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

767. AB avuga kandi ko umunsi umwe, hagati y'itariki ya 15 n'iya 17 Mata 1994, Uregwa n'abapolisi bemereye abagabye ibitero kugera mu byumba impunzi zari zifungiyemo. Yashoboye kubona umuntu afungura umuryango w'icyumba cy'inzu ya IGA asohoramo impunzi. Uyu mutangabuhamya avuga ko atazi niba uwo muryango wari ufungishije urufunguzo cyangwa ingufuri[952]. Ari aho yari yihishe, umutangabuhamya nta muntu n'umwe yabonye yicwa, ariko yumvise amasasu avugira ku biro bya Komine. Ubuhamya yatanze mu Rukiko ntibwerekana neza igihe nyacyo yumviye ayo masasu. Avuga ko agereranije hishwe abantu 100, kandi ko nyuma yabonye abantu bajugunya imirambo mu cyobo rusange cyari imbere y'ibiro bya Komine[953].

768. AB avuga ko tingatinga y'Abashinwa yakoreshejwe mu gucukura icyobo imbere y'ibiro bya Komine (ku biti by'avoka). Interahamwe zigeze kuri 30 zambaye amashara, zashyize imirambo muri icyo cyobo. Bamubajije impamvu atekereza ko imwe muri iyo mirambo ari iy'abantu biciwe ku biro bya Komine, umutangabuhamya yashubije ati "impamvu mvuga ntyo, ni uko umunsi umwe twumvise amasasu menshi, kandi byaragaragaraga ko ayo masasu agomba kuba yaravugiraga ku biro bya Komine". Umutangabuhamya yongeyeho ko abantu batwaraga imirambo baturukaga inyuma y'ibiro bya Komine (kandi we yari yihishe imbere y'ibyo biro)[954].

769. Umutangabuhamya yongeraho ko nyuma y'intambara, yabwiwe ko ku byerekeranye "n'abantu bari ku biro bya Komine, … ari Bagilishema wategetse ko bafungura umuryango w'icyumba bari bafungiwemo"[955]. Uyu mutangabuhamya yemeza ko yumvise amasasu, ariko ko imirambo yabonye bayihamba nyuma y'iminsi ibiri.

---

[952] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 16 Ugushyingo 1999, urup. 109.
[953] Inyandikomvugo ry'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, urup. 110; i, 16 Ugushyingo 1999, imp. 108, 109.
[954] Inyandikomvugo y'iburansiha, 15 Ugushyingo 1999, urup. 110-113.
[955] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 16 Ugushyingo 1999, imp. 114-116.

770. Ubuhamya bwanditse uyu mugabo wiswe AB yahaye abapererezi ku itariki ya 22 Kamena 1999 bwuzuza ubwo yatanze mu Rukiko. Muri ubwo buhamya bwanditse agira ati ku itariki ya 15 Mata:

> « ... nabonye Interahamwe zigera ku biro bya Komine zizamuka zijya kuri kasho. Hashize iminsi ibiri, nabonye abantu bacukura icyobo bakoresheje tingatinga y'Abashinwa … Nyuma, nabonye Interahamwe zijugunya muri icyo cyobo imirambo y'abantu bari bafungiye muri kasho. Muri kasho hari nk'abantu 100, kandi bose ni ko batsembatsembwe. Byaravuzwe ko ari Burugumesitiri Bagilishema wafunguye kasho kugira ngo Interahamwe zishobore gukora ibyo bikorwa by'ubugome. Ibyo nabibwiwe n'uwitwa Nshimiyimana, wari umushoferi wa Burugumesitiri muri icyo gihe."[956].

Umutangabuhamya wiswe H

771. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umutangabuhamya ushinja wiswe H avuga ko impunzi zaje hashize igihe gito izindi nyinshi zimaze kugenda, zizeraga ko "zishobora kubonera umutekano ku biro bya Komine". Izo mpunzi, zose zari Abatutsi, zakomeje kuza "muri uko kwezi". Zaje "urusorongo"[957] kandi zose hamwe zari 50.

772. Uyu mutangabuhamya yongeraho ko izo mpunzi ziciwe ku kibuga cy'umupira kandi ko Uregwa agomba kuba yaramenye ko zishwe kuko ibiro bya Komine byakomeje gukora kandi "nta kintu cyashoboraga gukorwa cyangwa kubera muri komine, Burugumesitiri atakizi"[958]. Umutangabuhamya avuga ko abo bantu bicishijwe intwaro z'ubugi[959]. Avuga

[956] Ikimenyetso gihamya N° 3 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[957] Inyandikomvugo y'iburansiha, 19 Ugushyingo 1999, urup. 53.
[958] Ni kimwe no haruguru, urup. 55.
[959] Ni kimwe no haruguru, urup. 114.

ko yabonye ibyo bintu ari hafi y'umusigiti, ahantu umuntu yashoboraga kureba neza ikibuga cy'umupira[960].

Umutangabuhamya wiswe Z

773. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo ushinja wiswe Z avuga ko ku itariki ya 13 Mata 1994 mu gitondo, ubwicanyi bwatangiye mu duce dukikije ku Gitikinini. Abakiga bari baturutse i Mushubati na Gihara "baje bahiga Abatutsi, bica Abatutsi bose bahuye na bo mu nzira, ndetse babakurikirana mu bihuru no mu mirima y'amasaka. Bishe abantu benshi aho banyuraga hose, cyane cyane hafi ya Paruwasi ya Rubengera n'ibiro bya Komine"[961]. Umutangabuhamya avuga ko yabonye imirambo ibarirwa hagati ya 40 na 60 ku muhanda hagati ya Paruwasi ya Rubengera n'ibiro bya komine.

774. Uyu mutangabuhamya avuga ko Uregwa yageze ku Gitikinini uwo munsi ku gicamunsi. Abonye iyo mirambo myinshi, yohereje abapolisi gushaka tingatinga mu kigo cy'Abashinwa kugira ngo bayihambe. Uyu mutangabuhamya avuga ko tingatinga yahageze hashize iminota mike nuko icyobo gicukurwa imbere y'ibiro bya Komine, hafi y'aho ibendera rimanikwa, ahantu hari ibiti by'avoka[962]. Avuga ko abanyuze aho bose bategetswe kuza kujugunya imirambo muri icyo cyobo nyuma kiratabwa. Iyo mirambo bari bayikuye hagati yo ku Gitikinini n'ibiro bya Komine. Uyu mutangabuhamya ntiyashoboye gutanga ikigereranyo cy'umubare w'iyo mirambo[963]. Mu buhamya bwanditse yahaye abapererezi ku itariki ya 18 Nzeri 1999, uyu mugabo yemeza ko Uregwa yategetse abaturage guhamba abantu bishwe n'Abakiga kandi ko nta cyobo rusange cyacukuwe[964].

---

[960] Ni kimwe no haruguru.
[961] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, imp. 21, 22.
[962] Ni kimwe no haruguru, urup. 29.
[963] Ni kimwe no haruguru, urup. 30.
[964] Reba ikimenyetso gihamya N° 65 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

775. Nk'uko bivugwa haruguru (reba akiciro ka V. 4.2), mu buhamya bwe mu Rukiko, uyu mugabo wiswe Z avuga ko ku itariki ya 14 Mata 1994, we n'abandi bantu bafashe Pasitoro Muganga asohotse muri kasho ya Komine bajya kumwicira ku kibuga cy'umupira w'amaguru, aho ngo bahasanze imirambo 20, imwe muri iyo yambuwe imyenda. Asobanura ko atazi ahantu iyo mirambo yari yaturutse[965].

Umutangabuhamya wiswe AS

776. Umutangabuhamya ushinjura wiswe AS avuga ko nijoro, we n'abandi bantu bavanye umurambo wa Pasitoro Muganga ku kibuga cy'umupira w'amaguru. Yongeraho ko agereranije hafi aho hari indi mirambo igera ku icumi[966].

Umutangabuhamya wiswe AA

777. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umutangabuhamya wiswe AA avuga ko yabonye imirambo y'abantu bari mu bigero bitandukanye hafi ya bariyeri yo kuri Trafipro, ariko ntavuga itariki nyayo yayiboneyeho. Avuga ko asanga yari imirambo y'impunzi "zaje zikerewe ntizashobora kujya ku Kibuye maze zicirwa aho"[967]. N'ubwo yemera ko atabaze iyo mirambo, agira ati: "nayibonaga ku muhanda n'aho bari bayirunze, hafi y'ibiro bya Komine"[968]. Uyu mutangabuhamya avuga ko yabonye "abantu bajyana iyo mirambo ku cyobo cyari cyacukuwe hafi y'ikibuga cy'umupira"[969]. Asobanura ko, agereranije, yabonye nk'imirambo 30 hafi y'ibiro bya Komine mu gihe bariyeri yo kuri Trafipro yakoraga. Yongeraho ko nta n'umwe muri abo bantu yigeze abona yicwa.

---

[965] Reba inyandikomvugo z'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 51; 9 Gashyantare 2000, urup. 142.
[966] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mata 2000, imp. 33, 34; na 113-115.
[967] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 72.
[968] Ni kimwe no haruguru, urup. 75.
[969] Ni kimwe no haruguru, urup. 74.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Uregwa

778. Uregwa ahakana ko hari abantu baba barafungiwe muri kasho ya Komine. Amaze gusobanura ko icyo yari agamije kwari ari ukurinda abaturage, yemeza ibi bikurikira: "Twagerageje gucumbikira impunzi ahantu hose twashoboraga kubona, twafunguye imiryango yose ariko ntitwigeze na rimwe tubafunga"[970]. Anemeza ko muri icyo gihe nta mfungwa n'imwe yari ku biro bya Komine, kuko abantu bose bari bafunzwe mbere y'imvururu bahise bimurirwa mu mugi ku Kibuye[971].

779. Uregwa avuga ko itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994, Abakiga bavumbuye abantu benshi bari bihishe maze bakabica. Yemeza ko Abakiga bamaze kugenda ku itariki ya 13 Mata 1994, yasanze imirambo irindwi cyangwa umunani ku biro bya Komine. Yohereje umushoferi "ku Bashinwa" gusaba tingatinga yo kumufasha guhamba imirambo "yari itangiye kubora"[972]. Icyobo rusange cyacukuwe imbere y'ibiro bya Komine hagati y'ibiti bibiri bya avoka. Uregwa asobanura muri aya magambo impamvu aho hantu ari ho hatoranyijwe: "Ntitwari dufite uburenganzira bwo gukora ku masambu y'abaturage " kandi "aho ni ho honyine twari dufite mu isambu ya Komine"[973].

780. Mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa avuga kandi ko ku itariki ya 14 Mata Abakiga bavumbuye izindi mpunzi zari zihishe. Izo mpunzi zagerageje guhungira ku isoko ry'i Kibirizi ariko "zifatirwa ahagana ku kibuga cy'umupira w'amaguru maze zicirwa aho. Hishwe abantu umunani, barimo na Muganga"[974]. Iyo mirambo umunani, harimo n'uwa Pasitoro Muganga, bayisanze ku kibuga cy'umupira w'amaguru. Abakiga bamaze kugenda, Uregwa yasabye abantu gutwara imirambo ya bene wabo. Mu Rukiko, Uregwa yavuze ko ko atagize ubutwari bwo kureba iyo mirambo ngo amenye abapfuye abo ari

[970] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 150.
[971] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 248.
[972] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 151.
[973] Ni kimwe no haruguru, urup. 152.
[974] Ni kimwe no haruguru, urup. 145.

bo, akaba ari yo mpamvu yasabye abapolisi n'abagize komite ya serire gufasha guhamba iyo mirambo. Imirambo itarajyanywe na bene wabo b'abapfuye yahambwe hafi y'ikibuga cy'umupira w'amaguru[975].

Umupererezi witwa Allagouma

781. Uyu mupererezi wo mu Biro bya Porokireri yabonye ibyobo rusange byahambwemo imirambo hafi y'ibiro bya Komine ya Mabanza. Ntiyamenye aho ibyo byobo rusange biherereye kubera ko yabishakishije cyangwa ngo abitaburure ahubwo yabibwiwe n'abantu yabajije mu iperereza. Avuga ko buri hose muri aha hantu hakurikira yahabonye icyobo rusange: imbere y'ibiro bya Komine, munsi y'amacumbi mashya y'abapolisi ari ku ruhande rumwe rw'ibiro bya Komine, hafi y'ikibuga cy'umupira w'amaguru cya Rubengera no mu cyobo cy'umusarani kiri mu isambu y'uwitwa Hitimana[976]. Porokireri yatanze ibimenyesho gihamya byinshi byerekana ahantu hari ibyobo rusange byacukuwe muri icyo gihe, harimo no ku biro bya Komine[977]. Urugereko rusanga mu gika cya 4.16 n'icya 4.17 by'Inyandiko y'ibirego havugwamo gusa "icyobo rusange" kiri mu mbuga y'ibiro bya Komine.

<u>Imyanzuro y'Urugereko</u>

782. Umutangabuhamya wiswe AB ni we wenyine uvuga iby'abantu 100 (ari wo mubare uvugwa mu gika cya 4.15 cy'Inyandiko y'ibirego) biciwe ku biro bya Komine nyuma y'uko impunzi nyinshi zigenda. Umutangabuhamya wiswe H avuga ko abantu 50 bageze ku biro bya Komine ku itariki ya 13 Mata 1994 cyangwa nyuma yaho. Uregwa avuga ko

[975] Ni kimwe no haruguru, urup. 154.
[976] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 28 Ukwakira 1999, imp. 20-143.
[977] Reba Ibimenyetso gihamya N° 13, 38 b)-d); 39 c)- e), 41 a)- c), 42 b) na c), 43 a)- c) byatanzwe na Porokireri.

abantu umunani bavumbuwe bakanicirwa hafi y'ibiro bya Komine ku itariki ya 13 Mata 1994 naho abandi umunani bakicwa bukeye bw'aho.

783. N'ubwo bigaragara ko ibivugwa bitandukanye, bisa n'ibigaragara ko impunzi zakomeje kuza ku biro bya Komine nyuma y'uko izindi nyinshi ziva kuri Komine ku itariki ya 13 Mata 1994 kare mu gitondo.

784. Uregwa yemera ko hari impunzi zashyizwe mu cyumba kinini cy'ibiro bya Komine no mu nzu ya IGA ariko agasobanura ko nta muryango n'umwe wari ufunze. Naho umutangabuhamya wiswe AB we yemeza ko impunzi zafungiranywe mu byumba by'inzu ya IGA. Cyakora, mu ibaza rinyomoza, uyu mutangabuhamya yemeye ko atazi niba icyumba yabonye zimwe muri izo mpunzi zisohokamo cyari gifunze cyangwa kidafunze.

785. Ubundi buhamya rukumbi buvuga ko abantu bari bafungiye ku biro bya Komine ni ubwerekeye iyicwa rya Pasitoro Muganga (reba akiciro ka V.4.2). Cyakora no kuri iyi ngingo, ubuhamya bw'abagabo bashinja ntibuhura. AB avuga ko Muganga bamuvanye mu cyumba cy'inzu ya IGA naho O na Z bakemeza ko nyakwigendera yari afungiye muri kasho ya Komine.

786. Umutangabuhamya wiswe AB ni we wenyine uvuga ko yabonye Uregwa n'abapolisi bafasha abagabye igitero kugera mu byumba by'inzu ya IGA byari bifungiwemo Abatutsi. Cyakora mu ibaza rinyomoza, byaragaragaye ko AB atiboneye ubwe Uregwa afungura umuryango ko ahubwo yabyumvanye umushoferi w'Uregwa. Ubwo buhamya bwe, bushingiye ku nkuru mbarirano kandi ntibufite ubundi bubushyigikira. Urugereko ruributsa ko rufite amakenga ku ukwizerwa kwa AB[978]. Ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego ko Uregwa yatumye Interahamwe zishobora kwinjira mu mazu y'ibiro bya Komine ntibyagaragajwe ku buryo budashidikanywaho. Porokireri ntiyanagaragaje ibyo yemeza,

[978] Reba na none, utwiciro V.2.5, V.2.6, V.3.1, na V4.1.

ashingiye ku bimaze kuvugwa, ko Interahamwe zakoreye ibikorwa by'urugaraguro kandi zikica Abatutsi bari bihishe aho hantu.

787. Ku byerekeye ibivugwa ko hari abantu biciwe ku biro bya Komine cyangwa hafi yaho, ibimenyetso byatanzwe imbere y'Urugereko ntibishinja Uregwa. Nta mutangabuhamya wamubonye aho hantu igihe ubwicanyi bwakorerwaga. Abatangabuhamya biswe AB na AA ntibavuga na rimwe ko baba barabonye hari ubwicanyi bukorerwa ku biro bya Komine cyangwa hafi yaho hagati y'amatariki ya 15 n'iya 17 Mata 1994. Umutangabuhamya wiswe Z ni we wenyine uvuga ko Uregwa hari aho ahuriye n'ibintu bivugwa haruguru. Mu byo avuga, harimo ko Uregwa yaje ku gicamunsi cyo ku itariki ya 13 Mata 1994, ariko bigaragara ko ari nyuma y'uko ubwicanyi buba.

788. Ibimenyetso byatanzwe byerekeranye n'abakoze ubwo bwicanyi bigerwa ku mashyi. Umutangabuhamya wiswe Z n'Uregwa bemeza ko impunzi zishwe n'Abakiga. Ntihagaragajwe ko Uregwa cyangwa umwe mu bantu yategekaga bari mu bakoze ubwo bwicanyi.

789. Hagaragajwe ko Uregwa yacukuje icyobo rusange hanze y'ibiro bya Komine, maze kigahambwamo imirambo itari hasi y'umunani yari iri hagati y'ibiro bya Komine no ku Gitikinini. Urugereko rusanga guhamba abantu mu cyobo rusange byonyine bitatuma umuntu aryozwa icyaha icyo ari cyo cyose. Cyakora, AB we avuga ko Interahamwe zambaye amashara (birashoboka ko bari Abakiga) zagize uruhare muri uko icyo gikorwa cyo guhamba, zibitegetswe n'Uregwa. Ibyo byatuma umuntu atekereza ko Uregwa ashobora kuba yaragenzuraga agatsiko k'abo bantu bashobora kuba bari mu bitero. Ariko na none, nta wakwizera cyane ibi bintu bivugwa na AB. Ibyo avuga bitandukanye n'ibiri mu buhamya bwa Z wavugiye mu Rukiko ko ibyo bintu byakozwe "n'abaturage bo ku Gitikinini"[979]. Umuntu ndetse yaba afite ukuri yibajije niba AB yarabonye koko iyo mirambo ihambwa mu cyobo rusange. Avuga ko byabaye iminsi ibiri nyuma y'uko

[979] Ikimenyetso gihamya N° 65 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

yumvise amasasu avugira ku biro bya Komine, ni ukuvuga iminsi irenze ine nyuma y'amatariki atangwa n'Uregwa n'umutangabuhamya wiswe Z. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanga ibivugwa mu gika cya 4.16 n'icya 4.17 by'Inyandiko y'ibirego bitaratangiwe gihamya.

790. Naho ikibazo cyo kumenya niba Uregwa, nka burugumesitiri, yarafashe ingamba za ngombwa kandi zikwiye kugira ngo arengere impunzi zaje nyuma y'uko izindi nyinshi zigenda, Porokireri ntiyigeze akibyutsa. Cyakora, Urugereko rurashingira ku bimenyetso byasuzumwe mu bice bitandukanye by'iki cyiciro bigaragaza ko Komine ya Mabanza yatewe n'Abakiga, ku matariki ya 13 na 14 Mata 1994 cyangwa mbere y'aho[980]. Hashingiwe kuri ibyo bimenyetso byose, umuntu yabona ko Uregwa atagenzuraga bisesuye umutekano muri Komine ya Mabanza muri icyo gihe kivugwa. Porokireri kandi nta cyo avuga ku kibazo cyo kumenya niba Uregwa yaragombaga gushakisha no guhana abakoze ibyo byaha by'ubugome.

791. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanze ibirego bya jenoside, kuba icyitso cy'abakoze jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu bishinjwa Uregwa hashingiwe ku byabaye bivugwa kuva mu gika cya 4.15 kugera ku cya 4.17 cy'Inyandiko y'ibirego, nta shingiro bifite.

4.4 Ibitero byo mu Bisesero

Inyandiko y'ibirego

792. Porokireri avuga ko ahagana mu mpera za Mata 1994, Abatutsi benshi bari barahungiye mu misozi ya Bisesero bagabweho ibitero. Mu Nyandiko y'ibirego havugwa ko Uregwa yashyigikiye ibitero byagabwe ku mpunzi zari mu Bisesero, bigahitana izibarirwa mu bihumbi. Igika cya 4.30 cy'Inyandiko y'ibirego kigira kiti:

> "Muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, Ignace Bagilishema, afatanyije n'abandi bantu barimo Clément Kayishema, Célestin Semanza, Apollinaire Nsengimana, Emile Nzanana na Munyampundu, yazanye mu karere ka Bisesero abantu bitwaje intwaro, barimo abajandarume, abapolisi ba Komine n'Interahamwe zitwaraga gisirikare, babategeka gutera abantu bari bahahungiye. Byongeye kandi, Ignace Bagilishema ubwe yateye kandi yica abantu bari bahungiye ku musozi wa Gitwa, mu karere ka Bisesero."

Ingingo z'ababuranyi

793. Ashingiye ku buhamya bwatanzwe mu Rukiko, Porokireri avuga ko umushoferi wa Komine ya Mabanza yatwaye abantu bagiye gutera mu Bisesero kugira ngo bice impunzi zariyo. Ubwo buhamya kandi buvuga ko Uregwa yari mu nama abasore bafite ingufu bashishikarijwemo kujya mu Bisesero gutera impunzi zariyo. Undi mutangabuhamya avuga ko mu mpera za Mata 1994, yumvise Interahamwe zigamba ibyo zakoreye mu Bisesero. Porokireri anemeza ko Abakiga batangiye kwiba amatungo y'Abahutu muri Mabanza, Uregwa yabategetse kujya mu Bisesero gufasha abantu bari yo barwana n'Abatutsi. Na none, Porokireri ashingira ku buhamya bwatanzwe mu Rukiko n'umugabo wemeza ko yabonye amabisi abiri anyura muri segiteri ye yuzuye abantu bagabye igitero, nyuma akaza kumenya ko bari bagiye mu Bisesero. Porokireri anavuga ko Uregwa yahagarikiye itangwa ry'intwaro n'amasasu byahawe Abakiga, Interahamwe, abashinzwe umutekano n'abandi basiviri b'Abahutu biteguraga kujya mu bitero mu Bisesero. Ashingiye kuri ibyo bikorwa, Porokireri ashinja Uregwa jenoside, kuba icyitso cy'abakoze jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu[981].

---

[980] Reba na none utwiciro IV.4.7, IV.5.2 na V.3.1-V.3.4.

[981] Nk'urugero, reba imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, urup. 11, igika cya 83; imp. 35 na 36, ibika 232-238; urup. 13, igika cya 94; urup. 14, igika cya 97; urup. 22, ibika 143 -145; urup. 27, igika cya 177 n'urup. 37, igika cya 246; Igisubizo cya Porokireri ku Myanzuro isubiza y'Ubwunganizi, ibika 12, 17.

794. Ubwunganizi bwemeza ko nta mutangubuhamya ushinja n'umwe wiboneye ubwe ibyabereye mu Bisesero. Abatangabuhamya bavuze ibyerekeranye na Bisesero bavuga ko bumvise Interahamwe zigamba ko zahakoreye ibikorwa by'ubugome, ko babonye amabisi ajyana Interahamwe mu Bisesero, ko bumvise Uregwa ashishikariza Abakiga cyangwa abaturage kujya mu Bisesero. Ubwunganizi buvuga ko Porokireri nta kimenyetso yatanze kigaragaza ko muri abo bantu hari ababa baragiye koko mu Bisesero, cyangwa ko hari icyo bahakoreye. Nta kimenyetso cyatanzwe cyerekana ko hari ibyaha by'ubugome byaba byarakorewe aho hantu. Kubera iyo mpamvu, ibivugwa ku byerekeranye na Bisesero ntibigomba kwakirwa kubera ko bitatangiwe ibimenyetso[982].

Isesengura

Abatangabuhamya

795. Mu buhamya bwe mu Rukiko, umugabo w'Umuhutu wishwe H avuga ko nyuma y'uko impunzi zijya ku Kibuye (reba akiciro ka V.3.1) na nyuma y'igitero cyagabwe kuri Karungu cyakurikiyeho (reba akiciro ka V.4.1.) Abakiga bavuye muri Komine ya Mabanza. Umutangabuhamya wiswe H yongeraho ati:

> "Abakiga bavuye muri Komine ya Mabanza kuko Burugumesitiri Bagirishema yakoresheje inama kuri Segiteri ya Rubengera akabwira Abakiga ngo bakomeze bajye mu Bisesero gufasha Abahutu barwanaga n'Abatutsi. Ariko impamvu nyakuri yohereje abo Bakiga ahongaho, ni ukubera ko Abakiga bari batangiye kurya amatungo y'Abahutu bene wabo, Abahutu bo muri Komine ya Mabanza bakaba bari batangiye kwinuba. Nuko Burugumesitiri abasaba kuva muri Komine ye"[983]

---

[982] Nk'urugero, reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, urup. 27, igika 172-174; Ibivugwa n'Ubwunganizi ku Gisubizo cya Porokireri ku Myanzuro yabwo isubiza, ibika 121-126.
[983] Inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ugushyingo 1999, urup. 51.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Umutangabuhamya yemeza ko yari muri iyo nama.

796. Ku itariki ya 13 Mata 1994, umutangabuhamya wiswe A, wari ufite imyaka 16 icyo gihe, yavuye ku biro bya Komine ajya ku Kibuye ari kumwe n'izindi mpunzi. Yarokotse igitero cyagabwe kuri izo mpunzi muri sitade. Uyu mutangabuhamya wiswe A yamaze iminsi mike yihishe mu ishyamba ku gasozi ka Gatwaro, hanyuma agaruka muri Mabanza, ahungira mu rugo rwa Nshimyimana wari umushoferi wa Komine. Nshimyimana yamuhaye ibiryo bike ariko yanga kumuhisha. Yamubwiye ko "agiye gutwara abantu bo kujya gukora ubwicanyi mu Bisesero". Umutangabuhamya yahise agenda. Nyuma kuri uwo munsi nyine, ari aho yari yihishe mu ishyamba, yabonye imodoka ya Komine irimo Interahamwe. Abisobanura muri aya magambo: "Imodoka yaganaga mu muhanda wa Kibuye kandi ni wo muhanda ujya mu Bisesero"[984].

797. Umutangabuhamya wiswe O yabanje guhungira ku biro bya Komine ku itariki ya 9 Mata 1994, hashize igihe gito ahungira mu mirima y'amasaka muri Mabanza. Umunsi umwe, muri Mata, saa tatu za mu gitondo, ahitwa Mukunyenyi habereye inama y'abaturage. N'ubwo atari muri iyo nama ndetse ntanabone irema, uyu mutangabuhamya yashoboye kumva ibyavugiwemo. Iyo nama yayobowe na Semanza wari umufasha w'Uregwa. Avugira muri mikoro, Semanza yerekanye Burugumesitiri amwereka abaje mu nama. Umutangabuhamya yibuka ko yumvise Uregwa avuga ngo: "Abatutsi bari bafite umugambi wo kwica Abahutu baratahuwe kandi umwanzi aho ari hose azicwa". Nyuma, Munyampundu bari berekanye bavuga ko ari umudepite, yashishikarije abari mu nama gushakisha no kwica Abatutsi. Yasabye "abasore bose bafite ingufu guhurira ku biro bya Komine bukeye kugira ngo bajye mu Bisesero"[985]. Bukeye, O yabonye abantu bateranira ku biro bya Komine. Baciye imbere y'aho yari yishe, yumva bavuga aho bagiye, ari ho mu Bisesero[986].

---

[984] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, urup. 72.
[985] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Ugushyingo 1999, imp. 51, 52.
[986] Ni kimwe no haruguru, urup. 131.

798. Urugereko rusanga mu buhamya bwanditse yahaye abapererezi ku itariki ya 23 n'iya 24 Gashyantare 1998, umugabo wiswe O asobanura ibyabaye bukeye mu gitondo iyo nama yaraye ibaye:

> "Bukeye mu gitondo, nabonye ikivunge cy'abantu gihita, abo bantu barariimbaga ngo "tubatsembatsembe". Abo baturage bari baturutse muri Ramba na muri Rutsiro bakaba baraganaga ku biro bya Komine ya Mabanza aho nabonaga imodoka nyinshi… Nari nzi ko izo modoka zari zavuye ku Kibuye. Bamwe muri abo bantu kandi bavugaga basakuza ko ari Munyampundu wabatumiye. *Nyuma sinamenye ibyakozwe n'abo bantu bari bateraniye ku biro bya Komine."*[987] [Ntibyanditse muri uyu mukono uberamye mu nyandiko y'umwimerere]."

799. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo wiswe Z avuga ko igihe yari kuri bariyeri yo kuri Trafipro muri Gicurasi 1994, hari ubwo Eliezer Niyitegeka na Cyprien Munyampundu bacaga imbere y'iyo bariyeri bajya ku biro bya Burugumesitiri[988]. Uyu mutangabuhamya avuga ko hari ubwo Niyitegeka yazanye intwaro mu modoka maze Uregwa ategeka abantu bari aho guzipakurura bakazishyira mu biro bye. Muri izo ntwaro harimo isanduku y'amagerenade. Bukeye, Uregwa n'umufasha we Célestin Semanza, icyo gihe wari ucumbikiye abantu benshi bajyaga mu bitero, batangiye guha Abakiga intwaro. Z avuga ko izo ntwaro zatanzwe ahari kandi ko yahawe gerenade eshatu. Yongeraho ko yazijyanye kuri bariyeri, n'ubwo Burugumesitiri yari yategetse abari bahawe intwaro guhita bajya mu Bisesero kwica Abatutsi bari bahateraniye. Umutangabuhamya wiswe Z ntiyashoboye kwemeza niba icyo gihe Uregwa nawe ubwe yaragiye mu Bisesero[989].

---

[987] Ikimenyetso gihamya N° 62 cyatanzwe na Porokireri.
[988] Umutangabuhamya yatekerezaga ko Niyitegeka yari Minisitiri w'Itangazamakuru naho Munyampundu akaba Umunyamabanga w'Inteko Ishinga Amategeko.
[989] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, imp. 96 na 97.

800. Mu buhamya bwanditse yahaye abapererezi ku itariki ya 18 Nzeri 1999, umugabo wiswe Z avuga ko Uregwa, umukonseye witwa Daniel, Apollinaire wari umufasha wa burugumesitiri, n'uwitwa Ntirugaya ari bo bahaye intwaro Abakiga. Urugereko rusanga muri ubwo buhamya uyu mugabo atavuga izina rya Semanza nawe wari umufasha wa burugumesitiri, ariko ntiyabajijwe impamvu atarivuze[990].

801. Hari abandi batangabuhamya batatu batanze ibisobanuro bike ku bintu byabaye mu Bisesero: umutangabuhamya wiswe AB avuga ko ari ahantu yari yihishe hafi y'umuhanda mu mpera za Mata, yumvise Interahamwe "zigamba ibyo zakoze mu Bisesero …"[991]. Umutangabuhamya ushinjura wiswe BE avuga ko ahagana ku itariki ya 13 Mata 1994, yumvise ko amabisi abiri yari yuzuye abantu aturutse ku Gisenyi yaciye muri Komine ya Mabanza agana mu Bisesero. Asobanura ko, nk'uko abizi, ayo mabisi atahagaze ku biro bya Komine maze akongeraho ko atabonye Uregwa ayarimo[992]. Umutangabuhamya wiswe AC akomoza ku "mirwano yo mu Bisesero" yiboneye ubwe, ariko ntatanga ikimenyetso cyerekeranye n'ibyo bintu[993].

Uregwa

802. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, Uregwa ahakana ko yagiye mu Bisesero muri icyo gihe kivugwa. Ashingiye kuri ajenda ye no ku gitabo cyandikwamo amabaruwa yoherejwe n'ayakiriwe na komine, avuga ko nta na hamwe biragaragara ko yaba yarigeze ajya mu Bisesero. Ku byerekeranye n'agasozi ka Gitwa kavugwa mu gika cya 4.30 cy'Inyandiko y'ibirego (reba haruguru), avuga ko atigeze ahajya ndetse ko atari anahazi. Ahakana ibimuvugwaho byose ngo yaba yarakoreye mu Bisesero. Ahubwo yemeza ko yagerageje kubuza ibitero kunyura muri Mabanza no kurengera abaturage ba Komine ye. Kuri iyo

[990] Reba ikimenyetso gihamya N° 65 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[991] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, urup. 118.
[992] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 27 Mata 2000, imp. 83-85.
[993] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, urup. 70.

ngingo, Uregwa asobanura ko ku itariki ya 23 Kamena 1994, bisi yuzuye Interahamwe yaturutse ku Gisenyi yerekeza mu Bisesero, maze igahagarara muri Mabanza kugira ngo abayirimo "bahakorere ibikorwa by'ubugizi bwa nabi". Yemeza ko ku itariki ya 24 Kamena 1994, yandikiye perefe amusaba ko yahagarika ubwo bugizi bwa nabi Interahamwe zakoreraga muri Mabanza[994].

803. Ku bimuvugwaho ko yatanze intwaro yari yazanywe na Munyampundu na Niyitegeka, Uregwa yemeza ko igihe ibivugwa byabaga, atekereza ko Munyampundu atari ari mu Rwanda. Agira ati "iyo Niyitegeka wari muri MDR azana intwaro muri Mabanza, ntiyagombaga kuzimpa kuko tutavugaga rumwe. Yari kuziha umuntu wo mu ishyaka rye …Semanza"[995]. Cyakora, Uregwa yibuka ko yatije Paruwasi za Mushubati na Rubengera intwaro ebyiri zo guha abarezerivisite bari bashinzwe kurinda abaturage bari aho hantu.

Imyanzuro y'Urugereko

804. Urugereko ruributsa ko ubukemuramanza bwashyizweho mbere bugaragaza ko Abatutsi benshi batewe kandi bakicirwa mu Bisesero mu mwaka wa 1994. Aha ruvuga ibikubiye mu bika 405-472 by'Inyandiko y'urubanza rwa Kayishema na Ruzindana mu rw'iremezo, no mu bika 362-497 na 649-796 by'Inyandiko y'urubanza rwa Musema mu rw'iremezo. Kubera iyo mpamvu, ikibazo kigibwaho impaka muri uru rubanza ni uruhare Uregwa yaba yaragize muri ibyo bitero.

805. Mu nteruro ya nyuma y'igika cya 4.30 cy'Inyandiko y'ibirego, havugwamo ko Uregwa ubwe yateye kandi akica abantu bari bahungiye ku gasozi ka Gitwa mu karere ka Bisesero. Mu bagabo batanze ubuhamya mu Rukiko, nta n'umwe muri bo wabonye

[994] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, urup. 99.
[995] Ni kimwe no haruguru, imp. 189,190.

Uregwa mu Bisesero cyangwa waba uzi niba yari ahari. Kubera ko Porokireri nta bimenyetso yatanze ku birebana n'iki kirego, Uregwa agomba guhanagurwaho iki cyaha.

806. Mu nteruro ya mbere y'igika cya 4.30 cy'Inyandiko y'ibirego, havugwamo ko Uregwa afatanije n'abandi bantu, harimo batanu bavugwa amazina, yajyanye mu karere ka Bisesero abantu bitwaje intwaro, maze akabategeka gutera impunzi zari zihari. Nta kimenyetso na kimwe gihamya ko hari umuntu Uregwa yaba yarajyanye ubwe mu Bisesero.

807. Cyakora, Porokireri yatanze ibimenyetso agamije kwerekana ko Uregwa yategetse abantu kujya mu Bisesero gutera impunzi zariyo. By'umwihariko, abatangabuhamya biswe H, O na Z bavuga ko Uregwa yategetse Abahutu kujya mu Bisesero, cyangwa ko yari ahari igihe bababwiraga kujyayo. Umutangabuhamya wiswe H avuga ibyerekeranye n'inama yagiyemo muri Segiteri ya Rubengera. Asobanura ko muri iyo nama, Uregwa yategetse Abakiga kujya ku Kibuye. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umutangabuhamya wiswe O avuga ko yumvise amagambo yavuzwe n'abantu bari mu nama yabereye i Mukunyenyi yarimo Uregwa, Semanza na Munyampundu. Umutangabuhamya wiswe Z we avuga ko Uregwa yatanze intwaro akanategeka ko Abatutsi bari mu Bisesero bicwa.

808. Ubuhamya bw'aba bagabo bwerekeranye n'ibikorwa bitandukanye. Kugira ngo Uregwa ahamwe n'icyaha hashingiwe ku bikorwa bivugwa mu gika cya 4.30 cy'Inyandiko y'ibirego, Porokireri agomba kwerekana ko Abatutsi batewe mu Bisesero n'abantu bari babitegetswe n'Uregwa. Ahangaha Urugereko rusanga Porokireri atarega Uregwa ibyaha byo guhamagarira abantu ku mugaragaro, kandi ku buryo butaziguye, gukora jenoside ndetse nta murega icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside. Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo ko Uregwa "yazanye" abantu "akabategeka" gutera, ariko Porokireri ntatanga ibimenyetso bihagije bishyigikira ibyo avuga.

809. Umutangabuhamya wiswe O avuga ko yamenye ko hari inama yabaye maze muri iyo nama Uregwa agasaba abantu gushakisha umwanzi. Yongeraho ko yumvise na

Munyampundu atanga amabwiriza kugira ngo abasore bafite imbaraga bahurire ku biro bya Komine bukeye bwaho. Ariko mu by'ukuri, nta kintu na kimwe umutangabuhamya wiswe O yiboneye ku byerekeranye n'iyo nama, kuko avuga gusa ibyo yumvise. Yashoboye kumenya abafashe ijambo kubera ko babanje kuberekana mbere y'uko bavuga ijambo. Cyakora, mu buhamya bwe nta na hamwe avuga ko Semanza yeretswe abaturage. Bityo, umuntu akaba atakwizera neza ko uyu mugabo yashoboye kumenya Semanza uwo ari we. Urugereko rusanga byari biruhije ko umutangabuhamya wiswe O ashobora kumenya, adashidikanya, ko ari Semanza wavugaga kuko atabonaga ibyaberaga aho hantu, keretse iyo aza kuba asanzwe azi ijwi rye neza cyane. Umutangabuhamya wiswe O avuga kandi ko inama yaraye ibaye, yumvise abantu bari ku biro bya Komine baganira, bavuga ko bafite umugambi wo kujya mu Bisesero. Nyamara mu buhamya bwanditse yatanze mu mwaka wa 1998, nta na hamwe avuga ibyerekeranye na Bisesero. Mu by'ukuri, avuga ko yari azi impamvu bari bakoraniye ku biro bya Komine. Ibyo ari byo byose, nta kimenyetso kigaragaraza ko abo bantu bagiye koko mu Bisesero. Bityo rero, ubuhamya bwe ntibwemeza, nta gushidikanya, ibivugwa.

810. Umutangabuhamya wiswe H yemeza ko n'ubwo Uregwa yasabye Abakiga kujya mu Bisesero gufasha Abahutu kurwanya Abatutsi, icyo yari agamije kwari ukugira ngo Abakiga bave muri Komine kuko abantu bo muri Mabanza bari babarakariye kubera ko bibaga ndetse bakarya amatungo yabo. Byongeye kandi, nta cyemeza ko hari umuntu n'umwe mu Bakiga bari muri iyo nama waba waragiye koko mu Bisesero. Kubera iyo mpamvu, ubuhamya umugabo wiswe H yatanze mu Rukiko ntibwemeza, nta gushidikanya, ibivugwa.

811. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko Nshimyimana, wari umushoferi wa Komine, yavuze ko agiye kujyana abantu bagiye gutera mu Bisesero, ariko kuri iyo ngingo ntacyo avuga cyerekeranye n'Uregwa. Kuba nyuma uyu mutangabuhamya yarabonye imodoka ya Komine itwaye Interahamwe ihita mu muhanda ujya mu Bisesero ntibyemeza, nta gushidikanya, ibivugwa kuko uwo muhanda ari na wo ujya ku Kibuye. Nta kindi

kimenyetso gihamya ko iyo modoka cyangwa abantu bari bayirimo bagiye koko mu Bisesero.

812. N'ubwo umutangabuhamya wiswe Z avuga ko hari abantu Uregwa yahaye intwaro akabategeka kujya mu Bisesero, nta kimenyetso kigaragaza ko hari uwaba warakurikije iryo tegeko. Ahubwo umutangabuhamya wiswe Z yemeza ko, ubwo intwaro zatangwaga, nawe yahawe gerenade eshatu, ariko akaguma muri Mabanza. Ubuhamya bwatanzwe n'abagabo biswe AB, AC na BE ntibuhagije kugira ngo hemezwe ko abantu Uregwa yahaye amabwiriza bakoreye ibyaha by'ubugome mu Bisesero. Byongeye kandi, umutangabuhamya wiswe AC, akaba ari we wenyine wabonye "intambara yo mu Bisesero", nta muntu avuga wari muri iyo ntambara waturutse muri Mabanza.

Umwanzuro w'Urugereko

813. Kubera impamvu zivugwa haruguru, Urugereko rusanga hatagaragajwe, ku buryo budashidikanywaho, ko ku byerekeranye n'ibitero byibasiye impunzi zo mu Bisesero, hari icyaha cy'ubugome giteganywa na Sitati y'Urukiko Uregwa yaba yarakoze.

4.5 Iyicwa rya Kanyabugosi

814. Kanyabugosi ni Umututsi wiciwe muri Mabanza muri Gicurasi 1994[996]. Ibyo bivugwa na Porokireri mu gika cya 4.12 n'icya 4.13 by'Inyandiko y'ibirego byanditse haruguru (reba akiciro ka V.4.1).

[996] Izina ry'ikinyarwanda ry'uyu muntu wakorewe icyaha rivugwa ku bundi buryo butatu: "Kanyabugozi", "Kanyabugoyi" na "Kanyamugozi". Urugereko ntirwamenyeshejwe izina rye ry'idini. Muri uru rubanza, basobanuye ko yahoze ari umushoferi wa Jenerali Roméo Dallaire, Umukuru w'Ingabo za MINUAR.

Ingingo z'ababuranyi

815. Porokireri ashingira ku buhamya umugabo wiswe H yatanze mu Rukiko. Muri ubwo buhamya, uyu mutangabuhamya avuga uburyo Kanyabugosi yajyanywe mu rugo rw'Uregwa n'abakozi babiri ba Komine ari bo Nkiriyumwami wari konseye na Nzanana wari umucungamari, bamwita Inkotanyi. Uregwa yahaye Nyakwigendera abo bantu babiri maze baramwica. Kubera ko abo bantu babiri bari bavuze ko uwo muntu ari Inkotanyi, Porokireri akaba avuga ko iryo jambo risobanura "umuntu ukorana na FPR", kubera kandi ko muri Komine ya Mabanza Abatutsi barimo bicwa ari benshi, Uregwa yari azi cyangwa yagombaga kumenya ko abo bantu yari akuriye bari kwica Kanyabugosi. Porokireri aryoza Uregwa icyaha cya jenoside no kunyuranya n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Inyongera yayo ya II[997].

816. Ubwunganizi buributsa ko umutangabuhamya wiswe H ari we wenyine utanga ubuhamya bwerekeranye na Kanyabugosi. Muri rusange, ubuhamya yatanze mu Rukiko ntibwakwizerwa bityo bukaba butagomba kwakirwa. Ibyo ari byo byose, Porokireri ntiyagaragaje, ku buryo budashidikanywaho, ko Kanyabugosi hari icyaha icyo ari cyose cy'ubugome yaba yarakorewe. Umutangabuhamya avuga gusa ko Uregwa yahaye Kanyabugosi konseye n'umucungumari, ariko ntiyari ahari ubwo bwicanyi bukorwa cyangwa ngo abone umurambo w'uwo nyakwigendera. Ibimenyetso byatanzwe ntibihagije kugira ngo Uregwa abe yaryozwa icyaha nk'umuyobozi kubera ibikorwa byakozwe n'abantu yategekaga. Ubwunganizi buvuga ko ubuhamya bwinshi mu bwatanzwe bugaragaza ko Uregwa yafashe ingamba zigamije guhana ibikorwa binyuranyije n'amategeko byakozwe n'abakozi ba Komine, harimo n'ibyaha byoroshye

[997] Reba imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, urup. 10, igika cya 76; urup. 11, igika cya 63; urup. 43, igika cya 272; Igisubizo cya Porokireri ku Myanzuro isubiza y'Ubwunganizi, igika cya 29.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

nko kwiba. Nta kuntu rero yaba yarirengagije guhana abishe Kanyabugosi nk'uko bivugwa[998].

Isesengura

817. Umutangabuhamya ushinja wiswe H avuga ko Kanyabugosi, umushoferi wa Jenerali Dallaire, yari Umututsi w'Umuyisilamu wari utuye muri Segiteri ya Gacaca, Komine ya Mabanza, akaba yari yarahungiye mu musigiti wa Mabanza muri Gicurasi 1994. Uyu mutangabuhamya n'abandi bantu bamwitayeho, ariko aza kurwara mu mpera za Gicurasi. Umutangabuhamya avuga ko ku mugoroba umwe nyuma y'amasengesho, Kanyabugosi yavuze ko Dallaire yamutelefonnye amubwira ko amafaranga ye ari ku biro bya Komine ko agomba kujya kuyashakayo. Umutangabuhamya avuga ko yatekereje ko Kanyabugosi yari yataye ubwenge kuko nta telefoni yari iri mu musigiti. Urugereko rusanga mu buhamya bwanditse uyu mugabo yahaye abapererezi ku itariki ya 14 Nyakanga 1999, avuga ko "Kanyabugosi yarambiwe kwihisha akajya ku biro bya Komine gusaba burugumesitiri ko yamufasha"[999]. Muri ubwo buhamya nta na hamwe avuga ko Dallaire yaba yaratelefonnye Kanyabugosi cyangwa ko haba hari amafaranga yari ku biro bya Komine.

818. Umutangabuhamya wiswe H avuga ko bukeye mu gitondo, Kanyabugosi yagiye ku biro bya Komine akahasanga Uregwa. H amaze kubimenya, yamukurikiye ku biro bya Komine. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, H agira ati:

> "Yageze ku biro bya Komine ya Mabanza ahasanga Burugumesitiri. Burugumesitiri yaramubonye. Nta kindi bakoze. Baravuze gusa ngo babonye Inkotanyi nkuru. Bagiye kureba iyo Nkotanyi iyo ari yo. Konseye

[998] Reba imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp. 39, 40, ibika 290-293; urup. 119, ibika 61, 62; Ibivugwa n'Ubwunganizi ku Gisubizo cya Porokireri ku Myanzuro isubiza yabwo, ibika 170-172.
[999] Ikimenyetso gihamya N° 10 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

> Nkiriyumwami n'abakozi ba Komine bari bahari. […] Burugumesitiri nta kindi yakoze, yamushyikirije konseye n'umucungamari wa Komine ya Mabanza, baramujyana baramwica. Umucungamari yitwaga Nzanana. Baramujyanye baramwica. Twahise tugenda kuko nta kindi twashoboraga gukora."[1000]

819. H avuga ko atabonye umurambo wa Kanyabugosi kandi ko atongeye kubona uyu nyakwigendera.

Imyanzuro y'Urugereko

820. Umutangabuhamya wiswe H ni we wenyine watanze ubuhamya mu Rukiko ku rupfu rwa Kanyabugosi, ariko nta kintu avuga cyerekeranye n'uburyo uyu nyakwigendera yishwe. Mu buhamya bwe mu Rukiko, uyu mugabo abanza kuvuga ko konseye n'umucungamari "bamujyanye bakamwica". Porokireri amubajije niba yarabonye umurambo wa Nyakwigendera, H yashubije ko "atagiye kureba umurambo". Porokireri amubajije niba yarongeye kubona Kanyabugosi kuva uwo munsi, umutangabuhamya yashubije ko atongeye kumubona. Usuzumye ibyo bisubizo, biragaragara ko, mu by'ukuri, umutangabuhamya atari ahari uwo muntu yicwa. Urugereko rwageragejе gusobanuza ibintu rubaza umutangabuhamya niba ibyo avuga yarabyiboneye n'amaso ye maze asubiza ko yabyiboneye. Cyakora, ntacyo yongeyeho haba mu ibaza ry'ibanze cyangwa mu ibaza rinyomoza.

821. Mu buhamya bwanditse H yahaye abapererezi ku itariki ya 14 Nyakanga 1999 handitsemo ko abakozi babiri ba Komine biciye Kanyabugosi "inyuma y'ibiro bya Komine bakoresheje udufuni, maze Nzanana aba ari we umuhorahoza ari kumwe na Konseye wa Segiteri ya Gacaca"[1001]. Nk'uko bivugwa haruguru, mu Rugereko Porokireri

[1000] Inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ugushyingo 1999, imp. 61, 62.
[1001] Ikimenyetso gihamya N° 10 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

ntiyabajije ibibazo birambuye kuri iyi ngingo, yenda ngo asabe umutangabuhamya gusobanura niba ibintu avuga mu buhamya bwe yarabyiboneye cyangwa niba ari ibyo yumvise gusa. Mu gihe Porokireri n'Ubwunganizi batangaga imyanzuro yabo mu magambo, Porokireri yabajijwe impamvu atatanze ibimenyetso birambuye ku iyicwa ry'uwo muntu. Amaze gutanga ibisubizo byinshi bisa n'ibihunga ikibazo, byaje kugaragara ko umutangabuhamya atari ahari uwo muntu yicwa, kandi ko ibyo yavuze mu buhamya bwe bishingiye gusa ku nkuru mbarirano kuko we ubwe atari ahibereye[1002].

822. Ibintu biramutse byaragenze koko uko umutangabuhamya abivuga, nta kintu mu buhamya bwe cyerekana ko ari konseye n'umucungamari bavuze ko Kanyabugosi ari Inkotanyi, nk'uko bivugwa na Porokireri. Byongeye kandi, umutangabuhamya ntasobanura neza impamvu Uregwa "yahaye" Kanyabugosi abo bakozi babiri ba Komine. Ntanasobanura niba yarishwe bitegetswe n'Uregwa cyangwa niba Uregwa yaramenye ko agiye kwicwa maze akabyemera. Ubuhamya bw'uyu mugabo mu Rukiko ntibusobanura neza niba Kanyabugosi yarishwe n'abo bakozi ba Komine, cyangwa niba koko yaranishwe. Nta kindi kimenyetso cy'inyongera Porokireri yatanze, kandi nta n'ubwo yongeye kugaruka ku kibazo cy'iyicwa rya Kanyabugosi ubwo yabazaga Uregwa ibibazo binyomoza. Urugereko rushidikanya cyane ku ruhare Porokireri avuga ko Uregwa yagize, cyane cyane ko ku byerekeranye n'ibindi bikorwa, umutangabuhamya wiswe H yabaye nk'ushaka kumushinja ibirenze ibyo yaba yariboneye ubwe[1003].

823. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanga nta wundi mwanzuro rwafata uretse kwemeza ko Porokireri atagaraje, ku buryo budashidikanywaho, ko hashingiwe ku iyicwa rya Kanyabugosi, Uregwa yakoze ibyaha biteganywa na Sitati.

[1002] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, imp. 159-167.
[1003] Reba utwiciro V.4.1 na V4.3.

4.6 Iyicwa ry'abahungu b'umutangabuhamya wiswe B

824. Umutangabuhamya wiswe B w'Umututsikazi asobanura uburyo abahungu be batatu biciwe muri Mabanza. Ibyo bivugwa na Porokireri mu gika cya 4.13 cy'Inyandiko y'ibirego cyavuzwe haruguru (reba akiciro ka V.4.1). Porokireri avuga ko ahagana mu mpera za Gicurasi 1994, B n'abana be batanu bahungiye mu murima uri muri Komine ya Mabanza. Ari aho hantu, uyu mutangabuhamya yabonye inama nyinshi Uregwa yakoreshereje iwe. Nyuma ya buri nama, ubwicanyi bwibasiraga Abatutsi bwakazaga umurego. Umutangabuhamya yasubiye iwe n'abana be yizera ko abaturanyi babo bazabica batabashinyaguriye. Uregwa amaze kumenya ko bagarutse, yategetse ko abahungu batatu b'umutangabuhamya bicwa kandi Uregwa yari anahari abo banyakwigendera bicwa. Ashingiye kuri ibyo bikorwa, Porokireri aryoza Uregwa jenoside, kuba icyitso cy'abakoze jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu[1004].

Ingingo z'ababuranyi

825. Ubwunganizi buvuga ko ubuhamya umugabo wiswe B yatanze mu Rukiko budasobanutse neza kandi atari ukuri. Nta wamenya umwirondoro w'abantu bari bahari igihe abana bajyanwaga kwicwa cyangwa ngo amenye abakoze ibyo byaha bivugwa. Uyu mutangabuhamya avuga ko atashoboraga kumva ibyavugirwaga muri izo nama zaberaga mu rugo rw'Uregwa. Yemera ko, mu by'ukuri, atabonye abantu bari muri ayo manama ko ari undi muntu wamubwiye abo ari bo. Byongeye kandi, avuga ko ayo manama yaremaga buri mugoroba kuva hagati muri Mata kugeza mu ntangiriro za Nyakanga.

[1004] Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, urup. 13, ibika 91-94; urup. 11, igika cya 64; urup. 16, igika cya 90; urup. 20, igika cya 112; urup. 23, igika cya 117; urup. 34, igika cya 200; urup. 39, igika cya 237; urup. 42, igika cya 261; Igisubizo cya Porokireri ku Myanzuro isubiza y'Ubwunganizi, igika cya 30.

Cyakora, we avuga ko yihishe muri uwo murima kugeza mu mpera za Gicurasi gusa. Nta wundi mutangabuhamya ushyigikira ibyo B avuga[1005].

Isesengura

826. Ahagana ku itariki ya 7 Mata 1994, mu gihe abandi Batutsi bo muri Komine ya Mabanza bari batangiye guhungira ku biro bya Komine, umutangabuhamya wiswe B, abana be batanu n'umugabo we bagiye kwihisha mu gace kari gatuwemo n'Abayisiramu[1006].

827. Hashize nk'icyumweru kimwe, nyuma y'igihe gito impunzi zivuye ku biro bya Komine zijya ku Kibuye, abari bacumbikiye umutangabuhamya wiswe B bavuye mu nama yari yabereye muri Komine bamubwira ko Uregwa yavuze ko "Abatutsi bose bagomba gupfa" kandi ko abarengera Abatutsi bose bazicanwa na bo[1007]. Ubwo byabaye ngombwa ko ava aho yari yihishe. Yashakaga guhungishiriza umuryango we ku Kibuye, ariko yaje guhura n'Uregwa ku muhanda hafi y'ibiro bya Komine. Icyo gihe, Uregwa yari mu modoka, avugira mu ndangururamajwi ahamagarira Abahutu gufata intwaro ngo bice Abatutsi[1008]. Umutangabuhamya wiswe B akomeza agira ati:

> « Wari umunsi w'isoko n'abaturage bose bari ku isoko. Ndetse na Burugumesitiri yari amaze kugeza ijambo ku bantu bari ku isoko maze Abahutu bariyo bahava bafite umujinya … Bihutaga bajya iwabo kugira ngo bafate intwaro bajye mu ngo z'Abatutsi kubica.[1009]

828. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yagerageje koroshya ibyo yari yavuze mbere:

[1005] Nk'urugero, reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, urup. 40, ibika 294-299; urup. 45 na 46, ibika 347-363; Ibivugwa n'Ubwunganizi ku Gisubizo cya Porokireri ku Myanzuro Isubiza yabwo, ibika 173, 174.
[1006] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Mutarama 2000, imp. 56, 57.
[1007] Ni kimwe no haruguru, urup. 58.
[1008] Ni kimwe no haruguru, imp. 58 na 59.
[1009] Ni kimwe no haruguru, imp. 59, 60, 92.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

> « Sinibuka niba wari umunsi w'isoko kuko nari nkomerewe […] Sinageze no ku isoko ariko mubona avugisha abantu yari ku muhanda uva ku isoko, yarimo avugisha abantu batari bashoboye kugera ku isoko … »[1010]

829. Umutangabuhamya wiswe B avuga ko mu modoka Uregwa yarimo harimo abajandarume barenze batandatu. Agira ati "abajandarume bari kumwe na we baradutukaga bakanadutunga intwaro zabo bavuga ko bagiye kudutsembatsemba." Yemeza ko bari abajandarume, ko batari abapolisi ba komine[1011].

830. Aho kujya ku Kibuye, B n'umuryango we bongeye kwihisha mu murima uri hafi y'inzu bahoze batuyemo. Bavuye aho ni bwo bagiye kwihisha mu rugo rwa Konseye Nkiryumwami. (Umugabo w'umutangabuhamya yari yahizwe yicwa mbere y'uko agera muri urwo rugo.) Konseye yaje kugira ubwoba abasaba kuva mu rugo rwe, nuko basubira kwihisha mu mirima, ariko umugore wa Konseye yakomeje kubafasha. Umutangabuhamya wiswe B avuga ko yamaze "igihe kinini" yihishe mu murima ari kumwe n'abana be, kugeza mu mpera za Gicurasi[1012]. Yemeza ko yabonye inama nyinshi zabereye mu rugo rw'Uregwa mu gice cya nyuma cy'igihe yari yihishe:

> "Umugore wa Konseye yakomeje kundema agatima, kandi buri mugoroba yanjyanaga ahantu hitaruye aho twashoboraga kubona abantu bajyaga mu manama kwa Bagilishema. Uwo mugore wa Konseye yarambwiraga ati "yenda ubwo bagiye mu nama, Burugumesitiri arababwira bahagarike ubwicanyi bityo njye n'umugabo wanjye dushobore kubafasha". Ariko twabonye ko ibintu byarushagaho gukomera nyuma ya buri nama, umuntu bafashe bakamwica n'ubugome bwinshi. Bakomezaga gushakisha ahantu hose umuntu yakwihisha.[1013]

[1010] Ni kimwe no haruguru, imp. 91-92.
[1011] Ni kimwe no haruguru, urup. 88.
[1012] Ni kimwe no haruguru, urup. 62.
[1013] Ni kimwe no haruguru, urup. 63.

831. Mu ibaza rinyomoza, B avuga ko muri rusange ayo manama yatangiraga ku mugoroba saa kumi n'ebyiri akarangira hagati ya saa tatu na saa yine z'ijoro. Ntiyashoboraga kumva ibyayavugirwagamo, ariko buri gihe umugore wa Konseye yamubwiraga ibyavugiwemo[1014]. Muri ayo Manama, hazagamo Nsengimana na Semanza bari abafasha ba burugumesitiri, Konseye Nkiryumwami (wari waramuhishe) n'abandi bantu "bayoboraga ibitero"[1015]. "Birashoboka ko babaga bagiye gutanga raporo cyangwa gutegura gahunda nshya no kuziganiraho. Ibyo ari byo byose, bajyagayo buri mugoroba"[1016]. Umutangabuhamya wiswe B yemeza ko bakomeje gukora ayo manama kugeza muri Nyakanga 1994, hashize igihe avuye muri ubwo bwihisho.

832. Mu mpera za Gicurasi 1994, abonye atagishoboye kubaho gutyo, B yiyemeje gusubiza abana be aho bari batuye kuko yumvaga hari uko yabigenza ngo bicwe neza batagaraguwe[1017]. Yagiye kubwira abaturanyi be ngo bamwice n'abana be, batagaraguwe. Umutangabuhamya avuga ko abaturanyi be babagiriye impuwe ariko bakabimenyesha Uregwa. Umutangabuhamya yongeraho ho ibi bikurikira:

> "Burugumesitiri ntiyohereje abantu bo kunyica, ahubwo yakoze inama n'umufasha we wari umukuru w'Interahamwe, witwaga Appolinaire Nsengimana […] yavugaga ko batagomba kubabarira igitsina gabo. Abaturage bamusabye kubabarira byibura umwana w'umuhungu nari mpetse, ariko bavuga ko bidashoboka kuko Paul Kagame wari umutware w'Inkotanyi agenda yari uruhinja. […] Nuko bafata abahungu, abahungu banjye, abana banjye b'abahungu, babajyana mu itongo ryacu babicirayo.[1018]

833. Ubwo ni bwo buhamya bwuzuye B yatanze mu Rukiko bwerekeranye n'uburyo abahungu be batatu bishwe. Porokireri ntiyasabye uyu mutangabuhamya gutanga ibindi

---

[1014] Ni kimwe no haruguru, urup. 94.
[1015] Ni kimwe no haruguru, urup. 93.
[1016] Ni kimwe no haruguru, imp. 95, 96.
[1017] Ni kimwe no haruguru, urup. 63.
[1018] Ni kimwe no haruguru, imp. 64, 65.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

bisobanuro, ndetse n'amakuru y'ingenzi, nko kumenya abo bantu yita "ba" abo ari bo. Icyo gihu kiri mu buhamya bwe kigaragara na none mu bikurikira aho B asobanura uburyo we atishwe (na none nta wamenya uvugwa iyo uyu umutangabuhamya akoresha ijambo "ba"):

> "Narabinginze ngo banyice najye ariko baranga, ndetse na Bagilishema n'umutware w'Interahamwe babwiye abaturage ko nibatanyica ibyo bibareba, ko bashatse bandeka ko nzasara. Nakomeje kuzerera ahantu hose, nshaka umuntu wambabarira akanyica, ariko barangaga kuko bari bababujije kunyica, batekerezaga ko nzasara. Nguko uko narokotse ubwo bwicanyi."[1019]

834. Urugereko ntirusobanukirwa neza uburyo ibyabaye bivugwa muri ibi bice by'ubuhamya B yatanze mu Rukiko byakurikiranye. Ibyo bintu bishobora kuba byaragenze ku buryo bukurikira: Abaturanyi ba B barabanje bavugana n'Uregwa. Hashobora kuba harakurikiyeho inama yabaye hagati y'Uregwa, umufasha we n'"abaturage" (yenda ni abaturanyi), ari yo Nsengimana yavugiyemo ko nta Mututsi w'igitsinagabo ugomba gusigara. Abaturage babasabiye imbabazi ariko ntibyagira icyo bitanga, nuko abicanyi bajyana abahungu ba B barabica. Ubwo ni bwo B yingingaga abicanyi ngo nawe bamwice. Noneho rero Uregwa abwira abaturage ngo nibashaka ntibamwice, cyakora avuga ko nibatamwica azasara.

835. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yavuze ko yumvise Uregwa afata ijambo mu nama yabereye ku gasozi yitabiriwe n'abantu benshi. Icyo gihe, ngo Uregwa yavuze ko nta cyo bitwaye kutica umutangabuhamya B kuko n'ubundi azasara. Nta cyo yavuze cyerekeranye n'abahungu be. Inama yabereye ahantu hitwa "Rupango" kandi abafashe amajambo bakoreshaga indangururamajwi[1020]. Umutangabuhamya wiswe B ntavuga abandi bantu bafashe ijambo cyangwa bari bahari. Icyo gihe yari kumwe n'abana be

[1019] Ni kimwe no haruguru, imp. 65, 66.
[1020] Ni kimwe no haruguru, imp. 102-104.

bahagaze iruhande rw'umuhanda, ashakisha umuntu wakwemera kumwica. Ntibigaragara niba icyo gihe abahungu be batatu bari bakiriho. Mu nama havuzwemo ibintu byinshi:

> « Hari hafi cyane y'aho nari ndi. Nari mbizi ko ari twe bavugaga muri iyo nama bityo, nkaba nari mfite amatsiko yo kumenya ibyemezo biri bufatirwe mu nama […] Abaturage babajije ibibazo byinshi, cyane cyane byerekeranye n'abagore b'Abahutukazi bashatswe n'Abatutsi. Bashubije ko bagombaga kubanza kwica abagabo kandi ko n'ubwo bagira impuhwe, bagombaga gusenya amazu nyuma bakica abana ariko abakobwa bakabareka. Bavuze kandi ko mu gihe umugore atwite, bagomba kumufomoza kuko batashoboraga kumenya igitsina cy'umwana atwite ».[1021]

836. Urugereko ntirubona ukuntu rwahuza ibyavuzwe mu ibaza ry'ibanze no mu ibaza rinyomoza. Urugero, nko mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya avuga ko, bimugwiririye, yumvise ibyavugiwe mu nama yaberaga hafi y'ahantu yari ari. Ariko mu ibaza ry'ibanze, avuga ko "yabinginze ngo bamwice, bakanga".

Imyanzuro y'Urugereko

837. Ikibazo Urugereko rugomba gusuzuma ni ukureba niba Porokireri yaratanze ibimenyetso bihagije bigaragaza ko, nk'uko abivuga, Uregwa yategetse ko abahungu ba B bicwa, ko yahamagariye abantu kubica, ko yagize uruhare mu iyicwa ryabo, cyangwa ko, ku bundi buryo ubwo ari bwo bwose, yaryozwa icyo gikorwa, nka gatozi cyangwa nk'umuntu wari ukuriye abandi.

838. Urugereko ruributsa ko ku byerekeranye n'aya marorerwa yakorewe B, Porokireri yatanze ibimenyetso bitari munsi ya birindwi bitandukanye, nk'uko byasubiwemo haruguru.

[1021] Ni kimwe no haruguru, imp. 103, 104.

839. Uko B avuga uburyo abahungu be bishwe ntibisobanutse neza kandi nta bundi buhamya bubishyigikira. Urugereko ntirushobora gushingira kuri ibyo bimenyetso ngo rwemeze ko Uregwa ubwe yagize uruhare mu iyicwa ry'abo bana cyangwa ko yari ahari bicwa. Hashingiwe ku buhamya yatanze mu Rukiko, Urugereko rusanga B we abona ko Uregwa yagize uruhare mu *gutanga itegeko* ryo kwica abahungu be. Nyamara nta cyo avuga ku byerekeranye n'uburyo yamenye uruhare Uregwa yagize muri ibyo byaha nk'uko abivuga. Mu ibaza rinyomoza, B yavuze ko yumvise ibyavugiwe mu nama yabereye mu ruhame aho Uregwa yasuzumiraga ikibazo cyo kumenya niba agomba [B] kwicwa. Ntasobanura neza niba ibyo kwica abahungu be byaremerejwe muri iyo nama nyine. Byongeye kandi, ntavuga ko yiyumviye Uregwa ategeka ko abahungu be bicwa. Niba umutangabuhamya atari ahari ubwo Uregwa yategekaga ko abahungu be bicwa, ubuhamya bwe bwaba bushingiye ku nkuru mbarirano. Na none, kubera ko nta muntu uzi niba Uregwa yari ahari igihe ubwo bwicanyi bwakorwaga cyangwa niba ibyo byaha byarakozwe n'umwe mu bantu yategekaga, ntibyagaragajwe ko Uregwa akwiye kubiryozwa.

840. Urugereko rusanga kandi hari indi mpamvu ituma rugira amakenga. Umutangabuhamya wiswe B avuga ko Uregwa yahamagariye abantu ku mugaragaro kwica Abatutsi bose, kandi ko "yavugaga ko Abahutu bose bagomba guhaguruka bagafata intwaro bagahiga umwanzi bamushakisha. Yanavugaga ko umwanzi atari kure, ko ari umuturanyi"[1022]. Yemeza ko Uregwa yakoreshaga inama iwe nijoro. Izo nama ngo zikaba zaratumaga abateraga barushaho kwitabira ubwicanyi, kubera ko Abatutsi bose bafatwaga nyuma yazo bicwaga nabi cyane. Izo nama zaba zarabaye ubudahagarara kuva hagati muri Mata kugeza muri Nyakanga. Byongeye kandi "Burugumesitiri yakoranaga kenshi inama n'umukuru w'Interahamwe […] Umunsi wose birirwaga bashakisha abantu bihishe"[1023].

[1022] Ni kimwe no haruguru, urup. 82.
[1023] Ni kimwe no haruguru, urup. 69.

841. Ibimaze kuvugwa bigombwa gusesengurwa hazirikanwa ko nta wundi mutangabuhamya n'umwe wemeza ko yaba yarabonye cyangwa yarumvise iby'inama zaberaga mu rugo rw'Uregwa nijoro kuva hagati muri Mata kugera mu Nyakanga mu mwaka wa 1994. Iki ni ikintu gikomeye, cyane cyane ko B avuga ko "abategetsi bose bazijyagamo", harimo n'Uregwa n'abafasha be. Urugo rw'Uregwa ruvugwa kuba rwaraberagamo izo nama buri munsi, rwari mu gace kagerwagamo n'abagabo benshi batanze ubuhamya muri uru rubanza. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanga n'abandi batangabuhamya bari kugira icyo bavuga kuri izo nama. Kuba umutangabuhamya wiswe B avuga ko izo nama zakomeje mu gihe cy'amezi abiri nyuma yuko ava aho yari yihishe mu gace Uregwa yari atuyemo, bituma Urugereko rurushaho gushidikanya ku ukuri kw'ibyo avuga. Muri rusange, Urugereko rwasanze (reba akiciro ka IV. 5) ibimenyetso byatanzwe muri uru rubanza bitagaragaza ko Uregwa yaba yarahamagariye abantu mu ruhame kwica Abatutsi bose.

Umwanzuro w'Urugereko

842. Urugereko ntirwemera ko Uregwa yagize uruhare mu iyicwa ry'abahungu ba B. Umubare n'imiterere y'ibimenyetso byatanzwe ntibyatuma Urugereko rufata uwo mwanzuro. Kubera izo mpamvu, ibirego bya jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu aregwa bishingiye kuri ibyo bikorwa nta shingiro bifite.

4.7 Iyicwa ry'Abatutsi bari bihishe kwa Habayo

843. Ibi bintu byabaye bivugwa na Porokireri mu bika 4.12 na 4.13 by'Inyandiko y'ibirego, byavuzwe haruguru (reba akiciro ka V.4.1).

Ingingo z'ababuranyi

844. Porokireri avuga ko mu gitondo cyo ku itariki ya 16 Kamena 1994, igitero cyagabwe mu gace gatuwemo n'Abayisiramu muri Komine ya Mabanza. Abari mu gitero bavumbuye kandi bafata abasiviri benshi b'Abatutsi, harimo abari bihishe kwa Selemani Habayo. Hashize igihe gito, Abatutsi bari bahungiye kwa Habayo barishwe, Uregwa ahari. Porokireri avuga ko atari ngombwa ko umubare nyawo cyangwa amazina y'abantu bishwe bimenyekana kubera ko Uregwa ubwe yiyemereye ko Abatutsi bavumbuwe aho bari bihishe mu gace gatuwe n'Abayisiramu bishwe[1024].

845. Ubwunganizi bwo buvuga ko hari abaturage bamwe ba Komine ya Mabanza batekerezaga ko Habayo ari icyitso cya FPR. Abo baturage basatse inzu ye, basangamo Abatutsi bari bahihishe nuko barabica. Habayo yajyanywe ku biro bya Komine. Uregwa nta ruhare yagize mu gusaka, nta n'ubwo yari ahari izo mpunzi zivumburwa maze zikicwa. Ubwunganizi buvuga ko, muri rusange, abagabo biswe H na O batagaragara nk'abavuga ukuri, bityo ubuhamya bwabo bukaba butagomba kwitabwaho. Bwemeza kandi ko ubuhamya abagabo biswe O na H batanze mu Rukiko buvuguruzanya haba ku byerekeranye n'umubare w'Abatutsi bishwe, amazina y'abantu bishwe cyangwa amazina y'abantu bari mu gitero[1025].

Isesengura

Umutangabuhamya wiswe H

846. Umutangabuhamya wiswe H avuga ko ku itariki ya 16 Kamena 1994, agace kari gatuwe n'Abayisiramu katewe n'igitero kiyobowe na Nkiriyumwami wari Konseye wa Segiteri

[1024] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 10-12, ibika 77-87.

[1025] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp. 37-39, ibika 267-289.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

ya Gacaca. Muri icyo gitero harimo burigadiye wa Komine, umunyamabanga wa Komine, Hakizimana n'abandi bantu[1026]. Abagabye icyo gitero bagose ako gace batangira gushakisha Abatutsi. Bageze mu rugo rw'uyu mutangabuhamya, bahasanze umugore we w'Umututsikazi baramujyana, ariko aza kubacika igihe bari muri rwaserera yo gusaka andi mazu. Uyu mutangabuhamya yakurikiye abagabye igitero bagiye gusaka kwa Selemani Habayo. Basanze yo Abatutsi bari bihishe mu myobo yari ihishe n'ubuhanga bwinshi, maze abari aho bavuga ko ubwo buryo abo Batutsi bari bihishemo bwari uburyo bukoreshwa mu gisirikare.

847. Umutangabuhamya wiswe H avuga ko Abatutsi bane basanze kwa Habayo ari Matabaro, Ntaganira, Mazimpaka n'umwana muto w'umukobwa witwaga Uzamukunda. "Muri iyo mbaga y'abantu harimo na Nhawita Kamabanda n'abandi bantu basanze iwe"[1027]. Abari mu gitero banasatse kwa Hamada Ntawuhiganumugabo basangamo baramu be babiri b'Abatutsi. Umutangabuhamya wiswe H avuga ko abantu bose bavumbuwe bihishe babajyanye, bari kumwe na Hamada na Habayo. Abo Batutsi bishwe kuri uwo munsi, ariko umutangabuhamya ntiyemeza ko yababonye bicwa. Mu buhamya bwe bwanditse bwo ku itariki ya 14 Nyakanga 1999, uyu mugabo yemeza ko Abatutsi bane bari bahishwe na Habayo biciwe hafi y'urugo rwa se wa Matabaro muri Segiteri ya Kamuvunyi[1028].

Umutangabuhamya wiswe O

848. Mu Rukiko, umugabo wiswe O yatanze ubuhamya ku bintu yabonye mu mpera za Kamena 1994, ari aho yari yihishe muri Serire ya Gacaca, Segiteri ya Kamuvunyi, hafi

[1026] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ugushyingo 1999, urup. 66.
[1027] Ni kimwe no haruguru, urup. 68.
[1028] Reba ikimenyetso gihamya N° 10 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

y'ahantu bitaga "Kinihira, biciraga abantu"[1029]. Uyu mutangabuhamya avuga ko yabonye Abatutsi batanu n'Umuhutu umwe bazanwa n'abantu benshi baturuka mu gace gatuwemo n'Abayisiramu berekeza [ahiswe] i Kinihira. Muri abo bantu harimo Uregwa, wari witwaje imbunda, Semanza na Nsengimana bari abafashe be, na Konseye Nkiriyumwami. Avuga ko abo Batutsi bari bafashwe ari Eugène, Matabaro, Ntagenira, Mukasine, Ramazani, na Habayo w'Umuhutu. Umutangabuhamya avuga ko yabonye bamwe muri abo abantu bicwa. Asobanura ko Nsengimana yishe umwe muri abo bantu, ariko ntagira ikindi ashinja Uregwa muri ubwo bwicanyi. Avuga ko Matabaro yishwe n'umwe mu nsoresore zitwaraga gisirikare witwa Ntare. Bamubajije niba Uregwa hari umuntu yaba yarahannye muri abo bagabye ibitero muri icyo gihe kuva muri Mata kugeza muri Kamena, umutangabuhamya O yasubije muri aya magambo: "nta muntu n'umwe yahannye, ariko se ubundi yari kubahana gute kandi na we yari kumwe na bo?"[1030].

849. Umugabo wiswe O, watanze ubuhamya bugomba gusuzumanwa ubushishozi (reba akiciro ka V.2.6.), asobanura kurushaho iby'iyo nkuru mu buhamya bwanditse yahaye abapererezi ku itariki ya 23 n'iya 24 Gashyantare 1998[1031]. Muri ubwo buhamya, ku birebana na Mukasine wari wafashwe, hamwe avuga "umukobwa wa Ntaganira", ahandi akavuga "umukobwa wa Mukasine". Avuga ko Abatutsi batanu na Habayo bajyanywe ku cyobo cy'umusarani bitaga "i Kinihira", cyajugunywagamo imirambo y'Abatutsi bishwe. Burugumesitiri yari ahari n'abajandarume bitwaje intwaro, ariko nta muntu n'umwe muri abo bishe. Nsengimana yakubise Eugène igikoni. Ntare we yakubise ubuhiri burimo

---

[1029] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Ugushyingo 1999, urup. 53. Ubuhamya bugaragaza ko "Kinihira" atari izina ry'ahantu hazwi muri Komine ya Mabanza, ahubwo ni ahantu Abatutsi bicirwaga byarangira bakahahambwa. Ni kimwe no haruguru, imp. 56-57; inyandikomvugo z'amaburanisha, 15 Ugushyingo 1999, urup. 129 (Umutangabuhamya wiswe AB); 28 Ukwakira 1999, urup. 136 (Allagouma); 25 Mutarama 2000, imp. 103, 104 (Umutangabuhamya wiswe K); 19 Kamena 2000, urup. 93 (Uregwa).

[1030] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Ugushyingo 1999, urup. 62.

[1030] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Ugushyingo 1999, urup. 62.

[1031] Reba ikimenyetso gihamya N° 62 cyatanzwe na Porokireri [Uko bwanditse mu gifaransa, ubwo buhamya, busobanura neza ko Mukasine yari mushiki wa Ntaganira, n'ubwo bidasobanutse neza mu nyandiko yahinduwe mu cyongereza].

imisumari abo bantu bakorewe ibyaha. Umutangabuhamya yabonye Interahamwe yitwa Sanane itemagura Matabaro. Musabyimana yishe uwo mukobwa [wavuzwe] akoresheje umuhoro.

850. Mu buhamya bwanditse bwa mbere yatanze ku itariki ya 17 Ukwakira 1995, umutangabuhamya wiswe O nta cyo avuga ku Batutsi bari bihishe kwa Habayo n'uburyo baje kwicwa. Bamubajije niba yarabonye Uregwa, yasubije ko yamubonye inshuro imwe gusa, muri Mata, ari kumwe n'abafasha be batatu[1032].

Umutangabuhamya wiswe B

851. Umuntu yavuga ko ubuhamya B yatanze mu Rukiko kuri iki kibazo bugaragaza ko yari azi Umuyisilamu witwa Habayo wafashwe kubera ko yahishe Abatutsi batanu iwe muri Kamena 1994. B avuga ko Habayo yicanywe n'abantu yari yahishe[1033]. Mu kiciro ka V 4.6, Urugereko rwagaragaje ko rufite amakenga ku buhamya bwa B. Mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 23 Kamena 1999, uyu mugabo avuga ko yari ahari igihe abakozi ba komine, bari batumwe n'Uregwa, bazaga kwa Habayo bagasangayo abahungu bane b'Abatutsi na mushiki wabo. Abo bahungu bajyanywe ku biro bya Komine bicirwayo. Uwo mukobwa baramuretse bitegetswe n'Uregwa, ariko nyuma Interahamwe iza kumwica[1034].

Uregwa

852. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, Uregwa avuga ko "abaturage" baregaga Habayo ko ari icyitso cya FPR kandi ko abaturage basatse inzu ye bagasangamo Abatutsi yari ahishe

---

[1032] Reba ikimenyetso gihamya N° 11 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[1033] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Mutarama 2000, urup. 73.
[1034] Reba ikimenyetso N° 63 cyatanzwe na Porokireri.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

n'amabaruwa[1035]. Uregwa yongeraho ko abo Batutsi bishwe, kandi ko "abaturage" bajyanye Habayo ku biro bya Komine. Uregwa agira ati: "nagerageje kumvisha abaturage ko Habayo agomba kuguma iwe, ariko bashakaga kumwicira mu maso yanjye "[1036].

853. Mu ibaza rinyomoza, Uregwa yabajijwe niba yarakoze iperereza ku iyicwa ry'Abatutsi bafatiwe kwa Habayo kugira ngo amenye abakoze ibyo byaha. Yashubije ko iperereza ryakozwe, maze rikagera kuri ibi bikwirikira:

> "Abayisiramu bakoraga uko bashoboye ngo bafashe abantu muri komine, ariko hari umuntu wiciwe muri Segiteri ya Rubengera, nuko umuryango we […] ushaka kwihorera ushakisha ibyitso mu gace kari gatuwemo n'Abayisiramu. Ubwo ni bwo abaturage b'i Rubengera bagabaga igitero mu rugo rwa Habayo."[1037]

854. Igisubizo cy'Uregwa gisobanura impamvu Abahutu bamwe bagize agahinda bagatera mu mazu y'Abahutu bo mu gace kari gatuwemo n'Abayisiramu. Urugereko rusanga Uregwa atarashubije igice cya kabiri cy'ikibazo bamubajije mu ibaza rinyomozwa, cyo kumenya niba yarageregeje kumenya abantu bishe abo Batutsi.

Imyanzuro y'Urugereko

855. Urugereko rusanga ku itariki ya 16 Kamena 1994 cyangwa hafi yayo, hari Abatutsi bafashwe n'igitero kibavanye mu rugo kwa Habayo no mu zindi ngo zo mu gace gatuwe n'Abayisilamu muri Komine ya Mabanza. Nyuma y'aho gato, bamwe muri abo Batutsi barishwe.

[1035] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, urup. 89.
[1036] Ni kimwe no haruguru.
[1037] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 90, 91.

856. Ubuhamya bw'abagabo babiri b'ingenzi buratandukanye ku zindi ngingo. Urebye ibyo byakumvikana kuko umutangabuhamya wiswe H yiboneye ibitero byagabwe mu gace gatuwemo n'Abayisilamu ariko ntiyabona Abatutsi bicwa. Umutangabuhamya wiswe O we yemeza ko yabonye Abatutsi bicwa ariko ntabone ibitero bigabwa.

857. Cyakora, n'ubwo umugabo wiswe O avuga ko Uregwa yari mu bicanyi bari i Kinihira, uwitwa H we avuga, mu buhamya yatanze mu Rukiko, ko Uregwa atari kumwe na bo mu gace gatuwe n'Abayisiramu. Mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 14 Nyakanga 1999, umugabo wiswe H yemeza ko Habayo yashyiriwe Uregwa, kandi ibyo bihuye n'ibivugwa n'Uregwa ko Habayo bamumuzaniye ku biro bya Komine.

858. Byongeye kandi, umutangabuhamya wiswe H avuga ko burigadiye na Hakizimana bari mu bitero byagiye mu gace gatuwemo n'Abayisilamu. Umutangabuhamya wiswe O ntavuga ayo mazina, ahubwo avuga ko Semanza yari ahantu ubwicanyi bwabereye. Ntavuga ko yabonye Hamida cyangwa Ntawita (Umuyisilamu wa gatatu w'Umuhutu uvugwa n'umutangabuhamya H) mu bantu bajyanywe i Kinihira. Yabonye gusa Habayo n'abo Batutsi batanu. Cyakora, nk'uko umutangabuhamya wiswe H abivuga, usibye Habayo, Hamada na Ntawita, nibura Abatutsi umunani (bane baturutse kwa Habayo, baramu ba Hamada babiri n'abandi bantu byibura nka babiri bavumbuwe kwa Ntawita) na bo bajyanywe n'abagabaga ibitero.

859. Uko kuvuguruzanya, n'amakenga Urugereko rufite ku buhamya bw'umugabo wiswe O (reba akiciro ka V.2.6), bituma ibyemezwa n'uyu muntangabuhamya ko yari i Kinihira igihe Abatutsi bafatiwe kwa Habayo bicwaga bitafatwa nk'ukuri, cyane cyane ibyo avuga ko Uregwa yari ahari ubwo bwicanyi bukorwa.

860. Urugereko, ruhereye kuri iyi ngingo, igihe yari yihishe cyangwa se atari ahagaragara, rusanga umutangabuhamya wiswe O yarashoboye kubona cyangwa kwiyumvira, cyangwa kubwirwa ibintu byinshi bihamya Uregwa icyaha (nk'inama [Uregwa] yakoranye na Kayishema, iyicwa rya Karungu, iyicwa rya Muganga n'imyiteguro yo

kujya gutera mu Bisesero). Ibyo kandi ni nako bimeze ku mutangabuhamya ushinja wiswe AB. Birumvikana ko Urugereko rugomba kwitondera ibivugwa n'abatangabuhamya bemeza ko bari bihishe, batinya ko bakwicwa, ariko bagashaka kwemeza ko bashoboraga kuva ahantu hamwe bakajya ahandi, bakamenya amakuru amwe n'amwe muri izo ngendo zabo. N'ubwo ibintu bikomeye nk'ibyo bishoboka, mu gihe Porokireri abaza ibibazo umutangabuhamya nk'uwo umufitiye akamaro, yagombye kumubaza ku buryo ibintu byose byatuma ubuhamya bwe bushidikanywaho bisobanurwa neza. Cyakora, ibyo ntibyakozwe ku byerekeranye n'iki kibazo gisuzumwa (Ubwo yabazaga umutangabuhamya wiswe O ku gitero cyagabwe mu rugo rwa Habayo, Porokireri yagize vuba vuba, amusaba gutanga ibisubizo "bigufi cyane" cyangwa "byihuse cyane"[1038]), kandi hari n'undi mugabo ushinja, wiswe H, watanze ubuhamya buvuguruza ubwa O.

Umwanzuro w'Urugereko

861. Hashingiwe ku bimaze kuvugwa, Urugereko rusanga ikirego cya jenoside gishingiye ku Ngingo 6 (1) nta shingiro gifite kubera ko rutabona ukuntu rwakwemeza ko Uregwa yari ahari igihe Abatutsi bafashwe n'abagabaga ibitero bicwaga. Byongeye kandi, Urugereko rufashe umwanzuro nk'uwo ku byerekeranye n'uburyozwacyaha bw'Uregwa buteganywa n'Ingingo ya 6 (3). Abantu bashoboraga kuba bakuriwe n'Uregwa, umutangabuhamya wiswe O avuga ko bagize uruhare mu iyicwa ry'Abatutsi, ntibashobora gufatwa gutyo kubera ko rusanga ubuhamya bw'uwo mugabo budakwiye kwizerwa. Naho ku byerekeranye n'abategetsi umutangabuhamya wiswe O yabonye, nka Konseye Nkiriyumwami cyangwa umunyamabanga wa Komine, ubuhamya bw'umugabo wiswe H ntibugaragaza ko hari icyaha icyo ari cyo cyose baba barakoze. Kuba barafashe Abatutsi bakekwaho kuba ibyitso bya FPR ntibabikurikiranwaho ahangaha.

[1038] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Ugushyingo 1999, imp. 54, 55.

862. Igisigaye ariko ni ukumenya niba Uregwa, nka Burugumesitiri, yarafashe ingamba zihagije kugira ngo amenye cyangwa ahane abantu bishe Abatutsi bafashwe mu gitero cyagabwe mu gace kari gatuyemo Abayisilamu. Umuntu yatekereza ko abicanyi bashobora kuba bari bamwe mu "bantu b'i Rubengera" (nk'uko umutangabuhamya wiswe H abivuga, kimwe n'Uregwa ubwe) bashyikirije Habayo Uregwa ku biro bya Komine, cyangwa wenda ko abo bantu bari bazi abo bicanyi. Ibyo ari byo byose, Urugereko ntirwashyikirijwe ikimenyetso na kimwe kigaragaza ko Uregwa yamenye cyangwa hari icyo yakoze ngo amenye abo bicanyi, ngo ahane cyangwa afate ingamba zo guhana abakoze ibyo byaha. Porokireri ntiyakurikiranye igisubizo cyatanzwe n'Uregwa wenyine igihe yabazwaga niba yarakoze iperereza kuri ubwo bwicanyi.

4.8 Ifungwa rya Habayo n'ibyamubayeho nyuma

863. Porokireri avuga ibyo bintu mu gika cya 4.12 n'icya 4.13 by'Inyandiko y'ibirego. Ibyo bika bisubirwamo haruguru (reba akiciro ka V.4.1).

Ingingo z'ababuranyi

864. Nk'uko bivugwa haruguru (reba akiciro ka V.4.7), Porokireri yemeza ko mu gitondo cyo ku itariki ya 16 Kamena 1994, igitero cyagabwe mu gace gatuwemo n'Abayisiramu muri Komine ya Mabanza. Abatutsi benshi bari kwa Habayo baravumbuwe hashize akanya gato baricwa. Habayo, wari Umuhutu, yarafashwe ajyanwa ku Kibuye mu modoka ya Komine yari itwawe n'umushoferi wa Komine witwa Nshimyimana. Muri iyo modoka kandi harimo Uregwa, abajandarume n'umupolisi wa komine. Porokireri avuga ko nta kizere Uregwa yari afite cy'uko Habayo azarindirwa umutekano ku Kibuye. Kuva icyo gihe nta muntu wigeze yongera kubona Habayo. Ni ukuvuga ko Uregwa yanze kurengera Umuhutu wafashwe ahishe Abatutsi. Aho kugira ngo amurengere, Uregwa yamwohereje ahantu yari azi ko byanze bikunze azapfa. Porokireri avuga ko kubera ko Habayo yari

Umuyisiramu uzwi cyane, Uregwa atari kwemera ko yicirwa muri Mabanza. Iyo aramuka yemeye ko ahicirwa byari gutuma jenoside ititabirwa nka mbere muri iyo Komine[1039].

865. Ubwunganizi bushimangira ko umutangabuhamya wiswe H ari we wenyine usobanura birambuye ibyabaye kuri Habayo. Ku byerekeranye n'ibyo uyu mutangabuhamya yemeza ko umupolisi wajyanye Habayo ku Kibuye yari yambaye imyambaro y'abapolisi, ko umushoferi yari atwaye imodoka ya Komine, kandi ko ibyo byabaye mu masaha y'akazi, Ubwunganizi buributsa ibimenyetso gihamya bigaragaza ko, kuri iyo tariki ivugwa, abo bakozi ba Komine bombi bari barahagaritswe ku kazi. Bityo rero, uwo wavuzwe bwa mbere ntiyashoboraga kuba yambaye imyenda y'abapolisi cyangwa ngo uwavuzwe bwa kabiri abe yari atwaye imodoka ya Komine. Ubwunganizi buvuga kandi ko ibyo Uregwa yakoreye Habayo ari ibintu byumvikana. Abaturage baregaga Habayo ko ari icyitso cya FPR. Iwe bahavumbuye Abatutsi bari bahihishe. Abo Batutsi barishwe maze abari mu gitero bajyana Habayo ku biro bya Komine, bavuga ko bashaka kumwica na we. Abonye bimeze gutyo, Uregwa yohereje Habayo kwa Komanda wa Jandarumeri ku Kibuye kugira ngo akore iperereza ku byo bamuregaga byo kuba icyitso. Uregwa yagiye muri Zayire iryo perereza rigikorwa. Ubwunganizi bwongeyeho ko Porokireri atatanze ikimenyetso gisobanura uburyo Habayo yaba yarishwemo, wenda ngo avuge nk'ahantu yapfiriye, isaha yapfiriyeho ndetse n'umuntu cyangwa abantu baba baramwishe[1040].

Isesengura

Umutangabuhamya wiswe H

866. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo wiswe H yemeza ko abantu batatu, ari bo Selemani Habayo, Hamada na Ntawita, bafashwe ku itariki ya 16 Kamena 1994, ubwo

[1039] Reba imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 10-12, ibika 77-87.

[1040] Reba imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp. 37-39, ibika 77-87.

agace gatuyemo Abayisiramu katerwaga[1041]. Hamada na Habayo "basabwe" (umutangabuhamya ntavuga uwabibasabye) gutanga amafaranga yo kwigura maze barekurwe. Habayo yagombaga gutanga amafaranga ibihumbi mirongo itatu (30.000). Uyu mutangabuhamya avuga ko yatanze icya kabiri cy'ayo mafaranga maze "ba"rayafata. Konseye Nkiriyumwami ubwo yavuze ko agomba kugisha inama Uregwa ku byerekeranye n'irekurwa rya Habayo[1042].

867. Nyamara Habayo ntiyarekuwe. "Babwiye" (aha na none umutangabuhamya ntasobanura abo ari bo) umutangabuhamya ko Habayo agomba kujyanwa ku Kibuye kubera ko yakoresheje "amayeri ya gisirikare" mu guhisha Abatutsi. Umutangabuhamya avuga ko ubwo yagiye ku biro bya Komine abonana n'Uregwa. Yamusabye urupapuro rwemeza ko konseye yakiriye igice cy'amafaranga yasabwe. Icyo cyemezo nta cyo yabonye, n'amafaranga nta yo yashubijwe. Umutangabuhamya yongeraho ko "na we atongeye kubona Habayo kubera ko nyuma [Habayo] yoherejwe ku Kibuye mu modoka […] mu modoka […] imodoka ya Komine"[1043].

868. Nyuma, mu ibazwa ry'ibanze, umutangabuhamya wiswe H yashatse kwemeza ko yari ahari igihe Habayo yoherezwaga ku Kibuye. Avuga ko ku itariki ya 17 Kamena 1994, yabonye imodoka ya Komine itwawe na Nshimyimana, irimo Habayo, Uregwa, abajandarume na Munyandamutsa wari umupolisi wa Komine. Urugereko ruributsa ko mu buhamya bwanditse yahaye abapererezi ku itariki ya 14 Nyakanga 1999[1044], H avuga ko ibyo bintu byabaye ku yindi tariki. Muri ubwo buhamya avuga ko Uregwa ajyana Habayo hari "ku itariki ya mbere". Ku munsi wo kuwa mbere wakurikiye igitero cyagabwe ku rugo rwa Habayo, ntihari ku itariki ya 17 Kamena ahubwo hari ku ya 20 Kamena. Iyo tariki ya nyuma ni yo yegereye iyatanzwe n'Uregwa kurushaho, ari yo ya 21 Kamena. Ibyo ari byo byose, itariki ibyo bintu byabereyeho ntizwi neza.

[1041] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ugushyingo 1999, imp. 67, 68.
[1042] Ni kimwe no haruguru, imp. 69, 70.
[1043] Ni kimwe no haruguru, imp. 70, 71.
[1044] Reba ikimenyetso gihamya N° 10 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

869. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yongeyeho ko umupolisi yari yambaye imyenda ya gipolisi[1045]. Bamweretse amabaruwa yatanzwe n'Ubwunganizi yemeza ko uwo mupolisi n'uwo mushoferi bari barahagaritswe ku kazi muri icyo gihe, umutangabuhamya wiswe H yavuze ko mu ntambara abakozi bari barahagaritswe ku kazi bashoboraga kugasubiraho.

Uregwa

870. Uregwa avuga ko ku itariki ya 20 Kamena 1994, Habayo yajyanywe ku biro bya Komine. Uregwa avuga ko yagerageje kumvisha "abaturage" ko bareka Habayo agasubira iwe ariko abari bamufashe bavuga ko bamwicira ahongaho. Uregwa avuga ko ari yo mpamvu bukeye yimuriye Habayo ku Kibuye, kugira ngo abategetsi babifitiye ububasha bakore iperereza ku byaha yaba yarakoze (kuba icyitso cya FPR). Kuri iyo ngingo, Ubwunganizi bwifashishije igitabo cyerekana amabaruwa yoherejwe na Komine aho bigaragara ko Uregwa yoherereje umukuru wa Jandarumori ku Kibuye ibaruwa ku itariki ya 21 Kamena 1994 yerekeranye n'iyimurwa rya Habayo[1046].

871. Uregwa avuga ko yari afite akamenyero ko gushyikiriza umukuru wa Jandarumori ku Kibuye ibibazo byerekeranye no kurwanya FPR. Asobanura ko yigeze gukorana n'uwo mukuru wa Jandarumori akaba yari azi ko ari "inyangamugayo".

872. Uregwa avuga kandi ko umupolisi wajyanaga imfungwa muri ubwo buryo yagarukanaga igitabo cya Komine (cyerekana ko uwashyikirijwe imfungwa yayakiriye koko) cyanditswemo ko imfungwa yimuwe. Icyakora abategetsi bo ku Kibuye hari ubwo batamenyeshaga Uregwa uko ibibazo bohererejwe bivuye muri Komine ya Mabanza byagenze cyangwa ntibamumenyeshe ibyemezo byafashwe, cyane cyane muri icyo gihe

---

[1045] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 22 Ugushyingo 1999, urup. 31.
[1046] Ikimenyetso gihamya N°18 cyatanzwe n'Ubwunganizi, kiri kuri N° 0351 [mu gitabo cy'amabaruwa]: "Kohereza Habayo ngo asobanure ibiri mu ibaruwa bamwandikiye ivuga ko Aba[t]utsi bazicwa."

kivugwa. Uregwa yongeraho ko ubwo yahungaga ajya muri Zayire muri Nyakanga 1994, yatekerezaga ko Habayo yari agikorwaho ipereereza.

Imyanzuro y'Urugereko

873. Urugereko rusanga ibimenyetso byatanzwe bigaragaza ko Uregwa koko yimuriye Habayo ku Kibuye kugira ngo hakorwe ipereereza ku byo abantu, batavugwa abo ari bo, bamuvugagaho ko yari icyitso cya FPR. Uregwa avuga ko yashyikirije Habayo komanda wa Jandarumori ku Kibuye akurikije uko byari bisanzwe bigenda no kugira ngo ashobore kurindirwa umutekano. Porokireri nta kimenyetso na kimwe atanga cyatuma umuntu yashidikanya kuri icyo gisobanuro. N'ubwo Porokireri avuga ko ibyanditse mu gitabo cya Komine bishobora kuba ari "ibicurano", nta kimenyetso atanga gishyigikira ibyo avuga.

874. Urugereko ntirwashyikirijwe ikimenyetso na kimwe cyerekana uko byagendekeye Habayo amaze kwimurirwa ku Kibuye. Kugira ngo Uregwa aryozwe iyicwa rya Habayo, hagomba kugaragazwa, ku buryo budashidikanywaho, ko Habayo yishwe n'abari bamufunze ku Kibuye. Nta kimenyetso rero cyatanzwe imbere y'Urugereko cyerekana ko Habayo yishwe muri ubwo buryo.

875. Kubera ko hatatanzwe ikimenyetso kigaragaza ko Habayo yishwe, cyangwa ko yanapfuye, Urugereko rusanga atari ngombwa gusuzuma ikibazo cyo kumenya niba igihe Uregwa yemezaga ko Habayo yimurirwa [ku Kibuye] yari azi ko ashobora kwicwa. Porokireri agomba gutanga ibimenyetso bigaragaza ko Uregwa yimuye Habayo atitaye na gato ku mutekano we, kandi azi ko, ukurikije ukuntu ibintu byari byifashe , abajandarume bashoboraga kwica umuntu, muri icyo gihe, waregwaga ko ahishe Abatutsi. Kubera ko nta gikorwa kigize icyaha [*actus reus*] cyabaye, icyo gitekerezo cyo gukora icyaha, n'iyo cyagaragazwa, ubwacyo ntigihagije ngo habe harakozwe icyaha.

876. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanze ibyaha byibasiye inyokomuntu no kunyuranya n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Inyongera yayo ya II Porokireri ashinja Uregwa hashingiwe ku ruhare yaba yaragize mu iyicwa rya Habayo, nta shingiro bifite.

5. Amabariyeri yo muri Komine ya Mabanza

5.1 Intangiriro

877. Porokireri avuga ko muri icyo gihe kivugwa cyo mu mwaka wa 1994, muri Komine ya Mabanza hari amabariyeri. Ibibazo byerekeranye n'amategeko n'ibyabaye bivugwa na Porokireri byasuzumwa neza bikomatanyijwe mu kiciro kamwe, aho kugira ngo bikorwe, nk'uko byakozwe haruguru, hashingiwe ku buryo byakurikiranye mu gihe.

Inyandiko y'ibirego

878. Igika kimwe rukumbi cyo mu Nyandiko y'ibirego ni cyo cyonyine kivuga, ku buryo bweruye, ko muri Komine ya Mabanza hari amabariyeri. Icyo gika cya 4.14 kigira kiti:

> "By'umwihariko, Ignace Bagilishema abyumvikanyeho n'abandi bantu barimo Clément Kayishema, Célestin Semanza, Apollinaire Nsengimana, Emile Nzanana na Munyampundu, hagati y'itariki ya 9 Mata n'iya 30 Kamena 1994, bahaye Interahamwe zitwaraga gisirikare uburenganzira kandi bazishishikariza gushyiraho za bariyeri ahantu h'ingenzi muri Komine ya Mabanza no hafi y'ibiro by'iyo Komine. Icyari kigamijwe cya mbere mu ishyirwaho z'iyo bariyeri kwari ukugenzura abahisi n'abagenzi, ngo izo Nterahamwe zishobore kujonjoramo Abatutsi. Hagati y'itariki ya 9 Mata n'iya 30 Kamena 1994, Ignace Bagilishema yatanze itegeko ryo gufungira Abatutsi benshi kuri bariyeri zinyuranye zari muri Komine ya Mabanza. Bene

> izo mfungwa zashyikirizwaga Ignace Bagilishema nyuma zikicwa n'abapolisi ba Komine, abajandarume, Interahamwe n'abasiviri bafite intwaro, yari akuriye kandi yagenzuraga."

Ingingo z'ababuranyi

879. Porokireri avuga ko, muri Mabanza, bariyeri zarashyiriweho gutoranya no kwica zice Abatutsi; ko Uregwa yari azi ko nyinshi muri zo zihari kandi ko ari we wari wazishyirishijeho cyangwa akemera ko zishyirwaho. Porokireri ntiyemera ibivugwa n'Ubwunganizi ko hari itandukanirizo hagati ya "bariyeri zizwi n'ubutegetsi" na "bariyeri zitazwi n'ubutegetsi" ahubwo yemeza ko bariyeri zose zashyizweho byemewe n'ubutegetsi. Porokireri ashinja Uregwa jenoside, kuba icyitso cy'abakoze jenoside, n'ibyaha byibasiye inyokomuntu ku birebana n'ishyirwaho rya za bariyeri n'uburyo zakoraga muri Komine ya Mabanza, cyane cyane ku byerekeranye n'iyicwa ry'abantu babiri, ari bo Bigirimana na Judith[1047].

880. Mu myanzuro nsozarubanza yatanze mu magambo, Porokireri avuga muri make uko abona ibintu, agira ati:

> "Nta kimenyetso na kimwe twabonye kigaragaza ko Uregwa ubwe yigeze ajya kuri ayo mabariyeri ayarinze. Tuvuga ko aryozwa icyaha kubera ko mu gushyira mu bikorwa uwo mugambi, cyangwa mu gufasha no gushishikariza abantu gushyira mu bikorwa uwo mugambi, hari igihe muri Mata 1994 Uregwa yafashe icyemezo cyo gushyirishaho ayo mabariyeri. Ni bwo yasabye abasiviri kurinda ayo mabariyeri. Abo basiviri rero bakaba barakoze amarorerwa kuri ayo mabariyeri, babitegetswe n'Uregwa. Bityo Uregwa

[1047] Reba by'umwihariko, Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 16-20, ibika 114-132; imp. 69-76, ibika 382-410; urup. 9, igika cya 52; imp. 14, 15, ibika 77-85; urup. 16 na 17, igika cya 93; urup. 17, ibika 117-120; urup. 27, ibika 138-142; urup. 30, ibika 163, 164; urup. 36, ibika 213 na 214; urup. 38, ibika 232, 233; imp. 40, 41, ibika 246, 252, 253; urup. 41, ibika 257, 258; urup. 43, igika 269; urup. 44, igika cya 275; Igisubizo cya Porokireri ku Myanzuro isubiza y'Ubwunganizi , ibika 41-49.

akaba agomba kuryozwa icyaha mu buryo bubiri: ubuvugwa mu ngingo ya 6 (1) no mu ngingo ya 6 (3).”[1048]

881. Ubwunganizi ntibuhakana ko mu gihe cy’ibyabaye bivugwa muri Mabanza, hari harashyizweho amabariyeri. Uregwa yiyemerera ko muri Mata 1994 yategetse ko hashyirwaho “bariyeri yemewe n’ubutegetsi” ari yo yo kuri Trafipro. Cyakora, ahakana ko yashishikarije abantu bari bayirinze gukora ibyaha cyangwa ngo amenye ko ibyo byaha byahakorerwaga[1049].

882. Byongeye kandi, Uregwa ahakana ko yategetse ko hashyirwaho indi bariyeri. Iyo yamenyeshwaga ko hari “amabariyeri atemewe n’ubutegetsi” yashyizweho n’“abantu bananiranye”, buri gihe yahitaga yihutira kubafatira ibyemezo[1050]. Uregwa avuga ko yanditse ibaruwa ku itariki ya 12 Nyakanga 1994, ifite nomero 0367 mu gitabo cya Komine cy’amabaruwa yoherejwe[1051], ayandikira abantu babiri bitwa Rukara na Ngango, abasaba gukuraho amabariyeri atemewe n’ubutegetsi.

5.2 Ibyavugwa muri rusange ku mabariyeri

5.2.1 Amabariyeri na gahunda yo kwirinda kw’abaturage

883. Mu ntangiriro yo mu mwaka wa 1994, Leta y’u Rwanda yashyizeho gahunda yo “kwirengera kw’abaturage”. Muri urwo rwego, abategetsi bo mu nzego zo hasi bategetswe gushyiraho amabariyeri agamije kubuza FPR gucengera[1052]. Ni ko bigaragara

---

[1048] Inyandikomvugo y’iburanisha, 18 Ukwakira 2000, imp. 112, 113.
[1049] Reba by’umwihariko Imyanzuro nsozarubanza yanditse y’Ubwunganizi, imp. 9, 10, ibika 27-29; imp. 24, 25, igika cya 158; imp. 48-56, ibika 375-462; imp. 120-122, ibika 66-74; Ibivugwa n’Ubwunganizi ku Gisubizo cya Porokireri ku Myanzuro isubiza yabwo, 194-206.
[1050] Reba inyandikomvugo y’iburanisha, 7 Kamena 2000, urup. 145.
[1051] Reba ikimenyetso gihamya N° 18 cyatanzwe n’Ubwunganizi.
[1052] Bariyeri na none zashyizweho ubwo APR yateraga u Rwanda iturutse mu Buganda mu Ukwakira 1990. Reba ubuhamya bw’Uregwa, inyandikomvugo y’iburanisha, 7 Kamena 2000, urup. 155.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

cyane cyane mu mabwiriza yo ku itariki ya 27 Mata 1994 yitwa "Amabwiriza agamije kugarura umutekano mu gihugu" Minisitiri w'Intebe yandikiye abaperefe bose. Igika cya 3 n'icya 4 by'iyo baruwa bigira biti :

> 3. Umwanzi wateye u Rwanda arazwi: ni FPR-Inkotanyi. Musabwe rero gusobanurira abaturage ko bagomba kwirinda cyo ari cyo cyose cyatera imidugararo mu baturage ishingiye ku moko, ku turere, ku madini, ku mashyaka ya politiki, ku nzangano n'ibindi kuko iyo midugararo mu baturage iha umwanzi icyuho. Ariko rero, abaturage bagomba kuba maso kugira ngo batahure umwanzi n'ibyitso bye babashyikirize ubutegetsi, kandi bakifashisha Ingabo z'igihugu aho bishoboka. Abategetsi bo mu makomine, segiteri na serire, bafashijwe n'Ingabo z'igihugu aho bishoboka, basabwe kugena ahantu amabariyeri yemewe n'ubutegetsi ashobora gushyirwa no kugena uburyo amarondo ya nijoro yakomeza gukorwa kugira ngo umwanzi atabona aho amenera acengera. Kuri ayo mabariyeri no muri ayo marondo, abaturage bagomba kwirinda guhohotera inzirakarengane.
>
> 4. Ibikorwa by'urugomo bikorerwa inzirakarengane, ubusahuzi n'ibindi bikorwa by'ubugome bigomba guhita bihagarara. Ni yo mpamvu Ingabo z'igihugu, parike n'izindi nzego z'ubucamanza bigomba guhana, byihanukiriye, abagaragayeho ko bakora ibyo bikorwa. Buri gihe bibaye ngombwa, mushobora kwifashisha Ingabo z'igihugu n'inzego z'ubucamanza mu guhosha imidugararo, mu kurwanya ibikorwa by'ubujura n'ubusahuzi no mu kwigisha abaturage gukomeza umuco mwiza wo gutabarana no kwirwanaho.[1053]

884. Ku itariki ya 30 Mata 1994, Perefe Kayishema yashyikirije ba burugumesitiri bo muri perefegitura ye, harimo n'Uregwa, ibaruwa ya Minisitiri w'Intebe. Mu ibaruwa iyiherekeje, perefe mu byo yabwiye abo yoherereje iyo baruwa harimo aya magambo:

[1053] Ikimenyetso gihamya N° 77 b) cyatanzwe na Porokireri.

"Musabwe kuyashyikiriza (amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe) abaturage mu nama y'umutekano nk'uko byasabwe mu nama twakoranye ku itariki ya 25 Mata 94"[1054].

885. Mu ibaruwa ya kabiri yo ku itariki ya 30 Mata 1994, ifite uyu mutwe: "Kwirinda kw'abaturage" nayo yohererejwe ba burugumesitiri, perefe yanditse ibi bikurikira:

> "Kubera uko umutekano wifashe mu gihugu, Leta y'u Rwanda yiyemeje gushyiraho gahunda y'ukwirinda kw'abaturage.
>
> Iyo gahunda y'ukwirinda kw'abaturage kuzakorwa n'abaturage ubwabo mu maserire no mu masegiteri kandi izafasha mu:
>
> - Gushyiraho no gucunga amarondo n'amabariyeri
> - Gukomeza kuba maso cyane cyane ku byerekeranye n'icengera ry'Inkotanyi hakoreshejwe gucunga buri gihe abahita rwihishwa
>
> Kubera iyo mpamvu, musabwe gushaka byihutirwa abantu bazigishwa. Abo bantu bazatoranywa bagomba kuba cyane cyane:
>
> - Babishoboye ku by'umubiri no mu mutwe
> - Ari indakemwa mu mico no mu myifatire
> - Bafitiwe icyizere n'abaturage
>
> Ku byerekeranye n'imyitozo, izakoreshwa n'abarezerivisite muzahitamo mu makomine yanyu. Nyuma yo gutoranya abazigishwa, hateganijwe amanama yo gusobanura iby'iyi gahunda."[1055]

886. Kuba izo nyandiko zaranditswe mu mpera za Mata 1994 ntibishatse kuvuga ko nta bariyeri zari muri Mabanza mbere y'iyo tariki. Ahubwo hari ibimenyetso bigaragaza ko kuva mu Ukwakira 1990, bariyeri zakoraga muri Komine ya Mabanza, mu bihe bitandukanye; kandi ko bariyeri zongeye zigashyirwaho nyuma y'ibyabaye ku itariki ya 6

[1054] Ni kimwe no haruguru.
[1055] Reba ikimenyetso gihamya N° 77 a) cyatanzwe na Porokireri.

Mata 1994[1056]. Kuri iyo ngingo, Uregwa agira ati "Muri rusange, izo bariyeri zemewe n'ubutegetsi igihe Minisitiri w'Intebe yatangaga ayo mabwiriza"[1057].

5.2.2 Bariyeri zagaragaye muri Komine ya Mabanza

887. Hatanzwe ibimenyetso bigaragaza ko, mu gihe cy'ibyabaye bivugwa, muri Komine ya Mabanza hari za bariyeri. Abatangabuhamya bashinja biswe A, AA, AB, B, Y na Z n'abashinjura biswe KA, KC, RA, RJ, ZD ndetse n'Uregwa batanze ubuhamya mu Rukiko ku byerekeranye n'izo bariyeri.

888. Amabariyeri amwe yakomojweho mu buhamya bwatanzwe n'abagabo banyuranye. Abatangabuhamya biswe AA, AB, KA, RA, Y na Z n'Uregwa ubwe bavuga ibyerekeranye na bariyeri yari kuri Trafipro, hafi y'ibiro bya Komine. Abatangabuhamya biswe AA, B, RA, Z na ZD bavuga ibyerekeranye na bariyeri yari ku Gitikinini, hafi y'isoko ryo ku Gitikinini. Uregwa asobanura ko yagerageje gushyirisha bariyeri kuri Muregeya naho abatangabuhamya biswe Z na ZD bakavuga ko bazi ko aho hantu hari bariyeri. AB na Z bavuga ko ku kigo nderabuzima cya Rubengera hari bariyeri. RJ avuga ko yabonye bariyeri mu Gashyushya naho Z akavuga ko yumvise ko aho hantu hari bariyeri.

889. Hari izindi bariyeri zivugwa ariko ugasanga ibivugwa n'abatangabuhamya bidahura. Umutangabuhamya wiswe A avuga ibyerekeranye na bariyeri y'i Gacaca, hafi y'urugo rw'Uregwa; iy'i Kibirizi imbere y'urugo rwa Rwagama; iyo Kunyenyeri muri Gihara; iy'i Mushubati; iy'i Kiruri; no ku mugezi wa Kiruri. Umutangabuhamya wiswe AB yabonye za bariyeri ku Gisenyi, hafi ya Paruwasi ya Rubengera; ku muhanda werekeza ku rusengero rw'abaperesibiteriyani; ku muhanda ugana ku Gisenyi, n'aho imihanda iva i

---

[1056] Reba ibyanditse hasi ku rupapuro N° 1052.
[1057] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, urup. 44.

Kigali n'i Butare ihurira. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko hari za bariyeri mu Ryanyirakabano no ku ihuriro ry'imihanda rya Nyanza, nko muri kirometero eshanu uvuye ku biro bya Komine. Umutangabuhamya wiswe AA yemeza ko hari bariyeri mu Kabuga, hafi y'inkambi y'Abashinwa. Umutangabuhamya wiswe KC avuga ko yaciye kuri bariyeri yari ku rugabano rwa Komine ya Mabanza na Kivumu.

890. Urugereko rusanga bishoboka ko abatangabuhamya babiri baba bavuga bariyeri imwe bakoresheje amazina cyangwa ibimenyetso bitandukanye mu gusobanura aho yari iri.

891. Rumaze gusuzuma ibimenyetso byatanzwe, Urugereko rusanga icyo umuntu ahita abona ari uko habaye ubwicanyi bufitanye isano na bariyeri eshatu zari muri Mabanza kuri Trafipro, ku Gitikinini no mu Gacaca, cyangwa bukazikorerwaho. Mu bikurikira, Urugereko rurasuzuma iby'izo bariyeri eshatu rushingiye ku bintu byose biri muri dosiye byerekeranye n'ishyirwaho n'imikorerere yazo maze rubone kwemeza niba Uregwa hari icyo yaryozwa hashingiwe kuri bumwe, cyangwa bwinshi, mu buryo butatu bw'uburyozwacyaha. Ibyo biratuma Urugereko rusuzuma niba Uregwa "yaremereye kandi akanashishikariza" Interahamwe gushyiraho bariyeri nk'uko bivugwa mu Nyandiko y'ibirego. Biratuma kandi rusuzuma niba izo bariyeri zari zigamije "kujonjora abantu kugira ngo Abatutsi bamenyekane". Urugereko ruranasuzuma niba haratanzwe ibimenyetso bigaragaza ko Uregwa "yategetse ko Abatutsi bafatirwa kuri bariyeri zitandukanye", maze "bakamushyikirizwa" mbere "y'uko bicwa" n'abantu yategekaga kandi agenzura (reba akiciro ka V. 5.11).

5.3 Uburyozwacyaha bushingiye ku byaha byakorewe kuri za bariyeri

892. Hashingiwe ku bintu bimwe biri busesengurwe ku buryo burambuye mu bikurikira, Uregwa ashobora kuryozwa ibyaha byakozwe ku byerekeranye na za bariyeri. Ibirego Porokireri akurikiranyeho Uregwa, ari byo jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu,

bikubiyemo gusa ibyaha byo kwica cyangwa guteza abasiviri b'Abatutsi ububabare buzahaza umubiri cyangwa mu mutwe.

5.3.1 Uburyozwacyaha buteganywa n'Ingingo ya 6 1) n'iya 6 3) za Sitati

893. Ku byerekeye buri bariyeri yemejwe ko yari muri Komine ya Mabanza, Porokireri agomba kugaragaza ibimenyetso bikurikira bihamya uburyozwacyaha: mbere na mbere, agomba kugaragaza ko icyaha cyangwa ibyaha runaka byakozwe bifitanye isano n'iyo bariyeri. Ibi ntibivuga ko icyaha kigomba kuba, byanze bikunze, cyarakorewe kuri iyo bariyeri nyirizina. Kuba icyaha cyarakozwe n'abantu bagenzuraga iyo bariyeri kandi bakagikora mu rwego rw'ibikorwa bisanzwe by'ubugenzuzi bw'iyo bariyeri, birahagije[1058].

894. Icya kabiri, Porokireri agomba kugaragaza ko Uregwa ari we wari "ushinzwe" imikorere y'iyo bariyeri, bityo akaba agomba kuryozwa ibyaha byakozwe bifitanye isano na yo. Kuri iyi ngingo, uburyozwacyaha buri ukubiri: hari uburyozwacyaha buvugwa mu Ngingo ya 6 1) n'ubuvugwa mu Ngingo ya 6 3) za Sitati.

895. Hakurikijwe Ingingo ya 6 1), kugira ngo Uregwa aryozwe ibyaha byakozwe bifitanye isano na bariyeri iyi n'iyi, ibintu bikurikira bigomba kuba byujujwe: Icya mbere: kuba yaragize uruhare kamara mw'ifatwa ry'icyemezo cyo gushyiraho bariyeri cyangwa se, mu gihe iyo bariyeri yashyizweho n'abandi bantu, kuba yaremeye kandi agashyigikira ko ibikorwa by'ubugenzuzi byayikorerwagaho bikomeza, kandi yari afite ububasha bwo

---

[1058] Mu gusobanura iyo ngingo, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwatanze urugero rukurikira: Niba mu gushyiraho bariyeri, hari hagamijwe no gutahura no kwica "umwanzi", noneho impunzi y'Umututsi igafatirwa hafi aho hantu ikazanwa kuri bariyeri, hanyuma abarinze iyo bariyeri bakajyana uwo muntu hirya gato bakahamwicira, icyo cyaha gifatwa nkaho gifitanye isano n'iyo bariyeri. Cyakora, niba umuntu ashobora gushidikanya ko icyaha cyaba cyarakozwe mu rwego rw'imirimo isanzwe y'ubugenzuzi yakorerwaga kuri bariyeri, mu yandi magambo, niba umuntu ashobora kwemeza ku buryo bwumvikana ko icyaha cyakozwe gishobora kuba nta sano n'imwe gifitanye n'icyari kigamijwe mu gushyiraho bariyeri, cyangwa cyarakozwe n'abantu ku mpamvu zabo bwite, icyo cyaha nta sano kiba gifitanye na bariyeri.

kubihagarika. Icya kabiri: Porokireri agomba kugaragaza ko Uregwa yari azi ko iyo bariyeri yashyizweho hagamijwe ibikorwa by'ubugome (n'ubwo byaba atari byo byonyine yashyiriweho). Ibi bivuga ko Uregwa agomba kuba yari azi ko iyo bariyeri yashyizweho hagamijwe gusa kwica abasiviri b'Abatutsi cyangwa ko yari azi ko, mu by'ukuri, iyo bariyeri yakoreshwaga nk'aho yari yarashyiriweho icyo gikorwa. Izo ngingo uko ari ebyiri zirahagije kugira ngo hagaragazwe ko Uregwa, mu gihe yashyizeho bariyeri cyangwa akemera ko ibikorwa byazikorerwagaho bikomeza gukorwa, yashakaga ko abasiviri b'Abatutsi bazicirwaho cyangwa yirengaza nkana kurangiza inshingano ze ku byerekeye ibyo bikorwa.

896. Uburyo bwa kabiri bw'uburyozwacyaha ni ubuvugwa mu Ngingo ya 6 3). Hakurikijwe iyo ngingo, Uregwa aryozwa ibyaha byakozwe bifitanye isano na bariyeri iyo abantu yari akuriye bari bashinzwe iyo bariyeri kandi bakayikoreraho ibyaha. Porokireri agomba kwerekana ko ingingo zisanzwe zigaragaza uburyozwacyaha bw'umuntu ukuriye abandi zuzujwe zose uko ari eshatu ari zo izi zikurikira: usibye kuba hari isano hagati ya gatozi n'umukuriye, uyu agomba kuba yari azi ko hari ibyaha bigiye gukorwa cyangwa ko byamaze gukorwa ariko ntafate ingamba za ngombwa zigamije kubiburizamo cyangwa guhana ababikoze. Nk'uko byavuzwe haruguru (reba akiciro ka III.1.2.), ikigenderwaho cyo "kumenya" ku buryozwacyaha bw'umuntu ukuriye abandi kizaba kiriho haramutse hagaragajwe ko Uregwa yari azi koko ko icyaha cyangwa ibyaha byakozwe cyangwa byari hafi gukorwa kandi bifitanye isano na bariyeri, cyangwa bitabaye ibyo, akaba yaramenyeshejwe ko bigiye gukorwa, ariko ntagire icyo akora ngo arusheho gusobanukirwa neza.

897. Muri uru rwego nanone, ubwoko bwa gatatu bushoboka bw'uburyozwacyaha ni uburangare bufatwa nk'icyaha. Ahangaha, uburyozwacyaha bw'Uregwa bushingiye ku kudakora icyo yagombaga gukora, kumvikana hano nko kwirengagiza, by'ubugome, inshingano zo kubungabunga amahoro n'umutekano wa rubanda. Muri uru rubanza, Uregwa ashobora kuryozwa uburangare bufatwa nk'icyaha, Porokireri abashije

kugaragaza ko Uregwa yagaragaje uburangare mu gucunga bariyeri imwe cyangwa nyinshi yagenzuraga kandi ubwo burangare bugatuma abasiviri b'Abatutsi bicwa n'abari bashinzwe iyo bariyeri. Na none, ubwo buryozwacyaha bwabaho mu gihe Porokireri abashije kugaragaza ko Uregwa yateshutse, ku buryo bukomeye, ku nshingano ye yo gutunganya imikorere ya bariyeri imwe cyangwa nyinshi yari ashinzwe kugenzura maze ubwo burangare bugatuma abasiviri b'Abatutsi bicwa (n'abantu bari bashinzwe izo bariyeri). Niba mu kazi ke ka burugumesitiri, Uregwa yari ashinzwe kubungabunga umutekano muri Komine ya Mabanza, yaba yaranyuranyije bikabije n'inshingano ze aramutse yarashyizeho bariyeri ku mihanda ntagenzure uko bikwiye imikorere yazo, kandi muri kiriya gihe abasiviri b'Abatutsi barashoboraga rwose kwicwa biturutse kuri izo bariyeri. Urugereko rusanga mu manza zabanjirije uru, nta na rimwe Urukiko rwigeze rusobanura byimazeyo cyangwa ngo ruce urubanza ku birebana n'ubu bwoko bw'uburyozwacyaha. Mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugosolaviya (TPIY), ikibazo cy'ubwo buryozwacyaha cyavuzwe mu rubanza rumwe gusa mu manza zose rwaciye. Naho mu rubanza rwaciriwe i Tokyo mu Rukiko Mpuzamahanga rwa Gisirikare Rwashyiriweho Aziya y'Uburasirazuba [*Tribunal militaire international pour l'Extrême-Orient*], Urukiko ntirwatinze kuri icyo kibazo ahubwo rwatanze gusa inzira zimwe na zimwe cyasuzumwamo. Ibyavuzwe muri urwo rubanza turabisuzuma nyuma (reba akiciro ka 5.10).

5.3.2 Itandukanyirizo hagati ya bariyeri zashyizweho n'ubutegetsi n'izitarashyizweho nabwo.

898. Nk'uko bivugwa haruguru, Ubwunganizi bwagaragaje ko hari itandukanyirizo hagati ya bariyeri "zashyizweho n'ubutegetsi" n'"izitarashyizweho n'ubutegetsi". Mu buhamya bwe, Uregwa ashimangira iryo tandukanyirizo mu magambo akurikira:

> "Hirya no hino hashyizweho bariyeri zitazwi n'ubutegetsi. Izo bariyeri twazirwanyaga tukimara kumenya ko zashyizweho […] Izo bariyeri

> zashyirwagaho n'abaturage ku giti cyabo imbere y'ingo zabo, ku muhanda munini no ku mihanda yose y'amasegiteri."[1059]
>
> Muri kiriya gihe cy'imvururu, abaturage bashyiragaho uko biboneye bariyeri bagamije gucuza abahisi n'abagenzi. Jyewe, nk'umuyobozi, nari mbizi kuko nahuraga n'icyo kibazo kandi iyo namenyaga ko hari bariyeri itazwi n'ubutegetsi, narayirwanyaga.[1060]

899. Porokireri ntiyemera iyo mvugo yemeza ko habayeho ubwoko bubiri bwa bariyeri muri Mabanza. Avuga ko iryo tandukanirizo ntaho rishingiye kandi ko, ibyo ari byo byose, ntacyo ryahindura ku buryozwacyaha bw'Uregwa. Porokireri avuga ko Uregwa, nka Burugumesitiri, yagenzuraga muri rusange kandi agategeka Komine ya Mabanza yose. Bityo rero, bariyeri yose yashyizweho muri Mabanza yashoboraga kwitwa ko "izwi n'ubutegetsi"[1061].

900. Kuri iyi ngingo, umutangabuhamya ushinjura wiswe RA ni we wenyine wakomoje ku itandukanyirizo hagati ya bariyeri zashyizweho n'abategetsi n'izitari zizwi nabo. Abivuga muri aya magambo:

> "Hari hari bariyeri zari zarashyizweho n'abategetsi. Nk'uko nabivugaga, abari kuri izo bariyeri bari barahawe amabwiriza yo gusaba indangamuntu no gusaka intwaro. Hari izindi bariyeri zashyizweho n'abaturage, zashyirwagaho cyane cyane nijoro. Izo bariyeri ni zo zari zikaze kurusha izabaga zizwi n'ubutegetsi."[1062]

[1059] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, urup. 155.
[1060] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 30, 25.
[1061] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, urup. 124. Porokireri agira ati: " … nta tandukanyirizo ryari rihari. […] Mu kazi ke nka Burugumesitiri, Uregwa yari afite ubushobozi n'ububasha bwo kumenya ibintu byose ibyaberaga muri Mabanza. Sinemera rero ko hari bariyeri n'imwe [yashyizweho nta ruhushya]".
[1062] Inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Gicurasi 2000, urup. 66.

901. Urugereko rusanga mu manza zaciwe kugeza kuri ubu, nta na rimwe Urukiko rwigeze rutandukanya bariyeri zashyizweho n'ubutegetsi n'izitarashyizweho na bwo[1063]. Byongeye kandi, muri uru rubanza nta nyandiko n'imwe iriho igaragaza ku buryo bweruye itandukanyirizo hagati y'ubwo bwoko bwombi bwa bariyeri. Mu nyandiko ikubiyemo amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe, havugwagamo bariyeri "zemewe n'ubutegetsi" (reba akiciro ka V.5.2. kavuzwe haruguru). Iyo mivugire ituma umuntu yibwira ko bishoboka ko muri Komine ya Mabanza hari bariyeri zitari zemewe n'ubutegetsi. Nyamara ku rundi ruhande, ni ngombwa kwibutsa amwe mu magambo ari mu buhamya bw'Uregwa, aho avuga ko icyari kigamijwe mu ibaruwa ya Minisitiri w'Intebe, kwari ukwemera ku mugaragaro bariyeri zari zisanzweho[1064].

902. Bariyeri yakwitwa ko "izwi n'ubutegetsi" cyangwa ko "itazwi n'ubutegetsi", Uregwa ntashobora kuryozwa ibyaha byakorewe kuri bariyeri runaka, kandi atarayishyizeho ubwe cyangwa ataratanze inkunga ya ngombwa cyangwa ngo ashyigikire ko ibikorwa byayikorerwagaho bikomeza (n'ubwo yari afite ububasha bwo kubihagarika). Porokireri agomba nibura kugaragaza kimwe muri ibyo bisabwa.

5.4 Bariyeri yo kuri Trafipro - Ishyirwaho rwayo n'icyari kigamijwe.

903. Bariyeri yo kuri Trafipro yashyizwe hafi y'ibiro bya Komine, ku muhanda Kigali-Kibuye. Abagabo bashinja biswe AA, AB, Y na Z, abagabo bashinjura biswe KA, RA n'Uregwa ubwe, batanga ubuhamya kuri icyo kibazo.

[1063] Urugero: Reba Urubanza rwa *Rutaganda*, ibika 202- 261; Urubanza rwa *Kayishema* na *Ruzindana*, ibika 294, 295.
[1064] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, urup. 44.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

5.4.1 Ishyirwaho rya bariyeri yo kuri Trafipro n'ishyirwaho ry'abantu bo kuyigenzura.

Isesengura

904. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo ushinja wiswe Z avuga ko, ku mugoroba wo ku itariki ya 13 Mata 1994, Nkiriyumwami wari Konseye wa Segiteri yamubwiye ko Burugumesitiri yatanze amabwiriza ko (umutangabuhamya) agomba gushaka abandi bantu, bagafatanya gushyiraho bariyeri kuri Trafipro[1065]. Kugira ngo arusheho gusobanukirwa ibyo yari amaze kubwirwa, umutangabuhamya yagiye kureba Uregwa iwe mu rugo. Ni bwo Uregwa amubwiye kujya gushaka abantu bamwe na bamwe barimo uwitwa Rushimba (izina rye nyaryo rikaba ari Fidèle Cyakubwirwa), maze bakazinduka bashyiraho bariyeri kugira ngo bafate "abanzi" bashakaga gutoroka[1066]. Mu buhamya bwanditse yatanze mbere, ku itariki ya 18 Ugushyingo 1999, uyu mutangabuhamya avuga ko yajyanye na Rushimba kureba Uregwa ku mugoroba wo ku itariki ya 13 Mata 1994[1067].

905. Mu rukiko, umutangabuhamya ushinjura wiswe Y avuga ko yasabwe n'abagabo babiri, Rushimba na Saidi Rukanos, kubafasha kurinda barinda bariyeri yari ku muhanda unyura kuri Trafipro. Ibyo bamusabye, yarabikoze. Asobanura ko abo bagabo babiri bivugiye ko ibyo bakoraga bari babitegetswe na Burugumesitiri[1068]. Uyu mutangabuhamya wiswe Y yagumye kuri bariyeri yo kuri Trafipro kuva muri Mata kugera muri Nyakanga 1994[1069]. Ntavuga itariki nyayo iyo bariyeri yashyiriweho muri Mata.

[1065] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 41.
[1066] Reba inyandikomvugo y'iburanisha 8 Gashyantare 2000, urup. 42.
[1067] Reba gihamya Nº 65 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[1068] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantre 2000, urup. 42.
[1069] Ni kimwe no haruguru, urup. 25.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

906. Mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa avuga ko bariyeri yo kuri Trafipro yashyizweho n'abasirikare intambara igitangira, mu Ukwakira 1990. Iyo bariyeri yaje kuvanwaho nyuma mu gihe cy'imishyikirano y'Amahoro ya Arusha. Uregwa avuga ko ahagana ku itariki ya 27 Mata 1994, yategetse ko iyo bariyeri isubizwaho[1070].

907. Uregwa asobanura kandi ko bariyeri yo kuri Trafipro yasubijweho hagamijwe gukumira abacengezi ba FPR, hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe (reba akiciro ka V.5.2.1 kavuzwe haruguru), kandi ko abantu bagombaga guhabwa umurimo wo kuyigenzura, bari batoranyijwe n'Inama ya Komine na we ubwe[1071]. Mu gushimangira ibyo amaze kwemeza ko bariyeri yo kuri Trafipro yari yarashyizweho ku buryo "buzwi n'ubutegetsi ", Uregwa yifashishije inyandiko[1072]. Avuga ko iyo bariyeri ari yo yonyine, yashyizweho n'Inama ya Komine kandi ko ari yo yonyine, yatanzeho amabwiriza. Uregwa yongeraho ati:

> "Icyatumye hashyirwaho iyo bariyeri ni uko, nk'uko nabibabwiye, Komine ya Mabanza ari amasangano y'imihanda myinshi. Bityo twibwiraga ko ayo masangano yagombaga kunyurwamo byanze bikunze n'umuntu uwo ari we wese werekeza ku Kibuye, i Gisenyi cyangwa i Nyanza. Ni yo mpamvu twahisemo kugenzura aya masangano, ariko dutanga n'amabwiriza nyayo kandi asobanutse, tuyaha abantu bagombaga kugenzura iyo bariyeri. Ibi bikaba bitandukanye n'ibyakorwaga mu tundi turere. Twashakaga kwirinda byimazeyo gukora amakosa nk'ayakorerwaga mu tundi turere nk'uko twabyumvanaga abahisi n'abagenzi."[1073]

908. Uregwa avuga ko abarindaga iyo bariyeri bari baratoranyijwe hakurikijwe ingingo zikurikira: "Ubudakemwa, amashuri bize, kuba umuntu yararangije byibura amashuri

---

[1070] Reba inyandikomvugo y'iburanisha 7 Kamena 2000, urup. 156.
[1071] Ni kimwe no haruguru, imp. 156,157.
[1072] Reba Ibimenyetso gihamya Nº 92 na 94 byatanzwe na Porokireri; Ikimenyetso gihamya Nº 62 cy'Ubwunganizi. Izo nyandiko zirasuzumwa mu bikurikira.
[1073] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, imp. 165, 166.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

abanza cyangwa kuba yarize andi mashuri nyuma y'abanza, n'ibindi"[1074]. Avuga ko abantu bagenzuraga iyo bariyeri bari barahawe amabwiriza mu magambo.

909. Ubwunganizi buvuga ko ayo mabwiriza yatanzwe mu magambo muri Mata 1994, yaje gushimangirwa nyuma mu nyandiko ubwo bariyeri yo kuri Trafipro yasubizwagaho[1075]. Ubwunganizi bwerekanye ibaruwa yitwa "Icyemezo" yo ku itariki ya 3 Kamena 1994, yandikiwe abantu batanu kandi yashyizweho umukono n'Uregwa. Iyo baruwa iteye itya:

> " [Abantu batanu ibaruwa yandikiwe…]"
>
> Mbandikiye mbaha icyemezo cyo gukora irondo kuri bariyeri yo kuri TRAFIPRO. Ni ukuvuga ko ntawundi muntu ugomba guhagarara aho akora uwo murimo adafite icyemezo.
>
> Mukugenzura musabwe kudahohotera abagenzi nkuko byakunze kugaragara kuri bamwe. Niyo mpamvu hariho indi Komisiyo (y'abantu batanu) ishinzwe kureba ko ntabagenzi bahohoterwa cyangwa ko umwanzi adashobora kuhabonera icyuho. Iyo komisiyo kandi igomba kubagira inama kugira ngo imirimo igende neza ."[1076]

910. Inyandiko ya kabiri yitwa "Icyemezo" na yo yanditswe ku itariki ya 3 Kamena 1994 kandi igashyirwaho umukono n'Uregwa, yahaye akanama k'abantu batanu uburenganzira bwo kugenzura abantu bari bashyiriweho kurinda bariyeri yo kuri Trafipro. Iyo nyandiko iteye itya :

> "Mbandikiye ngira ngo mbahe uburenganzira bwo kujya mugenzura ko abashinzwe bariyeri ya TRAFIPRO bakora neza ko nta muntu uharenganira no kureba n'ibindi byose byatuma bariyeri ituzuza inshingano zayo. Ibyo

[1074] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena, urup. 33.
[1075] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, urup. 120, igika cya 69.
[1076] Ikimenyetso gihamya Nº 62 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

muzajya mugeraho, muzajya mubigeza kuri FAB/ASC (NSENGIMANA Apollinaire) na Konseye NKILIYUMWAMI D kugira ngo mubishakire umuti, kandi nkagezwaho raporo. Ni ukuvuga ko byaba byiza mwitoyemo umukuru (Chef) wajya akora gahunda y'imikorere.

Dore abashinzwe bariyeri: [… amazina atanu].
N.B: Ntawundi muntu ugomba kugaragara kuri bariyeri adafite icyemezo."[1077]

911. Izina ry'umutangabuhamya wiswe Y ryanditse kuri icyo cyemezo, nk'umwe mu bantu batanu "bari bashinzwe" iyo bariyeri. Naho, izina ry'umutangabuhamya wiswe Z n'irya Rushimba ntagaragara muri iyo nyandiko. Nyamara mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa ntahakana ko bishoboka ko Fidèle Kubwimana, umwe mu bantu batanu bari ku rutonde rw'abari bashinzwe iyo bariyeri, yaba ari na we witwa Rushimba (Fidèle Cyakubwirwa), nk'uko bigaragara mu magambo akurikira:

Igisubizo: Fidèle uwo nyine uvugwa hano, ni Kubwimana. Sinzi niba ari ukumwitiranya [na Cyakubwirwa]. Ariko nda…

Ikibazo: Ni we se wagizwe umukuru wabo ?

Igisubizo: Niba ari Kubwimana, yaba ari wa wundi bita « Rushimba » wenda? Naho ubundi ayo mazina sinari nyazi neza. Fidèle… ariko hano handitse Fidèle Kubwimana. Sinzi niba ari we w'uwo nyine.[1078]

912. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, Uregwa avuga ko abo bantu batanu bakoze kuri bariyeri yo kuri Trafipro kuva igishyirwaho muri Mata 1994. Muri ba bantu batanu bari bagize akanama k'ubugenzuzi, nta n'umwe watanze ubuhamya mu Rukiko, kandi uretse

[1077] Ikimenyetso gihamya Nº 94 cyatanzwe na Porokireri.
[1078] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 48, 49.

umutangabuhamya wiswe Y, nta wundi mu banditswe kuri cya cyemezo waje gutanga ubuhamya mu Rukiko.

Imyanzuro y'Urugereko

913. Ubuhamya bwatanzwe ntibugaragaza itariki nyayo Uregwa yasubirijeho bariyeri yo kuri Trafipro. Urugereko rusanga mu bandi batangabuhamya nta n'umwe ushyigikira ubuhamya bw'umugabo wiswe Z wemeza ko iyo bariyeri yashyizweho ku itariki ya 14 Mata 1994. Umutangabuhamya wiswe Y avuga ko iyo bariyeri yashyizweho muri Mata ariko ntavuga itariki yashyiriweho. Umutangabuhamya ushinjura wiswe RA avuga ko yagiye kureba Uregwa ku biro bya Komine ku itariki ya 17 Mata 1994 kandi ko kuri iyo tariki, bariyeri yo kuri Trafipro yari itarajyaho[1079]. Ubuhamya bw'uyu mugabo bugaragaza ko bariyeri yo kuri Trafipro yaba yarashyizweho mu gice cya kabiri cya Mata 1994.

914. Ku byerekeye abakozi bashyizwe kuri bariyeri yo kuri Trafipro, Urugereko rusanze bidashidikanywaho ko umutangabuhamya wiswe Y yari umwe muri bo. Nk'uko bigaragara mu buhamya yatanze mu Rukiko ndetse n'ubw'Uregwa, muri Mata 1994 uyu mutangabuhamya yategetswe, mu magambo, kurinda iyo bariyeri. Icyemezo cyo ku itariki ya 3 Kamena 1994 cyatanzwe n'Uregwa kigaragaza ko Y na we yakoze kuri iyo bariyeri muri Kamena k'uwo mwaka. Ni yo mpamvu Urugereko rusanga bigaragara nta shiti ko Y yari kuri iyo bariyeri guhera muri Mata 1994 kandi ko yari anahari ku itariki ya 3 Kamena 1994 cyangwa nyuma y'iyo tariki.

915. Ibirebana n'umutangabuhamya wiswe Z na Rushimba ntibifututse. Ibimenyetso byatanzwe na Porokireri bigaragaza ko aba bantu bombi bari kuri bariyeri yo kuri

[1079] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Gicurasi 2000, urup. 64.

Trafipro mu bihe bimwe na bimwe mu gihe cy'ibyabaye. Cyakora, Uregwa avuga ko atigeze yemerera Z cyangwa Rushimba kurinda bariyeri yo kuri Trafipro[1080].

916. Ubwemeracyaha bw'umutangabuhamya wiswe Z imbere y'abategetsi b'u Rwanda butuma umuntu yibaza ku ukuri kw'ibivugwa haruguru ko Uregwa yaba yaramuhaye amabwiriza yo gushyiraho bariyeri yo kuri Trafipro afatanyije n'abandi bantu. Mu bwemeracyaha bwe, Z avuga ko bariyeri (bigaragara ko ishobora kuba ari iyo kuri Trafipro) yashyizweho n'umutangabuhamya wiswe Y afatanyije na Rushimba, ariko yirinda kuvuga ko ari umwe mu bayishyizeho kandi ntanavugamo Uregwa. Aravuga gusa ngo: "Abayigenzuraga twari benshi"[1081].

917. Ku byerekeye kuba yarakundaga kuba ari kuri bariyeri yo kuri Trafipro, mu Rukiko umutangabuhamya wiswe Z avuga ko yagumye kuri iyo bariyeri ayigenzura "igihe cyose" kuva ku itariki ya 14 Mata 1994 kugera muri Nyakanga 1994, ariko ibi bikaba bitavuga ko ataba "yaragize" aho anyarukira kubera impamvu runaka". "Ntiyabaga ahari igihe cyose"[1082]. Umutangabuhamya avuga ko "hakurikijwe ibyo abantu babonaga cyangwa se bavugaga, umuntu yatekerezaga ko ari we wari ukuriye iyo bariyeri, ariko mu by'ukuri Rushimba ni we wari uyikuriye"[1083]. Mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 18 Nzeli 1999, Z yemeza ko, guhera ku itariki ya 14 Mata 1994 "atigeze ava aho hantu uretse iyo yabaga agiye gufata agacupa, kurya cyangwa kwirambika mu nzu ya Trafipro". Yongeraho ko bariyeri yarindwaga n'abantu benshi, ariko "ababaga bahari kenshi"[1084] bakaba Rushimba, umutangabuhamya wiswe Y na we ubwe.

918. Ubuhamya bw'abagabo biswe Y na Z bugaragaza ko Z yari ari kuri bariyeri yo kuri Trafipro ubwo Judith na Bigirimana bicwaga (reba utwiciro V.5.5 na V.5.6 dukurikira).

[1080] Reba inyandikomvugo z'amaburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 257; 9 Kamena 2000, imp. 39, 40.
[1081] Reba ikimenyetso gihamya Nº 112 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[1082] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 84.
[1083] Ni kimwe no haruguru, urup. 66.
[1084] Ikimenyetso gihamya Nº 65 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Ariko kandi Y ntatanga ikimenyetso na kimwe kubyerekeranye n'inshuro Z yabaga ahari cyangwa igihe yamaze kuri bariyeri. Mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 17 Nzeli 1999, Y ntavuga ko Z yamusabye kujya kurinda bariyeri cyangwa ko ari we wari uyishinzwe. Cyakora avuga ko Z "na we yari arinze bariyeri uwo munsi" Bigirimana yicwa[1085]. Mu bwemeracyaha yakoze nyuma yaho imbere y'abategetsi b'u Rwanda, ku itariki ya 24 Werurwe 2000, Y yasabwe kuvuga amazina y' "abantu bari bashinzwe kurinda" bariyeri yari yarashyizwe kuri Trafipro. Yasubije ko "bari benshi" maze yongeraho ko mu bo yibuka harimo Z[1086].

919. Mu buhamya batanze muri uru Rukiko, abatangabuhamya biswe O na AA na bo bavuga ko umutangabuhamya wiswe Z yari kuri bariyeri yo kuri Trafipro. O yemeza ko Z, Y na Rushimba bari mu itsinda ry'Interahamwe zari kuri bariyeri ari na zo Uregwa yifashishije mu kwica Pasitoro Muganga (reba akiciro ka V.4.2 kavugwa haruguru)[1087]. Na none ubuhamya bwa AA mu Rukiko ndetse n'ubwanditse yatanze mbere bugaragaza ko Z ari umwe mu bantu bari barinze bariyeri yo kuri Trafipro[1088].

920. Naho ku byerekeranye no kuba Rushimba yari ari kuri bariyeri yo kuri Trafipro, mu buhamya bwabo mu Rukiko Z na Y bemeza ko yari ahari rwose ubwo Bigirimana na Judith bicwaga[1089]. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, Z agaragaza ko Rushimba ari we wari ukuriye abacungaga bariyeri yo kuri Trafipro. Iyi mvugo ihuje n'ibyo Z yabwiye abategetsi bo mu Rwanda ubwo yemeraga icyaha. Icyo gihe yavuze ko Rushimba na Y ari bo bari bafite uruhare runini mu byakorerwaga kuri iyo bariyeri. Mu buhamya bwanditse yahaye abashinzwe ipererezа, Y avuga ko Rushimba ari we wamusabye kujya gufatanya n'abandi kandi ko Rushimba ari we wari ubakuriye. Abivuga muri aya

---

[1085] Ikimenyetso gihamya Nº 64 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[1086] Ikimenyetso gihamya Nº 113 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[1087] Reba inyandikomvugo y'iburanisha 24 Ugushyingo 1999, urup. 41.
[1088] Reba inyandikomvugo y'iburanisha 10 Gashyantare 2000, imp. 69, 70; Ikimenyetso gihamya Nº 66 cyatanzwe n'Ubwunganizi (ubuhamya bwanditse bwatanzwe ku itariki ya 22 n'i ya 23 Nzeri 1999).
[1089] Reba inyandikomvugo z'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 65; 7 Gashyantare 2000, urup. 39.

magambo: “Rushimba wari umuturage usanzwe ni we wari ukuriye abandi”[1090]. Nk’uko byavuzwe haruguru, umutangabuhamya wiswe O na we avuga ko yabonye Rushimba kuri bariyeri yo kuri Trafipro.

921. Mu buhamya bwatanzwe mu Rukiko buvugwa haruguru n’ubwanditse bwatanzwe mbere ndetse no mu bwirege bw’abagabo biragaragara ko umutangabuhamya wiswe Z na Rushimba bakundaga kuba bari kuri bariyeri yo kuri Trafipro.

922. Naho ku byerekeye abandi bantu bakoraga kuri iyo bariyeri, Urugereko ruributsa ko umutangabuhamya wiswe Y yarubwiye ko Rushimba yasabye Saidi Rukanos kujya gufatanya n’abantu bari bashinzwe kuyirinda[1091]. Anavuga ko hari abarimu n’abajandarume[1092]. Ubwo yiregaga icyaha, umutangabuhamya wiswe Y yasabwe kuvuga amazina y’abantu bari kuri bariyeri yo kuri Trafipro maze asubiza ko bari benshi ariko ko abo yibuka ari umutangabuhamya wiswe Z, Rushimba, Rukamosi Saiyiie, Jean d’Amour Musabyimana, Athanase Nshimyimana n’abajandarume[1093]. Ibi bishimangira ibivugwa na Z mu Rukiko ko kuri bariyeri “hari abantu benshi”[1094]. Mu bwemeracyaha bwe Z agira ati “Abagenzuraga iyo bariyeri twari benshi […] hamwe n’abandi benshi, kuko aho hantu hari akabari”[1095].

923. Nk’uko bivugwa hepfo, ku byerekeye iyicwa rya Bigirimana na Judith, François Mugishi (Semugeshi) na Alexis Mutiganda nabo bakoze uburinzi kuri bariyeri yo kuri Trafipro mu bihe bitandukanye (reba utwiciro V.5.5. na V.5.6. hepfo).

[1090] Ikimenyetso gihamya Nº 64 cyatanzwe n’Ubwunganizi. Byongeye kandi, inyandiko y’ubwemeracyaha bw’umutangabuhamya wiswe Y yo ku itariki ya 24 Werurwe 2000 (Ikimenyetso gihamya Nº 113 cyatanzwe n’Ubwunganizi), igaragaza ko Rushimba ari we wari ukuriye abandi kuri iyo bariyeri.
[1091] Reba inyandikomvugo y’iburanisha 7 Gashyantare 2000, urup. 29.
[1092] Ni kimwe no haruguru, imp. 30, 31.
[1093] Reba ikimenyetso gihamya Nº 113 cyatanzwe n’Ubwunganizi.
[1094] Inyandikomvugo y’iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 66.
[1095] Ikimenyetso gihamya Nº 112 cyatanzwe n’Ubwunganizi.

924. Rushingiye ku bimenyetso byatanzwe mu rubanza, Urugereko rusanze nta kuntu rwakwemera imvugo y'Uregwa ivuga ko abantu bari ku rutonde ruri mu cyemezo ari bo bonyine babaga barinze bariyeri yo kuri Trafipro buri gihe mbere y'itariki ya 3 Kamena 1994. Mu bantu batanu bavugwa muri icyo cyemezo, umugabo wiswe Y ni we wenyine abatangabuhamya bavuga ko yagaragaye kuri bariyeri yo kuri Trafipro. Birumvikana ko ibi bitabuza ko bane bandi baba, mu bihe binyuranye, barakoze akazi ko kurinda bariyeri yo kuri Trafipro mbere y'itariki 3 Kamena 1994. Niba hari n'itsinda ry'abantu ryashyiriweho kurinda bariyeri yo kuri Trafipro, ubuhamya bwatanzwe mu Rukiko bugaragaza ko abandi bantu batazwi umubare kandi batari muri abo bavuzwe, bakundaga kugaragara kuri iriya bariyeri.

925. Urugereko rusanze, n'ubwo bitashobotse kwemeza amatariki Rushimba n'umutangabuhamya wiswe Z bari kuri bariyeri yo kuri Trafipro, abo bantu barakundaga kurinda iyo bariyeri. Ibyo ari byo byose, Urugereko ntirwemera ibivugwa ko, uretse ba bantu batanu bari barashyiriweho kurinda iyo bariyeri, Uregwa atari azi ko hari n'abandi bantu bakundaga kuyirinda. Mu gusuzuma niba Uregwa yari azi ibyaberaga kuri iyo bariyeri, ni ngombwa kuzirikana ko iyo bariyeri yari yarashinzwe bugufi cyane y'ibiro bya Komine.

5.4.2 Icyo bariyeri yo kuri Trafipro yari igamije

Ingingo z'ababuranyi

926. Mu myanzuro yatanze mu magambo, Porokireri agira ati:

> « Kugira ngo hatagira Umututsi n'umwe urokoka, haba muri Komine cyangwa hanze yayo, Uregwa yashyirishijeho bariyeri muri Komine ya Mabanza, agamije gukora igisa n'ijonjora kugera i Gitarama n'i Kigali. [1096].

927. Asabwe kuvuga icyo bariyeri yo kuri Trafipro yari igamije, Uregwa yagize ati:

> « Hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe, byari ngombwa kugenzura ubucengezi bwa FPR, tukagerageza cyane cyane gutahura imodoka zitwara amasasu n'intwaro »*[1097]*

Isesengura

928. Nk'uko bivugwa haruguru, umutangabuhamya wiswe Z avuga ko ku itariki ya 13 Mata 1994, Uregwa yamubwiye ko ari ngombwa gushyiraho bariyeri kugira ngo bafate "abanzi" bashakaga gutoroka[1098]. Yongeraho ko Uregwa yamutegetse kugenzura ibyangombwa by'abantu banyuraga kuri bariyeri. Z asobanura mu magambo akurikira imyumvire ye y'inyito Uregwa yahaye ijambo « umwanzi » ubwo yarikoreshaga:

> "Ntibyari ngombwa ko ansobanurira, kubera ko na kera na kare twari twarumvishijwe ko umwanzi bivuga Abatutsi. Icyo gihe yakoresheje by'umwihariko ijambo Inyenzi. Iryo jambo ryasobanuraga Umututsi, umuyoboke cyangwa se umuntu ushyigikiye FPR [1099].

929. Umutangabuhamya wiswe Y avuga ko ishyirwaho rya bariyeri yo kuri Trafipro ryatewe n'uko byari ngombwa kubahiriza umutekano, kuko igihugu cyari kiri mu ntambara. Hagenzurwaga ibyangombwa by'imodoka n'iby'abantu. Bamubajije niba

---

[1096] Inyandikomvugo y'iburanisha, 4 Nzeri 2000, urup. 54.
[1097] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, urup. 156.
[1098] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 42.
[1099] Ni kimwe no haruguru, urup. 44.

yarashashikishije Abatutsi kuri bariyeri, umutangabuhamya yashubije muri aya magambo:

> Muri kiriya gihe, umuntu wese wabaga afite ibyangombwa bituzuye, tuvuge nk'iyo nta foto yabaga iriho, twamwoherezaga ku biro bya Komine, uwo yabaga ari we wese […] Muri kiriya gihe, Abatutsi ntibigaragazaga kenshi kuko ari bo bashakishwaga. [1100]

930. Imvugo y'uko umuntu wese wabaga adafite ibyangombwa yashoboraga koherezwa ku biro bya Komine yemejwe n'umugabo wiswe Y mu buhamya bwanditse yahaye abapererezi ku itariki ya 17 Nzeri 1999.

> "Nta mabwiriza yihariye twahawe ku byerekeye abantu bo mu bwoko ubu n'ubu. Umuntu wese wari ufite indangamuntu itagira icyo icyemangwaho, yaba Umuhutu, Umututsi cyangwa Umutwa, nta kibazo yagiraga."[1101]

931. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo ushinja wiswe AA avuga ko Uregwa "yashyirishijeho bariyeri […] kugira ngo agenzure Inkotanyi zashoboraga kugerageza gucengera muri Komine zije mu mamodoka"[1102].

932. Mu buhamya bwe mu Rukiko, umugabo ushinjura wiswe KA avuga ko yanyuze kuri bariyeri yo kuri Trafipro inshuro nyinshi "mu gihe ibintu byari byifashe nabi". Agira ati: "bariyeri yari iri mu muhanda nyirizina, ariko iruhande rw'umuhanda, hari ahantu abanyamaguru banyuraga". Nk'uko uwo mutangabuhamya abivuga, muri rusange imodoka zarahagarikwaga noneho abarinze bariyeri bakagenzura "ibyangombwa", ibyo byarangira, zikemererwa kwikomereza urugendo[1103].

[1100] Inyandikomvugo y'iburanisha 7 Gashyantare 2000, urup. 38.
[1101] Ikimenyetso gihamya Nº 64 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[1102] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 69.
[1103] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 22 Gicurasi 2000, imp. 106, 107.

933. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo ushinjura wiswe KC w'Umuhutu, avuga ko yanyuze kuri bariyeri yo kuri Trafipro ku itariki 23 Gicurasi 1994 agiye kureba Uregwa iwe mu rugo kubera ikibazo cy'ibyangombwa by'inzira. Asobanura ko nta n'umwe yamenye mu bantu bari kuri bariyeri, ko nta wamwatse indangamuntu kandi ko "yahatambutse bisanzwe" [1104]. Uyu mutangabuhamya yemeza ko kuri iyo bariyeri atigeze abona abantu bagenzura indangamuntu. Kuri iyi ngingo, avuga ko, uko yabibonye, "hagenzurwaga gusa imodoka zihita"[1105].

934. Inyandiko yitwa "Amategeko yerekeye kurinda umutekano" yanditswe ku itariki 9 Kamena 1994 igashyirwaho umukono n'Uregwa na yo ni ingenzi[1106] Iyo nyandiko yerekeye bariyeri muri rusange kandi ntivuga, ku buryo bweruye, ibya bariyeri yo kuri Trafipro. Muri iyo nyandiko, havugwamo mu magambo ahinnye, uburyo igenzurwa ry'amamodoka n'abashoferi kuri bariyeri ryagombaga gukorwa. Bityo rero, ibyangombwa by'umushoferi - indangamuntu, urupapuro rwo kujya mu butumwa, uruhushya rwo gutwara imodoka - hamwe n'ibyangombwa by'imodoka - ikiyiranga, impapuro z'ubwishingizi n'imisoro - byagombaga kugenzurwa, kandi imodoka ubwayo igasakwa birambuye "kuko bahishamo amasasu n'imbunda".

Imyanzuro y'Urugereko

935. Mbere na mbere, ikimenyetso cyanditse cyatanzwe na Porokireri ku byerekeye bariyeri, ari cyo inyandiko ikubiyemo amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe yo ku itariki ya 27 Mata 1994 (reba akiciro ka V.5.2.1 haruguru) ntigihagije kugira ngo habe hakwemezwa ko bariyeri zashyizweho ku buryo bwemewe n'ubutegetsi hagamijwe ubugizi bwa nabi. Mu by'ukuri, icyo cyemezo cyihanangiriza abantu, kibasaba kwirinda kwihimura ku

[1104] Inyandikomvugo y'iburanisha, 28 Mata 2000, urup. 54.
[1105] Ni kimwe no haruguru, urup. 54.
[1106] Reba ikimenyetso gihamya Nº 92 cyatanzwe na Porokireri.

nzirakarengane[1107]. Ibikubiye mu ibaruwa Perefe yandikiye Uregwa n'abandi baburugumesitiri, ku itariki 30 Mata 1994 (reba akiciro ka V.5.2.1 haruguru) na byo usanga bisa n'aho bireba gusa ibibazo byumvikana by'umutekano[1108].

936. Mu nyandiko zose zitirirwa Uregwa, zirimo ibyemezo byo ku itariki 3 Kamena 1994 n' "Amategeko" yo ku itariki 9 Kamena 1994, nta n'imwe yatuma hemezwa ko bariyeri zashyizweho muri Mabanza hagamijwe ubugizi bwa nabi. Ahubwo icyemezo gishyiraho akanama k'abantu batanu cyari kigamije kurengera abaturage ngo batagirirwa nabi. Muri icyo cyemezo kandi havugwamo, ku buryo busobanutse, ko indi nshingano y'ako kanama ari "ukugenzura […] niba umwanzi adashobora gucengera anyuze aho hantu"[1109].

937. Abatangabuhamya bashinja babiri bakundaga kurinda bariyeri yo kuri Trafipro bavuga ibintu bivuguruzanya ku byerekeye icyo iyo bariyeri yari igamije. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo wiswe Z avuga ko Uregwa yamusabye gushyiraho bariyeri "kuko abanzi barimo gucika"[1110]. Uyu mutangabuhamya avuga ko yumvise ko Uregwa yashakaga kuvuga Abatutsi muri rusange, abanyamuryango ba FPR n'abayishyigikiye. Naho umutangabuhamya wiswe Y we avuga ko umuntu wese wabaga ufite indangamuntu idafite icyo ikemangwaho, yaba Umututsi, Umuhutu cyangwa Umutwa, yashoboraga kunyura kuri bariyeri nta nkomyi. Asobanura neza ko Rushimba na Rukanos bamuhaye amabwiriza kuri iyo ngingo kandi bakamubwira ko bayahawe n'Uregwa. Mu Rukiko, umutangabuhamya wiswe AA, utari mu bantu barindaga iyo bariyeri yo kuri Trafipro, yavuze ko Uregwa yashyizeho bariyeri agamije gufata Inkotanyi zageragezaga gucengera muri Komine.

[1107] Reba ikimenyetso gihamya Nº 77cyatanzwe na Porokireri.
[1108] Reba ikimenyetso gihamya Nº 77 cyatanzwe na Porokireri.
[1109] Urugereko rwagaragaje ko mu Kinyarwanda ijambo risobanura « ennemi » ari "*umwanzi"* aho kuba ijambo ryo gusebya "*Inyenzi"* cyangwa "*Inkotanyi"* ; reba inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, urup. 47 n'iziku-rikira.
[1110] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 42.

938. Birumvika ko Urugereko rwumva neza ko uburyo bukwiye bwo kumenya icyari kigamijwe nyacyo ku byerekereye bariyeri yari kuri Trafipro cyangwa indi bariyeri iyo ari yo yose yashyizwe muri Komine ya Mabanza kitagaragarira neza mu mpapuro zatanzweho ikimenyetso cyangwa ibyo abatangabuhamya bibuka ku mabwiriza yatanzwe mu magambo yerekeranye n'imikorere y'izo bariyeri, ahubwo cyagaragarira mu bintu byazikoreweho. Ibimenyetso byatanzwe hagamijwe kwerekana ko muri Komine ya Mabanza haba harabaye ubwicanyi, biraza gusuzumwa mu magambo arambuye mu twiciro dukurikira. Kugeza ubu, umwanzuro wafatwa ku bimaze kuvugwa ni uko Porokireri atigeze atanga ibimenyetso bigaragaza, ku buryo budashidikanywaho, ko ashyirishaho bariyeri kuri Trafipro, Uregwa yari agamije kujonjora no kwica abasiviri b'Abatutsi.

5.5 Bariyeri yo kuri Trafipro - Kuba Uregwa yarabaye icyitso cy'abishe Bigirimana

Ingingo z'ababuranyi

939. Porokireri avuga ko umugabo witwa François Bigirimana yafatiwe kuri bariyeri yo kuri Trafipro[1111] akajyanywa hirya gato [ya bariyeri] maze akicwa na Rushimba afatanyije n'abatangabuhamya bashinja biswe Z na Y. Yongeraho ko Uregwa atigeze ahana cyangwa ngo ahagarike ku mirimo abishe uwo nyakwigendera[1112].

[1111] Izina rya Bigirimana rimwe na rimwe ryanditswe « Bigilimana ». Ashobora kuba ngo yaratwaraga bisi (umutangabuhamya wiswe Z, inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 62) cyangwa akaba yari umushoferi wa *OCIR-Café* ku Kibuye (ubwirege bw' umutangabuhamya wiswe Z imbere y'abategetsi bo mu Rwanda ku itariki ya 22 Kamena 1998. Ikimenyetso gihamya Nº 112 cyatanzwe n'Ubwunganizi), cyangwa se akaba yarakoraga iyo mirimo yombi.

[1112] By'umwihariko, reba Imyanzuro sonzarubanza yanditse ya Porokireri, urup. 17, igika cya 120; urup. 74, igika cya 403; urup. 76, igika cya 410; urup. 14 igika cya 78; urup. 16; igika cya 93, urup. 16; 17, igika cya 117; urup. 7; igika cya 139; urup. 27; igika cya 163, urup. 33; igika cya 191; urup. 36; igika cya 213; imp. 43, 267; Igisubizo cya Porokireri ku Myanzuro isubiza y'Ubwunganizi, ibika 46-48.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

940. Nk'uko bivugwa haruguru, bitewe n'iyicwa rya Bigirimana n'irya Judith, Porokireri ashinja Uregwa icyaha cya jenoside, icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 6 1) na 6 3) ya sitati.

941. Ubwunganizi burwanya ibivugwa ko Bigirimana yaba yarafatiwe kandi akicirwa muri Komine ya Mabanza. Buvuga ko Bigirimana yiciwe mu Bisesero, nk'uko byasobanuwe mu rubanza rwa Kayishema na Ruzindana[1113]. Ubwunganizi bwongeraho ko n'iyo Bigirimana yaba atariciwe mu Bisesero, Uregwa atari ahari ubwo uyu nyakwigendera yafatwaga, ndetse ko atamenye iby'iyicwa rye. Buvuga kandi ko ubuhamya bwatanzwe mu Rukiko n'abagabo bw'abagabo biswe Y na Z buvuguruzanya[1114].

Isesengura

942. Umutangabuhamya ushinja wiswe Z avuga ko, umunsi umwe nimugoroba, Bigirimana yaje aturutse i Kigali ari kumwe n'umugore we mu modoka y'ikamyoneti, ageze kuri bariyeri yo kuri Trafipro, baramuhagarika. Icyo gihe, uwitwa Alexis Mutiganda yabwiye Z ko azi Bigirimana kandi ko ari Umututsi ukorana n'Inyenzi[1115]. Z yasanganye Bigirimana indangamuntu ebyiri, imwe yanditsemo ko ari Umuhutu, indi yanditsemo ko ari Umututsi. Umugore wa Bigirimana yasabye Uregwa kugirira umugabo we imbabazi. Icyo gihe Uregwa yari anyuze kuri bariyeri ataha iwe, avuye ku biro bya Komine. Uregwa yashubije uwo mugore ko icyo kibazo "yakigeza ku bashinzwe bariyeri kuko ari bo kireba"[1116]. Z yongeraho ati "Umugore yagarutse atugana, tumwamaganira kure, tumubwira ko nakomeza, tumwica nk'uko twari tugiye kugenzereza umugabo we"[1117].

[1113] Urubanza rwa *Kayishema na Ruzindana*, inyandikomvugo y'iburanisha 24 Mata 1997, urup. 62.
[1114] By'umwihariko, reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp. 54-56, ibika 446-462. urup. 121, 122, igika cya 73, 74, Ibivugwa n'Ubwunganizi ku Gisubizo cya Porokireri ku Myanzuro isubiza yabwo, ibika 207-211.
[1115] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 68.
[1116] Ni kimwe no haruguru, urup. 67.
[1117] Ni kimwe no haruguru.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

943. Nyuma yaho, nk'uko umutangabuhamya wiswe Z abivuga, umutangabuhamya wiswe Y, Rushimba na we ubwe, bajyanye Bigirimana ku ruhande, hafi ya bariyeri yo kuri Trafipro maze bamwicisha imihoro. Z ni we wabanje kumutema[1118]. Uyu mutangabuhamya avuga ko Bigirimana yishwe azira ko ari Umututsi, akaba n'icyitso [cya FPR], kandi ko uwitwa François Mugishi (cyangwa Mugeshi) yari yabahaye amafaranga ngo bamwice. Z avuga ko kugira ngo abashe gusigarana umugabane munini w'ayo mafaranga, yahisemo abandi bantu babiri gusa bo kwica nyakwigendera. Yongeraho ko, niyo batabaha amafaranga, we n'abantu bakoranaga bajyaga kwica Bigirimana[1119]

944. Umutangabuhamya ushinja wiswe Y avuga ko François Bigirimana yafatiwe kuri bariyeri yo kuri Trafipro kandi ko nta cya ngombwa na kimwe yari afite. Iyi mvugo inyuranyije n'iy'umutangabuhamya wiswe Z. Umugabo witwa François Semugeshi yari yababwiye ko Bigirimana ari umwanzi w'igihugu, ko ari Inyenzi. "Yaratubwiye ngo tumukanire urumukwiye, ngo aratugurira icyayi"[1120]. Ni bwo rero Bigirimana yajyanywe muri metero 150 uvuye kuri bariyeri, maze yicwa na Y na Z (umutangabuhamya wiswe Y ntavuga ko Rushimba yaba yaragize uruhare muri ubwo bwicanyi). Nyakwigendera yabanje gutemwa na Z. Y yemeza ko yagize uruhare mu kwica uwo muntu kuko Semugeshi yari yamusezeranyije ibihembo[1121]. Uyu mutangabuhamya avuga ko Uregwa atari kuri bariyeri igihe Bigirimana yafatwaga, bityo imvugo ye ikaba inyuranye n'iya Z[1122].

[1118] Ni kimwe no haruguru, urup. 68.
[1119] Ni kimwe no haruguru, urup. 67. Mu bwirege bwe bwo ku itariki ya 22 Kamena 1998, umutangabuhamya wiswe Z yemeza ko nyuma y'iyicwa rya Judith, Mutiganda yavuze ngo: "Ndagiye ariko ndabura umuntu umwe ngo numve umutima wanjye ushyitse hamwe". Amaze kubivuga, mu bwirege bwe, umutangabuhamya wiswe Z yavuze ku byerekeye iyicwa rya Bigirimana.
[1120] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 43. Umutangabuhamya wiswe Y agira ati: "Nagize uruhare mu kwica umuntu wa mbere kuko bari badusezeranyije amafaranga. Mugeshi ni we wari wadusezeranyije igihembo."
[1121] Ni kimwe no haruguru, urup 43.
[1122] Ni kimwe no haruguru, Urup. 58.

945. Uregwa avuga ko atigeze amenya inkuru y'iyicwa ry'umuntu witwa Bigirimana muri Komine ya Mabanza[1123].

Imyanzuro y'Urugereko

946. Urugereko ntirwemera ibyo Ubwunganizi buvuga ko habayeho kwibeshya ku mwirondoro w'umuntu. Uretse no kuba bombi barireze icyo cyaha, abatangabuhamya biswe Y na Z bakomeje kwivugira ko bishe Bigirimana, nk'uko bigaragara mu buhamya bwanditse batanze, mu nyandiko zikubiyemo ubwirege bwabo no mu buhamya batanze mu Rukiko. Ubwunganizi ntibwashoboye kwerekana ku buryo buhagije ko hari isano iri hagati ya Bigirimana uvugwa mu rubanza rwa *Kayishema na Ruzindana* na Bigirimana uvugwa muri uru rubanza.

947. Imvugo y'umutangabuhamya wiswe Z ni cyo kimenyetso rukumbi cy'uruhare rutaziguye Uregwa yaba yaragize mu iyicwa rya Bigirimana. Uyu mutangabuhamya yemeza ko igihe ibyo bintu byabaga, Uregwa yari ahari kandi ko yavuganye n'umugore wa Bigirimana ariko ntagire icyo akora ngo akize umugabo we. Ubwo buhamya bwemeza icyaha Uregwa kuko butuma umuntu yatekereza ko yabaye icyitso cy'abakoze icyo cyaha[1124]. Byongeye kandi, naho ataryozwa icyo cyaha cyo kuba icyitso ashobora kuryozwa icyo cyaha nk'umuntu ukuriye undi kubera ko atabujije abantu yari akuriye kugikora[1125].

948. Urugereko rwamaze kuvuga ko rukemanga ukwizerwa k'umutangabuhamya wiswe Z (reba akiciro ka V.5.4.1). Kuri iki kibazo, usibye umutangabuhamya uvugwa haruguru,

---

[1123] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, imp. 185, 186.
[1124] Reba imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, urup. 27, igika cya 139; urup. 30, igika cya 163; urup. 30, igika cya 213.
[1125] Ni kimwe no haruguru, urup. 43, igika cya 267.

undi watanze ubuhamya ku iyicwa rya Bigirimana ni uwiswe Y. Imvugo ye itandukanye n'iya Z kuko avuga ko atigeze abona Uregwa kuri bariyeri yo kuri Trafipro ubwo Bigirimana yafatwaga[1126]. Ibivugwa na Y ko Uregwa atari kuri bariyeri bihuje n'ibyo avuga mu buhamya bwanditse yahaye abapererezi ku itariki ya 17 Nzeri 1999[1127]. Iyi ngingo ifite akamaro cyane cyane ko no mu iriburiro ry'ubuhamya bwavuzwe haruguru, abapererezi bavuga ko bashishikajwe no kumenya, ku buryo bw'umwihariko, amakuru ayari yo yose yerekanye n'Uregwa. Y avuga ko Uregwa yagize uruhare mu byabereye kuri bariyeri yo kuri Trafipro muri rusange, by'umwihariko akagira n'uruhare mu iyicwa rya Judith, ariko nta ruhare avuga yagize mu iyicwa rya Bigirimana. Uretse Z, undi muntu wenyine wahagaze rwose ku iyicwa rya Bigirimana abara iyo inkuru ku buryo butandukanye n'ubwa Z. Ibi bintu bituma habaho gushidikanya ku buhamya bwa Z bwemeza ko Uregwa yagize uruhare mu bikorwa byabaye intandaro ry'iyicwa rya Bigirimana. Byongeye kandi, bimwe mu bivugwa mu buhamya bwa Z mu Rukiko bitandukanye n'ibikubiye mu buhamya bwanditse yatanze kuri Bigirimana.

Imyanzuro y'Urugereko

949. Urugereko rusanze ubuhamya bw'umugabo wiswe Z budafite ubundi bubushimangira. Kubera iyo mpamvu, Urugereko ruracyashidikanya bikomeye ku ruhare rw'Uregwa rwaba rwaratumye Bigirimana yicwa. Kubera iyo mpamvu, Uregwa ntashobora kuryozwa icyaha hashingiwe ku Ngingo ya 6 1) ya Sitati. Uburyozwacyaha bw'Uregwa nk'umuntu wari ukuriye abandi burasuzumwa hasi (reba akiciro ka V.5.7).

[1126] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 58.
[1127] Reba ikimenyetso gihamya Nº 64 cyatanzwe n' Ubwunganizi.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

5.6 Bariyeri yo kuri Trafipro - Kuba Uregwa yarabaye icyitso cy'abishe Judith.

Ingingo z'ababuranyi

950. Porokireri avuga ko umugore witwa Judith wari uzwi cyane muri Mabanza yaguye mu itongo rye, yishwe na Rushimba n'umutangabuhamya wiswe Y. Bamaze kumufatira kuri bariyeri yo kuri Trafipro, abo bagabo bombi bamujyanye aho bamwiciye bamunyujije ku biro bya Komine. Umutangabuhamya wiswe Z yarabakurikiye ari mu ntera ya metero ziri hagati y'eshanu n'icumi. Porokireri yemeza ko Uregwa yabonye abo bicanyi batwaye Judith, ko yari azi ko bagiye kumwica, kandi ko yabibashishikarije cyangwa se akabyemera. Uregwa ntiyigeze ahana abo bicanyi uko ari batatu cyangwa ngo abahagarike ku mirimo yabo[1128].

951. Uregwa avuga ko atamenye ko Judith yari agiye kwicwa cyangwa ngo amenye inkuru y'iyicwa rye, nyuma y'uko biba. Ubwunganizi buvuga ko Porokireri adasobanura neza uruhare rw'Uregwa mu iyicwa rya Judith. Byongeye kandi, Ubwunganizi ntibwemera ubuhamya bw'abagabo biswe Z, Y na AB kuko buri buhamya burimo ibintu byo guhuzagurika, bukaba buvuguruzanya ndetse budakwiye kwizerwa. Ubwunganizi buvuga ko imvugo ihamya ko Judith yari azwi cyane muri Mabanza ari ikinyoma[1129].

[1128] Reba by'umwihariko imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 14, 15, igika cya 101; imp. 17,18, igika cya 121, urup. 18, igika cya 121; urup. 18, igika cya 124; imp. 50, 51, igika cya 309, imp. 74, 75, ibika 404, 405; urup. 76, igika cya 410; urup. 15, igika cya 84; urup. 21, igika cya 120; urup. 27, igika cya 142; urup. 30, igika cya 164; urup. 36, igika cya 214; urup. 41, ibika 256-258; Igisubizo cya Porokireri ku Myanzuro isubiza y'Ubwunganizi, ibika 46- 48.

[1129] Reba by'umwihariko imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp. 51-54, ibika 408-445; ibivugwa n'Ubwunganizi ku gisubizo cya Porokireri ku Myanzuro isubiza yabwo, ibika 203-206.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Isesengura

952. Umutangabuhamya ushinja Z avuga ko Yudith yabonywe na Alexis Mutiganda, amusanze ahantu hashobora kuba ari mu rutoki noneho Rushimba akamukurubana, akamugeza kuri bariyeri yo kuri Trafipro. Mu bwemeracyaha bwe imbere y'abategetsi bo mu Rwanda, ku itariki ya 22 Kamena 1998, umutangabuhamya agira ati:

> "Nararebye nsanze munzi musabira imbabazi ariko wa mushoferi aranga avuga ko Yudita yamwimye umukobwa ngo amurongore ubwo yari amaze gupfusha umugore kandi yongeraho ko yari yaranamututse ngo nta hene yurira intama…. Ako kanya hahise haziraho Rushimba na Finishi bahadusanga turi batatu n'uwo mugore arimo, nuko Mutiganda Alexis abwira Rushimba na Finishi ngo nibamugirire vuba ajye kubasengerera.[1130]

953. Abafashe Judith biyemeje kumujyana iwe bakaba ari ho bamwicira. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko ubwo Rushimba n'umutangabuhamya wiswe Y bajyanaga Judith, bamushoreye, banyuze imbere y'ibiro bya Komine[1131] kandi icyo gihe we yari inyuma yabo muri metero ziri hagati y'eshanu n'icumi. Z avuga ko ageze imbere y'ibiro bya Komine, Uregwa yasohotse mu biro, akamubaza ngo "Ese uwo mumuvanye he?" Umutangabuhamya yamushubije ko yamusanze mu rutoki kandi ko bagiye "kumukora". Uregwa ngo yaba yaramushubije ati "Ni byo, nimugende"[1132]. hanyuma yisubirira mu biro. Ageze kwa Judith, Z yasanze Rushimba n'umutangabuhamya wiswe Y, barangije kumwica. "Twamurengejeho igitaka hanyuma turagenda"[1133].

954. Mu buhamya bwe mu Rukiko, umugabo wiswe Z avuga ko "atibuka neza umunsi, itariki" nyakwigendera yiciweho[1134]. Cyakora, mu bwemeracyaha bwe imbere y'abategetsi bo

---

[1130] Ikimenyetso gihamya Nº112 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[1131] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 72.
[1132] Ni kimwe no haruguru, urup. 72.
[1133] Ni kimwe no haruguru, urup. 73.
[1134] Ni kimwe no haruguru, urup. 69.

mu Rwanda, ku itariki ya 22 Kamena 1998, avuga ko ibyo bintu byabaye "mbere y'impera za Mata"[1135].

955. Umutangabuhamya ushinja wiswe Y yemera ko we na Rushimba bishe Judith. Avuga ko basanze nyakwigendera ahantu ku muhanda wo ku Gitikinini, maze Rushimba akamushorera akamujyana kuri bariyeri yo kuri Trafipro[1136]. Rushimba ngo yaba yaremeje ko Judith agomba kwicwa kandi agahatira Y kugira uruhare mu kumwica: "Rushimba yarambwiye ngo nintabigiramo uruhare, nanjye aranyica kandi yari kubikora kuko yari afite imbunda"[1137].

956. Umutangabuhamya wiswe Y avuga ko we na Rushimba banyuze imbere y'umuryango w'ibiro bya Komine bari kumwe na Judith, bakanyura iruhande rw'inzu, maze yarebera mu idirishya, akabona Uregwa ari mu biro bye. Ubwo yasubizaga ikibazo yari abajijwe n'Abacamanza, uyu mutangabuhamya yavuze ko Uregwa na we yababonye. Ariko mu ibazwa rinyomoza, agira ati:

> **Ikibazo**: Ni ukuvuga ko utahuye na we?
>
> **Igisubizo**: Ndashaka kuvuga ko ahantu yari ari twabashaga kumubona.
>
> **Ikibazo**: Ese we yashoboraga kubabona?
>
> **Igisubizo**: Ibiro byari bifite ibirahuri, amadirishya yari akingishije ibirahuri. Sinshobora rero guhamya imbere yanyu ko yatubonye cyangwa atatubonye, ariko yashoboraga kutubona
>
> […]

[1135] Ikimenyetso gihamya Nº112 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[1136] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 39.
[1137] Ni kimwe no haruguru, urup. 43.

Igisubizo: Kubera ko twanyuze imbere ye ntitumuvugishe, sinahamya imbere yanyu ko yari azi icyo twari tugiye gukora.[1138]

957. Umutangabuhamya wiswe Y avuga ko icyo cyaha cy'ubwicanyi cyakorewe inyuma y'ibiro bya Komine muri metero zigera ku ijana.

958. Umutangabuhamya ushinja wiswe AB avuga ko bariyeri, harimo n'iyo kuri Trafipro, zashyiriweho gutoranya abantu kubera ko ngo ari Abatutsi. Agira ati "iyo basangaga uri Umututsi, barakwicaga ndetse n'iyo babonaga ufite isura nk'iy'Abatutsi barakwicaga"[1139]. Mu gusobanura imvugo ye, umutangabuhamya avuga ko Judith yari yihishe hamwe na we, hanyuma aza gufatirwa kuri bariyeri, bamujyana ku biro bya Komine kureba Uregwa hanyuma bamwohereza i Kinihira. Nyuma yaho, uyu mutangabuhamya yumvise abantu bari bavuye aho hantu bigamba ko bamwishe[1140].

Imyanzuro y'Urugereko

959. Twongere tubisubiremo, ubuhamya bw'umugabo wiswe Z ni cyo kimenyetso cyonyine kigaragaza ko Uregwa yaba yagize uruhare rutaziguye mu iyicwa rya Judith. Uyu mutangabuhamya yemeza ko yagiranye ikiganiro n'Uregwa, imbere y'ibiro bya Komine, hashize akanya gato Judith ahanyuze ari kumwe n'abantu bamushoreye.

960. Urugereko rwemera ko umutangabuhamya wiswe Z yagize uruhare mu iyicwa rya Judith (Mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 17 Nzeri 1999, Y avuga ko umutangabuhamya wiswe Z, Rushimba na we ubwe, bashoreye Judith, bamujyana iwe

[1138] Ni kimwe no haruguru, imp. 62, 63.
[1139] Inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, imp. 126, 127.
[1140] Ni kimwe no haruguru, imp. 128, 129.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

mu rugo maze bahagera Rushimba akamwica[1141]). Cyakora, Urugereko rusanze rutakwemera izindi ngingo zikubiye mu bivugwa na Z.

961. Mu bwemeracyaha bwe imbere y'abategetsi bo mu Rwanda, ku itariki ya 22 Kamena 1998, Z yemera ko yagize uruhare mu iyicwa rya Judith ariko yirinda kuvuga ko yabonanye n'Uregwa. Nyamara amuvugaho ubwo yavugaga ibyerekeye iyicwa rya Pasitoro Muganga[1142]. Ubwa mbere yemeza ko yabonanye n'Uregwa ni mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 18 Nzeri 1999 aho agira ati « yatubajije aho twavumbuye Judith maze mu gihe tutaramusubiza yungamo ati "ni byo"[1143] ». Ibi bitandukanye n'ibyo yavugiye mu Rukiko (nk'uko bivugwa haruguru) aho umutangabuhamya avuga ko yabashije gusubiza ikibazo cy'Uregwa, mbere y'uko uyu amubwira ngo "ni byo". Urugereko rusanze hari n'ahandi umutangabuhamya yivuguruza, cyakora si ngombwa kubitindaho hano[1144]. Ikigaragara ni uko nta kintu gifatika gishyigikira ko ikiganiro kivugwa ko cyabaye hagati y'umutangabuhamya wiswe Z n'Uregwa, cyabaye koko. Z avuga ko umutangabuhamya wiswe Y yari imbere ye muri metero nkeya, ariko Y we nta cyo avuga ku kiganiro Z yaba yaragiranye n'Uregwa. Cyakora, niba Uregwa yari ari mu biro bye, nk'uko bivugwa na Y, igihe Judith yari ashorewe n'abamushimuse, birashoboka ko Uregwa yaba yarabonye ibyarimo kuba noneho akaza ku muryango w'ibiro ari na ho yahuriye na Z. Ariko kandi, kuba ibyo bishoboka, ntibihagije kugira ngo ibivugwa n'umugabo bibe bwakwizerwa, kandi ukwizerwa kwe gukemangwa (reba utwiciro V.5.4.1 na V.5.5 tuvugwa haruguru).

962. Umuntu yaba afite ishingiro avuze ko niba Uregwa yarabonye ako gatsiko k'abantu kanyura imbere y'idirishya rye, yashoboraga kwiyumvisha ko hari icyaha cyari kigiye

---

[1141] Reba ikimenyetso gihamya Nº 64 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[1142] Reba ikimenyetso gihamya Nº 112cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[1143] Ikimenyetso gihamya Nº 65 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[1144] Urugero: Umutangabuhamya ntavuga ko yari ari kumwe n'undi muntu ubwo yabonanaga n'Uregwa. Nyamara mu bwemeracyaha bwe, avuga ko yari ari kumwe na Mutiganda ubwo yakurikiraga umutangabuhamya wiswe Y na Rushimba kwa Judith: "[Rushimba n'umutangabuhamya wiswe Y] bamujyanye mu itongo rye, baramwica.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

gukorwa. Na none, nk'uko umutangabuhamya wiswe Z abivuga, ku byerekeranye na Judith, birashoboka ko uwo nyakwigendera atari afashe ukuboko[1145]. Cyakora, n'ubwo Judith yaba atari afashwe ukuboko nk'imfungwa, kuba Uregwa yarabonye babiri mu bantu barindaga bariyeri bashoreye umugore uri wenyine, umwe muri bo (umutangabuhamya wiswe Y) akaba yari yarashyizweho n'Uregwa ubwe, n'ukuntu ibintu byari byifashe muri kiriya gihe, byagombaga gutuma yiyumvisha ko uriya mugore yari ari mu kaga gakomeye. Ariko kubera ko nta kimenyetso na kimwe kigaragaza ko Uregwa yabonye kariya gatsiko k'abantu gatambuka, nta mwanzuro n'umwe ushobora gufatwa hashingiwe kuri izo ngingo.

963. Byongeye kandi, umuntu ashobora kuvuga ko Uregwa yakoze icyaha cyo kuba icyitso cy'abishe Judith bitewe n'uko bamunyujije imbere y'ibiro bya Komine. Ibyo bisa nibyumvikanisha ko batashatse guhisha Uregwa igikorwa cyabo. Umutangabuhamya yabajijwe impamvu yahisemo kunyura iriya nzira kugira ngo agere kwa Judith kandi yari azi neza ko yashoboraga guhura na Burugumesitiri maze yisobanura muri aya magambo: "Navuga ko muri kiriya gihe, abantu bari barataye umutwe. Gutekereza ku kintu mbere yo kugikora byakorwaga na bake, bityo rero nta wabitekerejeho"[1146] . Muri urwo rwego, umutangabuhamya ushinja yasabwe gutanga urugero rw'icyaha cyaba cyarakorewe hafi y'ibiro bya Komine maze kikirengagizwa; aho gusubiza icyo kibazo, yivugira iby'imyifatire idatekerejweho yamuranze we n'abandi bantu, muri icyo gihe.

964. Ubuhamya bwatanzwe mu Rukiko n'umugabo wiswe AB buvuga ko Judith yaba yarajyanywe imbere y'Uregwa mbere yo kwicwa ni ubupapirano kuko bigaragara ko uyu umutangabuhamya atigeze abona ibyo bintu biba[1147]. Kuri iyi ngingo, ubuhamya bwa

---

Mutiganda yansabye ko tujyanayo kugira ngo yirebere ko ari byo. Twaragiye, tuhageze dusanga bamaze kumwica bakoresheje impiri n'imihoro".

[1145] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Gashyantare 2000, urup. 136.

[1146] Reba inyandikomvugo y'iburanisha 7 Gashyantare 2000, urup. 69.

[1147] Reba inyandikomvugo y'iburanisha 15 Ugushyingo 1999, urup. 129.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

AB butandukanye n'ubw'umwicanyi, ari we mutangabuhamya wiswe Y, wiyemereye ko yakoze icyo cyaha, ndetse bukanatandukana n'ubw'umugabo wiswe Z. Ubwo buhamya rero nta gaciro bushobora guhabwa.

965. Kubera izo mpamvu zose, Urugereko ntirwemera ko Uregwa yagize uruhare rutaziguye mu bikorwa byatumye Judith yicwa. Porokireri ntagaragaza ko Uregwa yabaye icyitso cy'abakoze icyaha kivugwa. Ni yo mpamvu, Uregwa ataryozwa icyo cyaha hakurikijwe Ingingo ya 6 1). Ikibazo cy'uburyozwacyaha bw'umuntu ukuriye abandi kirasuzumwa mu kiciro gakurikira.

5.7 Iyicwa rya Bigirimana na Judith – Uburyozwacyaha bw'Uregwa nk'umuntu wari ukuriye abandi.

966. Nk'uko bivugwa haruguru, Uregwa ahakana ko yamenye ko Judith na Bigirimana bagombaga kwicwa cyangwa ko iyicwa ryabo ryari rifitanye isano na bariyeri iyi n'iyi.

Isesengura

967. Urugereko rwasuzumye ingingo zigize uburyozwacyaha bw'umuntu ukuriye abandi, mu mutwe wa III, haruguru. "Kumenya" ni imwe mu ngingo za ziranga ubwo buryozwacyaha. Ni ukuvuga ko kugira ngo umuntu aryozwe ibyaha byakozwe n'abantu akuriye, hari ingingo za ngombwa zigomba kuzuzwa. Ikigenderwaho cyo "kumenya" kigomba kugaragazwa, ku buryo budashidikanywaho. Iyo nta kimenyetso kitaziguye kigaragaza ko umuntu ukuriye abandi yamenye ibyaha byakozwe n'abantu akuriye, hashobora gukoreshwa ibimenyetso biziguye mu kugaragaza ko yamenye ibyo bikorwa.

968. Mu rubanza rwa *Celebici*, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwavuze ko, hatitawe ku kuba abihakana, kugira ngo hamenyekane niba umuntu ukuriye undi yaramenye ibyaha byakozwe, mu mpamvu zigomba kwitabwaho harimo izikurikira[1148]:

a) Umubare w'ibikorwa binyuranyije n'amategeko;
b) Imiterere y'ibikorwa binyuranyije n'amategeko;
c) Uburemere bw'inkurikizi z'ibyo bikorwa binyuranyije n'amategeko;
d) Igihe ibyo bikorwa binyuranyije n'amategeko byakorewe;
e) Abasirikare babigizemo uruhare : abo ari bo n'umubare wabo;
f) Uburyo n'ibikoresho byaba byarakoreshejwe;
g) Ahantu ibyo bikorwa byakorewe;
h) Kuba ibyo bikorwa byarakozwe ku buryo rusange;
i) Uko ibyo bikorwa byihutishijwe;
j) Uburyo ibindi bikorwa binyuranyije n'amategeko bisa n'ibyo byakozwemo;
k) Abasirikare bakuru n'abandi bakozi babigizemo uruhare;
l) Ahantu komanda yari ari ubwo ibyo bikorwa byakorwaga;

969. Mu rubanza rwa *Celebici,* Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwasuzumye zimwe muri izo mpamvu, ubwo rwigaga ku gitekerezo kihariye cyo gukora icyaha Uregwa yagize; icyo gihe akaba yari komanda wa gereza ya *Celebici*:

> "Hari ibimenyetso byinshi bigaragaza ko Zdravko Mucic yari azi ko abacungagereza yayoboraga bakoraga ibyaha […] Ibyaha byakorerwaga muri gereza ya Celebici byakorwaga kenshi kandi bigaragarira buri wese ku buryo nta kuntu Mucic atari kumenya ko bikorwa cyangwa ngo yumve bivugwa. Nyamara Mucic ntiyigeze ashyiraho uburyo bwo kugenzura no kumenyesha bwari gutuma amenyeshwa ibyaha byose byakorerwaga muri gereza, kandi

[1148] Reba urubanza rwa *Celebici*, igika 386.

> yari azi ko uwari umwungirije, Hazim Delic, yashakaga buri gihe kugirira nabi imfungwa. Nta gushidikanya ko Mucic yari azi ko abacungagereza ba Celebici bakoraga ibyaha binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe k'intambara.[1149]

970. Mu rubanza rwa *Aleksovski*, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rushingiye ku rutonde rw'impamvu zifashishijwe mu rubanza rwa *Celebici* mu kugaragaza ko umuntu ukuriye abandi yari azi ibyaha byakozwe, rwemeje ibi bikurikira:

> "Nyamara kandi, Urugereko rusanze kuba umuntu ari umukuru ku murimo ubwabyo ni impamvu ikomeye igaragaza ko uwo muntu aba azi ibyaha bikorwa n'abantu akuriye. Cyakora, uburemere nyabwo bw'iyo mpamvu buva ku mpamvu zinyuranye, cyane cyane igihe n'ahantu. Bityo, bitewe n'uburebure bw'intera iba iri hagati y'aho ari n'ahantu ibikorwa bibera, biragorana kugaragaza ko umukuru ku murimo aba abizi iyo hatabonetse ibinti bimenyetso. Ku rundi ruhande, kuba icyaha cyarakorewe hafi y'ahantu umukuru ku murimo yari asanzwe akorera imirimo ye ni impamvu ihagije yerekana ko yari azi ko icyo cyaha cyakozwe; cyane cyane iyo ibyo byaha byakozwe inshuro irenze imwe.[1150]

971. Birumvikana ko atari ngombwa ko ikimenyetso gikomeye kiba gihagije. Igice cya nyuma cy'interuro, mu bimaze kuvugwa haruguru, kivugwamo ibindi bimenyetso (birimo umubare w'ibikorwa binyuranyije n'amategeko byakorewe aho hantu havugwa) bishobora kuba ngombwa mu kugaragaza, ku buryo budashidikanywaho, igitekerezo cyo gukora icyaha. Mu nsobanuramyanzuro yarwo, mu rubanza rwa *Aleksovski*, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwemeje ko ibyo bishoboka. Uregwa yayoboraga gereza ya

---

[1149] Ni kimwe no haruguru, ibika 769, 770.
[1150] Urubanza rwa *Aleksovski*, 25 Kamena 1999, igika cya 80. Mu gika cy'urubanza rwaciriye *Aleksovski*, Urugereko rw'Ubujurire rw'Urukiko Mpuzamahanga rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosolaviya rugira ruti: "Ujurira ntiyigeze amenya imyumvire y'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo ku birebana n'ingingo zigize uburyozwacyaha bw'umuyobozi, nta nubwo yigeze agaragaza ko Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwakoresheje izo ngingo ku buryo budashyize mu gaciro".

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Kornik muri Bosnie-Herzegovine. Yari atuye aho gereza yari iri, hakaba hari ahantu hatavogerwa kandi hafite amategeko ahagenga. Ni yo mpamvu kuba bugufi bw'ahantu ibyaha byakorewe byabaye ingenzi mu cyemezo cyafashwe n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo[1151]. Cyakora, ntabwo ari yo mpamvu yonyine Urugereko rwashingiyeho mu kugaragaza ko Uregwa yari azi ibyaha byakozwe n'abantu yari akuriye.

> "Mu kiganiro yagiranye n'umutangabuhamya McLeod, Uregwa ubwe yiyemereye ko bamwe mu bacungagereza bari bafite abavandimwe baguye ku rugamba barangwaga n'umutima wo kwihimura ku mfungwa. Ibi na none byemezwa n'umutangabuhamya wiswe I wakubiswe, igihe kimwe ninjoro, n'umusirikare wo mu mutwe HVO hanyuma bucyeye Uregwa akamuhamagaza, akamuhata ibibazo ku cyamukomerekeje. Byongeye kandi, abatangabuhamya batanu bavuga ko Uregwa ubwe yari ahari ubwo babagaraguzaga agati […]. Bityo rero, rushingiye ku bimenyetso byatanzwe, Urugereko rusanze Uregwa yari azi ko hari ibikorwa by'urugomo byakorerwaga muri gereza."[1152]

972. Urubanza rwa *Celebici* n'urwa *Aleksovski* zirebana n'ibyaha byakozwe inshuro irenze imwe muri za gereza. Muri uru rubanza si ko bimeze. Cyakora, ku kibazo cy'uko umuntu ukuriye abandi yagombye kumenya ibikorwa by'abantu akuriye, Urugereko rusanze, hahinduwe ibigomba guhindurwa, isesenguramategeko ryakoreshejwe muri izo manza zombi rikwiye gukurikizwa no muri urunguru.

Imyanzuro y'Urugereko

973. Ku byerekeye ubwicanyi bwakorewe kuri bariyeri yo kuri Trafipro, Urugereko ruzi gusa uko ibintu byagenze mu gihe cy'iyicwa rya Judith na Bigirimana. Ba nyakwigendera

[1151] Ni kimwe no haruguru, igika cya 114.
[1152] Ni kimwe no haruguru.

bishwe byibura n'umwe mu bantu bari bakuriwe n'Uregwa (umutangabuhamya wiswe Y). Nk'uko bivugwa hasi, haracyari igihu ku bundi bwicanyi buvugwa.

974. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko Uregwa yamenyeshejwe ko hagiye kuba ubwicanyi, anahamya ko (Uregwa) yabushishikarije abantu. Ku birebana na Bigirimana, Urugereko rushingiye ku mpamvu zavuzwe haruguru, rusanze rudashobora kwemera ubuhamya bwa Z uvuga ko Uregwa yari kuri bariyeri yo kuri Trafipro, mbere gato y'uko Bigirimana ajyanwa maze akicwa. Urugereko ntirwemera kandi ubuhamya buvuga ko umugore wa Bigirimana yamenyesheje Uregwa ko hari icyaha cyari kigiye gukorwa. Ku byerekeye Judith, Z avuga ko yaganiriye n'Uregwa hashize igihe gito umutangabuhamya wiswe Y na Rushimba banyuze imbere y'idirishya ry'ibiro by'Uregwa, bari kumwe na Judith. Ariko kubera impamvu zivugwa haruguru, Urugereko rusanze rutagomba kwita ku bivugwa muri ubwo buhamya.

975. Byongeye kandi, kubera ko nta kindi kimenyetso kitaziguye cyerekana ko Uregwa yamenye iby'ibyo byaha bibiri, Urugereko rugiye gusuzuma ibimenyetso biziguye rufite, rushingiye kuri lisiti y'impamvu yakozwe mu rubanza rwa *Celebici*.

976. Nk'uko bigaragara, Bigirimana na Judith biciwe hafi y'ibiro bya Komine ya Mabanza. Hakurikijwe amagambo yakoreshejwe mu rubanza rwa *Aleksovski*, ibi bisobanura ko biciwe hafi y'aho Uregwa yakoreraga, muri rusange, imirimo ye nka Burugumesitiri.

977. Ni ngombwa kwibutsa ko, ku birebana n'ikimenyetso cyo kuba ahantu ari bugufi y'ahandi, iyicwa rya Bigirimana na Judith ryabaye ku matariki atazwi n'Urugereko. Umuntu wagize icyo abivugaho ni umutangabuhamya wiswe Z wenyine uvuga ko abo bantu "bishwe muri Mata 1994"[1153]. Bityo, ku byerekeye Bigirimana, Urugereko ntirufite ikindi kintu gifatika rwashingiraho kugira ngo rumenye niba igihe icyo cyaha cyakorwaga, Uregwa yari ari mu biro bye, ku biro bya Komine cyangwa ko, uko

[1153] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Gashyantare 2000, imp. 15, 16.

byagenda kose, yari hafi aho. Kubera ko Urugereko rutazi aho Uregwa yari ari umunsi Bigirimana yicwa, rusanze nta cyatuma ruzirikana impamvu yo "kumenya" mu gusuzuma ibyabaye.

978. Cyakora, ku kibazo cya Judith, umutangabuhamya wiswe Y avuga ko Uregwa yari mu biro bye ubwo nyakwigendera yanyuraga imbere y'ibyo biro. Urugereko rusanze nta mpamvu yatuma rubishidikanyaho.

979. Ibimenyetso byerekeranye n'ahantu ubwaho, igihe ndetse n'uburyo ibintu byakozwe bifite uburemere bwisumbuye. Kuba ibyo byaha byombi byarakorewe ahantu hegeranye cyane n'ibiro bya Komine, kandi urebye bigakorwa ku mugaragaro, umuntu yavuga, adashidikanya, ko bitakozwe rwihishwa, ko ahubwo byakozwe izuba riva kandi abantu batatu cyangwa barenga bakabigiramo uruhare rutaziguye cyangwa ruziguye mu gihe kimwe. Ibyo rero byerekana ko hari ukuntu Uregwa yari azi cyangwa yamenye nyuma ko ibyo byaha byakozwe.

980. Cyakora, Urugereko rusanze impamvu zivugwa haruguru zidafite ireme muri uru rubanza. Iyo Judith na Bigirimana bajya kuba gusa babiri mu bantu benshi baguye kuri bariyeri yo kuri Trafipro, byajyaga kuba ngombwa ko rwemeza ko Uregwa yari azi ko ibyo byaha byakorwaga. Nyamara nta kintu na kimwe cyatuma umuntu atekereza ko ubwo bwicanyi bwakozwe mu rwego rw'ibikorwa byibasiraga abantu bamwe na bamwe cyangwa bidasanzwe kandi ko (ubwo bwicanyi) butari kimwe mu bikorwa bisanzwe byariho ku buryo Uregwa yabimenya.

981. Ku byerekeye ubundi bwicanyi bwabaye kandi bufitanye isano na bariyeri yo kuri Trafipro, umuntu yavuga ko inyandiko ziri muri dosiye kuri icyo kibazo zidafututse. Umutangabuhamya wiswe Y avuga ko, mu gihe cy'ubwicanyi, we na bagenzi be bishe abantu batatu. Urugereko ntiruzi uwo muntu wa gatatu wishwe uwo ari we, ariko Y ashobora kuba yarashakaga kuvuga ko ari Pasitoro Muganga (reba akiciro ka V.4.2). Ibyo ari byo byose, Porokireri ntiyigeze ashakisha umwirondoro w'uwo muntu wa gatatu

wishwe n'uko byagenze kugira ngo yicwe. By'umwihariko, Porokireri ntiyigeze ashaka kumenya niba icyo cyaha cyarakorewe kuri bariyeri runaka (uko bigaragara, Muganga ntiyiciwe kuri bariyeri yo kuri Trafipro)[1154].

982. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko mu gihe yari ashinzwe kurinda iyo bariyeri, ku munsi hanyuraga abantu bagera ku gihumbi. Uyu mutangabuhamya agira ati: "Abahanyuraga ni Abahutu kuko Abatutsi batashoboraga kunyura kuri bariyeri kandi bari bihishe. Muri icyo gihe, Abahutu ni bo bahanyuraga"[1155]. Uyu mutangabuhamya avuga ko, uretse Bigirimana na Judith, "nta wundi Mututsi yigeze abona kuko Abatutsi bari baramaze kumenya ko iyo bariyeri ihari maze bagatinya kuhanyura"[1156].

983. Byongeye kandi, umutangabuhamya ushinjura wiswe AA avuga ko yabonye imirambo hafi ya bariyeri yo kuri Trafipro. Abivuga muri aya magambo :

> "Hari kandi n'imirambo yari hafi y'ibiro bya Komine, ariko mu by'ukuri itegeko ryari ryatanzwe ko izo mpunzi zigomba kwicirwa ku Kibuye. Ubwo rero iyo mirambo yari kuri bariyeri cyangwa hariya biro bya Komine ni iy'impunzi zabaga zitabashije kujya ku Kibuye, zikagera aho zitinze maze bakahazicira ."[1157]

984. Asabwe gusobanura neza ahantu iyo mirambo yari iri, AA yagize ati "yari hafi y'iyo bariyeri nayo itari kure y'ibiro bya Komine, ni nko kuva hano ndi kugera hariya Porokireri ari"[1158]. Bamubajije niba imirambo yabonye yari iri kuri bariyeri yo kuri Trafipro, umutangabuhamya yashubije ko bari bayirunze hafi y'ibiro bya Komine[1159].

[1154] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, imp. 24, 25.
[1155] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000. urup. 62.
[1156] Ni kimwe no haruguru, urup. 85.
[1157] Inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 72.
[1158] Ni kimwe no haruguru, urup. 73.
[1159] Ni kimwe no haruguru, urup. 78.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

985. Urugereko ntirwemera ko imirambo AA yabonye yari iy'abantu bari biciwe kuri bariyeri yo kuri Trafipro. Umuntu ashyize mu gaciro, yabona ko impunzi zari zisigaye zaguye mu bitero byagabwe ku biro bya Komine no mu nkengero zabyo kandi ibyo bitero bishobora koko kuba byaragabwe n'« Abakiga » (reba akiciro ka V.4.3). Birazwi ko ibyo bitero byatangiye hashize igihe gitoya igice kinini cy'impunzi kijyanywe ku Kibuye ku itariki ya 13 Mata 1994. Cyakora, n'ubwo AA yaba yarashatse kugaragaza ko imirambo yabonye ifite aho ihuriye n'ibikorwa byakorewe kuri bariyeri yo kuri Trafipro, imvugo ye yaba ivuguruzanya n'ubuhamya bw'abagabo biswe Y na Z bari bashinzwe kurinda iyo bariyeri ariko bakaba bavuga ko kuri iyo bariyeri hiciwe Abatutsi babiri gusa.

986. Porokireri avuga ko niyo Uregwa yaba ataramenye iby'ubwicanyi bwakorewe Judith mu gihe bwarimo bukorwa, yaje kubimenya nyuma. Bityo rero, kubera ko yari amaze kubimenyeshwa, yagombaga gutangiza iperereza kugira ngo afate abamwishe kandi abahane. Cyakora, Urugereko rusanze imvugo yemeza ko iyicwa rya Judith ryabaye kimomo muri Komine ya Mabanza, idafashije. Inyandiko ziri muri dosiye zigaragaza gusa ko umutangabuhamya wiswe Z avuga ko Judith yari umugore wa « muganga » w'ikigo nderabuzima cya Rubengera[1160]. Umutangabuhamya wiswe Y avuga ko Judith n'umugabo we bari inshuti z'umuryango we. Umugabo (wa Judith) yafashaga umutangabuhamya iyo abana be barwaraga[1161]. Mu buhamya bwanditse yahaye abashinzwe iperereza, uyu mugabo avuga ko umugabo wa Judith yari "*medical assistant"* [umwungiriza wa muganga][1162].

987. Byongeye kandi umutangabuhamya wiswe Y agira ati: "oya, sinaganiriye na we [Uregwa] kuri iyo ngingo kubera ko tutari mu rwego rumwe, nta buryo twajyaga kugirana imishyikirano"[1163].

[1160] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 74.
[1161] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 44.
[1162] Ikimenyetso gihamya Nº 64 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[1163] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 71.

988. Muri make, rumaze gusuzuma ikimenyesto cyerekeranye no kuba Uregwa yari hafi y'ahantu icyaha cyakorewe ku birebana na Judith, rumaze kandi gusuzuma ibimenyetso byerekeranye n'imiterere y'ahantu, n'igihe ibivugwa byabereye ndetse n'uburyo ibintu byakozwe ku birebana n'iyicwa rya Bigirimana na Judith, rumaze kubona, by'umwihariko, ko abantu batarenze babiri ari bo bishwe muri kiriya gihe cyarangwaga n'ibitero bya hato na hato byibasiraga abasiviri, Urugereko rusanze, n'ubwo iyo zisuzumiwe hamwe usanga zifite ireme rwose, izo mpamvu zidahagije ngo rwemeze ko Uregwa yari afite igitekerezo cya ngombwa cyo gukora icyaha. Imyanzuro yemeza uburyozwacyaha yafashwe mu rubanza rwa *Celebici* n'urwa *Aleksovski* yo yari ifite ishingiro rihamye.

989. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanze Porokireri ataragaragaje, ku buryo budashidikanywaho, ko Uregwa, nk'umuntu wari ukuriye abandi, agomba kuryozwa ubwicanyi, bufitanye isano na bariyeri yo kuri Trafipro, bwakozwe na Rushimba afatanyije n'abatangabuhamya biswe Y na Z. Bityo rero, hakurikijwe Ingingo ya 6 3), Uregwa ntagomba kuryozwa iyicwa rya Bigirimana na Judith.

5.8 Bariyeri yo ku Gitikinini

990. Bariyeri yo ku Gitikinini yari iri hafi y'isoko ryo ku Gitikinini, hafi y'ibiro bya Komine. Urugereko rwumvise ubuhamya bw'abagabo batanu ku byerekeye iyo bariyeri.

Isesengura

991. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo ushinja wiswe B avuga ko yabonye bariyeri ku Gitikinini no kuri Trafipro. Abazigenzuraga (aha umutangabuhamya ntiyatandukanyije bariyeri zombi) ni bamwe mu baturage b'abasiviri bo muri ako karere, abapolisi ba Komine, abafasha ba Burugumesitiri ari bo Nsengimana na Semanza, ndetse

n'umutangabuhamya wiswe Y. N'ubwo ahamya ko atigeze abona Uregwa arinze izo bariyeri, B asobanura ko Uregwa yazinyuragaho ava iwe ajya ku biro cyangwa ava ku biro ajya iwe[1164]. Yongeraho ko buri muntu mu bagenzuraga bariyeri yabaga afite umurimo wihariye ashinzwe:

> "Iyo umuntu yahanyuraga batamuzi bamwakaga indangamuntu maze basanga ari Umututsi bakamushyikiriza undi muntu, abandi bantu bari bashinzwe, mbere na mbere, kwambika abantu ubusa. Mu by'ukuri, abantu bicirwaga aho babanzaga kwambikwa ubusa. Habaga hari abantu bashinzwe kwica."[1165]

992. Umutangabuhamya wiswe B avuga ko ntawicirwaga kuri bariyeri. Abisobanura muri aya magambo: « Ahubwo bateraga abantu ubwoba, bakabakubita, ariko bajyaga kubicira hafi y'ibyobo rusange bajugunyagamo imirambo». Yongeraho ko ubwo yabonaga abantu bicwa, abo bantu babaga bafatiwe kuri bariyeri maze bakajyanwa ahandi hantu. Avuga ko batashakaga ko hagira imirambo igaragara hafi ya bariyeri[1166].

993. Mu bantu bavugwa haruguru, umutangabuhamya yirinze kugira uwo atunga agatoki avuga ko ari we wari ushinzwe kwambika ubusa no kwica Abatutsi bafatirwaga kuri bariyeri, cyane cyane bariyeri yo ku Gitikinini. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya yasobanuye ko abantu yiboneye bafatwa ari babiri gusa, ari bo Pasitoro Muganga n'umukobwa witwaga Espérance. Avuga ko yabonye abantu bagenzuraga bariyeri yo ku Gitikinini bajyana Espérance bamaze kumwambika ubusa. Umutangabuhamya ntahamya ko yiboneye ubwe urupfu rwa Espérance kandi ntatanga ikindi kimenyetso cyatuma hemezwa ko uwo muntu yishwe koko. Agira ati "Uretse izo nshuro zombi niboneye ubwanjye ibyo bintu bikorwa, abaturage batubwiraga ko ibintu nk'ibyo byabagabo"[1167].

[1164] Inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Mutarama 2000, imp. 70,71.
[1165] Ni kimwe no haruguru, urup. 71.
[1166] Ni kimwe no haruguru, imp.101, 102,107.
[1167] Ni kimwe no haruguru, imp. 99,102,107,108.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

994. Ku byerekeye Pasitoro Muganga, umutangabuhamya wiswe B agira ati:

> **Igisubizo**: Yego, namubonye bamushoreye, bamaze kumwambika ubusa, kandi bari mu nzira igana ku biro bya Komine. Nyuma yaho bagiye kumwicira ku kibuga cy'imikino.
>
> **Ikibazo**: Uvuze ko bari bamwambikiye ubusa kuri bariyeri; ni byo?
>
> **Igisubizo**: Oya, sinamubonye ari kuri bariyeri ahubwo namubonye agenda, avuye kuri iyo bariyeri. Yari aherekejwe n'abantu ubusanzwe barindaga iyo bariyeri. Bityo rero nibwiye ko abo bantu ari bo bari bamwambitse ubusa. [……..]
>
> **Ikibazo**: Ni ukuvuga rero ko utigeze ubona Pasitoro Muganga yicirwa kuri iyo bariyeri; ni byo?
>
> **Igisubizo**: Oya, nta muntu n'umwe biciraga kuri bariyeri.[1168].

995. Umutangabuhamya wiswe Z yiyemerera, kimwe n'abandi bantu, ko yishe Muganga (reba akiciro ka V.4.2 haruguru). Agira ati: "Muganga yapfuye mbere y'ishyirwaho rya bariyeri (yo ku Gitikinini) kandi nta n'umwe muri bariya bantu bose bari bamperekeje wari uri kumwe nanjye kuri bariyeri"[1169]. Bamubajije ikibazo kirushijeho kuba rusange ku byerekeye bariyeri yo ku Gitikinini, umutangabuhamya yashubije muri aya magambo: "Ni byo koko ku Gitikinini hari bariyeri mu minsi ya mbere, ariko ntiyahatinze. Yaje kuvanwaho"[1170].

996. Umutangabuhamya ushinjura wiswe AA avuga ko hariho bariyeri eshatu: imwe ku Kabuga, indi imbere y'ibiro bya Komine n'indi ku Gitikinini. Uyu mutangabuhamya

---

[1168] Ni kimwe no haruguru, imp. 99,100, 107.
[1169] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup.55.
[1170] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 69.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

yemeza ko izo bariyeri zashyizweho n'Uregwa agamije kubuza Inkotanyi gucengera[1171]. Umutangabuhamya yongeraho ko "umusore warindaga imwe muri izo bariyeri yavuze ko Bagilishema ari we wari warazishyizeho"[1172]. Mu buhamya bwanditse yatanze muri Nzeri 1999, AA avuga ko umutangabuhamya wiswe Z ari we wamubwiye ko ari Uregwa wari warategetse ko hashyirwaho bariyeri kuri Trafipro, ku Gitikinini no Kukabuga[1173]. Uyu mutangabuhamya ntiyemeza ko hari ubwicanyi yabonye bukorerwa hafi ya bariyeri yo ku Gitikinini cyangwa ko yahabonye imirambo.

997. Uregwa avuga ko atigeze ategeka ko hashyirwaho bariyeri uretse iyo kuri Trafipro[1174]. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo ushinjura wiswe ZD avuga ko yanyuze ku Gitikinini ku itariki ya 17 Mata 1994 ko ariko icyo gihe, nta bariyeri yari ihari[1175]. Ku byerekeye bariyeri yo ku Gitikinini, umutangabuhamya ushinjura wiswe RA agira ati "Muri icyo gihe, nta tegeko ryariho; rimwe yabaga ihari, ubundi ikaba idahari. Ariko, ibyo ari byo byose ntiyahahoraga" [1176]. Uyu mutangabuhamya avuga ko yanyuze kuri iyo bariyeri inshuro imwe kandi ko ari we, ari n'abandi bantu bari kumwe, nta wigeze asakwa n'abasiviri barindaga iyo bariyeri. RA ntavuga ko haba hari umuyobozi uwo ari we wese wari kuri bariyeri yo ku Gitikinini.

Imyanzuro y'Urugereko

998. Umutangabuhamya wiswe AA avuga ko yumvise bavuga ko Uregwa ari we wategetse ko hashyirwaho bariyeri, harimo n'iyo ku Gitikinini. Ubu buhamya bugomba kwitonderwa kuko bushingiye ku mabwire. Mu by'ukuri, umutangabuhamya wiswe Z, usa n'aho ari we wahaye inkuru AA, avuga ko mu minsi ya mbere ku Gitikinini hari bariyeri, ariko ko

[1171] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 10 Gashyantare 2000, urup. 69.
[1172] Ni kimwe no haruguru, urup.71.
[1173] Reba ikimenyetso gihamya Nº 66 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[1174] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, urup. 155.
[1175] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 3 Gicurasi 2000, urup. 22.
[1176] Inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Gicurasi 2000, urup. 117.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

yaje gukurwaho nyuma. Cyakora, ntavuga itariki iyo bariyeri yakuriweho. N'ubwo Uregwa adashyira mu majwi Uregwa mu majwi kuri iyi ngingo, umutangabuhamya agira ati : "[Uregwa] yari azi ko izo bariyeri zihari" kubera ko zitari kure y'ibiro bya Komine[1177].

999. Ubuhamya umugabo wiswe yatanze mu Rukiko ntibuhagije kugira ngo habe hakwemezwa ko Pasitoro Muganga yafatiwe, akambikirwa ubusa cyangwa akicirwa kuri bariyeri yo ku Gitikinini. Ibyo ari byo byose, imvugo y'uyu mutangabuhamya ivuguruzanya n'iy'uwiswe Z uvuga ko Pasitoro Muganga yapfuye mbere y'uko bariyeri yo ku Gitikinini ishyirwaho. Abandi batangabuhamya bavuga kuri Muganga (abatangabuhamya biswe O na AB) ntibavuga ko urupfu rwe rwaba rufitanye isano na bariyeri yo ku Gitikinini. Abo batangabuhamya bavuga ko icyo gikorwa cyakorewe ku biro bya Komine no ku kibuga cy'umupira w'amaguru (reba akiciro ka V.4.2. haruguru). Kubera izo mpamvu, Urugereko ntirushobora gufata umwanzuro wemeza ko iyicwa rya Pasitoro Muganga rifitanye isano n'ibintu byakorerwaga kuri bariyeri yo ku Gitikinini.

1000. Umutangabuhamya wiswe B ni we wenyine uvuga kuri Espérance. Ahamya ko yabonye abantu bajyana Espérance. Usibye kuba ari bugufi cyane, ubuhamya bwe ntibunuzuye. Porokireri ntagaragaza imyirondoro y'abantu baba barajyanye uwo mukobwa, nyuma y'uko afatirwa kuri bariyeri. Byongeye kandi, Porokireri ntasobanura niba abo bantu bari abasiviri basanzwe cyangwa abari bakuriwe n'Uregwa. Uretse ibyo, nta n'umuntu uzi neza uko byaje kugendekera Espérance. Nta kimenyetso na kimwe kigaragaza, nta shiti, ko uwo mukobwa yishwe koko.

1001. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanze, ku byerekeye bariyeri yo ku Gitikinini, Porokireri atagaragaza ko ibyaha runaka byahakorewe, bigakorerwa Pasitoro Muganga cyangwa Espérance cyangwa undi muntu uwo ari we wese. Rusanze kandi Porokireri

[1177] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 88.

atagaragaza ko Uregwa ari we washyirishijeho iyo bariyeri cyangwa ko yemeye ko igumaho mu gihe kivugwa mu Nyandiko y'ibirego.

5.9 Bariyeri y'i Gacaca

Isesengura

1002. Umutangabuhamya wiswe A ni we wenyine uvuga ku byerekeye iyo bariyeri. Avuga ko iyo bariyeri yashinzwe " aho umuhanda ujya kuri Segiteri ya Gacaca uhurira n'ujya mu rugo kwa Bagilishema". Umutangabuhamya asobanura ko bariyeri y'i Gacaca yari hafi y'icumbi ry'Uregwa, kandi ko muri Mata 1994, iyo bariyeri yari irinzwe n'abapolisi n'Interahamwe. Avuga ko umwe mu barindaga iyo bariyeri ari Interahamwe yitwa Sanani. Yongeraho ko yabonye abantu bicirwa kuri iyo bariyeri y'i Gacaca. Bamubajije niba yarabashije kumenya bamwe mu baguye kuri iyo bariyeri, yatanze igisubizo kidafututse muri aya magambo: "Abantu bamanukaga baturutse mu masegiteri ya ruguru kandi buri munsi jye nabaga nihishe hepfo, maze nkabona imirambo ikururwa n'imbwa"[1178]. Nta wundi mutangabuhamya uvuga ko i Gacaca hari bariyeri cyangwa ngo avuge ku byerekeye bariyeri akoresheje imvugo isa n'iy'umutangabuhamya wiswe A. Uregwa avuga ko atigeze ategeka ko i Gacaca hashyirwa bariyeri[1179].

Imyanzuro y'Urugereko

1003. Umutangabuhamya wiswe A yemeza ko yabonye imirambo kuri bariyeri y'i Gacaca, ariko ntatanga ibimenyetso bisobanutse cyangwa birambuye kuri iyi ngingo. Bamubajije niba yarabashije kumenya bamwe mu bantu bishwe, yavuze ko abantu bicirwaga ahandi hantu, nyuma imirambo yabo ikazanwa aho kuri bariyeri. Byongeye kandi, ntatanga

[1178] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, imp. 76, 77.
[1179] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, urup. 155.

ibisobanuro bihagije ku byerekeye ya Nterahamwe yitwa Sanani ngo "yakundaga kuba iri kuri iyo bariyeri"[1180]. Uyu mutangabuhamya ntanatanga amazina y'abapolisi avuga ko yabonye, cyangwa ngo avuge ibyabarangaga. Na none A ntavuga ko hari aho Uregwa yaba yari ahuriye na bariyeri y'i Gacaca. Kubera izo mpamvu, Urugereko ntirushobora gufata umwanzuro wemeza ko Uregwa yaryozwa ibyaha bivugwa ko byakozwe, bifitanye isano na bariyeri y'i Gacaca.

5.10 Bariyeri muri rusange – Uburyozwacyaha bw'Uregwa bushingiye ku burangare.

1004. Nta gushidikanya ko ishyirwaho rya bariyeri muri kiriya gihe, ryakururiraga abasiviri b'Abatutsi akaga gakomeye kandi Uregwa, bitewe n'umurimo yakoraga, yari abizi neza. Mu buhamya bwe mu Rukiko, aho avuga ku byerekeye gasopo yahawe abantu batanu bari barashinzwe kurinda bariyeri yo kuri Trafipro (reba akiciro ka V.5.4 haruguru), Uregwa agira ati "Tumaze kubona ibyakorerwaga mu tundi turere, twe twashakaga kwirinda […] gukora amakosa nk'ayo"[1181]. Umutangabuhamya ushinjura wiswe RA avuga ko ku itariki ya 17 Mata 1994, yajyanye n'abandi bantu mu rugo rw'Uregwa, kugira ngo bamugezeho ikibazo cy'umutekano w'ababikira b'Abatutsikazi. Uregwa yabasabye kutajya ku Kibuye kubera ko ku muhanda hari harashyizweho bariyeri (uyu mugabo ntasobanura neza niba izo bariyeri zari muri Komine ya Mabanza) ku buryo ababikira bashoboraga kuhicirwa[1182].

[1180] Sanani anashyirwa mu majwi n'umutangabuhamya wiswe O ku byerekeye iyicwa rya Pasitoro Muganga.
[1181] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, imp. 165,166.
[1182] Inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Gicurasi 2000, urup. 57: "Yasabye ko batugira inama yo kutajya ku Kibuye kuko bari bashyizeho bariyeri ku muhanda ujya ku Kibuye". Yaratubwiye ati: "Nimujyayo ababikira baricirwa kuri bariyeri."

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Isesengura

1005. Nk'uko bivugwa haruguru (reba akiciro ka V.5.3), Uregwa ashobora kuryozwa ibyaha byakozwe bifitanye isano na bariyeri zashyizweho muri Komine ya Mabanza niba (we nk'umuyobozi wari ushinzwe kubungabunga amahoro n'umutekano muri Komine ya Mabanza) yarazishyizeho ubwe cyangwa agategeka ko nyinshi zishyirwaho ariko ntafate ingamba zikwiriye zo kugenzura imikorere y'abazirindaga. Icyo gihe yahamwa n'icyaha ku mpamvu z'uburangare.

1006. Mu myanzuro ye yanditse n'iyo mu magambo[1183], Porokireri ntasobanura neza ishingiro ry'ubwo buryozwacyaha. Cyakora, mu gika cya 4.14 cy'Inyandiko y'ibirego Porokireri ashinja Uregwa "kuba yaremeye" ko bariyeri zikora. Naho ubundi ibibazo byerekeranye n'ibyo Uregwa yagombye kuba yarakoze byabajijwe muri rusange n'Abacamanza mu iburanisha ry'uru rubanza.

1007. Mu manza zaciwe n'uru Rukiko, mu rubanza rwa *Akayesu* ni ho honyine Urukiko rwakomoje ku kibazo kirebana n'igipimo cy'uburangare cyafatirwaho kugira ngo umuntu abe yaryozwa nka gatozi icyaha giteganywa na Sitati:

> "Urugereko rwo rusanga bikwiye kwibutsa ko igitekerezo kihariye cya ngombwa kugira ngo habeho icyaha icyo ari cyo cyose ari umugambi mubisha. Ikindi kandi mu gihe cyo kugena uburyozwacyaha bw'uregwa ku giti cye ku byaha nk'iby'Urukiko rufitiye ububasha bwo kuburanisha: itsembabwoko, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibindi byaha binyuranyije n'Ingingo ya 3 rusange y'Amasezerano y'i Jeneve n'Inyongera yayo ya II, ni ngombwa kumenya ko habayeho koko igitekerezo cyo gukora icyaha, bitaba

[1183] Mu gice cy'Imyanzuro nsozarubanza yanditse cyerekeranye n'icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside, Porokireri yemeza ko Uregwa "nta gushidikanya, yari azi" ko bariyeri ziriho kandi ko "hari impamvu zatumaga amenya" ko gatozi yari afite umugambi wo kurimbura ubwoko bw'Abatutsi (urup. 33, ibika 190-193). Impamvu zatanzwe na Porokireri ku birebana n'Ingingo ya 6 3) ya Sitati ntizijyanye, by'umwihariko, n'iki kibazo (urup. 21, igika cya 101).

> ibyo hakaba harabayeho uburangare bukabije ku buryo bwafatwa nko kwemera ko icyaha gikorwa cyangwa nk'umugambi mubisha wo kugikora." [1184]

1008. Naho mu Rukiko rwashyiriweho icyahoze cyitwa Yugosolaviya (TPIY), kugeza ubu mu rubanza rwa *Blaskic* ni ho honyine havugwa ikibazo cy'uburangare butuma habaho icyaha. Muri urwo rubanza, kimwe mu bibazo byasuzumwe n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo ni icyerekeye ibikorwa byakorewe mu midugudu itatu yo muri Bosiniya ubwo ingabo jenerali Blaskic yayoboraga, zateraga iyo midugudu. Urugereko rwemeye igitekerezo kivuga ko bishoboka kuba hariho impamvu za gisirikare zatumye iyo midugudu iterwa. Nyamara ibyo bitero byabayemo gusenya, gusahura no kwimura ku gahato abasiviri. Urugereko rwasanze Uregwa yarakoresheje abasirikare yari azi ko bigoye kugenzura, dore ko abo basirikare baregwaga kuba baragize uruhare mu byaha byari byarakozwe mbere. Urugereko rwemeje ko Blaskic "agomba kuryozwa ibyaha byakorewe muri iyo midugudu itatu kubera uburangare bwe. Mu yandi magambo, nk'umuntu ushyira mu gaciro, nta kuntu atari kubona mbere y'igihe ko ibikorwa yategetse ko bikorwa byajyaga kuba intandaro y'ibyaha"[1185].

1009. Urugereko rwanasuzumye urubanza rwa Tokyo rwaciwe n'Urukiko Mpuzamahanga rwa Gisirikare Rwashyiriweho Aziya y'Iburasirazuba bwa kure ari rwo IMTFE [*International Military Tribunal for the Far-East*]. Urwo Rukiko rwahamije ibyaha bamwe mu bashinjwaga ibyaha by'intambara kubera uburangare bagize mu buyobozi bwa zimwe mu nkambi z'imfungwa z'intambara ndetse no mu micungire y'imishinga y'ubwubatsi aho bakoresheje akazi imfungwa, maze ubwo burangare bugatuma zimwe mu mfungwa z'intambara zipfa[1186].

[1184] Urubanza rwa *Akayesu*, igika cya 489.
[1185] Urubanza rwa Blaskic, ibika 560-562.
[1186] Reba urubanza rwaciwe ku bwiganze bw'amajwi n'Urukiko Mpuzamahanga rwa Gisirikare rwashyiriweho Aziya y'Iburasirazuba bwa Kure[*Tribunal militaire international pour l'Extrême-Orient*]: muri Roling na Ruter, Urubanza nza rwa Tokyo, 1977, Umutumba wa I.

Ku birebana n'umwe mu baregwa, Heitaro Kimura, wari umugaba w'ingabo za Birimaniya muri ako karere kandi akaba yaremeye ko imfungwa zikoreshwa mu mirimo yo kubaka umuhanda wa gariyamoshi wagombaga guhuza Birimaniya na Siam, Urukiko rwasanze ko, mu bibazo nk'ibyo, inshingano z'umugaba mukuru w'ingabo:

> " … iyo bibaye ngombwa, zitagarukira mu gutanga amabwiriza asanzwe. Afite inshingano yo gufata ibyemezo kandi agatanga amabwiriza ngombwa kugira ngo hatagira ibyaha by'intambara bikorwa. Ikindi ni uko agomba gukora ku buryo amabwiriza yatanze yubahirizwa ariko ntiyabikoze. Ni ukuvuga rero ko yirengagije nkana inshingano asabwa n'amategeko yo gukora ibishoboka byose ngo hatabaho ibikorwa binyuranyije n'amategeko n'imigenzo y'intambara."[1187]

1010. Mu gusuzuma ikibazo cyerekeranye n'uburangare, ni ngombwa gukurikiza amahame asanzwe ateganywa n'amategeko ku ngingo y'uburangare. Ni muri ubwo buryo hashobora kugaragazwa niba Uregwa yarateshutse cyangwa atarateshutse ku nshingano ahabwa n'amategeko yo kurinda ubuzima bw'umuntu yakoreye icyaha. Nyuma yo gusubiza iki kibazo, biraza kuba ngombwa kureba niba uburangare buvugwa bwarabaye intandaro y'urupfu rw'umuntu wakorewe icyaha; byaba ari uko byagenze, hagasuzumwa niba ubwo burangare bukabije ku buryo bwafatwa nk'icyaha.

1011. Muri uru rubanza, kugira ngo Porokireri abashe kugaragaza ko habayeho uburangare bujyanye n'imikorere ya bariyeri bwatumye habaho icyaha, uretse n'uko Uregwa yari afite inshingano yo kubahiriza umutekano w'abaturage, ni ngombwa ko (Porokireri) agaragaza nta shiti ko ingingo enye zikurikira ziriho :

(i) Icyaha kimwe cyangwa byinshi byakozwe, mu rwego rw'ibikorwa bifitanye isano na bariyeri izi n'izi;

[1187] Ni kimwe no haruguru, urup. 452; reba nanone ibyemezo byafashwe mu rubanza rwa *Tojo* (imp. 462-463), *Shigemitsu* (urup. 458) na *Hata* (urup. 446).

(ii) Uregwa yari ashinzwe iby'ubuyobozi bw'izo bariyeri, kubera ko yagize uruhare mu kuzishyiraho kandi akareka zigakomeza zigakora cyangwa, muri rusange, kubera ko, we nka Burugumesitiri, yagenzuraga izo bariyeri;

(iii) Ibyemezo Uregwa yaba yarafashe kugira ngo agaragaze cyangwa se akumire ibyaha byakozwe bifite aho bihuriye n'izo bariyeri, byagaragariraga buri wese ko bitari bihagije, ukurikije uko ibintu byari byifashe;

(iv) Ibyaha bivugwa byajyaga kugaragazwa kandi bigakumirwa iyo Uregwa ubwe ayobora izo bariyeri kandi akabyitaho uko bikwiye; mu yandi magambo, ibyo byaha byakozwe kubera ko Uregwa yateshutse ku nshingano ye ivugwa haruguru mu ngingo ya iii).

1012. Kubera ko nta na kimwe mu bintu bivugwa haruguru Porokireri yashoboye kugaragaza ku buryo budashidikanywaho, ni ngombwa ko Uregwa agirwa umwere kuri iyi ngingo. Urugereko rugomba kureba niba imyitwarire y'Uregwa ku byerekeye bariyeri ari ikosa ridashobora kubabarirwa, rumaze gusuzuma uko ibintu byari byifashe no kuzirikana ko imyitwarire imwe n'imwe yashoboraga gukururira umuntu urupfu[1188].

1013. Abagabo bashinjura batandatu batanze ubuhamya bw'ingirakamaro ku bikorwa by'ubugome cyangwa batanga ubuhamya ku byaha byakorewe hafi ya bariyeri zari zarashyizweho muri Komine ya Mabanza. Ubuhamya bwabo bwasuzumwe ku buryo bunonosoye mu bika bibanziriza iki.

[1188] Mu rubanza rwa *R. c. Adomako [1994] 3 W.L.R. 2888*, Lord Mackay yavuze ko mu nkiko zigendera ku mategeko ya *common law*, «Muri rusange, icyo kibazo kireba mbere na mbere abagize « *jury* », ni icyo kumenya niba, hakurikijwe ko Uregwa yashoboraga kwikururira amakuba arimo n'urupfu, imyitwarire ye muri icyo gihe yari ikabije kuba mibi ku buryo abagize « *jury* » bayibonamo icyaha cyangwa bashobora kuyibonamo kwirengagiza gukora icyo umuntu asabwa n'amategeko maze bigatuma icyaha gikorwa» (Imp. 295,296).

Muri make:

Abatangabuhamya biswe Y na Z bavuga ku rupfu rw'abantu babiri (Judith na Bigirimana). Urwo rupfu rufitanye isano na bariyeri yari kuri Trafipro. Umutangabuhamya wiswe Y avuga ko ubwe yiyiciye undi muntu wa gatatu.

Umutangabuhamya wiswe AA yemeza ko yabonye imirambo hafi ya bariyeri yo kuri Trafipro n'ibiro bya Komine.

Umutangabuhamya wiswe B avuga bumwe mu buryo bwakoreshwaga mu kugenzura no kwica Abatutsi bafatirwaga kuri bariyeri. Avuga ko abantu babiri (Muganga na Espérance) bafatiwe kuri bariyeri yo ku Gitikinini, bakajyanwa ahandi hantu. Yibwira kandi ko abo bantu bishwe hakurikijwe iyo gahunda.

Umutangabuhamya wiswe AB ashimangira ibyo abantu bose bahurizaho ko Abatutsi bicirwaga kuri bariyeri. Cyakora, hakurikijwe ibyo yiboneye, umuntu yabashije kuvuga waguye kuri bariyeri ni umwe gusa (Judith).

Umutangabuhamya wiswe A avuga ko buri munsi yabonaga imirambo abaturage bo mu masegiteri bamanuraga. Biragaragara ko akomoza kuri bariyeri yari i Gacaca.

Imyanzuro y'Urugereko

1014. Iyo umuntu asesenguranye ubushishozi inyandikomvugo z'iburanisha, asanga abantu babiri bonyine, Bigirimana na Judith, ari bo yakwemeza, nta gushidikanya, ko iyicwa ryabo rifitanye isano na bariyeri yari muri Komine ya Mabanza. Kubera impamvu zavuzwe haruguru, Urugereko ntirwemera ubuhamya bw'umugabo wiswe B bushaka kwemeza ko Muganga na Espérance bishwe n'abantu bagenzuraga bariyeri yo ku Gitikinini. Byongeye kandi, Urugereko ntirwemera ko imirambo abatangabuhamya biswe AA na A bavuga ko babonye hari aho ihuriye n'ibikorwa byakorerwaga kuri bariyeri yo

kuri Trafipro n'iy'i Gacaca. Urugereko rwamaze gusobanura impamvu rusanga rudashobora kwemeza ko Uregwa ahamwa n'icyaha, haba ku bivugwa ko yafashije akanatanga inkunga mu kwica Bigirimana na Judith, cyangwa ku mpamvu y'uburyozwacyaha bwe bwite nk'umuntu ukuriye abandi.

1015. Ikibazo kitarabonerwa igisubizo ni icyo kumenya niba, uko biri kose, Uregwa yagombye kuryozwa izo mpfu zombi kubera ko yagize uburangare bwafatwa nk'icyaha. Ibimenyetso byatanzwe ntibituma Urugereko rufata bene uwo mwanzuro. Mbere na mbere, bitewe n'uko impfu ebyiri zonyine ari zo Porokireri yagaragaje ko zifitanye isano na bariyeri zashyizweho muri Komine ya Mabanza hagati ya Mata na Nyakanga 1994, Urugereko rusanze nta kuntu rwakwanzura ruvuga ko bariyeri Uregwa yashyirishijeho zitagenzurwaga neza.

1016. Icya kabiri, Urugereko rugomba na none kuzirikana inyandiko zatanzweho ikimenyetso zigaragaza ko Uregwa yafashe icyemezo gikwiye rwose, n'ubwo yagifashe mu cyumweru cya mbere cya Kamena 1994. Icyo cyemezo ni icyo gushyiraho akanama gashinzwe gukurikirana ubudakemwa bw'abakozi bari bashinzwe kurinda bariyeri yo kuri Trafipro. Kuri iyi ngingo, Uregwa agira ati:

> "Mu bantu twakoranaga, harimo abarengeraga ariko twageragezaga kubagarura mu nzira nziza. Nk'uko mwabisomye mu ibaruwa nanditse, akanama twari tumaze gushyiraho […] twageragezaga kugarura ibintu mu buryo. Ndumva atari igitangaza ko haba hari umwe mu bagize ako kanama wakoraga amakosa, ariko [mwitegereje neza mwasanga] twarashoboraga kumuhana. Ni yo mpamvu nari narashyizeho akanama k'ubugenzuzi, ngamije gukurikiranira hafi imikorere y'abo bantu. "[1189]

1017. Cyakora, Urugereko ruributsa ko ubwo yasabwaga gusubiramo amagambo akubiyemo amabwiriza yahaye abantu bari bashinzwe kurinda bariyeri yo kuri Trafipro ahagana mu

[1189] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 54, 55.

mpera za Mata cyangwa mu ntangiriro za Gicurasi, Uregwa yashubije muri aya magambo:

Ikibazo: Hari amabwiriza wigeze uha abo bantu mbere y'impera za Mata cyangwa mu ntangiriro za Gicurasi ? Hari amabwiriza wigeze utanga mbere y'icyo gihe, ni ukuvuga mbere y'igihe umaze kuvuga ?

Igisubizo: Natanze amabwiriza nkurikije ibyari bikubiye mu ibaruwa [ya Minisitiri w'Intebe yo ku itariki ya 27 Mata 1994]. Nashyize mu bikorwa amabwiriza nari nahawe na Minisitiri w'Intebe abinyujije kuri Perefe […].

Ikibazo: Bwana Bagilishema, wigeze utanga amabwiriza kuri bariyeri, cyane cyane kuri Trafipro ahagana mu ntangiriro z'ukwezi [kwa Gicurasi]?

Igisubizo: Narayatanze, Nyakubahwa Perezida.

Ikibazo: Wayatanze mu nyandiko cyangwa mu magambo?

Igisubizo: Mu magambo.

Ikibazo: Ese ayo mabwiriza wayatanze mu yahe magambo ? Ese wavuganye na nde ?

Igisubizo: Nabigejeje ku nama ya Komine. Twabigiyeho impaka mu nama ya Komine. Twemeje ibintu bya ngombwa bigomba gukurikizwa mu gutanga akazi noneho ayo mabwiriza nyakwiza mu bajyanama bose za segiteri. Muri iyo nama ni ho twatumije abo bantu bagombaga gushinga iyo bariyeri, tunababwira ibyo bagombaga gukora. [1190]

[1190] Ni kimwe no haruguru, imp. 44, 46.

1018. N'ubwo iki gisubizo kiziguye gishobora kuba cyerekana ko mbere y'itariki ya 3 Kamena 1994, nta mabwiriza asobanutse yari ho (yatanzwe mu buryo buzwi bwo mu nyandiko), kuba ayo mabwiriza atari ho byari gutuma Uregwa ubwe akurikiranira hafi imikorere ya bariyeri. Ibiro by'Uregwa byari bugufi cyane ya Trafipro kandi kubera ko yahanyuraga ava cyangwa ajya kuri ibyo biro, byashoboraga gutuma abonana buri munsi n'abarindaga iyo bariyeri. Birumvikana ko ibi bitavuga ko iyo aza kubigenza atyo ubwabyo byonyine byari kuba bihagije kugira ngo abuze ibikorwa binyuranyije n'amategeko gukorerwa kuri iyo bariyeri. Cyakora, byari gutuma nta muntu utekereza ko Uregwa yaba yarashyizeho za bariyeri zari ziteye inkeke bikabije, maze yarangiza akituramira, ntakurikirane imikorere yazo.

1019. Icya gatatu, mu gusuzuma niba Uregwa ahamwa n'icyaha kubera ko yateshutse ku nshingano ze, ni ngombwa rwose kuzirikana uko ibintu byari byifashe muri Komine ya Mabanza mu gihe icyaha ashinjwa cyakorwaga. Ni ngombwa kandi kureba abakozi n'ibikoresho yari afite uko byanganaga. Urugereko rwamaze gusesengura ubuhamya buvuga ko mu byumweru bibiri bya nyuma bya Mata 1994, Abakiga bigabije Komine mu bihe binyuranye (reba akiciro ka IV.7 haruguru). Bitewe n'uko amatariki Bigirimana na Judith biciweho atazwi, Urugereko ntirwahakana ko bishoboka ko abo banyakwigendera bishwe mu gihe umuntu ushyira mu gaciro atatinyuka kwemeza ko Uregwa yari afite ubushobozi bwo kugenzura uko bikwiye imikorere y'abantu bakoranaga mu buyobozi, ndetse n'imikorere ya bariyeri yo kuri Trafipro.

1020. Icya nyuma, nk'uko bigaragara muri bumwe mu buhamya buvugwa haruguru, Bigirimana na Judith bishwe bitegetswe na Mugishi na Mutiganda ku mpamvu zabo bwite. Cyakora, birumvikana ko impamvu zitera umuntu ku giti cye gukora icyaha zidahagije kugira ngo imiterere y'icyaha ihindurwe cyangwa ngo icyaha cya jenoside gisimburwe n'icyaha kirushijeho koroha nk'icyo kwica, cyangwa se ngo Uregwa

ahanagurweho icyaha[1191]. Uregwa yashoboraga gutekereza ko kutagenzura neza imikorere ya bariyeri iyi n'iyi byashoboraga gutuma zirindwa n'abantu bashaka kwirangiriza ibibazo bafitanye n'abandi. Nyamara hari ugushidikanya k'ukumenya niba iyo Uregwa ataza kugira uburangare nk'ubwo aregwa, Bigirimana na Judith bari kurokoka. Ntibihagije ko Porokireri yagaragaza ko habaye uburangare ahubwo agomba no kugaragaza ko ibyaha bivugwa muri uru rubanza byatewe koko n'ubwo burangare.

1021. Hakurikijwe ibimaze kuvugwa haruguru, Urugereko rusanze Porokireri atagaragaza, ku buryo budashidikanywaho, ko Uregwa yituramiye nkana, akirengagiza amarorerwa yakorerwaga kuri bariyeri. By'umwihariko, Porokireri ntagaragaza ko nyuma yo gushyiraho bariyeri yo kuri Trafipro, Uregwa yateshutse ku nshingano ye yo guha amabwiriza abarindaga iyo bariyeri ku byerekeranye n'uko bagombaga kwitwara. Ntanagaragaza ko Bigirimana na Judith bishwe kubera ko Uregwa atatanze ayo mabwiriza.

5.11 Imyanzuro rusange y'Urugereko

1022. Urugereko ruributsa ingingo shingiro z'igika cya 4.14 cy'Inyandiko y'ibirego. Interuro ya mbere y'icyo gika igira iti:

> "Hagati y'itariki ya 9 Mata n'iya 30 Kamena, Ignace Bagilishema, afatanyije n'abandi barimo Clément Kayishema, Célestin Semanza, Appolinaire Nsengimana, Emile Nzanana na Munyampundu, yategetse kandi afasha Interahamwe gushinga bariyeri ahantu h'ingenzi muri Komine ya Mabanza no mu nkengero z'iyo Komine."

[1191] Reba Urubanza rwa *Tadic* bujurire, igika cya 238 n'ibigikurikira.

1023. Mu gushimangira iki kirego, mu bimenyetso byanditse byakoreshejwe, harimo ibaruwa Perefe Kayishema yandikiye Uregwa ku itariki ya 30 Mata 1994 amusaba gushinga bariyeri no gushyiraho abantu bo kuyirinda[1192]. Porokireri ntagaragaza ko abandi bantu bakekwaho kuba ibyitso by'Uregwa bagize uruhare mu gushinga bariyeri yo kuri Trafipro cyangwa indi bariyeri iyo ari yo yose. Ni yo rwakwemera ko Uregwa « yemeye » ishingwa rya bariyeri za Gitikinini na Gacaca, Urugereko rusanga nta kimenyetso cyatanzwe kigaragaza ko "yashishikarije" abantu kuzishyiraho cyangwa ko yakoze ibishoboka ngo zikomeze gukora. Inyito y'inshoza Interahamwe yasuzumwe haruguru (reba akiciro ka IV.4.6). Ntihatanzwe ikimenyetso na kimwe kigaragaza nyabyo ko bariyeri zo muri Komine ya Mabanza zagenzurwaga na bamwe mu bantu bari bagize urubyiruko rwa MRND cyangwa umutwe wayo witwara gisirikare. Iryo jambo riramutse rikoreshejwe mu buryo bwaguye ku buryo rivuga "abasiviri b'Abahutu bitwaje intwaro" umuntu yabiheraho akavuga ko bariyeri yo kuri Trafipro n'izindi nyinshi mu by'ukuri zari zirinzwe n'"Interahamwe". Cyakora, bigenze gutyo, iryo jambo "Interahamwe" ryaba ritakaje bimwe mu biranga ububi bwaryo.

1024. Ingingo ikurikiraho y'igika cya 4.14 cy'Inyandiko y'ibirego igira iti:

> "Izo bariyeri zashyiriweho mbere na mbere kujonjora abantu hagamijwe gutoranya abantu kubera ko ngo ari ."

1025. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, Uregwa avuga ko bariyeri yo kuri Trafipro yari igamije gukumira abantu ba FPR n'intwaro zabo[1193]. Aha tuzirikane ko mu mvugo yakoreshwaga mu Rwanda icyo gihe, igihe cyose umuntu yavugaga yeruye abantu bagize FPR, byashoboraga guhita byumvikana ko mubo avuga harimo n'Abatutsi muri rusange. Umutangabuhamya wiswe Z yemeza ko igihe Uregwa yamubwiraga ko ari ngombwa gushinga bariyeri kuri Trafipro kugira ngo bakumire "abanzi"[1194], yashakaga nyine

[1192] Reba ikimenyetso gihamya Nº 77 a) cyatanzwe na Porokireri.
[1193] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, urup. 156.
[1194] Inyandikomvugo y'iburanisha 8, Gashyantare 2000, urup. 42.

kumvikanisha iyo nyito tumaze kuvuga. Cyakora, kubera impamvu zivugwa haruguru, Urugereko rusanze rutakwizera ibyo Z ashinja Uregwa. Ntihagaragajwe ko Uregwa yatanze amabwiriza yo kujonjora no kwica Abatutsi kuri bariyeri kandi n'ibimenyetso byatanzwe hagamijwe kugaragaza ibyaha byakorewe kuri bariyeri yo kuri Trafipro, iyo ku Gitikinini n'iy'i Gacaca ntibigaragaza ko icyo ari cyo cyari kigamijwe.

1026. Igika cya 4.14 kigira kiti:

> "Hagati y'itariki ya 9 Mata n'iya 30 Kamena 1994, Ignace Bagilishema yategetse ko Abatutsi benshi bafungirwa kuri bariyeri zinyuranye muri Mabanza."

1027. Uretse ubuhamya bwatanzwe n'umugabo wiswe Z, Porokireri ntatanga ikindi kimenyetso gishyigikira ibyo avuga ko Uregwa yategetse ko abasiviri "benshi" b'Abatutsi bafatirwa kuri bariyeri. Ubuhamya bwatanzwe mu Rukiko n'umugabo wiswe Y ntibushyigikira na gato ibyo avuga[1195]. Ku kibazo cya Bigirimana na Judith, ntihatanzwe ikimenyetso na kimwe kigaragaza ko Uregwa yategetse ko abo bantu bafungwa.

1028. Umwanzuro w'igika cya 4.14 cy'Inyandiko y'ibirego uteye utya:

> "Izo mfungwa zashyikirijwe Ignace Bagilishema nyuma zicwa n'abantu yategekaga kandi yagenzuraga ari bo abapolisi ba komine, abajandarume, Interahamwe n'abasiviri bafite intwaro."

1029. Porokireri ntiyatanze ikimenyetso na kimwe gishyigikira ibyo avuga. Ubuhamya rukumbi bwerekeranye n'ibyo avuga bwatanzwe n'Uregwa ubwe mu Rukiko, aho avuga ko hari umuntu wigeze gufatirwa kuri bariyeri hanyuma bakamumuzanira. Uwo muntu wafashwe bamusanganye ibisasu batega abantu [*mines antipersonnels*]. Ku kibazo cy'uwo muntu, Uregwa agira ati:

[1195] Reba ikimenyetso gihamya Nº 64 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

> "Twamushyikirije abajandarume bakoreraga mu nzu y'Abashinwa… Mu by'ukuri ahagana muri Kamena cyangwa mu ntagiriro za Nyakanga, muri iyo nzu y'Abashinwa habagamo abajandarume. Ubwo rero uwo muntu yagombaga guhatwa ibibazo kandi agafatwa nk'imfungwa y'intambara.[1196]

1030. Ayo makuru ni yo yonyine ari mu nyandikomvugo z'iburanisha ku byerekeye uwo muntu cyangwa uko byamugendekeye nyuma.

1031. Mu ntangiriro z'iburanisha, Porokireri yavuze ko azerekana ko hari isano hagati y'Uregwa n' "imitego y'urupfu […] ariyo bariyeri zashinzwe hirya no hino ku mihanda hagamijwe kugenzura indangamuntu no gufata Abatutsi"[1197]. Ikintu kimwe rukumbi Porokireri yashoboye kwerekana ni uko muri bariyeri zose zashinzwe muri Komine ya Mabanza, imwe yonyine, ari yo yo kuri Trafipro, ari yo yabaye umutego wahitanye abantu babiri. Nyuma yo gusuzuma ingingo zifite akamaro zirebana n'uburyozwacyaha buteganywa n'Ingingo ya 6 1) n'iya 6 3) za Sitati, Urugereko rusanze Porokireri ataratanze ibimenyetso bihagije bishyigikira ibirego bye.

[1196] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, urup. 137.
[1197] Inyandikomvugo y'iburanisha, 27 Ukwakira 1999, urup. 37.

VI. ICYEMEZO CY'URUKIKO

Kubera impamvu zavuzwe haruguru, rukurikije ibimenyetso byose byatanzwe mu rubanza ndetse n'ingingo z'ababuranyi, ku bwumvikane bw'Abacamanza bose barugize, Urugereko rwemeje ibi bikurikira kuri Ignace Bagilishema:

Ikirego cya 1: Ntahamwa n'icyaha cya jenoside

Ikirego cya 6: Ntahamwa n'icyaha cyo gukora ibikorwa binyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve hamwe n'Inyongera yayo ya II (Ingingo ya 4 (a) ya Sitati)

Ikirego cya 7: Ntahamwa n'icyaha cyo gukora ibikorwa binyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve hamwe n'Inyongera yayo ya II (Ingingo ya 4 (e) ya Sitati)

Ku bwiganze bw'amajwi y'Abacamanza bagize Inteko kuko Umucamanza Guney atanga igitekerezo kinyuranye n'icya bagenzi be:

Ikirego cya 2: Ntahamwa n'icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside.

Ikirego cya 3: Ntahamwa n'ibyaha byibasiye inyokomuntu (ubuhotozi).

Ikirego cya 4: Ntahamwa n'ibyaha byibasiye inyokomuntu (itsembatsemba).

Ikirego cya 5: Ntahamwa n'ibyaha byibasiye inyokomuntu (ibindi bikorwa birenze kameremuntu)

Kubera izo mpamvu, Urugereko rukijije ko Ignace Bagilishema agizwe umwere ku byaha byose aregwa mu Nyandiko y'ibirego.

Rushingiye ku Ngingo ya 99 A) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso, Urugereko rutegetse ko Ignace Bagilishema, ufungiwe muri gereza y'Urukiko, ahita

arekurwa kandi rutegetse Gerefiye gukora ibisabwa byose ngo iki cyemezo gishyirwe mu bikorwa.

Iki cyemezo ntikibangamiye ibindi byemezo Urugereko rushobora gufata rushingiye ku Ngingo ya 99 B) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso.

Mu mugereka w'uru rubanza harimo Igitekerezo cyihariye cy'Umucamanza Asoka de Z. Gunawardana hamwe n'Igitekerezo cyihariye kandi gitandukanye n'icya bagenzi be cyatanzwe n'umucamanza Guney ku kirego cya 2, icya 3, icya 4 n'icya 5.

Bikorewe Arusha, ku itariki ya 7 Kamena 2001

Erik Møse	Asoka de Z. Gunawardana	Mehmet Güney
Perezida	Umucamanza	Umucamanza
[Umukono]	[Umukono]	[Umukono]
	[Kashe y'Urukiko]	

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda

Umuryango w'Abibumbye

URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO I

Umwimerere: Icyongereza

Abacamanza: Erik Møse, Prezida w'Urugereko
Asoka de Zoysa Gunawardana
Mehmet Güney

Gerefiye: Adama Dieng

Itariki: 7 Kamena 2001

POROKIRERI

aburana na

Ignace BAGILISHEMA

Urubanza No. ICTR-95-1A-T

IGITEKEREZO CYIHARIYE CY'UMUCAMANZA ASOKA DE Z. GUNAWARDANA

Ibiro bya Porokireri

Jane Anywar- Adong
Charles Adeogun- Phillips
Wallace Kapaya
Boi- Tia Stevens

Abavoka bunganira Uregwa

François Roux
Maroufa Diabira
Héleyn Unac
Wayne Jordash

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

AMASHAKIRO

IGICE CYA MBERE

Imyiregurire ishingiye ku bushobozi budahagije 1

1. Ibyabaye iyo myiregurire ishingiyeho 1

2. Amategeko iyo myiregurire ishingiyeho 2

IGICE CYA KABIRI

Imyitwarire y'Uregwa mbere y'ibyabaye mu mwaka wa 1994 6

1. Ubuhamya bw'abagabo ku myitwarire y'Uregwa mbere y'ibyabaye 7

2. Imyitwarire y'Uregwa igihe havugwaga ko FPR ishobora gucengera muri Komine. 10

3. Ingamba Uregwa yafashe ngo ahangane n'ibitero udutsiko tw'Abahutu twagabaga ku Batutsi 12

4. Agaciro kahabwa imyitwarire y'Uregwa mbere y'ibyabaye 13

IGICE CYA GATATU

Imyitwarire y'Uregwa mu byabye mu mwaka wa 1994 14

1. Ibivugwa ko imyitwarire y'Uregwa yaba yarahindutse. 14

2. Uko uregwa yakoresheje uburyo yari afite mu kubungabunga umutekano 16

2.1. Uburyo Uregwa yari afite bwo kubungabunga umutekano kuva muri Mata kugeza muri Nyakanga 1994……..... 16

2.1.1. Kuba Uregwa yarasabye kongererwa uburyo [bwo kubungabunga umutekano] 19

2.2. Ibihe Uregwa yagombaga guhangana nabyo 22

2.2.1. Uko ibintu byari byifashe muri Komine ya Mabanza kuva ku itariki ya 6 kugeza ku ya 12 Mata 1994..... 22

2.2.2. Igitero cy'Abakiga kuva tariki ya 13 kugeza ku ya 24 Mata 1994 23

2.2.3. Uko ibintu byari byifashe muri Komine ya Mabanza kuva ku itariki ya 25 Mata Nyakanga 1994..... 25

2.3. Uko Uregwa yakoresheje uburyo yari afite 26

2.3.1. Kwitabaza abasiviri mu kubungabunga umutekano 27

2.3.2. Gukoresha amanama yo kugarura amahoro..... 28

2.3.3. Gufasha abantu bari bibasiwe n'ibitero 30
2.3.4. Guhisha Abatutsi iwe 31
2.3.5. Gutanga indangamuntu z'impimbano 32
2.3.6. Guhana abagizi ba nabi 34
2.3.7. Kwitabaza abategetsi bakuru 35
2.4. Izindi mpamvu zatumye Uregwa adakoresha byimazeyo uburyo yari afite 36
2.4.1. Ibitero byagabwe n'Abakiga k'uregwa 37
2.4.2. Kuba Uregwa yarafatwaga nk'icyitso cya FPR 39
2.4.3. Imibanire y'Uregwa na Semanza 40
2.4.4. Imibanire ya Semanza n'Abakiga 43

IGICE CYA KANE

Ibimenyetso b'inyandiko bishyigikira imyiregurire y'uregwa 44

1. **Ibaruwa yo ku itariki ya 24 Kamena 1994 (ikimenyetso gihamya n° 84 cya Porokireri) 45**
2. **Ubwirege bw'umutangabuhamya ushinja wiswe Z (ikimenyetso gihamya n° 112 cy'Ubwunganizi) 49**

Umwanzuro 51

1. Kubera impamvu zivugwa mu Nyandiko y'urubanza, ndemeranya n'Umucamanza Møse ko Porokireri atagaragaje, ku buryo budashidikanywaho, ibyaha ashinja Uregwa, bityo [Uregwa] akaba agomba guhanagurwaho ibyaha byose ashinjwa mu Nyandiko y'ibirego.

IGICE CYA MBERE

Imyiregurire ishingiye ku bushobozi budahagije

1. Ibyabaye iyo myiregurire ishingiyeho

2. Uretse kuba buvuga ko Porokireri atagaragaje, ku buryo budashidikanywaho, ibyo aregera, Ubwunganizi bwongeraho ko Uregwa atari afite ubushobozi n'ibyangombwa byose byari kumufasha kuburizamo amarorerwa ashinjwa yabereye muri Komine ya Mabanza. Ubwunganizi buvuga kandi ko Uregwa yafashe ingamba zo kubungabunga umutekano n'amahoro akoresheje ubushobozi yari afite. Iyo myiregurire ikubiye mu gika cya 248 cy'Ibivugwa n'Ubwunganizi ku Gisubizo cya Porokireri ku Myanzuro yabwo isubiza (igika cya 248) ivugwa muri aya magambo:

> "Turakomeza kwiregura tuvuga ko Uregwa atagize uruhare mu byaha bivugwa kandi nta bushobozi buhagije yari afite ubwo kuburizamo ibyo byaha"[1]

Uko kwiregura kuvugwa mu magambo arambuye n'Uwunganira Uregwa mu myanzuro yatanze mu magambo aho agira ati:

> "Cyakora, hari ikintu tugomba gushimangira kuko cyerekana neza ibyo tuvuga ko Ignace Bagilishema ari umwere.

[1] Ibivugwa n'Ubwunganizi ku Gisubizo cya Porokireri ku Myanzuro isubiza yabwo, 29 Nzeri 2000, igika cya 248.

> Icyo kintu ni uko Uregwa yakoze ibyo yari ashoboye gukora yifashishije uburyo yari afite….."[2]

3. Cyakora, Porokireri avuga ko Uregwa yagenzuraga Abahutu bagabaga ibitero kandi ko atigeze abungabunga umutekano n'amahoro, cyangwa ngo arinde Abatutsi be guterwa[3].

4. Ku bwanjye, birakwiye gufata iyo myiregurire nk'uburyo bwihariye bwo kunyomoza ibivugwa na Porokireri, ku byabaye bivugwa muri uru rubanza no ku miterere yarwo.

2. Amategeko iyo myiregurire ishingiyeho

5. Kubera ko, muri uru rubanza, iyo myiregurire ijya kumera nka *alibi* [Kuvuga ko uregwa atari ahantu hakorewe icyaha igihe cyakorwaga] cyangwa ishingiye ku byagwiririye, Uregwa agomba mbere na mbere kubitangira ibimenyetso bihagije. Mu miryango y'amategeko agendera ku mategeko y'Abongereza (*Common Law),* uregwa ni we ufite inshingano gutanga ibimenyetso nk'ibyo. Uregwa ashobora kuzuza iyo nshingano yifashisha ubuhamya bw'abagabo bashinja cyangwa agahamagaza abatangabuhamya bashinjura cyangwa se akifashisha ubwo bwoko bwombi bw'ubuhamya bityo akaba ashyikirije Urukiko ibimenyetso bihagije bishyigikira imyiregurire ye kugira ngo ruzabisume. Iyo ubu buryo bwo kwiregura butanzwe mu nzira zemezwe n'amategeko, porokireri agomba kubuvuguruza ku buryo bidashidikanywaho[4]. Iyo atabikoze, ibyo aregera bishidikanywaho.

---

[2] Inyandikomvugo y'iburanisha, 4 Nzeri 2000, urup. 202.

[3] Porokireri agira ati: "Bwana Perezida, Banyakubahwa Bacamanza, mu by'ukuri ikibazo si ukumenya niba Uregwa yari afite ububasha bwo kugira icyo akora, bwo guhagarika ibyo byose. Ahubwo, ikibazo ni uko atigeze agerageza kubikora, kandi tubifitiye ibimenyetso bihagije ku buryo budashidikanywaho. Dufite ndetse n'ibimenyetso byerekana ko, mu by'ukuri, yashishikarije abantu kwitabira ibitero kandi akagira uruhare mu bitero byagabwe muri Komine ya Mabanza kandi ko yari kuri sitade ya Kibuye igihe ibyo bitero byabaga. "Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri 18 Ukwakira 2000. Imp. 229, 230.

[4] Reba Stuart, *Canadian Criminal Law*, *3^e^ Edition* (1995) "Iyo habayeho ingingo zituma muri rusange uregwa ataryozwa ibyo yakoze cyangwa adashobora kubikurikiranwaho, biremewe buri gihe ko asabwa kwerekana ibimenyetso birebana gusa n'icyo yireguza. Cyakora, ibyo ntibivanaho ihame rusange rivuga ko « *la Couronne* ari

6. Mu nkiko zigendera kuri *Common Law*, ku byerekeranye n'ubwo buryo bwo kwiregura, n'ubwo uregwa ari we agomba kwerekana ingingo yireguza, porokireri ni we ugomba buri gihe gutanga, ku buryo budashidikanywaho, ibimenyetso by'ibyo aregera (ibi bivuga ko porokireri ari we ugomba kumvisha abacamanza ko uregwa yakoze icyaha)[5]. Iri hame ryatanzwe na Viscount Sankey L.C., muri *House of Lords* mu rubanza rwa Woolington yaburanagamo na DPP (1935) mu gitekerezo gikurikira kinjiye mu bukemuramanza bw'inkiko zigendera ku mategeko ya *Common Law*.

> Mu mategeko mpanabyaha ya *Common Law*, porokireri ni we ugomba kugaragaza ko uregwa ahamwa n'icyaha, hiseguriwe ibyo maze kuvuga ku myiregurire ishingiye ku burwayi bwo mu mutwe cyangwa se ku rindi rengayobora iryo ari ryo ryose riteganywa n'amategeko. Iyo iburanisha ripfundikiwe, Urugereko rusuzuma dosiye muri rusange rukareba ibimenyetso bishinja cyangwa bishinjura, rwasanga harimo ugushidikanya kumvikana ku byerekeranye no kumenya niba uregwa yarishe abishaka, icyo gihe Porokireri akaba ataragaragaje ibyo aregera, bityo uregwa akagirwa umwere. Hatitawe ku miterere y'ikirego cyangwa aho urubanza rubera, muri *Common Law*

---

yo ifite inshingano yo kugaragaza ku buryo budashidikanywaho ko umuntu ahamwa n'icyaha. Bityo rero, inshingano y'umuburanyi ugomba gutanga ibimenyetso ntishobora guhindurwa mu bujurire. Porokireri agomba kugaragaza ko izo ngingo zidafite ishingiro. Iyo ibyo Ubwunganizi buvuga bidakemangwa na Porokireri, uregwa agomba kugira ibimenyetso bimwe na bimwe atanga ariko ibyo ntibivuga ko agomba kugira ibyo yerekana cyangwa ngo atange ubuhamya. Reba nanone *English Court of Appeal in Gill (1963), 2 ALL E.R.688 (C.C.A): (p.691*) Hifashishijwe ibaza rinyomoza ry'abatangabuhamya bashinja cyangwa se ubuhamya bushinjura cyangwa bikomatanyijwe byombi, uregwa agomba gushyikiriza Urukiko ibimenyetso bishyigikira imyiregurire ishingiye ku gahato yashyizweho, *Jury* ifitiye ububasha bwo guciraho urubanza ». Cyakora, iyo amaze kubitanga, *« Couronne* » ni yo igomba kubinyomoza ku buryo bidashidikanywaho kugira ngo Jury *idasigar*a ishidikanya ko uregwa ashobora guhanagurwaho icyaha bitewe n'ibimenyetso yatanze bivuga ko nta kundi yari kubigenza ngo yikure ako gahato.)

[5]. Mu bihugu bigendera ku mategeko akomoka ku muco w'amategeko y'Abaromani [*civil law],* hakoreshwa ihame rya *« dubio pro reo* », ugushidikanya kurengera uregwa. Urugero: mu mategeko y'Abafaransa, Porokireri agomba gutanga ibimenyetso bihagije kugira ngo yemeze Urukiko ko uregwa ahamwa n'icyaha. Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza mpanabyaha y'Ubudage avuga ko umucamanza ufite ububasha bwo gushakisha uko ibyaha byakozwe, agomba kwita ku ngingo zose ziri muri dosiye zishyigikira imyiregurire y'uregwa ariko Porokireri ni we ugomba kwerekana uko ibyaha byakozwe hadashingiwe ku buryo bwo kwiregura ubwo ari bwo bwose.

y'Ubwongereza, Porokireri agomba kugaragaza ko uregwa ahamwa n'icyaha kandi ntibyemewe gupfobya iryo hame.[6]

7. Mu mategeko y'Abongereza, ihame rivuga ko uregwa afite inshingano yo gutanga ibimenyetso rikoreshwa gusa mu myiregurire ivuga ko uregwa yitabaraga[7], ko yashyizweho agahato[8], ko atari ahantu icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga[9], ko yakoze icyaha atabigambiriye[10] cyangwa ko yasembuwe[11] n'ibindi. By'umwihariko, inshingano yo gutanga ibimenyetso irushaho kuremera iyo uregwa yiregura avuga ko yakoze icyaha kubera uburwayi bwo mu mutwe, cyangwa indi mpamvu iteganywa n'amategeko ituma atabazwa ibyo yakoze. Icyo gihe rero, agomba gutanga ibimenyetso bihagije bigaragaza ibyo avuga hakurikijwe ihame ry'ibintu ibishoboka kurusha ibindi[12]. Muri Canada, nk'uko Stuart abivuga, "iyo hari impamvu zisanzwe zituma ataryozwa ibyo yakoze cyangwa zituma yababarirwa ibyo yakoze, biremewe ko uregwa afite gusa inshingano yo kuvuga impamvu yabikoze…"[13]. Nk'urugero, reba ukwiregura gushingiye k'ukwitabara no gusemburwa[14], kuvuga ko uregwa atari aho icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga[15], ko yakoze icyaha kubera gushyirwaho agahato[16] cyangwa ko yakoze icyaha kubera ko byari

---

[6] Woolmington c. DPP (1935) A.C. 462, (HL), imp. 481, 482.
[7] Urugero reba R.c. Folley [1978] crim. L.R. 556; R.c. Abraham [1973] 1 W.L.R. 1270.
[8] Urugero, reba R.c. Gill [1963] 47 Cr. App.R.166; R.c. Bone [1968]52Cr. App.R.546.
[9] Urugero, reba R.c. Denney [1963] Crim.L.R. 191; R.c. Wood [1968] 52 Cr. App. R. 74.
[10] Urugero, reba R.c. Dervish [1868] Crim. L.R. 37; R.c. Stripp [1978] 69 Cr. App. R. 318.
[11] Urugero, reba Chan Kau c.R. [1955] A.C. 206; R.c. Wheeler [1968] Crim. App. R. 28.
[12] Reba Cross and Tapper on Evidence, 8e Edition, 1995, urup. 131.
[13] Stuart, *Droit Pénal Canadien*, *3e Edition* (1995) urup. 425. Stuart avuga kandi ko itegeko iryo ari ryo ryose ritegeka uregwa gutanga ibimenyetso by'ibyo yireguza hakurikijwe ihame ry'ibishoboka kurusha ibindi ntiryemewe muri Canada. Mu rubanza rwa Whyte (1988) 64 C.R. *(3e Edition*) 123 (S.C.C) Dickson, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, agira ati: "kuvuga ko ikintu runaka ari ingenzi, kidafite akamaro gahambaye, cyatuma uregwa agabanyirizwa igihano cyangwa cyafatwa nk'ingingo yo kwiregura ntibyagombye kugira icyo bihindura ku ihame rivuga ko uregwa afatwa nk'umwere igihe cyose atarahamwa n'icyaha. […] Iyo itegeko risaba uregwa gutanga ibimenyetso ku bintu bimwe na bimwe hakurijwe ihame ry'ibishoboka kurusha ibindi kugira ngo adahamwa n'icyaha, icyo gihe iryo tegeko riba rinyuranyije n'ihame rivuga ko uregwa afatwa nk'umwere igihe cyose atari yahamwa n'icyaha kubera ko rituma urukiko rwemeza ko ahamwa n'icyaha nubwo umucamanza usuzuma ibyabaye aba abishidikanyaho".
[14] Nk'urugero, reba Latour [1951] S.C.R. 19; Linney [1977] 32 C.C.C. 294.
[15] Nk'urugero, reba R.v. Lizotte [1951] S.C.R. 115; R.v. Lanigan [1984] 53 N.B.R. 388 (CA).
[16] Nk'urugero, reba Bergstrom [1980] 13 C.R. (3d) 342.

ngombwa kugikora[17]. Amategeko ya Sri Lanka ateganya ko: "kwiregura umuntu avuga ko yakoze icyaha bimugwiririye cyangwa avuga ko atari ahantu icyaha cyakorewe igihe cyakorwaga, biba bigamije gutesha agaciro ibintu by'ingenzi bivugwa na porokireri. Icyo gihe, uregwa agomba gusa gutuma abacamanza bashidikanya ku byerekeranye n'imikoreshereze ya bumwe muri ubwo buryo bwo kwiregura. Ashobora gusabwa gutanga ibimenyetso bimwe na bimwe n'ubwo nta na rimwe ategekwa kugaragaza ikintu runaka cyabaye"[18]. Mu rubanza *rwa Kayishema na Ruzindana* no mu rubanza rwa *Alfred Musema*, uru Rukiko rwakurikije ibimaze kuvugwa[19].

8. Iyo urubanza ruburanishwa na *"Jury"*, ashingiye ku bimenyetso byatanzwe, umucamanza ni we ureba niba "*jury*" ifite ububasha bwo guca urubanza ku cyaregewe. Cyakora, iyo urubanza ruburanishwa n'abacamanza b'umwuga, abo bacamanza bareba niba haratanzwe ibimenyetso bihagije byatuma basuzuma imyiregurire y'uregwa.

9. Iyo basanze haratanzwe ibimenyetso bihagije, abo bacamanza basuzuma ibimenyetso byatanzwe n'ubwunganizi mu kwiregura, bakanasuzuma n'ibyatanzwe na porokireri mu gusenya iyo myiregurire. Bakora gutyo kugira ngo barebe niba ibimenyetso by'ubwunganizi bituma rushidikanya ku bivugwa na porokireri.

---

[17] Nk'urugero, reba Perka [1984] 42 C.R. (3d) 113-137.
[18] G.L. Pieris, The Law of Evidence in Sri Lanka, (1974) urup. 429.
[19] Muri izi manza, uregwa yasabwe gutanga gusa ibimenyetso bishyigikira *alibi* [kwiregura avuga ko atari aho icyaha cyakorewe]. Mu rubanza Porokireri aburana na Kayishema na Ruzindana, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo II rwagize ruti: "Porokireri ni we ugomba gutanga ibimenyetso, ku buryo bidashidikanywaho, bishyigikira ibirego yatanze n'ubwo abaregwa bireguje "*alibi*"[bavuga batari ko batari aho bari bari igihe ibyaha byakorwaga] […] uregwa ategetswe gusa kugaragaza ko atari aho icyaha cyabereye…(Urubanza: Porokireri aburana na Kayishema na Ruzindana, ICTR-95-1-T, 21 Gicurasi 1999 urup. 234). Byongeye kandi, mu rubanza Porokireri aburana na Alfred Musema, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo I rwafashe umwanzuro ukurikira: "Porokireri ni we ugomba kwerekana, ku buryo budashidikanywaho, ko uregwa yakoze icyaha. Kugira ngo binyomoze "*alibi*", ibimenyetso bishinja bigomba kwerekana ku buryo budashidikanywaho ko uregwa yari ari ahantu ibyaha byakorewe kandi ko yakoze ibyaha aregwa. Ukwiregura kuvuga ko uregwa atari aho icyaha cyabereye ntibitangirwa ibimenyetso ku buryo bwihariye. Iyo basanze gushoboka, kurakirwa. "("Urubanza Porokireri aburana na Alfred Musema, ICTR -96-13-T, 27 Mutarama 2000, urup. 108). Icyo cyemezo kandi gishyigikiwe ku buryo bugenekereje n'ingingo za Sitati n'Amategeko Urukiko rugenderaho. Ayo mategeko avuga ko uregwa wese afatwa nk'umwere igihe cyose atari yahamwa n'icyaha (Ingingo ya 209)3) ya Sitati kandi uregwa ahamwa n'icyaha iyo, ku bwiganze bw'amajwi, abacamanza basanze ko hagaragajwe, ku buryo budashidikanywaho, ko yakoze icyaha [Art.87 A)].

10. Muri uru rubanza, yiregura muri ubwo buryo, Uregwa yashakaga kwerekana ko nta gitekerezo yari afite ku byerekeranye n'ibyo ashinjwa ko yakoze cyangwa yirengagije gukora. Mu myanzuro ye mu magambo, Uwunganira Uregwa agira ati:

> "Turemeza […] ko Porokireri atigeze agaragaza ko Ignace Bagilishema yari afite ubushake bwo gukora ibyaha, cyane cyane ubwo gukora jenoside. Ahubwo ibimenyetso byose twabahaye byerekana ko yakoze ibintu byose yari ashoboye gukora yifashishije uburyo yari afite."[20]

11. Ni ngombwa kuvuga ko iyo porokireri adashoboye kugaragaza igitekerezo cyo gukora icyaha, kandi kiri mu bigize ibyaha ashinja uregwa, bishobora gutuma uregwa atagira ikintu na kimwe aryozwa mu byo ashinjwa.

12. Ubu noneho ngiye gusuzuma ibimenyetso byatanzwe muri uru rubanza, ndebe niba haratanzwe ibimenyetso bihagije bishyigikira imyiregurire y'Uregwa, ku buryo byatuma ibyo porokireri avuga bishidikanywaho.

IGICE CYA KABIRI

Imyitwarire y'Uregwa mbere y'ibyabaye mu mwaka wa 1994

13. Kugira ngo umuntu yumve ibibazo byabyukijwe n'Uregwa mu myiregurire ye muri uru rubanza, ni byiza kubanza gusuzuma imyitwarire ye mbere ya Mata 1994 ku byerekeranye no kubungabunga umutekano n'amahoro muri Komine ya Mabanza muri rusange, no kurinda Abatutsi by'umwihariko.

14. Ubwunganizi bwemeza ko Bagilishema yari umuntu w'imico myiza mbere na nyuma y'ibyabaye mu mwaka wa 1994. Uregwa ntiyahwemye gukorana umutima mwiza kugira ngo arengere Abatutsi n'Abahutu bubahaga amateko.

---

[20] Inyandikomvugo y'iburanisha, 19 Ukwakira 2000, urup. 173.

15. Ku byerekeye imyitwarire y'Uregwa mbere y'ibyabaye, Porokireri yagiye ahindura imvugo. Hari ubwo yanga ibyo Ubwunganizi bwamusabaga ko yakwemera ku mugaragaro ko Uregwa yari umuntu w'imico myiza mbere ya Mata 1994[21]. Cyakora, hari ahandi avuga ko adahakana ko « mbere y'ibyabaye bivugwa mu Nyandiko y'ibirego[22], Uregwa yari indakemwa mu mico no mu myifatire». Byongeye kandi, Porokireri ntanyomoza abatangabuhamya bashinjura ku byerekeranye n'imico y'Uregwa[23]. Hari na bamwe mu batangabuhamya bashinja bavuga ko mbere ya Mata 1994, Uregwa yitwaraga neza.

16. Kuri iyo ngingo, ni ngombwa kwibutsa amagambo Porokireri avuga yemera ko mbere y'itariki ya 12 Mata 1994 Uregwa ko yakoranaga umutima mwiza. "Twemera ko kugeza icyo gihe [tariki ya 12 Mata 1994], bishoboka cyane ko Uregwa yabikoranye umutima mwiza. Ntitubishidikanyaho kandi ndashaka ko ibyo byumvikana. Nta kimenyetso kibinyomoza"[24].

1. Ubuhamya bw'abagabo ku myitwarire y'Uregwa mbere y'ibyabaye

17. Avuga ku Uregwa, umutangabuhamya ushinjura wiswe BE agira ati: "Navuga bimwe mu byo yagezeho: Icya mbere ni uko muri Komine ye hari ubumwe; icya kabiri ni uko hari amajyambere muri Komine; icya gatatu ni uko nta vangura rishingiye ku moko ryarangwaga muri Komine"[25]. Avuga uko Uregwa yakoraga akazi ke, umutangabuhamya

---

[21] Ubwo icyo kibazo cyabyutswaga mu buhamya bw'umugabo ushinjura, Porokireri yarashubije ati: "Nta kintu na kimwe dushyikiriza urukiko. Ibivugwa muri iyi nyandiko bikubiye mu madosiye yashyikirijwe Urukiko [Avoka ashobora "kuzikomozaho igihe azaba atanga imyanzuro ye mu magambo…"Inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Kamena 2000, imp. 8-9.

[22] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Gicurasi 2000, urup.16.

[23] Abwira François Roux, umutangabuhamya w'impuguke ushinjura, Porokireri yagize ati: "Ndasaba ko ubwo buhamya bwafatwa gusa nk'ikimenyetso. Ntituri bunyomoze uno mutangabuhamya kubera ko ari butange ubuhamya ku mico y'uregwa […] kandi niba atari butange ubuhamya ku byabaye kuva muri Mata kugeza muri Kamena 1994, nasabaga gusa ko ubuhamya bwe bwashyirwa muri dosiye." Inyandikomvugo y'iburanisha, 4 Gicurasi 2000, urup. 5.

[24] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000 urup. 71.

[25] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 27 Mata, urup. 37.

ushinjura wiswe TP agira ati: "Ignace Bagilishema yari umuntu witangaga ku kazi, yagakoranaga umwete kandi ntawe arenganya. Byongeye kandi, yari umuntu wumvwaga ndetse washimwaga na bose muri komine ye"[26]. Umutangabuhamya ushinjura wiswe RA we avuga ko Uregwa yari umugabo wihanganiraga ibintu kandi ko muri Komine ya Mabanza Abahutu n'Abatutsi babanaga mu mahoro. Abagabo bashinjura biswe AS, KC na ZD batanga ubuhamya nk'ubwo bavuga ko Uregwa yabanaga neza n'abaturage bose ba Mabanza.

18. Abatangabuhamya bashinja nabo bavuga ko mbere y'ibyabaye mu mwaka wa 1994, Uregwa yitwaraga neza. Bamubajije uko abaturage babibonaga, umutangabuhamya ushinja wiswe I yagize ati:

> « Bagilishema yari umuntu ukunzwe n'abaturage bose, baba Abahutu cyangwa Abatutsi. Iyo babaga bafite ibibazo, bajyaga kumugisha inama, akazibagira. Mu ntambara, ubwo batangiraga gusenya amazu mu mwaka wa 1994, abantu benshi bahungiye ku biro bye. Ibyo byerekana ko yari akunzwe cyane. Nta muntu watekerezaga ko hari icyo yaba Bagilishema ahari » [27]

19. Mu buhamya bwanditse yatanze ku itariki ya 10 Nyakanga 1999[28], umugabo ushinja wiswe K yemeza ko Bagilishema yabanaga neza n'abaturage bose, kugeza ku rupfu rwa Perezida Habyarimana[29].

---

[26] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 27 Mata, urup. 195.
[27] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Ugushyingo 1999, imp. 33- 34.
[28] Reba ikimenyetso gihamya N° 14 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[29] Hari abatangabuhamya bake bavuga ibitandukanye n'ibingibi. Umutangabuhamya wiswe G avuga ko mu mwaka wa 1990, intambara itangiye gutera, "Uregwa atongeye gukunda" Abatutsi. Cyakora, birashoboka ko ibyo uyu mutangabuhamya avuga biterwa n'ibyamubayeho ku giti cye byerekeranye na se na sewabo (cyangwa nyirarume). Iyo umuntu asuzumye inyandiko z'ingenzi, asanga ibyo avuga nta shingiro bifite. (Reba umutwe wa V.3.4 cy'inyandiko y'urubanza, rwaciwe ku bwiganze bw'amajwi.) Umutangabuhamya ushinja wiswe J avuga ibyerekeranye n'ivangura rishingiye ku moko i Mabanza nko mu burezi. Cyakora, hakurikijwe ibimenyetso byanditse, biragaragara ko niba i Mabanza hari ivangura rishingiye ku moko, bitaryozwa uregwa. Urugero: mu mwaka wa 1992, habayeho ivangura rishingiye ku moko mu burezi, maze umuyobozi w'ishuri ryo muri Segiteri ya Mushubati, Komine ya Mabanza ashyirwa mu majwi. Icyo gihe, Hakizimana, wari umunyamabanga wa komine, yashatse kwirukana umuyobozi w'iryo shuri amuziza ko yaba atonesha Abatutsi mu ishuri rye. Icyo kibazo cyashyikirijwe komisiyo iyobowe n'uregwa. Raporo y'iyo komisiyo yo ku itariki ya 21 Nzeri 1992, yashyizweho

20. Ukurikije ibyo Abatutsi bakoze, biragaragara neza ko bari bafitiye icyizere Uregwa. Mu by'ukuri, ibitero byibasiye Abatutsi n'ibintu byabo bitangiye ku itariki ya 17 mata 1994, abenshi mu Batutsi bahungaga ibyo bitero bateraniye ku biro bya Komine ya Mabanza, kubera umutekano wabo.

21. Mu rwego rw'amajyambere, ubuhamya bw'abagabo b'impuguke bugaragaza ko Bagilishema yari umwe mu ba burugumesitiri bakoraga neza cyane. André Guichaoua, umutangabuhamya w'impuguke watanzwe na Porokireri asanga Uregwa yarazaga ku mwanya wa kabiri mu ba burugumesitiri bitaga neza ku majyambere y'amakomine yabo[30]. François Clément, umutangabuhamya w'impuguke watanzwe n'Ubwunganizi yemeza ko Uregwa yagize uruhare rugaragara mu majyambere ya Komine ye. Jean François Roux, umutangabuhamya ushinjura, wayoboraga, kugeza muri Mata 1994, umushinga w'amajyambere muri Perefegitura ya Kibuye, avuga ko Uregwa yari "umuburugumesitiri mwiza", wakurikiraniraga hafi cyane imishinga y'amajyambere. Uyu mutangabuhamya avuga ko atigeze abona iby'ivangura rishingiye ku moko[31]. Yongeraho ko, mu gihe mu yandi ma komine hari ubushyamirane bushingiye ku moko, Uregwa yari yarashoboye kubungabunga umutekano muri Komine ye mu mvururu zabaye hagati y'umwaka wa 1992 n'uwa 1994[32].

---

umukono n'uregwa, yerekana ko Bagilishema yari yagerageje gukemura ubwo bushyamirane hagati ya Hakizimana n'umuyobozi w'ishuri ariko bikaba iby'ubusa. Yari yagerageje kugikemura hadakozwe ipererereza rirambuye, aha buri wese umwanya wo kwisobanura. Ntakigaragaza ko uregwa yabogamiye kuri Hakizimana kandi yari umunyamabanga wa komine, akaba yari yanavuze ko umuyobozi w'ishuri "atonesha ubwoko bumwe ndetse ko, urebye, i Mushubati hari Abatutsi gusa. "Mu gusoza iyo nama, komisiyo yafashe imyanzuro ikurikira: "Twashakaga kutaremereza ikibazo maze tukabunga ariko turabona mwembi nta n'umwe ushaka kwiyunga n'undi. Ubwo rero kubera ko mudashaka ko tubafasha ngo mwiyunge kandi tukaba nta bubasha dufite bwo kubonera umuti iki kibazo, tugiye kugishyikiriza inkiko. Inkiko ni zo zizabakiza ndetse zigahana umunyamakosa."Abonye adashoboye kumvikanisha abari bashyamiranye, Uregwa yashyikirije inkiko icyo kibazo.

[30] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 14 gashyantare 2000, urup.51.

[31] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 4 Gicurasi 2000, urup. 26.

[32] Reba inyadikomvugo y'iburanisha, 4 Gicurasi 2000, urup. 30.

2. Imyitwarire y'Uregwa igihe havugwaga ko FPR ishobora gucengera muri Komine.

22. Inyandiko z'ibimenyetso zatanzwe na Porokireri ubwazo zerekana ko inshuro nyinshi Uregwa yakoze iperereza ku bantu bakekwagaho gutunga imbunda mu buryo butemewe n'amategeko cyangwa kuba bakorana na FPR. Mu ibarurwa yo ku itariki ya 9 Ukwakira 1990 yandikiye Perefe wa Kibuye, Uregwa yatanze "Raporo ku bantu bakekwaho kuba batunze intwaro". Ku mugereka w'iyo baruwa hariho lisiti y'abantu bashyirwaga mu majwi[33]. Iyo lisiti igizwe ahanini n'abanyabwenge ariko ntigaragaza ubwoko bwa benshi muri bo. Mu ntangiriro y'iyo baruwa, Uregwa agira ati: "Nkurikije uko ibintu byifashe muri iki gihe, mbandikiye iyi baruwa mbagezaho lisiti y'abantu bakekwaho kuba batunze imbunda". Asoza muri aya magambo: "Twasatse mu mago y'aba bantu hafi ya bose ariko nta mbunda twahasanze. Isaka rirakomeza ariko kuzibona ntibyoroshye. Abasiviri bemeza ko aba bantu bagomba kuba batunze izo ntwaro".

23. Mu ibaruwa ya kabiri yo ku itariki ya 20 Ukwakira 1990[34], Uregwa yoherereje perezida w'inama y'umutekano ya Perefegitura ya Kibuye, lisiti "y'abantu bakekwa n'abaturage". Na none, benshi mu bantu bari kuri iyo lisiti ni 'abanyabwenge'. N'ubwo iyo lisiti yerekana ko bamwe muri bo ari Abatutsi, ntiyerekana ubwoko bw'abandi bantu. Mu gusoza iyo baruwa, Uregwa agira ati: "Mbohereereje lisiti y'aba bantu nkurikije ibyo abaturage babavugaho n'uko babazi ariko sinemeza ko ibyo babarega ari ukuri".

24. Porokireri yatanze andi mabaruwa ane Uregwa yandikiye Perefe wa Kibuye, afite imigereka iriho lisiti z'abantu bakekwagaho kuba baragiye mu Nkotanyi. Ayo mabaruwa yanditswe ku matariki ya 23 Ukwakira 1992, 30 Ukuboza 1992, 14 Mutarama 1993 na 12 Werurwe 1993[35]. Mu ibaruwa ya mbere yo ku itariki ya 23 Ukwakira 1992, igika cya mbere kigira giti:

---

[33] Ikimenyetso gihamya N° 91 cyatanzwe na Porokireri.
[34] Ikimenyetso gihamya N° 90 cyatanzwe na Porokireri.
[35] Ibimenyetso gihamya N° 80, 81, 82 na 83 byatanzwe na Porokireri (bikurikirana hakurikije amatariki).

> "Nshingiye ku bivugwa ubungubu ko hari abasore bajya mu Nkotanyi, ndabamenyesha ko nashinze abakonseye gukurikirana iki kibazo maze bangezaho lisiti yometswe kuri iyi baruwa."

25. Biragaragara ko avuga "Inkotanyi", Uregwa yashakaga kuvuga abantu bakoranaga na FPR, aho kuvuga Abatutsi muri rusange. Lisiti yometswe ku ibaruwa yo ku itariki ya 23 Ukwakira 1992, ari nayo lisiti yonyine igaragaza ubwoko bw'abakekwaga, yerekanaga ko, ku bantu batanu bakekwaga, babiri muri bo bari "Abahutu".

26. Abajijwe kuri ayo mabaruwa amaze kuvugwa, Uregwa yavuze ko abaturage b'Abahutu bakekaga ko bamwe mu Batutsi bakoranaga na FPR ndetse bagatunga n'intwaro, bityo bakaba barashakaga kubatera. Uregwa avuga ko yashoboye guhosha ubwo bushyamirane, ashyiraho komite y'igenzura kugira ngo isake mu mago y'abantu bakekwaga irebe ko koko hariyo intwaro[36]. Yongeraho ko abategetsi bakuru bo ku Kibuye bari bategetse ko hatangwa ku buryo bwihutirwa lisiti y'abantu bakekwagaho gukorana na FPR kandi ko we, nka burugumesitiri, yari afite inshingano yo guha abamukuriye raporo kuri icyo kibazo[37]. N'ikimenyimenyi, ku itariki ya 14 Mata 1992, inzego z'iperereza za Perefegitura ya Kibuye zandikiye aba burugumesitiri bose ibaruwa ibasaba gutanga lisiti y'abantu bari baragiye mu bihugu bituranye n'u Rwanda mbere gato y'intambara cyangwa mu ntambara, kandi bakagaruka. Iyo baruwa yategekaga ababurugumesitiri gutanga amakuru yose kuri abo bantu: amazina yabo, imyaka, ubwoko, segiteri bakomokamo ndetse naho bari batuye icyo gihe. Ayo makuru yagombaga kandi kwerekana niba barakekwagaho kuba barahawe imyitozo ya gisirikare muri FPR[38].

27. Ni ngombwa kuvuga ko amabaruwa abiri yo ku itariki ya 9 n'iya 20 Ukwakira 1990 yanditswe mu byumweru byakurikiye igitero FPR yagabye mu Rwanda mu Ukwaira 1990. Amabaruwa ane yanditswe hagati y'Ukwakira 1992 na Werurwe 1993 yoherejwe

---

[36] Inyandikomvugo, 8 Kamena 2000, imp. 42-50.
[37] Inyandikomvugo, 1 Kamena 2000 imp. 164-165.
[38] Ikimenyetso gihamya N° 88 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

mu gihe hari umwuka mubi udacogora, ndetse n'intambara y'urudaca hagati y' abasirikare ba Leta na FPR.

28. Ndasanga Uregwa yarafashe ingamba zumvikana kandi za ngombwa kugira ngo akumire icengera ry'abantu ba FPR, ryaba ari ryo cyangwa rikekwa. Uregwa avuga, mu kuri, ko iyo urwikekwe rw'abaturage rutabaga rufite ibimenyetso rushingiyeho na we ntiyemezaga ko ayo makuru ari ukuri. Amalisiti ntiyerekana ko Uregwa yari abogamiye ku bwoko ubu n'ubu. Umuntu yavuga ko Uregwa yuzuzaga gusa inshingano zijyanye n'akazi ke mu mirimo yari ashinzwe, akuriwe na Guverinoma yari ho icyo gihe mu Rwanda.

3. Ingamba Uregwa yafashe ngo ahangane n'ibitero udutsiko tw'Abahutu twagabaga ku Batutsi

29. Ibibazo by'umutekano Uregwa yahanganye nabyo mbere ya 1994 ntibyagarukiraga gusa ku icengera ry'abantu ba FPR. Yagombaga nanone guhangana n'ibitero, bitari rusange, Abahutu bagabaga ku Batutsi no ku bintu byabo. Mu ibaruwa yo ku itariki ya 7 Mutarama 1993 yandikiye Perefe Kayishema, Uregwa avugamo ibitero Abahutu bagabye ku Batutsi no ku bintu byabo maze agasaba Perefe inkunga kugira ngo agarure umutekano. Iyo baruwa igira iti:

> ….mbabajwe no kongera kubamenyesha ko kuwa 4/01/1993 nijoro Abahutu bongeye gutera k'umugabo w'umututsi Gafaranga baca urugi […..]
>
> Mu ijoro ryo kuwa 6/01/1993 nubwo mwari mwatwemereye abasirikare ntabwo baje. Najyanye n'abapolisi batatu (3) na I.P.J dutegera ahitwa: Mugote, Serire Kibari, dushobora gufata ….. [amazina y'abantu] bafite ibihiri, isuka n'ibibando bagiye gutera. Twabafashe saa sita (24h00) z'ijoro. Twababajwe n'uko twagarutse ku kindi gisozi dusanga abahutu bateye kwa Sekabundi …… Ibyo byose biba kandi Abatutsi bavuye mu mazu ndetse

> bagatinya no gutaka ngo batamenya aho bari bakabica. Ibyo bituma abashinzwe umutekano batabona uko babatabara kuko batamenya neza aho igitero giherereye kandi segiteri ari nini. Mu ijoro ryo kuwa 6 rishyira uwa 7/01/1993, abapolisi bafashijwe n'abasirikare bagerageje kurinda umutekano muri serire Mubuga, segiteri Buhinga, bahura n'ibitero ndetse biba ngombwa ko barasa mu kirere. Kubera ubucye, muri segiteri Kigeyo, serire Kagano, umugabo Sebacogoza yatewe n'igitero bamutemaguliraho inzugi ndetse bajya kwiba inka aho yari yaziragije …….
>
> Tubaye tubashimiye inkunga muzakomeza kudutera ngo umutekano wongere ube wose."[39]

30. Iyi baruwa irerekana imiterere y'ikibazo cy'umutekano Uregwa yagombaga guhangana na cyo mu ntangiriro y'umwaka wa 1993. Ibikubiye muri iyo baruwa bigaragaza ko Uregwa yagerageje gukoresha uburyo bwose yari afite bwo kugarura umutekano kugira ngo arinde Abatutsi ibitero byagabwaga n'Abahutu. Ni ikimenyimenyi, we ubwe yashakishije kandi afata Abahutu bagabaga ibitero.

31. Umuntu rero asuzumye ibimenyetso bimaze kuvugwa, asanga Uregwa yarakoze ibyo yari ashinzwe mu mirimo ye mbere y'umwaka wa 1994. Yabikoze atavangura amoko kandi agamije kuburizamo ibitero Abahutu bashoboraga kugaba ku Batutsi.

4. Agaciro kahabwa imyitwarire y'Uregwa mbere y'ibyabaye

32. Mu miterere yabyo, ibyaha bikozwe mu bihe bidasanzwe mu gihugu cyangwa mu rwego mpuzamahanga bishobora gukorwa n'abantu batari bakurikiranywa ngo bahannwe n'inkiko cyangwa batigeze barangwa n'ibikorwa by'ubugizi bwa nabi[40]. Cyakora,

---

[39] Ikimenyetso gihamya N° 90 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

[40] Reba "Icyemezo cyerekeranye n'ibimenyetso ku mico y'Uregwa n'ikimenyetso cyo kwiregura gishingiye ku ihame rya "*Tu Quoque"* cyatanzwe ku itariki ya 17 Gashyantare 1999 mu rubanza rwa Kupreski na na bagenzi be, TPIY.

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

agaciro k'ibimenyetso byerekeranye n'imyitwarire y'Uregwa mbere y'ibyabaye gaterwa n'imiterere y'urubanza. Muri uru rubanza, ibimenyetso byerakana kurushaho ubudakemwa bw'Uregwa cyangwa kuba mbere atarigeze arangwa no gushaka gukora ibyaha. Biragaragara rero ko mbere y'umwaka wa 1994, buri gihe imyitwarire y'Uregwa yari itandukanye n'iyo Porokireri amurega mu byabaye mu mwaka wa 1994.

33. Byongeye kandi, Porokireri ntiyatanze ikimenyetso na kimwe ku myitwarire y'Uregwa mbere ya Mata 1994 cyerekana ko kubera iyo myitwarire, Uregwa yari asanzwe yaritswemo n'umugambi wo gukora ibyaha aregwa. Porokireri yagombaga rero kugaragaza rwose ko Uregwa yari afite igitekerezo cyo gukora icyaha kandi ko yakoze ibikorwa by'ubugome bisabwa kugira ngo icyaha kibeho, nibura mu byabaye mu mwaka wa 1994.

IGICE CYA GATATU

Imyitwarire y'Uregwa mu byabye mu mwaka wa 1994

1. Ibivugwa ko imyitwarire y'Uregwa yaba yarahindutse.

34. Ku byerekeranye n'uko Uregwa yari afite igitekerezo cyo gukora icyaha, Porokireri avuga ko, mu nama yaba yaragiranye na Perefe Kayishema ku itariki ya 12 Mata 1994 mu biro bya Komine ya Mabanza, ari bwo Uregwa, kugeza icyo gihe wari ugifite umutima mwiza wo kurengera Abatutsi, yacuze umugambi wa jenoside agamije gutsemba Abatutsi abaziza ubwoko bwabo. Mu myanzuro sonzarubanza mu magambo, Porokireri agira ati:

> "Murabona ko mugenzi wanjye asa naho yerekana ko tuvuga ko abatangabuhamya bateraniye, byagambiriwe, ku biro bya Komine ya Mabanza kandi ko ibyo byari mu mugambi wo kubarimbura. Sibyo dushaka kuvuga. Turavuga ko, kugeza icyo gihe, yabateranyije n'umutima mwiza. Ntitubishidikanyaho kandi turashaka kuvuga ko byumvukana rwose.

> Ntakibinyomoza, nta kimenyetso cyerakana ko, kugeza icyo gihe, yari yakoranyirije abantu aho hantu kugira ngo abatsembe. Sibyo tuvuga rwose. Turavuga ko byose byahindutse icyo gihe, nyuma y' iyo nama. Ibyakurikiyeho byose birasobekerana ku buryo bwumvikana. Turerekana iryo tandukanirizo rigaragara. Iyo bavuga rero ngo yari afite imico myiza, ko yari indakemwa, ibyo simbitindaho cyane.[41]

35. Hari inenge nyinshi mu byo Porokireri yemeza. Mbere na mbere umuntu yakwibaza niba koko Uregwa yarahise ahinduka bene ako kageni nyuma y'inama ngufi itari yanateguwe. Nta kimenyetso kigaragara ko iyo nama yari yateguwe mbere kandi yaba yaramaze iminota mike. Nta cyatuma umuntu atekereza ko Kayishema yagerageje rwose kumvisha Uregwa ko agomba kureka imyitwarire yari afite ku Batutsi kugeza icyo gihe.

36. Icya kabiri, nta kintu kigaragaza, ku buryo budasubirwaho, ko iyo nama yabaye koko. Mu mwanzuro wafashwe muri uru rubanza ku bwiganze bw'amajwi, Urugereko rwasanze nta kimenyetso cyizewe cyatanzwe cyerekana ko iyo nama yabaye koko[42].

37. Icya gatatu, imyitwarire y'Uregwa ntigaragaza ko yahindutse koko. Porokireri yashatse kwerekana ko Uregwa yahindutse kubera ko yohereje impunzi ku Kibuye. Nyamara icyo cyemezo yafashe cyarasobanuwe ku buryo bwumvikana nk'uko bivugwa mu rubanza aho Abacamanza, ku bwiganze bw'amajwi, bagira bati: "kuba yarohereje impunzi ku Kibuye, ntibivuga ko yagize uruhare mu byazibayeho, ahubwo icyo cyemezo yagifashe kubera impamvu zumvikana z'umutekano"[43].

38. Icya kane, kuvuga ko yari yaragambiriye gukora jenoside no kuvuga ko yumvikanye n'abandi bantu kugira ngo jenoside ikorwe binyomozwa n'ubuhamya bw'umugabo ushinja wiswe A. Uyu mutangabuhamya avuga ko igihe yari kuri sitade ya Kibuye muri

---

[41] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, impap. 70-71.
[42] Reba imikirize y'urubanza ku bwiganze bw'amajwi, umutwe wa V.
[43] Reba icibwa imikirize y'urubanza ku bwiganze bw'amajwi, umutwe wa V.

Mata 1994, Uregwa yasabye impunzi gusubira i Mabanza kubera ko amahoro yari yahagarutse. Umutangabuhamya agira ati:

> "Nyuma, hagati y'itariki ya 13 ni ya 18 [Uregwa, Semanza, na Dogiteri Léonard] baragarutse, batubwira ko dushobora gusubira iwacu kubera ko umutekano wari wagarutse"[44].

39. Kuri iyi ngingo, mu buhamya bwanditse yahaye abapererezi ku itariki ya 29 Kamena 1999, turasanga uyu mugabo wiswe A, avuga na none ko Bagilishema yasabye impunzi gusubira i Mabanza[45].

40. Ntibyumvikana ukuntu umuntu, uregwa ko yagambanye na Kayishema ngo bajyane impunzi kuri sitade ya Kibuye no kuri *Home Saint-Jean* kuzitsembatsemba, yahindukira nyuma yaho akazisaba gutaha mbere yuko zicwa.

2. Uko uregwa yakoresheje uburyo yari afite mu kubungabunga umutekano

2.1. Uburyo Uregwa yari afite bwo kubungabunga umutekano kuva muri Mata kugeza muri Nyakanga 1994

41. Ubwunganizi buvuga ko, kubera uburyo buke yari afite, Uregwa atashoboraga kugenzura ibyabaye. Ubwunganizi bugira buti:

> "Kubera uburyo buke yari afite, mu gihe cyose Abakiga bari muri Komine ye, Bagilishema ntiyashoboye kugarura umutekano muri iyo Komine, ni ukuvuga kugeza mu matariki ya 25 Mata 1994. Nyuma y'iyo tariki, umutekano wabaye nkugaruka maze Bagilishema akora uko ashoboye ngo asubukure imirimo ye

[44] Inyandikomvugo y'urubanza, 17 Ugushyingo 1999, urup. 27.
[45] Ikimenyetso gihamya N° 7 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

ya burugumesitiri n'ubwo yakomeje guhura n' ingorane ndetse agakomeza no gushyirwaho iterabwoba "[46]

42. Porokireri avuga ko, aho kugira ngo agerageze kugenzura ibyabaga, Uregwa yashishikarije abantu kugaba ibitero muri Komine ya Mabanza ndetse na we ubwe arabyitabira.

43. Uburyo yari afite bugomba gusuzumwa hazirikanwa ubuso bwa Komine ya Mabanza ndetse n'umubare w'abaturage bayo. Komine ya Mabanza ifite ubuso bwa km^2 160[47], ikaba yari ituwe n'Abahutu, Abatutsi ndetse n'Abatwa. Imibare yo mu mwaka wa 1988 yerekana ko Komine ya Mabanza yari ituwe n'abaturage bagera ku bihumbi 49.250[48]. Uyu mubare waba wariyongereye cyane kubera ubwinshi bw'impunzi zahageze kuva muri Mata 1994.

44. Nta muntu uhakana ko mu gihe cy'ibyabaye, i Mabanza hakoreraga abapolisi ba komine batandatu gusa, burigadiye n'umwungirije umwe. Uregwa avuga ko hagombaga nibura umupolisi umwe muri buri segiteri kandi Komine ya Mabanza yari igizwe n'amasegiteri 14. Ni ngombwa na none kumenya ko Ingingo ya 107 y'itegeko ryo ku itariki ya 23 Ugushyingo 1963, rigenga imitegekere ya komine riteganya umupolisi umwe ku baturage 1000. Iyo ngingo iteganya kandi ko uwo mubare ushobora kongerwa cyangwa ukagabanywa mu bihe bidasanzwe, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu abitangiye uruhusa mu buryo bweruye[49]. Ni ukuvuga ko, nk'uko amategeko yabiteganyaga, Komine ya Mabanza yagombaga kugira abapolisi bageze kuri 50. Uwo mubare ugashobora kongerwa mu bihe bidasanzwe. Nyamara muri kiriya gihe, Uregwa yari afite gusa hafi icya cumi cy'abo bapolisi mu gihe yari akeneye abantu benshi bo kubungabunga

---

[46] Imyanzuro y'Ubwunganizi, urup.114, ibika 300, 301.
[47] Ikimenyetso gihamya N° 80 cyatanzwe n'Ubwunganizi ni i karita ya Komine ya Mabanza.
[48] Reba ikimenyetso gihamya N° 85 cy'Ubwunganizi.
[49] Itegeko ryo ku itariki ya 23 Ugushyingo ku mitegekere ya komine ni rimwe mu mategeko y'ingenzi avugurura ayashyizweho muri Repubulika ya mbere. Reba Giuchaoua A., *Imiyoborere y'uturere two mu Rwanda*. Raporo y'impuguke yateguwe bisabwe n'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha Rwashyiriweho u Rwanda, 1998, urup. 6 ikimenyetso gihamya N° 71 cyatanzwe na Porokireri.

umutekano bitewe n'ubwinshi bw'impunzi zahageze muri Mata 1994. Biragaragara rero ko Uregwa atashoboye gukora ibyo yashakaga gukora byose bitewe n'uko atari afite abashinzwe umutekano bahagije.

45. Mu iburanisha, ntihatanzwe ikimenyetso na kimwe cyihariye cyerekeranye n'intwaro n'amasasu byahawe abashinzwe umutekano ba Komine ya Mabanza muri icyo gihe. Uregwa avuga ko intwaro n'amasasu byari bihari byari bike cyane ku buryo atashoboraga kugenzura ibyabaga. Avuga ko burigadiye wa komine yari afite imbunda zigeze kuri 12 zo mu bwoko bwa "Enfield". Birazwi kandi ko Komine yari ifite imodoka imwe cyangwa ebyiri gusa ndetse ko abapolisi nta modoka bari bafite[50]. Biragaragara rero ko komine itari ifite intwaro, amasasu n'imodoka bihagije.

46. Ibaruwa yo ku itariki ya 7 Mutarama 1993, ivugwa haruguru, Bagilishema yandikiye Perefe Kayishema[51], igaragaraza ko mu mwaka wa 1993 igihe muri Komine ya Mabanza hari imvururu zishingiye ku moko. N'ubwo izo mvururu zitari zikaze nk'izo mu mwaka wa 1994, ntihari uburyo buhagije bwo kubungabunga umutekano n'amahoro. Ibyo kandi byaterwaga n'impamvu nyinshi zirimo kuba Komine yari nani cyane ("segiteri yari nini cyane"), kuba Abatutsi bari bafite ubwoba bwo gutabaza ("batinyaga ko bavumburwa bakicwa") no kubura abantu bo kubungabunga umutekano ("bari bake"). Muri Mutarama 1993, Uregwa yasabye Perefe Kayishema kumuha abasirikare bo ku mufasha kubungabunga umutekano, barwanya ibitero Abahutu bagabaga. Uregwa ntiyigeze ahabwa iyo nkunga nk'uko abivuga mu ibaruwa ye: "Nta basirikare baje kandi mwari mwaratwemereye kubaduha".

---

[50] Urugero, reba ibyo François Clément avuga mu nyandikomvugo, 29 Gicurasi 2000, imp. 23-24.
[51] Ikimenyetso gihamya N° 90 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

2.1.1. *Kuba Uregwa yarasabye kongererwa uburyo [bwo kubungabunga umutekano*]

47. Kubera ko mu gihe cy'ibyabaye mu mwaka wa 1994, umutekano n'amahoro byagendaga birushaho kuba bibi, Uregwa yasabye inkunga mu buryo bweruye Clément Kayishema wari umukuriye kuko yari Perefe wa Kibuye. Ni ngombwa kumenya ko, ukurikije uko inzego z'ubuyobozi zakurikiranaga, inkunga nk'iyo ngiyo yagombaga gusabwa perefe.

48. Ubwunganizi buvuga ko, nk'uko biteganywa n'Itegeko-teka ryo ku itariki ya 11 Werurwe 1975, Perefe afite ububasha bwo gusaba inkunga y'abasirikare, ariko burugumesitiri ntafite ubwo bubasha[52]. Ubwunganizi bwongeraho ko icyo gihe, u Rwanda rwari mu ntambara kandi ko ingabo zarwo zari ku rugamba zihanganye na FPR. Ubwo rero Uregwa ntiyashoboraga gusaba, ku buryo butaziguye, inkunga y'abasirikare.

49. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, Uregwa avuga ko ku itariki ya 9 Mata 1994, ari bwo yasabye bwa mbere ko bamuha abantu bo kumufasha kubahiriza umutekano. Icyo gihe, hari mu nama y'umutekano yari iyobowe na Perefe Kayishema. Muri iyo nama kandi, hari n'abahagarariye MINUAR[53]. Muri iyo nama, Uregwa yasabye ko yahabwa uburyo buhagije bwo kuhangana n'ibitero. Cyakora, kubera ko aba burugumesitiri bose basabye guterwa inkunga muri urwo rwego, inama y'umutekano ya Perefegitura yohereje abajandarume bake mu makomine. Ni yo mpamvu n'ubwo yari yasabye akomeje ko bahita bamuha abajandarume benshi, Uregwa yahawe batanu gusa kugira ngo bamufashe kubungabunga umutekano muri Komine yose ya Mabanza[54]. Byongeye kandi, abo bajandarume yahawe, bahamaze iminsi 4 cyangwa 5 gusa. Nyuma yaho, ku itariki ya 13 Mata 1994, barabahavanye.

---

[52] Reba Ingingo ya 11 y'itegeko-teka ryo mu mwaka wa 1975 ryekeranye n'ububasha perefe ahabwa bwo gusaba inkunga y'abasirikare. Ingingo 103 y'itegeko ryo mu mwaka wa 1963 ryerekeranye n'imitegekere ya komine ivuga ko perefe ashobora guha burugumesitiri abajandarume. Ingingo ya 7 y'Itegeko-teka ryo mu mwaka wa 1974 rigena ishyirwaho rya jandarumori y'Igihugu rivuga ko komanda wa jandarumori ashobora, igihe abonye abajandarume afite badahagije, gusaba inkunga y'abasirikare.
[53] Ntawuhakana ko Uregwa yagiye muri iyi nama ivugwa.
[54] Inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Kamena 2000, urup. 86.

50. Uregwa yiyemeje kubungabunga umutekano ku biro bya Komine yifashishije abapolisi batandatu: abo bapolisi bagombaga gusimburana amanywa n'ijoro kugira ngo barinde ibiro bya Komine n'impunzi nyinshi zari zahateraniye. Uregwa yari yashatse no gushyira abajandarume ku biro bya Komine ariko abo bajandarume baranze bahitamo kwigira i Mushubati kubera ibabazo by'umutekano byari muri iyo segiteri no kubera ko bari kubona aho bacumbika. Ku wa gatandatu, tariki ya 9 Mata, Uregwa yakoranye n'abo bajandarume mu Masegiteri ya Kibingo, Rukaragata na Nyarutovu kubera ko ayo masegiteri yanyuragamo impunzi ziturutse muri segiteri ya Komine ya Kayove. Ku cyumweru, tariki ya 10 Mata, Amasegiteri ya Buhinga na Mushubati yaratewe maze Uregwa yoherezayo abajandarume babiri n'umupolisi umwe. Mu buhamya yatanze mu Rukiko Uregwa agira ati: "[Abashinzwe umutekano nanjye ubwanjye] twazengurutse amasegiteri amanywa n'ijoro, tutaruhuka ariko nitwashobora guhosha ibintu"[55].

51. Uregwa yongeraho ko mu minsi itatu ni ukuvuga ku matariki ya 10, 11 na 12 Mata 1994, yasabye Perefe kumwohererereza abantu bo kumufasha kubungabunga umutekano ariko igihe cyose yatelefonaga kuri Perefegitura, bamubwiraga ko abajandarume babaga boherejwe hirya no hino mu makomine "[56]. Ku cyumweru, tariki ya 10 Mata ku manywa, yaratelefonnye maze ni mugoroba abwira Perefe kuri telefone uko umutekano wari wifashe. Yamubwiye, ku buryo bwumvikana, ko yari akeneye abajandarume benshi. Ku wa mbere tariki ya 11 Mata, yavuganye inshuro ebyiri na Superefe Gashongore. Abajijwe niba ari zo nshuro zonyine yatelefonnye, Uregwa yashubije muri aya magambo: "Igihe cyose naratelefonaga. Nimugoroba ngatanga raporo kuri telefone. Hari ubwo naterefonaga inshuro ebyiri cyangwa eshatu ngarutse mu biro bya Komine mvuye mu masegiteri"[57]. Kuba izo raporo z'umutekano zaroherejwe bigaragarira mu ibaruwa yo ku itariki ya 10 Mata 1994 Perefe Kayishema yandikiye Ministiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu amugezaho raporo z'ababurugumesitiri bose ba Perefegitura ya Kibuye zerekeranye

[55] Inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Kamena 2000, urup. 95.
[56] Ni kimwe no haruguru, urup.100.
[57] Ni kimwe no haruguru, urup. 101.

n'ibyabaye hagati y'itariki ya 6 n'iya 10 Mata 1994[58]. Mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa avuga ko buri gihe bamubwiraga ko nta bajandarume bashoboraga kuboneka.

52. Nyuma y'itariki ya 13 Mata, Uregwa ntiyongeye gusaba abantu bo kumufasha kubungabunga umutekano cyane cyane ko abajandarume bari bamuhaye ku itariki ya 9 Mata 1994, bari babajyanye. Uregwa avuga ko yari yashyize abo bajandarume ahantu hari ibibazo bikomeye muri Komine ariko ntibashobora kugira icyo bakora cyane kubera ko, urebye, bari bake, ugereranyije n'abantu bagabaga ibitero. Byongeye kandi, abo bajandarume ntibari bafite imodoka yo kubatwara.

53. Uregwa yongeye gusaba Perefe inkunga y'abantu bo kumufasha kubungabunga umutekano. Ibyo yabikoze mu ibaruwa yandikiye Perefe ku itariki ya 24 Kamena 1994[59] amubwira ko Abahutu bo muri Komine Kayove n'iya Rutsiro bari bagiye gutera. Yamusabaga rero gutabara vuba na bwangu kugira ngo aburizemo ibyo bitero. Uregwa avuga ko atigeze ahabwa iyo nkunga.

54. Biragaragara ko uburyo Uregwa yari yahawe hagati muri Mata 1994 bwari buke cyane ugereranyije n'ubwo yari akeneye kugira ngo ashobore kugarura amahoro cyangwa kubugabunga umutekano muri Komine ya Mabanza. Cyakora, kuva ku itariki ya 25 Mata 1994 kugeza mu mpera za Kamena 1994, igihe ibitero by'abakiga byasaga naho byacogoye, Uregwa yakoresheje uburyo yari afite kugira ngo agarure igisa n'umutekano. Mu kanya, ndavuga ku ngamba z'umutekano yafashe. Cyakora, n'ubwo muri icyo gihe hasaga n'ahari agahenge, Uregwa ntiyashoboraga kubungabunga umutekano n'amahoro muri komine yose, kubera uburyo budahagije. Mu ibaruwa yo ku itariki ya 24 Kamena 1994, Uregwa avuga ko uburyo yari afite butari gutuma aburizamo ibitero Abahutu bo muri Komine ya Kayove n'iya Rutsiro bashakaga kugaba. Nk'uko bivugwa haruguru,

---

[58] Ikimenyetso gihamya N° 76 cyatanzwe na Porokireri.
[59] Ikimenyetso gihamya N° 84 cyatanzwe na Porokireri.

umuntu ashingiye ku mbaraga yabishyizemo, Uregwa yakoze uko ashoboye kose ngo asabe inkunga yo kumufasha kubungabunga umutekano ariko biba iby'ubusa.

2.2. Ibihe Uregwa yagombaga guhangana nabyo

55. Kugira ngo umuntu yumve neza uko ibintu byari byifashe muri Komine ya Mabanza hagati ya Mata na Nyakanga 1994, ni ngombwa gusuzuma ibintu byose byabaye muri icyo gihe n'uko byagiye bikurikirana.

56. Nta muntu uhakana ko, kuva hagati muri Mata, Abahutu batangiye kugaba ibitero bya karundura muri Mabanza. Ubwunganizi buvuga ko Mabanza yatewe n'abantu bitwa Abakiga ariko Porokireri we ahakana ko Abakiga bateye iyo komine. Cyakora, Porokireri hari aho yivuguruza mu byo avuga kuri iyi ngingo[60].

2.2.1. Uko *ibintu byari byifashe muri Komine ya Mabanza kuva ku itariki ya 6 kugera ku ya 12 Mata 1994*

57. Abatangabuhamya bashinja n'abashinjura bose bavuga ko abasiviri b'Abatutsi babaga muri Komine ya Mabanza batewe, ibintu byabo bigasenywa nyuma y'ihanuka ry'indege ya Perezida ku itariki ya 6 Mata 1994. Ibyo bitero byatumye hahunga ibihumbi

---

[60] Urugero: asubiza ikibazo cyerekeranye n'igitero cyo ku itariki ya 13 Mata 1994, Porokireri yatanze igisubizo gikurikira kitumvikana cyane: "Mbere na mbere ni ngombwa kwemera ko we [Uregwa] na mugenzi we [uwari Burugumesitiri wa Rutsiro] batari bafite ijambo kuri abo Bakiga, ariko sintekereza ko ari byo. Cyakora biramutse ari ko byari bimeze, ndumva nta kintu cyari kuba i Mabanza Bagirishema atagifiteho ijambo. Kuri icyo kibazo cy'igitero […] nta Bakiga bigeze baza gutera ahantu aho ari ho hose. Kubera ko hari umugambi wari warateguwe mbere, ntibyari ngombwa ko Abakiga baza". (Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, impap. 51-52). Amaze rero kwemeza ko Uregwa atategekaga Abakiga, Porokireri ahita yivuguruza akavuga ko atemera igitekerezo cy'uko Uregwa atashoboraga kuburizamo ibyo Abakiga bashakaga gukora. Mu myanzuro ye nsozarubanza yanditse ni bwo bwa mbere Porokireri ahakana ko Abakiga baje. Aravuguruza rero abatangabuhamya yihamagarije ubwe bavuga ko Abakiga bateye Abatutsi muri Komine ya Mabanza. Uretse n'ibyo, Porokireri ntiyatanze ikimenyetso na kimwe cyerekana ko Uregwa yasabye ko Abakiga baza mu gihe biriya bintu byabaga.

by'abagabo, abagore n'abana, benshi muri bo bakaba bari Abatutsi. Bamwe bahungiye ku biro bya Komine ya Mabanza. Ibyo ntawe ubihakana.

58. Uko ibintu byari byifashe muri icyo gihe, Uregwa abivuga muri aya magambo: "Abaturage [ba Mabanza] bishyize hamwe bahangana n'ibitero byaturukaga hakurya y'umugezi. Ibyo ari byo byose, abaturage barageragеje…ku cyumweru, ku wa mbere no ku wa kabiri. Ariko kugeza ku mugoroba wo kuwa kabiri [tariki ya 12 Mata] ibintu byari bimaze kudogera muri komine yose"[61].

2.2.2. Igitero cy'Abakiga kuva tariki ya 13 kugeza ku ya 24 Mata 1994

59. Ibimenyetso bigaragaza ko Abakiga bateye Komine ya Mabanza kuva tariki ya 13 Mata 1994. Abatangabuhamya bashinja n'abashinjura bavuga ukuntu ibiriri by'Abahutu, bitwa Abakiga, byaturukaga mu turere tw'amajyaruguru, byateye Komine ya Mabanza. Abo bantu bagabaga ibitero bari bambaye amashara bitwaje n'intwaro gakondo. Nibyo byabarangaga. Umutangabuhamya ushinja wiswe I avuga ko "abo abantu bari baturutse mu karere k'imisozi miremire….Ni abo bantu bagabye ibitero muri Komine yacu, barasahura, barica"[62]. Bamubajije niba yarigeze abona Abakiga bamanuka imisozi, baza muri Komine, umutangabuhamya wiswe I yashubije ko yababonye bamanuka imisozi bari mu matsinda agizwe nibura n'abantu magana abiri[63]. Abajijwe niba ukuza kw'Abakiga hari isano kwari gufitanye n'urupfu rwa Perezida, umutangabuhamya wiswe I yashubije muri aya magambo:

> Yego. Ukuza kw'Abakiga gufitanye isano n'urupfu rwa Perezida kuko byari byavuzwe ko Perezida yishwe n'Inkotanyi, bityo rero abakiga bakaba bari

[61] Inyandikomvugo y'iburanishwa, 2 Kamena 2000, urup. 99.
[62] Inyandikomvugo y'iburanisha, 23 Ugushyingo 1999, urup. 39.
[63] Ni kimwe no haruguru, urup. 40.

> bamanutse baje kurwanya Inkotanyi. Hari intambara, bakaba barumvaga ko bagomba guhorera Umukuru wabo wari wishwe n'Inkotanyi.[64]

60. Umutangabuhamya ushinjura wiswe RA wemera ko ibyo bintu byari bimeze nko guterwa, abivuga mu magambo asa nk'ay'uriya mutangabuhamya wiswe I:

> "Iyo umuntu ari iwacu, abona imisozi ireba mu majyaruguru, kandi hari igihe twabonaga abantu bamanuka; mu by'ukuri, twibazaga ibyahaberaga. Icyo gihe namenye nyine ko ari Abakiga baje. Bari benshi; iminsi yakurikiyeho, bazaga mu gitondo kare cyane kandi byarakomeje hafi buri gitondo... ntabwo bari bakiri abantu, bari barabaye nk'ibikoko…Barasakuzaga, bitwaje imihoro,... intwaro za gakondo."[65]

61. Abatangabuhamya bashinjura biswe RA, BE, ZJ na TP bemeza ko hafi y' itariki ya 12 Mata 1994, hari ibihuha byavugaga ko Abakiga bari guturuka muri Rutsiro bagatera bidatinze impunzi zari zahungiye ku biro bya Komine ya Mabanza. Mu buhamya bwe mu Rukiko, Uregwa avugwa ko mu gitondo cyo ku itariki 13 Mata 1994, Burugumesitiri wa Rutsiro yamutelefonnye, akamubwira ko Abakiga batangiye kwerekeza muri Komine ya Mabanza. Yongeraho ko ashingiye kuri ayo makuru, yasabye impunzi kujya mu majyepfo ku Kibuye, kugira ngo ziharindirirwe umutekano.

62. Ibimenyetso bigaragaza ko bamaze gutera ako karere, Abakiga biraye mu Batutsi bo muri Mabanza n'abo muri Komine ya Gitesi bituranye, bakabica bakanabasahura. Abagabo bashinja n'abashinjura bavuga ibyerekeranye n'Abakiga bateye impunzi zari ku biro bya Komine, ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994, bakica Pasitoro Muganga, bagatera urugo rwa Karungu ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994, bakanagota ikigo cy'ababikira ku itariki ya 14 n'iya 16 Mata 1994. Muri Komine ya Gitesi, Abakiga bari mu bitero byagabwe kuri *Home Saint-Jean* ku itariki ya 17 Mata 1994 no kuri sitade ku itariki ya 18 Mata 1994. Mu gihe ibyo byose byabaga, abatangabuhamya bashoboye gutandukanya

---

[64] Ni kimwe no haruguru, urup.43.
[65] Inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Gicurasi 2000, imp.47-49.

Abakiga n'abandi bantu kubera imyambaro yihariye bari bambaye. Abatangabuhamya bongeraho ko Abakiga bateraga ari benshi cyane, akenshi babarirwa mu magana.

63. Ibimenyetso kandi byakomeje kugaragaza ko amabandi yo muri utwo turere n'abantu bitaga rimwe na rimwe Interahamwe bafatanyaga n'Abakiga mu bitero byibasiraga Abatutsi ndetse no mu gusahura.

64. Dushingiye ku buhamya bw'abagabo, biragaragara ko Komine ya Mabanza yatewe kuva ku itariki ya 13 Mata 1994 n'abicanyi benshi b'Abahutu baturutse mu majyaruguru bitwa Abakiga, bafatanije n'ibyitso byabo. Ibyo bintu byateye akaduruvayo muri Komine ya Mabanza, maze ibintu biradogera.

2.2.3. Uko ibintu byari byifashe muri Komine ya Mabanza kuva ku itariki ya 25 Mata Nyakanga 1994.

65. Ibitero by'Abakiga bimaze gucogora muri ako karere, hafi y'itariki ya 25 Mata habonetse agahenge. Ibyo bigaragarira mu gitabo cyandikwagamo amabaruwa yoherejwe na Komine[66]. Icyo gitabo kigaragaza ko kuva ku itariki ya 25 Mata 1994, Komine yakoze akazi kenshi kajyanye n'imirimo y'ubutegetsi, ugereranije n'uburyo yakoraga hagati y'itariki ya 13 n'iya 25 Mata 1994.

Uregwa avuga ko, muri icyo gihe, ari ho yagerageje kugarura umutekano, akanafata bamwe mu bantu bari baragize uruhare mu bikorwa by'ubugome.

66. Cyakora, muri Gicurasi na Kamena 1994, Mabanza yari ikirimo uduteroshuma twagabwaga n'Abahutu bitwaraga gisirikare bo muri ako gace, nk'uko bigaragazwa n'ibimenyetso byatanzwe na Porokireri ku birebana n'iyicwa rya Kanyabugosi, iry'abahungu babiri b'umutangabuhamya wiswe B n'iry'Abatutsi bari bihishe kwa

[66] Ikimenyetso gihamya No 18 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Habayo, ndetse n'ifatwa rya Habayo. Uregwa avuga ko muri Kamena 1994, uduco tw'Abahutu two mu makomine ahana imbibi n'iya Mabanza, twavugaga ko twari kugaba ibindi bitero muri Mabanza. Mu kugaragaza ukuri kw'ibyo avuga, Uregwa yerekanye ibaruwa yo ku itariki ya 24 Kamena 1994 yandikiye Perefe mu magambo akurikira:

> "Dukurikije inkuru zitugeraho ngo haba hari ibitero biteguriwa muri ZONE MURUNDA na ZONE RUTSIRO (RUTSIRO ya RUGURU) zo muri Komini RUTSIRO, byo gutera Komini MABANZA hagati y'itariki ya Mbere ni ya Gatanu Nyakanga 1994, bitwaje ko hari ibyitso bigihishe i Mabanza".[67]

67. Twibuke ko hashingiwe ku bimenyetso byatanzwe, mu mpera za Mata 1994, abenshi mu Batutsi bo muri Komine ya Mabanza bari barahunze ako karere, cyangwa se bakihishe.

2.3. Uko Uregwa yakoresheje uburyo yari afite

68. Ubwunganizi buvuga ko kuba Uregwa yarakoresheje, ku buryo bushoboka bwose, uburyo yari afite mu birebana n'umutekano kugira ngo abungabunge amahoro y'abaturage, bigaragaza ko yari afite umutima mwiza. By'umwihariko, Uregwa yitabaje abaturage mu kubungabunga umutekano n'amahoro abakoresha amarondo, anabasaba kujya ku ma bariyeri. Hari n'amanama agamije kugarura amahoro yakoresheje muri Komine ya Mabanza. Uregwa yakoresheje kenshi uburyo yari afite kugira ngo arengere abantu n'ibintu, aburizamo ibyaha, anafata ingamba zo guhana abanyabyaha.

69. Porokireri ntiyemeranya n'Ubwunganizi kuko avuga ko Uregwa yakoresheje amanama maze agashishikariza abantu kwitabira ibitero. N'ubwo yemeye ko hari Abatutsi bamwe na bamwe Uregwa yafashije mu gihe cy'ibyabaye, Porokireri avuga ko Uregwa yatoranyaga abo yafashaga[68].

---

[67] Ikimenyetso gihamya No 18 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[68] Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp. 47-52.

2.3.1. Kwitabaza abasiviri mu kubungabunga umutekano

70. Aho ibitero bitangiriye, Uregwa yakoresheje amarondo yakorwaga n'abantu bo mu moko atandukanye, anashyiraho amabwiriza asaba abaturage bo muri Komine ya Mabanza kurinda umutekano wabo. Ibyo yabikoze bwa mbere kuva ku itariki ya 7 kugera ku ya 12 Mata 1994. Amarondo yari agamije kurengera abaturage ba Komine bo mu moko yose.

Birazwi kandi ko amarondo atakomeje nyuma y'itariki ya 12 Mata 1994, kubera ko Abakiga bari bagiye gutera. Umutangabuhamya ushinjura wiswe BE agira ati:

> "Bitewe n'uko kuri uwo munsi ari ho abantu b'Abakiga bakomokaga hafi ya Rutsiro bavugije induru. Bavuze ko impunzi zari ku biro bya Komine ya Mabanza, ndetse n'Abahutu batazabafasha bazicwa bose. Kuri uwo munsi [12 Mata] nibwo hamanutse igitero simusiga cy'abo Bakiga. Ubwo abantu bagize ubwoba, amatsinda arasenyuka, abantu baratandukana, barahunga."[69]

71. Abajijwe ku ngamba nyirizina yafashe mu rwego rwo kubumbatira umutekano nyuma y'itariki ya 25 Mata, Uregwa yashubije ko, icyo gihe, muri buri serire bagerageje gutora abantu bagombaga kwiyongera kuri batanu bari basanzwe bagize komite ya serire. Ubwo abaserire bose hamwe bari kuba 15, bashinzwe kubungabunga umutekano n'amahoro kugira ngo bahangane n'ibitero byose by'Abakiga, biramutse bigarutse.

72. Uregwa kandi yitabaje abasiviri b'abakoranabushake kugira ngo barinde bariyeri yo kuri Trafipro yari hafi y'ibiro bya Komine. Yemera ko ari we washyirishijeho iyo bariyeri, akanemerera abasiviri kuyirinda. Porokireri avuga ko iyo bariyeri yashyizweho ku itariki ya 14 Mata 1994, ariko Uregwa we avuga ko yashyizweho mu mpera za Mata 1994. Ishyirwaho ry'ayo ryari mu rwego rw'amabwiriza Minisitiri w'Intebe yari yahaye ba perefe, mu ibaruwa yo ku itariki ya 27 Mata 1994. Perefe Kayishema yohererejе burugumesitiri iyo baruwa ku itariki ya 30 Mata. Bimwe mu byo Minisitiri w'Intebe

[69] Inyandikomvugo y'iburanisha, 27 Mata 2000. urup.57.

yasabaga muri iyo baruwa harimo gushyiraho za bariyeri zemewe n'ubutegetsi, zigamije gukumira abacengezi ba FPR[70].

2.3.2. Gukoresha amanama yo kugarura amahoro

73. Urugereko rwasuzumye birambuye ibimenyetso bishinja n'ibishinjura ku byerekeranye n'amanama yakorewe muri Komine ya Mabanza muri icyo gihe[71]. Kubera izo mpamvu, byaba bikwiye kuvuga muri make ku bimenyetso byatanzwe ku manama yo kugarura amahoro.

74. Uregwa avuga ko yakoresheje amanama yo kugarura amahoro muri Gicurasi na Kamena 1994, nyuma y'aho Abakiga bahagarikiye ibitero simusiga hafi y'itariki ya 25 Mata 1994. By'umwihariko, asobanura ko yandikiye Konseye wa Segiteri ya Kibilizi, amusaba gukoresha inama ku itariki ya 5 Gicurasi 1994 muri Serire ya Kamusanganya kugira ngo hatorwe komite yo kugarura amahoro[72]. Ku itariki ya 6 Gicurasi 1994, habaye indi nama yakoranye n'abari bahagarariye amadini n'amashyaka. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, Uregwa agira ati:

> " Nashakaga kubanza kumvikana n'abahagarariye amashyaka ya politiki kugira ngo tuze kuvuga rumwe mu nama y'abaturage yari gukurikiraho. […] twashakaga gukora ku buryo muri Komine yacu haba umutekano no gukumira ibitero byaturuka ahandi. Ntawakwibagirwa ko igihugu cyari kikiri mu ntambara. Twashakaga kubuza FPR gucengera" [73]

75. Ku byerekeranye n'inama ivugwa haruguru, umutangabuhamya ushinjura wiswe Z, yunze mu ry'Uregwa. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, uyu mugabo avuga ko yagiye

---

[70] Ikimenyetso gihamya N° 77 cyatanzwe na Porokireri.
[71] Reba imikirize y'urubanza ku bwinganze bw'amajwi, umutwe wa V.
[72] Ikimenyetso gihamya N° 18 cyatanzwe n'Ubwunganizi, kiri kuri No 0303 [mu gitabo cy'amabaruwa].
[73] Inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, imp.136-149.

mu nama yayobowe na Burugumesitiri mu ntangiriro za Gicurasi. Asobanura ko iyo nama yitabiriwe n'abayoboke b'amashyaka yose, kandi ko yabereye ku biro bya Komine. Yongeraho ko iyo nama yari igamije gusuzuma uburyo bwo kugarura amahoro n'umutekano muri Komine. Agira ati:

> "Burugumesitiri yasobanuye uko ibintu byari byifashe muri Komine, avuga ko, nk'uko buri wese abizi kandi yabibonye, umutekano wahungabanijwe n'abantu baturutse ahandi, avuga akomeje ko abantu bagomba kwishyira hamwe, ntibongere gusubiranamo. Yongeyeho ko abantu bakihishe batishwe bagombaga kurindwa neza, bagafatwa neza maze avuga ko adashaka kuzongera kumva ko habayeho ubwicanyi. Hanyuma yanavuze ku gitekerezo cyo gushyiraho za komite mu maserire n'amasegiteri zo kurinda imitungo y'abo bantu." [74]

76. Hari abatangabuhamya bavuga ko bumvise Uregwa avuga amagambo nk'ariya mu ruhame hagati ya Mata na Kamena 1994. Umutangabuhamya wiswe AS avuga ko yari kumwe n'Uregwa hafi y'itariki ya 13 Mata 1994, ubwo [Uregwa] yavuganaga n'Abakiga, abasaba kureka ubusahuzi. Umutangabuhamya wiswe WE avuga ko mu mpera za Mata yari mu nama Uregwa yakoresheje akabwira abantu bari bayirimo ko bagombaga gutandukanya Abatutsi na FPR, ari yo mwanzi nyakuri w'abaturage. Muri iyo nama, Uregwa yasabye abantu kwima amatwi ibivugwa n'Abakiga n'Interahamwe bari bazanywe no kwica no gusahura[75]. Umutangabuhamya wiswe ZD yagiye mu nama ebyiri, muri Gicurasi cyangwa muri Kamena 1994. Muri izo nama, Uregwa yinginze abaturage ngo bareke guhiga Abatutsi. Umutangabuhamya wiswe KA avuga ku nama yabereye muri Segiteri ya Gihara mu mpera za Gicurasi cyangwa mu ntangiriro za Kamena, ubwo Uregwa yahamagariraga abaturage gukora ibishoboka byose ngo babuze Abakiga gusahura no kwica[76]. Umutangabuhamya wiswe KC yagiye mu nama ebyiri

[74] Inyandiko y'iburanisha, 3 Gicurasi 2000, imp. 137-138.
[75] Ni kimwe no haruguru, urup. 41.
[76] Ni kimwe no haruguru, urup. 58.

zabaye muri Kamena aho Uregwa yasabye akomeje abaturage kwima amatwi Abakiga bageragezaga kubacamo ibice. Muri izo nama, Uregwa yabwiye abaturage ko FPR ari we mwanzi wenyine[77].

77. Umutangabuhamya ushinja wiswe Q w'Umututsikazi washakanye n'Umuhutu, avuga ko yarokotse ibitero, afashijwe n'Uregwa. Asobanura ko Uregwa yari yakoresheje inama ku biro bya Komine, akavuga ko abagore b'Abatutsikazi bashakanye n'Abahutu batagombaga kwicwa. Uregwa yahaye umugabo w'umutangabuhamya wiswe Q amabaruwa abiri ngo ayasomere abagabaga ibitero. Muri ayo amabaruwa, Uregwa yavugaga ko batagombaga kongera kwitabira ibikorwa by'ubwicanyi, ko abahigaga Abatutsi ngo babice, bari kuzabibazwa.

78. Abatangabuhamya bavugwa haruguru bahuza imvugo ku byerekeranye n'ibyo Bagilishema yagerageje kumvisha abaturage be. Biragaragara ko mu gukoresha ayo manama, Uregwa yashakaga ko haba ubufatanye mu baturage ba Mabanza cyane cyane ku ngingo ebyiri. Icya mbere ni uko abaturage bagombaga kureka kwibasira Abatutsi. Icya kabiri, abaturage bagombaga kumenya ko umwanzi nyakuri ari FPR, ko atari Abatutsi muri rusange. Ibyo bikaba bihuje n'ubuhamya Uregwa yatanze mu Rukiko.

2.3.3. Gufasha abantu bari bibasiwe n'ibitero

79. Uregwa avuga ukuntu yafashije umuryango w'ababikira muri Mata 1994. Umutangabuhamya wiswe RA wari Mameya w'umuryango w'abihayimana yemeza ibivugwa n'Uregwa. Asobanura ko koko, nyuma ya saa sita ku itariki ya 14 Mata 1994, uwo muryango w'abihayimana watabawe n'umupolisi wari woherejwe n'Uregwa. Uwo munsi Abakiga bari bagiye nyuma y'uko abihayimana babahaye amafaranga. Uyu

[77] Inyandikomvugo y'iburanisha, 28 Mata 2000, urup.27.

mutangabuhamya avuga ko mu gitondo cyo ku itariki ya 16 Mata 1994, Abakiga babarirwa mu magana bagarutse. Na none abihayimana babahaye amafaranga, naho abapolisi barasa mu kirere kugira ngo babatatanye. Uwo munsi nyuma ya saa sita, Abakiga baragarutse bavuga ko, nibucya ababikira b'Abatutsikazi bagihari, bari gutsemba umuryango wabo wose. Avuga ko ku itariki ya 17 Mata 1994, ari kumwe n'abandi babikira b'Abatutsikazi batanu, bagiye gutabaza Burugumesitiri. Babimusabye, Uregwa yahaye umwe mu babikira indangamuntu y'ubuhutu y'impimbano, anabaha ahantu ho kwihisha mu nzu ya IGA ya Komine. Porokireri ntahakana ibyo bintu[78].

80. Uregwa yari yanasabye abayobozi ba gisivire ba Komine ya Mabanza, kurengera Abatutsi, ibintu byabo cyangwa abantu bari babafashije. Nk'urugero, ku itariki ya 5 Gicurasi 1994, Uregwa yandikiye ibaruwa Konseye wa Segiteri ya Mushubati, amusaba gukora uko ashoboye ngo arengere by'umwihariko umuryango wari wahishe Umutusi mu rugo rwawo[79]. Ku itariki ya 9 Gicurasi 1994, yandikiye Konseye wa Segiteri ya Buhinga, amusaba kurengera umugore w'Umututsikazi wari washyizweho iterabwoba[80].

Ku itariki ya 19 n'iya 20 Gicurasi 1994, yandikiye amabaruwa Konseye wa Gihara na komisiyo yari ishinzwe kugaruza ibintu, abasaba ko bakora ibishoboka ngo ibintu byasizwe n'impunzi z'Abatutsi bitibwa[81].

2.3.4. *Guhisha Abatutsi iwe*

81. Uregwa anavuga ko yahishe Abatutsi iwe, barimo umutangabuhamya wiswe RJ n'abana be babiri, umukobwa witwa Chantal, imfubyi ebyiri hamwe n'umugore n'abana ba Pasitoro Muganga. Abatangabuhamya bashinjura biswe RJ, AS na RB bemeza ibyo

[78] Imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp.48-49, ibika 298-300.
[79] Ikimenyetso gihamya N° 18, cyatanzwe n'ubwunganizi, cyanditse no 0291.
[80] Ni kimwe no haruguru, kiri kuri N° 294 [mu gitabo cy'amabaruwa].
[81] Ni kimwe no haruguru, byombi biri kuri N° 0308 na 0311 [mu gitabo cy'amabaruwa].

bintu. RJ w'Umututsikazi, avuga ko yahungiye kwa Burugumesitiri, akamuhisha hafi ukwezi kose ari kumwe n'abana be babiri n'umukobwa w'Umututsikazi witwa Chantal. Hanyuma Uregwa yaje guha RJ indangamuntu y'impimbano naho Chantal amuha urwandiko rw'inzira. Izo nyandiko zombi zagaragazaga ko uzitwaje ari Umuhutu, bityo zigatuma bashobora gutambuka. AS, yemeza ko, hafi muri Mata 1994 yabonye Umututsikazi witwa Chantal yihishe mu rugo rw'Uregwa.

82. Umutangabuhamya wiswe AS, nawe w'umupasitoro, avuga ko Uregwa yafashije Pasitoro Muganga, umugore we n'abana be guhunga. Mu buhamya bwe bwanditse, umugabo ushinjura wiswe RB avuga ko muri Mata 1994, Perezida Habyarimana akimara gupfa, umugore n'abana ba Pasitoro Muganga bahungiye mu rugo rw'Uregwa, kandi ko nyuma yaho, yabafashije guhunga.

83. Mu bwirege umutangabuhamya ushinja wiswe Z yahaye abategetsi b'u Rwanda, hagaragaramo ko Pasitoro Muganga yihishe mu rugo rwa Bagilishema[82].

2.3.5. Gutanga indangamuntu z'impimbano

84. Uregwa avuga ko yahaye Abatutsi bakomoka muri Mabanza amarangamuntu y'impimbano yanditsemo ko ari « Abahutu », akanaha Abatutsi bakomokaga ahandi inzandiko z'inzira. Avuga ko, ku bushake bwe, yemeje ko Abatutsi ari Abahutu kugira ngo arengere ubuzima bwabo. Asobanura ko muri ibyo bihe, yatanze ibyemezo byanditse bigera ku ijana[83]. N'ubwo adahakana ko Uregwa yatanze indangamuntu n'inzandiko z'inzira by'ibihimbano, Porokireri yabifashe nk'ikimenyetso cy'ivangura mu gukoresha ubushobozi yari afite n'ubutegetsi bwe[84]

[82] Ikimenyetso gihamya N° 112 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[83] inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, urup.45.
[84] Imyanzuro ya Porokireri, imp. 47-48, ibika 294-298.

85. Umutangabuhamya ushinjura wiswe WE avuga ko Uregwa yamuhaye indangamuntu y'ubuhutu ngo ayishyikirize umugore utavugwa izina hano. Uyu mutangabuhamya avuga kandi ko Uregwa yamuhaye n'izindi ndangamuntu icumi zitujujwe, ziriho umukono we, zari kuzuzwa n'Abatutsi bakomokaga muri Mabanza babaga i Kigali. Gutanga amarangamuntu icumi atanditseho bibeshyuza ibivugwa na Porokireri ko, mu byo yakoze, Uregwa yavanguraga. Umutangabuhamya wiswe KC avuga ko Abakiga bagose inzu yari atuyemo, bashakisha Abatutsi bahihishe. Umutangabuhamya asobanura ko, kubera gutinya ko Abakiga bagaruka, yagiye gushaka Burugumesitiri, wamuhaye inzandiko z'inzira enye zanditseho "hutu", maze izo nyandiko zikoreshwa n'abantu bane baje guhungira muri Zayire. Umutangabuhamya wiswe RA avuga ko Uregwa yahaye indangamuntu y'impimbano umwe mu babikira b'Abatutsikazi.

86. Kuri iyi ngingo, umuntu asanga Porokireri atarashoboye na busa gutanga ikimenyetso kigaragaza ko Uregwa yavanguye kandi akima Umututsi runaka, waba yarabimusabye, indangamuntu yanditseho ko ari « Umuhutu. »

87. Byongeye kandi, Uregwa avuga ko yategetse ko igitabo cyandikwagamo abatuye muri Komine batayikomokamo gififikwa[85] ku byerekeranye n'ubwoko bw'impunzi z'Abatutsi basabaga uruhushya rwo gutura hafi y'ibiro bya Komine. Asobanura ko umuntu wakomokaga mu yindi komine, wamaraga muri Komine ya Mabanza iminsi irenga itatu, yagombaga kwandikwa mu gitabo cy'abimukira kugira ngo ahabwe uruhushya rwo gutura. Uruhushya rwo gutura rwabaga rwanditseho ubwoko bwa nyirarwo. Uregwa avuga ko yemereye abantu kwandikwa mu gitabo cy'abimukira, kandi ko yahaye Abatutsi impushya zo gutura zanditseho ko ari "Abahutu", agamije kurwana ku buzima bwabo. Uregwa yongeraho ko, kugera kuri 60% by'ubwoko bwari bwanditse mu gitabo cy'abimukira, bwahinduwe hakurikijwe amabwiriza ye. Akomeza avuga ko Abatutsi

[85] Ikimenyetso gihamya N° 93 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

bose bahawe impushya zo gutura, mu gihe cy'ibyabaye mu mwaka wa 1994 muri Mabanza, babonye impushya zanditseho ko ari "Abahutu"[86].

2.3.6. Guhana abagizi ba nabi

88. Uregwa avuga ko, nyuma gato y'itariki ya 25 Mata 1994, yari yongeye gushyikira ubutegetsi muri komine ye ku buryo buhagije, bityo akaba yarashoboraga gufata abakekwagaho ubwicanyi cyangwa ibindi byaha by'ubugome byibasiye Abatutsi, akabashyikiriza Porokireri wa Repubulika ku Kibuye. N'ubwo yari afite abantu bakeya bashinzwe kubahiriza umutekano, Uregwa avuga ko, hagati ya Gicurasi na Kamena 1994, yashyikirije Porokireri wa Repubulika ku Kibuye, abantu 16 bakekwagaho kuba barakoze ibyaha.

89. Ikimenyetso cy'uko ibyo byakozwe, kigaragara mu gitabo cy'amabaruwa yoherejwe cya Komine. Nk'urugero, ku itariki ya 27 Mata 1994, Uregwa yoherereje Porokireri wa Repubulika ibaruwa yanditswe mu gitabo cya Komine cy'amabaruwa yoherejwe[87] ku bijyanye no kohereza abakekwaga kuba baragize uruhare mu iyicwa rya Biziyaremye na Bampunirineza. Byongeye kandi, mu ibaruwa yandikiwe Porokireri wa Repubulika ku itariki ya 3 Gicurasi 1994[88], Uregwa yavugaga ko yohereje abantu batanu baregwaga kuba barishe Kangabe, bamuhoye ubwoko bwe. Abandi bantu benshi bafashwe bakanoherezwa mu butegetsi bubishinzwe nabo banditse mu gitabo cy'amabaruwa yoherejwe. Ibyo bikaba bigaragaza ko hagati y'itariki ya 24 Gicurasi n'iya 12 Nyakanga 1994, Uregwa yandikiye Porokireri wa Repubulika ku Kibuye amabaruwa amwoherereza abantu [bakoze ibyaha][89].

---

[86] Bigaragara ko abanditswe bose mu gitabo cy'abimukira muri Mabanza mu mwaka wa 1994, banditswe ko ari "Abahutu". Reba ikimenyetso gihamya N° 93 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[87] Ikimenyetso gihamya N° 18 cy'Ubwunganizi, kiri kuri N° 0279 [mu gitabo cy'amabaruwa].
[88] Ni kimwe no haruguru, biri kuri N° 0286 [mu gitabo cy'amabaruwa].
[89] Nk'urugero, Reba ikimenyetso gihamya N° 18, cyatanzwe n'Ubwunganizi, nk'uko byanditse kuri N° 0135, 0320, 0332, 0340 [mu gitabo cy'amabaruwa].

90. Mu ibaruwa yanditswe ku itariki ya 2 Gicurasi 1994, Uregwa yagaragaje ko yahagaritse ku kazi umushoferi wa Komine witwa Ephraim Nshimiyimana n'umupolisi wa Komine witwa Anastase Munyandamutsa, kubera ko bari bibye moteri y'imodoka y'impunzi y'Umututsi[90]. Uregwa yabohereje ku biro bya Porokireri ku Kibuye, asaba ko bakorerwa iperereza.

91. N'ubwo yemera ko abantu 16 bafashwe bakoherezwa ku biro bya Porokireri wa Repubulika ku Kibuye, Porokireri (TPIR) avuga ko, uko koherezwa kutanditswe hagati y'itariki ya 8 n'iya 25 Mata 1994[91]. Kuri ibi, Uregwa avuga ko, muri icyo gihe, imirimo y'ubutegetsi bwa Komine, yari yarahagaze. Akomeza avuga ko, kuva ku itariki ya 13 kugeza hafi y'itariki ya 25 Mata 1994, hari ibitero bigizwe n'ibihumbi by'abantu baturukaga mu majyaruguru kandi batashoboraga kumenyekana, ko cyakora nyuma yaho, byaje koroha kumenya abantu bari barakoze ibyaha by'ubugome[92]. Iki gisobanuro cy'Uregwa gihuje n'ibimenyetso birebana n'ibitero byagabwe n'Abakiga muri Komine ya Mabanza, kuva hafi y'itariki ya 13 Mata 1994, n'ubukana bw'ubugizi bwa nabi bwakurikiyeho.

2.3.7. Kwitabaza abategetsi bakuru

92. Uregwa avuga ko ku itariki ya 25 Mata 1994, yari mu nama yabereye ku Kibuye hamwe na Perefe Kayishema n'abandi ba burugumesitiri[93]. Muri iyo nama, yagaragaje ko ababajwe n'ubwicanyi bwabereye mu mugi wa Kibuye, maze asaba abategetsi bakuru gukora uko bashoboye ngo ibintu nk'ibyo bitazongera kuba[94]. Nyuma yaho gato, ku itariki ya 3 Gicurasi 1994, Uregwa yasubiye ku Kibuye, agiye mu nama yayobowe na

---

[90] Ibimenyetso gihamya N° 94 na 95: ibaruwa yo ku itariki ya 2 Gicurasi 1994, Uregwa yandikiye umushoferi n'abapolisi ba Komine.
[91] Imyanzuro ya Porokireri, urup.43, igika cya 276.
[92] Inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, urup. 134.
[93] Inyandikomvugo y' iburanisha, 6 Kamena 2000, urup. 119.
[94] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 75.

Minisitiri w'Intebe Jean Kambanda[95]. Uregwa avuga ko muri iyo nama, yaganiriye na Minisiteri w'Intebe ku kibazo cy'ubwicanyi, by'umwihariko, bakavugana ku byerekeye ikibazo cyihutirwaga cyo kugoboka abibasiwe n'amarorerwa yabaye muri ako karere[96].

93. N'ubwo nta kimenyetso na kimwe kitagendeye ku kindi gishyigikira ibyo Uregwa yemeza, Porokireri ntiyashoboye kumubeshyuza. Kwemera ko Uregwa yatabaje koko abategetsi bakuru byatuma umuntu yumva ko yagize igitekerezo cyo gufasha impunzi kandi abikoranye umutima mwiza. Cyakora, kumenya niba ibyo bintu yakoze hari icyo byagezeho bigomba gusuzumwa umuntu azirikanye uko ibintu byari byifashe mu by'ukuri muri Perefegitura ya Kibuye muri kiriya gihe. Porokireri avuga ko abayobozi ba gisiviri ku Kibuye na jandarumori y'Igihugu bagize uruhare rukomeye mu bwicanyi bwabereye mu mugi wa Kibuye. Koko rero, Kayishema wari Perefe wa Kibuye kandi wari ukuriye Uregwa yahamijwe icyaha n'uru Rukiko kubera ko yayoboye ubwicanyi kuri sitade ya Kibuye no kuri *Home Saint-Jean*[97]. Minisitiri w'Intebe Jean Kambanda yemeye ko yagize uruhare muri jenoside[98]. Ibi rero byagabanyaga ubushobozi bw'Uregwa bwo kuba yatuma abakoze ubwicanyi muri Komine ya Gitesi ahari sitade ya Kibuye no kuri *Home Saint-Jean* bahanwa. N'ubwo ukurikije uko inzego z'ubutegetsi zari ziteye muri icyo gihe, nta zindi ngamba Uregwa yari gufata uretse gutabaza Perefe na Minisiteri w'Intebe, gukurikirana ibyo bibazo uko bikwiye ntibyari mu bushobozi bwe.

2.4. *Izindi mpamvu zatumye Uregwa adakoresha byimazeyo uburyo* yari afite

94. Uretse kuba Uregwa yari afite uburyo buke, mu gihe cy'ibyabaye, Ubwunganizi bwagaragaje ibindi bintu byinshi byagabanyije uburyo yari afite bwo kurengera Abatutsi no kubungabunga umutekano n'amahoro.

---

[95] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 64-65.
[96] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 72.
[97] Reba urubanza rwa Clément Kayishema na Obed Ruzindana mu rw'iremezo, ICTR-95-1-T, 21Gicurasi 1998.
[98] Reba urubanza ngenabihano rwa Jean Kambanda mu rw'iremezo, ICTR-97-23-S, 4 Nzeri 1998.

2.4.1. Ibitero byagabwe n'Abakiga k'uregwa

95. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, Uregwa avuga ko, ku itariki ya 13 Mata 1994, Abakiga bagiye iwe gushaka Abatutsi yari yahahishe. Abisobanura muri aya magambo: "Abakiga banshyizeho iterabwoba, bambwira ngo ndi Inyenzi, Inkotanyi noneho bambaza aho nari nahishe Abatutsi bari ku biro bya Komine". Yongeraho ati: "" kubera ko bari bariye karungu, nabahaye amafaranga 10.000 ngo bamvire mu rugo maze baragenda". Umutangabuhamya wiswe RJ asa n'ushyigikira iyo mvugo y'Uregwa. Uyu mutangabuhamya w'Umututsi avuga ko ku itariki ya 8 Mata 1994, yahungiye mu rugo rw'Uregwa maze Uregwa akamuhisha mu nzu ntoya y'abakozi hamwe n'umukobwa w'Umututsikazi witwa Chantal. RJ agira ati: "Rimwe uregwa yaje kutureba kuko Abakiga bari bateye. Yashakaga kutuburira. Yatugiriye inama yo gufunga urugi, turabikora [...] Twumvaga urusaku bateraga muri ibyo bitero, ndetse n'amafirimbi bavuzaga"[99].

96. Mu bwirege yahaye abategetsi bo mu Rwanda ku itariki ya 22 Kanama 1998, umutangabuhamya ushinja wiswe Z na we yemeza ibyo bintu. Agira ati:

> "Ku itariki ya 19 Mata 1994... uwahoze ari umufasha wa Burugumesitiri [Semanza] yategetse abantu bari kumwe na we (Abakiga yari acumbikiye iwe) kujya kuzana Umututsi [Abatutsi] wari wihishe kwa Burugumesitiri. Ako kanya bose bahise bajya mu rugo kwa Burugumesitiri havugiriza induru maze Burugumesitiri agira ubwoba."[100]

97. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo wiswe KA avuga ko abantu babiri bamubwiye ko urugo rwa Burugumesitiri rwatewe.

98. Urwo ni urugero rwa mbere rugaragaza ko Abakiga basuzuguraga, ku buryo butaziguye, ubutegetsi bw'Uregwa.

---

[99] Inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 23 Gicurasi 2000, urup.20.
[100] Ikimenyetso gihamya N°112 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

99. Hashize iminsi mike, habayeho irindi hangana rya kabiri. Uregwa avuga ko ku itariki ya 18 Mata 1994 mu ma saa mbiri za mu gitondo, ubwo yari aherekejwe n'abapolisi babiri, ari kumwe n'abapasitoro n'abakonseye bo muri ako gace, yahanganye n'Abakiga kuri Paruwasi ya Rubengera. Yavuganye n'Abakiga bari hagati ya 100 na 200 abasaba "kutazagaruka muri Mabanza", maze yongeraho ati: "Murimo gushaka umwanzi kandi nta mwanzi uri muri Mabanza". Cyakora ntabwo Abakiga babyitayeho. Uregwa byaramubabaje yumva nk'uko abivuga ko: "ntacyo yari cyo imbere y'abaturage be"[101]. Umutangabuhamya wiswe RA, wemeza ibivugwa n'Uregwa, avuga ko Pasitoro Eliphaz wari kumwe n'Uregwa icyo gihe, ari we wamubwiye uko byagenze.

100. Umutangabuhamya ushinja wiswe Z akomoza kuri iryo hangana hagati y'Uregwa n'Abakiga, n'ubwo umuntu atavuga ko byabaye ku itariki ya 18 Mata 1994. Uyu mutangabuhamya avuga ko, umunsi umwe mu gitondo, ubwicanyi bwo kuri stade Gatwaro butaraba, Uregwa yakoresheje inama kuri Paruwasi ya Rubengera maze akabwira Abakiga ko "arambiwe ubwicanyi bwabo kandi ko batagomba gukomeza kwica [...]"[102].

101. Uretse uko guhangana n'Abakiga, Uregwa anavuga ko ku itariki ya 14 Mata 1994 Abakiga basahuye urugo rw'ababyeyi be. Yongeraho ko Abakiga "batwaye ibintu byose amafoteyi n'intebe zisanzwe, ibiribwa n'ibindi"[103].

102. Ubuhamya bw'abagabo bashinja n'abashinjura bugaragaza ko Uregwa yibasiwe n'Abakiga mu rugo iwe, akanahangana nabo mu bindi bihe muri Komine ya Mabanza. Ibyo bintu bigaragaza ko Abakiga batubahaga na busa ubutegetsi bw'Uregwa, kandi ko batari biteguye kumvira amategeko ye.

---

[101] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 162.
[102] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup.23.
[103] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup.144.

2.4.2. Kuba Uregwa yarafatwaga nk'icyitso cya FPR

103. Mu buhamya yatanze mu Rukiko, Uregwa avuga ko bamwe mu Bahutu bagabaga ibitero bamufataga nk'icyitso cya FPR. Ahakana ko yabaye icyitso cya FPR, akavuga ko buri gihe yagerageje kurinda Komine ye ngo ye gucengerwamo n'abantu n'ibitero bya FPR. Mu ibaruwa yo ku itariki ya 24 Kamena 1994 yandikiye Perefe, Uregwa avugamo ibitero byari byugarije Mabanza bituruka muri Komine ya Rutsiro. Anavugamo ko " batazuyaje kumubarira mu byitso kuko bavugaga ko umugore we ari Umututsikazi"[104]. Muri ubwo buhamya yatanze mu Rukiko abisobanura muri aya magambo "hari impamvu nyinshi zatumaga bakeka ko ndi icyitso. Muri izo mpamvu hari iyo navuze ko nashimwe kuri Radiyo Muhabura ndetse n'umugore wanjye akaba yari Umututsikazi..." Urugereko rwamubajije ikibazo gikurikira: "Ibyo uvuga ko abantu bakomokaga mu majyaruguru bakekaga ko uri icyitso, ubivuga ku buryo bwumvikana muri iyi baruwa...Ibyo bintu uracyabyemeza n'ubu muri uru Rukiko"[105]? Uregwa yashubije ko akibyemeza. Uko mbibona rero, iyo baruwa yanditswe mu gihe cy'ibyabaye, ishyigikira cyane ibyo Uregwa yemeza, aho avuga ko abantu bakomokaga mu majyaruguru nawe bamufataga nk'icyitso cya FPR.

104. Uregwa avuga ko indi mpanvu yatumaga bamwita icyitso cya FPR, ishingiye ku byavuzwe kuri Radiyo Muhabura, radiyo yari ishyigikiye FPR. Umutangabuhamya wiswe BE avuga ko mbere y'uko impunzi zoherezwa ku Kibuye ku itariki ya 13 Kamena 1994, yumvise itanganzo ryashimiraga Uregwa rigira riti: "Ba burugumesitiri bose bagombye gukurikiza urugero rwa Burugumesitiri wa Mabanza". Umutangabuhamya wiswe ZD avuga ko yumvise itangazo kuri Radiyo Muhabura, hagati y'itariki ya 11 n'iya 17 Mata ryavugaga "ko bashimaga uburyo Ignace abyifatamo kugira ngo agenzure ibyaberaga [muri Komine ye], anarengere abaturage be"[106]. Iyo mvugo ikaba ihuje

[104] Ikimenyetso gihamya N° 84 cyatanzwe na Porokireri.
[105] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, urup.122.
[106] Mu myanzuro yabwo mu magambo, Ubwunganizi bwavuze ko n'ubwo bwasabye ko kaseti zafatiwe ho amajwi y'ibyo biganiro bya Radiyo Muhabura yagaragazwa mu Rukiko, icyo cyifuzo kitakiriwe.

n'ibivugwa n'Uregwa aho yemeza ko, hagati muri Mata, Radiyo Muhabura yasohoye amatangazo amushimagiza. Ibyo kandi bikemeza ko, mbere y'itariki ya 12 Mata 1994, Uregwa yakoranaga umutima mwiza, nk'uko Porokireri na we abyemera.

105. Urebye nta washidikanya cyane ko umuburugumesitiri wari ushyigikiye jenoside yari anafite ijambo ku bantu bateraga, bityo akaba yarashoboraga no kubagenzura kurusha umuburugumesitiri utari ufite aho abogamiye, cyangwa warwanyaga jenoside. Bityo rero, ibimenyetso byatanzwe bisa n'ibigaragaza ko Uregwa, nka burugumesitiri uri muri icyo cyiciro cya kabiri, atari gushobora kugira icyo akora ku Bakiga cyangwa ngo agenzure imikorere ya bo.

2.4.3. Imibanire y'Uregwa na Semanza

106. Ubwunganizi buvuga ko mbere y'ibyabaye ndetse no mu gihe byabaga, Bagilishema atari agitegeka Célestin Semanza, wari umufasha we, kubera ubutegetsi bwo mu rwego rwa politiki Semanza yari amaze kugira, hakaniyongera ho imibanire ye n'Abakiga[107]. Byongeye kandi, Semanza yacuraga umugambi wo kuvanisha Uregwa ku mwanya we wa burugumesitiri akamugambanira kugira ngo amusimbure. Iyo ntambara yo kurwanira umwanya yarakomeje kugeza igihe Uregwa agendeye muri Nyakanga 1994, ubwo Semanza yageraga ku mugambi we, maze agasimbura Uregwa ku mwanya wa Burugumesitiri wa Mabanza. Ubwunganizi buvuga ko ibyo ari ibindi bintu byamungaga ubushobozi bw'Uregwa bwo kubungabunga umutekano n'amahoro.

107. Porokireri avuga ko yabigambiriye, Uregwa ashaka kwerekana ko hari ibibazo hagati ye na Semanza, kugira ngo yitandukanye n'amarorerwa yakozwe na Semanza kandi ari we ugomba kuyaryozwa[108].

---

[107] Reba Imyanzuro nsozarubanza yanditse y'Ubwunganizi, imp.102-106.
[108] Reba imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, imp.43-44, igika cya 278.

108. Uregwa avuga ko yashatse gusubiza Semanza Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu mbere ya 1994:

> "Semanza yahindutse indakoreka, byari binkomereye kumuyobora mu kazi. Naje gusaba ko namusubiza Minisiteri y'Abakozi ba Leta, ariko Perefe ntiya...Perefe ntiyabyemera. Yanze gushyigikira icyifuzo nari natanze".[109]

Uregwa yatanze impamvu avuga ko Semanza yarigishije amafaranga[110], ko yaziraga ku kazi igihe ashakiye, ko atumviraga ndetse akaba indakoreka.

109. Ikimenyetso cy'ayo makimbirane kigaragarira mu ma baruwa yanditswe mbere ya 1994, kandi urebye Porokireri ntayahakana[111]. Ibaruwa Uregwa yandikiye Semanza ku itariki ya 16 ukuboza 1992[112] n'igisubizo cyayo cyo ku itariki ya 17 Ukuboza 1992[113], zombi zirebana no kuba Semanza yarasibaga akazi. Ayo mabaruwa agaragaza urwikekwe rwari hagati y'abo bagabo bombi. Muri icyo gisubizo, Semanza agira ati: "Mu by'ukuri niba atari umutego mwanteze, ntibyakumvikana ukuntu mwahakana uruhushya mwampaye."

110. Mu yindi baruwa yandikiye Semanza ku itariki ya 19 Ukuboza 1992, Uregwa agira ati:

> "Mbabajwe no kukumenyesha ko atari byiza kubeshya, cyane cyane kubeshya ugambiriye gushyira mu cyaha ugukuriye.[...] Bitewe n'uko buri gihe wagiye ushaka kwerekana ko uzi ubwenge kurusha ugukuriye no kutubahiriza inshingano zikomeye z'akazi, ibyo bikaba bisanzwe biranga imikorere yawe, bitumye ngusubiza Minisiteri zinkuriye zaguhaye akazi".[114]

---

[109] Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, urup. 80.
[110] Mu nyandiko yitwa: mu nyandiko yitwa "*Inyandiko y'indangakamere irebana n'igihe cyo kuva ku itariki ya 1 Mata 1993 kugera muri Gicurasi 1994*, yasinywe n'Uregwa, havugwamo amafaranga ya Komine Semanza yarigishije. Reba ikimenyetso gihamya N° 20 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[111] Reba inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000. Porokireri agira ati: " Izo nyandiko zose zirebana na Semanza, igihe yafatiye ubutegetsi, sinzihakana".
[112] Reba ikimenyetso gihamya N° 24 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[113] Reba ikimenyetso gihamya N° 23 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[114] Ikimenyetso gihamya N° 22 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Uregwa avuga ko atari afite uburenganzira bwo kwirukana abafasha ba burugumesitiri. Bityo, akaba yari yarandikiye iyi baruwa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu kugira ngo ayisubize Semanza. Cyakora, nta gisubizo yabonye. Uregwa avuga ko Semanza yumvise ari "indakoreka, bityo agakora icyo ashatse"[115], bitewe n'uko abamukuriye [Uregwa] banze kumwirukana. Ubuhamya bw'Uregwa buhuza n'ibivugwa n'umutangabuhamya w'impuguke watanzwe na Porokireri witwa André Guichaoua, aho uyu mutangabuhamya avuga ko ububasha bwa burugumesitiri bwaterwaga n'uko abategetsi bakuru ba Guverinoma bamufataga ku rwego rw'igihugu.

111. Biragaragara ko amakimbirane yo mu rwego rwa politiki yavutse mu mwaka wa 1992 hagati y'Uregwa na Semanza yakomeje kugeza ku byabaye mu wa 1994. Uregwa avuga ko nyuma y'iyaduka ry'amashyaka menshi mu mwaka wa 1992, ari ho umwuka wabaye mubi hagati ye na Semanza wari umunyamabanga w'Ishyaka Riharanira Demokarasi na Repubulika (MDR), ishyaka ryari rihanganye n'iry'Uregwa. Buri shyaka ryashakaga kugira urihagarariye muri Komine. Umutangabuhamya wiswe ZD wari umwe mu bayobozi bakuru b'ishyaka ritavugaga rumwe n'iryari ku butegetsi mu gihe cy'ibyabaye, avuga ko mu mwaka wa 1994, abenshi mu baturage ba Komine ya Mabanza bari abarwanashyaka ba MDR. Yongeraho ko amashyaka ataravugaga rumwe n'ubutegetsi yari afite ingamba zo gukura Uregwa (wari umukandida wa MRND) ku mwanya we akamusimbuza Semanza wari umukandida wa MDR kandi wari ushyigikiwe n'umuyobozi wo hejuru w'iryo shyaka. ZD nawe yemeza ko "Semanza yitwaraga nk'umuntu w'umunyagasuzuguro, cyane cyane mu mwaka wa 1994"[116]. Umutangabuhamya ushinjura wiswe KA avuga ko hagati muri Mata, Semanza ari we wayoboraga Komine: "Muri icyo gihe, ishyaka MDR ni ryo ryari rifite ingufu kuko abarwanashyaka baryo ari bo bari binganje muri Komine [...] umuntu akaba yavuga ko Semanza ari we wari ukunzwe n'abaturage, kandi akaba yarifuzaga umwanya wa

[115] Inyandikomvugo y'iburanisha, 1 Kamena 2000, urup. 93.
[116] Inyandikomvugo y'iburanisha mu muhezo, 3 Gicurasi 2000, urup. 100.

burugumesitiri"[117]. Akomeza avuga ko mu manama y'ishyaka MDR, abarwanashyaka bayo bakundaga kuririmba bavuga ko burugumesitiri wariho agomba kwegura. Jean François Roux, umutangabuhamya w'impuguke wari umuyobozi w'umushinga w'amajyambere muri Perefegitura ya Kibuye kugeza muri Mata 1994, na we yemeza ko hari amakimbirane hagati y'Uregwa na Semanza. Yongeraho ko Semanza yamwandikiye we ubwe ibaruwa inenga ubutegetsi bwa Burugumesitiri.

112. Ibivugwa n'Uregwa ko amakimbirane hagati ye na Semanza yakomeje mu gihe cyose cy'ibyabaye kugeza muri Nyakanga 1994 bishimangirwa n'ibaruwa yo ku itariki ya 24 Kamena 1994, Uregwa yandikiye Perefe Kayishema[118]. Muri iyo baruwa, Uregwa avuga ibibazo yari afitanye n'abamurwanyaga mu rwego rwa politiki: "Ndabamenyesha ko ibyo bihuha bikwirakwizwa n'abo duhanganye muri politiki bashaka kunsimbura". Mu buhamya bwe mu Rukiko, asobanura ko mu bantu yatekerezaga, harimo na Semanza. Ku kibazo yabajijwe n'Umucamanza cyo kumenya niba muri uru Rukiko akemeza ko Semanza yacuraga umugambi wo kumusimbura ku mirimo ye, Uregwa yashubije ko akibyemeza.

113. Porokireri ntahakana ko Semanza yaje kugera ku mugambi we wo kuba burugumesitiri wa Komine ya Mabanza kuko yaje gusimbura Uregwa kuri uwo mwanya, akawugumamo kugeza ubwo yafashwe agafungwa mu Ugushyingo 1994[119].

2.4.4. Imibanire ya Semanza n'Abakiga

114. Abatangabuhamya bashinja n'abashinjura bavuga ko Semanza yakoranaga cyane n'Abakiga mu gihe cy'ibyabaye. Uregwa n'umutangabuhamya wiswe KA bavuga ko

[117] Inyandikomvugo y'iburanisha, 22 Gicurasi 2000, imp.121-122.
[118] Ikimenyetso gihamya N° 84 cyatanzwe na Porokireri.
[119] Kuri iyi ngingo, Uregwa yemeza ko Semanza yishyize ku mwanya wa burugumesitiri kandi itegeko riteganya ko iyo bigenze kuriya, burugumesitiri asimburwa na konseye.

Semanza yakomokaga mu karere kamwe n'Abakiga kandi na Porokireri ntabihakana. Mu by'ukuri, mu byo avuga, Porokireri yemeza ko Semanza yafatanyaga n'Abakiga n'abandi bagabaga ibitero.

115. Mu buhamya bwe mu Rukiko, umugabo wiswe KA avuga ko, hagati muri Mata, yabonye inama yabereye hanze y'ishuri rya Rubengera. Muri iyo nama Semanza yabwiye ijambo itsinda ririmo Abakiga n'abandi bantu. Icyo gihe, Semanza yahamagariye abandi basore bo muri Mabanza gufasha Abakiga kwica no gusahura Abatutsi. Uyu mutangabuhamya akomeza avuga ko Semanza yakoraga nk'umuyobozi w'Abakiga mu rwego rwa politiki.

116. Ibimenyetso bigaragaza kandi ko Semanza yacumbikiraga Abakiga iwe mu rugo mu gihe cy'ibyabaye. Mu bwemeracyaha bwe yahaye abategetsi bo mu Rwanda ku itariki ya 22 Kamena 1998, umutangabuhamya wiswe Z agira ati: "Ku itariki ya 14 Mata 94 .... uwahoze ari umufasha wa burugumesitiri yategetse abantu bari kumwe na we (Abakiga yari acumbikiye) kujya kuzana Umututsi wari wahungiye mu rugo kwa Burugumesitiri"[120].

117. Isuzumwa rikozwe haruguru riragaragaza ko imibanire y'Uregwa n'umufasha we Semanza, yarangwaga no kutizerana n'amakimbirane. Birumvikana rero ko, uhereye kuri iryo suzumwa, Uregwa nta bushobozi yari afite kuri Semanza mu gihe cy'ibyabaye, bityo, ububasha bwe bukaba bwari bwarashegeshwe.

IGICE CYA KANE

Ibimenyetso b'inyandiko bishyigikira imyiregurire y'uregwa

118. Biragaragara ko ingingo nyinshi zigize imyiregurire y'Uregwa zifite ibimenyetso by'inyandiko bizishyigikira kandi bitagendeye ku bindi. Kubera iyo mpamvu, inyandiko

[120] Ikimenyetso gihamya N° 112 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

ebyiri zivugwa haruguru zikwiye gusuzumwa kurushaho kuko zishyigikira ukwiregura kose k'Ubwunganizi. Izo nyandiko ni ibaruwa Bagilishema yandikiye Perefe Kayishema ku itariki ya 24 Kamena 1994, n'ubwirege bw'umutangabuhamya ushinja wiswe Z bwo ku itariki ya 22 Kamena 1998.

1. Ibaruwa yo ku itariki ya 24 Kamena 1994 (ikimenyetso gihamya n° 84 cya Porokireri)

119. Ibaruwa yo ku itariki ya 24 Kamena 1994, Uregwa yandikiye Perefe Kayishema, ifite akamaro kanini cyane ku byerekeranye n'imyiregurire y'Ubwunganizi muri uru rubanza. Iyo baruwa igomba rero gusuzumanwa ubwitonzi. Ni ngombwa kuvuga ko n'ubwo yanditswe muri Kamena 1994, iyi baruwa ishyigikira imyiregurire y'Uregwa, ibaye hashize hafi imyaka itandatu iyo baruwa yanditswe. Ibikubiye muri iyi baruwa birushaho kugira agaciro kubera ko igihe yayandikaga, atashoboraga gutekereza ko azashyikirizwa inkiko. Uregwa yandikiye Kayishema, Perefe wa Kibuye, iyi baruwa ku itariki ya 24 Kamena 1994, amumenyesha ko abantu bagabaga ibitero baturutse mu majyaruguru, bamwitaga icyitso kubera ko ngo yashatse Umututsikazi. Ibibazo bivugwa muri iyo baruwa byasuzumwe ubwo Uregwa yatangaga ubuhamya mu Rukiko ku itariki ya 7 Kamena 2000.

120. Muri iyo baruwa, Uregwa avuga ko igihuha cy'uko yaba ari icyitso cyakwirakwizwaga n'abo bari bahanganye muri politiki, bashakaga gufata umwanya we. Abazwa n'Abacamanza, Uregwa yatanze ibisobanuro bikurikira:

> **Ikibazo**: Muri iyi baruwa, igika cya mbere, interuro ya nyuma, ugira uti: "ntibatinye no kunshyiramo nanjye ubwanjye ngo mfite umugore w'umututsikazi". Ibyo warabivuze, warabyemeje?
>
> **Igisubizo**: Yego, Nyakubahwa Mucamanza.
>
> **Ikabazo:** Ibyo ni nabyo wemeza hano mu Rukiko ko bagukekaga kuba icyitso cy'Abatutsi.

Igisubizo: Hari impamvu nyinshi. Navuze impamvu yo kuba baramvuze kuri Radiyo Muhabura. Hari no kuba ngo nari narashatse umugore w'Umututsikazi, n'ibindi ntarondoye. Ariko ku byerekeye umugore wanjye, nk'uko nabivuze, nyina ni Umututsikazi ariko se ni Umuhutu.

Ikibazo: Yego, birumvikana neza. Ariko se ibyo uvuga ko abantu bakomokaga mu majyaruguru bakekaga ko uri icyitso byanditse ku buryo bugaragara muri iyi baruwa. Ese uko ni ko ubyemeza, ese uko ni ko ubyemeza none hano mu Rukiko ?

Igisubizo: Yego.

Ikibazo: Interuro ya kabiri y'igika cya kabiri: "Ntabwo dukeneye kuba ingaruzwa muheto ngo abaturage ba Komini KAYOVE na RUTSIRO bajye baza gusahura uko bashaka n'igihe bashakiye". Ubwo wavugaga ingaruzwamuheto, ni iki washakaga kuvuga?"

Igisubizo: Nashakaga kuvuga ko twatewe n'abo baturage bazaga, bitwaje ko baje gushaka ibyitso, bakadusahura igihe bashakiye n'uko bashatse.

Ikibazo: Ese iyo uvuga ijambo "icyitso" uba ushaka kuvuga iki? Risobanura iki kuri wowe?

Igisubizo: Uko mbyumva, bivuga ni umuntu ukorera FPR.

Ikibazo: Ese ni ibyo washakaga kuvuga ubwo wakoreshaga ijambo "icyitso" mu ibaruwa yawe?

Igisubizo: Ni ibyo, Avoka, Nyakubahwa Mucamanza.

Ikibazo: Mu gika cya gatatu, usobanura ikibazo kirebana n'umugore wawe maze ukavuga ko bakwitaga icyitso kubera ko bakekaga ko ushyigikiye Abahutu bashatse abagore b'Abatutsikazi. Iyo ni impamvu imwe. Impamvu ya kabiri ni uko wari ushyigikiye Abatutsi.

Igisubizo: Ni uko bimeze, Nyakubahwa Mucamanza.

121. Uregwa yavugaga ko hari ibitero byari bigiye kugabwa biturutse mu majyaruguru. Biragaragara ko impungenge z'ingezi zivugwa muri iyo ibaruwa zirebana n'ibitero byari

bigiye kugabwa biturutse mu turere twa Murunda na Rutsiro (Rutsiro y'amajyaruguru). Uregwa asaba ku buryo bweruye Perefe "gukora ibishoboka byose ngo ahagarike ibyo bitero" akavuga ati "ni yo mpamvu dukeneye inkunga yanyu ku buryo bwihutirwa". Mu buhamya yatanze mu Rukiko, Uregwa asobanura uko ibintu byari byifashe muri aya magambo:

Ikibazo: Mu gika cya nyuma, uravuga uti: "Ni yo mpamvu nabasabaga [...]. Mu nteruro ya kabiri ukavuga uti, ufata icyemezo kidasanzwe: ni ukuvuga ko byari ngombwa kubuza.....ntidushobora, byatuma Abahutu basubiranamo, ndetse n'ibindi n'ibindi, wavugaga Abahutu bo mu majyaruguru n'Abahutu bo muri Mabanza, kandi muri urwo rwego, ukavuga uti: "Dukeneye ubumwe bwabo kugira ngo duhangane n'Inyenzi, Inkotanyi." Ni iki washakaga kuvuga?

Igisubizo: Nashakaga kuvuga ko abo bantu bo mu majyaruguru baramutse bateye Komine ya Mabanza, jyewe by'umwihariko, nari mfite umuryango n'inshuti, ni ukuvuga rero ko abantu bashobaraga kwicana. Ikindi kandi FPR yari hagati mu gihugu ahagana i Gitarama. Navugaga rero ko yashoboraga kuboneraho umwanya wo kutumara twese. Bityo rero nakekaga ko byari byiza ko twishyira hamwe kuko ugushyira hamwe kongera ingufu, kugira ngo dushobore guhangana n'ibitero bya FPR-Inkotanyi.

Ikibazo: Bityo se, hariya washakaga gutunga agatoki umwanzi muhuriyeho?

Igisubizo: Yego, ni ibyo.

Ikibazo: Kandi umwanzi muhuriyeho uvuga muri iyi baruwa ni Inyenzi-inkotanyi?

Igisubizo: Yego ni ibyo, Nyakubahwa Mucamanza.

Ikibazo: Ese ni uko ukibitekereza n'ubu ngubu hano mu rukiko, ni ko ukibyemeza, ko umwanzi mwari muhuriyeho ari Inyenzi-Inkotanyi?

Igisubizo: Ni ko nkibyemeza kandi ndacyavuga ko, iyo abantu bo mu gihugu imbere bunga ubumwe, tutari kuba twaravuye mu gihugu cyacu ."

122. N'ubwo yatabaje akomeje cyane, ubuhamya bwe bugaragaza ko nta nkunga yigeze abona.

Ikibazo: Ese hari ingamba Perefe wa Kibuye yafashe amaze kubona iyo baruwa?

Igisubizo: Namushyikirije iyo raporo, ariko ntiyigeze ansubiza.

Ikibazo: Mu yandi magambo ntiyagushyigikiye ngo afate ibyemezo cyangwa ngo afate ingamba zikwiye amaze kubona ibaruwa yawe?

Igisubizo: Nta byemezo yafashe, ariko kuri jyewe, yari nk'integuza haramutse hagize ikiba cyangwa se mpfuye. Byari ngombwa ko mu gihe kizaza, abantu bamenya uko napfuye. Icyo ni cyo nari ngamije.

Ikibazo: Aho birumvikana neza. Ese haba hari abandi bategetsi wabwiye ibintu nka biriya, muri kiriya gihe?

Igisubizo: Oya iriya ni yo nanditse, iyi baruwa ni yo nanditse kandi umutegetsi wari unyegereye yari Perefe. Ntibyari binyoroheye kugera ku bandi bategetsi.

123. Isesengura rimaze gukorwa kuri iyo baruwa rigaragaza, nk'uko Uregwa abivuga mu buhamya bwe mu Rukiko, ko akivuga ibintu bimwe nk'ibyo yavugaga muri iyo baruwa:

1. Ko atari afite ubushobozi buhagije muri Kamena 1994.
2. Ko icyo gihe hari hagiye kugabwa igitero giturutse mu majyaruguru.
3. Ko yumvaga ko Abahutu bagabaga ibitero bamufataga n'icyitso.
4. Ko abakozi ba Komine yayoboraga bamungaga ubutegetsi bwe.

124. Porokireri we yumvise iyi baruwa ku bundi buryo. Ku bwe, Uregwa yandikiye Kayishema ibaruwa ashaka kumumenyesha ko bitari bikiri ngombwa kohereza ibindi bitero by'Abahutu muri Mabanza[121]. Nta shingiro iyo myumvire ifite kandi biroroshye kuyisenya.

[121] Reba imyanzuro nsozarubanza yanditse ya Porokireri, urup. 10, igika cya 72.

125. Byongeye kandi, Porokireri avuga ko ihitamo ry'amagambo yakoreshejwe muri iyi baruwa, aho avuga ngo abaturage ba Mabanza "bari bihagije" kandi ko bari gushobora "kwirwanaho", rigaragaza ko Uregwa yagenzuraga ibyakorwaga byose[122]. Cyakora, umuntu ashingiye ku byo Uregwa avuga ko abaturage ba Mabanza "bari bihagije", umuntu ashobora kumva ko bashoboraga kwishakira ibyitso bya FPR aho kuba kurwanya ibitero by'Abahutu byaturukaga mu tundi turere. Igitekerezo cyo kuba "Mabanza yarashoboraga kwirwanaho", ni nk'aho byari ugushyamiranya bitateguwe Abahutu mu gihe ubushobozi bwose bwari buhari bwagombaga kwegeranywa mu guhangana n'ibitero bya FPR. Biragaragara ko icy'ingenzi cyari kigamijwe n'iriya baruwa kwari ukugaragaza imiterere y'ibibazo by' umutekano byari muri Mabanza no gusaba, ku buryo bwihutirwa, inkunga abategetsi ba Kibuye. Iyo Bagilishema aba yaragenzuraga ibyakorwaga byose, nta mpamvu yari gutuma yitabaza Perefe ku buryo bwihutirwa nka buriya.

126. Bityo rero, iyi baruwa yanditswe muri Kamena 1994 ishyigikira ibyo Uregwa yavuze mu iburanisha. N'ubwo iyo baruwa yanditswe muri Kamena, iragaragaza uko ibintu byari byifashe muri Mabanza hagati ya Mata na Nyakanga 1994. Ibi bigatuma kandi umuntu yavuga ko ibibazo by'umutekano Uregwa yahanganye na byo muri Mata 1994 byari bikomeye kurusha ibyari bimwugarije mu mpera za Kamena 1994, ubwo ibaruwa ivugwa yandikwaga.

2. Ubwirege bw'umutangabuhamya ushinja wiswe Z (ikimenyetso gihamya N° 112 cy'Ubwunganizi)

127. Ubwirege bw'umutangabuhamya ushinja wiswe Z[123] nabwo bushyigikira ibivugwa n'Ubwunganizi. Z yireze imbere y'abategetsi bo mu Rwanda ku itariki ya 22 Kamena

[122] Reba imyanzuro ya Porokireri mu magambo, inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ukwakira 2000, imp. 222-240.
[123] Reba ikimenyetso gihamya N° 112 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

1998 mbere y'uko aha ubuhamya abapererezi b'Urukiko ku itariki ya 18 Nzeri 1999 na mbere y'uko atanga ubuhamya mu Rugereko ku itariki ya 8 Gashyantare 2000. Mu bwirege bwe, nta na hamwe ashinja Uregwa, ku buryo butaziguye. Birumvikana ko umuntu yatekereza ko igihe yiregaga imbere y'abategetsi bo mu Rwanda, Z atari azi ko azaza gushinja Uregwa mu Rukiko. Mu bwirege bwe, ku byerekeranye n'uruhare yagize mu iyicwa rya Pasitoro Muganga, umutangabuhamya agira ati:

> "Hari ku wa 14/04/94; ari nka saa tatu z'amanywa uwo mugabo ava muri Groupe scolaire y'i Rubengera aho yakoraga ahungira kwa bourgmestre Bagirishema Ignace ariko mbere y'uko ahagera abanza gufatwa na Semanza wari assistant Bourgmestre ….. nuko aza kuhakirizwa n'umugabo witwa Gafurafura Izayi ahava ajya kwa Bourgmestre. Ubwo hashize nk'isaha imwe uyu muhungu wari assistant yahise abwira abo bari kumwe (abakiga yari acumbikiye) ngo nibajye kuzana umututsi uhungire kwa Bourgmestre. Bahise bajya gusakuza ku rugo rwa Bourgmestre nawe bimutera ubwoba. […]

128. Ubwirege bumaze kuvugwa bw'umutangabuhamya ushinja wiswe Z bushyigikira ibivugwa n'Uregwa ku bintu bikurikira:

1. Ko hari Umututsi wari wahungiye iwe.
2. Ko Semanza, wari umufasha wa Burugumesitiri, yacumbikiraga Abakiga, bumviraga amategeko ye.
3. Ko Abakiga bagiye kuvuza induru mu rugo rw'Uregwa ku itariki ya 14 Mata 1994.
4. Ko Abakiga bateye Uregwa ubwoba.

129. Byongeye kandi, biragaragara, ku buryo buteruye neza, ko ategeka Abakiga kujya gufata Umututsi wari wahungiye mu rugo kwa Burugumesitiri, Semanza yasuzuguraga ubutegetsi bw'Uregwa. Ibyo bigaragaza kandi ko abo bagabo bombi batumvikanaga. Igikorwa cya Semanza kigaragaza ubushyamirane hagati ye n'Uregwa. Kuba Semanza yaratinyutse gutegeka Abakiga kuvogera urugo rw'Uregwa kugira ngo bahafatire

Umututsi wari uhihishe bigaragaza ko atari acyubaha cyangwa ko atari yarigeze yubaha Uregwa nk'umutegetsi.

Umwanzuro

130. Dukurikije ibimaze kuvugwa ku bimenyetso byatanzwe muri uru rubanza, biragaragara ko Uregwa yatanze ibimenyetso bishyigikira imyiregurire ye ivuga ko atari afite uburyo buhagije bwo kuburizamo ubwicanyi bukomeye nk'ubwabaye muri Komine ya Mabanza kuva muri Mata 1994, ndetse ko yafashe ingamba zo kubungabunga umutekano n'amahoro muri komine akoresheje ubushobozi yari afite. Byongeye kandi, Porokireri ntiyigeze avuguruza ibivugwa n'Uregwa. Kubera iyo mpamvu, Uregwa yashoboye gushegesha imwe mu ngingo zigize ibyaha ashinjwa ivuga ko yari afite "igitekerezo cyo gukora icyaha". Yatumye rero habaho gushidikanya ku bivugwa na Porokireri, bityo akaba agomba kubyungukiramo ahanagurwaho icyaha no kuri iyi ngingo.

131. Kubera izo mpamvu, nsanga Ignace Bagilishema ari umwere ku byaha byose aregwa mu Nyandiko y'ibirego.

Bikorewe Arusha, ku itariki ya 7 Kamena 2001.

Umucamanza Asoka de Z. Gunawardana

Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda

[umukono]

[Kashe y'Urukiko]

Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho
u Rwanda

Umuryango w'Abibumbye

URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO I

Umwimerere: Igifaransa

Abacamanza: Erik Møse, Prezida w'Urugereko
Asoka de Zoysa Gunawardana
Mehmet Güney

Gerefiye: Adama Dieng

Itariki: 7 Kamena 2001

POROKIRERI

aburana na

Ignace Bagilishema

Urubanza No. ICTR-95-1A-T

IGITEKEREZO CY'UMUCAMANZA MEHMET GÜNEY CYIHARIYE KANDI GITANDUKANYE N'ICYA BAGENZI BE

Ibiro bya Porokireri

Jane Anywar- Adong
Charles Adeogun- Phillips
Wallace Kapaya
Boi-Tia Stevens

Abavoka bunganira Uregwa

François Roux,
Maroufa Diabira,
Héleyn Uňac
WayneJordash

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

AMASHAKIRO

I. Ibyitonderwa by'ibanze ku ngingo zimwe z'amategeko 2

A. Kunyuranya n'ihame ry'uburangare bufatwa nk'icyaha, ari ryo bita *due diligence* .. 2

B. Kuba umutegetsi wubashywe ari ahantu ibyaha byakorewe ni uburyo bwo kuba icyitso cy'ababikoze binyuze mu nzira zo gushishikaza 8

C. Ingingo zishingirwaho mu gusuzuma ibimenyetso..... 13

II. Ingingo z'Ubwunganizi 16

III. Imyanzuro yo mu rwego rw'amategeko n'urw'ibyabaye, yerekeranye n'ibivugwa mu gika cya 4.14 cy'Inyandiko y'ibirego 21

A. Bariyeri yo kuri Trafipro: ishyirwaho ryayo, abari bayishinzwe n'ibyo yari igamije ……21

1. Uburyo iyo bariyeri yashyizweho 21
2. Amabwiriza 23
3. Abari bashinzwe kurinda bariyeri 25

B. Icyari kigamijwe mu ishyirwaho rya bariyeri yo kuri Trafipro..... 29

C. Kuba Uregwa yarabaye icyitso mu iyicwa rya Judith na Bigirimana..... 33

1. Iyicwa rya Judith 33
2. Iyicwa rya Bigirimana 39

D. Imyanzuro 41

IV. Kuba Uregwa yarabaye icyitso mu ifungwa ry'impunzi zari muri Sitade Gatwaro no mu bikorwa birenze kameremuntu byazikorewe (Ibika 4.23, 4.24, 4.31 by'Inyandiko y'ibirego) 47

A. Ukuntu Uregwa yakurikiranye iby'impunzi z'i Mabanza zari muri Gitesi 47

B. Kuba Uregwa yari kuri Sitade Gatwaro ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994 52

1. Itariki ya 13 Mata 1994 52
2. Itariki ya 14 Mata 1994 54
3. Imyanzuro ku byerekeye kuba Uregwa yari kuri sitade ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994 no ku isuzuma ry'ubuhamya 56

V. Kuba Uregwa yarabaye icyitso cy'abagabye igitero kuri Sitade Gatwaro ku itariki ya 18 Mata 1994 (ibika 4.13, 4.26 na 4.27 by'Inyandiko y'ibirego) 60

1. Ibimenyetso bigaragaza ko Uregwa yari kuri Sitade ku itariki ya 18 Mata 1994..... 60
2. Ubuhamya bw'Uregwa 63

VI. Imyanzuro 69

1. N'ubwo Uregwa yagizwe umwere ku byaha byose yaregwaga, nemeranya gusa na bagenzi banjye ku myanzuro y'Urubanza ku birego bimwe na bimwe. Ndifuza rero kwitandukanya na bagenzi banjye ku cyemezo cyafashwe, ku bwiganze bw'amajwi, cyerekeranye n'ibura ry'ibimenyetso bihagije kugira ngo Uregwa ahamwe n'icyaha cyo kuba icyitso mu byaha byakorewe abasiviri b'Abatutsi kuri bariyeri yo kuri Trafipro muri Komine ya Mabanza (igika cya 4.14 cy'inyandiko y'ibirego), no mu bwicanyi bwakorewe ibihumbi by'abasiviri b'Abatutsi ku Kibuye, barimo abari hagati y'i 1000 na 1500 bakomokaga muri Mabanza nk'uko Uregwa abyivugira[1] (ubwo bwicanyi buvugwa kuva ku gika cya 4.21 kugera kucya 4.28 no mu gika cya 4.31 by'Inyandiko y'ibirego).

2. Ku bijyanye n'imikorere ya bariyeri yo kuri Trafipro, nsanga byaragaragajwe ko Uregwa yagenzuraga rwose imikorere y'iyo bariyeri kuva yashyirwaho. Nsanga kandi yari afite inshingano n'ububasha bwo kugenzura no kuba yahagarika bibaye ngombwa ibyayikorerwagaho. N'ubwo nemera umwanzuro uvuga ko bitagaragajwe ko bariyeri yashyizweho ku mpamvu z'ubugome, ibimenyetso byatanzwe binyemeza ko Uregwa yari afite impamvu zihagije zo kumenya ko igenzura ryakorerwaga kuri iyo bariyeri ryashoboraga gushyira mu kaga abaturage b'abasiviri b'Abatutsi. Bityo rero, nsanga uruhare rw'Uregwa rugomba gusuzumwa hakurikijwe uburangare yagize mu ishyirwaho no mu mikorere by'iyo bariyeri. Ndanzura rero mvuga ko ubwo burangare nkana bwatumye aba icyitso cy'abakoze ibyaha byibasiye inyokomuntu ubwo Judith na Bigirimana bicwaga.

3. Ku birebana n'ibitero n'ubwicanyi byibasiye abasiviri b'Abatutsi kuri sitade Gatwaro ku Kibuye, ibimenyetso byatanzwe binyemeza ko Uregwa yageze kuri sitade inshuro nyinshi hagati y'itariki ya 13 n'iya 18 Mata 1994, mbere y'igitero na nyuma yacyo. Ibi bitandukanye n'ibyo Uregwa avuga mu buhamya bwe ko atigeze agera ku Kibuye hagati y'itariki ya 9 n'iya 25 Mata 1994. Bityo rero, kubera ko Uregwa yari aho hantu, kandi ari umutegetsi wari wubashywe cyane muri Kibuye, ndetse amaze imyaka 14 ari

[1] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 46.

Burugumesitiri, nsanga yarateye inkunga, akanashishikariza abantu gukora ibyaha byibasiye inyokomuntu (itsembatsemba n'ibindi byaha birenze kameremuntu). Nsanga yaranabaye icyitso cy'abakoze jenoside kuri sitade Gatwaro kubera ko yateye akanyabugabo abateraga.

I. Ibyitonderwa by'ibanze ku ngingo zimwe z'amategeko

4. Kuri buri kirego kiri mu Nyandiko y'ibirego, ibimenyetso byatanzwe mu rubanza mu gushyigikira ibivugwa na Porokireri, bigaragaza ko hakurikijwe Ingingo ya 6 1), Uregwa yaryozwa icyaha kubera inkunga yatanze mu ikorwa ry'ibyaha byakozwe n'abandi, we akabibamo icyitso. Ibyo bimenyetso ntibirebana rero n'uruhare rwe rutaziguye nka gatozi cyangwa nk'uwafatanyije na gatozi.

A. Kunyuranya n'ihame ry'uburangare bufatwa nk'icyaha, ari ryo bita *due diligence*

5. Nsanga byaragaragajwe ko Uregwa yagize uburangare mu gushyiraho bariyeri yo kuri Trafipro kandi iyo bariyeri yarashoboraga ubwayo gushyira abantu mu kaga. Ni byiza ko umuntu asuzuma imiterere y'ubwo burangare, hashingiwe ku nshingano atagombaga gutezukaho zo kugira icyo akora, kuva ishingwa ry'iyo bariyeri kugeza ku mitunganyirize y'imikorere yayo. Ubwo bariyeri yashingwaga igamije gukorerwaho ibikorwa by'ubugenzuzi, Uregwa ntiyibutse gushyiraho ingamba za ngombwa kugira ngo abantu bayirinze batazagira igitekerezo gishobora gutuma bakora icyaha (*dolus eventualis* ari byo bita mu miryango y'amategeko akomoka ku y'Abaromani (« *civil law*", "*recklessness*" mu miryango y'amategeko akomoka ku y'Abongereza (« *Common Law*[2] »), nk'uko yabisabwaga mu rwego rw'inshingano yari afite zizwi zerekeranye n'ubutegetsi. Ibi rero bituma mfata umwanzuro uvuga ko uburyozwacyaha bwe

[2] Urubanza rwa *Blaskic*, TPIY, inyandiko y'urubanza mu rw'iremezo, 3 Werurwe 2000, igika cya 267.

bushingiye ku burangare kubera ko yirengagije nkana ingaruka mbi zo gushyiraho bariyeri uzirikanye uko ibintu byari byifashe muri icyo gihe.

6. N'ubwo mu rubanza, Porokireri atavuze mu magambo arambuye by'umwihariko ku imiterere y'ubwo buryozwacyaha, ndibwira ko uburangare nkana bushobora gufatwa nka bumwe mu buryo bwinshi bw'uburyozwacyaha bw'umuntu nka gatozi buteganywa n'Ingingo ya 6 1) ya Sitati y'Urukiko.

7. Ihame ry'uburangare bufatwa nk'icyaha rituma Uregwa aryozwa ibyaha byakozwe n'abandi bantu, ryakoreshejwe mu Rubanza rwa Blaskic mu rw'iremezo. Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze cyitwa Yugosolaviya (TPIY) rwavuze ko Jenerali Blaskic yakoresheje abasirikare yategekaga azi ko biruhije kubagenzura kuri byose; kandi ko kubera ko yabahaye amategeko, yagombaga, ashyize mu gaciro, kwibwira ko ibyo yabategetse gukora byashoboraga gutuma bakora ibyaha[3].

8. Mu rubanza rwa *Tadic*, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwa TPIY rwasobanuye muri aya magambo uburyo bunyuranye bw'uburyozwacyaha bw'umuntu nka gatozi:

> « Gufasha no gushishikaza bivuze ibikorwa byose byo gutera inkunga, mu magambo cyangwa mu bikoresho, bishishikaza cyangwa bishyigikira abandi bantu, igihe cyose hari igitekerezo gisabwa cyo gukora icyaha. Muri iki gisobanuro, kuba umuntu yari ahantu, ntacyo azi kandi atabigambiriye, ntibihagije. Cyakora, hashoboye kugaragazwa, hakoreshejwe ibimenyetso biziguye cyangwa ubundi buryo, ko kuba uwo muntu yari aho ahantu byarabaye azi ibijyanye n'icyo cyaha ndetse bigatuma mu buryo butaziguye kandi bukomeye igikorwa kinyuranyije n'amategeko gikorwa, biba bihagije kugira ngo umuntu yanzure ko Uregwa yagize uruhare muri icyo gikorwa, bityo agahamwa n'icyaha kijyanye na cyo.»[4]

---

[3] Urubanza rwa *Blaskic*, inyandiko y'urubanza mu rw'iremezo, 3 Werurwe 2000, ibika 560-562.
[4] Urubanza rwa *Tadic,* inyandiko y'urubanza mu rw'iremezo, 7 Gicurasi 1997, igika cya 689.

9. Rumaze gusuzuma ubukemuramanza burebana n'icyo kibazo, Urugereko rwa TPIY rwongeyeho ko atari ngombwa ko umuntu aba yibereye ubwe ahantu icyaha cyakorewe. Rwavuze rero ko Uregwa ashobora gufatwa nk'umuntu wagize uruhare mu cyaha hashingiwe gusa ku byavuzwe mu manza z'ibyaha by'intambara mu Rukiko rwa Nuremberg, iyo basanze «yararebwaga n'ubwo bwicanyi». Muri urwo rubanza, Urugereko rw'Ubujurire rwibukije ko Sitati y'Urukiko itareba gusa ikurikiranwa ry'abantu baba baragize uruhare rutaziguye mu ikorwa ry'ibyaha cyangwa mu buryo, ubwo ari bwo bwose, baba barafashije cyangwa bagashishikariza abandi gukora ibyo byaha. Urugereko rwasobanuye ko Ingingo ya 7 1) ya Sitati ya TPIY n'amategeko arebana n'ibyaha Urukiko rufitiye ububasha bwo gukurikirana, bivuga ko uburyozwacyaha nk'ubwo, kubera kunyuranya bikomeye n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara, butagarukira gusa ku bantu bakoze ibikorwa nyir'izina bigize ibyaha bivugwa, ko bureba n'abandi bantu, nk'abategeka abandi kubikora cyangwa abababera ibyitso[5].

10. Nk'uko bivugwa mu Rubanza rwa Akayesu, igitekerezo cyo gukora icyaha gishobora kuba «uburangare bukomeye cyane ku buryo bushobora gufatwa nk'aho uwo muntu yemeye ko icyo cyaha gikorwa»[6].

11. Mu mategeko ahana ibyaha y'Abafaransa, ihame rusange risobanura icyaha cyo kuba icyitso rivuga ko hagomba kuba harabaye igikorwa gifatika runaka. Iryo hame ntiryemera icyaha cyo kuba icyitso iyo ugishinjwa yifashe ntagire icyo akora. Cyakora, mu bukemuramanza hari imyumvire yo kuba icyitso irushijeho kwaguka irebana n'igikorwa gifatika cyangwa n'igitekerezo bigize icyaha; ariko ibyo bishoboka gusa iyo kuba umuntu yari aho icyaha cyakorewe[7] cyangwa akifata ntagire icyo akora, bifashwe nko gufasha no gutera akanyabugabo cyangwa nko gushishikariza abandi bantu gukora icyo

---

[5]Urubanza rwa *Dusko Tadic*, inyandiko y'urubanza mu bujurire TPIY, 15 Nyakanga 1999, ibika 189-190.
[6] Urubanza rwa *Akayesu*, inyandiko y'urubanza mu rw'iremezo, 2 Nzeri 1998, ibika 486-489.
[7] Hemejwe ko umuntu urebera gusa icyaha kirimo gikorwa, ntagire icyo akora, akinumira kandi yari afite inshingano ahabwa n'amategeko cyangwa n'umurimo akora kugira ngo aburizemo icyo gikorwa, aba akoze ikosa rifatwa nko kuba icyitso kubera gutera inkunga y'akanyabugabo.

cyaha. Icyo gihe, ntibiba bikiri ukwifata gusa, ahubwo ni ukuba icyitso bihanirwa. Ibi ni kimwe n'umuntu ukora irondo noneho akareka mugenzi we akiba kimwe mu bintu yari ashinzwe kurinda[8]. Ubukemuramanza bwo mu Bubiligi butandukanya kwifata nyir'izina n'ubundi buryo bwo «kwifata mu gihe icyaha kirimo gukorwa» aho buvuga ko kwirengagiza nkana icyo umuntu yagombaga gukora bifatwa nk'igikorwa cyo kugira uruhare mu ikorwa ry'icyaha[9].

12. Mu miryango y'amategeko akomoka ku y'Abongereza « *Common Law* », kudakurikizwa ku ihame rivuga ko nta buryozwacyaha bubaho mu gihe umuntu atakoze icyo yagombaga gukora byagiye bihindagurika. Ikibazo cy'inshingano y'umuntu yo kugira icyo akora igihe ategetswe kugikora cyasuzumwe mu rubanza rwa *Regina v. Adomako*[10] rwaregwamo abakozi bari bujuje ibyangombwa byo kuvura, bashinjwaga kwica abantu kubera ko batakoze ibyo bagombaga gukora, *« la Chambre des Lords* » (ishami mpanabyaha ry'Urugereko rw'Ubujurire). *Chambre des Lords* yasobanuye rero uko umuntu yakumva inshingano zo kwita ku bintu (*duty of care*) cyangwa *« due diligence* » mu gusuzuma uburyozwacyaha, noneho Lord Mackay asobanura iyo ngingo muri aya magambo:

> « …uko mbibona amategeko rusange akurukizwa ku birebana n'uburangare akoreshwa iyo umuntu ashaka kumenya niba Uregwa yarateshutse cyangwa atarateshutse ku nshingano ze zo gutabara umuntu waje gupfa. Mu gihe guteshuka kuri izo nshingano bigaragajwe, ikibazo gikurikiraho ni ukumenya niba urwo rupfu ari ingaruka zo guteshuka kuri iyo nshingano. Iyo ari uko bimeze, *Jury* igomba kwemeza niba uko guteshuka ku nshingano bigomba gufatwa nk'uburangare bukabije, bityo bikaba ari icyaha gikomeye. Ibi bigaterwa n'uburemere bw'iryo kosa ryakozwe n'Uregwa hazirikanwe uko ibintu byari byifashe igihe ibyo bikorwa byakorwaga. »

---

[8] *Tribunal correctionnel Aix.14 janvier 1947, D1947.Somm.19,Rev. Science crim.1947.5 81 J.C.P 1947. II,3465.*
[9] Urukiko rusesa imanza rw'u Bubiligi, 23 Ukwakira 1950, 24 Nzeri 1951, *Rev.dr.et criminologie,1951-1952. 774*
[10] *[1995] 1 Appeals Court 171 171, *171.*

Inyandiko yahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

13. Uru rubanza rugaragaza cyane ingingo *Jury* ishingiraho mu gusuzuma niba ibikorwa binyuranyije n'inshingano yo kugira icyo umuntu akora bishobora gufatwa nk'uburangare bukabije, bityo ubwo burangare bukaba bwakwitwa icyaha.

14. Muri uru rubanza, nsanga ari byiza gusesengura umwanya n'imirimo Uregwa yari afite kuko ni byo bisobanura imiterere n'urwego rw'ibyo yari ashinzwe gukora hakurikijwe amategeko y'u Rwanda. Umutangabuhamya w'impuguke watanzwe na Porokireri witwa André Guichaoua, yavuze ku itegeko rigenga imitegekere ya komine ryo ku itariki ya 23 Ugushyingo 1963[11] ryakoreshwaga mu Rwanda mu gihe cy'ibyabaye. Iryo tegeko rivuga ko burugumesitiri ari we uhagarariye ubutegetsi bwa Leta muri komine kandi ni nawe uhagarariye ubutegetsi bwa komine (Ingingo ya 56 y'itegeko). Nk'umuntu uhagarariye ubutegetsi nyubahirizategeko, burugumesitiri ashinzwe kubahiriza amategeko n'amabwiriza (ingingo 57 y'itegeko). Burugumesitiri ni we uhagarariye ubuyobozi bwa komine (Ingingo 60 y'itegeko) kandi afite, by'umwihariko, ububasha bwo guha abantu akazi muri komine, kubahagarika ku kazi by'agateganyo no kubirukana, amaze kumva icyo inama ya komine ibitekerezaho (Ingingo ya 93 y'Itegeko). Ubwo bubasha kandi bureba n'abapolisi ba komine kandi burugumesitiri ni we wenyine ubafiteho ububasha keretse mu bihe bidasanzwe (Ingingo y'i 104 y'itegeko). Ingingo ya 109 y'iryo tegeko ivuga ku nshingano z'abapolisi ba komine bategekwa na burugumesitiri, by'umwihariko, inshingano zo kubungabunga cyangwa kugarura umutekano wa rubanda, gufata no kugeza imbere y'abategetsi babifitiye ububasha abantu bateje imvururu cyangwa bakoze ibyaha.

15. Njye mbona ko icyemezo cy'Uregwa cyo gushyiraho bariyeri no gushyiraho abantu bayigenzura gituma aryozwa ibyaha binyuranye. Uretse uruhare yagize mu gushyiraho bariyeri ubwayo, Uregwa yagombaga kumenya ingaruka mbi zaterwaga n'ibyakomezaga kuyikorerwaho cyane cyane kubera imyitwarire y'abasiviri batari barabitojwe, mu bihe

---

[11] Ikimenyetso gihamya N° 71 cyatanzwe na Porokireri, igisobanuro N° 3 cyo hasi ku rupapuro muri raporo ya André Guichaoua ku « Butegetsi bwa komine n'ububasha bwa burugumesitiri » *(« L'autorité communale et les prérogatives du bourgmestre »)*. Iryo tegeko rivugwa kandi no mu ngingo ya 8 y'iteka rya Perezida rigena sitati y'abakozi ba komine ryo ku itariki ya 25 Ugushyingo 1975, ikimenyetso gihamya N° 97 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

byavuzwe n'abatangabuhamya. Uburangare bufatwa nk'icyaha bujyanye no gushyiraho bariyeri ntibugarukira aho, ahubwo burushaho kuba bubi mu gihe Uregwa yari azi cyangwa yari afite impamvu zo kumenya ko ibyaha byayikoreweho. Muri urwo rwego, amagambo « yari azi cyangwa yari afite impamvu zo kumenya », akoreshwa mu gusuzuma niba umuntu ukuriye abandi agomba kuryozwa icyaha hashingiwe ku Ngingo ya 6 3) ya Sitati, ashobora kugira akamaro mu gusuzuma niba koko icyo cyaha cyarakomeje gukorwa. Ibyo bintu bishobora kumenyekana hashingiwe ku bimenyetso bitaziguye cyangwa ku bintu bishoboka. Mu rubanza rwa Aleksovski, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwa TPIY rwerekanye impamvu zimwe zishobora gushingirwaho:

> « Bityo rero iyo ibikorwa byabereye kure y'aho umuntu wari ukuriye abandi yari ari, kugaragaza ko yari abizi birushaho kugorana iyo nta bindi bimenyetso bihari. Ariko, iyo icyaha cyakorewe hafi y'aho umuntu wari ukuriye abandi yakoreraga imirimo ye isanzwe byagombye kuba impamvu ikomeye igaragaza ko yari azi ikorwa ry'icyo cyaha, nkanswe iyo ibyo byaha byakozwe inshuro nyinshi (ntibiciweho akarongo mu nyandiko y'umwimereri) »[12]

16. Mu rwego rw'imikorere ya bariyeri yo kuri Trafipro, Porokireri yari yavuze ko uruhare rw'Uregwa rwari rushingiye ku mwanya we wo kuba yari akuriye abantu bagenzuraga iyo bariyeri. Ariko, mu rubanza rwa Kordic na Cerkez, nsanga Urugereko rwa TPIY rwarasobanuye ko itandukanyirizo riri hagati yo kuryoza umuntu icyaha hashingiwe ku Ngingo ya 7 1) ku ruhande rumwe no ku Ngingo ya 7 3) ku rundi ruhande (zihuye n'Ingingo ya 6 1) n'iya 6 3) za Sitati ya TPIR), riterwa n'ibimenyetso byatanzwe. Kuri iki kibazo, iyo umuntu wari ukuriye abandi atamenyeshejwe ko abantu akuriye bakoze ibyaha, ariko mu mirimo ye, akaba yarafashije cyangwa agashishikariza abantu, mu buryo ubwo ari bwo bwose, gutegura cyangwa gutsotsoba ibyo byaha, "imiterere y'uburyozwacyaha yasobanurwa neza n'Ingingo ya 7 1). Iyo Uregwa wari ukuriye abandi atakoze ibyo agomba gukora, maze bigatuma (urugero: gushishikariza gatozi) uwo

[12] Urubanza rwa *Aleksovski*, inyandiko y'urubanza mu rw'iremezo, TPIY, 25 Kamena 1999, igika cya 80.

akuriye akora icyaha, imyitwaririre y'uwo muntu wari ukuriwe ishobora gushingirwaho kugira ngo Uregwa aryozwe icyo cyaha hakurikijwe Ingingo ya 7 1) »[13]. Nkurikije ibimenyetso byatanzwe muri uru rubanza, nsanga uburyozwacyaha bw'Uregwa busobanurwa neza n'Ingingo ya 6 1) ya Sitati kubera ko nsanga ibisabwa kugira ngo umuntu abe icyitso, byuzuye.

B. Kuba umutegetsi wubashywe ari ahantu ibyaha byakorewe ni uburyo bwo kuba icyitso cy'ababikoze binyuze mu nzira zo gushishikaza

17. Ubu buryo bwo kugira uruhare mu buryo buziguye mu byaha bivugwa mu Nyandiko y'birego bubyutsa ibibazo bimwe na bimwe mu gusuzuma isano ya ngombwa iri hagati yo kuba Uregwa ari aho hantu n'ibyaha byahakorewe. Kugeza ubu nta bukemuramanza bwinshi buhari kuri iryo suzuma ariko njye nsanga iryo suzuma rigomba gukoreshwa ku bintu byabereye kuri Sitade Gatwaro.

18. Mu miryango y'amategeko akomoka ku y'Abongereza (*Common Law)*, hemejwe ko kuba gusa umuntu yari ahantu hakorewe icyaha bidahagije ngo abe yakiryozwa. Ibyo ari byo byose, mu rubanza rwa *Regina aburana* na *Coney* mu Rukiko rukuru (*Divisional Court of the Queen's Bench*)[14], kuba umuntu w'indorerezi yari ahantu haberaga umukino w'iteramakofe utemewe n'amategeko byafashwe nk'uburyo bumwe bwo gushishikaza kwakozwe n'abaregwa bari mu mbaga y'indorerezi, n'ubwo ku giti cyabo nta ruhare rutaziguye bagize mu ikorwa ry'icyo cyaha, kandi nta n'ikintu bahavugiye. Urukiko rwanzuye ruvuga ko n'ubwo kuba aho hantu ubwa byo bitari bihagije, kwatumye baba ibyitso kubera ko, iyo hataza kuba izo ndorerezi, ntabwo abantu baba barashishikariye

[13] Urubanza rwa *Kordic* na *Cerkez*, inyandiko y'urubanza mu rw'iremezo,TPIY, 26 Gashyantare 2001, igika cya 371 cyahinduwe kivanwa mu cyongereza n'umuntu utabiherewe ububasha n'uru Rukiko.
[14] *[1882] 8 Queen's Bench Division 534.*

guterana amakofi. Muri urwo rubanza, Umucamanza Hawkins[15] yabivuze muri aya magambo yaje kwinjira mu bukemuramanza bw'inkiko za *Common Law*:

> « Uko mbitekereza, kugira ngo umuntu afatwe nk'icyitso, hari ibintu agomba kuba yarakoze, haba mu magambo cyangwa mu bikorwa, agamije gushishikariza gatozi cyangwa ba gatozi. Gushishikaza abantu ntibituma igihe cyose ubikoze afatwa nk'icyitso; bishobora gukorwa byagambiriwe cyangwa bitagambiriwe; umuntu ashobora gushishikariza undi gukora icyaha atabitekereje kubera gusa kuba ahantu runaka, kubera amagambo cyangwa ibikorwa byumviswe nabi cyangwa kuba ntacyo yavuze cyangwa kuba yarituramiye ntagire icyo akora; ashobora kandi gushishikariza nkana undi muntu gukora icyaha binyuze mu myifatire ye, mu bikorwa bye cyangwa mu myitwarire ye, bigambiriye kugaragaza ko yemeye icyo cyaha. Muri uru rugero rwa nyuma, aba yabaye icyitso naho mu rwa mbere siko bimeze. Kuba umuntu ari ahantu hakorerwa icyaha, kabone niyo cyaba ari icy'ubwicanyi, akabona uko gikorwa nta kintu we akoze, nta cyaha kirimo. Kutivanga mu ikorwa ry'icyaha ngo umuntu atume kidakorwa, ubwabyo si icyaha. Ariko kuba umuntu yari, ku bushake kandi yabigambiriye, ahantu icyaha cyakorewe maze ntakiburizemo kandi yaragombaga, hashizwe mu gaciro, kukiburizamo ndetse anafite n'ubushobozi bwo kubikora, nibura agaragaza ko atagishyigikiye, bishobora, mu bihe bimwe na bimwe, kuba ikimenyetso simusiga *« Jury »* ishobora gushingiraho, ikanzura ko yashishikarije nkana ikorwa ry'icyaha, bityo akaba yarabaye icyitso. Ariko « *Jury* » igomba gufata icyemezo, ikavuga niba yarabikoze koko cyangwa atarabikoze. »

19. Agamije gufasha "*Jury",* Umucamanza Hawkins yagaragaje ingingo za ngombwa kugira ngo umuntu aryozwe icyaha: kuba umuntu uri, ku bushake bwe, ahantu hakorewe icyaha kandi abizi neza, akabona icyaha gikorwa, ariko ntagire icyo akora ngo kidakorwa, kandi, umuntu ashyize mu gaciro, yaragombaga kukiburizamo kubera ko yari abifitiye

[15] *Per Hawkins J at page 557.*

ubushobozi cyangwa nibura uburyo bwo kugaragaza ko abyamaganye uzirikanye uko ibintu byifashe.

20. Mu Rubanza rwa Blaskic, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwavuze ibikurikira:

> «Igikorwa gifatika kigize icyaha cyo kuba icyitso mu cyaha umuntu afasha cyangwa ashishikaza abagikoze gishobora kugaragarira mu kudakora icyagombaga gukorwa. Cyakora, ibi bigomba kuba byaratumye rwose icyo cyaha gikorwa kandi bikaba byaraherekejwe n'igitekerezo cya ngombwa kugira ngo icyaha kibeho. Kuri iyi ngingo, kuba umuntu wari ukuriye abandi, nk'umutegetsi wa gisirikare, yari ahantu hakorewe icyaha biba ikimenyetso gikomeye iyo hasuzumwa niba yarashishikaje cyangwa yarashyigikiye abakoze icyo cyaha. » [16]

21. Mu Rubanza rwa Aleksovski, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwavuze ko ubufatanyacyaha butagaragazwa gusa n'inkunga ifatika itaziguye. Rwasobanuye ko ubufatanyacyaha bushobora kugaragarira no mu gutera akanyabugabo, mu gushyigikira mu magambo, «ndetse no kuba umuntu ari gusa ahantu icyaha gikorerwa», igihe kuba aho hantu byatumye koko icyo cyaha gikorwa kandi uwo muntu akaba yari afite umugambi wa ngombwa wo gukora icyaha[17]. Byongeye kandi, icyo gitekerezo gishobora kugaragarira mu miterere y'ibintu binyuranye kandi «umwanya w'ubuyobozi ni kimwe mu bintu umuntu ashobora gushingiraho kugira ngo amenye niba uregwa yari azi ko kuba aho hantu bishobora gufatwa n'abakora icyo cyaha nk'ikimenyetso cy'uko abashyigikiye kandi abashishikariza kugikora[18].

---

[16] Urubanza rwa *Blaskic*, inyandiko y'urubanza mu rw'iremezo, 3 Werurwe 2000, igika cya 284.
[17] Urubanza rwa *Zlatko Aleksovski*, inyandiko y'urubanza mu rw'iremezo, 25 Kamena 1999, igika cya 63 n'ibigikurikira.
[18] Ni kimwe no haruguru, igika cya 65.

22. Mu rubanza rwise urwa « *Synagogue*[19] » (rwibukijwe mu Rubanza rwa Furundzija mu rw'iremezo[20]), Urukiko rw'Ikirenga rw'Abadage rwahamije umwe mu baregwaga icyaha cyibasiye inyokomuntu kubera ko yateye akanyabugabo abakoze ibyaha. Urwo Rukiko rw'Ikirenga rwavuze ko n'ubwo Uregwa atagize uruhare rutaziguye mu gikorwa cyo gusenya « *Synagogue* » afatanyije n'abandi, ntategure cyangwa ngo ategeke ikorwa ry'icyo cyaha, kuba rimwe na rimwe yarajyaga aza aho hantu, ndetse akaba yari afite umwanya mu ishyaka ry'Abanazi nk'umunyamuryango wubashywe kandi urimazemo igihe, no kuba yari azi umugambi mubisha w'abahashenye, byari bihagije kugira ngo Urukiko rumuhamye icyaha. Ku bijyanye n'igikorwa kigize icyaha ubwacyo, Urukiko rwafashe umwanzuro uvuga ko imyifatire y'Uregwa uko yakabaye yari inkunga yateye abandi bantu kandi ko yatanze inkunga, mu rwego rw'ibitekerezo, mu ikorwa ry'icyaha n'ubwo bitagaragajwe ko iyo nkunga yajyanye na buri cyaha cyakozwe n'abandi. Ku bijyanye n'uko Uregwa yageraga ahantu hakorewe ibyaha rimwe na rimwe, Urukiko rwasanze kuba aho hantu bitarashoboraga gufatwa nk'amatsiko y'umuntu utari ushishikajwe n'ibyariho biba. Mu rwego rwo guha inyito igitekerezo kigize icyaha, Urukiko rwavuze ko, mu by'ukuri, Uregwa yifuzaga ko ibyabaye bikorwa « nk'aho ari ibye » (*als eigene gewollt hat*). Mu kwanzura kuri iyi ngingo, urukiko rwavuze neza ko Uregwa yari azi uwo mugambi amasaha abiri nibura mbere y'uko icyaha gikorwa.

23. Mu rubanza rwa Furundzija, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwa TPIY, rushingiye kuri ubwo bukemuramanza, rwafashe umwanzuro uvuga ko «umuntu urebera ibirimo gukorwa yemeranya n'ababikora kandi bamwubashye cyane ku buryo kuba ari aho hantu bisa no kubibashishikariza, ashobora guhamwa n'icyaha cyo kuba icyitso mu cyaha cyibasiye inyokomuntu»[21]. Ku byerekeye imiterere y'inkunga yatanzwe n'icyitso, Urugereko rwongeyeho ko atari ngombwa ko iyo nkunga iba ikintu gifatika cyangwa ko

---

[19] *Strafsenat. Urteil vom 10. August 1948 gegen K. und A. StS 18/48, Oberste Gerichtshof der Britischen Zone (Entscheidungen, Vol. I, pp. 53 and 56*), (Urubanza rw'Urukiko rw'Ikirenga mu gace kayoborwa n'Abongereza).

[20] Urubanza rwa *Anto Furudzija*, inyandiko y'urubanza mu rw'iremezo, TPIY, 10 Ukuboza 1998, igika cya 205 n'ibigikurikira.

[21] Ni kimwe no haruguru, igika cya 207.

igira aho ihurira, mu buryo butaziguye, n'icyo cyaha[22]. Ku bijyanye n'ingaruka y'iyo nkunga, Urugereko rwagerageje kuvuga mu magambo avunaguye ibyemejwe n'izindi nkiko kuri icyo kibazo, maze rwemeza ko « inkunga igomba kuba yaratumye rwose icyaha gikorwa », ariko ko ishobora no kuba inkunga yo mu rwego rwo gutera akanyabugabo[23]. Iyo igikorwa kigize icyaha cyo kwirengagiza kugira icyo ukora ari inkunga ihagije yo mu rwego rwo gutera akanyabugabo ku buryo ituma icyaha gikorwa, igitekerezo cyo gukora icyaha gisabwa kandi gihagije ni ukumenya ko icyo gikorwa gifasha mu gukora icyaha, bityo kigatuma Uregwa afatwa nk'icyitso[24]. Mu rubanza rwa Blaskic, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwongeyeho ko icyitso kigomba « nibura kuba cyaramenye ko iyo nkunga izaba ingaruka ishoboka kandi yitezwe, y'imyitwarire ye»[25].

24. Mu rubanza rwa Akayesu, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwahamije Uregwa ibyaha byibasiye inyokomuntu kuko yafashije, akanashishikariza abandi bantu gukora ibikorwa by'urugomo rwibasiye imyanya ndangagitsina ubwo yemeraga ko ibyo byaha bikorerwa mu gipangu cy'ibiro bya komine kandi yari ahari, akaba ndetse yari afite impamvu zo kumenya ko ibyo bikorwa by'urugomo byarimo gukorerwa aho hantu. Urugereko rwanzuye ruvuga ko, kuri izo ngingo zombi, Uregwa yorohereje ikorwa ry'ibyaha akoresheje amagambo yo gushishikaza yavuze mu gihe ibindi ibikorwa by'urugomo rwibasiye imyanya ndangagitsina byakorwaga. Rwongeyeho ko kubera umwanya we w'ubuyobozi, «ayo magambo yasobanuraga neza ko ibyo bikorwa byihanganirwaga n'ubutegetsi kuko, iyo bitaba ibyo, ibyo bikorwa bitari gukorwa»[26].

25. Nashakaga kwibutsa ubwo bukemuramanza numva bufite akamaro kugira ngo umuntu abashe gusobanukirwa ingingo zituma Uregwa aryozwa ibyaha byakozwe ubwo yari kuri Sitade Gatwaro igihe impunzi zari zihafungiye, zinahicirwa.

---

[22] Ni kimwe no haruguru, igika cya 232.
[23] Ni kimwe no haruguru, imp. 234- 235.
[24]Ni kimwe no haruguru, igika cya 249.
[25] Urubanza rwa *Blaskic*, inyandiko y'urubanza mu rw'iremezo, 3 Werurwe 2000, igika cya 286.
[26] Urubanza rwa *Akayesu*, inyandiko y'urubanza mu rw'iremezo, 2 Nzeri 1998, ibika 293- 294.

C. Ingingo zishingirwaho mu gusuzuma ibimenyetso

26. Ibibazo bijyanye n'isuzumwa ry'ubuhamya bw'abagabo mu mwuka udasanzwe uranga ibikorwa biburanwa muri uru Rukiko byagiye bisobanuka kurushaho kuva mu rubanza rw'Akayesu, kubera ko Urukiko rutagomba, byanze bikunze, kugendera ku mategeko y'igihugu runaka agenga isuzumwa ry'ibimenyetso (Ingingo ya 89 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso).

27. Ku bijyanye n'ubuhamya bw'abagabo buvuga ku bintu byabereye kuri sitade Gatwaro, nsanga mu gusuzuma ubwo buhamya bagenzi banjye barakoresheje ingingo zitagenekereje, zitarebana n'imiterere cyangwa no kwizerwa kwabwo, ahubwo zirebana n'ubwinshi bw'amakuru yatanzwe n'abatangabuhamya badakemangwa n'uburyo buboneye kandi budacishiriza bayatanzemo (reba ubuhamya bw'abagabo biswe A, AC na G mu Mutwe wa V.3 w'Urubanza). Mu by'ukuri, bagenzi banjye bahaye ubuhamya agaciro bakurikije ingingo ubundi zikoreshwa mu gihe umuntu agomba kumenya undi muntu atari azi mbere, aho gukoresha izituma umuntu yibuka uwo yari asanzwe azi. Muri uru rubanza, kubera ko nta kimenyetso cyatanzwe kigaragaza ko abatangabuhamya bari kuri sitade bagize ibibazo byo kwitiranya abantu, nsanga uburyo bwakoreshejwe na bagenzi banjye mu gusuzuma ibimenyetso, bwuzuyemo amakosa. Nsanga ubwo buryo bwarakoreshejwe nabi kandi mu bihe bitari byo, kubera ko n'ubwo ahanini ari ababuranyi bagomba kubaza abatangabuhamya mu rubanza hubahirizwa amahame yo kuvuguruzanya, Urugereko na rwo rufite uburenganzira bwo kubaza abatangabuhamya ibibazo by'inyongera, mu gihe cyose batanga ubuhamya bwabo. Rubikora rugamije gusobanuza neza ibintu bimwe na bimwe byavuzwe, nk'uko rubyemererwa n'Ingingo ya 85 B) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso[27]. Uko mbibona, bagenzi banjye ntibafashe imyanzuro ikwiriye bahereye ku buhamya bwatanzwe mu

[27] Iyo ngingo y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso iteganya ko umutangabuhamya abazwa n'umuburanyi wamuhamagaje ariko n'umucamanza ashobora kumubaza ikibazo icyo ari cyo cyose, aho urubanza rwaba rugeze hose. »

kugaragaza ko Uregwa yari kuri sitade Gatwaro hagati y'itariki ya 13 n'iya 18 Mata 1994.

28. Naho ku birebana n'ibibazo abatangabuhamya benshi bahuye na byo mu kuvuga ibintu mu buryo busobanutse neza, ndashaka kwibutsa ihame rigenga itangwa ry'ibimenyetso bishingiye ku buhamya nk'uko ryagaragajwe mu rubanza rwa Akayesu:

> « Ku bibazo abatangabuhamya bagiye bahura na byo mu kuvuga amatariki nyayo, amasaha, intera iri hagati y'ahantu n'ahandi no gusobanura ahantu hanyuranye, ni ngombwa kwemera ko ibyo bintu bituruka ku mico y'igihugu. […] Ibyo ari byo byose, Urugereko ntirwafashe imyanzuro yo kutizera abatangabuhamya kubera gusa ko bifashe no kuba barasubije mu buryo buziguye ibibazo babazwaga. »[28]

29. Ku byerekeye itandukanyirizo riri hagati y'ubuhamya bwanditse abagabo batanze mbere n'ubwo batanze mu Rukiko hejuru y'indahiro, nemera uburyo bwo kubona ibintu bwavuzwe mu rubanza rw'Akayesu:

> Mu rubanza, Urugereko rwasanze hari ibintu bimeze nk'ibivuguruzanya cyangwa nk'ibinyuranye n'ukuri hagati y'ubuhamya bwatanzwe hejuru y'indahiro mu Rukiko n'ubwanditse bahaye abo bagabo bahaye Porokireri cyangwa Ubwunganizi. Ibyo ari byo byose, ibyo ntibihagije kugira ngo umuntu yemeze ko abo bagabo batanze ubuhamya bw'ikinyoma muri uru rubanza. Koko rero, akenshi ubuhamya burakemangwa kubera ko ubutanga ashobora kwibeshya, kubera kamere yabwo no kubera ko umutangabuhamya agomba cyane cyane kutibagirwa no kwibuka ibyo yabonye. Ibi bintu byombi bikunze gutenguha ubyitabaje, akaba ariyo mpanvu ubuhamya bukunze kunengwa[…] Byongeye kandi ibyo bintu bivuguruzanya kandi binyuranyije bigaragara hagati y'ubuhamya bwanditse bwatanzwe mbere n'ubwatanzwe mu Rukiko biterwa na none n'igihe kirekire kiba kiri hagati y'ibyo bihe byombi. Kutibagirwa bisazana n'igihe. Ntibyaba rero bihwitse cyangwa bibe

[28]Urubanza rwa *Akayesu*, inyandiko y'urubanza mu rw'iremezo, 2 Nzeri 1998, igika cya 156.

> mu kuri Urugereko rwiyibagije ibi bintu byose ngo rwemeze ko ubuhamya ari icyinyoma kubera ko umugabo atashoboye kwibuka neza ibyabaye.»[29] (ntibiciyeho akarongo mu nyandiko y'umwimerere).

30. Ndemera rwose isuzuma ryakozwe muri urwo rubanza ku birebana n'ingaruka ibihe bidasanzwe ndetse n'igihe kigenda kiyongera, bigira ku buhamya:

> « Urugereko ntirushobora kwiyibagiza ko abagabo bamwe, niba atari bose, baba barahuye nyuma n'ibibazo b'ihahamuka bikomeye cyangwa by'inkenke y'ubumenyeshamyifatire zikomeye, bityo rukaba ari muri ubwo buryo rwasuzumye ubuhamya bw'abagabo, ari abashinja cyangwa abashinjura. Urugereko rero rwasuzumye ibintu bivuguruzanya cyangwa bidasobanutse neza mu buhamya bwabo rushingiye kuri izo ngingo, ku miterere yihariye y'umuntu ku giti cye no ku marorerwa yabonye cyangwa yakorewe.»[30]

31. Mu gusoza kuri iyi ngingo, mu rubanza rwa Akayesu, Urugereko rwanze gukoresha ihame rya *unus testis, nullus testis (Ubuhamya budafite ubundi bushyigikiye ntibugira agaciro)*, ruvuga ko « rushobora gushingira ku buhamya bw'umuntu umwe rukumbi iyo rusanze burufitiye akamaro kandi bwakwizerwa »[31]. Mu rubanza rwa Aleksovski, Urugereko rw'Ubujurire rwemeje iryo hame muri aya magambo: «Byongeye kandi, mu mategeko, si ngombwa ko haba hari ibindi bimenyetso bishyigikira amagambo avuzwe n'umutangabuhamya umwe rukumbi ku kintu runaka cyabaye »[32].

32. Maze kwifashisha ubwo buryo bunyuranye bwo gusuzuma ibimenyetso, ngeze ku myanzuro itandukanye n'iya bagenzi banjye ku bijyanye n'uburyo Uregwa agomba kuryozwa icyaha nka gatozi mu bintu bibiri byabaye bivugwa haruguru.

---

[29] Ni kimwe no haruguru, igika cya 140.
[30] Ni kimwe no haruguru, ibika 142-143.
[31] Ni kimwe no haruguru, ibika cya 135.
[32] Urubanza rwa *Zlatko Aleksovski*, inyandiko y'urubanza mu bujurire, TPIY, 24 Werurwe 2000, igika cya 62.

II. Ingingo z'Ubwunganizi

33. Mu rubanza, Ubwunganizi bwavuze ko ububasha n'imirimo Uregwa yari afite nka burugumesitiri byagombaga gusuzumwa neza hakurikijwe uko ibintu byari byifashe igihe ibikorwa ashinjwa byabaga. Ku ruhande rumwe, Ubwunganizi bwavuze ko, uzirikanye imico y'Uregwa, uburyo atari umuhezanguni kandi akaba yararangwaga n'ubutabera, yashyizeho uburyo bwo kurindira umutekano abantu bari mu kaga. Busobanura ko kugira ngo abigereho, Uregwa yakoresheje inama z'umutekano, aha Abatutsi indangamuntu z'impimbano ndetse yitambika imbere y'abakiga kugira ngo agerageze kubumvisha ko bagomba kureka ibikorwa by'ubwicanyi n'ubusahuzi. Ku rundi ruhande, Ubwunganizi bubona ko ububasha nyabwo bw'Uregwa muri Komine ya Mabanza bwari bwaragabanutse nyuma y'aho akajagari gatangiriye, kugeza ubwo yaje gusigara nta bubasha na mba afite bwatuma afatwa nk'uwari uri ku isonga ry'imvururu n'ibikorwa by'ubugome byabereye muri Komine ya Mabanza guhera icyo gihe. Ni yo mpamvu, Uregwa atashoboraga kuba icyitso nk'umuntu utarakoze ibyo yagombaga gukora kubera kwirengagiza kurangiza inshingano ze z'ubuyobozi kandi zikomoka ku mategeko nk'uko ziteganywa n'amategeko y'u Rwanda. Ubwunganizi buvuga ko ibikorwa Uregwa yakoreye abaturage ba Mabanza bitagaragaza ikimenyetso na kimwe cy'umugambi mubisha, uwo ari wo wose, watuma afatwa nk'icyitso cyafashije cyangwa cyashishikarije abandi bantu gukora kimwe mu byaha biteganywa na Sitati.

34. Ubwunganizi bwemeza ko byagaragaraga rwose ko nta bushobozi Uregwa yari afite bwo kuburizamo ibikorwa by'ubugome byakorwaga cyangwa guhana umubare munini w'abagabye ibitero" cyangwa abo bari bahuje uwo umugambi mubisha usibye gusa gutegeka no kugenzura abapolisi ba Komine. Cyakora, Ubwunganizi buvuga ko Uregwa yari afite ububasha bucirirtse bushingiye ku mategeko kuri abo bapolisi, ndetse mu bihe bimwe na bimwe yashoboraga kubagenzura koko kubera ububasha budashingiye ku mategeko yari abafiteho. Ubwunganizi buvuga ko, n'ubwo yari ahanganye n'iyo migambi y'ubwicanyi, ibyo byose bigaragaza ko Uregwa yari afite umuhate nyawo ndetse n'ubushake budatezuka bwo gukomeza kurengera abaturage be.

35. Ubwunganizi bwakomeje gushimangira « imico myiza y'Uregwa » kugira ngo by'umwihariko bugaragaze ko atari yaritswemo n'umugambi wo gukora icyaha cya jenoside. Cyakora, ni ngombwa kwibutsa ko, ibi bijyanye n' « imico myiza » byavuzwe hifashishijwe imiryango y'amategeko akomoka ku y'Abongereza, bigira ingaruka gusa ku itangwa ry'ibimenyetso bisabwa mu kugaragaza umugambi mubisha iyo Uregwa aryozwa icyaha nka gatozi cyangwa nk'umufatanyacyaha ariko ntibyakwifashishwa mu buryo busa n'ubwo, iyo Uregwa aryozwa icyaha nk'icyitso kubera ko bidahuje ingingo zigize igitekerezo cyo gukora icyaha.

36. Ni ngombwa kuzirikana ko Ubwunganizi budahakana ko, mu bubasha bwe nk'umuyobozi wa gisiviri muri Komine ya Mabanza, Uregwa yari afite inshingano ahabwa n'amategeko, ko yari afite ububasha bwo gusaba abaturage bose ba Komine ye kubahiriza amategeko, kandi ko yagombaga, mu buryo bushoboka, kuburizamo ibyaha byakorerwaga muri iyo Komine cyangwa guhana ababikoraga. Benshi mu batangabuhamya bashinja ndetse n'abashinjura bafata Uregwa nk'umuntu wari uzwi neza na rubanda kuko yari amaze imyaka cumi n'ine ku buyobozi bwa Komine, kandi mu mirimo ye, yubahagwa rwose n'abaturage bose. Byongeye kandi, kubera imirimo yakomoraga ku mategeko, nka Burugumesitiri, Uregwa yari anashinzwe kurengera abaturage bose ba Komine ya Mabanza.

37. Ndongeraho ko ibihano birebana n'imyitwarire biteganywa mu gihe abakozi ba Komine bateshutse ku nshingano zabo, bisobanuwe mu mutwe wa VIII w'Iteka rya Perezida rishyiraho sitati y'abakozi ba komine ryo ku itariki ya 25 Ugushyingo 1975[33]. Iryo Teka ryakwifashishwa mu gusuzuma imikoranire y'Uregwa na Célestin Semanza, wari umufasha we, nk'uko yagaragajwe n'Urugereko, ku bwiganze bw'amajwi, mu mutwe wa IV w'Inyandiko y'urubanza.

[33] Ikimenyetso gihamya N° 97 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

Ingingo ya 38 y'iryo teka igira iti « abakozi bagaragaweho impamvu zikomeye zigaragaza ko bashobora kuba barakoze ikosa rishobora guhanishwa iyicazwa kubera imyitwarire mibi mu kazi cyangwa guhanishwa kwirukanwa, bashobora, hakurikijwe icyemezo cya burugumesitiri, guhagarikwa ku mirimo yabo kugeza iperereza rirangiye. Icyo cyemezo kibuza umukozi gukora umurimo uwo ari wo wose, mu gihe kitarengeje amezi atatu ». Mu mutwe waryo wa VI ujyanye n'isuzumabushobozi ku bakozi ba komine rikorwa na burugumesitiri, iryo teka riteganya ko "umukozi wese wabonye inshuro ebyiri zikurikiranye amanota « agayitse » yirukanwa ku kazi nta nteguza » (Ingingo ya 24 y'iteka). Semanza wari umufasha wa burugumesitiri ntiyigeze ahabwa ayo manota nyamara muri uru Rugereko, Uregwa yivugiye ko Semanza yasuzuguraga abamukuriye mu kazi kandi ko imyitwarire ye yari yuzuyemo uburiganya. Ndahamya ko Uregwa yari afite ibyangombwa nkenerwa biteganywa n'amategeko byatumaga ashobora gufatira Semanza ibihano kubera imyitwarire ye ariko yirenganije nkana kubikoresha (reba umutwe wa II, icyiciro cya 6 cy'urubanza). Ndemeza ko Uregwa yerekanye, ku bushake, ko imibanire yo mu rwego rw'akazi na Semanza itari ishimishije agira ngo yitandukanye n'ibikorwa bye kandi yerekana ko atari ashyigikiwe bihagije mu mirimo ye.

38. Ku byerekeye ibikorwa byo kuri bariyeri yo kuri Trafiporo, ashingiye ku bubasha bwe bwo kubungabunga amahoro n'umutekano muri Komine, Uregwa yari afite inshingano zo kugira icyo akora ngo agenzure ibyakorerwaga kuri iyo bariyeri kandi nk'umuyobozi mu by'ubutegetsi, yari afite inshingano n'ububasha byo kugenzura abasiviri bari bashinzwe iyo bariyeri yashoboraga gukorerwaho ibintu bikomeye byashoboraga gushyira abantu mu kaga uzirikanye ibihe byihariye u Rwanda rwarimo muri icyo gihe.

39. Ku bijyanye n'inama yo ku itariki ya 25 Mata 1994 yabaye nyuma y'ubwicanyi bwabereye muri Komine ya Gitesi, by'umwihariko kuri Sitade Gatwaro ndetse no kuri *Home Saint-Jean*, nabajije mu buryo bwumvikana Uregwa niba yaba yaratse abamukuriye ibisobanuro ku bijyanye no kubungabunga cyangwa ahubwo ku kutabungabunga amahoro n'umutekano ku Kibuye. Urebye uko ibintu byari byifashe,

nanabajije Uregwa niba atarigeze atekereza kwegura, kwivumbura cyangwa se wenda kugeza ku bari bakuriye Perefe ikibazo cy'imyifatire y'abajandarume bari bagize uruhare mu bwicanyi kuri Sitade. Uregwa yagize ati:

> "Ndemeranya na mwe ariko natekereje ko byari mu nshingano z'inzego zo hejuru gufata iya mbere mu gukurikirana ibyabereye muri Perefegitura ya Kibuye. Si bwo bwa mbere hari habereye amarorerwa nk'ayo ariko ntibyabaga bikabije nk'ibyo. Buri gihe habagaho amaperereza, bakajya aho ibintu byabereye kugira ngo hakorwe amaperereza arambuye ku byabaye koko."[34]

40. Cyakora, Uregwa ntiyabashije kugaragaza icyemezo runaka abo bayobozi baba barafashe kuri icyo kibazo.

41. Ku bijyanye n'umutekano muri Komine, ndibutsa ko Uregwa yakomeje kugaruka ku bitero byagabwaga n'abakiga muri Komine kugira ngo ashyigikire ibyo avuga ko yari yararembejwe n'ibitero byagabwaga n'igihiriri cy'abateraga batagiraga kigenzura kandi ko nawe ubwe, by'umwihariko, yari yugarijwe. Nyamara, nta na hamwe mu nyandiko z'akazi Uregwa yagiye yandikirana n'ubuyobozi bwa Perefegitura cyangwa se muri ajenda ye[35] ku byerekerye amatariki ibyo bitero byabereyeho, wasanga handitse ibijyanye n'abo « bitaga » Abakiga n'ubwo igisobanuro cy'iryo jambo kitigeze gitangwa. Ahubwo ndibutsa ko usanga muri iyo ajenda harimo ijambo Interahamwe, n'ubwo Uregwa atigeze yemera ko hari Interahamwe zigeze ziba i Mabanza, ubwo yagiraga ati: "Ndababwira ko i Mabanza nta mutwe w'Interahamwe wari uhari…nta mutwe witwaraga gisirikare w'Interahamwe wari uhari"[36]. Ni kimwe no mu ibaruwa yandikiwe Perefe ku itariki ya 25 Kamena 1994, aho avuga ko yari yugarijwe n'ibitero byavaga Rutsiro na Kayove ariko ntagaragaze ko byari bigizwe n'Abakiga[37].

---

[34] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 67.
[35] Ikimenyetso gihamya N° 85 cyatanzwe na Porokireri.
[36] Inyandikomvugo yiburanisha, 9 Kamena 2000, urup. 101.
[37] Ikimenyetso gihamya N° 84 cyatanzwe na Porokireri.

Ku bijyanye n'ububasha nyabwo yari afite ku Bakiga, ndemeza ko ari ngombwa na none kwibutsa ko n'ubwo atabigaragaje neza, Uregwa yashoboye kuburizamo ibitero Abakiga bashakaga kugaba ku kigo cy'abihaye Imana inshuro nyinshi kuva ku itariki ya16 kugera ku ya 18 Mata 1994, ndetse ibyo bikaba byarashimangiwe n'umutangabuhamya ushinjura wiswe RA. Uyu mutanga-buhamya avuga ko ubwo abagabaga ibitero bazaga ku itariki ya 16 Mata 1994, umupolisi wa Komine yahagobotse, akarasa mu kirere maze akabatatanya. RA avuga ko, mu gitondo cya kare ku itariki ya 17 Mata 1994, yajyanye n'abandi kureba Uregwa mu rugo iwe kugira ngo abagire inama y'uburyo abihayimana benshi bo muri icyo kigo b'Abatutsi barindirwa umutekano, ari nabwo baje gufata icyemezo cyo kuva i Mabanza.

42. Ku birebana n'uko Uregwa yari azi ingaruka mbi zashoboraga guturuka ku byakorerwaga kuri bariyeri muri icyo gihe, ni ngombwa gushimangira ko uwo mutangabuhamya yemeza ko Uregwa yabagiriye inama yo kutohereza bagenzi babo ku Kibuye bitewe n'akaga bari guhura nako mu muhanda, maze abaha icyumba cyo kwihishamo mu nzu ya IGA. Yemeza ko ku itariki ya 18 Mata 1994, Uregwa n'abandi bantu babonanye n'abari mu bitero kandi ko babasabye guhagarika ibitero bagabaga. Umutangabuhamya avuga ko we atari muri iyo nama, ariko ko nyuma yabwiwe ko abari mu bitero bemeye kubihagarika, bakaba batarigeze bagaruka gutera ikigo cyabo. Ndagereranya nivuye inyuma ubwo buhamya n'ubw'Uregwa buvuga ko ikibazo cyo kurinda umutekano w'impunzi zari ku biro bya Komine cyari cyamurenze kandi ko na we ubwe yumvaga ashobora kugirirwa nabi n'abagabaga ibitero yari yiyemeje guhangana nabo, ndetse bari benshi kurushaho ku itariki ya 18 Mata 1994. RA yongeraho ko Uregwa yashyizeho umurezerevisite n'umupolisi wa komine kugira ngo bagenzure abagabaga ibitero bari i Kibirizi: umwe yari uwo kurinda Urwunge rw'amashuri rw'i Rubengera naho undi akarinda aho RA yari ari[38].

[38] Inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Gicurasi 2000, imp. 72- 73.

43. Nsanga ubwo buhamya bwerekana ko Uregwa yashoboraga gukoresha ububasha yari afite bwo kubungabunga amahoro n'umutekano no kubuza rwose Abakiga gukora amarorerwa. Cyakora we inshuro nyinshi yahisemo kujya atoranya abo akiza kandi yaragombaga kurinda abantu byose nk'uko byari mu nshingano ze zakomokaga ku mirimo ye.

III. Imyanzuro yo mu rwego rw'amategeko n'urw'ibyabaye ku bivugwa mu gika cya 4.14 cy'Inyandiko y'ibirego

A. Bariyeri yo kuri Trafipro: ishyirwaho ryayo, abari bayishinzwe n'ibyo yari igamije

44. Ku byerekeranye n'ishyirwaho n'imikorere ya bariyeri yo kuri Trafipro, nsanga Uregwa yarateshutse ku nshingano ye yo kugira icyo akora, bityo akaba yarabaye icyitso mu byaha byakozwe mu rwego rw'ibikorwa byabereye kuri iyo bariyeri.

1. Uburyo iyo bariyeri yashyizweho

45. Uregwa avuga ko, mbere y'amabwiriza yanditse yo ku itariki ya 3 Kamena 1994, yabanje gutanga amabwiriza, mu magambo, yerekeranye no gushyiraho za bariyeri ku mihanda mu rwego rw'icyo yise « iyubura ry'intambara », kugira ngo hakumirwe ugucengera kw'ingabo za FPR. Asobanura ko ayo mabwiriza ashobora kuba yaratanzwe mu mpera za Mata cyangwa mu ntangiriro ya Gicurasi inama ya komine imaze guterana, mu rwego rwo kubahirizwa amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe yo ku itariki ya 27 Mata 1994[39]. Uregwa yongeraho ati « Nashyize mu bikorwa amabwiriza nari nahawe na Minisitiri w'Intebe ayanyujije kuri Perefe »[40]. Abisobanura neza muri aya magambo:

> «Navuganye n'abagize inama ya komine. Twabigiyeho impaka mu nama ya komine. Dushyiraho ibigomba kugenderwaho mu guhitamo abazashingwa

[39] Ikimenyetso gihamya N° 77 A cyatanzwe na Porokireri.
[40] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, urup. 45.

> [bariyeri] maze, ngeza ayo mabwiriza ku bajyanama bose. Muri iyo nama, ni ho twatumije abantu bagombaga gushyiraho iyo bariyeri, tunababwira icyo bazakora.»[41]

46. Nyamara muri ubwo buhamya yatanze mu Rukiko, Uregwa anavuga ko ayo mabwiriza yatanzwe nyuma y'itariki ya 13 Mata « mu gice cya kabiri cya Mata »[42]. Mu buhamya bwe, nsanga Uregwa atagaragaza neza itariki nyayo iyo bariyeri yashyiriweho n'ubwo habajijwe ibibazo byinshi kuri iyo ngingo.

47. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko, ku mugoroba wo ku itariki ya 13 Mata, yagiye kwa Burugumesitiri ari kumwe na Rushimba kugira ngo bahabwe amabwiriza arebana n'ishyirwaho ry'iyo bariyeri bukeye bw'aho mu gitondo. N'ubwo adatanga ibisobanuro nyabyo bigaragaza itariki iyo bariyeri yashyiriweho, umutangabuhamya wiswe Y avuga ko iyo bariyeri yashyizweho muri Mata kandi ko we atari mu bantu ba mbere bayikozeho.

48. Asobanura impamvu aho hantu hashyizwe bariyeri, Uregwa yashubije muri aya magambo « iyo bariyeri yari hafi y'ibiro bya Komine kugira ngo, nibiba ngombwa, hitabazwe abapolisi bari kuri ibyo biro. Bariyeri navugaga ni iyo yashyizweho n'ubutegetsi, ni yo mpamvu twayishyize aho ngaho, hari ahantu h'ingenzi»[43]. Ni ngombwa rero gushimangira ko ahantu iyo bariyeri yo kuri Trafipro yashyizwe, hatoranyijwe n'Uregwa bitewe n'uko kuhagoboka byari byoroshye, hifashishijwe, nk'urugero, abapolisi ba komine, kubera ko bari ku biro bya komine.

---

[41] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, urup.46.
[42] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, urup.85.
[43] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, urup. 59.

2. Amabwiriza

49. Uregwa yabajijwe inshuro nyinshi ku bijyanye n'imiterere n'ingano y'amabwiriza yaba yaratanze mbere y'uko hatangwa icyangombwa n'icyemezo ku itariki ya 3 Kamena 1994, hagamijwe gushaka ingamba zafatwa mu micungire ya za bariyeri no kwirinda kugirira nabi cyangwa kwica abahisi n'abagenzi. Ndibuka ko Uregwa yashubije ibibazo yabajijwe n'Urugereko ashingiye ku mabwiriza akubiye mu rwandiko rwa Minisitiri w'Intebe rwo ku itariki ya 27 Mata 1994, akaba yararugejejweho na Perefe ku itariki ya 30 Mata 1994[44]. Muri urwo rwandiko, Perefe yanavugaga ku nama y'umutekano yabaye ku itariki ya 25 Mata 1994 ku Kibuye kandi n'Uregwa yarayitabiriye. Aha rero ni ngombwa gushimangira ko, muri urwo rwandiko rwa Minisitiri w'Intebe, nta mabwiriza yihariye arimo ajyanye n'imyifatire yo kuri bariyeri, uretse ahavugwa ko bariyeri «zemewe n'ubutegetsi » zashoboraga gushyirwaho « kugira ngo umwanzi atabona icyuho ameneramo», ko aho byari kuba ngombwa abategetsi bashoboraga kwifashisha by'umwihariko Ingabo z'Igihugu, kandi ko kuri izo bariyeri, « abaturage bagombaga kwirinda guhohotera abantu b'inzirakarengane»[45].

50. Mu rwandiko rwa kabiri rwa Perefe rwo ku itariki ya 30 Mata 1994, mu bo yandikiye n'Uregwa akaba arimo, Perefe avuga neza ko imitunganyirize n'igenzura bya za bariyeri byagombaga gukorwa n'abasiviri bari gutozwa n'abarezerevisiti batoranyijwe na burugumesitiri, kandi ko abo bantu bamaze guhitwamo, hagombaga gukorwa inama zo kubimenyesha abaturage[46]. Nyamara, Uregwa ntiyigeze avuga kuri ayo mabwiriza arebana n'ihugurwa ry'abantu bagombaga gukora kuri bariyeri hagamijwe gutunganya imirimo yabo, ntiyavuze n'ingamba zafashwe zo kubimenyesha abaturage hagamijwe umutekano wabo. Abajijwe kuri iyi ngingo, Uregwa yavuze ko nta murezerevisiti wakoreshejwe muri gahunda yo kwirindira umutekano i Mabanza[47].

---

[44] Ikimenyetso gihamya N° 77 B cyatanzwe na Porokireri.
[45] Ikimenyetso gihamya N° 77 A cyatanzwe na Porokireri.
[46] Ikimenyetso gihamya N° 77 A cyatanzwe na Porokireri.
[47] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, urup.110.

Yasubije gutyo mu gihe gushyiraho za bariyeri bitari mu mirimo yarebanaga gusa n'ibijyanye n'ubuyobozi cyane cyane hakurikijwe uko ibintu byari byifashe muri icyo gihe, aho icyari kigamijwe n'ubutegetsi kwari ugukumira icengera ry'ingabo za FPR-Inkotanyi zafatwaga nk'umwanzi, kenshi witiranywaga n'Abatutsi muri rusange.

51. Ndibutsa ko, kubera imirimo yari ashinzwe yo kubungabunga ituze n'umutekano muri komine, Uregwa yagombaga mbere na mbere kwita ku mikorere ya bariyeri yo kuri Trafipro, mbere na nyuma y'uko yemerwa n'ubutegetsi. Bariyeri yo kuri Trafipro ikimara kujyaho, Uregwa yahise yishingira ingaruka z'icyo gitekerezo cyo kuyishyiraho n'iz'amabwiriza ajyanye nayo, yaba ayo yatanze cyangwa atatanze ku birebana no guhuza imbaraga, guhera muri Mata. Mu kugaragaza ingamba zifatika yaba yarafashe muri icyo gihe, Uregwa ashingira ku mabwiriza adasobanutse neza yagejejweho na Perefe nyuma yaho. Nsanga rero iyo myiregurire ye ntacyo imumariye kandi itanahagije.

52. Nsanga ubuhamya bw'abagabo bwaragaragaje ko hari ubwicanyi bwakorewe kuri bariyeri eshatu muri Komine ya Mabanza (bariyeri yari kuri Trafipro, ku Gitikinini n'i Gacaca) cyangwa ko hari ubwicanyi bwari bufite isano n'ibyakorerwaga kuri izo bariyeri. Kubera iyo mpamvu, n'ubwo bariyeri yo kuri Trafipro yashinzwe ku mpamvu z'umutekano kandi ubusanzwe zumvikana, kubera uburangare nkana bw'Uregwa kandi azi ingaruka mbi zashoboraga kuhavuka, imikorere yayo yahariwe abantu yatoranyije cyangwa atatoranyije bishoye mu migambi mibisha myinshi igamije kwibasira abasiviri b'Abatutsi.

53. Ni ngombwa na none gusobanura ko ku itariki ya 3 Kamena 1994 igihe hasohokaga ziriya nyandiko zashyiragaho ku mugaragaro abashinzwe bariyeri ndetse zikanashyiraho akanama k'igenzura ryayo, muri rusange ibitero bigizwe n'abantu benshi byibasiraga Abatutsi byari byararangiye, ndetse n'amakuba abasiviri b'Abatutsi bashoboraga guhura nayo yasaga, mu by'ukuri, nk'aho atakiriho kubera ko Abatutsi hafi ya bose bari barishwe cyangwa abatari barahunze barihishe.

54. Byongeye kandi, ni ngombwa kuvuga ko, ku bijyanye na za bariyeri « zitemewe n'ubutegetsi » zariho muri Komine nk'uko abagabo benshi bagiye babivuga (abatangabuhamya biswe AA, AB, B, RA, Z na ZD), Uregwa yerekanye gusa urwandiko rwo ku itariki ya 12 Nyakanga 1994 yasabagamo abantu babiri « gukuraho » bariyeri bari « bishyiriyeho »[48]. Uregwa akavuga ko ngo icyo ari ikimenyetso cy'ingamba yafatiye abari bashyizeho izo bariyeri, barenze ku mategeko ye. Ndashimangira ko urwo rwandiko rwanditswe hasigaye hafi iminsi ibiri gusa ngo Uregwa ahunge. Iyo aba yarashatse koko guhagurukira ikurwaho rya za bariyeri zitari zemewe n'ubutegetsi, kubera ko yari ashinzwe amahoro n'umutekano muri komine, Uregwa yari guhitamo ubundi buryo burangwa n'ibikorwa bifatika kandi bubangutse aho kwandikira abantu banyuranyaga nkana n'amategeko agenga umutekano muri komine, kandi aziye n'umwirondoro.

3. Abantu bari bashinzwe kurinda bariyeri

55. Ku byerekeranye n'abantu bari bashinzwe kurinda bariyeri yo kuri Trafipro, yifashishije urwandiko rwo ku itariki ya 3 Kamena 1994, Uregwa avuga ko icyo cyemezo cyarebaga abantu bari barakoze kuri iyo bariyeri kuva yashyirwaho. Abisobanura muri aya magambo :

> «Igihe cyose iyo bariyeri yo kuri Trafipro yarinzwe n'abo bantu. Icyo twakoze ni ukubaha icyemezo cyemeza ko bayishinzwe kuko abahacaga babazaga bati: "Muri ba nde? Murambaza ibyangombwa nka ba nde?" Ubwo ni bwo byabaye ngombwa kumugenera inyemezabubasha […] ajye abasha kwerekana icyangombwa cyemewe, ariko ni abo bantu babaga kuri iyo bariyeri. Navuze ibyakorwaga mbere. Nababwiye igihe twashyiriyeho izo bariyeri, ikindi na none, ni uko twumvaga ibyaberaga mu yandi makomine. Ni yo mpamvu nababuriraga ngo badakora amakosa nk'ayakorwaga. »[49]

---

[48] Ikimenyetso gihamya N° 18 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[49] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 43- 44.

56. Kubera ko icyo cyemezo cyatanzwe muri Kamena, ni ukuvuga hashize amezi abiri iyo bariyeri yo kuri Trafipro igiyeho, ubwa cyo ntigishobora kugaragaza abantu bose bakoze kuri iyo bariyeri cyangwa bayiyoboye kuva yashyirwaho. Ntikinashobora kugaragaza niba batarigeze basimburwa. Ayo magambo y'Uregwa avuguruzwa n'ubuhamya bwinshi harimo n'ubwatanzwe na Z na Y.

57. Bagenzi banjye bafashe umwanzuro uvuga ko ntawe utemera ko umutangabuhamya wiswe Y yari ahari guhera muri Mata kugeza hafi y'itariki ya 3 Kamena (igika cya 914 cy'Inyandiko y'urubanza). Byongeye kandi, bashingiye ku buhamya bwatanzwe mu Rukiko n'abagabo biswe O, AA, Z na Y, bushyigikirwa n'ubuhamya bwanditse batanze mbere, abo Bacamanza bongeyeho ko ibyo « bisa nk'ibisobanura » (*to suggest* mu cyongereza mu Nyandiko y'Urubanza, [igika cya 921 cy'Inyandiko y'urubanza]) ko Rushimba n'umutangabuhamya wiswe Z bahoraga buri gihe kuri bariyeri yo kuri Trafipro. Abo Bacamanza bongeraho ko, n'iyo amatariki nyayo agaragaza iminsi umutangabuhamya wiswe Z na Rushimba bari kuri bariyeri yo kuri Trafipro atamenyekana neza, abo bantu babaga bahari igihe kinini. Bagenzi banjye bazirikanye rero intera ngufi cyane yari hagati y'ibiro bya Komine na bariyeri mu gusuzuma niba Uregwa yari azi imikorere ya Rushimba n'iy'umutangabuhamya wiswe Z (igika cya 925 cy'Inyandiko y'urubanza). Kubera iyo mpamvu, bagenzi banjye banzura bavuga ko badashobora kwemera ibivugwa n'Uregwa ku birebana n'uko icyemezo cyatanzwe ku itariki ya 3 Kamena 1994 gishobora kugaragaza imiterere yose y'abantu bari bashinzwe bariyeri kandi bayihoragaho buri gihe (igika cya 927 cy'Inyandiko y'urubanza). Cyakora, nsanga nta mwanzuro wundi bafashe uretse uvuga ko badashobora kwemera ko Uregwa yakwitwaza ko, uretse bariya batanu batoranyijwe, atari azi niba hari abandi bantu bahoraga kuri bariyeri yo kuri Trafipro (igika cya 925 cy'Inyandiko y'urubanza).

58. Mu buhamya bwe, Uregwa avuga ko abantu bari barashyizwe kuri bariyeri bari bizewe n'inama ya Komine kuko ari yo yari yarabatoranyije kandi ko komisiyo yashyizweho ku itariki ya 3 Kamena 1994 yagenzuraga niba abo bantu barakoraga akazi kabo uko

bikwiye bakanareba niba nta n'umuntu uharenganira[50]. Kubera ko ibaruwa yandikiwe abagize komisiyo y'igenzura yavugaga ko nta muntu wagombaga kuba kuri bariyeri adafite iki cyemezo, ibi byatuma umuntu atekereza ko ibyo byashobokaga cyangwa byari byarabayeho mbere. Ibi bishimangira ubuhamya bwatanzwe n'abagabo biswe Y na Z batigeze bavuga kuri ibyo byemezo. Uregwa agira ati:

> «Mu nshingano natangaga, iyo gushakisha Abatutsi ntayari irimo; amabwiriza natanze arasobanutse. Gusa mu bantu nakoranaga na bo, mu by'ukuri hari abatandukiraga, tukageregeza kubagarura ku murongo.[…] Ndakeka ko bidatangaje niba hari umwe muri iryo tsinda waba warakoraga amakosa, ariko nibyumvikane ko yashoboraga guhanwa. Ni yo mpamvu nari nashyizeho akanama k'igenzura kugira ngo kageregeze kuyobora abo bantu.»[51]

59. Uregwa avuga ko abantu batoranyijwe bari indakemwa mu mico, akaba yarabizeraga[52]. Naho ku birebana n'ibyo bari barize cyangwa ibyo bashoboraga kuba barakoze mbere, Uregwa yasubije muri aya magambo: « Oya, bari abaturage b'intangarugero »[53]. Uregwa avuga ko yahaga agaciro inama z'abakonseye, yongeraho ko bariya bantu bagombaga kuba « barize amashuri abanza cyangwa ayisumbuye (*amajwi ntiyumvikanye*) n'andi »[54]. Uregwa yemeye ko yabagiriye icyizere, akanatoranya abantu bo muri ako gace b'indakemwa mu myifatire kugira ngo bakore uwo murimo[55].

60. Yashimangiye ko atigeze yemerera Rushimba cyangwa umutangabuhamya wiswe Z kujya gukora kuri bariyeri yo kuri Trafipro n'ubwo byagaragajwe ko bayihoragaho. Kuba hari abantu batari babishinzwe bagaragaye kuri bariyeri muri icyo gihe, byerekana ko Uregwa atagenzuraga bihagije abari bayishinzwe kugeza byibuze ku itariki ya 3 Kamena 1994, n'ubwo bwose iyo bariyeri yari hafi y'ibiro bye n'urugo rwe. Ku bivugwa

---

[50] Ikimenyetso gihamya N° 94 cyatanzwe na Porokireri.
[51] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000,imp. 54-55.
[52] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 254.
[53] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, urup. 177.
[54] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, urup. 33.
[55] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urup. 265.

n'umutangabuhamya wiswe Z ko yari yarahawe amabwiriza yo kurinda bariyeri yo kuri Trafipro, Uregwa avuga ko mu gitabo cyandikwagamo manda z'inkiko n'inyandiko zihamagaza abitaba inkiko[56], izina ry'uwiswe Z ryari ryanditsemo kubera ko yashakishijwe ku itariki ya 17 Kamena 1994[57]. Ndasanga Uregwa adatanga igisobanuro ku bijyanye n'impamvu y'ifatwa ry'uyu mutangabuhamya wiswe Z, kandi ibyo amuvugaho nta gisobanura kirimo kirebana n'urwego cyangwa imirimo yaba yari ashinzwe.

61. Icyemezo Uregwa yahaye umutangabuhamya wiswe Y n'abandi bantu bane ku itariki ya 3 Kamena 1994 gikubiyemo ingamba zikurikira: « Mu rwego rw'igenzura, musabwe kudahohotera abahisi n'abagenzi, nk'uko bamwe babikoze»[58] (ntibiciyeho akarongo mu nyandiko y'umwimerere). Ku bijyanye n'ibyo, Uregwa agira ati: « Ni yo mpamvu hagiyeho akanama kari kagizwe n'abantu batanu bashinzwe kugenzura niba abahisi n'abagenzi badahohoterwa bakaneraba ko umwanzi adashobora gucengera, anyuze aho hantu »[59].

62. Nkurikije uko ibintu byari byifashe cyane cyane muri Mata 1994, na mbere y'uko bariyeri yo kuri Trafipro « ishyirwaho ku mugaragaro », nsanga Uregwa yaragombaga kureba ko hafashwe ingamba zose, nk'izo yafashe ku mugaragaro muri Kamena 1994 agira ngo iyo bariyeri ikore mu buryo bukurikije amategeko kandi buhwitse. By'umwihariko, Uregwa yari afite inshingano yo kumenya niba harafashwe ingamba zihagije zo gukumira, ku buryo bushoboka bwose, ihohoterwa ry'abaturage. Birashoboka kandi ko hari za bariyeri zindi uretse iriya yo kuri Trafipro « zitashyizweho n'ubutegetsi », zishobora kuba zarihanganiwe muri Mata. N'ubwo bariya bantu bashyizwe kuri iriya bariyeri Uregwa abyumvikanyeho n'inama ya komine, ububasha yari abafiteho bwatuma aryozwa imikorere yabo kubera inshingano yari afite zo kubungabunga amahoro n'umutekano mu mitunganyirize no mu mikorere y'iyo bariyeri.

---

[56]Ikimenyetso gihamya N° 100 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[57] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, urup. 169.
[58] Ikimenyetso Gihamya N° 62 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[59] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, urup. 40.

63. Ubwo nibutsaga Uregwa ko umutangabuhamya wiswe Y yasobanuye mu magambo arambuye uruhare rukomeye Rushimba yagize mu iyicwa rya Judith kandi ko bigaragara ko yari umukuru w'iyo bariyeri yo kuri Trafipro, Uregwa yarashubije ati « Hano mfite amazina y'abantu batanu kandi nibo nasabye kwitoramo umuyobozi. Nta zina rya Rushimba mbonamo kuko, muri icyo gihe, muribuka ko hari abantu bagiye bibuka ibyo kuri bariyeri nk'umutangabuhamya wiswe Z twavuze kandi utari kuri uru rutonde»[60]. Abajijwe niba Rushimba yari yemerewe gukora nk'umuyobozi, Uregwa yasubije muri aya magambo: «Niba Kubwimana ari we bita "Rushimba", birashoboka? Naho ubundi…, naho ubundi… ayo mazina sinari nyazi neza. [...] Fidèle ni we wakoze, ariko aha handitse Fidèle Kubwimana. Sinzi niba ari uwo»[61]. Mu gusoza kuri iyi ngingo, niba Rushimba ari izina ry'irihimbano rya Kubwimana cyangwa se uwo bise Kyakubwira, ubuhamya bwagiye butangwa buhuriza k'ukuvuga ko, mu by'ukuri, Rushimba ari we wari ufite ijambo cyangwa wayoboye abantu barindaga bariyeri yo kuri Trafipro kuva yashyirwaho muri Mata 1994. Kubera iyo mpamvu, kuba iyo bariyeri yari hafi y'ibiro bya Komine no kuba ari we watumye ishyirwaho nka burugumesitiri, Uregwa ntiyashoboraga kuyoberwa ko Rushimba n'umutangabuhamya wiswe Z bayikoragaho ndetse n'icyo bari bashinzwe. Yateshutse rero ku nshingano ye yo kugenzura, uko bikwiye, iriya bariyeri yashoboraga rwose kuberaho amakuba**.**

64. Kubera izo mpamvu, bitewe n'uko yemereye abo bantu kurinda cyangwa kuyobora bariyeri igihe cyose yamaze, ndasanga Uregwa yarabaye icyitso mu ifatwa no mu iyicwa ry'Abatutsi babiri bageze cyangwa bazanywe kuri iyo bariyeri igihe yakoraga.

B. Icyari kigamijwe mu ishyirwaho rya bariyeri yo kuri Trafipro

65. Bagenzi banjye basanze urwandiko rwa Perefe rwo ku itariki ya 30 Mata 1994 n'icyemezo cyo ku itariki ya 3 Kamena 1994 bitagaragaza ko iyo bariyeri yaba

[60] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, urup.39.
[61] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 48- 49.

yarashyizweho ku mpamvu z'ubugizi bwa nabi, ko ahubwo icyo cyemezo cyihanangirizaga abashoboraga guhohotera abahisi n'abagenzi (igika cya 935 cy'Inyandiko y'urubanza). Nyamara byaragaragaye ko ayo mabwiriza yatanzwe mu mpera za Mata « yemeraga ku mugaragaro » bariyeri yari yarashyizweho ku mabwiriza yatanzwe mu magambo n'Uregwa, utarashoboye kuyasobanura mu buryo burambuye ubwo Urugereko rwayamubazagaho ibibazo. Byongeye kandi, amabaruwa yanditswe muri Kamena 1994 ntashobora gutangwaho gihamya y'umurava Uregwa yagombaga kugira mbere y'uko kwezi kuko ayo mabaruwa areba igice kimwe cy'igihe bariyeri yakoze. Byongeye kandi, nk'uko bagenzi banjye babyemeye, ibikorwa nyabyo byabereye kuri iyo bariyeri ni ingingo igaragaza mu by'ukuri icyari kigamijwe mu kuyishyiraho ariko ibyo ntibigaragara mu bimenyetso byanditse byavuzwe hejuru (igika cya 938 cy'Inyandiko y'urubanza).

66. Abazwa ku ijambo *enemy* [umwanzi] rigaragara mu gice ka cya kabiri cy'inyandiko iri mu cyongereza y'icyo cyemezo cyo ku itariki ya 3 Kamena 1994[62], Uregwa yashubije ko « *Enemy* », bishaka kuvuga « Umwanzi (phon.) », byashakaga kuvuga "umuyoboke wa FPR »[63]. Ku kibazo cyo kumenya ubwoko bw'abantu bashoboraga guca kuri bariyeri yo kuri Trafipro nta nkomyi, Uregwa avuga ko ari « abagenzi bari mu modoka […] bo mu bwoko ubwo ari bwo bwose.» Uregwa yongeraho ati « hari Abatutsi baciye kuri iyo bariyeri? Jye nshobora kubaha urugero, urugero rw'imodoka nzi zari zishoreranye, ziyobowe n'umudepite Musafiri (phon.)- umugore we ni Umututsikazi. Yari kumwe n'undi mugore w'Umututsikazi. […] zari zishoreranye ari eshanu cyangwa esheshatu, zuzuye Abatutsi kandi baciye kuri iyo bariyeri, bagera ku Kibuye. Ndibuka ko nabonanye nabo bantu, hanyuma bagana iya Zayire banyuze mu kiyaga cya Kivu»[64]. Cyakora, ndasanga ibyo bidashyigikirwa n'abatangabuhamya biswe Y na Z bahoraga kuri bariyeri yo kuri Trafipro.

---

[62] Ikimenyetso gihamya N° 94 cyatanzwe na Porokireri.
[63] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 47- 49.
[64] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 35-36.

67. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko, ubwo yahabwaga akazi, yagiye mu rugo kwa Burugumesitiri gusobanuza imiterere y'ibyo azakora, urwo rugo rukaba rwari rurinzwe n'umupolisi. Uregwa yaba yamurangiye by'umwihariko uwitwa Rushimba ngo azashyireho bariyeri bukeye bw'aho mu gitondo kare, « kuko abanzi barimo kuducika »[65]. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko Burugumesitiri yakoresheje ijambo Inyenzi, nk'uko umutangabuhamya abivuga, muri icyo gihe ryasobanuraga Umututsi, umuyoboke cyangwa umuntu ushyigikiye FPR. Amabwiriza yatanzwe na Burugumesitiri yavugaga ko bagombaga kugenzura ibyangombwa by'umuntu uwo ari we wese, bakagenzura n'imodoka, bagamije gutahura umwanzi. Iyo Burugumesitiri yahanyuraga, yaraba-suhuzaga, akababaza uko akazi kameze, akanabifuriza akazi keza[66]. Uyu mutanga-buhamya asobanura ko, ku munsi, hanyuraga abantu bagera ku gihumbi ariko ku birebana n'ubwoko bw'abo bantu, avuga ko « icyo gihe, bari Abahutu kuko Abatutsi batashoboraga guca kuri bariyeri, barihishaga»[67]. Uretse Judith na Bigirimana, nta bandi Batutsi yahabonye[68]. Yongeraho ko abapolisi bahanyuraga bitewe n'uko ibiro bya Komine byari hafi aho, ko n'abajandarume na bo bahanyuraga. Mu by'ukuri, hari igihe abajandarume baje mu karere, baba mu nzu y'Abashinwa kandi «buri gihe bazaga kuri bariyeri»[69].

68. Umutangabuhamya wiswe Y avuga ko yakoze icyaha cya jenoside mu mwaka wa 1994 ubwo yicaga abantu batatu, azi ko babiri muri bo ari Abatutsi. Avuga ko Fidèle Rushimba na Saidi Rucanos ari bo bamubwiye kujya « gukora » kuri bariyeri, « kuko ni bo bari bahari kuva mbere, ni bo bambwiye kuhabasanga»[70]. Ku byerekeye amabwiriza, yongeraho ati « inshuti zanjye zambanjirije kuri uwo murimo zambwiye ko ari kugenzura ibyangombwa byose bifite ifoto»[71]. Ubwo buhamya bwerekana ko Y atari ari mu bantu ba mbere barinze iyo bariyeri. Asobanura kandi ko umurimo we wari uwo kugenzura

[65] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 42.
[66] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000. urup. 58.
[67] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 62.
[68] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 85.
[69] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 83.
[70] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 29.
[71] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, imp. 36-37

ibyangombwa bifite ifoto no kugenzura ibyangombwa by'imodoka. Amabwiriza yavugaga « kugenzura niba icyangombwa kiriho ifoto; cyaba kitayifite, nyiracyo akoherezwa ku biro bya Komine»[72]. Umutangabuhamya avuga ko iyo bariyeri yashyiriweho «kurwanya umwanzi»[73]. Yongeraho ko buri gitondo no ku mugoroba yabonaga Burugumesitiri atashye[74] kuko ni yo nzira isanzwe yanyuragamo. Abajijwe niba hari Abatutsi bageze kuri bariyeri, umutangabuhamya yavuze ko « muri icyo gihe Abatutsi batakundaga kwigaragaza kuko ari bo bashakishwaga[75]. Avuga ko atabonye abapolisi kuri bariyeri yo kuri Trafipro[76], ko ariko hari abajandarume babaga bavuye ku kigo cy'Abashinwa, bakaba barasimburanaga[77]. Ibyo bihuye n'ibivugwa n'umutangabuhamya wiswe Z.

69. Nsanga na none umutangabuhamya wiswe AB avuga ko bariyeri yari yarashyiweho kugira ngo babashe kumenya Abatutsi kandi «iyo basangaga uri Umututsi, barakwicaga. N'iyo wabaga ufite isura isa n'iy'Abatutsi, nabwo barakwicaga »[78]. Abajijwe ku bwicanyi bwabaye muri Komine ya Mabanza muri Mata 1994, umutangabuhamya wiswe Y yashubije ati « ibyaberaga muri Komine ya Mabanza muri Mata 1994 byaragaragaraga, buri muntu yari azi ko ubwicanyi burimo gukorwa. Sinumva rero ukuntu Burugumesitiri yaba atarabimenye kandi yari ahari »[79]. Umutangabuhamya wiswe RA avuga ko, ku itariki ya 17 Mata, ubwo yasabaga Burugumesitiri inkunga yo kugoboka Abatutsi bari bugarijwe, Uregwa yamugiriye inama yo kutajya ku Kibuye kuko hari za bariyeri ku muhanda kandi abo Batutsi bashoboraga kwicwa baramutse bagiyeyo[80].

---

[72] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, imp. 37-38.
[73] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 34.
[74] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 35.
[75] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 38.
[76] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 64.
[77] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 31.
[78] Inyandikomvugo y'iburanisha, 15 Ugushyingo 1999, imp. 126-127.
[79] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 70.
[80] Inyandikomvugo y'iburanisha, 2 Gicurasi 2000 (mu muhezo).

Umutangabuhamya wiswe B na we avuga ko yiboneye abantu babiri bicirwa kuri bariyeri zitandukanye, barimo Pasitoro Muganga wiciwe kuri bariyeri yo kuri Trafipro. RJ avuga ko kuri za bariyeri, Abahutu bahitaga ariko Abatutsi bagombaga guhagarara. AA avuga ko yabonye imirambo igera kuri 30 hafi ya bariyeri yo kuri Trafipro no ku biro bya Komine, mbere y'uko ishyingurwa mu byobo rusange. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko yabonye abantu bicirwa kuri bariyeri yari hafi y'urugo rwa Bagilishema, akaba yarahabonye Interahamwe n'abapolisi bagenzuraga iyo bariyeri[81].

70. Dushingiye ku bimaze kuvugwa, biragaragara ko amabwiriza yari yatanzwe n'Uregwa mu ishyirwaho rya bariyeri yo kuri Trafipro atari ahagije kandi akaba yaratanzwe bitinze ku buryo atari kuburizamo ibikorwa bibisha by'abasiviri bari kuri bariyeri bafite intwaro kandi baritswemo n'umugambi mubisha wo kugirira nabi Abatutsi, bafatwaga akenshi nk'umwanzi FPR-Inkotanyi, muri icyo gihe cy'intambara. Ndemera ko uko kutagenzura kwatumye abari bashinzwe bariyeri barengera kandi Uregwa yari afite inshingano n'uburyo bwo kugenzura ibyakorerwaga kuri bariyeri yo kuri Trafipro kuva igihe yashyiriweho n'igihe cyose yamaze ikora.

C. Kuba Uregwa yarabaye icyitso mu iyicwa rya Judith na Bigirimana

1. Iyicwa rya Judith

71. Uregwa avuga ko iby'ubwicanyi bwakorewe Yudith abyumvise bwa mbere muri uru Rugereko ndetse avuga ko bimutangaje. Abivuga muri aya magambo:

> « Jye naketse ko yaba yaraguye ku Kibuye, aha ni ho numviye bwa mbere bavuga ko yiciwe i Mabanza […] muri icyo gihe hari abantu benshi bapfuye, birambabaje, ariko ku byerekeye Judith, nta bwo njyewe … numvaga ko yajyanye n'abandi ku Kibuye. Nyuma ni bwo numvise ko yiciwe i Mabanza

[81] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, urup. 76.

> n'abagabye igitero. Nzi neza ko ibirara by'i Mabanza byifatanyije n'Abakiga igihe bazaga, birashoboka ko yaba yarishwe muri icyo gihe, ariko sinigeze mbimenyeshwa »[82].

72. Ku kibazo cyo kumenya niba Judith yari umuntu uzwi i Mabanza kubera ibikorwa bye by'ubugiraneza kandi niba urupfu rwe rwaragombaga kumenyekana, Uregwa yasubije muri aya magambo ku birebana n'imico ya Judith:

> «Nk'uko nabibabwiye, Judith yari umuhinzi. Umugabo akaba umuforomo, nta nubwo yari umufasha wa muganga. Iwacu, uwo bita « umuforomo », ni umuntu warangije yenda amashuri abanza, maze, kubera uburambe ku kazi, kubera gukora igihe kirekire, bakamwigisha kuvura abarwayi. Umugore we yari umuntu utazwi cyane, ashobora kuba yari azwi muri serire yari atuyemo, yenda no muri segiteri, ariko ntiyari azwi muri komine yose. N'iyo miti bavuga, ishobora kuba ari imiti ya magendu umugabo we yakuraga ku kigo nderabuzima aho yakoraga, yenda akaba yarahaga abaturanyi be imiti « ya magendu ». Nta bwo cyari igikorwa kizwi, cyari igikorwa cya magendu ntigeze menya»[83]

73. Nsanga muri ayo magambo, Uregwa uvuga ko atari azi Judith, ashaka gusobanura ko atamenye iby'urupfu rwa nyakwigendera akoresheje imvugo isebanya, ipfobya ibikorwa by'ubugiraneza bivugwa n'umwe mu bantu bamwishe. Uregwa yongeraho ko Judith yaba yarakomeje gukora imirimo isa na magendu.

74. Umutangabuhamya wiswe Y avuga ko Rushimba yavanye Judith ku Gitikinini akamujyana kuri bariyeri yo kuri Trafipro, kandi ko batigeze bamwaka ibyangombwa kubera ko umuturanyi we yari amuzi neza ko ari Umututsikazi[84]. Avuga inzira banyuzemo bari kumwe na Judith, umutangabuhamya asobanura ko baciye nko mu ntambwe eshatu z'ibiro bya Komine. Yongeraho ati « Sinitegereje umuntu wari mu biro

---

[82] inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Kamena 2000, imp. 176-177.
[83] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 185-186.
[84] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 63.

by'umunyamabanga ariko nabashije kubona Burugumesitiri mu biro bye. […] Bitewe n'uko twanyuze imbere ye, ntitumuvugishe, sinahamya ko yamenye ibyo tugiye gukora[85]. Mu buhamya bwanditse yatanze mbere, umugabo wiswe Y agira ati:

> « Mu bwirege bwanjye igihe mvuga ko Bagilishema yabibonye, nasubizaga ikibazo bambajije ngo ni nde wababonye mujyana Judith mugiye kumwica, nashakaga kuvuga ko Bagilishema yatubonye duhita. […] Kuba buriya bwicanyi bwarabereye hafi y'ibiro bya Bagilishema, numva ko yagombye kuba abizi. Nshobora guhamya ko nta perereza ryakozwe kuri ubwo bwicanyi, mu by'ukuri, nta muntu n'umwe muri twe, uko twamwishe, wigeze abibazwa ».[86]

75. Ibivugwa n'umutangabuhamya wiswe Y ko abari kuri bariyeri batigeze na rimwe babaza Judith ibyangombwa kuko bari bazi ko ari Umututsikazi ni impamvu y'ingenzi kuko icyemezo cyo kumwica cyafashwe kubera ko ari uwo muri ubwo bwoko, batiriwe nagenzura ibyangombwa ngo batahure « umwanzi ». Ibyo bisobanura ukundi ibyo uyu mutangabuhamya avuga ko, ubusanzwe, umuntu wese wo mu bwoko ubwo ari bwo bwose wabaga afite ibyangombwa byemewe, yashoboraga guhita nta nkomyi. Ndasanga rero imyifatire y'abantu bari kuri bariyeri, barimo n'umutangabuhamya wiswe Y, igaragaza ko hari ivangura rishingiye ku bwoko ryibasiraga abantu bahacaga batoranywaga kubera ko ngo ari Abatutsi.

76. Bamubajije niba Uregwa yaba yarababonye batambukana Judith, umutangabuhamya wiswe Y yarasubije ati « mu by'ukuri yaratubonye. Yaratubonye »[87]. Mu ibazwa rinyomoza, yemeje ko babonye Uregwa:

> « Hari ibirahure ku biro, amadirishya yariho ibirahure, sinabemeza niba yaratubonye cyangwa ataratubonye, ariko yashoboraga kutubona. […] Bitewe

[85] Inyandikomvugo y'iburanisha 7 Gashyantare 2000, imp. 61- 63.
[86] Ikimenyetso gihamya N° 64 A cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[87] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup.53 (mu muhezo).

n'uko twaciye imbere, ntitumuvugishe, sinakwemeza ko yamenye ibyo tugiye gukora ».[88]

77. Bamusabye gutanga ibisobanuro ku byaha bitatu yakoze mu mwaka wa 1994 n'ukuntu Uregwa yaba yaramenyeshejwe ikorwa ry'ibyo byaha, umutangabuhamya wiswe Y yasubije muri aya magambo: « Ndumva yaragombaga kubimenya kuko twabikoze ahari »[89]. Mu gusoza, umutangabuhamya wiswe Y agira ati «Twese twari aho hantu kandi ibyo byose byaberaga muri Komine ye. Ntekereza cyangwa numva ko yari abizi »[90].

78. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko mu gitondo uwitwa Mutiganda yaje kumureba, akamubwira ko yabonye Inyenzi mu rutoki. Umutangabuhamya wiswe Z yahise ajyana Judith kuri bariyeri, ageze mu nzira ahura na Rushimba wafashe Judith akaboko[91]. Uyu mutangabuhamya avuga ko baciye ku biro bya Komine, Judith afashwe na Rushimba n'umutangabuhamya wiswe Y ariko we ari nko muri metero 5 cyangwa 10 inyuma yabo[92]. Ageze imbere y'ibiro bya Komine, ariko bariya batatu bamaze guhita, Burugumesitiri yarasohotse ndetse yaba yaramubajije aho basanze Judith, maze akamusubiza ko bamuvumbuye « ahantu mu rutoki », yongeraho ko bagiye « kumutunganya ». Uregwa yaba yaravuze ngo: « Ngaho nimugende »[93]. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko yageze kwa Judith, agasanga Rushimba n'umutangabuhamya wiswe Y bamaze kumwica. Yongeraho ko yaketse ko Uregwa yasohotse mu biro bitewe n'uko « yari amaze kubabona kuko inzira yari hafi y'idirishya rye kandi amarido yari afunguye. Mbese numva ko yasohotse kugira ngo abaze ibibaye. Icyo gihe rero ni bwo twahuye»[94].

79. Bagenzi banjye banzuye bavuga ko ikimenyetso kimwe rukumbi ku birebana n'uko Uregwa ashobora kuba yaragize uruhare mu iyicwa rya Judith ni icyatanzwe

[88] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, imp. 62-63.
[89] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 27.
[90] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup.72.
[91] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 70.
[92] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 75.
[93] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 72.
[94] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 76.

n'umutangabuhamya wiswe Z uvuga ko yaganiriye n'Uregwa imbere y'ibiro bya Komine nyuma y'uko Judith n'abari bamushoreye bahita[95] (igika cya 959 cy'Inyandiko y'urubanza). Bagenzi banjye bongeraho ko biramutse bigaragajwe ko Uregwa yabonye, imbere y'ibiro bye, abantu babiri bari bashinzwe bariyeri bari kumwe na Judith, n'iyo ataza kuba afashwe ukuboko, byonyine kumubonana n'abo bantu byari kumugaragariza ko hagiye kuba amakuba, ukurikije uko ibintu byari byifashe muri icyo gihe (igika cya 962 cy'Inyandiko y'urubanza). Cyakora, bashingiye ku « ivuguruzanya » hagati y'ubuhamya bwanditse Z yatanze mbere n'ubwo yatanze mu Rukiko, hiyongereyeho n'isuzumwa ry'ubuhamya bw'uwo mugabo ku birebana n'ifatwa n'iyicwa rya Bigirimana, bagenzi banjye basanze izo ngingo zituma Urugereko rurushaho gushidikanya ku ukwizerwa k'uyu mutangabuhamya. Bashingiye ku myanzuro bagezeho bamaze gusuzuma uko ibintu byari byifashe mu iyicwa rya Bigirimana nk'uko bivugwa na Z, bagenzi banjye basanze badashobora kwemera izindi ngingo z'ubuhamya uyu mugabo yatanze mu Rukiko, uretse ubuhamya bwanditse yatanze ku birebana n'uruhare yagize mu iyicwa rya Judith (igika cya 960 cy'Inyandiko y'urubanza).

80. Ibisa n'ibivuguruzanya byagaragajwe na bagenzi banjye ku byerekeranye n'ubuhamya bw'umugabo wiswe Z ubwo yavugaga uko yahuye na Burugumesitiri mbere y'uko Judith yicwa, nsanga atari ingenzi. Umuntu akabije yavuga ko uko kwivuguruza kwerekeranye n'ibyo yavuganye n'Uregwa imbere y'ibiro bya Komine ariko ntigutuma umuntu yashidikanya ko bahuye. Bagenzi banjye bavuga ko nta wundi mutangabuhamya wemeza ko bahuye ndetse, nk'uko babivuga, nta kuvuguruzanya kugaragara mu buhamya bwa Y na Z. Bagenzi banjye bavuga kandi ko Uregwa atigeze ahura n'umutangabuhamya wiswe Z kubera ko bakemanga ibyo avuga ku iyicwa rya Bigirimana (igika cya 961 cy'Inyandiko y'urubanza). Kuri iyi ngingo, simvuga rumwe n'abo kuko nsanga ubuhamya bwa Z ku byerekeranye no guhura na Burugumesitiri buhuje n'ubwa Y uvuga neza ko yabonye Burugumesitiri ari mu biro bye ubwo batambukanaga Judith imbere y'ibiro bya Komine, mbere yo kumwica.

---

[95] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 75.

81. Nsanga kandi kuba Y na Z barahisemo kunyura imbere y'ibiro bya Komine, ntibace mu yindi nzira kandi bari bafite umugambi wo kwica Judith, ari ingingo ikomeye yerekana ko, mu mikorere ya bariyeri yo kuri Trafipro, harangwaga umwuka wo kudahana. Y na Z basa n'abumvaga ko nta tegeko cyangwa amabwiriza y'abategetsi ba Komine barengagaho. Iyo bitaba ibyo, bari gukora bihishe, ntibatinyuke kunyura ahantu bashoboraga kubonwa cyangwa guhura na Burugumesitiri. Bumvaga rwose ko batari buhatwe ibibazo, kwamaganwa cyangwa guhanwa kubera igikorwa cy'ubugome biteguraga gukora kandi byari bizwi rwose ko Uregwa yari azi ko bariya bantu babaga kuri bariyeri yo kuri Trafipro kuko buri gihe yahabasangaga.

82. Byongeye kandi, Judith, wari umuturage w'i Mabanza, azi ko agiye kwicwa n'abantu bamujyanaga iwe mu rugo, ntiyiyambaje Burugumesitiri wari uri mu biro bye ubwo banyuraga imbere y'ibyo biro. Uregwa na we yemera ko bitumvikana ukuntu Y, wari kuba afite umugambi wo kwica, yatinyutse kunyura imbere y'ibiro bya Komine ari kumwe na Z kandi yari azi ko ari ikirara[96]. Yongeraho ko, iyo biza kugenda gutyo koko, Judith yari gutabaza kandi ko bitumvikana ko umuntu wari ushorewe n'abicanyi aca imbere y'ibiro bya Komine ntatabaze Uregwa cyangwa ngo atabaze abashinzwe umutekano bari ku biro bya Komine[97].

83. Sinemeranya na bagenzi banjye kuko nsanga hari ibimenyetso bihagije bifatika, byashingirwaho kandi byakwizerwa bigaragaza ko Uregwa yamenye ko Judith yaciye aho hantu ashorewe. Ibyo bimenyetso bigaragaza kandi ko Uregwa yabivuganyeho na Z, ariko ntiyagira icyo akora ngo aburizemo ikorwa ry'icyaha cyangwa ngo ahane abagikoze muri icyo gihe kivugwa (igika cya 965 cy'Inyandiko y'urubanza).

84. Mu gusoza kuri iyi ngingo, kuba ubwo bwicanyi bwarabaye muri Mata[98], kandi uko biri kose bugakorwa mbere y'amabwiriza yanditse yo muri Kamena, atarigeze akomozwaho

---

[96] Inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 180-181.
[97] inyandikomvugo y'iburanisha, 9 Kamena 2000, imp. 180-181.
[98] Mu bwirege umugabo wiswe Z yakoreye imbere y'abategetsi b'u Rwanda ku itariki ya 22 Kamena 1998, handitsemo « mu mpera za Mata ». Ikimenyetso gihamya N° 112 cyatanzwe n'Ubwunganizi.

n'uwo ari we wese muri abo batangabuhamya babiri bari kuri bariyeri, bigaragaza ko abo batangabuhamya, umwe muri ibo akaba yarashyizweho ku mugaragaro n'Uregwa, batubahirije « amabwiriza » yerekeranye n'imicungire ya bariyeri. Bituma kandi ndushaho gushidikanya ku itangwa ry'ayo « mabwiriza » yarebanaga n'umutekano w'abasiviri bacaga kuri iyo bariyeri. Uko mbibona rero, ibyo bigaragaza uburangare nkana bw'Uregwa mu ishyirwaho ry'iriya bariyeri yo kuri Trafipro. Ubwo burangare bwahindutse ubugome mu gihe cyose cy'imikorere y'iriya bariyeri mbere y'uko hatangwa amabwiriza yo mu ntangiriro za Kamena 1994.

2. Iyicwa rya Bigirimana

85. Umutangabuhamya wiswe Y avuga ko Bigirimana « bamuvanye muri iyo modoka kubera ko atari afite ibyangombwa bimuranga »[99]. Uwitwa Semugeshi yavuze ko yari amuzi kandi ko yari umwanzi w'Igihugu, maze avugana n'umutangabuhamya wiswe Z «amusaba kujya kumwica »[100]. Umutangabuhamya wiswe Y yongeraho ngo « yadusabye kumutunganya, ko ari buze kutugurira icyayi, birumvikana ko yavugaga mu marenga »[101]. Bagiye rero kumwicira mu gashyamba kari muri metero 150 uvuye ku biro bya Komine, bitwaje imihoro n'igihiri, Z aba ariwe utangira, maze Y akoresha igihiri[102]. Ni ngombwa kwibutsa ko Y avuga ko igihe Bigirimana yafatwaga, atigeze abona Uregwa[103], cyakora ibyo ntibisobanura ko Uregwa atari kuri bariyeri nk'uko bagenzi banjye babyemeza (igika cya 944 cy'Inyandiko y'urubanza). Byongeye kandi, igihe umutangabuhamya wiswe Y yatangaga ubuhamya mu Rukiko, nta kibazo na kimwe yabajijwe kirebana n'umugore wa Bigirimana n'icyo yaba yarakoze igihe umugabo we yafatwaga.

86. Umutangabuhamya wiswe Z avuga ko Bigirimana, wari mu modoka ye, yahagaritswe « nk'uko byari bisanzwe bikorwa », bakamusaka « mu myenda » bashaka imbunda. Uyu

[99] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 40.
[100] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 40.
[101] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 40.
[102] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 41.
[103] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 58.

mutangabuhamya avuga ko «yamusanganye indangamuntu ebyiri: imwe yari yanditsemo Hutu n'indi yanditsemo Tutsi »[104], kandi, nk'uko abivuga, icyo cyari icyaha gikomeye[105]. Uwitwa Semugeshi yaraje, avuga ko azi neza Bigirimana, ko ari Umututsi wakoranaga n'Inyenzi[106].

Umutangabuhamya avuga ko kuri bariyeri hari abantu benshi[107]. Z yabajijwe niba icyo gihe Y yaba yarakoranye na we kuri bariyeri, maze asubiza ko yari ahari kandi ko « bakikije imodoka y'uwo mugabo, imodoka yaririmo François Bigirimana »[108]. Umugore wa Bigirimana, w'Umuhutukazi, yaba yaragiye kuvugana na Burugumesitiri wari urimo yerekeza kuri bariyeri, agira ngo amutabaze, maze akamusubiza ko bitamureba, ko agomba kuvugana n'abarinze bariyeri. Uregwa yaba yarikomereje asa nk'aho atababonye[109], agenda agana iwe[110]. Mu ibaza rinyomoza, umutangabuhamya wiswe Z yemeje ko umugore wa Bigirimana yahuriye na Burugumesitiri mu nzira igana ku biro bya Komine, ko batahuriye kuri bariyeri yo kuri Trafipro kandi ko begereye Burugumesitiri bakanamwereka ziriya ndangamuntu ebyiri za Bigirimana ndetse bakamuha n'ibisobanuro[111]. Baba baragumanye Bigirimana kugeza nimugoroba, maze umutangabuhamya wiswe Y, Rushimba na we ubwe bakamujyana mu gihuru, bakamwicisha imihoro kuko yari icyitso, Umututsi, no kubera ko Semugeshi yari yahaye uyu mutangabuhamya amafaranga[112].

87. Bagenzi banjye basanze hari ibintu bidahuye mu buhamya bwa Y na Z, bombi bemeza ko bishe Bigirimana nyuma yo kumufatira kuri bariyeri yo kuri Trafipro. Bafashe rero imyanzuro imwe n'imwe ku ukwizerwa kwa Z (igika cya 961 cy'Inyandiko y'urubanza).

---

[104] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 63.
[105] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 63.
[106] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 65.
[107] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 66.
[108] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 126.
[109] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 129.
[110] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 130.
[111] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 128.
[112] Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 67.

88. Nyuma yo gusesengura ibisobanuro byatanzwe kuri icyo kintu, n'abo bantu babiri bari kuri bariyeri, bombi bakaba bemera ko bakoze jenoside bica François Bigirimana, sinemera ko ubuhamya bwabo buvuguruzanya kandi ko butera gushidikanya ku byerekeranye n'ukwizerwa kwa Z. Umutangabuhamya wiswe Y avuga ko Bigirimana yategetswe kuva mu modoka kubera ko nta cyangombwa kimuranga yari afite naho Z akavuga ko ubwe yamusanganye indangamuntu ebyiri. Z yarazifashe kuko yemeza ko yagiye kuzereka Burugumesitiri ubwo yari arimo avugana n'umugore wa Bigirimana. Kubera iyo mpamvu rero, bitewe n'uko bari benshi kuri bariyeri, birashoboka ko Y yaketse ko Bigirimana nta cyangombwa yari afite kuko byari bifitwe na Z. Byongeye kandi, umugore wa Bigirimana ntiyahuye n'Uregwa ubwo Bigirimana yafatwaga, ndetse ntibanahuriye kuri iyo bariyeri yo kuri Trafipro, ahubwo bahuriye mu ntera nto, mu nzira hagati y'ibiro bya Komine na bariyeri. Birashoboka kandi ko Z ari we wenyine wabonye bahura kuko ari we wari ufite izo ndangamuntu za Bigirimana kandi ari we wazijyanye aho Burugumesitiri yari ari kugira ngo azimwereke. Ndongeraho ko, mu buhamya yatanze mu Rukiko, umugabo wiswe Y atavuga na rimwe ko Uregwa atari kuri bariyeri igihe Bigirimana yafatwaga, ahubwo avuga gusa ko atahamubonye[113].

D. Imyanzuro

89. Maze gusuzumana ubushishozi ubuhamya bwatanzwe, ndabona ngomba kutemeranya n'ibyo bagenzi banjye banzuye bavuga ko Uregwa ntacyo yaryozwa ku byerekeye ishyirwaho, n'igenzura ry'ibyakorerwaga kuri bariyeri yo kuri Trafipro, aho Abatutsi bafatiwe cyangwa se bajyanywe, hanyuma bakicwa hubahirizwa politiki y'ivanguramoko yihanganiwe n'Uregwa ubwo yirengagizaga nkana gukora ibyo yagombaga gukora, umuntu atitaye ku zindi mpamvu abakoze ibyaha bari bafite.

90. Bagenzi banjye bavuga ko nta gushidikanya ko Judith na Bigirimana bishwe kubera ibyakorerwaga kuri bariyeri yari i Mabanza (igika cya 1014 cy'Inyandiko y'urubanza).

[113]Inyandikomvugo y'iburanisha, 7 Gashyantare 2000, urup. 58.

Basobanura rero ko ibyakorewe abasiviri bahohotewe kuri iyo bariyeri bidafitanye isano n'imicungire yayo mibi yaba yarakozwe n'Uregwa kubera uburangare bwe (igika cya 1021 cy'Inyandiko y'urubanza). Kuri iyo ngingo, ni ngombwa kwibutsa ko umubare w'abantu bakorewe ibyaha kuri bariyeri ntacyo uvuze mu gusuzuma uburemere bw'uburangare bw'Uregwa mu ishyirwaho no mu mikorere y'iyo bariyeri kuko Z na Y, babaga buri gihe bari kuri iyo bariyeri, bavuga ko, muri icyo gihe, nta Batutsi bayinyuragaho (Z avuga ko Abatutsi bahanyuze bafatiwe kuri Trafipro ari Judith na Bigirimana[114]). Nsanga uwo mubare muto w'abagenzi b'Abatutsi werekana ahubwo umbare muto w'abasiviri b'Abatutsi bahohotowe kuri bariyeri yo kuri Trafipro, aho kugaragaza ko Uregwa yitwaye neza mu micungire y'iyo bariyeri.

91. Bagenzi banjye na none bavuga ibintu bya ngombwa bigomba kuba biriho kugira ngo umutu abe yavuga ko Uregwa yagize uburangare bwafatwa nk'icyaha. Basobanura ko hari ibintu bya ngombwa bine bigomba kuzurizwa rimwe kugira ngo ibyo bishoboke (igika cya 1011 cy'Inyandiko y'urubanza): 1) iyicwa rya Judith n'irya Bigirimana ryakozwe mu rwego rw'ibyaberaga kuri bariyeri yo kuri Trafipro, 2) Uregwa yari ashinzwe ubuyobozi bw'iyo bariyeri nk'umuntu wari ushinzwe kubungabunga amahoro n'umutekano muri komine (bagenzi banjye basanga izo ngingo ebyiri za mbere zujujwe), 3) ingamba Uregwa yafashe kugira ngo aburizemo ibyaha byashoboraga kuba byarakorewe kuri bariyeri ntizari zihwitse rwose urebye uko ibintu byari byifashe muri icyo gihe kuko yazifashe hashize ukwezi bariyeri yo kuri Trafipro igiyeho, 4) ibyaha byahakorewe byashoboraga kuba byaraburijwemo cyangwa bigahanirwa iyo Uregwa aza kugira umwete mu kurangiza inshingano ze zo kugenzura abakoreraga kuri bariyeri, nko gutuma bahugurwa n'abahoze ari abasirikare, nk'uko byavugwaga mu ibaruwa ya Perefe ndetse agakora ipereereza ku bintu byabaye bivugwa mu cyemezo cyo ku itariki ya 3 Kamena 1994.

[114] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Gashyantare 2000, urup. 85.

92. N’ubwo hatabonetse inyandiko z’ibimenyetso za mbere y’itariki ya 3 Kamena 1994, ndetse Uregwa akaba yaratanze ibisubizo bidasobanutse ku bibazo byerekeranye n’imiterere y’amabwiriza yatanze mu gihe cyo gushyiraho iyo bariyeri, bagenzi banjye bafashe umwanzuro uvuga ko umuntu adashobora kuvuga ko Uregwa yagize uburangare ku byerekeye imicungire y’iyo bariyeri kuko yari ayifiteho gusa icyo umuntu yakwita ububasha bushingiye k’ukuntu ibintu byari byifashe (igika cya 1018 cy’Inyandiko y’urubanza). Nyamara ubwo bubasha bushingiye k’ukuntu ibintu byari byifashe bavuga ko Uregwa yaba yari afite mu igenzura rya buri munsi ry’ibyakorerwaga kuri iyo bariyeri yo kuri Trafipro, ntibushyigikiwe n’ubuhamya Uregwa yitangiye kuko atigeze na rimwe yumvikanisha ko hari ububasha nk’ubwo yigeze agira kenshi kuri iyo bariyeri. Mu by’ukuri, iyo Uregwa aza kubyemera, ibindi ashinjwa kubera uburangare bwe biba byaragaragaye, kandi n’umuntu yari gutekereza ko yirengagije nkana ibyaberaga kuri iyo bariyeri.

93. Bagenzi banjye bavuga ko, kubera ko hatagaragajwe amatariki Judith na Bigirimana biciweho, bishoboka ko wenda ubwo bwicanyi bwaba bwarakozwe mu gihe Uregwa atari afite uburyo bwose bwo gutegeka Komine, cyane cyane igihe cy’ibitero by’Abakiga. Cyakora, nshingiye ku buhamya bw’abagabo biswe Y na Z, nsanga umuntu yakwemeza ko Uregwa yari ku biro bye mu gihe abo bagabo bajyanaga Judith, no mu gihe cy’iyicwa rya Judith n’irya Bigirimana. Byongye kandi, nta n’umwe muri aba batangabuhamya bombi uvuga ko Komine yigeze iterwa n’Abakiga muri iyo minsi (igika cya 1019 cy’Inyandiko y’urubanza).

94. Bagenzi banjye bongeraho ko bashidikanya ko niyo Uregwa ataza kurangara, Judith na Bigirimana baba barishwe, bisobanura ko kuba Uregwa ataritaye ku nshingano ze zo kugira icyo yakora nta ngaruka byagize (igika cya 1020 cy’Inyandiko y’urubanza). Ndasanga ibyo bivuguruzanya n’ibyo abo Bacamanza bavuga ko Uregwa yanyuraga kenshi kuri bariyeri, bityo bikaba byari gutuma agenzura, mu buryo bushyize mu gaciro, ibyahakorerwaga, cyane cyane abantu babaga bayiriho. Cyakora, abo Bacamanza basa

nababisobanura aho bavuga ko umuntu ashobora gutekereza ko muri iriya minsi, Uregwa atari afite uburyo buhagiye bwo kugenzura ibintu.

95. Kubera iyo mpamvu, sinshidikanya ko ibimenyetso byatanzwe kandi bivugwa haruguru bigaragaza ko Uregwa yarangaye nkana.

96. Ku byerekeranye n'umugambi mubisha w'Uregwa, nsanga ibimenyetso byatanzwe mu Rukiko bigaragaza uburangare yagize ubwo yirengagizaga nkana ingaruka mbi zashoboraga guturuka ku mitunganyirize n'imikorere ya bariyeri yo kuri Trafipro. Ibyo bimenyetso byerekana umurongo wo kwitwara nabi ku bushake[115]. Ndemera neza ko, tutanavuze n'ibyinshingano, nka Burugumesitiri Uregwa yari afite uburyo bwo kugenzura buri munsi imikorere n'ibikorwa by'abantu bari barinze iyo bariyeri yonyine yari "yemewe n'ubutegetsi bwa Komine", kandi yari hafi y'ibiro bya komine, ku muhanda Uregwa yanyuragamo ava ku biro ataha cyangwa ava iwe ajya ku biro. Byongeye kandi, Uregwa yari azi ko muri ibyo bihe Abatutsi bari mu mazi abira, nk'uko yemeye ko yari abizi ubwo yaganiraga n'umutangabuhamya wiswe RA, cyane cyane ku byerekeye umuhanda uva i Mabanza ujya ku Kibuye. Mu rubanza, byagaragaye ko Komine ya Mabanza yagabweho ibitero bimwe na bimwe kandi ko Uregwa yari azi ko Abatutsi ba Mabanza ari bo ba mbere bibasiwe n'ibyo bitero. Byongeye kandi nta muburanyi uhakana iki kintu. Bityo rero, gushyiraho bariyeri yo kwirinda abacengezi ba FPR, irinzwe n'abasiviri b'Abahutu bitwaje intwaro, rimwe na rimwe bafatwaga muri rusange nk'Interahamwe, byashobora gukururira ingorane zihariye abasiviri b'Abatutsi.

97. Nsanga ububasha bwo kugenzura indangamuntu, gusaka, gufatira, gufata no gufunga bwakoreshwaga n'abantu batari barabihuguwemo, uretse nk'uko Uregwa abivuga, kuba barize amashuri abanza, ari bumwe mu bubasha bw'ibanze burugumesitiri aba afite

[115] Hakurikijwe Ingingo ya 93 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso, ibimenyetso bigaragaza ko habayeho kwitwara nabi nkana birakirwa kugira ngo hagaragazwe ko Uregwa ahamwa n'icyaha.

kugira ngo abashe kurangiza inshingano ze zo kubungabunga amahoro n'umutekano muri Komine. N'ubwo Uregwa yari afite ububasha busesuye, mu buhamya bwe nta na hamwe avuga ku ngamba yaba yarafashe ngo ashyire mu bikorwa amabwiriza Perefe yari yaratanze, cyane cyane ko abantu bari gucunga bariyeri bagombaga kuba baratojwe n'abantu bigeze kuba abasirikare.

98. Byongeye kandi, kubera ko, mu myiregurire ye, Uregwa avuga ko yaba yaratanze umubare uyu n'uyu w'indangamuntu z'impimbano, anyuranyije n'amategeko kandi abizi neza, akaziha Abatutsi bazaga ku biro bya Komine cyangwa iwe mu rugo, ndibwira ko nta kuntu atari kuyoberwa ingaruka zo gutunga indangamuntu yanditseho ubwoko bw'Ubututsi, cyane cyane igihe cyo kunyura kuri za bariyeri muri icyo gihe. Ubwo rero muri icyo gihe, kugira ngo abantu banyure kuri bariyeri nta kibazo kandi nta ngaruka mbi bagombaga kuba bafite inzandiko zanditseho ubwoko bw'Ubuhutu.

99. Ntawashidikanya rero ko kuva hashyirwaho ubwo buryo bwo kujonjora abantu, izo bariyeri zari ziteye ibibazo nyabyo kandi bizwi n'Uregwa wari umaze imyaka 14 ari Burugumesitiri. Byari binazwi ko abantu bazigenzuraga bari bafite ububasha buhambaye muri icyo gihe cy'ubwicanyi bukomeye kandi bunyuranye bwakorerwaga muri Komine ya Mabanza no muri Perefegitura ya Kibuye. Ibyo byonyine byagombaga gutuma Uregwa arushaho kuba maso ndetse akareba ukuntu yagenzura bihagije ibyakorerwaga kuri bariyeri muri icyo gihe. Ni nayo mpamvu mbona ko ingamba Uregwa yafashe muri Kamena zo kugenzura iyo bariyeri zidahagije, cyane cyane ko zarebanaga n'ibintu byaba byari byarabaye kuva bariyeri yashyirwaho ariko ntizigire icyo zitanga. Birashoboka rero ko ubwicanyi buvugwa na Y na Z bwaba buri muri ibyo byabaye. Cyakora, nta genzacyaha na rimwe Uregwa yigeze akora kandi ryari gutuma abakoze ibyo byaha bamenyekana, bagahanwa cyangwa bagashyikirizwa ubutabera.

100. Uretse ibimenyetso byerekana ibyo Uregwa yakoze muri Kamena 1994, nta kimenyetso na kimwe kigaragaza ko mbere y'uko kwezi Uregwa yagerageje kubuza abantu batazwi kurinda bariyeri cyangwa ko yahannye abantu baba barahohoteye abayinyuragaho. Uretse ibyo kandi, ubuhamya bwe ntibugaragaza ibyo yakoze mbere ya Kamena. Ndasanga ayo

makuru yerekeye ihohoterwa ry'abantu banyuraga kuri bariyeri, bikubitiyeho n'uko Uregwa yari azi ko bariyeri zitari zemewe n'ubutegetsi zari zarashyizweho muri Komine, kandi akaba yiyemerera ko yari azi ibyaberaga kuri za bariyeri mu yandi makomine cyangwa ku muhanda wa Kibuye, bigaragaza bihagije ko Uregwa yagombaga kumenya ko ibintu bibi byashoboraga gukorewa kuri bariyeri yo kuri Trafipro. Muri uru rubanza, nshingiye ku makuru Uregwa yari afite, sinshidikanya na gato ko yagombaga kumenya ko abari kuri bariyeri bashoboraga kwitwara nabi. Nemera kandi ko imyitwarire ye igaragaramo uburangare bwafatwa nk'icyaha nk'uko bwasobanuwe mu rubanza rwa Blaskic mu rw'iremezo.

101. Nshingiye ku bimaze kuvugwa haruguru, ndasanga Uregwa yarateshutse nkana ku nshingano ye kugenzura imikorere ya bariyeri imwe rukumbi yari ashinzwe, bityo akaba yarafashije abakoze ibyaha, abatera inkunga ihambaye. Uregwa ntiyujuje inshingano ze zo kugenzura no kubungabunga amahoro, ituze n'umutekano muri Komine ya Mabanza. Nkaba nanzura mvuga ko, kubera uburangare nkana yagize, Uregwa ahamwa n'icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze ibyaha byibasiye inyokomuntu – ubuhotozi – byakozwe n'abantu bashyirwaga kenshi cyangwa bahoraga kuri bariyeri yo kuri Trafipro.

IV. Kuba Uregwa yarabaye icyitso mu ifungwa ry'impunzi zari muri Sitade Gatwaro no mu bikorwa birenze kameremuntu byazikorewe (Ibika 4.23, 4.24, 4.31 by'Inyandiko y'ibirego)

102. Sinemera umwanzuro wafashwe na bagenzi banjye uvuga ko hatatanzwe ibimenyetso bihagije bigaragaza ko Uregwa yari kuri Sitade, bityo bagasanga ataryozwa icyaha cyo kuba icyitso cy'abantu bafungiye impunzi z'i Mabanza muri Sitade Gatwaro ku Kibuye, mu buryo bunyuranyije n'amategeko, kuva ku itariki ya 13 kugeza ku ya 18 Mata 1994.

103. Maze gusuzumana ubushishozi ubuhamya bwatanzwe, nsanga ubuhamya bw'Uregwa butakwemerwa aho avuga ko atigeze agera kuri Sitade Gatwaro, cyangwa mu mugi wa Kibuye, hagati y'itariki ya 9 n'iya 25 Mata 1994. Mu by'ukuri, hari ubuhamya bw'abagabo bwakwizerwa kandi bushyigikirana buvuga ko yari kuri Sitade ku itariki ya 13, iya 14 n'iya 18 Mata 1994.

104. Mu kugaragaza igitekerezo cyanjye, ndakoresha ibyo bagenzi banjye bavuga byabaye biri mu mutwe wa V, icyiciro cya 3.2. Cyakora, sinsubira mu buhamya bwose bwatanzwe n'abagabo.

A. Ukuntu Uregwa yakurikiranye iby'impunzi z'i Mabanza zari muri Gitesi

105. Mu buhamya bwe, Uregwa avuga muri aya magambo ukuntu impunzi zagiye:

> « Urebye ukuntu nabonye ubutumwa, sinari mfite uburyo bwo kugenzura. Maze kubona ubwo butumwa, ni bwo natekereje ko n'ahandi bishobora kuba. Sinashoboye kugenzura ngo menye ibyaberaga ku Kibuye, ngo menye niba hari uburyo bakiragamo abantu. Natekereje gusa ko tugomba gukora ibishoboka tugahunga ».[116]

[116] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup.48.

106. Uregwa avuga ko, impunzi zimaze kugenda zerekeza ku Kibuye, yibwiye ko umutekano wazo wari kubungabungwa n'abategetsi ba Perefegitura n'abakomine bari aho hantu[117]. Asubiza ibibazo by'Urugereko rwashakaga kumenya ubwoko n'imiterere y'ingamba yaba yarafashe kugira ngo akurikirane iby'impunzi ibihumbi n'ibihumbi zari kuri sitade, Uregwa yavuze ko atagiye ku Kibuye kuko yagombaga guhangana n'ibitero byaberaga muri Komine ya Mabanza uwo munsi. Yongeyeho ko ku itariki ya 13 Mata 1994 nyuma ya saa sita, Jabo, wari komanda wa jandarumori, yamubwiye ko impunzi zageze neza ku Kibuye. Cyakora, ni ngombwa kumenya ko, nk'uko Uregwa abyivugira, yahuye na Jabo batabisezeranye kandi ko Uregwa atigeze, ku giti cye, afata ingamba n'imwe kugira ngo amenye neza ko impunzi zageze ku Kibuye nta nkomyi, n'ubwo nta cyaha giteganywa na Sitati y'Urukiko cyakozwe mu gihe izo mpunzi zimurwaga. Bamubajije uko yakurikiranye iby'umutekano w'impunzi hagati ya Mabanza na Kibuye, Uregwa yavuze ko yajyaga ku Kibuye iyo yabaga yahatumiwe[118]. Ibyo bisobanuro by'umuburugumesitiri washyizweho na Guverinoma, umaze imyaka 14 kuri uwo mwanya kandi uvugwa neza mu nzego z'ubutegetsi, ntibinyuze nzirikanye uko ibintu byari byifashe icyo gihe n'urugendo rwakozwe n'igice kinini cy'abaturage b'Abatutsi bari batuye Komine. Bityo rero, sinyuzwe n'ibyo Uregwa yemeza ko yafashe ingamba zigaragara kandi zifatika zo gukurikirana iby'izo impunzi. Nongeraho ko ibyo ari ngombwa kugira ngo umuntu asobanukirwe n'uruhare rwe mu byabaye kuri Sitade Gatwaro kuva impunzi zihimuriwe.

107. Ku byerekeranye n'ibyo yakoze muri icyo gihe, Uregwa avuga ko, kuva ku itariki ya 13 Mata 1994 « Abakiga bazaga buri munsi ariko ntibagume i Mabanza gusa, ahubwo bagakomeza bakajya i Gitesi, bagataha nimugoroba »[119]. Nyamara, muri icyo gihe, abenshi mu Batutsi bakomokaga muri Mabanza bari barahungiye ku Kibuye, muri Komine ya Gitesi, bakurikije « inama » bari bagiriwe n'Uregwa ku itariki ya 12 Mata 1994 mu gitondo. Ndasanga rero bidashoboka ko Uregwa yaba atari azi ko ibitero byashoboraga kwibasira abaturage b'Abatutsi bari bahungiye i Gitesi, bigabwe n'abo

[117] Iinyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 42 (icyongereza)
[118] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup.55.
[119] Inyandikomvugo y'iburanisha 5 Kamena 2000, urup.154.

Bakiga bateraga Mabanza muri icyo gihe. Byongeye kandi, ndasanga nta bimenyetso bidafite aho bibogamiye cyangwa ibikorwa runaka byavuzwe n'Uregwa byerekana ko, ku itariki ya 15, iya 16 n'iya 17 Mata 1994 hari ibindi bitero byaba byaragabwe n'Abakiga muri Mabanza, ku buryo byatuma umuntu yemera, nk'uko Uregwa abivuga, ko yagombaga kuguma muri Komine ye kugira ngo yite ku mutekano w'abaturage.

108. Ku birebana n'uko umutekano wari wifashe muri Mabanza guhera ku itariki ya 13 Mata 1994, abajijwe ukuntu yaba yaragejeje amakuru kuri Perefe ayanyujije muri raporo yerekeranye n'ibyabaye ku itariki ya 13 Mata, Uregwa yavuze ko, mu gitondo cyo ku itariki ya 13 Mata yavuganye na Perefe, impunzi zimaze kugenda, ariko ntiyashobora kongera kuvugana nawe nyuma y'aho kuko telefone zari zafunzwe. Abajijwe ku butumwa yaba yaragejeje kuri Perefe abunyujije kuri Jabo wari komanda wa jandarumori, kuko telefoni zitari zigikora, Uregwa yashubije muri aya magambo: «Nta butumwa bwihariye nari mfite; we ubwe yari amaze kwibonera ibyabaye muri Mabanza»[120]. Ntitwirengagize ko Uregwa avuga gutyo kandi uwo munsi yarawise « umunsi w'akaduruvayo gakomeye muri Mabanza »[121].Yashoboraga rero ndetse yagombaga kuba yarabyitwayemo mu buryo bujyanye n'ibyabaga, cyane cyane akabimenyesha abategetsi bari bamukuriye kugira ngo babe bagira icyo babikoraho. Ndasanga iyo myitwarire inyuranye cyane n'uburyo Uregwa yihutiye kumenyesha Perefe, mu ijoro ryo ku itariki ya 12 rishyira iya 13 Mata, ko yari yugarijwe n'akaga gakomeye, mbere y'uko impunzi ziva ku biro bya Komine. Urugero: nyuma ya saa sita z'ijoro, mu ijoro ryo ku itariki ya 12 rishyira iya 13 Mata, amaze kubona ko Perefegitura yari yazanye izindi mpunzi izivanye mu Rutsiro, Uregwa yavuze ko yahamagaye Perefe kugeza naho amubwira ko ashaka kwegura ku mirimo ye:

> « Ako kanya kuri iyo saha, nafashe telefone mpamagara Perefe. Murabona, bwari bwije hari ninjoro. Namubajije ibyo barimo bakora […] Nabajije Perefe impamvu yantunguye, ibintu byamaze gukorwa, akazana abantu atambajije

[120] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 139.
[121] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 130.

> ngo twigire hamwe uburyo twakemura ibibazo nari mfite. Ndetse narivumbuye mu gihe navuganaga na Perefe kuko nari naramusabye inshuro nyinshi kuza kwirebera uko nabagaho, uburyo nakoreragamo, ibibazo nari mpanganye na byo, ariko ntiyigere aza. […] Namubwiriye kuri telefone ko mu gitondo ku itariki ya 13, ndi bumuzanire imfunguzo z'ibiro bya komine, mu gitondo cya kare ku itariki ya 13 »[122].

109. Ku birebana n'uko muri icyo gitondo Uregwa yaba yarasabye Perefe ko yamwemerera kwegura ku mirimo ye, umuntu arebye uko ibintu byagenze nyuma yaho impunzi z'Abatutsi zigendeye, nk'ibitero rusange byavuzwe n'Uregwa cyangwa nk' ivanwa aho ngaho ry'abajandarume, cyane cyane nk'iyicwa ry'abenshi mu baturage b'Abatutsi b'i Mabanza ku Kibuye ku itariki ya 17 n'iya 18 Mata, ndasanga Uregwa yaragize uburyo bwinshi bukomeye bwo gusaba ko Perefe yakwemera ko yegura ariko we agahitamo kuguma ku butegetsi, n'ubwo ibintu byari byifashe nabi bene kariya kageni.

110. Mu buhamya bwe, Uregwa yibanze ku mubare w'ibiganiro yagiranye na Perefe mu ijoro ryo ku itariki ya 12 rishyira iya 13 Mata 1994. Ndasanga ibyo byaratumye Uregwa abona urwitwazo rwo kuvuga ko nta kundi yari kubigenza uretse « kugira inama » impunzi ngo zijye ku Kibuye, bityo akazisaba kuva ku biro bya Komine mu gitondo cyo ku itariki ya 13 Mata, kugira ngo yikize uwo « mugogoro » wazanywe, nk'uko abivuga, na Perefe. Cyakora, ntitwibagirwe ko, guhera ku itariki ya 9 Mata 1994, Uregwa yari afite abajandarume batanu nyuma y'inama y'umutekano yabereye ku Kibuye uwo munsi, ariko aho kugira ngo abashyire hafi y'ibiro bya Komine aho abaturage b'Abatutsi bari bahungiye guhera kuri iyo tariki, ari nabo kandi bari bibasiwe n'ibitero, Uregwa yahisemo kohereza abo bajandarume i Mushubati, kandi batari bafite uburyo bigengaho bwo kugendamo[123].

---

[122] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, imp. 31-32, 34.
[123] Inyandikomvugo y'iburansha, 8 Kamena 2000, imp. 142-143.

Nyamara kandi, abajandarume bari bafite telefone, bityo rero bikaba bitumvikana ukuntu Uregwa atahisemo guhamagara abajandarume nibura ku mugoroba wo ku itariki ya 12 Mata 1994 kugira ngo baze kubungabunga umutekano ku biro bya Komine kubera izindi impunzi zari zimaze kuhagera kuri uwo mugoroba.

111. Ikindi mbona ni uko, n'ubwo Uregwa yari azi amakuba yari yugarije impunzi kandi yamenye ku itariki ya 13 Mata 1994, nta mutangabuhamya n'umwe wari warahungiye ku biro bya Komine uvuga ko Uregwa yaba yarabwiye impunzi imiterere nyayo y'ayo makuba. Cyakora, mu buhamya bwe, Uregwa yibanda cyane ku gitero cyari kibugarije kigiye kugabwa n'Abakiga baturutse muri Rutsiro.

112. Mu gusoza kuri iyi ngingo, ndebye ibihe bidasanzwe Uregwa yafatiyemo icyemezo cyo gukura igitaraganya ibihumbi by'impunzi ku biro bya Komine, akazohereza ku Kibuye mu gitondo cyo ku itariki ya 13 Mata 1994, nsanga bidashoboka ko yaba yarabikoze atabanje kubyemererwa na Perefe Kayishema, cyane cyane ko nk'uko biteganywa n'amategeko azwi neza agenga imikoranire y'inzego, mbere yo kubikora, we nka burugumesitiri, aba yaragombye kubanza kubisabira uruhushya. Niba ari uko byagenze koko, iyo myitwarire idakurikije amategeko itandukanye cyane n'ubwoba Uregwa yagaragaje ku byerekeranye ngo n'uko, nyuma yaho impunzi zigendeye, yashoboraga kujya kuri Perefegitura, niyo yabaga atahatumiwe, kugira ngo amenye niba koko zari zirindiwe umutekano. Ibi rero umuntu yanabivuga ku magambo yuzuye ubwoba Uregwa yavugiye mu nama y'umutekano yabereye ku Kibuye ku itariki ya 25 Mata 1994, nyuma y'ubwicanyi bwo muri Sitade Gatwaro. Mu mirongo ikurikira turasuzuma ku buryo burambuye ibyavugiwe muri iyo nama.

113. Kubera izo mpamvu, ndasanga iyo myitwarire yose ivuguruzanya y'Uregwa mu byarimo kuba ituma umuntu akemanga ukuri k'ubuhamya bwe. Ni yo mpamvu nsanga ibisobanuro Uregwa atanga ku bitero karundura byagabwe muri Komine ya Mabanza muri icyo gihe, bigamije kumufasha guhisha ko yarangaye nkana mu gukurikirana iby'impunzi z'Abatutsi. « Yifashisha » cyane ibitero by'Abakiga byagabwe muri Komine

kugira ngo asobanure impamvu atashoboye kuva muri Mabanza, kandi akavuga ko ngo yagombaga kwita ku bandi baturage ba Komine.

B. Kuba Uregwa yari kuri Sitade Gatwaro ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994

1. Itariki ya 13 Mata 1994

114. Abatangabuhamya biswe A na AC bavuga ko babonye Uregwa kuri Sitade Gatwaro ku itariki ya 13 Mata 1994, ariko mu bihe bitandukanijwe nk'isaha imwe (AC avuga ko Uregwa yari kumwe na Semanza)[124]. Uregwa we avuga ko yagumye i Mabanza, kandi ko ibiro bya Komine byatewe n'Abakiga muri icyo gitondo[125].

115. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko Uregwa yageze ku marembo ya Sitade Gatwaro mu ma saa munani z'amanywa. Kubera ko atari yambaye isaha, icyo gihe yatanze ni ikigereranyo[126]. Uyu mutangabuhamya avuga ko Uregwa yakurikiye impunzi ubwo zajyaga ku Kibuye zivuye i Mabanza, ariko ko yahagaze kugira ngo avugane n'abajandarume, maze akaza kuzisanga ku Kibuye ubwo bafunguraga imiryango ya Sitade Gatwaro[127]. Cyakora, kubera ko mu buhamya bwanditse yatanze mbere, uyu mugabo atavuga ko Uregwa yakurikiye impunzi zimaze kuva ku biro bya Komine, bagenzi banjye basanga hari ugushidikanya kubera ko atabisubiramo mu buhamya yatanze mu Rukiko aho yemeza ko, uwo munsi, yabonye Uregwa (igika cya 536 cy'Inyandiko y'urubanza).

116. Umutangabuhamya wiswe AC avuga ko Uregwa yahaje uwo munsi mu ma saa cyenda, z'amanywa adafite intwaro kandi yambaye imyenda ya gisiviri. Uyu mutangabuhamya avuga ko Uregwa yavuganye n'abajandarume bari ku miryango ya Sitade, kandi ko,

---

[124] Inyandikomvugo z'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, impap. 18-19 ; 18 Ugushyingo 1999, urup.43.
[125] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 52.
[126] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, urup. 106.
[127] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, urup.37.

amaze kuhava, abajandarume bavuze ko nta muntu wemerewe kuva muri Sitade. Yongeraho ko abo bajandarume bakubise impunzi zagerageje gukurikira Uregwa. Bagenzi banjye basanga hari ibintu bitandukanye hagati y'ubuhamya uyu mugabo yatanze mu Rukiko n'ubwanditse yatanze mbere ku myifatire nyayo y'Uregwa ubwo yahazaga uwo munsi. Bamaze kugereranya ubuhamya AC yatanze mu Rukiko n'ubwanditse yatanze mbere, bagenzi banjye basanze hari ibigenda bihindagurika: Uregwa yaba yarinjiye muri sitade, yaba yarageregeje kwinjira muri sitade, cyangwa yaba yarateye intambwe nke imbere muri sitade. Basanga ufashe ibyo bintu byose bivuguruzanya byerekeranye n'uko Uregwa yaba yaraje kuri Sitade umunsi wabanjirije uwo, ukabishyira hamwe n'uburyo budasobanutse umutangabuhamya avugamo ukuntu Uregwa yaje kuri Sitade, wasanga bishoboka ko uyu mutangabuhamya yibuka gusa inshuro imwe ariko akayivugaho nk'aho ari inshuro ebyiri zitandukanye (igika cya 538 cy'Inyandiko y'urubanza).

117. Jye nsanga AC atarabajijwe ibyo bibazo mu buryo bwumvikana ubwo yatangaga ubuhamya mu Rukiko. Bityo rero, uwo umwanzuro wa bagenzi banjye ushingiye, nk'urugero, ku buhamya bwanditse yatanze mbere nta gishyigikira ufite. Ibyo aribyo byose, nk'uko bagenzi banjye nabo babibona, hagombye gufatwa umwanzuro uvuga ko uyu mutangabuhamya yibutse nibura inshuro imwe Uregwa yageze aho kuri sitade. Cyakora ibyo ntibabyemera. Ku kibazo cy'uko bitavuzwe mu magambo arambuye, ndasanga bagenzi banjye bemera ko, ku byerekeranye n'abandi batangabuhamya bari kuri sitade muri icyo gihe ariko ntibabone Uregwa, bishoboka ko Uregwa yaba yarahageze inshuro nyinshi ariko ntahatinde ku buryo ntawamubonye. Cyakora, iki kibazo gisaba ko abatangabuhamya bamubonye «igihe gito » babivuga mu magambo arambuye kandi yeruye.

118. Nsanga ubundi buhamya bwerekeranye n'uko Uregwa yari i Mabanza mu gitondo cyo ku itariki ya 13 Mata 1994 butabuza ko Uregwa yashoboraga kuba yaragiye kuri Sitade Gatwaro mu ma saa sita, cyane cyane ko yari afite imodoka kandi umuhanda ukaba utari wuzuyemo impunzi kuko zari zageze aho zagombaga kujya. Uregwa yivugira ubwe

ko Mabanza iri mu birometero 20 uvuye kuri Perefegitura ya Kibuye maze akongeraho ngo "umuhanda ntiwarimo kaburimbo, kugera ku kibuye byantwaraga isaha imwe"[128]. Sinyuzwe n'umwanzuro wafashwe na bagenzi banjye uvuga ko, hashingiwe ku buhamya bw'abagabo biswe A na AC, bidashoboka cyane ko Uregwa yaba yaragiye kuri Sitade Gatwaro mu bihe bibiri bitandukanye ku itariki ya 13 Mata 1994 (igika cya 539 cy'Inyandiko y'urubanza). N'ubwo basanga isaha yatanzwe n'abatangabuhamya ari ikigereranyo, ndetse n'itandukanirizo rishingiye ku byabaye rikaba ko umwe mu batangabuhamya yemeza ko Uregwa yari ku marembo ya sitade mbere y'uko imiryango ifungurwa (umutangabuhamya wiswe A) mu gihe undi mutangabuhamya yari imbere muri sitade (umutangabuhamya wiswe AC), birashoboka rwose ko Uregwa yaba yaramaze igihe gito hafi ya Sitade cyangwa muri Komine ya Gitesi. Sinumva rero ukuntu ubwo buhamya bwombi bwavuga ku kintu gishobora kuba kitarabaye, cyane cyane ko amasaha avugwa ari ikigereranyo.

2. Itariki ya 14 Mata 1994

119. Uregwa avuga ko mu gitondo cyo kuri iyo tariki ya 14 Mata, Abakiga bagarutse muri Komine ari benshi kurusha mbere. Asobanura ko icyo gihe abo Bakiga bateye abaturage bari hafi y'ibiro bya Komine ndetse bakongera gutera Karungu nk'uko bari baraye babigenje[129].

120. Abatangabuhamya biswe A na AC[130] bavuga ko bongeye kubona Uregwa ku itariki ya 14 Mata 1994 ari kumwe na Semanza mu modoka (Umutangabuhamya wiswe A avuga ko Uregwa yari kumwe na Dogiteri Léonard naho AC akavuga ko yari kumwe n'abapolisi ba komine babiri n'umushoferi wa Komine, saa tatu za mu gitondo[131]). Basobanura ko icyo gihe Uregwa yerekezaga ku muryango maze akavugana n'abajandarume. AC avuga

[128] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Kamena 2000, urup. 80.
[129] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, imp. 52, 123, 149.
[130] Inyandikomvugo z'amaburanisha, 17 Ugushyingo 1999, urup.19; 8 Ugushyingo 1999, urup. 43.
[131] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, imp. 50-51.

ko Uregwa yari yambaye imyenda ya gisiviri, ko nta ntwaro yari afite ariko ko abapolisi bari bazifite. Umutangabuhamya wiswe A wari hejuru muri tiribine nini, yongeraho ko baza, impunzi zasakuje ngo "ba", bavuga abo bantu bari baje kubica. Nsanga, niba hari itandukanirizo hagati y'ubuhamya umugabo wiswe A yatanze mu Rukiko n'ubwanditse yatanze mbere ku byerekeranye n'umunsi Uregwa yaziyeho, ni ukuvuga kuwa kane cyangwa kuwa gatanu, iryo tandukanyirizo rifite uburemere buke cyane. Ibyo rero ntibyagabanya agaciro k'ubuhamya bw'umugabo uvuga ku kintu kimwe mu bihe bibiri, avuga ko Uregwa yari kuri sitade uwo munsi.

Sinemeranya na ba bagenzi banjye aho bavuga ko byatewe n'uko «umutangabuhamya wiswe A atatanze amakuru arambuye » ku byerekeranye no kuba Uregwa yari kuri sitade, bashingiye ku buhamya bwanditse uyu mugabo yatanze mbere (igika cya 549 cy'Inyandiko y'urubanza). Ntangajwe cyane n'ubwo buryo budahwitse bwo gusuzuma ubuhamya, bityo nkaba ndashobora kubushyigikira na gato.

121. Ku byerekeranye no kuba Uregwa yarageze kuri Sitade ku itariki ya 14 Mata 1994, bagenzi banjye basanga ubuhamya bwa AC budashyigikira neza ubw'umugabo wiswe A. By'umwihariko ngo basanga AC atavuga ku kintu gikomeye kandi cy'ingenzi kivugwa n'umugabo wiswe A aho avuga ko ubwo Uregwa yazaga, impunzi zaba zaravugije induru ngo "ba" je kuzica, zishaka kuvuga abo bantu bari baje (igika cya 551 cy'Inyandiko y'urubanza). Kubera iyo mpamvu, n'ubwo abo Bacamanza bafata umwanzuro uvuga ko umutangabuhamya wiswe A adatanga amakuru ahagije yatuma umuntu adashidikanya ko Uregwa yaba yarageze kuri Sitade, jye nsanga bitumvikana ukuntu bashingira ku « kintu gikomeye kandi cy'ingenzi » kivugwa n'uwo mutangabuhamya kugira ngo bemeze ko ubwo buhamya bwombi bwa A na AC budashyigikirana ku buryo budashidikanywaho. Mu by'ukuri AC yari ahandi hantu muri Sitade ku buryo ibyo byasobanura impamvu atabivuze (igika cya 551 cy'Inyandiko y'urubanza).

3. Imyanzuro ku byerekeranye no kuba Uregwa yari kuri sitade ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994 no ku isuzuma ry'ubuhamya

122. N'ubwo hagati mu rubanza Uregwa yaretse kwireguza « *alibi* », ndetse mu buhamya bwe akemeza ko atigeze ajya ku Kibuye hagati y'itariki ya 9 n'iya 25 Mata 1994, ndasanga Uregwa atarashoboye kugaragaza uko yakoresheje igihe cye n'ibyo yakoze muri Mabanza muri icyo gihe. N'ubwo abatangabuhamya benshi bavuga ko Uregwa yari i Mabanza ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata, mu bihe bitandukanye ku itariki ya 13 Mata, ubuhamya bwabo bwekeranye ahanini n'amasaha ya mu gitondo. Ndasanga rero bishoboka rwose ko Uregwa yaba yaravuye i Mabanza akajya ku Kibuye ku manywa, cyane cyane ko yivugira ubwe ko urwo rugendo rwafata isaha imwe gusa mu modoka. Ndashaka kandi gushimangira ko ubuhamya bwashingiweho kugira ngo hemezwe ko Uregwa yari i Mabanza ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994 butemewe n'Urugereko kandi bwemeza ko Uregwa yagize uruhare mu ikorwa ry'ibindi byaha i Mabanza (cyane cyane abatangabuhamya biswe AB, Z na H).

123. Cyakora, biramutse bigaragaye ko muri icyo gihe Uregwa yari kuri Sitade kandi nta bimenyetso byerekana ko yarwanije ikorwa ry'ibyaha, bigakubitiraho ko yari n'umutegetsi, ndasanga Uregwa yashyirwa mu rwego rw'abakoze ibyo byaha kabone n'ubwo nta kimenyetso cyerekana ko yitabiriye umugambi waba waracuzwe mbere. Ibi birashyigikirwa n'ubuhamya bw'umugabo wiswe A ku byerekeye ibyabaye Uregwa amaze kwinjira muri Sitade ku itariki ya 14 Mata 1994. Ubwo buhamya buvuga ko impunzi zari muri sitade zavugije induru ko "ba"je kuzica, mubo zivuga harimo n'Uregwa. Ni ngombwa kuvuga ko bagenzi banjye bemeza ko icyo ari ikintu "gikomeye kandi cy'ingenzi".

124. Kubera iyo mpamvu, sinemera umwanzuro wafashwe na bagenzi banjye bitewe n'uko, mu gusuzuma ibimenyetso bishyigikira ko Uregwa yari kuri sitade, no kubera imyanzuro ishingiye ku byabaye yafatwa hakurikijwe ikimenyetso cyo kuba umutegetsi ari ahantu icyaha cyakorewe, bakoresheje uburyo bubiri butandukanye mu gusuma ibimenyetso

ndetse kenshi n'ibigenderwaho, byaje kugaragara ko bidafite ishingiro. Bityo rero, bagenzi banjye bavuga ko bagomba gusuzumana ubushishozi ibivugwa ko Uregwa ashobora kuba yari kuri Sitade mu gihe bidafite ibindi bibishyigikiye (igika cya 532 cy'Inyandiko y'urubanza). Mu yandi magambo, kubera ko kuba bitaravuzwe mu magambo arambuye bitera gushidikanya, abo Bacamanza bakoresheje uburyo bukurikira: gusuzuma ubundi buhamya cyangwa kuzirikana izindi mvugo z'abagabo kugira ngo basobanukirwe cyangwa bagenzure ukuri kw'ibyo umutangabuhamya avuga. Basanga ibyo bimenyetso bidashyigikiwe n'ibindi, gushidikanya bigakomeza kandi ntibibe byaragaragajwe ko Uregwa yari ahantu bavuga ko yari ari (igika cya 532 cy'Inyandiko y'urubanza).

125. Ndasanga ahubwo, nk'uko nabivuze haruguru mu byitonderwa by'ikubitiro, ubuhamya bw'umugabo bufite agaciro kanini kandi ako gaciro kagomba gusuzumwa mu gihe umugabo arimo gutanga ubuhamya mu rukiko. Ubwo buhamya ntibugomba rero gusuzumwa umugabo yarararangije kubutanga, hashingiwe cyane cyane ku bwanditse yaba yaratanze mbere, kandi abacamanza bataragize icyo babuvugaho ngo yisobanure igihe yatangaga ubuhamya mu Rukiko. Ndashimangira ko urugereko rugomba kwigengesera mu gihe rukoresha ubuhamya bwanditse bw'umugabo, hazirikanwa ko nta makuru ahari yerekana uburyo uwo mutangabuhamya yabajijwemo. Umuntu agomba no gukora ku buryo umutangabuhamya yerekwa ibintu bisa n'ukwivuguruza bibu-garagaramo kugira ngo abyisobanureho.

128. Nubwo bagenzi banjye bafashe umwanzuro uvuga ko batemera, ku buryo budashidikanywaho, ko Uregwa yari kuri Sitade ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994, bongeraho ko, umuntu aramutse anafashe ko yaba yarahageze, abatangabuhamya batatanze amakuru ahagije ku birebana n'impamvu yari ihamuzanye, bityo hakaba hatari ibimenyetso bihagije bigaragaza umugambi mubisha wari umwaritsemo (igika cya 543 cy'Inyandiko y'urubanza). Nsanga iyo batekereza gutyo, abo Bacamanza baba bahakanye ibyo ubwabo bashingiraho ku byerekeranye n'uko umutegetsi runaka yaba yarahageze

ntatabare impunzi kandi, uretse no kugira ikindi yamarariza impunzi ngo azirinde, yari afite nibura uburyo bwo kugaragaza ko adashyigikiye ibyazikorerwaga.

129. Byongeye kandi, n'ubwo abo Bacamanza basanze ubugizi bwa nabi bwakorewe impunzi zari kuri Sitade kuva ku itariki ya 13 Mata kugeza ku munsi w'igitero ku itariki ya 18 Mata 1994, ari ibikorwa birenze kameremuntu byakozwe muri icyo gihe (ibyaha byibasiye inyokomuntu), ntibyababujije gufata umwanzuro uvuga ko, ibyo ari byo byose, niyo Uregwa aza kuba kuri sitade ku itariki ya 13 Mata, nta cyaha na kimwe giteganywa na Sitati cyari cyagakorwa icyo gihe cyatuma umuntu avuga ko Uregwa ahamwa n'icyaha runaka (igika cya 543 cy'Inyandiko y'urubanza). Ngomba gushimangira ko iyo mitekerereze kuri iyo ngingo ititaye ku myanzuro yabo ishingiye ku byabaye ivuga ko ibyaha byibasiye inyokomuntu byakozwe kuva ku itariki ya 13 Mata 1994.

130. Nshingiye ku bimaze kuvugwa no ku buhamya bw'abagabo biswe A na AC nsanga bwakwemerwa kandi bukizerwa, nsanze ari ngombwa kwitandukanya n'imyanzuro ishingiye ku byabaye yagezweho na bagenzi banjye, yerekeranye n'ibura ry'ibimenyetso bihagije bigaragaza ko Uregwa yaba yari kuri Sitade ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994. Ndemera ko mu gihe yageraga kuri Sitade izo nshuro zitandukanye, Uregwa agomba kuba yaramenye uburyo bubi burenze kameremuntu izo mpunzi zari zifungiwemo kandi inyinshi muri zo zari zaraturutse muri Mabanza nyamara ntazitabare kandi yari abizi. Ndasanga rero kuba yari kuri Sitade, n'ubwo atari igihe cyose, mu gihe impunzi zagirirwaga nabi birenze kameremuntu, Uregwa yarateye akanyabugabo abakoze ibyaha asa n'ubemerera gukomeza kubikora, bityo akaba yarababereye icyitso. Na none, kuba yarinumiye ntatabare impunzi, cyane cyane izakomokaga muri Mabanza, Uregwa yafashije abantu gukora ibyo byaha. Mu gusoza kuri iyi ngingo, ndemera rwose ko ajya kuri Sitade inshuro ebyiri mu gihe impunzi zari zihafungiwe ku ngufu, Uregwa agomba kuba yari azi ko abari bashinzwe imibereho y'impunzi, cyane cyane abajandarume bari ku miryango ya Sitade ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994, bari kubifata nko kubashishikariza ibyo bakoraga ndetse bakabifata nko kubibemerera. Ndemera rwose ko, nk'umutegetsi wo muri Leta wari wubashywe, kuba Uregwa yari ari ahantu ibyaha

byakorerwaga byatumye ababikora babona ko babyemerewe kuko, usibye no kuba atarabyamaganye, iyo myitwarire ye yateye akanyabugabo cyangwa inkunga y'ibitekerezo abakoraga ibyo byaha. Kuba Uregwa yarabyemeye yenda mu buryo buteruye bigaragarira mu myitwarire no mu myifatire ye nk'uko bivugwa n'abatangabuhamya, by'umwihariko ibiganiro yagiranye n'abajandarumwe kandi atari ayobewe akazi cyangwa umugambi wabo, ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994. Nshingiye kuri ibyo bimenyetso byose biziguye, ndemera ko, kubera ko atamaganye ikorwa ry'ibyaha, Uregwa yari azi ko kuba yari ahari byari gutuma wenda ibyo byaha bikorwa kubera ko yari amaze kumenya umugambi w'ababikoze.

131. Ni yo mpamvu nemera rwose, ku buryo budashidikanywaho, ko hakurikijwe Ingingo ya 6 1) ya Sitati, Uregwa agomba kuryozwa ibyaha nk'ikitso. Byongeye kandi, hakurikijwe Ingingo ya 3 1) ya Sitati, agomba kuryozwa ibindi byaha birenze kameremuntu byakozwe ku itariki ya 13 n'iya 14 Mata 1994 muri Sitade Gatwaro nk'uko bivugwa mu kirego cya 5 cy'Inyandiko y'ibirego.

V. Kuba Uregwa yarabaye icyitso cy'abagabye igitero kuri Sitade Gatwaro ku itariki ya 18 Mata 1994 (ibika 4.13, 4.26 na 4.27 by'Inyandiko y'ibirego)

132. Igitero rusange kandi giteye nk'ibindi cyagabwe ku itariki ya 18 Mata 1994 ku baturage b'abasiviri bari bahungiye ku ngufu muri Sitade cyatangiwe ibimenyetso ku buryo budashidikanywaho kandi Uregwa ntagihakana.

1. Ibimenyetso bigaragaza ko Uregwa yari kuri Sitade ku itariki ya 18 Mata 1994

133. Mu ikubitiro ndavuga ko nemera umwe mu myanzuro yafashwe na bagenzi banjye yerekeranye no kutizerwa k'umutangabuhamya wiswe AA ku ruhare Uregwa yaba yaragize mu byabereye kuri Sitade. Nsanga koko, hazirikanwe ubuhamya bwe bwanditse yatanze mbere ndetse n'ubwemeracyaha bwe imbere y'abategetsi b'u Rwanda, ugushidikanya n'ibibazo byagaragaye mu gihe AA yatangaga ubuhamya mu Rukiko, bitarabonewe umuti mu mpaka zabigiweho mu iburanisha (ibika 607- 637 by'Inyandiko y'urubanza).

134. Umutangabuhamya wiswe Z asobanura ko ku munsi w'igitero cyagabwe kuri *Home Saint-Jean* cyangwa icyagabwe kuri Sitade (ku itariki ya 17 cyangwa iya 18 Mata 1994), Uregwa, yitwaje intwaro, yanyuze kuri bariyeri yo kuri Trafipro ari kumwe na Semanza n'Abakiga bari bafite intwaro. Umutangabuhamya yongeraho ko Uregwa yamubwiye, nk'uko yabigenzaga igihe cyose yajyagayo, ko yari agiye ku Kibuye[132].

135. Mbere y'igitero, umutangabuhamya wiswe AC yabonye Semanza mu modoka ya komine itwaye Interahamwe, maze ihagarara hafi y'umuryango wa Sitade[133].

---

[132] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Gashyantare 2000, imp. 58- 60.
[133] Inyandikomvugo y'iburanisha, 18 Ugushyingo 1999, imp. 66- 68, 70.

136. Umutangabuhamya wiswe A avuga ko yabonye Uregwa ari kumwe na Semanza n'abapolisi mu modoka mu gitondo cyo ku itariki ya 18 Mata 1994 mbere y'iterwa rya Sitade. Yongeraho ko amaze kumva impunzi zivuza induru, Uregwa yasubiyeyo muri iyo modoka[134]. Uyu mutangabuhamya wari hejuru muri tiribine nini avuga ko Uregwa atahamaze igihe kirekire. Cyakora, n'ubwo atabivuga mu magambo arambuye, ntibivuga ko ibyo bitabayeho. Ku byerekeye agaciro kahabwa ubuhamya bw'uyu mugabo, sinshobora kwemeranya n'umwanzuro wafashwe na bagenzi banjye uvuga ko « umutangabuhamya wiswe A yatanze ibimenyetso bidasobanutse ku byerekeranye n'uko Uregwa yari kuri Sitade mbere y'igitero» (igika cya 641 cy'Inyandiko y'urubanza).

137. Umutangabuhamya wiswe G yari azi Uregwa ariko ntiyashobora kumubona igihe uyu yari kumwe na Perefe Kayishema n'abari bagabye igitero, ku musozi wa Gatwaro, mbere y'uko Perefe akoma imbarutso yo kugaba igitero (igika cya 649 cy'Inyandiko urubanza). Ibi bitandukanye n'ibyo bagenzi banjye bemeza. N'ubwo uyu mutangabuhamya adakemangwa, mu gusuzuma ubuhamya bwe abo Bacamanza babirenzeho bakoresha ibigenderwaho bikosamye ku byerekeranye no kuba yarabonye Uregwa cyangwa yari amuzi. N'ubwo, bashingiye ku magambo y'uyu mutangabuhamya bagenzi banjye bemera ko uyu mugabo yari azi neza Uregwa, wari mu bari bagabye igitero, bongeraho ko, ku byerekeranye na Perefe Kayishema, batanyuzwe n'ingingo Porokireri ashingiraho kugira ngo yerekane ko uyu mutangabuhamya yari azi Perefe mbere y'ibyabereye kuri Sitade. Cyakora, aba Bacamanza bemera ko G yari asanzwe azi Uregwa, bashingiye ku buhamya yatanze mu Rukiko mu muhezo, aho yemeza ko yigeze guturana n'Uregwa[135], n'ubwo atabivuga mu magambo arambuye yagira akamaro muri uru rubanza (igika cya 650 cy'Inyandiko y'urubanza). Ndasanga bagenzi banjye barakoresheje, nta mpamvu, uburyo bubiri mu guha agaciro ikimenyetso. Cyakora, muri ubwo buhamya bwatanzwe mu muhezo, umugabo yatanze amakuru y'ingirakamaro k'ukuntu yashoboraga kureba neza, ku hantu yari ari ku ngazi ya mbere ya tiribine[136], ku hantu Uregwa yari ari, ari kumwe na

[134] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, urup. 41.
[135] Inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mutarama 2000, urup.39 (mu muhezo).
[136] Inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mutarama 2002, urup.36 (mu muhezo).

Perefe Kayishema ku gasozi ka Gatwaro[137]. Uyu mutangabuhamya yerekanye aho hantu hose ku ifoto ya Sitade Gatwaro[138]. Mu gihe cy'igitero, uyu mutangabuhamya yashoboye kubona Uregwa ahagaze kandi uwo munsi ntiyari yitwaje intwaro[139]. Cyakora, bagenzi banjye bemeza ko Porokireri atujuje inshingano ye yo gutanga amakuru ahagije yerekeye uburyo umutangabuhamya wiswe G yabonyemo ibyo yatanzeho ubuhamya kugira ngo icyo gihu gitera gushidikanya kiveho (igika cya 652 cy'Inyandiko y'urubanza). Bemeza ibyo mu gihe mu buhamya bwe uyu mugabo avuga ko hagati ye n'Uregwa hatari intera ndende[140]. Abo Bacamanza basanga kuba G avuga ko yabonye Uregwa ahagaze ku gasozi bidashobora gufatwa nk'ikimenyetso cyihariye, cyatuma umuntu atandukanya Uregwa n'abandi bantu bari bagabye igitero (igika cya 652 cy'Inyandiko y'urubanza). Bagenzi banjye bongeraho ko hagati y'ahantu yari ari n'aho Uregwa yari, hari abantu benshi cyane ariko ibyo ni ibyo bitekerereza gusa (igika cya 649 cy'Inyandiko y'urubanza). Ni ngombwa kumenya ko umutangabuhamya yari ahantu hatandukanye n'aho abandi batangabuhamya babiri bari bari muri Sitade mu gihe cy'igitero (A na AC). Kubera iyo mpamvu, umutangabuhamya wiswe G, wari hafi cyane y'agasozi ka Gatwaro, yashoboye kwibuka Uregwa wari kuri ako gasozi mu gihe abatangabuhamya biswe A na AC batari gushobora kumubona kubera ahantu hari bari bari muri Sitade. Cyakora, kubera ko bagenzi banjye bavuga ko nta wundi mutangabuhamya ushyigikira ibyo G yemeza ko Uregwa yari kuri ako gasozi, mbere y'igitero no mu gitero, bafata umwanzuro uvuga ko intera n'amakuru adahagije byavuzwe n'umutangabuhamya wiswe G bidashobora gutuma bemera ko ibimenyetso byatanzwe bigaragaza ko Uregwa yari aho hantu kuko ibyo bimenyetso bidatuma badashidikanya (igika cya 653 cy'Inyandiko y'urubanza).

138. Cyakora, jye nsanga ibimenyetso byatanzwe mu Rukiko n'abatangabuhamya biswe A na G ku birebana no kuba Uregwa yari aho hantu mbere y'igitero no mu gitero cyagabwe

[137] Inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mutarama, imp. 33-36(mu muhezo).
[138] Ikimenyetsogihamya N° 65 cyatanzwe na Porokireri.
[139] Inyandikomvugoy'iburanisha, 26 Mutarama 2000, imp. 37-38.
[140] Inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Mutarama 2000, urup. 16 (icyongereza).

kuri sitade, bitavuguruzanya. Ndasanga ibintu byose bisobanura ko mbere y'uko amanuka akajya mu kibuga, umutangabuhamya wiswe A wari hejuru muri tiribine igihe igitero cyagabwaga[141], ni ukuvuga ahateganye n'aho umutangabuhamya wiswe G yari ari, yarabashije, mu gitondo cyo ku itariki ya 18 Mata 1994, kubona Uregwa aza mu modoka. Ntabwo yamubonye igihe igitero cyarimo kugabwa. Naho umutangabuhamya wiswe G wari muri tiribine yari iteganye n'iy'umutangabuhamya A yarimo, ntiyashoboye kubona Uregwa mu gitondo cyo ku itariki ya 18 Mata, ahubwo yamubonye mu ma saa munani, mbere gato y'uko igitero gitangira no mu gihe igitero cyarimo kuba, ubwo Uregwa yari ku gasozi ka Gatwaro.

139. Kubera ko abatangabuhamya babiri babonye Uregwa mu bihe bibiri bitandukanye ku itariki ya 18 Mata 1994 n'ubwo bari ahantu hatandukanye muri Sitade, ndasanga kwemera ibyo bavuga bifite ishingiro kandi binyuze mu kuri, bityo nkaba ntemera ibyo bagenzi banjye bavuga bidafatika ku byerekeranye n'uburyo budahagije bugaragaza ukuntu abo batangabuhamya babonye Uregwa. Ni yo mpamvu, nsanga ubuhamya bw'abagabo biswe A na G bugaragaza, ku buryo budashidikanywaho, ko Uregwa yari kuri sitade ku itariki ya 18 Mata 1994, mbere y'igitero no mu gitero cyagabwe ku mpunzi zari zihafungiwe.

2. Ubuhamya bw'Uregwa

140. Uregwa avuga ko, ku itariki ya 18 Mata 1994 mu gitondo, ari kumwe n'abapolisi na Pasitoro Eliphaz yagiye kuri Paruwasi ya Rubengera gusaba Abakiga kuva muri Komine. Yongeraho ko Bakiga batamwumviye ahubwo bakerekeza mu mugi wa Gitesi, ku Kibuye[142]. Abakiga bongeye kugaruka muri Mabanza ari benshi cyane kurusha mu minsi ya mbere, Uregwa akaba yaramenye imigambi yabo n'aho bari berekeje, mu gitondo cyo ku itariki ya 18 Mata 1994, amaze guhangana nabo[143]. Uregwa avuga ko, amaze

[141] Inyandikomvugo y'iburanisha, 17 Ugushyingo 1999, urup.61.
[142] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup.163.
[143] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 140-141 (icyongereza).

kumanjirirwa, yagumye ku biro bya Komine kugeza ku manywa, afasha abantu bari bafite indangamuntu zacitse kubona inshya kugira ngo Abakiga nibagaruka, batabica[144]. Ndifuza kugaragaza ko ntanyuzwe n'ibisobanuro Uregwa yatanze, avuga ko yahise ahitamo guhangana n'Abakiga ku itariki ya 18 Mata 1994, kandi ibitero byari byaratangiye kuva ku itariki ya 13 Mata 1994 byibasiye Komine ya Mabanza. Nyamara avuga ko icyo gihe nta mbaraga yari afite zo guhangana n'ibyo bitero kuko nawe ubwe yari mu kaga, ndetse n'umubare w'abateraga ukaba wariyongeraga buri munsi, nk'uko yabivuze mu Rukiko. Bamubajije icyerekezo Abakiga bagannyemo ku itariki ya 18 Mata 1994, Uregwa yasubiyemo ko "berekeje i Gitesi, mu karere ka Gitesi"[145]. Uregwa yongeyeho ko uwo munsi ari ho Abakiga bakoze amarorerwa ku Kibuye maze akomeza agira ati "Ariko njye i Mabanza nari mpanganye n'ibindi bibazo by'abaturage bazaga kundeba ngo banture ibibazo: nta ndangamuntu bari bagifite. Hari kandi n'ibibazo byo kwihorera"[146]. Nk'uko bagenzi banjye babibonye, Uregwa yavuze ko ku gicamunsi cyo ku itariki ya 18 mata 1994 yagumye iwe, ko hari abantu yahakiriye, ariko nta buhamya cyangwa ikimenyetso gishingiye ku nyandiko, ku mafoto cyangwa ku majwi, bishyigikira iyo mvugo ye. Ndasanga ibimenyetso byatanzwe bigaragaza ko, mu gitondo cyo ku itariki ya 18 Mata 1994, Uregwa yamenyeshejwe ko impunzi z'i Mabanza zari muri Sitade Gatwaro muri Komine ya Gitesi zashoboraga guterwa. Ibyo bimenyetso binerekana ko, igihe yajyaga kuri Sitade ku itariki ya 18 Mata 1994 mu gitondo, nk'uko bivugwa n'umutangabuhamya wiswe A, Uregwa yari azi cyangwa yagombaga kumenya ko hari igitero cyategurwaga.

141. Uregwa yaje kuvuga nyuma ko, ku gicamunsi, yasubiye iwe kwakira abantu bamusabaga kubafasha kubona ibyangombwa, kandi ko yandikiye amabaruwa abakonseye n'abagize komite z'amaserire. Nyamara mu gitabo cya Komine cyandikwagamo amabaruwa

[144] Inyandikomvugo y'Iburanisha, 5 Kamena 2000, urup.164.
[145] inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup.163.
[146] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 200, urup.163.

asohoka ntaho bigaragara ko amabaruwa nkayo y'ubutegetsi yoherejwe[147]. N'ikimenyimenyi, Uregwa yemeza ibikurikira:

> "Hagati y'itariki ya 12 n'iya 27 mata 1994 hari akaduruvayo muri Komine. Ubuzima bwari bwarahagaze muri Komine. Ntawakoraga haba mu biro by'ubwanditsi bwa Komine, haba iki…imirimo y'inzego zose za komine yari yarahagaze. Ni yo mpamvu hagati y'itariki ya 12 n'iya 27, nta baruwa n'imwe yasohotse muri Komine."[148]

142. Aya magambo atuma umuntu ashidikanya ku byo Uregwa avuga ko ku gicamunsi cyo ku itariki 18 Mata 1994, mu gihe igitero cyarimo kugabwa kuri Sitade ya Gatwaro, yagumye iwe mu rugo yandika « amabaruwa y'akazi », kandi ntakigaragaza ko ayo mabaruwa yanditswe koko. Byongeye kandi, hari ubuhamya buvuga ko, muri icyo gihe, mu ntangiriro z'igicamunsi,Uregwa yari kuri Sitade ubwo hagabwaga igitero.

143. Bamubajije ku marorerwa yakorewe impunzi z'i Mabanza no kumenya abaziteye abo ari bo, Uregwa yavuze ko akeka ko abategetsi bo mu nzego zo hejuru bari bamenyeshejwe uko ibintu byari byifashe ku Kibuye. Niyo mpamvu yibwiraga ko abo bategetsi bari gufata ingamba zikwiye kugira ngo bahangane n'ibyo bintu byaberaga muri Perefegitura no gukora iperereza rya ngombwa kuko bitari ubwa mbere amarorerwa ahakorewa[149]. Nyamara nyuma y'ubwicanyi bwabereye muri Komine ya Gitesi, avuga ko yamenye ku itariki ya 19 Mata 1994, Uregwa yarinumiye, ntiyafata ingamba izo ari zo zose nibura kugeza ku itariki ya 25 Mata 1994. Kuba hatarabaye ubushake bwo kumenya abishwe abo ari bo cyangwa kuba nta perereza ryakozwe nyuma y'ubwicanyi bwahitanye ibihumbi by'abaturage b'i Mabanza ni ibintu bitumvikana, ndetse bitajyanye n'ubushake Uregwa yerekanye bwo kubungabunga umutekano w'abaturage ba Mabanza mbere y'uko bicwa, abenshi mu bashoboraga guhohoterwa bakaba bari Abatutsi.

---

[147] Ikimenyetso gihamya N° 18 cyatanzwe n'Ubwunganizi.
[148] Inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena2000, urup.101.
[149] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup.67.

144. Ndasanga rero ko, niba Uregwa atari yaritswemo koko n'umugambi mubisha kuri Sitade umunsi w'igitero, nibura yari kugira icyo akora kugira ngo ahagarike ubwicanyi, bityo arinde Abatutsi b'i Mabanza bari bahahungiye, kuko yari ashinzwe kubarinda. Niba atari afite ubushobozi bwo guhangana n'abicanyi, kandi amaze kubona ko abategetsi ba Leta bo mu nzego zo hejuru ntacyo bakoraga cyangwa ko nabo baba bari bafite uruhare muri ubwo bwicanyi, ndetse ntiyemere bucece ko ubwo bwicanyi bukorwa, Uregwa yari nibura gufata ingamba akagerageza kumenya umwirondoro w'abishwe bakomokaga muri Mabanza cyangwa se gucyura imirambo yabo. Nta muntu rero wakwemera, nk'uko Ubwunganizi bubivuga ariko bukeka gusa, ko niyo Uregwa aba yarashoboye kugera kuri Sitade umunsi w'igitero, ntacyo aba yarashoboye gukora. Mu by'ukuri, Uregwa yiyemerera ko yari azi ko abicanyi berekezaga mu mugi wa Kibuye kandi ko ubwo yajyagayo, atigeze arwanya ibyaha byahakorewe.

145. Nk'umutegetsi wari ushinzwe umutekano w'abaturage ba Mabanza, Uregwa avuga ko yagiye ku Kibuye ku itariki ya 25 Mata 1994 mu nama y'umutekano yabereye kuri perefegitura. Asobanura ko mu bantu bayitabiriye harimo Perefe Kayishema n'abandi baburugumesitiri. Ku byerekeranye n'iyo nama, Uregwa avuga ko abategetsi bababajwe n' ukuntu ibintu byari byifashe kandi ko bafashe ingamba zo kubimenyesha abategetsi bo hejuru kugira ngo ibintu nk'ibyo bitazongera kuba[150]. Uregwa avuga ko muri iyo nama, Perefe Kayishema yavuze ko abajandarume, ibirara n'Abakiga bishoye mu bwicanyi. Cyakora nta muntu n'umwe, kabone n'Uregwa, wigeze asaba ko bamuha ikigereranyo cy'abantu bishwe, kandi ibihumbi by'Abatutsi bakomokaga muri Mabanza bari muri abo bantu bishwe[151]. Byongeye kandi, Uregwa avuga ko Perefe na Burugumesitiri wa Gitesi bari barenzwe n'ibintu maze bavuga ko buri burugumesitiri yagombaga gukora uko ashoboye kose ngo ibyari byabereye ku Kibuye bitazagira ahandi biba[152]. Ubwo nabazaga Uregwa niba yarasabye ibisobanuro ku ruhare abajandarume basa nabagize mu bwicanyi bwo kuri Sitade Gatwaro, Uregwa yashubije muri aya magambo:

---

[150] Inyandikomvugo y'iburanisha, 5 Kamena 2000, urup. 74.
[151] Inyandikomvugo y'iburanisha, 8 Kamena 2000, urp. 280.
[152] Inayndikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, urup. 102.

> « Iyo nama ntiyamaze igihe kirekire kuko hari ibibazo hagati ya Perefe na Burugumesitiri w'umujyi…wa Komine y'umujyi wa Gitesi ku birebana no gusukura umugi. Hanyuma na twe twavuze ku mutekano mu ma komine yacu. Ariko iyo nama ntiyamaze igihe kirekire, yamaze isaha imwe[153].

146. Nakomeje kumuhata ibibazo mubwira ko ubwo bwicanyi bwabaye abategetsi bo mu nzego za Leta bo ku Kibuye babizi kandi babugenzura, maze Uregwa asubiza muri aya magambo: « Perefe yadusobanuriye ko Komanda yari yagiye (amajwi ntiyumvikana)...umujandarume, kandi ko na we ubwe yashyirwagaho iterabwoba. Uko niko yadusobanuriye ko muri icyo gihe, ntacyo yashoboye gukora»[154]. Uregwa ntiyigeze avuga ko ikibazo cyerekeranye n'uko Perefe ashobora gukoresha ububasha bwe kugira ngo asabe inkunga y'Ingabo z'igihugu, nk'uko biteganywa n'itegeko-teka rigenga imitunganyirize n'imikorere ya perefegitura ryo ku itariki ya 11 Werurwe 1975, kigeze kibazwa n'abari mu nama y'umutekano[155]. Nyuma yaho Uregwa yongeyeho ibikurikira:

> « Ntibyaboroheye kudusobanurira uko byagenze. Kuri iyo ngingo rero, Perefe…nari navuze ko dukeneye lisansi, bamwe bari bafite ikibazo cya lisansi, ibibazo byo guhangana n'ibintu uko byari byifashe mu ma komine yacu.»[156]

147. Birantangaje cyane kubona, mu ngero z'ibibazo bikomeye Uregwa yabajije muri iyo nama, we nk'umutegetsi wo mu nzego za Leta, mu gihe nk'uko we abyivugira umugi wari wuzuye intumbi kandi unuka cyane[157], yaratanze urugero rw'ikibazo cya lisansi mu gihe benshi mu baturage be b'Abatutsi bari bavuye i Mabanza bari bamaze kwicwa.

148. Iyo bagenzi banjye babaza niba Uregwa yarashoboraga kugira icyo akora kirenzeho (ibika 665-683 by'Inyandiko y'urubanza), ku ruhande rumwe, nsanga ibimenyetso

---

[153] Inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, urup. 116.
[154] Inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, urup.102.
[155] Ingingo ya 11 y'itegeko-teka iteganya imikoreshereze y'ububasha bwa perefe bwo gusaba inkunga y'Ingabo kugira ngo zigarure umutekano.
[156] Inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, urup. 118.
[157] Inyandikomvugo y'iburanisha, 6 Kamena 2000, urup.101.

byemeza ko Uregwa yari kuri sitade ku itariki ya 18 Mata 1994, ku rundi ruhande ngasanga kuba yarateshutse ku nshingano ze nk'umuntu uhagarariye ubutegetsi bw'akarere mu gihe cy'ubwicanyi na nyuma yabwo, bigaragaza, nta shiti, ingano y'uruhare n'amakosa by'Uregwa ku byerekeranye n'ubwicanyi bwakorewe kuri Sitade Gatwaro. Sinshidikanya ko kubura uko yifata ku bibazo birebana no kuba nta perereza ryakozwe ku bwicanyi kugira ngo ababukoze bamaganwe cyangwa bahanwe, biterwa n'uko Uregwa wari kuri Sitade mu gihe cy'ubwicanyi, yemeye ko bukorwa.

149. Byongeye kandi, kubera ko muri iyo nama Uregwa yasanze abategetsi ba Gitesi, bari bafite Sitade Gatwaro mu nshingano zabo, baratanze ibisobanuro bidahwitse ku bwicanyi bwa kinyamaswa bwari bumaze kuhakorerwa ndetse n'abajandarume babugizemo uruhare, birankomereye kumva impamvu ku itariki ya 24 Kamena 1994 Burugumesitiri yandikiye Perefe ibaruwa idahuye n'ukwifata yari yagaragaje mu nama yabaye ku itariki ya 25 Mata 1994 ikurikiye ubwo bwicanyi. Muri iyo baruwa yo muri Kamena yanditswe igihe abaturage b'Abatutsi bari baramaze kwicwa, Uregwa, abizi neza, ariregura cyane avuga ko atari icyitso « gishyigikiye Abahutu bashatse Abatutsikazi n'Abatutsi muri rusange », hanyuma agasaba Perefe kuburizamo ibitero by'Abahutu baturukaga mu Makomine ya Rutsiro na Kayove « kuko iyo abaturage ba Mabanza baramuka birwanyeho byari kuviramo Abahutu ubwabo gusubiranamo mu gihe twari dukeneye cyane ubumwe bwabo kugira ngo duhangane n'Inyenzi-Nkotanyi»[158]. Izo mpamvu zose nizo zituma Uregwa asaba inkunga ya Perefe mu buryo bwihutirwa. Icyo kimenyetso cyanditse kiragaragaza imibanire idasobanutse yari hagati y'Uregwa na Perefe. Ku ruhande rumwe, Uregwa avuga ko iyo mibanire itari ishamaje kugira ngo abone uko asobanura impamvu atatinyutse kubaza Perefe icyateye ubwicanyi bwakorewe i Gitesi, ku rundi ruhande, akongera akavuga ko iyo mibanire yari myiza, ashaka kwerekana ko yashoboraga kwizera inkunga ya Perefe cyane cyane mu kurinda umutekano we bwite no kumumenyesha ko abaturage ba Mabanza bazi uko bagenza «byitso». Ndasanga iyi

[158] Ikimenyetso gihamya n° 84 cya Porokireri.

ngingo ya nyuma igaragaza ko Uregwa atari abuze ingufu zo guhangana n'ibyabaye nk'uko ashaka kubyerekana.

150. Ibisobanuro byose yatanze bigaragaza ko, nyuma y'ubwicanyi bukabije bwabereye mu mujyi wa Kibuye, Uregwa yateshutse ku nshingano ze no ku mirimo ye nka burugumesitiri. Ntiyagerageje kumenya abicanyi abo aribo, ntiyanagerageje kumenya abaturage ba Mabanza baguye muri ubwo bwicanyi, kandi ntiyashubije neza ibibazo yabajijwe ku ukuntu ibintu byagenze, n'ubwo yari mu nama y'"umutekano" yo ku itariki ya 25 Mata 1994 yarimo n'abategetsi bose barebwaga n'ubwo bwicanyi.

VI. Imyanzuro

151. Ndasanga ubuhamya bw'abagabo bugaragaza ko Uregwa yari kuri Sitade Gatwaro ku itariki ya 18 Mata 1994 butuma, ku buryo budasubirwaho, ubuhamya bwe butakwizerwa. Byongeye kandi, nsanga ubwo buhamya bw'abo bagabo butesha agaciro imvugo z'Uregwa zidasobanutse, ndetse rimwe na rimwe zidafatika, aho asobanura ibyo yakoraga muri Komine ya Mabanza uwo munsi, ashaka kunyomoza ibivugwa ko yari kuri Sitade. Kuri iyi ngingo, ndemeranya n'umwanzuro Umucamanza Pillay yafashe mu gitekerezo cyihariye cyometswe ku rubanza rwa Musema aho avuga ko « iyo icyizere umutangabuhamya yagirirwa gikemanzwe, ubuhamya bwe bwose bugomba gushidikanywaho keretse haramutse habonetse ikindi kimenyetso kidafite aho kibogamiye kibushyigikira »[159]. Muri icyo gitekerezo, Umucamanza Pillay yitandukanyije na bagenzi mu mwanzuro bafashe bavuga ko ubuhamya rukumbi bw'umugabo wakwizerwa mu gihe Uregwa we atafatwaga atyo, budahagije ngo umuntu yemeze ko Uregwa yari ahantu icyaha cyakorewe. Umucamanza Pillay yavugaga neza ko « ubuhamya bw'umugabo […] budashobora kwangwa, ku ruhande rumwe, kubera

[159] Urubanza rwa *Musema*, inyandiko y'urubanza mu rw'iremezo, 25 Mutarama 2000. Igitekerezo cyihariye cy'umucamanza Navanethem Pillay, igika cya 4, urup.326.

ubuhamya bw'Uregwa, ngo ku rundi ruhande bwakirwe hatitawe ku buhamya bw'Uregwa »[160].

152. Ndemera ko ubuhamya bw'abagabo biswe A na G bugaragaza, ku buryo budashidikanywaho, ko ku itariki ya 18 Mata 1994, Uregwa yari kuri Sitade ubwo igitero cyahagabwaga ndetse na mbere yacyo. Ndemera kandi ko yari azi cyangwa afite impamvu zo kumenya ko icyo gitero cyategurwaga, ndetse kiri hafi kugabwa.

153. Ndasanga, kuba Uregwa yari kuri Sitade yabigambiriye mu gihe icyo gitero cyarimo kuba, yaryozwa icyaha nk'umuntu w'indorerezi wemeye ko ibyaha bikorwa, bityo akaba yarashishikaje ababikoze. Ndemera ko ubuhamya bwatanzwe n'abagabo bugaragaza ko Uregwa yemeye bucece ko ibyo byaha bikorwa kuko ntaho bugaragaza ko yigeze abyamagana, kandi yari abifitiye inshingano nka Burugumesitiri, kabone n'ubwo atari muri komine yayoboraga. N'ubwo umugambi mubisha w'Uregwa utagaragara mu buryo bweruye, ndemeza ko uwo mugambi ugaragarira mu bintu byose byagiye bivugwa muri uru rubanza. Sinshidikanya na none ko, mu gihe yari kuri Sitade mu gitondo no ku gicamunsi ku itariki ya 18 Mata 1994, n'ubwo nta bimenyetso byerekana ko yari yabiteguye, nta kuntu Uregwa atari kumenya ko igitero cyari hafi kugabwa ku mpunzi zari kuri sitade, bityo akaba yarabaye icyitso cy'abakigabye hakurikijwe Ingingo ya 6 1). Kuri iyi ngingo, igitekerezo cyihariye cyo gukora icyaha ntikirebana n'ubufatanyacyaha kuko nsanga bitaragaragaye ko Uregwa yari asangiye umugambi mubisha na ba gatozi. Cyakora, nk'uko bivugwa mu rubanza rwa Tadic[161], ku birebana no kuba icyitso, umugambi mubisha ushobora kugaragarira mu kumenya umugambi rusange wo kugirira abandi nabi. Umugambi nk'uwo ushobora kugaragazwa mu buryo butaziguye cyangwa ukagararira mu mwanya Uregwa afite mu nzego z'ubuyobozi[162]. Muri uru rubanza, Urugereko rwongeyeho ko igisabwa ari igitekerezo cyihariye, kurusha uburangare busanzwe, ku buryo n'ubwo ataba yari afite igitekerezo cyo gutuma ibintu runaka biba,

[160] Ni kimwe no haruguru, urup. 328.
[161] Urubanza rwa *Tadic*, inyandiko y'urubanza mu bujurire, 15 Nyakanga 1999.
[162] Ni kimwe no haruguru, igik cya 220.

Uregwa yari azi ko ibikorwa by'agatsiko aka n'aka byari kurundurira kuri iyo ngaruka (ni byo byitwa *dolus eventualis*).

154. Kubera izo pamvu zose, ndasanga nta kuntu Uregwa yari kuyoberwa ko, kuba ari ahantu hakorerwa ubwicanyi, byari gushishikariza amagana y'abagabye igitero kwibasira impunzi cyangwa bitaba ibyo, bigatuma bumva ko abibashyigikiyemo. N'ubwo nta sano itaziguye yagaragajwe ku birebana n'ikorwa ry'ibyaha, uruhare rwe rwabaye urwo gutera akanyabugabo ababikoze. Ndemera ko, kuba yari ari kuri Sitade Gatwaro ku itariki ya 18 Mata 1994 byateye inkunga ikomeye abicanyi bibasiye impunzi z'Abatutsi nk'uko bivugwa n'abatangabuhamya. Nta muntu ushidikanya ko abaturage bo muri Komine yayoboraga bari mu bahitanywe n'ubwo bwicanyi kandi ko, kuba yari aho bwaberaga ari umutegetsi mukuru wa Komine ya Mabanza, ntiyamagane ubwo bwicanyi igihe bwabaga, byashishikarije abicanyi gukora ibyo byaha.

155. Ingingo ya 353 y' igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshi-njabyaha y'Ubufaransa ivuga, ku birebana n'abacamanza bo mu rukiko mpanabyaha rwitwa C*our d'assise*, ko « amategeko adasaba abacamanza kwerekana ingingo zituma bemera ikintu iki n'iki…abasaba gusa gusubiza ikibazo kimwe…: murumva mubyemera n'imitima yanyu yose »? Nemeye n'umutima wanjye wose ko, hakurikijwe Ingingo ya 6 1) ya Sitati, Uregwa ahamwa n'icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu (ubwicanyi, itsembatsemba n'ibindi bikorwa birenze kameremuntu), ibyaha biteganywa n'Ingingo ya 2 3) e), iya 3-a), iya 3-b n'iya 3-i) za Sitati, ku birebana n'ikirego cya kabiri, icya gatatu, icya kane n'icya gatanu by'Inyandiko y'ibirego. Niyo mpamvu rero hagombye gufatwa umwanzuro umuhamya icyaha.

Bikorewe Arusha, ku tariki ya 7 Kamena 2001, mu gifaransa no mu cyongereza; inyandiko y'igifaransa ni yo igenderwaho.

Umucamanza Mehmet Güney.

[Umukono]

Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda

Umuryango w'Abibumbye

Urubanza n° ICTR-95-1A-I

Umwimerere: Icyongereza

POROKIRERI

ABURANA NA

IGNACE BAGILISHEMA

INYANDIKO Y'IBIREGO YAHINDUWE

---

1. Ashingiye ku bubasha ahabwa n'Ingingo ya 17 ya Sitati y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, Porokireri w'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda (« Sitati y'Urukiko »), ararega:

Ignace Bagilishema

JENOSIDE, KUBA ICYITSO CY'ABAKOZE JENOSIDE, IBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU; NO KUNYURANYA BIKOMEYE N'INGINGO YA 3 IHURIWEHO N'AMASEZERANO Y'I JENEVE N'INYONGERA YAYO YA II, nk'uko bisobanurwa mu bikurikira:

2. Iyi Nyandiko y'ibirego ikubiyemo ibyaha bishinjwa umuntu wakoze ibyaha binyuranyije bikomeye n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara muri Perefegitura ya Kibuye, ku butaka bw'u Rwanda, aho abantu babarirwa mu bihumbi

barimo abagabo, abagore n'abana biciwe kandi hakanakomerekera abantu benshi, muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994.

3. UREGWA

3.1. **Ignace Bagilishema** yavukiye muri Segiteri ya Rubengera, Komine ya Mabanza, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, mu mwaka wa 1955. Ni mwene Louis Ntaganda na Kampundu. **Ignace Bagilishema** yagizwe Burugumesitiri wa Komine ya Mabanza ku itariki ya 8 Gashyantare 1980.

3.2. **Ignace Bagilishema** yabaye burugumesitiri kugera mu mpera za Nyakanga 1994. Mu bihe byose bivugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego, **Ignace Bagilishema** yari Burugumesitiri wa Komine ya Mabanza. Mu rwego rw'akazi ke, **Ignace Bagilishema** yari afite ububasha ku bakozi b'iyi Komine akanabagenzura, harimo abo yari akuriye, by'umwihariko Célestin Semanza na Apollinaire Nsengimana bari abafasha ba burugumesitiri wa Komine ya Mabanza, na Emile Nzanana.

3.3. Mu rwego rw'akazi ke nka Burugumesitiri wa Komine ya Mabanza, **Ignace Bagilishema** na none yari afite ububasha ku baporisi ba Komine n'abajandarume kandi akanabagenzura.

4. INCAMAKE Y'IBYABAYE

4.1 Uretse biramutse bivuzwe mu buryo bwihariye, ibyaha binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara bivugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego byakorewe mu Rwanda hagati y'itariki ya 1 Mata n'iya 31 Nyakanga 1994.

4.2 Mu gihe cy'ibyabaye bivugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego, Abatutsi, Abahutu n'Abatwa bari bazwi nk'amoko atandukanye.

4.3 Mu gihe cy'ibyabaye bivugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego, mu Rwanda hagabwe ibitero rusange cyangwa biri kuri gahunda byibasiye abaturage b'abasiviri, bazira amashyaka ya politiki barimo cyangwa ubwoko bwabo.

4.4 Mu gihe cy'ibyabaye bivugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego, mu Rwanda hari intambara itari mu rwego mpuzamahanga. Abibasiwe bavugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego barengerwaga n'amategeko nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve yo mu wa 1949 n'Inyongera yayo ya II, kandi abo bantu ntaho bari bahuriye n'imirwano mu buryo butaziguye.

4.5 Mu gihe cy'ibyabaye bivugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego, u Rwanda rwari rugabanyijemo amaperefegitura 11, imwe muri zo ikaba yari iya Kibuye. Perefegitura ya Kibuye yari igizwe n'amakomine 9 ari yo: Rutsiro, Mabanza, Kivumu, Gitesi, Bwakira, Mwendo, Gisovu, Gishyita na Rwamatamu.

4.6 Ibyabaye Inyandiko y'ibirego ishingiyeho byakorewe muri Komine ya Mabanza, iya Gitesi, iya Gishyita n'iya Gisovu, muri Perefegitura ya Kibuye.

4.7 Ku itariki ya 6 Mata 1994, indege yari itwaye Perezida Juvénal Habyarimana w'u Rwanda yahanutse ubwo yiteguraga kugwa ku kibuga cy'indege mpuzamahanga cy'u Rwanda. Ibitero n'ubwicanyi byibasiye abasiviri byatangiye nyuma yaho gato hirya no hino mu Rwanda.

4.8 Inkuru y'urupfu rwa Perezida Habyarimana imaze kumenyekana, hagati y'itariki ya 9 n'iya 13 Mata 1994, **Ignace Bagilishema** yagiranye inama nyinshi na Perefe wa Kibuye Clément Kayishema n'abandi bayobozi baho barimo Komanda wa Jandarumori y'Igihugu muri Perefegitura ya Kibuye.

4.9 Kuva ahagana ku itariki ya 9 Mata 1994 kugeza ku itariki ya 30 Kamena 1994, abantu babarirwa mu bihumbi barimo abagabo, abagore n'abana bahungiye ahantu hatandukanye muri Komine ya Mabanza, iya Gitesi, iya Gisovu n'iya

Gishyita. Abenshi muri bo bari Abatutsi bahungaga ibitero byabibasiraga muri Perefegitura yose ya Kibuye.

Ibitero byagabwe muri Komine ya Mabanza

4.10 Muri Komine ya Mabanza, abaturage b'Abatutsi bahungiye ahantu hanyuranye muri segiteri 13 zigize iyo Komine. Bahoraga baterwa, kuva ku itariki ya 9 Mata 1994 kugeza ku itariki ya 30 Kamena 1994. Mu kwica Abatutsi muri Komine ya Mabanza, abagabaga ibitero, barimo abajandarume, abapolisi ba Komine n'Interahamwe zitwaraga gisirikare, bakoreshaga imbunda, za gerenade, imihoro, amacumu, imipanga, ibibando n'izindi ntwaro.

4.11 Muri Mata, Gicurasi, na Kamena 1994, **Ignace Bagilishema** abyumvikanyeho n'abandi bantu barimo Clément Kayishema, Célestin Semanza, Apollinaire Nsengimana, Emile Nzanana, Munyampundu, bazanye muri Segiteri ya Rubengera, Komine ya Mabanza, abantu bitwaje intwaro, babategeka gutera abantu bari batuye cyangwa bari bahungiye ahantu hanyuranye muri ako gace, harimo no ku biro bya Komine.

4.12 Byongeye kandi, **Ignace Bagilishema** ubwe yateye kandi yica abantu bari batuye cyangwa bari bahungiye muri Komine ya Mabanza.

4.13 Muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, **Ignace Bagilishema** abyumvikanyeho n'abandi bantu, yakoze ubwicanyi kandi ashishikariza abandi bantu gufata no kwica urubozo abagabo, abagore n'abana, bose bo mu bwoko bw'Abatutsi, bahungaga ibitero byagabwaga muri Komine ya Mabanza, iya Gitesi, iya Gishyita n'iya Gisovu, muri Perefegitura ya Kibuye.

4.14 By'umwihariko, **Ignace Bagilishema** abyumvikanyeho n'abandi bantu barimo Clément Kayishema, Célestin Semanza, Apollinaire Nsengimana, Emile Nzanana na Munyampundu, hagati y'itariki ya 9 Mata n'iya 30 Kamena 1994, bahaye

Interahamwe zitwaraga gisirikare uburenganzira kandi bazishishikariza gushyiraho za bariyeri ahantu h'ingenzi muri Komine ya Mabanza no hafi y'ibiro by'iyo Komine. Icyari kigamijwe cya mbere mu ishyirwaho z'iyo bariyeri kwari ukugenzura abahisi n'abagenzi, ngo izo Nterahamwe zishobore kujonjoramo Abatutsi. Hagati y'itariki ya 9 Mata n'iya 30 Kamena 1994, **Ignace Bagilishema** yatanze itegeko ryo gufunga Abatutsi benshi kuri bariyeri zinyuranye zari muri Komine ya Mabanza. Bene izo mfungwa zashyikirizwaga Ignace Bagilishema nyuma zikicwa n'abapolisi ba Komine, abajandarume, Interahamwe n'abasiviri bafite intwaro, yari akuriye kandi yagenzuraga.

4.15 Hagati y'itariki ya 9 Mata n'iya 30 Kamena 1994, **Ignace Bagilishema** yafungiye muri kasho ya Komine ya Mabanza impunzi z'Abatutsi zirenga 100. Ku itariki ya 15 Mata 1994 cyangwa ahagana kuri iyo tariki, **Ignace Bagilishema** yemereye Interahamwe zitwaraga gisirikare kwinjira muri kasho, hanyuma zica urubozo impunzi nyinshi z'Abatutsi zimaze kuzikorera ibikorwa by'urushinyaguro.

4.16 Hagati y'itariki ya 9 Mata n'iya 30 Kamena 1994, **Ignace Bagilishema** yategetse Interahamwe zitwaraga gisirikare gucukura imva rusange hafi y'ibiro bya Komine ya Mabanza.

4.17 Imibiri y'impunzi nyinshi z'Abatutsi zishwe mu bitero byagabwe ku biro bya Komine n'ahandi muri Komine ya Mabanza, yahambwe mu mva rusange hafi y'ibiro bya Komine ya Mabanza hagati y'itariki ya 9 Mata n'iya 30 Kamena 1994, **Ignace Bagilishema** abizi kandi yabyemeye.

4.18 Kuva ku itariki ya 9 Mata 1994, **Ignace Bagilishema** yashishikarije abagabo, abagore n'abana b'Abatutsi babarirwa mu bihumbi bahungaga ibitero byagabwaga muri Komine, guhungira ku biro bya Komine ya Mabanza. Abandi benshi bari bahungiye ku misozi bazanywe ku biro bya Komine mu modoka za Komine bitegetswe na **Ignace Bagilishema**, bafungirwa muri kasho na none bitegetswe na **Ignace Bagilishema**.

4.19 Ku itariki ya 11 Mata 1994, **Ignace Bagilishema,** amaze gushyira abapolisi ba Komine hanze y'ibiro bya Komine, yabahaye amabwiriza yo kubuza impunzi zari zihari kuva ku biro bya Komine. **Ignace Bagilishema** kandi yategetse abapolisi ba Komine kwakira impunzi zazaga guhungira ku biro bya Komine.

4.20 Ku itariki ya 12 Mata 1994, **Ignace Bagilishema** yabonanye na Perefe Clément Kayishema, Perefe avuga ko Komine ya Mabanza ari yo yonyine muri Kibuye yari isigaranye « umwanda ». Impunzi zari zahungiye ku biro bya Komine ya Mabanza zashyizwe mu matsinda abiri bitegetswe na **Ignace Bagilishema**. Abari mu itsinda rya mbere rigizwe n'abantu bize bashyizwe mu ikamyo ya gisirikare bajyanwa ku Kibuye, ntihagira uwongera kubaca iryera. Abari mu itsinda rya kabiri ry'impunzi ryari rigizwe ahanini n'abaturage bafungiwe ku biro bya Komine ya Mabanza, nyuma bimurirwa kuri Sitade Gatwaro mu mujyi wa Kibuye, akaba ari ho biciwe.

Ibitero byagabwe mu mujyi wa Kibuye, muri Komine ya Gitesi

4.21 Ku itariki ya 13 Mata 1994 cyangwa ahagana kuri iyo tariki, **Ignace Bagilishema** yategetse abaturage b'Abatutsi yari yasabye gukoranira ku biro bya Komine kugira ngo barindwe, kujya kuri Sitade Gatwaro mu mujyi wa Kibuye, muri Komine ya Gitesi.

4.22 Bageze mu mujyi wa Kibuye, muri Komine ya Gitesi ku itariki ya 13 Mata 1994, **Ignace Bagilishema** abyumvikanyeho n'abandi bantu barimo Clément Kayishema, Célestin Semanza, Apollinaire Nsengimana, Emile Nzanana na Munyampundu, yashyize impunzi mu matsinda abiri. **Ignace Bagilishema** yategetse abagize itsinda rya mbere guhungira ku kiriziya y'abagatorika no kuri Home Saint-Jean (muri iyi nyandiko byitwa « ikigo »), abagize itsinda rya kabiri abategeka guhungira kuri Sitade Gatwaro (muri iyi nyandiko yitwa « Sitade »), aho hombi hakaba ari mu mujyi wa Kibuye, muri Komine ya Gitesi.

4.23 Ahagana ku itariki ya 17 Mata 1994, abagabo, abagore n'abana, bose babarirwaga mu bihumbi baturutse ahantu hanyuranye bahungiye ku kiriziya y'abagatorika no kuri Home Saint-Jean (ikigo), no kuri Sitade Gatwaro bihereye mu mujyi wa Kibuye. Abo bagabo, abagore n'abana nta ntwaro bari bafite kandi benshi muri bo bari Abatutsi. Bari mu kigo bahunze ibitero byibasiraga Abatutsi, byagabwaga hose muri Perefegitura ya Kibuye.

4.24 Abantu bamaze gukoranira mu kigo no kuri sitade, hagoswe n'abantu bategekwaga na **Ignace Bagilishema**, barimo abajandarume n'abapolisi ba Komine. Aba bantu babujije abagabo, abagore n'abana bari bahari gusohoka, bityo bituma bamara iminsi batabona ibya ngombwa by'ibanze nk'ibiribwa n'amazi.

4.25 Ku itariki ya 17 Mata 1994, abo bantu bategetswe guhungira mu kigo na **Ignace Bagilishema** batewe n'abajandarume, abapolisi ba Komine, Interahamwe n'abasiviri bitwaje intwaro. Abagabaga ibitero bakoresheje imbunda, za gerenade, imihoro, amacumu, ibibando n'izindi ntwaro mu kwica abantu bari mu kigo.

4.26 Ku itariki ya 18 Mata 1994, **Ignace Bagilishema** afatanyije n'abandi bantu barimo Clément Kayishema, Célestin Semanza, Apollinaire Nsengimana, Emile Nzanana na Munyampundu, bazanye kuri Sitade Gatwaro abajandarume, abapolisi ba Komine, Interahamwe n'abasiviri bitwaje intwaro, babategeka gutera abantu bari bahahungiye.

4.27 Byongeye kandi, **Ignace Bagilishema** ubwe yateye kandi yica abantu bari bahungiye kuri Sitade Gatwaro, mu mujyi wa Kibuye. Icyo gitero cyo ku mpunzi zari kuri Sitade Gatwaro cyagabwe ku itariki ya 18 Mata 1994, gikomeza bucyeye bwaho ku itariki ya 19 Mata 1994.

4.28 Ategeka abagabo, abagore n'abana b'Abatutsi kujya mu kigo no kuri Sitade Gatwaro, **Ignace Bagilishema** yari azi cyangwa yagombaga kumenya ko hendaga kugabwa ibitero.

Ibitero byagabwe muri Komine ya Gishyita n'iya Gisovu

4.29 Komine ya Gishyita ifite amasegiteri umunani, naho iya Gisovu ikagira icyenda. Abatutsi bahungiye mu gace ka Bisesero gaherereye muri izo Komine zombi, bahoraga baterwa kuva ku itariki ya 9 Mata 1994 kugeza ku ya 30 Kamena 1994. Abagabaga ibitero barimo abajandarume, abapolisi ba Komine n'Interahamwe zitwaraga gisirikare bakoreshaga imbunda, imihoro, amacumu, imipanga, ibibando n'izindi ntwaro mu kwica Abatutsi muri Komine ya Gishyita n'iya Gisovu.

4.30 Muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, **Ignace Bagilishema**, afatanyije n'abandi bantu barimo Clément Kayishema, Célestin Semanza, Apollinaire Nsengimana, Emile Nzanana na Munyampundu, yazanye mu karere ka Bisesero abantu bitwaje intwaro, barimo abajandarume, abapolisi ba Komine n'Interahamwe zitwaraga gisirikare, babategeka gutera abantu bari bahahungiye. Byongeye kandi, **Ignace Bagilishema** ubwe yateye kandi yica abantu bari bahungiye ku musozi wa Gitwa, mu karere ka Bisesero.

4.31 Muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, **Ignace Bagilishema** yakoze ibindi bikorwa birenze kameremuntu muri Komine ya Mabanza, iya Gitesi n'iya Gisovu, muri Perefegitura ya Kibuye, ku butaka bw'u Rwanda, birimo guhiga Abatutsi ubutitsa, gutandukanya Abatutsi n'abantu bo mu yandi moko, gukubita Abatutsi, kujyana Abatutsi aho biciwe kandi abizi, gufungirana binyuranyije n'amategeko Abatutsi ku biro bya Komine no kuri Sitade Gatwaro badafite amazi, ibya ngombwa by'isuku cyangwa ibiribwa, bityo biba ngombwa ko barya ibyatsi.

4.32 Ibitero bisobanurwa hejuru byahitanye ibihumbi by'abagabo, abagore n'abana muri Komine ya Mabanza, iya Gitesi n'iya Gisovu, muri Perefegitura ya Kibuye, binakomeretsa benshi.

5. IBIREGO

5.1 Kubera ibikorwa bivugwa mu bika bisobanurwa muri buri kirego, Uregwa yacuze umugambi, awushishikariza abandi, ategeka, akora, cyangwa ku bundi buryo ubwo ari bwo bwose, afasha kandi ashyigikira gucura umugambi, gutegura, cyangwa gukora ibyo bikorwa, cyangwa yari azi cyangwa yagombaga kumenya ko abantu yategekaga kandi yagenzuraga bari bakoze cyangwa biteguraga gukora ibyo bikorwa, ntiyafata ingamba za ngombwa kandi zishyize mu gaciro kugira ngo aburizemo ibyo bikorwa binyuranyije n'amategeko, cyangwa ahane ababikoze.

Ikirego cya mbere:

Kubera ibikorwa bye bijyanye n'ibyabaye bivugwa mu bika bya 4.9-4.31, **Ignace Bagilishema** aryozwa nka gatozi ibyaha bivugwa mu mirongo ikurikira, hashingiwe ku Ngingo ya 6(1) n'iya 6(3) za Sitati y'Urukiko:

Ignace Bagilishema aryozwa kuba muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, muri Komine ya Mabanza, iya Gitesi, iya Gishyita n'iya Gisovu, muri Perefegitura ya Kibuye, ku butaka bw'u Rwanda, yarishe cyangwa yarateje ububabare buzahaza umubiri cyangwa mu mutwe Abatutsi, agamije kubarimbura bose cyangwa igice cyabo bazira ubwoko bwabo, bityo akaba yarakoze **JENOSIDE**, icyaha giteganywa n'Ingingo ya 2(3)(a) kandi gihanwa hashingiwe ku Ngingo ya 22 n'iya 23 za Sitati y'Urukiko.

Ikirego cya 2:

Kubera ibikorwa bye bijyanye n'ibyabaye bivugwa mu bika bya 4.14-4.25, **Ignace Bagilishema** aryozwa nka gatozi icyaha kivugwa mu bikurikira, hashingiwe ku Ngingo ya 6(1) n'iya 6(3) za Sitati y'Urukiko:

Muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, muri Komine ya Mabanza, iya Gitesi, iya Gishyita n'iya Gisovu, muri Perefegitura ya Kibuye, ku butaka bw'u Rwanda, **Ignace Bagilishema** yabaye icyitso mu kwica cyangwa guteza ubuzahare bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe Abatutsi, bityo akaba yarakoze **ICYAHA CYO KUBA ICYITSO CY'ABAKOZE JENOSIDE**, giteganywa n'Ingingo ya 2(3)(e) kandi gihanwa hashingiwe ku Ngingo ya 22 n'iya 23 za Sitati y'Urukiko.

Ikirego cya 3:

Kubera ibikorwa bye bijyanye n'ibyabaye bivugwa mu bika bya 4.10-4.31, **Ignace Bagilishema** aryozwa nka gatozi icyaha kivugwa mu bikurikira, hashingiwe ku Ngingo ya 6(1) n'iya 6(3) za Sitati y'Urukiko:

Ignace Bagilishema aryozwa kuba muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, muri Komine ya Mabanza, iya Gitesi, iya Gishyita n'iya Gisovu, muri Perefegitura ya Kibuye, ku butaka bw'u Rwanda, yarahohoteye abasiviri, mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda cyibasiye abaturage b'abasiviri kubera ibitekerezo byabo bya politiki, cyangwa ubwoko bwabo, bityo akaba yarakoze **ICYAHA CYIBASIYE INYOKOMUNTU**, giteganywa n'Ingingo ya (3)(a) kandi gihanwa hashingiwe ku Ngingo ya 22 n'iya 23 za Sitati y'Urukiko.

Ikirego cya 4:

Kubera ibikorwa bye bijyanye n'ibyabaye bivugwa mu bika bya 4.10-4.30, **Ignace Bagilishema** aryozwa nka gatozi icyaha kivugwa mu bikurikira, hashingiwe ku Ngingo ya 6(1) n'iya 6(3) za Sitati y'Urukiko:

Ignace Bagilishema aryozwa kuba muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, muri Komine ya Mabanza, iya Gitesi, iya Gishyita n'iya Gisovu, muri Perefegitura ya Kibuye, ku butaka bw'u Rwanda, yaratsembatsembye abasiviri, mu rwego rw'igitero rusange

cyangwa kiri kuri gahunda cyibasiye abaturage b'abasiviri kubera ibitekerezo byabo bya politiki, cyangwa ubwoko bwabo, bityo akaba yarakoze **ICYAHA CYIBASIYE INYOKOMUNTU**, giteganywa n'Ingingo ya (3)(b) kandi gihanwa hashingiwe ku Ngingo ya 22 n'iya 23 za Sitati y'Urukiko.

Ikirego cya 5:

Kubera ibikorwa bye bijyanye n'ibyabaye bivugwa mu bika bya 4.10-4.31, **Ignace Bagilishema** aryozwa nka gatozi ibyaha bivugwa mu bikurikira, hashingiwe ku Ngingo ya 6(1) n'iya 6(3) za Sitati y'Urukiko:

Muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, muri Komine ya Mabanza, iya Gitesi, iya Gishyita n'iya Gisovu, muri Perefegitura ya Kibuye, ku butaka bw'u Rwanda, **Ignace Bagilishema** yakoze **IBINDI BIKORWA BIRENZE KAMEREMUNTU** birimo guteza ubuzahare bukomeye bwo ku mubiri no mu mutwe, nko guhiga Abatutsi ubutitsa mu mezi yakurikiye igitero, gutandukanya Abatutsi n'abantu bo mu yandi moko, gukubita Abatutsi ku buryo bukomeye, kujyana Abatutsi aho biciwe kandi abizi, gufungirana binyuranyije n'amategeko Abatutsi ku biro bya komine no kuri Sitade Gatwaro badafite amazi, ibya ngombwa by'isuku cyangwa ibiribwa, bityo bikaba ngombwa ko barya ibyatsi. Ibyo bikorwa byakozwe mu rwego rw'igitero rusange kandi kiri kuri gahunda cyibasiye abaturage b'abasiviri kubera ibitekerezo byabo bya politiki, cyangwa ubwoko bwabo, bityo akaba yarakoze **ICYAHA CYIBASIYE INYOKOMUNTU**, giteganywa n'Ingingo ya 3(i), gihanwa hashingiwe ku Ngingo ya 22 n'iya 23 za Sitati y'Urukiko.

Ikirego cya 6:

Kubera ibikorwa bye bijyanye n'ibyabaye bivugwa mu bika bya 4.10-4.31, **Ignace Bagilishema** aryozwa nka gatozi icyaha kivugwa mu bikurikira, hashingiwe ku Ngingo ya 6(1) n'iya 6(3) za Sitati y'Urukiko:

Ignace Bagilishema akurikiranyweho kuba muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, muri Komine ya Gisovu n'iya Gishyita, muri Perefegitura ya Kibuye, ku butaka bw'u Rwanda, yarakoze ibikorwa by'ubugizi bwa nabi byibasiye, ubuzima, amagara n'ibihungabanya imibereho myiza y'umuntu ku mubiri cyangwa mu mutwe, mu rwego rw'intambara itari mpuzamahanga, by'umwihariko ubuhotozi no gukora ibikorwa bya kinyamawa, nko kwica urubozo cyangwa ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bubabaza umubiri, bityo akaba yarakoze **IBIKORWA BINYURANYIJE BIKOMEYE N'INGINGO YA 3 IHURIWEHO N'AMASEZERANO Y'I JENEVE N'INYONGERA YAYO YA II**, biteganywa n'Ingingo ya 4(a) kandi bihanwa hashingiwe ku Ngingo ya 22 n'iya 23 za Sitati y'Urukiko.

Ikirego cya 7:

Kubera ibikorwa bye bijyanye n'ibyabaye bivugwa hejuru mu bika bya 4.10-4.30, **Ignace Bagilishema** aryozwa nka gatozi icyaha kivugwa mu bikurikira, hashingiwe ku Ngingo ya 6(1) n'iya 6(3) za Sitati y'Urukiko:

Ignace Bagilishema aryozwa kuba muri Mata, Gicurasi na Kamena 1994, muri Komine ya Mabanza, iya Gitesi, iya Gisovu n'ya Gishyita, muri Perefegitura ya Kibuye, ku butaka bw'u Rwanda, yarakoze ibikorwa byo guhohotera abagore, birimo ibibatesha agaciro cyangwa bibakoza isoni, mu rwego rw'intambara itari mpuzamahanga, bityo akaba yarakoze **IBIKORWA BINYURANYIJE BIKOMEYE N'INGINGO YA 3 IHURIWEHO N'AMASEZERANO Y'I JENEVE N'INYONGERA YAYO YA II**,

Bbiteganywa n'Ingingo ya 4(e) kandi bihanwa hashingiwe ku Ngingo ya 22 n'iya 23 za Sitati y'Urukiko.

Bikorewe Arusha, muri Tanzaniya, ku itariki ya 17 Nzeri 1999.

Mu mwanya wa Porokireri
Bernard A. Muna
Porokireri Wungirije
[Umukono]

UMUGEREKA B

Amagambo yakoreshejwe n'Imanza zifashishijwe

Abakiga	Muri uru rubanza, ni ijambo rikoreshejwe bashaka kuvuga abantu bakomoka mu Majyaruguru y'u Rwanda
Urubanza rw'abagize Ubuyobozi bukuru [bo mu gisirikare cy''Ubudage barezwe ibyaha by'intambara] *(Affaire du Haut Commandement)*	*Urubanza Leta zunze ubumwe z'Amerika zaburanye na Wilhelm von Leeb na bagenzi be.* Ni Urukiko mpuzamahanga rwa gisirikare rwashyizweho hakurikijwe Itegeko N° 10 y'Akanama k'Ubugenzuzi k'ibihugu by'ibihangange byishyize hamwe *(Conseil de Contrôle des Puissances Alliées)*, rwabereye i Nuremberg, 28 Ugushyingo [1947]- 28 Ukwakira 1948.
Urubanza rw'Akayezu mu bujurire	*Porokireri aburana na Akayesu,* TPIR, Urubanza N° ICTR-96-4-A, Urugereko rw'Ubujurire, 1 Kamena 2001.
Urubanza rwa Čelebići (*Delalić* mu bujurire	Porokireri aburana na Zejnil Delalić, Zdravko Mucić, Hazim Delić na Esad Landžo, TPIY, Urubanza N° IT-96-21-A, Urubanza mu bujurire, 20 Gashyantare 2000.
Ingingo ya 3 ihuriweho	Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano uko ari ane y'i Jeneve yo ku ya 12 Kanama 1949 arengera abahohotewe n'intambara.
Ibiro bya Komine	Ni ikigo kirimo icyicaro cy'ubutegetsi bwa Komine n'andi mazu y'ubuyobozi bwa Komine.
CDI	Akanama gashinzwe gutunganya no gusobanura amategeko

	mpuzamahanga.
CDR	Impuzamugambi ziharanira Repubulika
Selire	Umugabane w'ifasi muri segiteri ushinzwe politiki n'ubuyobozi
Ibisobanuro ku Masezerano nyongera	Ibisobanuro byatanzwe n'Umuryango mpuzamahanga wa Coix-Rouge ku masezerano y'inyongera yo ku ya 8 Kamena 1977 y'Amasezerano y'i Jeneve yo ku ya 12 Kanama 1949.
Komine	Umugabane w'ifasi muri perefegitura ushinzwe politiki n'ubutegetsi
Amasezeno y'i Jeneve	Amasezerano y'i Jeneve agamije gufata neza inkomere n'abarwayi bo mu ngabo ziri ku rugamba yo ku ya 12 Kanama 1949. Amasezerano y'i Jeneve agamije gufata neza inkomere, abarwayi n'abarokotse irohama bo mu ngabo zirwanira mu nyanja yo ku ya 12 Kanama 1949. Amasezerano y'i Jeneve yerekana uko imfungwa z'intambara zigomba kwitabwaho yo ku ya 12 Kanama 1949. Amasezerano mpuzamahanga y'i Jeneve yo ku wa 12 Kanama 1949 yerekeranye no kurinda abasiviri mu gihe cy'intambara.
Amasezerano yerekeye Jenoside	Amasezerano mpuzamahanga agamije kuburizamo no guhana icyaha cya jenoside.

Urubanza rwa Rutaganda	*Porokireri aburana na Rutaganda,* TPIR. Urubanza N° ICTR-96-3-T, Urubanza mu Rugereko rwa mbere rw'iremezo, 6 Ukuboza 1999.
Urubanza rwa Tadić	*Porokireri aburana na Duško Tadić,* TPIY, Urubanza N° IT-94-1-T, Urubanza mu Rugereko rwa mbere rw'ibanze, 7 Gicurasi 1997.
Urubanza rwa Yamashita	*Leta zunze ubumwe z'Amerika ziburana na Yamashita,* 327 U.S.1 (1946)
MDR	Ishyaka rihanira Demukarasi muri Repubulika
MRND	Muvoma Revolisiyoneri iharanira Demukarasi n'Amajyambere [nyuma ya 1991].
PL	Ishyaka riharanira ukwishyira ukizana kwa buri muntu.
Perefe	Umuntu uhagarariye ubutegetsi bwa Leta muri perefegitura.
Perefegitura	Ifasi y'ubutegetsi mu Rwanda.
Amasezerano mpuzamahanga y'inyongera I	Amasezerano mpuzamahanga y'inyongera ku Masezerano y'i Jeneve yo ku wa 12 Kanama 1949, agamije kurinda abahohotewe n'intambara mpuzamahanga (Inyongera I) yo ku ya 8 Kamena 1977.

Amasezerano mpuzamahanga y'inyongera II	Amasezerano mpuzamahanga y'inyongera ku y'i Jeneve yo ku wa 12 Kanama 1949, agamije kurinda abahohotewe n'intambara mpuzamahanga (Inyongera I) yo ku ya 8 Kamena 1997.